



شرح

العقيدة الطحاوي

بيان عقيدة أهل السنة والجماعة

IBISOBANURO

BY'IMYEMERERE YA A-TWAHAWIYAT

*Kugaragaza imyemerere y'abagendera ku migenzo
y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama'at)*

للإمام أبو جعفر الطحاوي الحنفي المتوفى سنة ٣٢١ هجرية

*Cyanditswe na Imam Abu Dja'afar A-Twahawi
(wafuye mu mwaka wa 321 Hijriyat)*

Maktabat Al Qalam



بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ



Birabujijwe gukoporora cyangwa se gufotora ibyanditswe
muri iki gitabo utabiherewe uburenganzira na nyiracyo

Email: maktabaalqalam1@gmail.com

Maktaba Al Qalam

Kigali - Rwanda

2020

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

KU IZINA RY'IMANA, NYIRIMPUHWE, NYIRIMBABAZI.

Ijambo ry'ibanze ry'umusemuzi

Ikuzo n'ishimwe bihambaye bikwiriye guharirwa Imana Nyagasani, amahoro n'imigisha nibisakare ku wasozereje Intumwa z'Imana n'Abahanuzi ari we Muhamadi, we n'umuryango we, n'abasangirangendo be, ndetse n'abazabakurikiza mu gukora ibyiza kuzageza ku munsi w'ingororano.

Nyuma y'ibyo;

Mu by'ukuri, mu ngabire zikomeye Imana iha abagaragu bayo nyuma yo kubaha ingabire yo kuyoboka Ubuyisilamu, ni ingabire yo gushikama ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Sunat*), ndetse no kuba hamwe banayihurizaho (*Al Djama-at*), no kugendera kure y'ibihimbano n'irari rituma umuntu atandukana n'ukuri.

Iyo ugiye kureba usanga mu bayobotse idini y'Ubuyisilamu hari abagezweho n'icyo Intumwa y'Imana yahanuye, cy'uko abayobokeye bayo bazacikamo ibice, bagatatana, bakanahimba mu idini ibyo Intumwa y'Imana itabasigiye, nk'uko byagendekeye abababanjirije (Abayahudi n'Abanaswara).

Abayisilamu rero bacitsemu ibice, bamwe muri bo bitandukanya n'umurongo ugororotse basigiye n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ntibanakomeza kugendera ku nzira basanzeho abemeramana, haba mu basangirangendo cyangwa mu babakurikiye, ndetse n'abandi bamenyi n'abayobozi bagumye kugendera ku kuri.

Ahubwo bahitamo gukurikira irari ry'imitima yabo, banashyira ubwenge bwabo buciriritse imbere ya gihamya za Qur'an ndetse na Hadithi z'Intumwa y'Imana, uretse itsinda rimwe ryagumye kugendera kuri izo gihamya rikaba ari na ryo rizarokoka ibihano by'Imana, kubera kwanga kwitandukanya n'ibyo ryasigiwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'igisha). Iryo tsinda ni ryo rizwi ku izina ry'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana bakanayihurizaho (*AHLU SUNAT WAL DJAMA-AT*).

Imyemerere n'imyizerere y'iryo tsinda, abamenyi batandukanye bagiye bayigaragaza mu bitabo bitandukanye. Muri ibyo bitabo harimo n'iki umwanditsi yakusanyirijemo umusomyi imyemerere yaryo.

Ni muri urwo rwego, Maktabat Al Qalam imaze kubona ko ibitabo byasemuwe mu rurimi rw'ikinyarwanda umuntu yakuramo ubumenyi bw'idini by'umwihariko ubumenyi bw'imyemerere n'imyizerere (*Aqidat*) bidahagije, yagize umugambi wo gusobanura kimwe mu bitabo shingiro byigisha ku myemerere nyayo ihamye, ishingiye ku misingi y'abagendera bakanakurikiza imigenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*).

Iki gitabo kikaba gisubiza by'umwihariko udutsiko twayobye mu myemerere tukanagendera ku bihimbano, ari cyo *AQIDAT A-TWAHAWIYAT: BAYAN AQIDAT AHLU SUNAT WAL DJAMA-AT: [Imyemerere ya A-Twahawiyat igaragaza imyemerere n'imyizerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at)]*.

Izina ry'umwanditsi ni *AHMAD IBUN MAHAMAD IBUN SALAMAT*, uzwi ku mazina ya *ABU DJA'AFAR A-TWAHAWIYU* wavukiye mu gihugu cya Misiri ahitwa *Twahaa*.

Iki gitabo kikaba ari kimwe mu bitabo by'imyemerere n'imyizerere (*Aqidat*) byizewe kandi byemeranyijweho n'abamenyi, umusomyi ashobora kuvomamo ubu bumenyi.

Umurongo twagendeyeho dusobanura iki gitabo:

1. Mu gusobanura iki gitabo, twifashishije imirongo ya Qur'an na Hadith z'impamo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ndetse n'ibindi bisobanuro twagiye dukura mu bitabo bitandukanye byagisobanuye.
2. Twagaragaje aho imirongo ya Qur'an iherereye ndetse n'ibitabo bibonekamo Hadithi twifashishije mu mpezarupapuro (footnotes).
3. Twagiye tugaragaza imyemerere ya tumwe mu dutsiko tw'abayobye n'utw'abanyabihimbano, ndetse tukanasubiza imyemerere yabo kuri bimwe batandukiriyeho mu myemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa (*Ahlu Sunat wal Djamaat*).
4. Twatandukanyije amagambo ya nyirigitabo tuyashyira mu nyuguti z'umukara cyane (*Bold*), naho ibiri munsu yayo ni ibisobanuro byacu mu buryo burambuye twagiye dukura mu bitabo bitandukanye.
5. Muri iki gitabo hagaragaramo amazina ya tumwe mu dutsiko dutandukanye twiyitirira Islam, twagiye tuyarekera uko ari ariko ibisobanuro byayo ku burebure tubikorera urutonde rwabyo mu mpera z'igitabo.

Mu gusoza turashimira itsinda ryashyizweho na Nyakubahwa Mufti w'u Rwanda mu ishami rishinzwe ivugabutumwa n'imigenzo y'idini mu muryango w'abayisilamu mu Rwanda (R.M.C) kuba ryarasubiyemo iki gitabo.

Turasaba uwo ari we wese wazabona ikosa mu byo twasobanuye, nko kunyerera kw'ikaramu ko yazabitumenyesha kuko abantu ntidutana n'amakosa.

Turasaba Allah ko yadutunganyiriza iki gikorwa kikaba ku bwe, ndetse kikazagirira umumaro abagaragu be, tunasabira Intumwa y’Imana Muhamad amahoro n’imigisha n’abiwe n’abasangirangendo be n’abazamukurikira kuzageza ku muni w’imperuka.

Allah niwe Mumenyi uhebuje.

Hari igitekerezo cyangwa ubwunganizi watwandikira kuri:

E-mail: maktabaalqalam1@gmail.com

Tel: +250787555822

مقدمة المؤلف.

Ijambo ry'ibanze ry'umwanditsi

قَالَ الشَّيْخُ الإِمَامُ، عَلَمُ الإِسْلَامِ، حُجَّةُ الأَنَامِ، أَبُو جَعْفَرٍ الطَّحَاوِيُّ الحَنْفِيُّ المِصْرِيُّ: الحَمْدُ لِلَّهِ رَبِّ العَالَمِينَ، وَالْعَاقِبَةُ لِلْمُتَّقِينَ، وَصَلَّى اللهُ عَلَى سَيِّدِنَا مُحَمَّدٍ، وَعَلَى آلِهِ وَصَحْبِهِ أَجْمَعِي.

Umumenyi, Umuyobozi, akaba icyitegererezo mu buyisilamu, abantu bafata nk'ikimenyetso gikomeye mu bumenyi, Abu Dja-afar A-Twahawiyu, Al Hanifiy, wo mu gihugu cya Misiri yaravuze ati: Ikuzo n'ishimwe ni iby'Imana, Nyagasani w'ibiremwa byose. Kandi iherezo ryiza rizaba irya babandi batinya Imana. Amahoro n'imigisha bisakare ku Ntumwa Muhamadi, umuryango we, ndetse no ku basangirangendo be bose.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umwanditsi yatangiye ashimira **Allah**, nkuko bisanzwe mu nyigisho z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yazitangiraga ishimira Imana ku bw'ingabire zayo, kandi ko ariyo ikwiye gusengwa by'ukuri. Bigashimangirwa na Hadith y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aho igira iti:

كُلُّ أَمْرٍ ذِي بَالٍ لَا يَبْدَأُ فِيهِ بِحَمْدِ اللَّهِ فَهوَ أَقْطَعُ. أَخْرَجَهُ أَبُو دَاوُدَ.

“Buri gikorwa cyose cy'agaciro, kidatangijwe no gushimira Imana kiba nta migisha gifite.”¹

¹ Yakiriwe na Abu Daud

Naho amazina y'umwanditsi mu buryo burambuye ni Al Imam Abu Dja'afar Ahmad Ibun Muhamad Ibun Salamat Al Azadiyu Al Hanafiyu, A-Twahawiyu wo mu gihugu cya Misiri. Ni umwe mu bamenyi babayeho mu kinyejana cya gatatu Intumwa y'Imana yimukiye i Madina (Hijiriyat). Yiswe A-Twahawiyu kubera izina ry'agasozi yavukagaho kitwa *Twahaa*.

Naho izina rye **Al Hanafiyu** rigaragaza ko yakurikiraga *Madh'habu* ya Abu Hanifat.

Ijambo *Madh'habu* ubusanzwe mu rurimi rw'icyarabu risobanuye inzira cyangwa umuyoboro. Ariko igisobanuro cyaryo mu mategeko y'idini rya Islam: Ni umurongo ngenderwaho w'umuntu cyangwa abantu runaka, yaba awugenderaho mu myemerere (Aqidat), cyangwa mu mategeko y'idini (Fiq'hi), cyangwa uburyo yizemo invugo z'Intumwa y'Imana (Hadith), cyangwa ururimi rw'icyarabu. Iri jambo *Madh'habu* tugenekereje mu rurimi rw'icyongereza ni (**Doctrine**).

بَيَانِ اعْتِقَادِ أَهْلِ السُّنَّةِ وَالْجَمَاعَةِ

Kugaragaza imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at)

هَذَا ذِكْرُ بَيَانِ اعْتِقَادِ أَهْلِ السُّنَّةِ وَالْجَمَاعَةِ عَلَى مَذْهَبِ فُقَهَاءِ الْمِلَّةِ أَبِي حَنِيفَةَ التُّعْمَانِيَّ بْنَ ثَابِتِ الْكُوفِيِّ، وَأَبِي يُوسُفَ يَعْقُوبَ بْنَ إِبْرَاهِيمَ الْأَنْصَارِيِّ، وَأَبِي عَبْدِ اللَّهِ مُحَمَّدَ بْنَ الْحَسَنِ الشَّيْبَانِيَّ رَحِمَهُ اللَّهُ عَلَيْهِمْ أَجْمَعِينَ، وَمَا يَعْتَقِدُونَ مِنْ أُصُولِ الدِّينِ وَيَدِينُونَ بِهِ رَبِّ الْعَالَمِينَ.

Ibi tugiye kugaragaza muri (iki gitabo) ni imyemerere n'imyizerere (Aqidat) y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kandi bakayihuriraho bayumva kimwe (Ahlu Sunat wal Djama'at). Hagendewe ku murongo ngenderwaho (Madh'habu) w'abamenyi b'idini ari bo Abu Hanifa A-Nuumani Ibum Thabit ukomoka ahitwa Kufat (Iraq), na Abi Yusufu Ya-aqub Ibum Ibrahim Al Answariyu, ndetse na Abi Abdillahi Muhamad Ibum Al Hassan A-Shaybaniyu (Allah abagirire impuhwe bose). (Iki gitabo kandi kiragaragaza) ibyo (abo bantu bagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana) bemera mu misingi y'idini, ari nayo bagenderaho bagaragira Nyagasani w'ibiremwa byose.

Ibisobanuro mu buryo burambuye

Imyemerere n'imyizerere ni ibintu runaka umuntu aba yemera akanabishimangira mu mutima we ntabigireho ugushidikanya. Imyemerere y'umuyisilamu ishingiyeye ku kwemera Imana (Allah), Abamalayika bayo, Ibitabo byayo, Intumwa zayo, Umunsi w'imperuka, no kwemera igeno.

Kugira imyemerere ihamyeye ku byo tumaze kuvuga ni ryo shingiro ry'adini, ndetse ni nayo nkingi ya mbere mu nkingi z'ubuyisilamu; niyo mpamvu ari ngombwa kuyitaho no kuyitwararika ndetse no kuyisobanukirwa neza, kugira ngo umuntu abeho asobanukiwe imyemerere ye, azi iy'ukuri muri yo n'itari iy'ukuri, bityo n'adini ye muri rusange ikaba itunganye. Nkuko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ذَلِكَ بِأَنَّ اللَّهَ هُوَ الْحَقُّ وَأَنَّ مَا يَدْعُونَ مِن دُونِهِ هُوَ الْبَاطِلُ وَأَنَّ اللَّهَ هُوَ الْعَلِيُّ الْكَبِيرُ﴾ ﴿الحج: ٦٢﴾

"Ibyo ni ibigaragaza ko Allah ari we Ukuri, naho ibyo basaba bitari we ni ibinyoma kandi ko Allah ari Uwukirenga, Usumba byose."¹

Abamenyi b'adini rero kera na kare bitwararikaga imyemerere, ndetse ntibadohoke mu kuyigaragaza mu byicaruro byabo by'ubumenyi, n'ahandi aho ari hose. Bityo ikaba uruhererekane ku bariho n'abazaza nyuma yabo.

Muri iki gitabo, umwanditsi yagaragaje imyemerere y'abantu bagendera ku migenzu y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) yifashishije ibyagaragajwe na bamwe mu bamenyi bagendera kuri iyo migenzu ari bo bariya yagaragaje. Bitavuze ko ari bo bonyine bagendeye kuri iyo migenzu, kuko abayigenderaho ari benshi, hakaba hari n'abandi bababanjirije ndetse n'abaje nyuma yabo. Ikindi twavugaga nuko Abi Yusufu Ya-aqub Ibun Ibrahim Al Answariyu, ndetse na Abi Abdillahi Muhamad Ibun Al Hassan A-Shaybaniyu bari abanyeshuri ba Imam Abu Hanifa A-Nuumani Ibun Thabit, bakaba ari nabo basakaje *Madh'habu* ya Abu Hanifa.

Naho ijamba ry'umwanditsi rigira riti: **“bemera mu misingi y'adini, ari nayo bagenderaho bagaragira Nyagasani w'ibiremwa byose.”** Imisingi y'adini igabanyijemo ibice bibiri;

¹ Qur'an 22:62

Icyamba mbere: Ni imisingi y'idini ishingiyeye ku bumenyi ari yo kwemera Imana (Allah), Abamalayika bayo, Ibitabo byayo, Intumwa zayo, Umunsi w'imperuka, no kwemera igeno, iyi misingi ikaba ifite amashami agendanye nayo ashingiyeye ku myemerere n'imyizerere.

Icyamba kabiri: Imisingi ishingiyeye ku bikorwa, ari byo guhamya ko nta yindi Mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah ko na Muhamad ari Intumwa y'Imana (Shahadatayini), guhozaho amasengesho (Swalat) gutanga ituro ry'itegeko (Zakat), gusiba igisibo cy'ukwezi kwa ramadwan (Swawum), no kujya gukora umutambagiro mutagatifu i Makat k'ubishoboye (Hidjat). Iyi misingi nayo ikaba ifite amashami agendanye nayo.

قول أهل السنة والجماعة في توحيد الله وصفاته وأفعاله

Uburyo abagenda ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) basobanuramo ibigendanye no kugaragira Imana imwe (Tawuhid), ibigwi byayo ndetse n'ibikorwa byayo.

نَقُولُ فِي تَوْحِيدِ اللَّهِ، مُعْتَقِدِينَ بِتَوْفِيقِ اللَّهِ: إِنَّ اللَّهَ تَعَالَى وَاحِدٌ لَا شَرِيكَ لَهُ، وَلَا شَيْءٌ مِثْلُهُ، وَلَا شَيْءٌ يُعْجِزُهُ، وَلَا إِلَهَ غَيْرُهُ، قَدِيمٌ بِلَا ابْتِدَاءٍ، دَائِمٌ بِلَا انْتِهَاءٍ. لَا يَفْنَى وَلَا يَبِيدُ، وَلَا يَكُونُ إِلَّا مَا يُرِيدُ، لَا تَبْلُغُهُ الْأَوْهَامُ، وَلَا تُدْرِكُهُ الْأَفْهَامُ، وَلَا يُشْبِهُهُ الْأَنَامُ، حَيٌّ لَا يَمُوتُ، قَيُّومٌ لَا يَنَامُ، خَالِقٌ بِلَا حَاجَةٍ، رَازِقٌ بِلَا مُؤَنَّةٍ، مُمِيتٌ بِلَا مَخَافَةٍ، بَاعِثٌ بِلَا مَشَقَّةٍ. مَا زَالَ بِصِفَاتِهِ قَدِيمًا قَبْلَ خَلْقِهِ، لَمْ يَزِدْ بِكَوْنِهِمْ شَيْئًا لَمْ يَكُنْ قَبْلَهُمْ مِنْ صِفَاتِهِ وَكَمَا كَانَ بِصِفَاتِهِ أَرْلِيًا كَذَلِكَ لَا يَزَالُ عَلَيْهَا أَبَدِيًّا.

Twe abagenda ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at), ku bushobozi bw’Imana tuvuga ku byerekeranye no kwemera Imana imwe nkuko tubyizera tugira duti: Mu by’ukuri Imana Nyirubutagatifu ni imwe idafite umufasha, nta na kimwe wayigereranya nacyo, kandi nta na kimwe cyayinanira, ndetse nta n’indi mana (ikwiye gusengwa by’ukuri) itari yo. Yahozeho idafite intangiriro, izanahoraho idafite iherezo. Ntipfa cyangwa ngo irangire, nta n’ikibaho uretse icyo ishata. Ntijiya, nta n’ubwo intekerezo z’ibiremwa zabasha kuyihetura, kandi ntisa n’ibiremwa. Ihoraho, ntipfa, irigize ikanabeshaho ibiriho byose, ndetse ntiriyama. Ni Umuremyi udafite icyo acyeneye (ku byo yaremye), Utanga amafunguro bitamugoye, kandi ntibigire icyo bigabanya (mu byo atunze). Yambura ubuzima ntawe atinya, azanazura (ibiremwa) bitamugoye.

Nk’uko yahozeho mbere y’irema rye, n’ibigwi bye byahozeho. Kandi kurema kwe ibiremwa (bikabaho), ntacyo byamwongereye mu bigwi bye. Kandi nk’uko we yahozeho n’ibigwi bye, ni nk’uko azahoraho n’ibigwi bye.

Ibisobanuro mu buryo burambuye

Kwemera Imana imwe (*Tawuhiid*) bisobanuye kuyiharira yo yonyine amasengesho (*Ibadat*) no kureka gusenga ibindi bitari yo. Kwemera Imana imwe (**Allah**) biri mu bice bitatu byacukumbuwe mu mirongo mitagatifu ya Qur’an, ndetse no mu mvugo z’Intumwa y’Imana (*Sunat*). Ari nabyo abemeye ubuyisilamu mu binyejana bitatu bibanza nk’abasangirangendo b’Intumwa ndetse n’ababakurikiye (*Ahlu Sunat wal Djama’at*) bemeranyijweho.

Ibyo bice ni ibi bikurikira:

- 1) Guharira Imana yonyine ibikorwa byayo yihariye (*Tawuhiid Rububiyat*) nko kurema, kubeshaho ibiremwa (abiha amafunguro n’ibindi), gupfa kw’ibiremwa, kugenga gahunda

zo mu isi, n'ibindi. Nta wundi ubyihariye uretse Imana imwe rukumbi (**Allah**), Nyagasani w'ibiremwa byose. **Allah** aragira ati:

﴿وَلَيْن سَأَلْتَهُمْ مَنْ خَلَقَ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضَ لَيَقُولُنَّ اللَّهُ قُلِ الْحَمْدُ لِلَّهِ بَلْ أَكْثَرُهُمْ لَا يَعْلَمُونَ ﴿٢٥﴾﴾ لقمان: ٢٥

“N’iyo ubabajije uti "Ni nde waremye ibirere n’isi?" Rwose baravuga bati "Ni **Allah**". Vuga (yewe Muhamadi) uti "Ishimwe n’ikuzo byuzuye ni ibya **Allah**. Ariko abenshi muri bo ntibabizi.¹”

2) Guharira Imana yonyine ibikorwa by’abagaragu bakora igihe bari kuyigaragira (*Tawhiid Al Uluhiyat*) twavuga nk’amasengesho, gusiba, kwambaza, gusaba, kuyikunda, kuyitinya, kuyiringira, kuyumvira, kwitandukanya n’ibyo yabujije, n’ibindi bikorwa byose bakora bifitanye isano no kuyigaragira. **Allah** aragira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: إِيَّتِي أَنَا اللَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا أَنَا فَاعْبُدْنِي وَأَقِمِ الصَّلَاةَ لِذِكْرِي ﴿١٤﴾﴾ طه: ١٤

“Mu by’ukuri, ni njye **Allah**, nta yindi mana ikwiriye gusengwa by’ukuri itari njye. Bityo, ngaragira! Kandi uhozeho amasengesho (Swalat) kugira ngo unyibuke.”

Allah nanone aragira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: وَإِلَهُكُمْ إِلَهٌُ وَاحِدٌ لَا إِلَهَ إِلَّا هُوَ الرَّحْمَنُ الرَّحِيمُ ﴿١٦٣﴾﴾ البقرة: ١٦٣

“Kandi Imana yanyu ni Imana imwe, nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse yo, Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.²”

Allah nanone aragira ati:

¹ Qur’an 31:25

² Qur’an 2:163

﴿لَقَدْ كَفَرَ الَّذِينَ قَالُوا إِنَّ اللَّهَ ثَلَاثُ ثَلَاثٍ وَمَنْ إِلَهٌ إِلَّا إِلَهُ وَاحِدٌ وَإِنْ لَمْ يَنْتَهُوا عَمَّا يَقُولُونَ لَيَمَسَّنَّ الَّذِينَ كَفَرُوا مِنْهُمْ عَذَابٌ أَلِيمٌ﴾ المائدة: ٧٣

“Rwose babandi bavuze bati "Mu by'ukuri, Allah ni uwa gatatu muri batatu (mu butatu)" barahakanye. Kandi nta yindi mana (ikwiye gusengwa by'ukuri) uretse Imana imwe rukumbi. Nibatarekeraho ibyo bavuga, rwose ba bandi bahakanye muri bo bazagerwaho n'ibihano bibabaza.¹”

3) Naho igice cya gatatu ari na cyo cya nyuma ni uguharira Imana amazina n'ibigwi byayo (*Tawuhiid ul Asma-i waswifati*) ukayiharira amazina yiyise ubwayo n'ibigwi yivuzeho, cyangwa yiswe n'Intumwa yayo Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) n'ibigwi yayivuzeho. No kuyitandukanya n'ibindi bigwi byose bitayikwiye yo ubwayo yitandukanyije nabyo, cyangwa se ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yayitandukanyije nabyo, haba mu nenge cyangwa ibindi bitayikwiye.

Muri ibi bice byose uko ari bitatu, icyo Intumwa z'Imana zaje zibandaho cyane zinahamagarira abo zatumweho ni icya kabiri (*Tawhiid al Uluhiyat / Tawhiidul Ibadat*), ni nacyo ibitabo byahishuwe kubera cyo, n'inzira y'Imana iharanirwa kubera cyo, kugira ngo Imana ibe ari yo isengwa yonyine. Allah aragira ati:

﴿وَلَقَدْ بَعَثْنَا فِي كُلِّ أُمَّةٍ رَسُولًا أَنِ اعْبُدُوا اللَّهَ وَاجْتَنِبُوا الطَّاغُوتَ...﴾ النحل: ٣٦

“Kandi rwose buri muryango (umat) twawoherejemo intumwa (kugira ngo ibabwire iti) "Nimusenge Allah (wenyine) kandi mwirinde (gusenga) ibigirwamana...²”.

¹ Qur'an 5:73

² Qur'an 16:36

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا أَرْسَلْنَا مِنْ قَبْلِكَ مِنْ رَسُولٍ إِلَّا نُوحِيَ إِلَيْهِ أَنَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا أَنَا فَاعْبُدُونِ﴾ ﴿٢٥﴾ **الأنبياء:**

٢٥

“Kandi nta ntumwa n’imwe twigeze twohereza mbere yawe (yewe Muhamadi) ngo tubure kuyihishurira ko nta yindi mana ibaho ikwiriye gusengwa mu kuri itari nyje (**Allah**). Bityo nimungaragire (njyenyine)¹.” Hakaba hari n’indi mirongo myinshi tutarondoye ibigaragaza.

Ubu buryo nibwo buryo nyabwo umwemera aba ategetswe kwemeramo Imana, gusa umuntu akaba atabigeraho ku bwe. Niyo mpamvu umwanditsi (**Allah** amugirire impuhwe), mu ntangiriro yerekanye ko kugira imyemerere ikwiye, umuntu abigeraho abishobojwe n’Imana bitari ku bushake bwe. Ubwo rero umuntu aba ategetswe gushakisha ukuri akamenya amategeko y’Imana, ariko ibyo bigendana n’igeno ry’Imana yamugeneye.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَمَا تَوْفِيقِي إِلَّا بِاللَّهِ عَلَيْهِ تَوَكَّلْتُ وَإِلَيْهِ أُنِيبُ﴾ ﴿٨٨﴾ **هود:** ٨٨

“...Kandi nta wundi wabinshoboza uretse **Allah**. Ni we niringiye kandi ni na we nicuzaho.²” **Allah** ayobora uwo ashatse ku bw’ubugenge bwe akanarekera uwo ashatse mu buyobe ku bw’ubutabera bwe.

Ikindi umwanditsi yagaragaje ko ukwemera umuntu akuvugisha ururimi, ariko akanabihamya ku mutima bigashimangirwa n’ibikorwa nkuko tuzabibona ku bushobozi bwa **Allah**.

¹ Qur’an 21: 25

² Qur’an 11:88

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“nta na kimwe wayigereranya nacyo” Allah** arahambaye nta na kimwe wamugereranya nacyo mu biremwa bye, nk’uko bishimangirwa n’imwe mu mirongo ya Qur’an, nk’aho Allah agira ati:

﴿... لَيْسَ كَمِثْلِهِ شَيْءٌ وَهُوَ السَّمِيعُ الْبَصِيرُ﴾ الشورى: ١١

“Ntagira icyo asa na cyo, kandi we ni Uwumva cyane, Ubona bihebuje...”¹

Allah nanone aragira ati:

﴿وَلَمْ يَكُنْ لَهُ كُفُوًا أَحَدٌ﴾ الإخلاص: ٤

“Ndetse nta na kimwe ahwanye nacyo.”²

Allah nanone aragira ati:

﴿...فَلَا تَجْعَلُوا لِلَّهِ أَنْدَادًا وَأَنْتُمْ تَعْلَمُونَ﴾ البقرة: ٢٢

“...Bityo ntimukabangikanye Allah n’ibigirwamana kandi mubizi (ko ariwe wenyine ukwiriye gusengwa by’ukuri).”³

Allah nanone aragira ati:

﴿رَبُّ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ وَمَا بَيْنَهُمَا فَاعْبُدْهُ وَاصْطَبِرْ لِعِبَادَتِهِ هَلْ تَعْلَمُ لَهُ سَمِيًّا﴾ مريم: ٦٥

“Nyagasani w’ibirere n’isi n’ibiri hagati yabyo; bityo mugaragire kandi unashikame mu kumugaragira. Ese hari uwo waba uzi witiranwa na we?”⁴

¹ Qur’an 42:11

² Qur’an 112:4

³ Qur’an 2:22

⁴ Qur’an 19:65

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**kandi nta na kimwe cyayinanira**” Aha umwanditsi yashakaga kugaragaza ubushobozi buhebuje bwa Allah, nkuko bishimangirwa n’imwe mu mirongo ya Qur’an, nk’aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَهُوَ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ ﴿١٤﴾﴾ المائدة: ١٢٠

“kandi ni we Ushobora byose.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَكَانَ اللَّهُ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ مُّقْتَدِرًا ﴿٤٥﴾﴾ الكهف: ٤٥

“...Kandi Allah ni ushobora byose.²”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَمَا كَانَ اللَّهُ لِيُعْجِزَهُ مِن شَيْءٍ فِي السَّمَوَاتِ وَلَا فِي الْأَرْضِ ﴿٤٤﴾﴾ فاطر: ٤٤

“...Nta cyananira Allah mu birere no ku isi ...³”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَلَا يَتُودُهُ حَفْظُهُمَا وَهُوَ الْعَلِيُّ الْعَظِيمُ ﴿٢٥٥﴾﴾ البقرة: ٢٥٥

“Ntananizwa no kubirinda (ibirere n’isi). Ni na we Uwikirenga, Uhambaye.⁴”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**ndetse nta n’indi mana (ikwiye gusengwa by’ukuri) itari yo.**” Aha umwanditsi yashakaga kugaragaza ko Allah ari we Mana ikwiye gusengwa by’ukuri, nk’uko bishimangirwa n’imwe mu mirongo ya Qur’an, nk’aho Allah agira ati:

¹ Qur’an 5:120

² Qur’an 18: 45

³ Qur’an 35:44

⁴ Qur’an 2:255

قَالَ تَعَالَى: ﴿ذَلِكَ يَأْتِ اللَّهُ هُوَ الْحَقُّ وَأَتَى مَا يَدْعُونَ مِنْ دُونِهِ هُوَ الْبَاطِلُ وَأَتَى اللَّهُ هُوَ الْعَلِيُّ
الْكَبِيرُ ﴿٦٢﴾ الْحَج: ٦٢

“Ibyo ni ibigaragaza ko **Allah** ari ukuri, naho ibyo (ababangikanyamana) basenga bitari we ko ari ibinyoma, kandi ko **Allah** ari Uwikirenga, Usumba byose.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنِّي أَنَا اللَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا أَنَا فَاعْبُدْنِي وَأَقِمِ الصَّلَاةَ لِذِكْرِي ﴿١٤﴾ طه: ١٤

“Mu by’ukuri, ni njye **Allah**, nta yindi mana ikwiriye gusengwa by’ukuri itari njye. Bityo, ngaragira! Kandi uhozeho amasengesho (Swalat) kugira ngo unyibuke.”²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Yahozeho idafite intangiriro**” Aha umwanditsi yagaragazaga ko **Allah** yahozeho, kandi nta gihe cyabayeho **Allah** atari ho. Nk’uko bishimangirwa na gihamya zikurikira, **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿هُوَ الْأَوَّلُ وَالْآخِرُ ... ﴿٣﴾ الْحَدِيد: ٣

“(Allah) ni we Ntangiriro (wahozeho) akaba n’Iherezo (azahoraho)...³”. Uyu murongo wa Qur’an usobanurwa na zimwe mu mvugo z’Intumwa y’Imana nk’aho yasabaga igira iti:

قال رسول الله ﷺ في دعائه (اللَّهُمَّ أَنْتَ الْأَوَّلُ فَلَيْسَ قَبْلَكَ شَيْءٌ وَأَنْتَ الْآخِرُ فَلَيْسَ بَعْدَكَ شَيْءٌ...)

“Mana Nyagasani ni wowe Ntangiriro udafite icyakubanjirije kubaho, ni nawe Herezo udafite ikizabaho nyuma yawe,...”⁴

¹ Qur’an 22: 62

² Qur’an 20:14

³ Qur’an 57: 3

⁴ Yakiriwe na Muslim (2713).

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“izanahoraho idafite iherezo, ntipfa cyangwa ngo irangire”** Aha umwanditsi yagaragazaga ko **Allah** azahoraho kandi ko nta n’iherezo afite, kuko atazigera apfa, nk’uko bishimangirwa n’imwe mu mirongo ya Qur’an, nk’aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَتَوَكَّلْ عَلَى الْحَيِّ الَّذِي لَا يَمُوتُ...﴾ الفرقان: ٥٨

“Ujye uniringira Uhoraho, Udapfa (ari we **Allah**)...¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿كُلُّ شَيْءٍ هَالِكٌ إِلَّا وَجْهَهُ﴾ القصص: ٨٨

“...Buri kintu cyose kizarimbuka usibye uburanga bwe (**Allah**)..²”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿كُلُّ مَنْ عَلَيْهَا فَانٍ ﴿٢٦﴾ وَيَبْقَى وَجْهَ رَبِّكَ ذُو الْجَلَالِ وَالْإِكْرَامِ ﴿٢٧﴾﴾ الرحمن: ٢٦ - ٢٧

“Ikiyirihwo cyose (isi) kizapfa, maze hasigare gusa uburanga butagatifu bwa Nyagasani wawe, Nyirikuzo Nyir’icyubahiro.³”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“nta n’ikibaho uretse icyo ishatswe.”** Aha umwanditsi yagaragazaga ibyerekeye ubushake bwa **Allah**, kandi ko nta kintu kibaho uretse ku bushake bwe.

Ibyo Imana yashatswe ko bibaho birimo uburyo bubiri:

- 1) Hari ibyo Imana yashatswe bigendanye na gahunda ndemano, ikaba yararemye ibiremwa yarangiza ikabiha umurongo ngenderwaho yashatswe, buri kiremwa kidashobora kunyuranya nawo. Twavuga nk’uburyo Imana yaremye abantu yarangiza igashaka ko bagomba kurya no gusinzira,

¹ Qur’an 25: 58

² Qur’an 28: 88

³ Qur’an 55: 26-27

ikarema imisozi, amazi, ibiremwa bitandukanye birimo ibyiza n’ibibi n’ibindi. Aha habonekamo ibyo yashatse ikunda hakabonekamo n’ibyo yashatse idakunda. Uku gushaka kwayo kwitwa (*Iradat Kawuniyat, Qadariyat, Khal’qiyat*), **Allah** ashimangira uku gushaka agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّمَا قَوْلُنَا لِشَيْءٍ إِذَا أَرَدْنَاهُ أَنْ نَقُولَ لَهُ وَكُنْ فَيَكُونُ﴾ النحل: ٤٠

“Mu by’ukuri, ijambo ryacu ku kintu dushaka (ko kibaho), turakibwira tuti “Ba!” Ubwo kikaba.¹”

2) Hari ibyo Imana yashatse bigendanye n’amategeko yategetse ibiremwa byayo, aya mategeko ikaba yarayashatse kandi iranayakunda. Bityo ikiremwa cyayategetswe kigomba kuyakunda no kuyashyira mu bikorwa. Uku gushaka kwayo kwitwa (*Iradat Ashariyat, A-Diniyat, Am’riyat*). **Allah** ashimangira uku gushaka agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... يُرِيدُ اللَّهُ بِكُمْ الْيُسْرَ وَلَا يُرِيدُ بِكُمْ الْعُسْرَ...﴾ البقرة: ١٨٥

“...**Allah** abashakira ibyoroshye ntabwo abashakira ibigoye...²”

Aha harimo gusubiza imvugo y’abitwa *Al Qadariyat* na *Al Mutazilat* bavuga ko **Allah** yashatse ko ibiremwa byose byemera, naho umuhakanyi we ashaka guhakana. Iyi mvugo yabo ntabwo ari ukuri kubera ko itandukanye n’ibyo Qur’an yigisha ndetse n’imvugo z’Intumwa y’Imana, nkuko turi buze kubisobanura imbere mu buryo burambuye.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Ntijjwa, nta n’ubwo intekerezo z’ibiremwa zabasha kuyihetura...**” Aha umwanditsi yagaragazaga ko **Allah** atajya ajiywe nk’ibiremwa, kandi ko adashobora guheturwa n’uwo ari we wese mu biremwa bye.

¹ Qur’an 16:40

² Qur’an 2:185

Nk'uko bishimangirwa na zimwe muri gihamya za Qur'an nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَا تُدْرِكُهُ الْأَبْصَارُ ۖ ﴿١٠٣﴾﴾ ﴿الأنعام: ١٠٣﴾

“Nta maso ashobora kumubona (ku isi) ngo amuheture...”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَعْلَمُ مَا بَيْنَ أَيْدِيهِمْ وَمَا خَلْفَهُمْ وَلَا يُحِيطُونَ بِهِ ۗ ﴿١١٠﴾﴾ ﴿طه: ١١٠﴾

“(Allah) azi ibyababayeho (ku isi) n'ibizababaho (ku munsi w'imperuka), kandi bo ntibashobora kumumenya wese.”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَيْسَ كَمِثْلِهِ شَيْءٌ ۗ ﴿١١﴾﴾ ﴿الشورى: ١١﴾

“Ntagira icyo asa na cyo...”³

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Thoraho, ntipfa, irigize ikanabeshaho ibiriho byose, ndetse ntiryama.”** Aha umwanditsi yagaragazaga ko Allah ahoraho, kandi abeshaho ibiriho byose, kandi ko ataryama. Ibyo bikanashimangirwa n'imwe mu mirongo ya Qur'an nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿اللَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا هُوَ الْحَيُّ الْقَيُّومُ ۚ لَا تَأْخُذُهُ سِنَّةٌ وَلَا نَوْمٌ ۚ ﴿٢٥٥﴾﴾

البقرة: ٢٥٥

“Allah, (niwe Mana y'ukuri) nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse we, Uhoraho, Uwigize akanabeshaho ibiriho byose. Ntafatwa no guhunyiza habe n'ibitotsi...”⁴. Allah nanone aragira ati:

¹ Qur'an 6:103

² Qur'an 20:110

³ Qur'an 42:11

⁴ Qur'an 2: 255

قَالَ تَعَالَى: ﴿ * وَعَنْتَ أَلْوَجْهُ لِلْحَيِّ الْقَيُّومِ ... ﴾ طه: ١١١

“Kandi uburanga bwose (ku munsu w'imperuka) buzaba bwaciye bugufi imbere ya Allah, Uhoraho akanabeshaho ibiriho byose...¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَتَوَكَّلْ عَلَى الْحَيِّ الَّذِي لَا يَمُوتُ ... ﴾ الفرقان: ٥٨

“Ujye uniringira uhoraho udapfa...²”

Bikanashimangirwa na Hadith y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aho yavuze iti:

قال رسول الله ﷺ: (إن الله عز وجل لا ينام ولا ينبغي له أن ينام.)

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nayo yaravuze iti: “Mu by'ukuri Imana ntiryama nta n'ubwo bikwiye ko iryama.³”

Naho ijamba ry'umwanditsi rigira riti: **Ni Umuremyi udafite icyo acyeneye (ku byo yaremye). Utanga amafunguro bitamugoye, kandi ntibigire icyo bigabanya (mu byo atunze).**” Aha umwanditsi yashakaga kugaragaza ko Allah akungahaye adafite na kimwe akeneye ku byo yaremye, ahubwo ko ari byo bifite ibyo bimukeneyeho, kandi n'iyi abihaye ntibigira icyo bihungabanya mu bwami bwe. Ibi bishimangirwa n'imwe mu mirongo ya Qur'an nk'aho Allah agira ati:

¹ Qur'an 20:111

² Qur'an 25:58

³ Yakiriwe na Muslim na Ibun Madjah

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَقَالَ مُوسَىٰ إِنَّ تَكْفُرُوا أَنْتُمْ وَمَن فِي الْأَرْضِ جَمِيعًا فَأِنَّ اللَّهَ لَعَنُوكُمْ حَمِيدٌ ﴿٨﴾

إبراهيم: ٨

Allah aragira ati: “Nuko Musa aravuga ati “Muramutse muhakanye, mwe n’abari ku isi bose, mu by’ukuri, (mumenye ko) **Allah** ari Uwihagije (nta na kimwe akeneye), Ukwiye ibisingizo byose¹”.

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَهُوَ يُطْعَمُ وَلَا يُطْعَمُ... ﴿١٤﴾﴾ الأنعام: ١٤

“...Kandi niwe utanga amafunguro ariko ntayahabwe...”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَاللَّهُ الْعَزِيزُ وَأَنْتُمْ الْفُقَرَاءُ... ﴿٣٨﴾﴾ محمد: ٣٨

“...Ariko **Allah** niwe Wihagije naho mwe muri abatindi...”³

Bikanashimangirwa na Hadith y’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) aho yavuze iti:

قال رسول الله ﷺ: قال الله تعالى: (... يَا عِبَادِي! لَوْ أَنَّ أَوْلَكُمْ وَآخِرَكُمْ وَإِنْسَكُمْ وَجَنَّكُمْ قَامُوا فِي صَعِيدٍ وَاحِدٍ، فَسَأَلُونِي، فَأَعْطَيْتُ كُلَّ وَاحِدٍ مَسْأَلَتَهُ، مَا نَقَصَ ذَلِكَ مِمَّا عِنْدِي إِلَّا كَمَا يَنْقُصُ الْمَخِيطُ إِذَا أُدْخِلَ الْبَحْرَ...)

Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti: Imana yaravuze iti: “Bagaragu banjye, aba mbere banyu n’aba nyuma banyu, n’abantu banyu n’amajini, baramutse bateraniye ku mbuga imwe, maze bakansaba nkaha buri wese ibyo

¹ Qur’an 14:8

² Qur’an 6:14

³ Qur’an 47:38

yansabye, ntacyo byagabanya na gito mu butunzi bwanjye, uretse ko ari nk'amazi yazamutse ku rudodo igihe rwakojejwe mu nyanja.¹

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Yambura ubuzima ntawe atinya, azanazura (Ibiremwa) bitamugoye.”** Aha umwanditsi yashakaga kugaragaza ko Allah ahambaye ndetse n'ibikorwa bye byuje ubugenge. Ikindi nuko yashakaga kugaragaza ko Allah ari umunyembaraga uhebuje. Ibi bishimangirwa na gihamya zitandukanye nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿الَّذِي خَلَقَ الْمَوْتَ وَالْحَيَاةَ لِيَبْلُوَكُمْ أَيُّكُمْ أَحْسَنُ عَمَلًا وَهُوَ الْعَزِيزُ الرَّحِيمُ ﴿٢﴾﴾ **المالك: ٢**

“Niwe waremye urupfu n'ubuzima kugira ngo abagerageze (hanyuma amenye) ukora ibikorwa byiza kurusha abandi muri mwe.”²

قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: **يُجَاءُ بِالْمَوْتِ يَوْمَ الْقِيَامَةِ، كَأَنَّهُ كَبِشٌ أَمْلَحُ فَيُوقَفُ بَيْنَ الْجَنَّةِ وَالنَّارِ...**

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: “Ku munsu w'imperuka hazazanwa urupfu mu ishusho y'intama y'ibara ry'isine, hanyuma rubagirwe hagati y'ijuru n'umuriro...³”

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Nk'uko yahozeho mbere y'irema rye, n'ibigwi bye byahozeho. Kandi kurema kwe ibiremwa (bikabaho), ntacyo byamwongereye mu bigwi bye. Kandi nk'uko we yahozeho n'ibigwi bye, ni nk'uko azahoraho n'ibigwi bye.”** Aha umwanditsi agamije kuvuga ko Allah atabayeho ubwo yaremaga, ahubwo we yahozeho. Nta n'ubwo ibigwi bye byabayeho nyuma y'uko arema, ahubwo nabyo byahozeho. Ibi bishimangirwa na gihamya nk'aho Allah agira ati:

¹ Yakiriwe na Muslim

² Qur'an 67:2.

³ Yakiriwe na Bukhari na Muslim.

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَهُوَ الَّذِي يَبْدَأُ الْخَلْقَ ثُمَّ يُعِيدُهُ وَهُوَ أَهْوَنُ عَلَيْهِ وَلَهُ الْأَمْثَلُ الْأَعْلَى فِي السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ وَهُوَ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ ﴿٢٧﴾﴾ **الروم: ٢٧**

Allah aragira ati: “Ni we waremye ibiremwa bitari biriho akazanabigarura (nyuma yo gupfa); kandi ibyo biroroshye kuri we. Anafite ibisingizo n’ibigwi by’ikirenga mu birere no ku isi. Kandi ni Umunyembaraga zihebuje, Ushishoza.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿مَا خَلَقَكُمْ وَلَا بَعَثَكُمْ إِلَّا كَتَفْسٍ وَجَدَةً ... ﴿٢٨﴾﴾ **لقمان: ٢٨**

“(Yemwe bantu), ukuremwa kwanyu ndetse no kuzurwa kwanyu mwese (byoroshye nko kurema no kuzura) umuntu umwe...”
Qur’an 31:28.

إثبات تسمية الله تعالى بالخالق والبارئ قبل خلقه للخلق

Gushimangira ko Allah Nyiricyubahiro yitwa Umuremyi, n’Umuhanzi mbere yo kurema kwe ibiremwa no kubihanga.

لَيْسَ بَعْدَ خَلْقِ الْخَلْقِ اسْتِفَادَ اسْمَ [الْخَالِقِ]، وَلَا بِإِحْدَاثِهِ الْبَرِيَّةِ اسْتِفَادَ اسْمَ [الْبَارِئِ]، لَهُ مَعْنَى الرُّبُوبِيَّةِ وَلَا مَرْبُوبَ، وَمَعْنَى الْخَالِقِ وَلَا مَخْلُوقَ. وَكَمَا أَنَّهُ [مُحْيِي الْمَوْتِ] بَعْدَ مَا أَحْيَا، اسْتَحَقَّ هَذَا الْإِسْمَ قَبْلَ إِحْيَائِهِمْ، كَذَلِكَ اسْتَحَقَّ اسْمَ [الْخَالِقِ] قَبْلَ إِنْشَائِهِمْ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko (Allah) atiswe Umuremyi ari uko amaze kurema ibiremwa, nta n’ubwo yiswe Umuhanzi w’ibitari biriho nyuma y’uko abihanze. Yitwa Umurezi n’Umugenga mbere yo kubaho kw’ibyo agenga, ndetse akitwa

¹ Qur’an 30:27

n’Umuremyi mbere yo kubaho kw’ibyo yaremye. Nk’uko kandi yitwa [Uzura abapfuye] nyuma y’uko abazuye, akwiye kwitwa iryo zina na mbere y’uko abazura. Ni nk’uko yitwa [Umuremyi] mbere y’uko abarema.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...twemera ko (**Allah**) atiswe **Umuremyi ri uko amaze kurema ibiremwa, nta n’ubwo yiswe Umuhanzi w’ibitari biriho nyuma y’uko abihanze.**” Bisobanuye ko **Allah** atiswe Umuremyi nyuma y’uko amaze kurema, ahubwo yitwa Umuremyi kabone n’ubwo atarema. Ikindi nuko yitwa Umuhanzi kabone n’ubwo ntacyo yaba yahanze. Ibi bishimangirwa na gihamya nk’aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿هُوَ اللَّهُ الْخَالِقُ الْبَارِئُ الْمُصَوِّرُ...﴾ الْحَشْرِ: ٢٤

“Ni **Allah**, Umuremyi, Umuhanzi, Utangishusho...”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Yitwa Umurezi n’Umugenga mbere yo kubaho kw’ibyo agenga, ndetse akitwa n’Umuremyi mbere yo kubaho kw’ibyo yaremye.**” Iyi nteruro irasa nk’iyayibanjirije, kubera ko **Allah** Nyirubutagatifu ari we Muhanzi na mbere yo kugira icyo ahanga, akaba ari nawe Muremyi kabone n’ubwo nta kiremwa cyaba gihari. Bityo **Allah** Nyirubutagatifu ntakeneye ibiremwa bye kugira ngo yitwe amazina ye, cyangwa se avugwe ibigwi bye.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **Nk’uko kandi yitwa [Uzura abapfuye] nyuma y’uko abazuye, akwiye kwitwa iryo zina na mbere y’uko abazura. Ni nk’uko yitwa [Umuremyi] mbere y’uko abarema.**” Aha umwanditsi yakomeje gushimangira ko amazina n’ibisingizo bya **Allah** atabigira kubera

¹ Qur’an 59:24

ibiremwa bye cyangwa se kubera ibyo akora. Bityo Allah Nyirubutagatifu ni Uzura abapfuye na mbere y’uko abazura.

إثبات كمال قدرته وغناه تعالى وفق خلقه إليه.

Gushimangira ko ubushobozi bwa Allah bwuzuye, kandi ko Allah yihagije ntacyo akeneye ku biremwa bye, ahubwo ko byo ari byo bimukeneye.

ذَلِكَ بِأَنَّهُ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ، وَكُلُّ شَيْءٍ إِلَيْهِ فَقِيرٌ، وَكُلُّ أَمْرٍ عَلَيْهِ يَسِيرٌ؛
لَا يَحْتَاجُ إِلَىٰ شَيْءٍ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko (Allah) ari we ufite ubushobozi bwa buri kintu, kandi buri kintu cyose kiramucyeneye, ndetse na buri kintu kiramworoheye, ntacyo acyeneye.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ibi ni ibisobanura ibyabanje by’uko Allah Nyirubutagatifu ari Umuremyi, Umuhanzi, Utanga ishusho, Uzura abapfuye, Uwambura ubuzima mu bihe byose. Ibyo bishimangira ko Allah afite ubushobozi bwa buri kintu. Kandi ubu bushobozi Allah yavuze ko arangwa nabwo mu mirongo myinshi ya Qur’an, nk’aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... إِنَّ اللَّهَ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ ﴿٢٠﴾﴾ البقرة: ٢٠

“...Mu by’ukuri, Allah ni Ushobora byose.”¹

¹ Qur’an 2:20

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَاللَّهُ خَلَقَكُمْ ثُمَّ يَتَوَفَّاكُمْ وَمِنكُمْ مَنْ يُرَدُّ إِلَىٰ أَرْذَلِ الْعُمُرِ لِكَيْ لَا يَعْلَمَ بَعْدَ عِلْمٍ شَيْئًا إِنَّ اللَّهَ عَلِيمٌ قَدِيرٌ ﴿٧٠﴾﴾ النحل: ٧٠

“Kandi **Allah** ni we wabaremye, hanyuma ni na we ubagenera urupfu (k’uwo igihe cye kigeze). No muri mwe hari abo ageza mu Zabukuru, kugeza ubwo bayoberwa ibyo bari bazi. Mu by’ukuri, **Allah** ni Umumenyi wa byose, Ushobora byose.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَضْرِبْ لَهُمْ مَثَلَ الْحَيَاةِ الدُّنْيَا كَمَاءٍ أَنْزَلْنَاهُ مِنَ السَّمَاءِ فَاخْتَلَطَ بِهِ نَبَاتُ الْأَرْضِ فَأَصْبَحَ هَشِيمًا تَذْرُوهُ الرِّيحُ وَكَانَ اللَّهُ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ مُّقْتَدِرًا ﴿٤٥﴾﴾ الكهف: ٤٥

“Bahe urugero (yewe Muhamadi) rw’ubuzima bwo ku isi (umunezero wabwo no kurangira vuba kwabwo), ni nk’amazi twamanuye mu kirere, akuhira ibimera by’isi (bigatohagira), nyuma bikumagara, bigatumurwa n’umuyaga. Kandi **Allah** ni Ushobora byose.”²

Na gihamya zivuga ku bushobozi bwa **Allah** ni nyinshi. Kuko buri kintu cyose kiriho, cyabayeho ku bushake bwa **Allah** no ku bushobozi bwe.

Nkuko nanone izi gihamya zisubiza agatsiko k’abitwa *Al Qadariyat* n’ak’abitwa *Al Mu-utazilat* bavuga ko ibikorwa by’abagaragu ba **Allah** bitabaho ku bushobozi bwa **Allah** n’ubushake bwe, ahubwo bakavuga ko umugaragu ari we wiremera ibikorwa bye, **Allah** nta bushobozi abifiteho cyangwa ubushake.

¹ Qur’an 16:70

² Qur’an 18:45

Bakaba bemera ko **Allah** adashobora kuba yakwicaza uhagaze, cyangwa ngo ahagarike uwicaye, cyangwa ngo agire umwemera umuhakanyi cyangwa se ngo umuhakanyi amugire umwemera. Banemera kandi ko amakimbirane aba hagati y’abantu **Allah** nta bushobozi aba ayafiteho, bavuga ko atayahagarika cyangwa se ngo abe yayagizeho ubushake. Ariko ibi binyuranye n’ukuri, kuko **Allah** niwe wivugira muri Qur’an agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَلَوْ شَاءَ اللَّهُ مَا أَفْتَتَلُوا وَلَكِنَّ اللَّهَ يَفْعَلُ مَا يُرِيدُ﴾ ﴿البقرة: ٢٥٣﴾

“...Kandi iyo **Allah** aza kubishaka ntibari kugirana amakimbirane, ariko **Allah** akora ibyo ashaka.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَكَذَلِكَ زَيْنَ لِكَثِيرٍ مِنَ الْمُشْرِكِينَ قَتَلَ أَوْلَادِهِمْ شُرَكَاءَهُمْ لِيَرُدُّوهُمْ
وَلِيَأْسُوا عَلَيْهِمْ دِينَهُمْ وَلَوْ شَاءَ اللَّهُ مَا فَعَلُوهُ فَذَرَّهُمْ وَمَا يُفْتَرُونَ﴾ ﴿الأنعام: ١٣٧﴾

“Uko ni na ko ibigirwamana byabo byatakiye abenshi mu babangikanyamana kwica abana babo, kugira ngo biboreke no kugira ngo bibatere urujijo mu idini ryabo. Iyo **Allah** abishaka ntibari kubikora. Ku bw’ibyo barekere ibyo bahimba.”²

Naho imvugo y’umwanditsi igira iti: **“Kandi buri kintu cyose kiramucyeneye.”** Buri kintu cyose gikeneye **Allah**, naho **Allah** we arihagije ntacyo akeneye. Kuba **Allah** yihagije biri mu bimuranga, naho kuba ibiremwa hari ibyo bikeneye biri mu bibiranga. **Allah** Nyirubutagatifu ashimangira ibi agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَأَيُّهَا النَّاسُ أَنْتُمْ الْفُقَرَاءُ إِلَى اللَّهِ وَاللَّهُ هُوَ الْغَنِيُّ الْحَمِيدُ﴾ ﴿فاطر: ١٥﴾

“Yemwe bantu! Muri abakene imbere ya **Allah**. Kandi **Allah** ni we Mukungu, Ushimwa cyane.”³

¹ Qur’an 2:253

² Qur’an 6:137

³ Qur’an 35:15

Naho imvugo y’umwanditsi igira iti: **Ndetse na buri kintu kiramworoheye.**” Buri kintu cyose imbere ya **Allah** kiramworoheye, ibi bigashimangira ko **Allah** afite ubushobozi kuri buri kintu. Nta kintu gishobora kumukomerera cyangwa se ngo kimunanire. **Allah** abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَوَلَمْ يَسِيرُوا فِي الْأَرْضِ فَيَنْظُرُوا كَيْفَ كَانَ عَاقِبَةُ الَّذِينَ مِن قَبْلِهِمْ وَكُنُوا أَشَدَّ مِنْهُمْ قُوَّةً وَمَا كَانَ اللَّهُ لِيُعْجِزَهُ مِن شَيْءٍ فِي السَّمَاوَاتِ وَلَا فِي الْأَرْضِ إِنَّهُ كَانَ عَلِيمًا قَدِيرًا ﴿٤٤﴾ ﴿ فاطر: ٤٤﴾

“Ese ntibatambagira isi ngo barebe uko iherezo ry’abababanjirije ryagenze, kandi bari bakomeye banafite imbaraga kubarusha? Nta cyananira **Allah** mu birere no ku isi. Mu by’ukuri, we ni Umumenyi uhebuje, Ushobora byose.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَوَلَمْ يَرَوْا كَيْفَ يُبْدِئُ اللَّهُ الْخَلْقَ ثُمَّ يُعِيدُهُ إِنَّ ذَٰلِكَ عَلَى اللَّهِ يَسِيرٌ ﴿١٩﴾ ﴿ العنكبوت: ١٩﴾

“Ese (abahakanyi) ntibabona uko **Allah** yaremye ibiremwa (bitari biriho), hanyuma akazanabigarura (nyuma yo gupfa)!? Mu by’ukuri, ibyo kuri **Allah** biroroshye.”²

Naho imvugo y’umwanditsi igira iti: “(**Allah**) **ntacyo acyeneye.**” Iyi mvugo irashimangira ko **Allah** ntacyo akeneye, kandi ko ibi biri mu bimuranga. Bityo rero nta cyo akeneye uko cyaba kimeze kose.

¹ Qur’an 35:44

² Qur’an 29:19

إثبات صفاته تعالى ونفي مماثلته للمخلوقات

Gushimangira ibisingizo n’ibigwi bya Allah, no guhakana ko agereranywa n’ibiremwa bye.

لَيْسَ كَمِثْلِهِ شَيْءٌ، وَهُوَ السَّمِيعُ الْبَصِيرُ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera ko (Allah) atagira icyo asa na cyo, kandi we ni Uwumva cyane Ubona bihebuje.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Uyu murongo ya Qur’an,

قَالَ تَعَالَى: ﴿... لَيْسَ كَمِثْلِهِ شَيْءٌ وَهُوَ السَّمِيعُ الْبَصِيرُ ﴿١١﴾ الشورى: ١١

“Ntagira icyo asa na cyo, kandi we ni Uwumva cyane, Ubona bihebuje...¹”

Uyu murongo ukubiyemo uburyo bwa nyabwo abantu bagomba kwemeramo ibigendanye n’amazina ya Allah, ibisingizo ndetse n’ibigwi bye. Ukaba unasubiza abafite imyemerere idahwitse, kubera ko ugaragaza ko Allah Nyirubutagatifu afite ibisingizo n’ibigwi byuzuye bitagereranywa n’iby’ibiremwa.

Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) ku bigendanye n’amazina ya Allah, ibisingizo n’ibigwi bye, bashimangira ibyo Allah yashimangiye we ubwe ko afite, ndetse n’ibyo Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yashimangiye ko Allah afite, batabihaye ibisobanuro binyuranye n’ibigambiriwe, cyangwa ngo babihakane, cyangwa ngo babigereranye, cyangwa se ngo babisanishe n’iby’ibiremwa.

¹ Qur’an 42:11

Igice cy'uyu murongo kigira kiti: **Ntagira icyo asa na cyo**, gisubiza abasanisha bakanagererenya ibiranga ibiremwa n'ibiranga **Allah**.

Naho igice cy'uyu murongo kigira kiti: **Kandi we ni Uwumva cyane, Ubona bihebuje**. Gisubiza abahakana ibisingizo n'ibigwi bya **Allah** batinya kumusanisha n'ibiremwa, nk'abitwa *Al Djah'miyat*.

Bityo rero uyu murongo wose ugaragaza ukuri ku byerekeye ibisingizo n'ibigwi bya **Allah**, ukanasubiza ababyemera mu buryo butari bwo. Ikindi uyu murongo wa Qur'an urashimangira umurongo ngenderwaho w'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) ku byerekeye ibisingizo n'ibigwi bya **Allah**, wo gushimangira ibisingizo n'ibigwi bya **Allah** byuzuye, unahakana ko bisa n'iby'ibiremwa, no guhakana kumenya imiterere y'ibyo bisingizo n'ibigwi.

Kubera ko niba **Allah** Nyiricyubahiro ntacyo asa nacyo, ubwo bivuze ko nta n'uzi imiterere y'ibimuranga uretse we ubwe.

إثبات علم الله تعالى وتقديره الأقدار وضربه الآجال

Gushimangira ubumenyi bwa Allah Nyirubutagatifu, no kugena kwe, ndetse no kuba ari we wagennye iherezo rya buri kimwe.

خَلَقَ الْخَلْقَ بِعِلْمِهِ، وَقَدَّرَ لَهُمْ أَقْدَارًا، وَضَرَبَ لَهُمْ آجَالًا، وَلَمْ يَخْفَ عَلَيْهِ شَيْءٌ قَبْلَ أَنْ يَخْلُقَهُمْ، وَعَلِمَ مَا هُمْ عَامِلُونَ قَبْلَ أَنْ يَخْلُقَهُمْ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko (Allah) yaremye ibiremwa ku bumenyi bwe, ndetse abigena igeno, anabigena iherezo ryabyo. Nta cyamwisobye mbere y’uko abirema, yari azi ibyo bizakora mbere y’uko abirema (niba bizakora ibyiza cyangwa ibibi).

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **(Allah) yaremye ibiremwa ku bumenyi bwe.** Allah yaremye ibiremwa azi ibyabyo, kandi kurema kwe kugendana n’ubumenyi bwe. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَلَا يَعْلَمُ مَنْ خَلَقَ وَهُوَ اللَّطِيفُ الْخَبِيرُ﴾ ﴿١٤﴾ الملك: ١٤

“Ese Uwaremye yayoberwa (ibyoyaremye)? Kandi ni we Uworohera (ibiremwa bye), Uzi byimazeyo (buri kintu).¹”

Bityo Allah yamenye iby’ibiremwa kandi kwemera ubumenyi bwa Allah ni kimwe mu nzego zo kwemera igeno. Na gihamya zishimangira ubumenyi bwa Allah n’ubushobozi bwe zagaragaye ahantu hatandukanye haba muri Qur’an no mu mvugo z’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha).

Bityo mu mazina ya Allah Nyirubutagatifu harimo Al Aliimu: bisobanuye Umumenyi uhebuje. Ndetse nawe yivugiyeye ko azi buri kimwe, azi ibyabaye, ibiba, ibizaba, ndetse n’ibitarabayeho iyo bibaho uburyo byari kuba bimeze. Ibi kandi Allah yabigaragaje mu mirongo ya Qur’an nk’aho agira ati:

¹ Qur’an 67:14

﴿...وَأَعْلَمُوا أَنَّ اللَّهَ يَعْلَمُ مَا فِي أَنْفُسِكُمْ فَاحْذَرُوهُ وَأَعْلَمُوا أَنَّ اللَّهَ غَفُورٌ حَلِيمٌ ﴿٢٣٥﴾﴾
 البقرة: ٢٣٥

“...Munamenye ko **Allah** azi ibiri mu mitima yanyu, bityo mumutinye, munamenye ko mu by’ukuri, **Allah** ari Ubabarira ibyaha, Utihutira guhana.”¹

Allah nanone aragira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿وَعِنْدَهُ مَفَاتِحُ الْغَيْبِ لَا يَعْلَمُهَا إِلَّا هُوَ وَيَعْلَمُ مَا فِي الْبَرِّ وَالْبَحْرِ وَمَا تَسْقُطُ مِنَ وَرَقَةٍ إِلَّا يَعْلَمُهَا وَلَا حَبَّةٍ فِي ظِلْمَتِ الْأَرْضِ وَلَا رَطْبٍ وَلَا يَابِسٍ إِلَّا فِي كِتَابٍ مُّبِينٍ ﴿٥٩﴾﴾﴾ الأنعام: ٥٩

“Ni na we ufite imfunguzo z’ibitagaragara. Ntawe uzizi uretse we (**Allah**). Kandi azi ibiri imusozi no mu nyanja. Nta n’ikibabi gihanuka atakizi, ndetse nta n’impeke iri mu butaka, nta n’ikibisi nta n’icyumye kitavuzwe mu gitabo gisobanutse.”²

Allah nanone aragira ati:

﴿...لَتَعْلَمُوا أَنَّ اللَّهَ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ وَأَنَّ اللَّهَ قَدْ أَحَاطَ بِكُلِّ شَيْءٍ عِلْمًا ﴿١٢﴾﴾ الطلاق: ١٢
 “...(Ibyo ni) ukugira ngo mumenye ko **Allah** ari Ushobora byose kuri buri kintu, ndetse ko **Allah** azi neza buri kintu.”³

Naho ijamba ry’umwanditsi rigira riti: “**Ndetse abigena igeno**” igeno riba rikubiyemo ibintu bitandukanye birimo kuba **Allah** yarashyiriyeho buri kiremwa aho kigomba kuzaba, n’igihe kizamara, n’ubuzima butandukanye kizabamo. Ibyo bishimangirwa na gihanya za Qur’an ndetse n’iz’Intumwa y’Imana nk’aho **Allah** agira ati:

¹ Qur’an 2:235

² Qur’an 6:59

³ Qur’an 65:12

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَكُلُّ شَيْءٍ عِنْدَهُ بِمِقْدَارٍ ﴿٨﴾﴾ الرعد: ٨

“Kandi iwe buri kintu cyose cyaragenwe.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَخَلَقَ كُلَّ شَيْءٍ فَقَدَرَهُ تَقْدِيرًا ﴿٢﴾﴾ الفرقان: ٢

“...Yanaremye buri kintu cyose kandi agiha ikigero kigikwiriye.²”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّا كُلَّ شَيْءٍ خَلَقْنَاهُ بِقَدَرٍ ﴿٤٩﴾﴾ القمر: ٤٩

“Mu by’ukuri, buri kintu twakiremeye igeno ryacyo³.”

وفي الحديث الذي رواه مسلم عن عبد الله بن عمرو بن العاص رضي الله عنه قال: سمعت رسول الله ﷺ يقول:

Bikanashimangirwa na Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Amri Ibun Al Aswi (Imana ibishimire) avuga ko yumvise Intumwa y’Imana (Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ivuga iti:

(كتب الله مقادير الخلائق قبل أن يخلق السماوات والأرض بخمسين ألف سنة).

“Allah yagennye igeno ry’ibiremwa mbere y’uko irema ibirere n’isi ho imyaka ibihumbi mirongo itanu.⁴”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Anabigenera iherezo ryabyo.”** Iherezo rivugwa aha abamenyi barisobanuye mu buryo bubiri:

Hari uburyo bwa rusange burebana n’isi. Isi Imana yayishyiriyeho iherezo ryayo rizabaho ari uko habayeho umunsi w’imperuka. Hakaba n’iherezo ry’umwihariko rirebana na buri ikiremwa ku

¹ Qur’an 13:8

² Qur’an 25:2

³ Qur’an 54:49

⁴ Yakiriwe na Muslim.

giti cya cyo, ari ko kurangira kwacyo. Twatanga urugero rwo gupfa k’umuntu, kuko iyo umuntu apfuye aba atangiye imperuka nto akazategereza imperuka nkuru, ari yo yo kurangira kw’isi. Ibyo bishimangirwa n’imirongo ya Qur’an nk’aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿كُلُّ مَنْ عَلَيْهَا فَانٍ ﴿٢٦﴾ وَيَبْقَى وَجْهَ رَبِّكَ ذُو الْجَلَالِ وَالْإِكْرَامِ ﴿٢٧﴾﴾ الرحمن: ٢٦ - ٢٧

“Ikiyiriho cyose (isi) kizapfa, Maze hasigare gusa uburanga butagatifu bwa Nyagasani wawe, Nyir’ikuzo n’icyubahiro.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لِكُلِّ أُمَّةٍ أَجَلٌ إِذَا جَاءَ أَجْلُهُمْ فَلَا يَسْتَعْجِرُونَ سَاعَةً وَلَا يَسْتَقْدِمُونَ ﴿٤٩﴾﴾

يونس: ٤٩

“...Buri muryango (umat) wagenewe igihe ntarengwa (cyo kubaho). Iyo igihe cyabo kigeze, ntibarindirizwa na gato cyangwa ngo bihutishwe mbere yacyo.”²

Uyu murongo unatwibutsa amwe mu mateka y’ibihugu n’ubwami byabayeye ku isi byagiye birangira.

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا كَانَتْ لِنَفْسٍ أَنْ تَمُوتَ إِلَّا بِإِذْنِ اللَّهِ كَتَبْنَا مُوَجَلًّا ... ﴿١٤٥﴾﴾ آل عمران: ١٤٥

“Kandi nta muntu wapfa bitari ku bushake bwa Allah, ndetse no ku gihe cyagenwe...”³

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Nta cyamwisobye mbere y’uko abirema.”** Ibi bishimangirwa na gihamya za Qur’an nk’aho Allah agira ati:

¹ Qur’an 55: 26-27.

² Qur’an 10: 49

³ Qur’an 3:145

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَوْ عَلِمَ اللَّهُ فِيهِمْ خَيْرًا لَأَسْمَعَهُمْ وَلَوْ أَسْمَعَهُمْ لَتَوَلَّوْا وَهُمْ مُعْرِضُونَ ﴿٢٣﴾﴾ الأنفال: ٢٣

“N’iyo **Allah** aza kubabonamo icyiza yari kubashoboza kumva (ukuri), kandi n’iyo aza kubashoboza kumva, rwose bari gutera umugongo bakitarura.”¹

Bisobanuye ko na mbere y’uko abarema yari azi ibizabaranga. Ku bw’ibyo, guhembwa k’umuntu cyangwa se guhanwa kwe ntibizashingira ku kuba Imana yari izi ko uyu muntu azakora ibyiza cyangwa azakora ibibi, ahubwo bizashingira ku bikorwa by’uwo muntu yikoreye ku giti cye. Iri ni naryo tandukaniro riri hagati y’ibikorwa bya **Allah** n’ibikorwa by’abagaragu be. Niyo mpamvu uzumvira **Allah** agakora ibyo yamutegetse akitandukanya n’ibyo yamubujije azabona ingororano, n’uzakora ikinyuranyo azabona ibihano.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **Yari azi ibyo bizakora mbere y’uko abirema (niba bizakora ibyiza cyangwa ibibi).**” Bishimangirwa n’uyu murongo wa Qur’an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَلَوْ رُدُّوْا لَعَادُوْا لِمَا نُهُوْا عَنْهُ وَإِنَّهُمْ لَكَاذِبُوْنَ ﴿٢٨﴾﴾ الأنعام: ٢٨

“...N’iyo bagarurwa (ku isi), rwose basubira mu byo babujijwe. Kandi mu by’ukuri, ni ababeshyi.”²

الإيمان بأن الله أمر عباده بطاعته، ونهاهم عن معصيته.

Kwemera ko Allah yategetse abagaragu be kumwumvira, anababuza kumwigomekaho.

¹ Qur’an 8:23

² Qur’an 6:28

وَأَمْرُهُمْ بِطَاعَتِهِ، وَنَهَاهُمْ عَنْ مَعْصِيَتِهِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko (Allah) yategetse abagaragu be ko bagomba kumwumvira, anababuza kumwigomekaho.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Allah yategetse abagaragu be kumwumvira ndetse anababuza kumwigomekaho, nk’uko bishimangirwa n’imwe mu mirongo ya Qur’an nk’aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَأَيُّهَا النَّاسُ اعْبُدُوا رَبَّكُمُ الَّذِي خَلَقَكُمْ وَالَّذِينَ مِنْ قَبْلِكُمْ لَعَلَّكُمْ تَتَّقُونَ

﴿٢١﴾ البقرة: ٢١

“Yemwe bantu! Nimugaragire Nyagasani wanyu wabaremye mwe n’abababanjirije, kugira ngo mugandukire **Allah**.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... فَلَا تَجْعَلُوا لِلَّهِ أَنْدَادًا وَأَنْتُمْ تَعْلَمُونَ ﴿٢٢﴾﴾ البقرة: ٢٢

“... Ntimukabangikanye **Allah** n’ibigirwamana kandi mubizi.”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿*وَأَعْبُدُوا اللَّهَ وَلَا تُشْرِكُوا بِهِ شَيْئًا وَبِالْوَالِدَيْنِ إِحْسَانًا وَبِذِي الْقُرْبَىٰ وَالْيَتَامَىٰ وَالْمَسْكِينِ وَالْجَارِ ذِي الْقُرْبَىٰ وَالْجَارِ الْجُنُبِ وَالصَّاحِبِ بِالْجَنبِ وَابْنِ السَّبِيلِ وَمَا مَلَكَتْ أَيْمَانُكُمْ إِنَّ اللَّهَ لَا يُحِبُّ مَنْ كَانَ مُخْتَالًا فَخُورًا ﴿٣٦﴾﴾ النساء: ٣٦

“Kandi mugaragire **Allah**, ntimukamubangikanye n’icyo ari cyo cyose; mujye mugirira ineza ababyeyi, abo mufitanye isano,

¹ Qur’an 2:21

impfubiyi, abakene, umuturanyi mufitanye isano, umuturanyi usanzwe, inshuti ya hafi, uri ku rugendo n’abacakara banyu. Mu by’ukuri, **Allah** natakunda umunyagasuzuguro, umwibone.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ * وَقَضَىٰ رَبُّكَ أَلَّا تَعْبُدُوا إِلَّا إِيَّاهُ وَبِالْوَالِدَيْنِ إِحْسَانًا ۖ إِنَّمَا يُبَلِّغَنَّ عَنْكَ إِلَهُمَا أَحَدُهُمَا أَوْ كِلَاهُمَا فَلَا تَقُلْ لَهُمَا أُفٍّ وَلَا سَهْرَهَا ۚ وَقُلْ لَهُمَا قَوْلًا كَرِيمًا ﴿٢٣﴾ ﴾ الإسراء: ٢٣

“Kandi Nyagasani wawe yaciye iteka ko nta kindi mukwiye gusenga uretse we wenyine, kandi ko mugomba no kugirira neza ababyeyi bombi. Igihe umwe muri bo cyangwa bombi bageze mu zabukuru, ntuzababwire amagambo yo kubinuba ndetse ntuzanabakankamire. Ahubwo ujye ubabwira mu mvugo y’icyubahiro.”²

إثبات عموم مشيئة الله تعالى

Gushimangira ko ugushaka kwa Allah Nyiricyubahiro ari rusange (kugera ko cyo ari cyo cyose).

وَكُلُّ شَيْءٍ يَجْرِي بِتَقْدِيرِهِ وَمَشِيئَتِهِ، وَمَشِيئَتُهُ تَنْفُذُ؛ لَا مَشِيئَةَ لِلْعِبَادِ إِلَّا مَا شَاءَ لَهُمْ؛ فَمَا شَاءَ لَهُمْ كَانَ، وَمَا لَمْ يَشَأْ لَمْ يَكُنْ. يَهْدِي مَنْ يَشَاءُ، وَيَعْصِمُ وَيُعَافِي فَضْلًا، وَيُضِلُّ مَنْ يَشَاءُ، وَيَخْذُلُ وَيَبْتَلِي عَدْلًا.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko buri kintu kigendera ku igeno rya **Allah n’ubushake bwe. Kandi ubushake bwe nibwo**

¹ Qur’an 4:36
² Qur’an 17:23

bwubahirizwa, ntabwo ubushake bw'abagaragu hari icyo bugeraho usibye icyo Allah aba yabahitiyemo. Bityo ibyo abahitiyemo biraba, n'ibyo adashatse ntibiba. Ayobora uwo ashatse, akanamurinda ndetse akanamukiza ku bw'ineza ye. Anayobya uwo ashatse, akanatererana (uwo ashatse), ndetse akanamugerageza ku bw'ubutabera bwe.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Na buri kintu kigendera ku igeno rya Allah n'ubushake bwe. Kandi ubushake bwe nibwo bwubahirizwa, ntabwo ubushake bw'abagaragu hari icyo bugeraho usibye icyo Allah aba yabahitiyemo.”** Bisobanuye ko ibyo abahitiyemo biba, n'ibyo adashatse ntibiba. Aha umwanditsi aragaragaza ko nta na kimwe kibaho kitari ku bushake bwa Allah n'ubumenyi bwe. Bityo rero ibintu byose biba ku bushake bwe no ku kugena kwe, nko kugenda kw'imibumbe, kugenda kw'imiyaga, no kugenda kw'abantu. Bigashimangirwa n'imwe mu mirongo ya Qur'an nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا تَشَاءُونَ إِلَّا أَنْ يَشَاءَ اللَّهُ إِنَّ اللَّهَ كَانَ عَلِيمًا حَكِيمًا ﴿٣٠﴾﴾ **الإنسان: ٣٠**

“Kandi ntacyo mwashaka (ngo mukigereho) keretse Allah abishatse. Mu by'ukuri, Allah ni Umumenyi uhebuje, Ushishoza.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا تَشَاءُونَ إِلَّا أَنْ يَشَاءَ اللَّهُ رَبُّ الْعَالَمِينَ ﴿٢٩﴾﴾ **التكوير: ٢٩**

“Kandi nta cyo mwashaka (ngo kibe), keretse Allah Nyagasani w'ibiremwa (byose) aramutse agishatse.”²

¹ Qur'an 76:30

² Qur'an 81:29

Bityo Allah afite ubushake, yanahaye umuntu ubushake n'amahitamo, ariko ubushake bw'umuntu buri muni y'ubushake bwa Allah, kandi ubwa Allah ni bwo bugenza ubw'umuntu!

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Ayobora uwo ashatse, akanamurinda ndetse akanamukiza ku bw'ineza ye. Anayobya uwo ashatse, akanatererana (uwo ashatse), ndetse akanamugerageza ku bw'ubutabera bwe.”** Allah ayobora uwo ashatse abona ufite ubushake bwo kuyoboka, akamworohera iyo nzira, akanayobya uwo ashatse abona wateye umugongo inzira yo kuyoboka, mu rwego rwo kumuhanira ayo mahitamo ye, no kudashaka kwe kuyoboka.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَأَمَّا مَنْ أَعْطَى وَاتَّقَى ﴿٥﴾ وَصَدَّقَ بِالْحُسْنَى ﴿٦﴾ فَسَنبَرُهُ لِلْيسْرَى ﴿٧﴾﴾ الليل: ٥ - ٧

“Wawundi utanga (amaturo) akanatinya (Allah), Kandi akizera icyiza (Ijuru), Tuzamworohera inzira y'ibyiza¹.”

Naho iyo ahisemo ubuyobe, Allah abumerekeramo ntamworohera inzira igana ku kuyoboka. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَمَّا مَنْ بَخِلَ وَاسْتَغْنَى ﴿٨﴾ وَكَذَّبَ بِالْحُسْنَى ﴿٩﴾ فَسَنبَرُهُ لِلْعُسْرَى ﴿١٠﴾ وَمَا يُغْنِي عَنْهُ مَالُهُ إِذَا تَرَدَّى ﴿١١﴾﴾ الليل: ٨ - ١٢

“Ariko uzaba umunyabugugu, akirata yumva ko (yishoboye). Akanahinyura icyiza. Tuzamworohera inzira y'ibibi. Kandi ubwo azaba arimbuka (ajyanywe mu muriro), umutungo we ntacyo uzamumarira. Mu by'ukuri, ukuyobora ni ukwacu.²”

Ku bw'ibyo, impamvu ikorwa n'umuntu igahuza n'uko Allah yabigennye, Allah akabimuhembera igihe yakoze neza cyangwa se

¹ Qur'an 92: 5-7

² Qur'an 92: 8-12

akabimuhanira igihe yakoze nabi. **Allah** rero yagennye kuyoboka ku bw'ineza ye, naho kuba **Allah** hari uwo yarekera mu buyobe, ni ku bw'ubutabera bwe.

Niyo mpamvu hari imirongo mitagatifu ya Qur'an igaragaza abo **Allah** atayobora kubera ubuhemu bwabo, ubuhakanyi bwabo, cyangwa se ubugizi bwa nabi bwabo. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَاللَّهُ لَا يَهْدِي الْقَوْمَ الظَّالِمِينَ ﴿٢٥٨﴾ البقرة: ٢٥٨

“... Kandi **Allah** ntayobora abanyamahugu.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَاللَّهُ لَا يَهْدِي الْقَوْمَ الْكٰفِرِينَ ﴿٢٦٤﴾ البقرة: ٢٦٤

“...Kandi **Allah** ntayobora abantu b'abahakanyi.”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَاللَّهُ لَا يَهْدِي الْقَوْمَ الْفٰسِقِينَ ﴿١٧٨﴾ المائدة: ١٠٨

“...Kandi **Allah** ntayobora abantu b'inkozi z'ibibi.”³

Ibi byose ni ibikorwa by'umuntu **Allah** amuhanira, hanyuma akamurekera mu byo arimo ku bw'ubutabera bwe atari ku bwo kumurenganya.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَمَنْ يُرِدِ اللَّهُ أَنْ يَهْدِيَهُ، يَشْرَحْ صَدْرَهُ، لِلْإِسْلَامِ، وَمَنْ يُرِدْ أَنْ يُضِلَّهُ، يُغْضِضْ صَدْرَهُ، ضِيقًا حَرَجًا، كَأَنَّمَا يَصَّعَّدُ فِي السَّمَاءِ، كَذَلِكَ يَجْعَلُ اللَّهُ الرِّجْسَ عَلَى الَّذِينَ لَا يُؤْمِنُونَ ﴿١٣٥﴾
الأنعام: ١٢٥

¹ Qur'an 2:258, 264

² Qur'an 2:264

³ Qur'an 5:108

“Kandi uwo **Allah** ashatse kuyobora, yagurira igituza cye Isilamu. N’uwo ashatse kuyobya afunganya igituza cye cyane akamera nk’uwihatira kuzamuka ajya mu kirere. Uko ni ko **Allah** ashayira mu gihano babandi batemera.¹”

إثبات الحكمة لله تعالى في أفعاله

Gushimangira ubushishozi bwa Allah mu bikorwa bye.

وَكُلُّهُمْ يَتَقَلَّبُونَ فِي مَشِيئَتِهِ بَيْنَ فَضْلِهِ وَعَدْلِهِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko ibiremwa bya Allah byose binyura mu buzima Allah yabihitiyemo, bikaba biri hagati y’ineza ye n’ubutabera bwe.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...twemera ko ibiremwa bya **Allah** byose binyura mu buzima **Allah** yabihitiyemo, bikaba biri hagati y’ineza ye n’ubutabera bwe.” Iyi nteruro iruzuzza iyayibanjirije, ikaba inagaragaza ubushishozi bwa **Allah** kubera guha buri kiremwa cye cyose ikigikwiriye. Bityo rero, **Allah** ku bw’ineza ye n’ubushishozi bwe ayobora uwo ashatse. No ku bw’ubutabera bwe n’ubushishozi bwe anayobya uwo ashatse. Na gihamya zigaragaza ubushishozi bwa **Allah** ni nyinshi.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مَا يَفْتَحُ اللَّهُ لِلنَّاسِ مِنْ رَحْمَةٍ فَلَا مُمْسِكَ لَهَا وَمَا يَمْسِكُ فَلَا مُرْسِلَ لَهُ مِنْ بَعْدِهِ وَهُوَ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ ﴾ فاطر: ٢

¹ Qur’an 6:125.

“Impuhwe (amafunguro n’ibindi) **Allah** afungurira abantu nta wazikumira, ndetse n’izo yahagaritse nta wazirekura usibye we. Kandi ni we Munyembaraga zihebuje, Ushishoza.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿هُوَ الَّذِي خَلَقَكُمْ فَمِنْكُمْ كَافِرٌ وَمِنْكُمْ مُؤْمِنٌ وَاللَّهُ بِمَا تَعْمَلُونَ بَصِيرٌ ﴿٢﴾ التَّغَابِنُ: ٢

“Ni we wabaremye, ariko bamwe muri mwe ni abahakanyi ndetse na bamwe muri mwe ni abemera. Kandi **Allah** ni Ubona bihebuje ibyo mukora.”²

Bityo uwo **Allah** ayoboye ku kwemera biba ari ku ineza ye, n’uwo arekeye mu buyobe biba ari ubutabera n’ubushishozi bye.

تنزيه الله تعالى أن يكون له ضد أو ند.

Guhakana ko Allah agira uwo abangikanywa nawe cyangwa uwo agereranywa nawe.

وَهُوَ مُتَعَالٍ عَنِ الْأَضْدَادِ وَالْأَنْدَادِ؛

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko **Allah ari Uwikirenga ntaho ahuriye n’ibyo bamubangikanya nabyo, cyangwa uwo bamugereranya nawe mu bigirwamana.**

¹ Qur’an 35:2

² Qur’an 64:2

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Twe abagenda ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera ko Allah yagiye avuga ko ari Uwikirenga ko ntawe wamugereranya nawe muri Qur'an ahantu hariye hatandukanye, nk'aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...سُبْحٰنَهُ وَتَعَالَىٰ عَمَّا يُشْرِكُونَ ﴿١٨﴾﴾ يونس: ١٨

"...Ubutagatifu ni ubwe kandi ari kure y'ibyo bamubangikanya".¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... سُبْحٰنَهُ وَتَعَالَىٰ عَمَّا يُصِفُونَ ﴿١٠٠﴾﴾ الأنعام: ١٠٠

"...Ubutagatifu ni ubwe, kandi ari kure y'ibyo bamwitirira."²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... فَتَعَالَىٰ اللَّهُ عَمَّا يُشْرِكُونَ ﴿١٩٠﴾﴾ الأعراف: ١٩٠

"...Allah asumbye cyane ibyo bamubangikanya."³

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَمْ يَكُنْ لَهُ كُفُوًا أَحَدٌ ﴿١١٢﴾﴾ الإخلاص: ٤

"Ndetse nta na kimwe wamugereranya na cyo."⁴

Kuba Allah ari Uwikirenga bivuze ko atagatifuze ndetse asumbye cyane ibyo bamubangikanya. Bityo rero twe abagenda ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) turavuga tuti: Allah aratagatifuze ari kure n'ibyo bamwitirira ko yaba afite cyangwa arangwa nabyo nk'umufasha, umwana, guhondobera,

¹ Qur'an 10:18

² Qur'an 6:100

³ Qur'an 7:190

⁴ Qur'an 112:4

ibitotsi, gupfa n'ibindi bihabanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe.

نفاذ قضاؤه وحكمه تعالى

Igeno n'itegeko bya Allah nibyo byubahirizwa.

لَا رَادَّ لِقَضَائِهِ، وَلَا مُعَقَّبَ لِحُكْمِهِ، وَلَا غَالِبَ لِأَمْرِهِ. آمَنَّا بِذَلِكَ كُلِّهِ وَآيَقَنَّا أَنَّ كُلَّ مِثْلٍ
عِنْدَهُ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko ntawe ukumira igeno rye (Allah), nta n'uwigira icyo avuguruza ku itegeko rye, ndetse nta n'uwavuguruza gahunda ye. Ibyo byose twabyemeye tudashidikanya ko bituruka iwe.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ibikubiye muri iki cyigwa ni ibisobanuro by'icya kibanjirije, kuko Allah nta watambamira igeno rye cyangwa se itegeko rye, cyangwa se umugambi we, nkuko Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَإِذَا أَرَادَ اللَّهُ بِقَوْمٍ سُوءًا فَلَا مَرَدَّ لَهُ...﴾ ﴿١١﴾ ﴿الرعد: ١١﴾

“...N'iyi Allah ashatse ko ikibi kiba ku bantu nta we ugikumira...”

1

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “**Nta n'uwigira icyo avuguruza ku itegeko rye.**” Bisobanuye ngo nta warivuguruza ndetse nta n'uwarikereza. Bityo rero itegeko rya Allah riba rigomba kuba uko byagenda kose.

¹ Qur'an 13:11

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أُولَئِكَ يَرَوْنَ أَنَّا نَأْتِي الْأَرْضَ نَنْقُصُهَا مِنْ أَطْرَافِهَا وَاللَّهُ يَحْكُمُ لَا مُعَقَّبَ لِحُكْمِهِ وَهُوَ سَرِيعُ الْحِسَابِ ﴿٤١﴾ الرَّعْد: ٤١

“Ese ntibabona ko mu by’ukuri, tugenda tugabanya ubutaka (bw’abahakanyi) mu mpande zabwo zose, (tukabuha abemeramana biciye mu ntambara babaneshamo)!? Allah ni we utegeka, kandi nta uwuguruza itegeko rye. Kandi ni we ubanguka mu ibarura.”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Ndetse nta n’uwavuguruza gahunda ye.”** Iyi nteruro n’izindi ebyiri zayibanjirije, ibisobanuro byazo bijya gusobanura ibintu bimwe, kuko zose zigaragaza ko itegeko rya Allah n’igeno rye bigomba kubahirizwa, kandi ko Allah ari we Uganza ataganzwa. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَاللَّهُ غَالِبٌ عَلَى أَمْرِهِ وَلَٰكِنَّ أَكْثَرَ النَّاسِ لَا يَعْلَمُونَ ﴿٢١﴾ يُوسُف: ٢١

“...Kandi Allah afite ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa ibyo ashaka, nyamara abenshi mu bantu ntibabizi.”²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Ibyo byose twabyemeye tudashidikanya ko bituruka iwe.”** Umwanditsi yari agambiriye kuvuga ibyo yavuze byose uhereye ku ijambo yahereyeho rigira riti: **Twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at), ku bushobozi bw’Imana tuvuga ku byerekeranye no kwemera Imana imwe...** Bivuze ngo ibyo byose biba bituruka kwa Allah no ku bw’igeno rye, nk’uko Allah abishimangira agira ati:

¹ Qur’an 13:41

² Qur’an 12:21

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَإِنْ تُصِبْهُمْ حَسَنَةٌ يَقُولُوا هَذِهِ مِنْ عِنْدِ اللَّهِ وَإِنْ تُصِبْهُمْ سَيِّئَةٌ يَقُولُوا هَذِهِ مِنْ عِنْدِكَ قُلْ كُلُّ مِّنْ عِنْدِ اللَّهِ ...﴾ النساء: ٧٨

“...Kandi n’iyo bagezweho n’icyiza, baravuga bati:” Iki giturutse kwa **Allah**, naho bagerwaho n’ikibi bakavuga bati: “Iki kiguturutseho (wowe Muhamadi)”. Vuga uti: Byose bituruka kwa **Allah** ...?”¹

Birashoboka ko nanone umwanditsi kuvuga ijambo rigira riti: **“Ibyo byose twabyemeye tudashidikanya ko bituruka iwe.”** Yari agamije kuvuga ko ukwemera nyako ari kwa kundi kuzira ugushidikanya. Ikindi umwanditsi aha yari agambiriye kuvuga ibyo yagaragaje bigendanye n’uburyo **Allah** ayobora uwo ashatse ndetse akanayobya uwo ashatse, n’ibigendanye nuko ubushake bwa **Allah** n’igeno rye ari byo byubahirizwa. Nkuko nanone umwanditsi bishoboka ko yaba yari agambiriye kuvuga ibyabanje byose. **Allah** ni We Mumenyi Uhebuje.

وجوب اعتقاد أن محمداً عبد الله ورسوله، وذكر ما تثبت به النبوة.

Kwemera ko Muhamad ari Umugaragu wa Allah akaba n’Intumwa Ye ni itegeko, no kugaragaza ibishimangira ubutumwa bwe.

وَإِنَّ مُحَمَّدًا عَبْدُهُ الْمُسْطَفَى، وَنَبِيُّهُ الْمُجْتَبَى، وَرَسُولُهُ الْمُرْتَضَى.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko Muhamad ari umugaragu we

¹ Qur’an 4:78

yatoranyije, akaba n’umuhanuzi we yahisemo, ndetse akaba n’Intumwa ye yishimiye.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **Twemera ko Muhamad ari umugaragu we yatoranyije,**” Bisobanuye ko kwemera Muhamad ko ari umugaragu wa **Allah** ari itegeko, nkuko bishimangirwa n’imwe mu mirongo ya Qur’an nk’aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿سُبْحَانَ الَّذِي أَسْرَى بِعَبْدِهِ لَيْلًا مِّنَ الْمَسْجِدِ الْحَرَامِ إِلَى الْمَسْجِدِ الْأَقْصَا الَّذِي بَارَكْنَا حَوْلَهُ... ﴿١٧﴾﴾ الإسراء: ١

“Ubutagatifu ni ubwa wawundi (**Allah**) wajyanye umugaragu we (Muhamadi) nijoro amukuye ku Musigiti Mutagatifu (Makka), amujyana ku Musigiti wa Al Aq’swaa (Umusigiti Mutagatifu w’i Yeruzalemu) twahundagaje impande zawo imigisha (kwera imyaka n’imbuto), ...¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَأَوْحَىٰ إِلَىٰ عَبْدِهِ مَا أَوْحَىٰ ﴿٥٠﴾﴾ النجم: ١٠

“Nuko (**Allah**) ahishurira umugaragu we (Muhamadi, abinyujije kuri Malayika Jibrilu) ibyo yagombaga kumuhishurira byose.²”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَنَّهُ لَمَّا قَامَ عَبْدُ اللَّهِ يَدْعُوهُ كَادُوا يَكُونُونَ عَلَيْهِ لِيَدَا ﴿١٩﴾﴾ الجن: ١٩

“Kandi ubwo umugaragu wa **Allah** (Muhamadi) yahagurukaga amusenga, (amajini) yabaga amuzengurutse (kugira ngo yumve Intumwa isoma Qur’an).³”

¹ Qur’an 17:1

² Qur’an 53:10

³ Qur’an 72:19

Iyi mirongo ya Qur'an iragaragaza ko Intumwa y'Imana Muhamad ari umugaragu wa **Allah**. Niyo mpamvu no mu buhamya bwinjiza umuntu mu buyisilamu agomba kongeraho ko Muhamad ari umugaragu wa **Allah** akaba n'Intumwa ye. Ariko ntabwo akabirizwa ngo ashyirwe mu rwego atari ho nkuko hari abamukabiriza bamuha bimwe mu bintu by'umwihariko w'Imana.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: “**Akaba n'umuhanuzi we yahisemo.**” Muhamad ni umugaragu wa **Allah** akaba n'umuhanuzi wahishurirwaga ubutumwa na **Allah**, nkuko **Allah** abishamangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّا أَوْحَيْنَا إِلَيْكَ كَمَا أَوْحَيْنَا إِلَى نُوحٍ وَالنَّبِيِّينَ مِنْ بَعْدِهِ وَأَوْحَيْنَا إِلَى إِبْرَاهِيمَ وَإِسْمَاعِيلَ وَإِسْحَاقَ وَيَعْقُوبَ وَالْأَسْبَاطِ وَعِيسَى وَأَيُّوبَ وَيُونُسَ وَهَارُونَ وَسُلَيْمَانَ وَآتَيْنَا دَاوُدَ زُورًا ﴿١٦٣﴾

النساء: ١٦٣ ﴿﴾

“Mu by'ukuri, twaguhishuriye (ubutumwa) nk'uko twahishuriye Nuhu (Nowa) n'abahanuzi baje nyuma ye, twanahishuriye Ibrahim (Aburahamu), Ismail (Isimayili), Is'haq (Isaka), Yaqub (Yakobo) n'urubyaro rwe, Issa (Yesu), Ayub (Yobu), Yunus (Yonasi), Haruna (Aroni) na Sulaiman (Salomoni). Twanahaye Dawud (Dawudi) Zaburi.¹”

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “**(Akaba) n'Intumwa ye yishimiye.**” Muhamad ni umuhanuzi akaba n'Intumwa **Allah** yishimiye. **Allah** ashimangira ko ari Intumwa yishimiye nk'aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِلَّا مَنْ أَرْضَى مِنْ رَسُولٍ فَإِنَّهُ يَسْلُكُ مِنْ بَيْنِ يَدَيْهِ وَمِنْ خَلْفِهِ رَصَدًا ﴿٢٧﴾﴾ الجن:

٢٧

¹ Qur'an 4:163

“Uretse uwo yishimiye mu ntumwa ze, akamwoherereza abarinzi (abamalayika) bamugenda imbere n’inyuma.”¹

Abamenyi batandukanya hagati y’igisobanuro cy’umuhanuzi (NABIYI) ndetse n’Intumwa (A-RASULU), bavuga ko umuhanuzi ari umuntu uhishurirwa na Allah ubutumwa ariko ntategekwe kubwigisha abandi. Naho Intumwa ni wawundi Allah ahishurira ubutumwa akanategekwa kubwigisha. Naho Muhamad we yari Intumwa akaba n’umuhanuzi. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَا أَرْسَلْنَاكَ إِلَّا رَحْمَةً لِّلْعَالَمِينَ ﴿١٧﴾ ﴾ الأَنْبِيَاءُ: ١٠٧

Allah aragira ati: *“Kandi (yewe Muhamadi) nta yindi mpamvu twakohereje usibye kuba impuhwe ku biremwa byose.”²*

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لَقَدْ مَنَّ اللَّهُ عَلَى الْمُؤْمِنِينَ إِذْ بَعَثَ فِيهِمْ رَسُولًا مِّنْ أَنفُسِهِمْ ... ﴿١٦٤﴾ ﴾ آل عمران: ١٦٤

“Allah yahaye inema abemera ubwo yaboherezagamo intumwa ibaturutsemo...”³

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مَا كَانَ مُحَمَّدٌ أَبَا أَحَدٍ مِّن رِّجَالِكُمْ وَلَكِن رَّسُولَ اللَّهِ وَخَاتَمَ النَّبِيِّينَ ... ﴿٤٠﴾ ﴾ الأحزاب: ٤٠

“Ntabwo Muhamadi ari se w’uwo ariwe wese muri mwe, ahubwo ni Intumwa ya Allah akaba n’uwasozereje abahanuzi...”⁴

¹ Qur’an 72:27

² Qur’an 21:107

³ Qur’an 3:164

⁴ Qur’an 33:40

من خصائصه صلى الله عليه وسلم أنه خاتم الأنبياء وسيد المرسلين.

Mu mwihariko w'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) nuko ari we wasozereje abahanuzi akaba n'umutware mu ntumwa.

[وَأَنَّهُ] خَاتَمُ الْأَنْبِيَاءِ، وَإِمَامُ الْأَثْقِيَاءِ، وَسَيِّدُ الْمُرْسَلِينَ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko (Muhamad) ari we wasozereje abahanuzi, akaba umuyobozi w'abatinyamana, ndetse akaba n'umutware w'izindi ntumwa zose.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **twemera ko (Muhamad) ari we wasozereje abahanuzi.**” Niwe wasozereje abahanuzi, bityo nta muhanuzi uzabaho nyuma ye. Nkuko bishimangirwa n'uyu murongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿مَا كَانَ مُحَمَّدٌ أَبَا أَحَدٍ مِّن رِّجَالِكُمْ وَلَكِن رَّسُولَ اللَّهِ وَخَاتَمَ النَّبِيِّينَ...﴾ ﴿الأحزاب: ٤٠﴾

“Ntabwo Muhamadi ari se w'uwo ariwe wese muri mwe, ahubwo ni Intumwa ya **Allah** akaba n'wasozereje abahanuzi...¹”

Bikanashimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Thawuban (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

¹ Qur'an 33:40

وعن ثوبان رضي الله عنه قال: قال رسول الله ﷺ (... وإنه سيكون في أمتي ثلاثون كذابون كلهم يزعم أنه نبي، وأنا خاتم النبيين، لا نبي بعدي.)

“Mu by’ukuri mu bayoboکه banjye (Umat), hazabamo ababeshyi mirongo itatu, buri wese azaba yiyita umuhanuzi, kandi ninjye wasozereje abahanuzi, nta muhanuzi uzabaho nyuma yanjye.¹”

Uyu murongo wa Qur’an n’iyi Hadithi ni igisubizo kinyomoza udutsiko tw’abitwa *Ahmadiyah* cyangwa se ak’abitwa *Al Qadiyaniyat* bemera ko nyuma y’Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) hari undi muhanuzi waje. Abamenyi bavuze ko bahakanye kubera ko ibi bemera bibeshyuza ibyo **Allah** yavuze muri Qur’an ndetse n’iby’Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze.

Ikindi kandi ni ngombwa guhamya ko Muhamad ari Intumwa ku bantu bose. Nkuko **Allah** abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ قُلْ يَا أَيُّهَا النَّاسُ إِنِّي رَسُولُ اللَّهِ إِلَيْكُمْ جَمِيعًا ... ﴾ الأعراف: ١٥٨

“Vuga (yewe Muhamadi) uti: “Yemwe bantu! Mu by’ukuri, jye ndi intumwa ya **Allah** yoherejwe kuri mwe mwese...”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ تَبَارَكَ الَّذِي نَزَّلَ الْفُرْقَانَ عَلَى عَبْدِهِ لِيَكُونَ لِلْعَالَمِينَ نَذِيرًا ﴾ الفرقان: ١

“Ubutagatifu ni ubw’uwahishuriye Qur’an umugaragu we kugira ngo abere umuburizi ibiremwa byose.³”

Bityo guhamya ko Muhamadi ari Intumwa y’Imana, ntibitandukana no guhamya ko Imana ari imwe. Niyo mpamvu umwanditsi w’igitabo yabizanye abikurikiranyije.

¹ Yakiriwe na Tirmidhi.

² Qur’an 7:158

³ Qur’an 25:1

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Ndetse akaba umuyobozi w’abatinyamana.”** Muhamad ni umuyobozi w’abatinyamana bose, haba mu bahanuzi no mu ntumwa z’Imana, ndetse n’abandi bantu muri rusange. Ariko biremewe kuba umuntu yaba umuyobozi wa bamwe mu batinyamana. Niyo mpamvu mu busabe bw’abagaragu ba **Allah** Nyirimpuhwe,

Allah yavuze muri Qur’an agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَأَجْعَلْنَا لِلْمُتَّقِينَ إِمَامًا ۗ﴾ الفرقان: ٧٤

“...Kandi utugire kuba abayobozi b’abatinya (**Allah**)”.¹

Na gihamya igaragaza ko Intumwa y’Imana ari yo irusha abandi gutinya Imana, ni Hadith yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati:

وعن أنسٍ رضي الله عنه قال: ... أما والله إني لأخشاكم لله وأتقاكم له لكني أصوم وأفطر، وأصلي وأرقد، وأتزوج النساء، فمن رغب عن سنتي فليس مني «متفق عليه».

“...Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha irababwira iti: “Nyamara njye kw’izina ry’Imana njye mbarusha gutinya Imana no kuyigandukira; ariko njye ndasiba nkanarya, nkasali nkanaruhuka, ndetse nkanashaka abagore. Ku bw’ibyo uzaca ukubiri n’imigenzo yanjye ntabwo ari kumwe nanjye.”²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Akaba n’umutware w’izindi ntumwa zose.”** Bivuze ngo ninawe mwiza kuzirusha, akaba ari nawe mwiza mu rubyaro rwa Adam uhereye ku wa mbere ukageza ku wa nyuma. Na gihamya y’ibi ni Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

¹ Qur’an 25 :74.

² Yakiriwe na Bukhari na Muslim.

عن أبي هريرة قال: قال رسول الله ﷺ: (أنا سيد ولد آدم يوم القيامة، وأول من ينشق عنه القبر، ...)

“Njye ndi umutware w’urubyaro rwa Adam ku munyi w’imperuka, nkaba uwa mbere uzavanwa mu mva...¹”

إثبات الخلة له صلى الله عليه وسلم كإبراهيم عليه السلام.

Gushimangira ko Intumwa Muhamad ari umukunzi magara wa Allah nk’uko Intumwa y’Imana Ibrahim yari umukunzi magara wa Allah.

وَحَيِّبُ رَبِّ الْعَالَمِينَ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko [Muhamad] ari umukunzi w’Umuremyi w’ibiremwa byose (Allah).

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **[Twemera ko Muhamad] ari umukunzi w’Umuremyi w’ibiremwa byose (Allah).** Allah Nyirubutagatifu akunda intumwa ze, abahanuzi, abarangwa no gukora ibyiza, abamutinya, abamwicuzaho, abiyeza, abagira ubutabera, abihangana, abaharanira inzira ya Allah (*Mudjahidina*), ndetse n’abemeramana muri rusange.

Bityo rero umwanditsi kuvuga ko Intumwa y’Imana Muhamad ari umukunzi w’Umuremyi w’ibiremwa byose, ntabwo ari umwihariko w’Intumwa y’Imana Muhamad gusa, kuko Imana ari

¹ Yakiriwe na Muslim

Umukunzi wa buri muhanuzi, ndetse ikaba n’umukunzi w’abemeramana.

Urugero Ally Ibun Abi Twalib ni umukunzi w’Umuremyi w’ibiremwa byose nk’uko bishimangirwa n’imvugo y’Intumwa y’Imana igira iti:

وعن أبي العباس سهل بن سعد الساعدي رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال يوم خيبر: «لأُعطينَ الرأيةَ غداً رجلاً يفتح الله على يديه، يُحِبُّ اللهَ ورسولَهُ، وَيُحِبُّهُ اللهُ وَرَسُولُهُ...» متفقٌ عليه.

Hadithi yaturutse kwa Abi Al Abass, Sahli Ibun Sa’ad As-Sa-aidiy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) mu rugamba rwa Khaybar yavuze iti: “Ejo nzaha ibendera umuntu Imana izahera mu biganza bye intsinzi, akunda Imana n’Intumwa yayo, ndetse n’Imana n’Intumwa yayo baramukunda...”¹”

Bityo rero aho kugira ngo umwanditsi avuge umukunzi w’Umuremyi w’ibiremwa byose, yari akwiriye kuvuga umukunzi magara w’Umuremyi w’ibiremwa byose. Kuko kuba umukunzi magara ni wo mwihariko Intumwa y’Imana yari ifite yo n’Intumwa y’Imana Ibrahimu. Nkuko bishimangirwa na Hadith zigira ziti:

قال رسول الله صلى الله عليه وسلم: (وإن الله قد اتخذني خليلاً، كما اتخذ إبراهيم خليلاً...)

Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti: “Mu by’ukuri Imana yangize inshuti magara, nkuko yagize Ibrahim inshuti yayo magara.”²”

¹ Yakiriwe na Bukhari na Muslim.

² Yakiriwe na Muslim

قال رسول الله ﷺ: (...ولو كنت متخذاً من أمتي خليلاً لآتخذت أبا بكر خليلاً. ولكن صاحبكم خليل الرحمن.) رواه مسلم .

Nanone Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti: “Iyo nza kugira uwo ngira inshuti magara mubo ku isi, nari kuyigira Abubakar, ariko uyu muvandimwe wanyu (Intumwa y’Imana) ni inshuti magara ya Nyirimpuhwe.¹”

Ikindi twakwibutsa nuko bamwe mu gatsiko k’abitwa *A-Swufiyat* bari mu matsinda yayobye berekana ko ijambo (*Habib*) umukunzi ari ryo rikomeye kurusha ijambo (*Khalil*) inshuti magara. Ariko ibyo bavuga ntabwo ari ukuri. Ndetse na Hadithi bashingiraho ivuga ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti: “Mubyukuri Ibrahim yari *Khalil* wa **Allah** na njye ndi *Habibu* wa **Allah** kandi mbivuze nta bwibone.”²

Iyi Hadithi ifite inenge ntabwo byemewe kuyitangaho gihamya kuko inyuranya n’izindi Hadithi z’impamo. Ikindi twavugaga n’uko ubusanzwe mu rulimi rw’icyarabu aya magambo *Khalil* na *Habibu* atandukanye, ijambo *Khalil* nk’uko twabibonye ruguru ni inshuti magara, rukaba ari narwo rwego rwo hejuru mu byerekeye gukunda. Naho ijambo *Habibu* uyu aba ari inshuti ariko itaragera mu rwego rwo kuba inshuti magara. **Allah** niwe mumenyi uhebuje.

¹ Yakiriwe na Muslim.

² Yakiriwe na A-Darimiy na Trimidhi

حکم دعوی النبوة بعد محمد صلی اللہ علیہ وسلم.

Itegeko rireba uwiyitirira ubutumwa nyuma y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

وَكُلُّ دَعْوَى النُّبُوَّةِ بَعْدَهُ فَعَيٌّ وَهَوَى.

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko buri wese wiyitirira ubuhanuzi nyuma ye [Intumwa y'Imana Muhamad] ko bizamugusha mu buyobe ndetse no gutana (inzira igororotse).

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Muri iki cyigwa umwanditsi ari guhakana akanaburizamo ikinyoma cy'uwo ari we wese wakwiyitirira ubuhanuzi nyumwa y'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Bityo rero uwakwiyitirira ubuhanuzi nyuma yo koherezwa kw'Intumwa y'Imana Muhamad, yaba uwabikoze Intumwa y'Imana ikiriho, cyangwa ababikoze nyuma yo gutabaruka kwayo, aba bose baba ari abanyabinyoma, kandi baba ari n'abanyamahugu cyane. Nkuko Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَنْ أَظْلَمُ مِمَّنِ افْتَرَى عَلَى اللَّهِ كَذِبًا أَوْ قَالَ أُوحِيَ إِلَيَّ وَلَمْ يُوحَ إِلَيْهِ شَيْءٌ وَمَنْ قَالَ سَأُنزِلُ مِثْلَ مَا أَنْزَلَ اللَّهُ...﴾ ﴿١٣﴾ ﴿الأنعام: ٩٣﴾

“Ni nde munyamahugu kurusha uhimbira Allah ikinyoma, cyangwa uvuga ati "Narahishuriwe", kandi nta cyo yahishuriwe, n'uvuga ati: “Nzahishura nk'ibyo Allah yahishuye...”¹”

¹ Qur'an 6:93

Hari abiyitiriye ubuhanuzi Intumwa y’Imana Muhammad ikiriho nka Musaylamatu Al Kadhab, As’wadu Al An’nsii. N’abandi babwiyitiriye nyuma ye nk’uko Intumwa y’Imana yabihanuye ko bizabaho. Ubwo uzabwiyitirira nyuma ye azaba ari umubeshyi.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿مَا كَانَ مُحَمَّدٌ أَبَا أَحَدٍ مِّن رِّجَالِكُمْ وَلَكِن رَّسُولَ اللَّهِ وَخَاتَمَ النَّبِيِّينَ...﴾ ﴿الأحزاب: ٤٠﴾

“Ntabwo Muhamadi ari se w’uwo ariwe wese muri mwe, ahubwo ni Intumwa ya **Allah** akaba n’uwasozereje abahanuzi...¹”

عموم بعثته صلى الله عليه وسلم للجن والإنس.

Gushimangira ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yoherejwe ku bantu n’amajini bose muri rusange.

وَهُوَ الْمَبْعُوثُ إِلَى عَامَّةِ الْجِنِّ وَكَافَّةِ الْوَرَى

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera kandi ko (Intumwa y’Imana Muhammad) ari yo yoherejwe ku biremwa byose, byaba amajini n’abantu muri rusange.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Iki cyigwa kiragaragaza ko Intumwa y’Imana yoherejwe ku bantu bose ndetse n’amajini yose. Na gihamya igaragaza ko Intumwa y’Imana yoherejwe ku bantu bose n’amajini yose, twavuga nk’aho **Allah** agira ati:

¹ Qur’an 33:40

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ أُوحِيَ إِلَيَّ أَنَّهُ اسْتَمَعَ نَفَرٌ مِّنَ الْجِنِّ فَقَالُوا إِنَّا سَمِعْنَا قُرْآنًا عَجَبًا ﴿١﴾ يَهْدَىٰ إِلَى الرُّشْدِ فَآمَنَّا بِهِ ۗ وَلَنْ نُشْرِكَ بِرَبِّنَا أَحَدًا ﴿٢﴾﴾ **الجن: ١-٢**

“Vuga (yewe Muhamadi) uti “Nahishuriwe ko hari itsinda ry’amajini ryumwise (Qur’an isomwa), nuko rikavuga riti “Mu by’ukuri, twumwise Qur’an itangaje. Iyobora iganisha ku kuri, nuko turayemera kandi ntituzigera tubangikanya Nyagasani wacu (Allah) n’icyo ari cyo cyose.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِذْ صَرَفْنَا إِلَيْكَ نَفَرًا مِّنَ الْجِنِّ يَسْتَمِعُونَ الْقُرْآنَ فَلَمَّا حَضَرُوهُ قَالُوا أَنصِتُوا فَلَمَّا قُضِيَ وَلَّوْا إِلَىٰ قَوْمِهِمْ مُّنْذِرِينَ ﴿٢٩﴾﴾ **الأحقاف: ٢٩**

“Unibuke (yewe Muhamadi) ubwo twakoherezaga itsinda ry’amajini kugira ngo ryumve Quran, ubwo yahageraga yaravuze ati: “Nimuceceke”. Nuko imaze (gusomwa), (amajini) yasubiye kuburira bene wayo.”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَمَعْشَرَ الْجِنِّ وَالْإِنسِ إِنِ اسْتَطَعْتُمْ أَنْ تَنْفُذُوا مِنْ أَقْطَارِ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ فَانْفُذُوا لَا تَنْفُذُونَ إِلَّا بِإِذْنِ رَبِّكَ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ ﴿٣٣﴾﴾ **الرحمن: ٣٣**

“Yemwe majini na mwe bantu! Niba mufite ubushobozi bwo kugenda mukarenga imbago z’ibirere n’isi (muhunga ibihano bya Allah), muzagende. Ariko ntimushobora kuzirenga keretse ku bw’itegeko (rya Allah).”³

¹Qur’an 72:1-2

² Qur’an 46:29

³ Qur’an 55:33.

فضل رسالته وكمال شريعته ﷺ

Ibyiza by'ubutumwa bw'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), no kuzura kw'amategeko yahawe.

بِالْحَقِّ وَالْهُدَى، وَبِالتَّوْرِ وَالزَّبُورِ

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera kandi ko [Intumwa y'Imana Muhamad] ubutumwa bwayo yahawe ari ubw'ukuri, bukanaba umuyoboro utunganye, urumuri ndetse n'umucyo ku biremwa.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Aha umwanditsi aragaragaza ko Intumwa y'Imana Muhamad] ubutumwa bwayo yahawe ari ubw'ukuri, bukanaba umuyoboro utunganye, urumuri ndetse n'umucyo ku biremwa. Nkuko bishimangirwa n'imirongo ya Qur'an nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿هُوَ الَّذِي أَرْسَلَ رَسُولَهُ بِالْهُدَىٰ وَدِينِ الْحَقِّ لِيُظْهِرَهُ عَلَى الدِّينِ كُلِّهِ وَلَوْ كَرِهَ الْمُشْرِكُونَ﴾ ﴿٣٣﴾ التوبة: ٣٣

“Ni we wohereje Intumwa ye (Muhamadi) izanye umuyoboro (Qur'an) n'idini by'ukuri, kugira ngo arisumbishe andi madini yose, n'ubwo bitashimisha ababangikanyamana.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّا أَرْسَلْنَاكَ بِالْحَقِّ بَشِيرًا وَنَذِيرًا وَلَا تُسْأَلُ عَنْ أَصْحَابِ الْجَحِيمِ﴾ ﴿١١٩﴾ البقرة: ١١٩

¹ Qur'an 9:33

“Mu by’ukuri, twakohereje (uhawe) ukuri (Isilamu), utanga inkuru nziza (ku bemera **Allah**) unaburira (abahakanyi). Kandi ntuzabazwa iby’abo mu muriro.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَأَمِنُوا بِاللَّهِ وَرَسُولِهِ وَالنُّورَ الَّذِي أَنْزَلْنَا وَاللَّهُ بِمَا تَعْمَلُونَ خَبِيرٌ ﴿٨﴾ التَّغَابُن: ٨

“Bityo, nimwemere **Allah** n’Intumwa ye (Muhamadi) ndetse n’urumuri (Quran) twahishuye. Kandi **Allah** ni Umumenyi uhebuje w’ibyo mukora.”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... فَأَلَّذِينَ آمَنُوا بِهِ وَعَزَّرُوهُ وَنَصَرُوهُ وَاتَّبَعُوا النُّورَ الَّذِي أُنزِلَ مَعَهُ أُولَئِكَ هُمُ الْمُفْلِحُونَ ﴿١٥٧﴾ الأعراف: ١٥٧

“...Bityo babandi bamwemeye, bakamwubaha, bakamushyigikira bakanakurikira urumuri yahishuriwe (Qur’an), abo ni bo bakiranutsi.”³

¹ Qur’an 2:119.

² Qur’an 64:8

³ Qur’an 7:157

عقيدة أهل السنة والجماعة في القرآن ورد على المخالفين.

Imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) kuri Qur'an, no gusubiza abatemera nk'abo kuri yo.

وَأَنَّ الْقُرْآنَ كَلَامُ اللَّهِ تَعَالَى، مِنْهُ بَدَأَ بِإِلَاحِ كَيْفِيَّةِ قَوْلًا، وَأَنْزَلَهُ عَلَى رَسُولِهِ وَحَيًّا، وَصَدَّقَهُ الْمُؤْمِنُونَ عَلَى ذَلِكَ حَقًّا؛ وَأَيَّقُنَا أَنَّهُ كَلَامُ اللَّهِ تَعَالَى بِالْحَقِيقَةِ، لَيْسَ بِمَخْلُوقٍ كَكَلَامِ الْبَرِيَّةِ، فَمَنْ سَمِعَهُ فَرَعَمَ أَنَّهُ كَلَامُ الْبَشَرِ فَقَدْ كَفَرَ، وَقَدْ ذَمَّهُ اللَّهُ تَعَالَى وَعَابَهُ وَأَوْعَدَهُ بِسَقَرٍ؛ حَيْثُ قَالَ تَعَالَى: (سَأُصْلِيهِ سَقَرَ) المدثر: ٢٦. فَلَمَّا أَوْعَدَ اللَّهُ بِسَقَرٍ لِمَنْ قَالَ: (إِنْ هَذَا إِلَّا قَوْلُ الْبَشَرِ) المدثر: ٢٥، عَلِمْنَا [وَأَيَّقْنَا] أَنَّهُ قَوْلُ خَالِقِ الْبَشَرِ، وَلَا يُشْبِهُ قَوْلَ الْبَشَرِ. وَمَنْ وَصَفَ اللَّهُ تَعَالَى بِمَعْنَى مِنْ مَعَانِي الْبَشَرِ فَقَدْ كَفَرَ؛ فَمَنْ أَبْصَرَ هَذَا اعْتَبَرَ، وَعَنْ مِثْلِ قَوْلِ الْكُفَّارِ انْزَجَرَ، وَعَلِمَ أَنَّهُ بِصِفَاتِهِ لَيْسَ كَالْبَشَرِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) tunemera ko Qur'an ari amagambo ya Allah matagatifu, kuri we akaba ari ho yatangiriye, bitarimo kugaragaza uburyo yayavuzemo. Tukanemera ko yayamanuriye Intumwa ye (Muhamadi abinyujije kuri Malayika Djibrilu), abemeramana bahamya ko ari ay'ukuri, banemera badashidikanya ko ari amagambo ya Allah nyayo, ko ataremwe nk'amagambo y'ibiremwa. Bityo uzayumva akavuga ko ari amagambo y'abantu azaba ahakanye, ndetse umuntu nk'uwo Allah yaramuvumye aranabimugayira anamuteganyiriza kuzamwinjiza mu muriro wa (Saqr) aho yagize ati: "Nzamwinjiza mu muriro." Qur'an 74: 26. Maze Allah amaze gusezeranya umuriro wa (Saqr) uzavuga ko iyi Qur'an ari amagambo y'umuntu, (nk'uko bamwe bavugaga ko)

“Ibi (Muhamadi yigisha) nta kindi biri cyo uretse ko ari amagambo y’umuntu?” Qur’an 74: 25. Twe twahise twemera tudashidikanya ko ari amagambo y’umuremyi w’abantu (Allah), kandi ko atameze nk’amagambo y’abantu. Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera ko uzitirira Allah kimwe mu biranga abantu azaba ahakanye; bityo uzashishoza muri ibi azabikuramo inyigisho, ndetse bizatuma yitandukanya n’imvugo z’abahakanyi, binamuhe kwemera adashidikanya ko ibigwi biranga Allah bitameze nk’ibigwi by’abantu (n’ibindi biremwa)!

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Hari bamwe mu bantu bibwira ko gutagatifuza Imana ari uguhakana ko yavuze, kuko kuvuga biri mu biranga ibiremwa, ariko kuvuga gutya ni ukubera kudasobanukirwa ndetse n’ubujiji; kuko kwemera gutyo biba bivuze ko nta magambo y’Imana abaho Imana yavuze abantu bakwiye kwemera no kumvira. Ibyo rero byaba ari ubuhakanyi ndetse n’ubuyobe, no guhakana amategeko Imana yashyizeho, ibinyujije mu bitabo byayo yahishuriye Intumwa zayo.

Hari n’abandi bavuga ko ari amagambo y’Intumwa z’Imana atari ay’Imana, ariko ibi byose ni ubuhakanyi.

Icyo twakwibutsa abantu nk’aba, nuko hari bimwe mu biranga abantu bihuje inyito n’ibiranga Imana nko kuvuga, kumva, kwishima, kurakara ndetse n’ibindi. Ariko biratandukanye mu miterere yabyo n’uburyo bikorwamo, bityo Imana iravuga ari ko ntivuga nk’abantu, irumva ariko ntiyumva nk’abantu, irishima ndetse ikanarakara ariko ntibikora kimwe nk’abantu, byose ibikora bigendanye n’icyubahiro cyayo ndetse n’ubuhamabare bwayo.

Ibyo tubyemera gutyo kuko niyo ubwayo yabyihamirije mu gitabo cyayo gitagatifu (Qur'an), ndetse no mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) *Sunat*.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **Tunemera ko Qur'an ari amagambo ya Allah matagatifu.** Hari imirongo myinshi igaragaza ko Qur'an ari amagambo ya Allah kandi ko Allah avuga. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَإِنَّ أَحَدًا مِّنَ الْمُشْرِكِينَ اسْتَجَارَكَ فَأَجْرُهُ حَتَّى يَسْمَعَ كَلِمَ اللَّهِ ... ﴾ النوبة: ٦

“Mu babangikanyamana nihagira ugusaba ubuhungiro (umutekano), ujye ubumuha kugira ngo yumve amagambo ya Allah (Qur'an)...”¹

Qur'an rero ni amagambo ya Allah byaba inyuguti zayo n'ibisobanuro byayo. Allah yayavuze mu buryo bwa nyabwo ateguka, abuzza ndetse anatanga inkuru zitandukanye.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Kuri we akaba ari ho yatangiye.”** Bisobanuye ko Allah ari we wayatangije. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ تَنْزِيلُ الْكِتَابِ مِنَ اللَّهِ الْعَزِيزِ الْحَكِيمِ ﴾ الزمر: ١

“Ihishurwa ry'iki gitabo (Qur'an) rituruka kwa Allah, Umunyembaraga uhebuje, Ushishoza.”²

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Bitarimo kugaragaza uburyo yayavuzemo.”** Aha umwanditsi yibutsaga uburyo twemera ibigwi n'ibisingizo bya Allah, tuterekanye uburyo Allah abikoramo kubera ko atabitweretse.

¹ Qur'an 9:6
² Qur'an 39:1

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Tukanemera ko yayamanuriye Intumwa ye (Muhamadi abinyujije kuri Malayika Djibrilu)”** Ibi bishimangirwa n’imirongo itandukanye nk’aho **Allah** agira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿ نَزَلَ بِهِ الرُّوحُ الْأَمِينُ ﴿ عَلَى قَلْبِكَ لِتَكُونَ مِنَ الْمُنذِرِينَ ﴿ بِلِسَانٍ عَرَبِيٍّ مُبِينٍ ﴿ ﴿١٩٥﴾﴾﴾﴾﴾

الشعراء: ١٩٣ - ١٩٥

*“Yamanuwe na Roho w’umwizerwa [Malayika Jibrilu (Gaburiheli)]. Ku mutima wawe (yewe Muhamadi) kugira ngo ube umwe mu baburira, (Ayimanura iri) mu rurimi rw’Icyarabu gisobanutse.”*¹

Allah nanone aragira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَا كَانَ لِبَشَرٍ أَنْ يُكَلِّمَهُ اللَّهُ إِلَّا وَحْيًا أَوْ مِنْ وَرَائِ حِجَابٍ أَوْ يُرْسِلَ رَسُولًا فَيُوحِيَ ﴿ بِإِذْنِهِ مَا يَشَاءُ إِنَّهُ عَلَىٰ حَكِيمٍ ﴿ ﴿الشورى: ٥١﴾﴾﴾﴾﴾﴾

﴿الشورى: ٥١﴾﴾﴾﴾﴾﴾

*“Ntibibaho ko **Allah** yavugisha umuntu, bitanyuze mu guhishurirwa cyangwa kumva ijwi rimuvugishiriza inyuma y’urusika, cyangwa (**Allah** yabishaka) akamwoherereza intumwa ikamuhishurira ibyo (**Allah**) ashaka. Mu by’ukuri, we ni Uwikirenga, Ushishoza.”*²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Abemeramana bahamya ko ari ay’ukuri.”** Aha umwanditsi yagaragaza ko umwemera-manana nyawe, ari wawundi ushimangira ko ubuhanuzi bw’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ari ubw’ukuri. Ibyo bikanatwibutsa amateka y’Intumwa y’Imana ubwo yabwiraga abantu ko yatangiye guhishurirwa ubutumwa buvuye kwa **Allah**, bamwe mu bantu bakamugira umusazi, abandi bamugira umusizi, abandi bamugira umupfumu, abandi bavuga ko ari umurozi. Ariko abemeramana nyabo bahise bemera ko ari Intumwa kandi y’ukuri. Mu bemeye ubutumwa bwe bwa

¹ Qur’an 26:193-195

² Qur’an 42:51

mbere twavugamo nk'umugore we Khadidjat, Abubakar ndetse n'abandi (Allah abishimire bose). Allah yagaragaje imyitwarire ya bamwe nyuma yuko Intumwa y'Imana itangiye guhushurirwa ubutumwa agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّهُ لَقَوْلُ رَسُولٍ كَرِيمٍ ﴿٥٥﴾ وَمَا هُوَ بِقَوْلِ شَاعِرٍ قَلِيلًا مَّا تُوْمَنُونَ ﴿٥٦﴾ وَلَا بِقَوْلِ كَاهِنٍ قَلِيلًا مَّا تَذَكَّرُونَ ﴿٥٧﴾ تَنْزِيلٌ مِّن رَّبِّ الْعَالَمِينَ ﴿٥٨﴾ وَلَوْ تَقَوَّلَ عَلَيْنَا بَعْضَ الْأَقَاوِيلِ ﴿٥٩﴾ لَأَخَذْنَا مِنْهُ بِالْيَمِينِ ﴿٦٠﴾ ثُمَّ لَقَطَعْنَا مِنْهُ الْوَتِينَ ﴿٦١﴾ فَمَا مِنْكُمْ مِنْ أَحَدٍ عَنْهُ حَاجِيزِينَ ﴿٦٢﴾ وَإِنَّهُ لَتَذَكَّرٌ لِّلْمُتَّقِينَ ﴿٦٣﴾ وَإِنَّا لَنَعْلَمُ أَنَّ مِنْكُمْ مُّكَذِّبِينَ ﴿٦٤﴾ وَإِنَّهُ لَحَسْرَةٌ عَلَى الْكٰفِرِينَ ﴿٦٥﴾ وَإِنَّهُ لَحَقُّ الْيَقِينِ ﴿٦٦﴾ فَسَبِّحْ بِاسْمِ رَبِّكَ الْعَظِيمِ ﴿٦٧﴾ الحاقه: ٤٠ - ٥٢

“Mu by’ukuri, iyi (Qur’an) ni ijambo (rya Allah risomwa) n’Intumwa yubahitse (Muhamadi). Nta bwo ari imvugo y’umusizi. Ariko mwemera gake! Nta n’ubwo ari imvugo y’umupfumu. Ariko mwibuka gake! (Ahubwo ni igitabo) cyahishuwe giturutse kwa Nyagasani w’ibiremwa. N’iyo (Muhamadi) aza kugira ibyo aduhimbira (tutavuze). Twari kumufatisha (imbaraga) n’ukuboko kw’iburyo. Maze tukamuca umutsi w’ijosi (uva ku mutima, utanga ubuzima). Nta n’umwe muri mwe wari kugira icyo amumarira (ngo amutabare). Kandi mu by’ukuri (Qur’an) ni urwibutso ku batinya Allah. Rwose tuzi neza ko muri mwe hari abahinyura. Kandi rwose (ku munsu w’imperuka, Qur’an) izaba amakuba ku bahakanyi. Kandi mu by’ukuri (Qur’an) ni ukuri kudashidikanywaho. Bityo, tagatifuza izina rya Nyagasani wawe, Uhambaye.”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Banemera badashidikanya ko ari amagambo ya Allah nyayo, ko ataremwe nk’amagambo y’ibiremwa.”** Aha umwanditsi yagaragaje ko abemeramana bashimangira bakanemeza ko Qur’an ari amagambo ya Allah nyayo yivugiye, bitandukanye n’abavuga ko ari amagambo amwitirirwa. Ikindi harimo gusubiza udutsiko tw’abitwa Al Djahmiyat n’abitwa Al Mu-utazilat, ndetse n’abitwa Al A-Sha-irat bahakana amagambo ya Allah bavuga ko

¹ Qur’an 69:40-52

Qur'an n'andi magambo **Allah** avuga ari amagambo ya **Allah** ariko akaba yararemwe. Kuko bo bemera ko **Allah** atavuga. Kugeza n'ubwo bavuze ko ijwi Imana yahamagayemo Intumwa Mussa mu kibaya gitagatifu ari amagambo yaremeye mu giti akumvwa na Mussa.

Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu sunat wal Djama-at*) babasubiza bavuga ko ari **Allah** wamuhamagaye, kuko iyo biza kuba amagambo yamuhamagaye atari aya **Allah** ubwo yari kuba ari ay'icyo giti, ubwo nicyo cyari kuba kibaye Imana, kuko ijwi ryaturutse mu giti ryagiraga riti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنِّي أَنَا اللَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا أَنَا فَاعْبُدْنِي وَأَقِمِ الصَّلَاةَ لِذِكْرِي﴾ طه: ١٤

“*Mu by'ukuri (yewe Mussa), ni njye Allah, nta yindi mana ikwiriye gusengwa mukuri itari njye. Bityo, ngaragira! Kandi uhozeho amasengesho (Swalat) kugira ngo unyibuke.*”¹

Iyi ikaba ari yo nkomoko y'ikigeragezo kigeze kubaho kivuga ko Qur'an ari amagambo yaremwe, kugeza bwo abantu bahatiwe kubyemera n'abamenyi bagiriwa nabi, ku isonga ry'abo bamenyi twavugaga Imam Ahmad Ibun Han'bal (Imana imwishimire).

Twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu sunat wal Djama-at*) turavugaga tuti: **Allah** aravugaga, kandi avugaga amagambo yumvikana byaba mu ijwi cyangwa mu bisobanuro, bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe. Kandi tukemera ko imiterere y'amagambo ya **Allah** yihariye nawe.

Naho ijamba ry'umwanditsi rigira riti: **Bityo uzayumva akavugaga ko ari amagambo y'abantu azaba ahakanye.**” Aha umwanditsi yari agamije gusubiza agatsiko k'abanyabihimbano bashaka

¹ Qur'an 20:14.

gusanisha amagambo ya **Allah** nk'ay'ibiremwa, ndetse ko n'ibikorwa bya **Allah** n'ibigwi bimiranga ari nk'iby'ibiremwa, cyangwa se akayitirira ibiremwa.

Allah abahinyuza agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... لَيْسَ كَمِثْلِهِ شَيْءٌ وَهُوَ السَّمِيعُ الْبَصِيرُ ﴿١١﴾﴾ الشورى: ١١

“Ntagira icyo asa na cyo, kandi we ni Uwumva cyane, Ubona bihebuje.”¹

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Ndetse umuntu nk'uwo Allah yaramuvumye aranabimugayira anamuteganyiriza kuzamwinjiza mu muriro wa (Saqar) aho yagize ati: “Nzamwinjiza mu muriro.” Qur'an 74: 26. Maze Allah amaze gusezerayya umuriro wa (Saqar) uzavuga ko iyi Qur'an ari amagambo y'umuntu...”** Umwanditsi hano yagaragazaga ubuhambare bwo guhakana ibyo **Allah** yihamirije ko ari mu bimiranga, nko kuvuga n'ibindi. Kandi ko guhakana bimwe mu bimiranga cyangwa se kubishakira ubusesenguzi bihabanye n'ukuri kwabyo ari ubuhakanyi kandi ko urangwa nabyo azabihanirwa.

Ikindi umwanditsi yagarutseho, ni inkuru iboneka muri *Surat Al Mudathir* ivuga kuri Al Walid Ibun Al Mughirat ubwo yazaga kumviriza Qur'an ku Ntumwa y'Imana akumva ari amagambo meza yuje ubwuzu, ariko amaze gusubira muri bene wabo b'Abaqurayshi akavuga neza Qur'an bahise bamunenga ndetse baranamwikoma, nawe mu kwikura mu kimwano no kutemera guseba muri bene wabo, byatumye avuga ko Qur'an ari amagambo y'umuntu. **Allah** agaragaza ibihano bye ndetse n'uzemera nk'awe agira ati:

¹ Qur'an 42:11

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ذَرْنِي وَمَنْ خَلَقْتُ وَحِيدًا ﴿١١﴾ وَجَعَلْتُ لَهُ مَا آلا مَمْدُودًا ﴿١٢﴾ وَبَيْنَ شُهُودًا ﴿١٣﴾ وَمَهَّدْتُ لَهُ تَمْهِيدًا ﴿١٤﴾ ثُمَّ يَطْمَعُ أَنْ أَزِيدَ ﴿١٥﴾ كَلَّا إِنَّهُ كَأَن لَّيَلْتَنَا عَيْنِدَا ﴿١٦﴾ سَأُهِقُهُ صَعُودًا ﴿١٧﴾ إِنَّهُ فَكَّرَ وَقَدَّرَ ﴿١٨﴾ فَقَتَلَ كَيْفَ قَدَّرَ ﴿١٩﴾ ثُمَّ قَتَلَ كَيْفَ قَدَّرَ ﴿٢٠﴾ ثُمَّ نَظَرَ ﴿٢١﴾ ثُمَّ عَبَسَ وَبَسَرَ ﴿٢٢﴾ ثُمَّ أَدْبَرَ وَاسْتَكْبَرَ ﴿٢٣﴾ فَقَالَ إِن هَذَا إِلَّا سِحْرٌ يُؤْتَرُ ﴿٢٤﴾ إِن هَذَا إِلَّا قَوْلُ الْبَشَرِ ﴿٢٥﴾ سَأُصْلِيهِ سَقَرَ ﴿٢٦﴾ وَمَا أَذْرَكَ مَا سَقَرٌ ﴿٢٧﴾ لَا تَبْقَى وَلَا تَذَرُ ﴿٢٨﴾ لَوْ آهَهُ لِلْبَشَرِ ﴿٢٩﴾ عَلَيْهَا تِسْعَةَ عَشَرَ ﴿٣٠﴾ ﴿ المدثر: ١١ - ٣٠ ﴾

“(Yewe Muhamadi) ndekera uwo naremye ari wenyine (uvugwa aha ni Al Walid Ibun Al Mughirat). Nkamuha imitungo itubutse. N’urubyaro rumukikije. Nkanamworohereza ubuzima. Nyuma y’ibyo byose, akaba yifuzza ko namwongera. Oya! Mu by’ukuri, yajyaga ahinyura amagambo yacu cyane. Nzamunaniza muhanisha ibihano bikomeye. Mu by’ukuri, yatekereje (ku byo avuga) maze afata umwanzuro (wo gutuka Allah, Intumwa ye ndetse na Qur’an). Bityo, navumwe kubera umwanzuro yafashe! Niyongere avumwe kubera umwanzuro yafashe! Nuko (yubura amaso) areba (abari bamukikije). Maze azinga umunya, akambya agahanga. Nuko atera umugongo (ukuri), maze aribona. Aravuga ati: “Ibi (Muhamadi yigisha) nta kindi biri cyo uretse ko ari uburozi (akomora ku barozi bo hambere bakomeye)! Ibi (Muhamadi yigisha) nta kindi biri cyo uretse ko ari amagambo y’umuntu!. (uyu Mughirat) Nzamwinjiza mu muriro (wa Saqar). N’iki cyakumenyeshya uwo muriro? Ntacyo ureka ndetse nta n’icyo usigaza. Utwika imibiri ukanayishiriza. Urinzwe (n’abamalayika) cumi n’icyenda.”¹¹

Ikindi twakwibutsa nuko ntawashobora kuvuga amagambo meza atunganye nk’amagambo ya Allah. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ قُلْ لَئِنِ اجْتَمَعَتِ الْإِنْسُ وَالْجِنُّ عَلَىٰ أَنْ يَأْتُوا بِمِثْلِ هَذَا الْقُرْآنِ لَا يَأْتُونَ بِمِثْلِهِ وَلَوْ كَانَ بَعْضُهُمْ لِبَعْضٍ ظَهِيرًا ﴿٨٨﴾ ﴾ الإسراء: ٨٨

¹¹ Qur’an 74:11-30

“Vuga (yewe Muhamadi) uti “N’iyo abantu n’amajini baza kwishyira hamwe ngo bazane igisa nk’iyi Qur’an, ntibari kuzana igisa nayo, kabone n’iyo baza kwifatanya.”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera ko uzitirira Allah kimwe mu biranga abantu azaba ahakanye.”** Nkuko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ هُوَ اللَّهُ أَحَدٌ ﴿١﴾ اللَّهُ الصَّمَدُ ﴿٢﴾ لَمْ يَلِدْ وَلَمْ يُولَدْ ﴿٣﴾ وَلَمْ يَكُنْ لَهُ كُفُوًا أَحَدٌ ﴿٤﴾﴾ الإخلاص: ١ - ٤

“Vuga (yewe Muhamadi) uti “We ni Allah, umwe Rukumbi. Allah, Uwishingikirizwa. Ntiyabyaye kandi ntiyanabyawe. Ndetse nta na kimwe wamugereranya na cyo.”²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **Bityo uzashishoza muri ibi azabikuramo inyigisho, ndetse bizatuma yitandukanya n’imvugo z’abahakanyi, binamuhe kwemera adashidikanya ko ibigwi biranga Allah bitameze nk’ibigwi by’abantu (n’ibindi biremwa)! Uzasobanukirwa ibiranga Allah, agasobanukirwa ibisingizo n’ibigwi bya Allah bizamubera intwaro yo kutaba mu bahinyura ibya Allah, Allah yasezeranije ibihano bikaze.**

Bityo rero Qur’an ni amagambo ya Allah, kandi Allah aravuga akavugira igihe ashatse, ibyo ashatse, iyo abishatse, kandi ko amagambo ya Allah yumvwa n’uwo ashatse nta muhuza ubayeho. Na gihanya zishimangira ko Allah avuga ni nyinshi nk’aho Allah agira ati:

¹ Qur’an 17:88

² Qur’an 112

قَالَ تَعَالَى: ﴿ قَالَ اللَّهُ هَذَا يَوْمٌ يَنْفَعُ الصَّادِقِينَ صِدْقُهُمْ... ﴾ المائدة: ١١٩

“Allah azavuga ati: «Uyu ni umunsi abanyakuri bazagirirwa akamaro n’ukuri kwabo...”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... وَاللَّهُ يَقُولُ الْحَقَّ وَهُوَ يَهْدِي السَّبِيلَ ﴾ الأحزاب: ٤

“...Kandi Allah avuga ukuri, ni na we uyobora inzira (itunganye).”²

Bityo rero Allah aravuga kandi amagambo ye ntagereranywa n’ay’ibiremwa, ndetse ibigwi bye n’ibisingizo bye ntibigereranywa nk’iby’ibiremwa. Ahubwo dutegutse kwemera Allah nk’uko yivuze, tukemera ibigwi n’ibisingizo yavuze ko bimuranga bijyanye n’icyubahiro cye n’ubuhambare bwe, tutagize icyo duhakana cyangwa ngo tukigereranye nk’icy’ikiremwa kuko ari ubuhakanyi.

إثبات رؤية المؤمنين لربهم في الآخرة.

Gushimangira ko abemeramana bazareba Nyagasani wabo ku munsi w’imperuka.

وَالرُّؤْيُ حَقٌّ لِأَهْلِ الْجَنَّةِ بِغَيْرِ إِحْاطَةٍ وَلَا كَيْفِيَّةٍ كَمَا نَطَقَ بِهِ كِتَابُ رَبِّنَا: ”وَجُوهٌ يَوْمَئِذٍ نَاضِرَةٌ إِلَىٰ رَبِّهَا نَاطِرَةٌ.“ القيامة: ٢٢ - ٢٣ ، وَتَفْسِيرُهُ عَلَىٰ مَا أَرَادَهُ اللَّهُ تَعَالَىٰ وَعَلِمَهُ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) Twemera tudashidikanya kandi ko

¹Qur’an 5:119

² Qur’an 33:4

abazajya mu ijuru bazabona Imana, ariko ntibazayireba ngo bayiheture kandi ntituzi n’uburyo bazayirebamo. Tukanemera ko (kureba Imana) ari ukuri nk’uko Nyagasani wacu yabivuze mu gitabo cya (Qur’an) aho agira ati: “Kuri uwo muni, uburanga (bw’abemeramana) buzaba burabagirana, bureba Nyagasani wabwo.” Qur’an 75:22-23. Uburyo bwo kuzarebamo Allah niwe ubuzi kandi buzaba buhuye n’ubushake bwe.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Iki cyigwa umwanditsi yakizanye ashaka gushimangira ko abemeramana bazareba imbonankubone Nyagasani wabo ubwo bazaba bari ku rubuga rw’ibarura ku muni w’imperuka, ndetse ko bazongera kumureba bari mu ijuru.

Ikindi nuko muri iki cyigwa umwanditsi yazanye uyu murongo wa Qur’an ashaka gusubiza abahakana ko Allah ntawe uzamureba imbonankubone ari bo: Agatsiko k’abitwa *Al Djah’miyat* hamwe na *Al Mu-utazilat* n’ababakurikiye mu ba *Khawaridj*, n’aba *Imamiyat*, bavuga ko umuntu adashobora kureba imbonankubone Allah cyangwa bakabiha ibindi bisobanuro bitagamijwe. Ariko ibi ntibyaba impamvu yo guhakana ko batazareba Allah ku muni w’imperuka, kuko kuri uwo muni ubuzima bw’ibiremwa n’imiterere yabyo bizaba byahindutse.

Ikindi kandi nuko iyo mvugo yabo nta shingiro ifite, nkuko ivuguruzwa n’igitabo cy’Imana (Qur’an) ndetse n’Imvugo z’Intumwa yayo.

Ikindi umwanditsi yagarutseho muri iki cyigwa nuko uburyo bwo kurebamo Allah ku muni w’imperuka cyangwa mu ijuru ntawe uzi imiterere yabwo, gusa ikiri ngombwa ni ukwemera ko Allah azarebwa imbonankubone n’abemeramana.

Hari n’indi mirongo mitagatifu ya Qur’an ishimangira ko abemeramana bazareba Nyagasani wabo ku munsu w’imperuka. Nk’aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لِّلَّذِينَ أَحْسَنُوا الْحُسْنَىٰ وَزِيَادَةٌ...﴾ ﴿٢٦﴾ **يونس: ٢٦**

“Abagize neza bazagororerwa ibyiza (Ijuru), ndetse n’ akarusho (kubona uburanga bwa **Allah**) ...¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿كَلَّا إِنَّهُمْ عَنْ رَبِّهِمْ يَوْمَئِذٍ لَمَّحْجُوبُونَ﴾ ﴿١٥﴾ **المطففين: ١٥**

“Oya! Mu by’ukuri, kuri uwo munsu bazabuzwa kureba Nyagasani wabo.²”

Naho ijamba ry’umwanditsi rigira riti: “**Ariko ntibazayireba ngo bayiheture**” Bivuze ko abemeramana bazareba **Allah** ku munsu w’imperuka ariko ntibazamuhetura, kuko **Allah** Nyirubutagatifu ahambaye ntawashobora kumuhetura mu biremwa bye. **Allah** abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَا تَدْرِكُهُ الْآبْصَارُ...﴾ ﴿١٣﴾ **الأنعام: ١٠٣**

“Amaso nta shobora kumubona (ku isi) ngo amuheture...³”

Naho ijamba ry’umwanditsi rigira riti: “**Kandi ntituzi n’uburyo bazayirebamo.**” Bivuze ko abemeramana bazareba **Allah** ku munsu w’imperuka, ariko uburyo bazamurebama ntabyo bazi, ariko **Allah** we arabizi.

¹ Qur’an 10:26

² Qur’an 83:15

³ Qur’an 6:103

وجوب التصديق بخبر الرسول وحمله على مراده.

Kwemera ko ibyho Intumwa y’Imana yatubwiye ari ukuri, no kubisobanura nk’uko yabivuze ni itegeko.

وَكُلُّ مَا جَاءَ فِي ذَلِكَ مِنَ الْحَدِيثِ الصَّحِيحِ عَنْ رَسُولِ اللَّهِ ﷺ، فَهُوَ كَمَا قَالَ، وَمَعْنَاهُ عَلَى مَا أَرَادَ؛ لَا نَدْخُلُ فِي ذَلِكَ مُتَأَوِّلِينَ بِأَرَائِنَا، وَلَا مُتَوَهِّمِينَ بِأَهْوَائِنَا.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*)] twemera ko ibyavuzwe mu mvugo z’impamo z’Intumwa y’Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ku bigendanye no kuzareba **Allah** bihuye nk’uko Intumwa y’Imana yabivuze, n’ibisobanuro byabyo ni nk’uko **Allah** yari abigambiriye. Ntitubisobanura tugendeye ku bitekerezo byacu (bidafite aho bishingiye), cyangwa ngo tubisobanure bijyanye n’irari ryacu.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Iki cyigwa gisobanuye ko buri kimwe **Allah** yivuzeho mu gitabo cye Qur’an gisobanurwa nk’uko **Allah** yabishatse kandi azi, na buri kimwe Intumwa y’Imana yamuvuzeho mu mvugo zayo z’impamo igisobanuro cyacyo ni nk’uko yakivuze, nkuko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze igira iti:

“إنكم سترون ربكم...”

“Mu by’ukuri muzareba Nyagasani wanyu...”

Ubwo rero bivuze ko tuzareba Nyagasani wacu nk’uko Intumwa y’Imana yabivuze.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“N’ibisobanuro byabyo ni nk’uko Allah yari abigambiriye.”** Urugero nk’imvugo y’Intumwa y’Imana igira iti: “Mu by’ukuri muzareba Nyagasani wanyu...” Ni iki Intumwa y’Imana yari igamije aha? Yari igamije kureba kw’amaso kandi turanabizi ntagushidikanya. Ntabwo tuvuga ko icyari kigamijwe ari Allah wari ukizi cyangwa se Intumwa ye ari yo yari ikizi, ahubwo turavuga tuti; igisobanuro cyabyo ni nk’uko Imana yakivuze, ariko natwe tukaba tuzi igisobanuro cyabyo nk’uko byavuzwe, kubera ko Intumwa y’Imana yatubwiraga mu magambo atomoye.

Bityo rero ntabwo ikigamijwe muri iyi mvugo y’Intumwa ari ukumenya Nyagasani wanyu nk’uko bamwe mu banyabihimbano babivuga, kubera ko n’ubusanzwe abagaragu ba Allah basanzwe bamuzi aha ku isi mbere y’uko banatabaruka.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Ntitubisobanura tugendeye ku bitekerezo byacu (bidafite aho bishingiye).”** Aha umwanditsi yagayaga abasobanura ibisingizo, ibigwi n’ibiranga Allah badashingiye ku mirongo ya Qur’an cyangwa se imvugo z’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) z’impamo. Ahubwo bakabikora bashingiye ku bitekerezo byabo bidafite aho bihuriye na gihamya za Qur’an cyangwa se Hadith z’Intumwa y’Imana.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Cyangwa ngo tubisobanure bijyanye n’irari ryacu.”** Abagendera ku migenco y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) kandi, ntibasobanura ibisingizo, ibigwi n’ibiranga Allah bashingiye ku irari ry’imitima yabo, kuko iyo umuntu afite irari ry’ikintu runaka, hari ubwo agerageza gusobanura imirongo ya Qur’an n’imvugo z’Intumwa (Imana iyihe amahoro n’imigisha) bigendanye n’iryo rari rye.

وجوب التسليم لحكم الله تعالى ورسوله وتقديمه على الآراء.

Kwicisha bugufi ku itegeko rya Allah Nyiricyubahiro n'iry'Intumwa ye, no kubanza imbere Allah n'Intumwa ye ku bitekerezo (by'uwo ari we wese) ni itegeko.

فَأِنَّهُ مَا سَلِمَ فِي دِينِهِ إِلَّا مَنْ سَلَّمَ لِلَّهِ عَزَّ وَجَلَّ، وَلِرَسُولِهِ ﷺ. وَرَدَّ عِلْمَ مَا اشْتَبَهَ عَلَيْهِ إِلَى عَالِمِهِ. وَلَا تَثْبُتُ قَدَمُ الْإِسْلَامِ إِلَّا عَلَى ظَهْرِ التَّسْلِيمِ وَالِاسْتِسْلَامِ؛ فَمَنْ رَامَ عِلْمَ مَا حُظِرَ عَنْهُ عِلْمُهُ، وَلَمْ يَقْنَعْ بِالتَّسْلِيمِ فَهَمُهُ، حَجَبَهُ مَرَامُهُ عَنِ خَالِصِ التَّوْحِيدِ، وَصَافِي الْمَعْرِفَةِ، وَصَحِيحِ الْإِيمَانِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*), twemera kandi ko ntawatekanye mu idini rye nka wawundi wicishije bugufi imbere y'amategeko ya **Allah**, ndetse n'amategeko y'Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Hanyuma ibyo yagizemo urujijo akabigarura ku Mumenyi wabyo (ari we **Allah** Nyirubutagatifu ndetse n'Intumwa ye). Twemera kandi ko ubuyisilamu bw'umuntu butakomera cyeretse abanje kwakira amategeko ya **Allah** no guca bugufi imbere yayo; bityo uharanira kumenya ibyo yabujijwe kumenya (nko gucukumbura imiterere y'ibiranga Imana), ntiyemere kwakira no kwicisha bugufi no kumenya ko gusobanukirwa kwe gufite aho kugarukira, uko gushaka kumenya kwe ibyo yabujijwe bizamubuza kwiye gurira Imana imwe rukumbi, ndetse binamubuza kugira ubumenyi busukuye n'ukwemera gutunganye.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Imvugo y'umwanditsi igira iti: **“Twemera kandi ko ntawatekanye mu idini rye nka wawundi wicishije bugufi imbere y'amategeko ya Allah, ndetse n'amategeko y'Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha).”** Iyi mvugo y'umwanditsi iragaragaza ko kwakira no kwicisha bugufi muni y'amategeko ya Allah ari itegeko, ikindi nuko itegeko rya Allah riri mu buryo bubiri:

1. Itegeko rijyanye na kamere ndemano (Hukumu Kawuniy).
2. Itegeko rijyanye n'amategeko ya Allah (Hukumu Shar'iy).

Bityo rero ni itegeko ku mugaragu wa Allah kwishimira aya mategeko ya Allah yombi, byaba mu migenzereze ya Allah, n'amategeko ye, yaba aya kamere ndemano n'amategeko ye yategetse, ntashake kuyavuguruza ashingiye ku bitekerezo bye, cyangwa ibiyumviro bye, cyangwa ibimubereye, ahubwo icyo ategetswe ni ukubyakira nk'uko Allah yabimutegetse.

Ubwo rero ubuzima bw'umwemeramana bwose buba bugomba kugendera muni y'amategeko ya Allah, ibyo adakora n'ibyo akora bigashingira ku mategeko ya Allah, ibyo Allah yategetse ko bikorwa akabikora n'ibyo yategetse ko bidakorwa akabireka. Agakunda ibyo Allah akunda, akanga ibyo Allah yanga, akihanganira ibyo Allah yategetse ko byihanganirwa.

Ibi bikorwa Imana yategetse abagaragu ko bakora cyangwa bareka byinjiramo amategeko atanu yategetswe abantu bagejeje igihe cy'ubukure (barebwa n'amategeko): Hari ibiri itegeko gukorwa (Wadjib), ibindi bikaba ikizira (Haramu), ibindi bikaba bidashimishije (Makuruh), ibindi bikaba ari umugenzo mwiza kubikora (Mustahab), ibindi umuntu akaba abifitemo amahitamo yo kubikora cyangwa kubireka (Mubah).

Ikindi twibutsa nuko ibi bitandukanye n'imyumvire y'agatsiko k'abitwa *aba Sufi* kavuga ko mu kwemera igeno n'amategeko y'Imana, umuntu aba agomba kureka buri kimwe kimugezeho

kikamubaho, ntagire umuhate mu gukora ibyiza cyangwa ngo ahangane mu gusubizayo ikibi. Urugero rwa byo niba ari kunywa inzoga kavuga ko uko ariko Imana iba yarabimugeneye ntacyo aba agomba kubikoraho, ni ukuvuga ngo nta mahitamo aba afite yo kureka icyo kibi. Bo bakavuga ko “Ubundi umuntu uzi Imana (n’ibigendanye n’amategeko yayo) nta ruhare afite muri gahunda ze, ahubwo we aba ameze nk’umurambo imbere y’uri kuwukarabya.” Ariko ibyo ni ubujiji no kudasobanukirwa, kuko umuntu afite uruhare mu byo yategetswe aba agomba kubahiriza. Bityo rero yubahiriza ibyo Allah yamusabye kubahiriza akanirinda ibyo yamusabye kwirinda.

Ikindi kandi nuko muri iri jambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Twemera kandi ko ntawatekanye mu idini rye nka wawundi wicishije bugufi imbere y’amategeko ya Allah, ndetse n’amategeko y’Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n’imigisha).”** Ikigambiriwe mu mategeko hano ni amategeko arebana n’imyemerere n’imyizerere (*Aqidat*) n’amategeko arebana n’ibikorwa umuyisilamu ashyira mu ngiro (*Ah’kamu*) nkuko Allah abivuga muri Qur’an agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿هُوَ الَّذِي أَرْسَلَ رَسُولَهُ بِالْهُدَىٰ وَدِينِ الْحَقِّ...﴾ التوبة: ٣٣

“Ni we wohereje intumwa ye (Muhamadi) izanye umuyoboro (Qur’an) n’idini by’ukuri...”¹

Umuyoboro uvugwa aha abamenyi basobanuye ko ari ubumenyi ngirakamaro bwaba ubw’imyemerere cyangwa amategeko, naho idini ry’ukuri bagasobanura ko ari ugukora ibikorwa byiza bitunganye.

¹Qur’an 9:33

Ubwo rero umuyisilamu nyawe aba ategetswe kugira imyemerere n’imyizerere bishingiye ku mategeko ya **Allah** n’Imvugo z’Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha), akanagenda ku mategeko yabo, **Allah** abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَفَغَيْرَ اللَّهِ أَبَتَعِيَ حَكَمًا...﴾ **الأنعام: ١١٤**

“Ese utari **Allah** ni we nagira umukiranuzi”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...إِنِ الْحُكْمُ إِلَّا لِلَّهِ...﴾ **الأنعام: ٥٧**

“...Nta wundi ugena iyo myanzuro uretse **Allah**...”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَلَا يُشْرِكْ فِي حُكْمِهِ أَحَدًا﴾ **الكهف: ٢٦**

“Kandi (**Allah**) ntawe bafatanyije mu guca iteka...”³

Nanone **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَلَا وَرَيْكَ لَا يُؤْمِنُونَ حَتَّىٰ يُحَكِّمُوكَ فِيمَا شَجَرَ بَيْنَهُمْ ثُمَّ لَا يَجِدُوا فِي أَنفُسِهِمْ حَرَجًا مِّمَّا قَضَيْتَ وَيُسَلِّمُوا تَسْلِيمًا﴾ **النساء: ٦٥**

“Oya! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wawe! Ntibazigera bemera by’ukuri, keretse babanje kukugira (yewe Muhamadi) umucamanza mu makimbirane yavuka hagati yabo, hanyuma ntibasigarane ingingimira mu mitima yabo kubera uko wabakiranuye, kandi bakabyakira banyuzwe”⁴.

¹ Qur’an 6:114

² Qur’an 6:57

³ Qur’an 18:26

⁴ Qur’an 4:65

Byumvikane neza rero ko umuyisilamu w’ukuri agomba kwicisha bugufi, akakira akanemera amategeko y’Imana n’Intumwa yayo, kandi akayakirana umutima mwiza. Kuko ataba umwemeramana nyakuri atabikoze gutyo, kandi akanemera ko amategeko ya **Allah** yuje ukuri n’ubutabera, ndetse akanemera ko ibyo Intumwa y’Imana Muhamadi yategetse ko itabitegetse ku bwayo ahubwo byari ku itegeko rya **Allah**. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿مَنْ يُطِيعِ الرَّسُولَ فَقَدْ أَطَاعَ اللَّهَ...﴾ النساء: ٨٠

“Uwumviye Intumwa (Muhamadi), mu by’ukuri, aba yumviye Allah...”¹

Nanone **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا آتَاكُمْ الرَّسُولُ فَخُذُوهُ وَمَا نَهَاكُمْ عَنْهُ فَانْتَهُوا...﴾ الحشر: ٧

“Kandi ibyo Intumwa ibahaye (mu mitungo n’ibyo yabategetse), mujye mubyakira, ndetse n’ibyo ibabujije, mujye mubireka”²

Dushingiye kuri iyi mirongo ya Qur’an n’indi imeze nkayo tubona ko umuyisilamu nyawe ategetswe kugendera ku byo yigishijwe n’Intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha), bitandukanye n’abakurikiye tumwe mu dutsiko tw’abanyabihimbano batagendera ku byo bigishijwe n’Intumwa Muhamadi, ahubwo bakagendera ku bwenge bwabo, akaba ari nabwo bashyira imbere bagahakana ibyo Imana yivuzeho ndetse n’iby’Intumwa yayo Muhamadi yayivuzeho mu bisingizo n’ibigwi byayo bitandukanye.

Hakaba hari n’abandi bavuga ko ibyo gihamya zivuga bidasobanutse bakavuga ko nta bisobanuro babibonera, abandi bagashaka kubisobanura bijyanye n’amarangamutima yabo.

¹ Qur’an 4:80

² Qur’an 59:7

Ibyo byose byatumye bagwa mu guhakana ibyo Imana yivuzeho, kuko ntibyumvikana uburyo Imana n'Intumwa yayo baba barigishije akanini n'agato mu idini, ngo bareke kwigisha ibintu bikuru bikuru birimo ibigwi n'ibiranga Imana.

Naho ijamba ry'umwanditsi rigira riti: **“Hanyuma ibyo yagizemo urujijo akabigarura ku Mumenyi wabyo (ari we Allah Nyirubutagatifu ndetse n'Intumwa ye)”** Aha umwanditsi yibutsaga abantu ko mu mategeko y'Imana n'ay'Intumwa yayo hari ubwo umuntu yagira ibyamwisoba kubera gusobanukirwa kwe guke. Bityo icyo aba ategetswe si ukwifatira umwanzuro ushingiyeye ku bwenge bwe kuko ushobora kumugwisha ahatari heza, ahubwo we aba ategetswe gusubira ku cyo Allah n'Intumwa ye bigishije, nkuko Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَتَّيِبُنَا الَّذِينَ آمَنُوا أَطِيعُوا اللَّهَ وَأَطِيعُوا الرَّسُولَ وَأُولِي الْأَمْرِ مِنْكُمْ فَإِن تَنَزَعْتُمْ فِي شَيْءٍ فَذُودُوا إِلَى اللَّهِ وَالرَّسُولِ إِن كُنْتُمْ تُؤْمِنُونَ بِاللَّهِ وَالْيَوْمِ الْآخِرِ ذَلِكَ خَيْرٌ وَأَحْسَنُ تَأْوِيلًا ﴿٥٩﴾ النساء: ٥٩

*“Yemwe abemeye! Nimwumvire Allah, munumvire intumwa n'abayobozi muri muwe. Nimuramuka mugize icyo mutavugaho rumwe, mujye mugisubiza kwa Allah no ku Ntumwa (Qur'an na Sunat), niba koko mwemera Allah n'umunsi w'imperuka. Ibyo ni byo byiza binafite n'ingaruka nziza.”*¹

Ikindi twakwibutsa nuko iyo umuntu adafitiye ikintu ubumenyi aba ategetswe kukiga, yabazwa ku byo atazi agasubiza ko Allah ari we ubifitiye ubumenyi ntiyishore mu mpaka kandi ku bintu biba bishingiyeho imyemerere ye. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَا تَقْفُ مَا لَيْسَ لَكَ بِهِ عِلْمٌ...﴾ الإسراء: ٣٦

*“Kandi uramenye ntugakurikire ibyo udafitiye ubumenyi...”*²

¹ Qur'an 4:59
² Qur'an 17:36

Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمِنَ النَّاسِ مَن يُجَادِلُ فِي اللَّهِ بِغَيْرِ عِلْمٍ وَلَا هُدًى وَلَا كِتَابٍ مُّنبِئٍ ﴿٨﴾﴾ الْحَج: ٨

“No mu bantu, hari ujya impaka kubyerekeye Allah nta bumenyi, umuyoboro cyangwa igitabo kimumurikira.”¹

Hari ibintu byinshi umuntu aba agomba gusubiza ubumenyi bwabyo kuri Allah nk’imiterere y’ibigwi n’ibisingizo bya Allah, n’imiterere y’ibijyanye n’umunsi w’imperuka, kuko Allah atigeze atugaragariza iyo miterere yabyo.

Icyo twe dusabwa ni ukwemera gihamya zibivuga tukanemera ibisobanuro Intumwa y’Imana yabitanzeho, tukanabisobanukirwa nkuko abasangirangendo b’Intumwa y’Imana babisobanukiwe, ariko tukirinda gushaka gucukumbura imiterere yabyo kuko tutayeretswe, ubumenyi bwabyo tukabusubiza kwa Allah.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Twemera kandi ko ubuyisilamu bw’umuntu butakomera cyeretse abanje kwakira amategeko ya Allah no guca bugufi imbere yayo”** Ikigamijwe aha ni ugukurikiza no gushyira mu ngiro amategeko ya Allah, kwirinda kuyajyaho impaka, kuyigomekaho, ndetse no kuyashidikanyaho. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَنْ يُسَلِّمْ وَجْهَهُ إِلَى اللَّهِ وَهُوَ مُحْسِنٌ فَقَدِ اسْتَمْسَكَ بِالْعُرْوَةِ الْوُثْقَىٰ وَإِلَى اللَّهِ عَاقِبَةُ الْأُمُورِ ﴿٢٢﴾﴾ لِقَامَان: ٢٢

“Kandi uwicisha bugufi imbere ya Allah akaba n’umugiraneza, rwose aba afashe umugozi uboshye ukomeye. Kandi kwa Allah ni ho herezo rya buri kintu.”²

Allah nanone aragira ati:

¹ Qur’an 22:8
² Qur’an 31:22

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَنبِئُوا إِلَىٰ رَبِّكُمْ وَأَسَلُمُوا لَهُ مِن قَبْلِ أَن يَأْتِيَكُمُ الْعَذَابُ ثُمَّ لَا تُنصِرُونَ﴾ ﴿الزمر: ٥٤﴾

٥٤

“Kandi nimwicuze kwa Nyagasani wanyu, munamwicisheho bugufi mbere y’uko mugerwaho n’ibihano, maze ntimutabarwe.”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“bityo uharanira kumenya ibyo yabujijwe kumenya (ubumenyi buteye urujijo), ntiyemere kwakira no kwicisha bugufi no kumenya ko gusobanukirwa kwe gufite aho kugarukira, uko gushaka kumenya kwe ibyo yabujijwe bizamubuza kwiyegurira Imana imwe rukumbi, ndetse binamubuza kugira ubumenyi busukuye n’ukwemera gutunganye.”** Aha umwanditsi yagaragaje ingaruka zo kwigomeka, no gushaka kujora, no kujya impaka ku mategeko y’Imana n’Intumwa yayo, no gushaka gucukumbura imiterere y’ibyo batagaragarijwe birenze ubwenge bw’umuntu, no gushaka kwibaza ku mabanga yihishe mu kurema kw’Imana, ndetse no gushaka kwivanga mu bijyanye n’uburyo Allah yageneye ibiremwa bye igeno ritandukanye. Bityo umuntu akibaza impamvu bamwe yabageneye ibitandukanye n’iby’abandi. Ibi byose bituma ukwemera ku muntu kugira inenge rimwe na rimwe bikaba byanatuma agwa mu buhakanyi. Allah abiturinde!

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَا تَقْفُ مَا لَيْسَ لَكَ بِهِ عِلْمٌ إِنَّ السَّمْعَ وَالْبَصَرَ وَالْفُؤَادَ كُلُّ أُولَٰئِكَ كَانَ عَنْهُ مَسْئُولًا﴾ ﴿الإسراء: ٣٦﴾

الإسراء: ٣٦

“Ntukanakurikire ibyo udafitiye ubumenyi, kuko mu by’ukuri, amatwi, amaso n’umutima, ibyo byose bizabazwa”²

¹ Qur’an 39:54

² Qur’an 17:36

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّمَا يَأْمُرُكُمْ بِالسُّوِّءِ وَالْفَحْشَاءِ وَأَنْ تَقُولُوا عَلَى اللَّهِ مَا لَا تَعْلَمُونَ ﴾ البقرة: ١٦٩

“Mu by’ukuri (Shitani), ibategeka ibibi, ibikozasoni no kuvuga kuri Allah ibyo mutazi”¹

سوء عاقبة من لم يسلم لخبر الله تعالى ورسوله ﷺ.

**Uhinyuza ibyo Allah n’Intumwa ye bavuze azagira
iherezo ribi.**

فَيَتَذَكَّرُ بَيْنَ: الْكُفْرِ وَالْإِيمَانِ، وَالتَّصْدِيقِ وَالتَّكْذِيبِ، وَالْإِقْرَارِ وَالْإِنْكَارِ؛ مُوسَوًّا، تَائِهًا، شَاكًّا؛ لَا مُؤْمِنًا مُصَدِّقًا، وَلَا جَاحِدًا مُكْذِبًا. وَلَا يَصِحُّ الْإِيمَانُ بِالرُّؤْيَةِ لِأَهْلِ دَارِ السَّلَامِ لِمَنْ اعْتَبَرَهَا مِنْهُمْ بِوَهْمٍ، أَوْ تَأَوَّلَهَا بِفَهْمٍ؛ إِذْ كَانَ تَأْوِيلُ الرُّؤْيَةِ وَتَأْوِيلُ كُلِّ مَعْنَى يُضَافُ إِلَى الرُّبُوبِيَّةِ بِتَرْكِ التَّأْوِيلِ وَلِزُومِ التَّسْلِيمِ وَعَلَيْهِ دِينُ الْمُسْلِمِينَ.

[Uharanira kumenya ibyo yabujijwe kumenya ubumenyi buteye urujijo] bizatuma ahuzagurika hagati y’ubuhakanyi n’ukwemera, no gushimangira (ibyo Allah n’Intumwa ye bavuze) no kubihinyura, no guhamya (ibyo Allah n’Intumwa ye bavuze) no kubihakana, abeho mu rujijo rwuje impagarara, arindagira, ashidikanya, ntabe umwemeramana uhamye, nta nabe umuhakanyi uhinyura. Kandi twemera ko ukwemera ko abantu bazajya mu ijuru bazabona Imana ntikwatungana haramutse hari umwe muri bo ubifata nkaho ari baringa, cyangwa akabisobanura uko abyumva bitandukanye n’ukuri kwabyo; kubera ko gusobanura ibyerekeye no kuzabona

¹ Qur’an 2:169

Imana, no gusobanura icyo ari cyo cyose cyerekeye ubumana bw’Imana Nyagasani bitandukanye n’ukuri kwabyo (ntibyemewe). Bityo rero umuntu ntakwiye kubisobanura uko abyumva, ahubwo asabwa kwakira ibyo Allah yamubwiye, ari naryo Dini Abayisilamu bagenderaho.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Bizatuma ahuzagurika hagati y’ubuhakanyi n’ukwemera”** Umuntu kuba yagira imyemerere yo muri ubu buryo, adafite aho ahagaze ngo ashikanye nibwo buzima indyarya zibamo, Allah yabigaragaje agira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿مُذَبِّدِينَ بَيْنَ ذَلِكَ لَا إِلَىٰ هَؤُلَاءِ وَلَا إِلَىٰ هَؤُلَاءِ وَمَنْ يُضِلِلِ اللَّهُ فَلَنْ تَجِدَ لَهُ سَبِيلًا ﴿١٤٣﴾﴾
النساء: ١٤٣

“Baba bahuzagurika hagati aho (hagati y’Abayisilamu n’abahakanyi); ntibabe muri aba cyangwa muri bariya. Kandi uwo Allah yarekeye mu buyobe ntiwamubonera inzira (imuyobora).”¹

Kubaho gutyo rero bishobora kumugwisha mu buhakanyi bukuru, akaba umuhakanyi nyuma akongera agasubira mu kwemera, ibi hari ubwo biba mu buryo bugaragara nk’aho Allah abishimangira agira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ الَّذِينَ ءَامَنُوا ثُمَّ كَفَرُوا ثُمَّ ءَامَنُوا ثُمَّ كَفَرُوا ثُمَّ ءَزَادُوا كُفْرًا لَّمْ يَكُنِ اللَّهُ لِيُغْفِرْ لَهُمْ وَلَا لِيَهْدِيَهُمْ سَبِيلًا ﴿١٣٧﴾﴾﴾
النساء: ١٣٧

“Mu by’ukuri, babandi bemeye hanyuma bagahakana, maze bakongera bakemera na none bakongera bagahakana, hanyuma bakarushaho ubuhakanyi, Allah ntabwo azabababarira ibyaha, nta n’ubwo azabayobora inzira (itunganye).”²

¹ Qur’an 4:143
² Qur’an 4:137

Hari n’ubwo rimwe na rimwe umuntu yitwara kuriya akagwa mu buhakanyi mu mutima we ntibigaragare, uyu we hari ubwo yongera akaba umwemera hari n’ubwo atamuba. Nkuko nanone ashobora kubaho ashidikanya ku kwemera ndetse yumva abangamiwe n’amategeko yavuye ku Ntumwa y’Intumwa, ibyo nabyo bikaba byamugwisha mu buhakanyi. Ni ku bw’iyo mpamvu **Allah** yavuze ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَلَا وَرَيْكَ لَا يُؤْمِنُونَ حَتَّىٰ يُحَكِّمُوكَ فِيمَا شَجَرَ بَيْنَهُمْ ثُمَّ لَا يَجِدُوا فِي أَنفُسِهِمْ حَرَجًا مِّمَّا قَضَيْتَ وَيُسَلِّمُوا تَسْلِيمًا ﴿٦٥﴾ النساء: ٦٥

*“Oya! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wawe! Ntibazemera by’ukuri, keretse babanje kukugira (yewe Muhamadi) umucamanza mu makimbirane yavuka hagati yabo, hanyuma ntibasigarane ingingimira mu mitima yabo ku buryo wabakiranuye, kandi bakabyakira banyuzwe.”*¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“No gushimangira (ibyongera Allah n’Intumwa ye bavuze) no kubihinyura, no guhamya (ibyongera Allah n’Intumwa ye bavuze) no kubihakana...”** Aya magambo umwanditsi yakoresheje aha afite ibisobanuro bijya guhura, kubera ko umuntu aba umuhakanyi iyo yahinyuje akanahakana ibyongera Allah n’Intumwa ye bavuze. Nanone umuntu aba umwemera iyo yashimangiye akanahamya ibyongera Allah n’Intumwa ye bavuze.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Abaho mu rujijo rwuje impagarara, arindagira...”** icyo gihe aguma ahuzagarika muri ibyo, ntagire igihagararo hagati y’ukwemera no guhakana, ntasobanukirwe kubera urujijo yishyizemo no kuba hari ibyo ashaka kumenya bidasobanutse, kandi ntasobanukirwe ko ibitekerezo binyuranye n’ukuri ari Shitani ibimutera. **Allah** aragira ati:

¹ Qur’an 4:65

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَنْ يَعِشْ عَنْ ذِكْرِ الرَّحْمَنِ نُفِضَ لَهُ شَيْطَانًا فَهُوَ لَهُ قَرِينٌ﴾ ﴿٣٦﴾ الزخرف: ٣٦

“Kandi uzirengagiza urwibutso rwa **Allah** Nyirimpuhwe, tuzamugira ingaruzwamuheto ya Shitani, maze imubere inshuti (magara).”¹

Umuntu kuba yagira imyemerere iri mu gihirahiro ni akaga gakomeye cyane. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَأَزَابَتْ قُلُوبُهُمْ فَهُمْ فِي رَيْبِهِمْ يَتَرَدَّدُونَ﴾ ﴿٤٥﴾ التوبة: ٤٥

“...Kandi imitima yabo (indyarya) igahora ishidikanya. Bityo, mu gushidikanya kwabo bagahora bahuzagurika.”²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Ntabe umwemeramana uhamye, ntabe umuhakanyi uhinyura.**” Izi ni ingaruka z’umuntu uticisha bugufi ku mategeko ya **Allah**, bitandukanye na wawundi wamazze kuyicishaho bugufi akaba atekanye, akagenda ku murongo uzwi kandi ugororotse utarimo urujijo, ndetse akagenda ku rumuri runamurikira abandi. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَتَأَيُّهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا اتَّقُوا اللَّهَ وءَامِنُوا بِرَسُولِهِ يُؤْتِكُمْ كِفْلَيْنِ مِن رَّحْمَتِهِ وَيَجْعَل لَّكُمْ نُورًا تَمْشُونَ بِهِ وَيَغْفِرْ لَكُمْ وَاللَّهُ غَفُورٌ رَّحِيمٌ﴾ ﴿٢٨﴾ الحديد: ٢٨

“Yemwe abemeye (Intumwa Musa na Issa)! Nimutinye **Allah** kandi munemere Intumwa ye (Muhamadi)! (**Allah**) azabaha impuhwe ze zikubye kabiri, anabahe urumuri mugendana ndetse anabababarire ibyaha byanyu. **Allah** ni Ubabarira bihebuje, Nyirimbabazi.”³

¹ Qur’an 43:36

² Qur’an 9:45

³³ Qur’an 57:28.

Umwemeramana nyawe wiyemeje gusenga Imana imwe atayibangikanya, aba muri ubu buzima atekanye anashikamye ari no ku nzira ibereye. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَنَّ هَذَا صِرَاطٌ مُسْتَقِيمًا فَاتَّبِعُوهُ وَلَا تَتَّبِعُوا السُّبُلَ فَتَفَرَّقَ بِكُمْ عَن سَبِيلِهِ ذَٰلِكُمْ وَصَّيْنَاكُمْ بِهِ لَعَلَّكُمْ تَتَّقُونَ ﴿١٥٣﴾﴾ **الأنعام: ١٥٣**

*“Kandi mu by’ukuri, iyi ni yo nzira yanjye igororotse. Bityo nimuyikurikire ntimuzakurikire utundi tuyira tukazabatandukanya n’inzira ye (Allah). Ibyo yabibategetse kugira ngo mujye mutinya.”*¹

Ariko uyu muntu uba ari mu gihirahiro, agorwa no kumenya inzira yamuha gutekana, rimwe bugacya ari umwemera bukira ari umuhakanyi, ubundi bukira ari umwemera bugacya ari umuhakanyi, kandi gushidikanya mu myemerere no kuba mu gihirahiro kuri yo ni ibihano. Ariko umwemeramana wafashe umwanzuro wo kwemera Imana imwe, aha ku isi ari mu ngororano. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿الَّذِينَ ءَامَنُوا وَلَمْ يَلْبِسُوا ءِيمَانَهُمْ بِظُلْمٍ أُوْلَٰئِكَ لَهُمُ ءالَمٌ مُّوَحَّدُونَ ﴿٨٢﴾﴾ **الأنعام: ٨٢**

*“Babandi bemeye ntibavange ukwemera kwabo no kubangikanya Allah, abo nibo batekanye kandi ni na bo bayobotse (inzira y’ukuri).”*²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“...arindagira...”** Kurindagira ni ukuba mu gihirahiro, ntabe umwemera uhamye ndetse ntabe umuhakanyi uhinyura, ahubwo akaba mu ndyarya **Allah** yasezeranyije ibihano bihambaye. Ikindi kandi nuko umuntu nk’uwo bigoye ko yayoboka, nk’uko **Allah** agira ati:

¹ Qur’an 6:153.

² Qur’an 6:82

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِذَا لَقُوا الَّذِينَ ءَامَنُوا قَالُوا ءَامَنَّا وَإِذَا خَلَوْا إِلَىٰ شَيَاطِينِهِمْ قَالُوا إِنَّا مَعَكُمْ إِنَّمَا نَحْنُ

مُسْتَهْزِءُونَ ﴿١٤﴾ اللَّهُ يَسْتَهْزِئُ بِهِمْ وَيَمُدُّهُمْ فِي طُغْيَانِهِمْ يَعْمَهُونَ ﴿١٥﴾ ﴿البقرة: ١٤ - ١٥﴾

“N’iyo (indiyarya) zihuye n’abemeye by’ukuri, ziravuga ziti: “Twaremeye”. Nyamara zakwihherera ziri kumwe na za shitani zazo (abayobozi babo mu buhakanyi) zikavuga ziti: “Rwose twe turi kumwe namwe, naho bo (abamera) mu by’ukuri turabannyega. **Allah** arazisuzugura, akanazirekera mu kwigomeka kwazo zirindagira.¹”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Kandi twemera ko ukwemera ko abantu bazajya mu ijuru bazareba Imana, ntikwatungana haramutse hari umwe muri bo ubifata nkaho ari baringa, cyangwa akabisobanura uko abyumva bitandukanye n’ukuri kwabyo.**” Aha umwanditsi arashimangira ko abemeramana bazareba Nyagasani wabo ku muni w’imperuka, ndetse anashishikariza abantu kwakira no kwicisha bugufi ku byo **Allah** yabivuzeho, anihanangiriza abanyuranya bakanahakana ko **Allah** yavuze ko abemeramana bazamureba, cyangwa ababishakira ibindi bisobanuro bihabanye n’ibyo **Allah** yari agambiriye.

Gusobanura ibigwi by’Imana ntibibujijwe, ahubwo ikibujijwe ni ukubisobanura bigendanye n’amarangamutima y’umuntu, ariko rero tubisobanura nkuko Imana yabyisobanuriye ubwayo n’Intumwa yayo, hibandwa ku bisobanuro abantu bamenyereye nta guca iruhande cyangwa gushaka ibindi bisobanuro byimbitse bishobora kugora abantu kubyumva.

Urugero nk’aho Imana yavuze ko ifite amaboko abiri, bigomba kwemerwa gutyo hadashatswe ikindi gisobanuro. Nkuko hari abavuga ko igisobanuro cy’amaboko avugwa mu mirongo ya Qur’an no mu mvugo z’Intumwa y’Imana ari ubushobozi,

¹ Qur’an 2:14-15

imbaraga, imigisha, inkunga n'ibindi bisobanuro bidakwiye basobanura bagamije kwirinda gusanisha Imana n'ibiremwa byayo, ugasanga bayimye ibisingizo byayo yivuzeho. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... فَأَمَّا الَّذِينَ فِي قُلُوبِهِمْ زَيْغٌ فَيَتَّبِعُونَ مَا تَشَبَهَ مِنْهُ ابْتِغَاءَ الْفِتْنَةِ وَابْتِغَاءَ تَأْوِيلِهِ وَمَا يَعْلَمُ تَأْوِيلَهُ إِلَّا اللَّهُ وَالرَّاسِخُونَ فِي الْعِلْمِ يَقُولُونَ ءَامَنَّا بِهِ كُلٌّ مِّنْ عِنْدِ رَبِّنَا وَمَا يَذَّكَّرُ إِلَّا أُولُو الْأَلْبَابِ ﴿٧﴾﴾ آ ل
عمران: ٧

“...Ariko babandi bafite imitima ibogamiye ku buyobe, bakurikira izimije muri yo, bagamije gutera urujijo mu bantu, no kuyisobanura uko itari. Nyamara ntawe uzi ibisobanuro byayo (nyakuri) uretse **Allah**. Naho abacengeye mu bumenyi baravuga bati: “Turayemera, yose (isobanutse n’izimije) ituruka kwa Nyagasani wacu. Kandi ntabibuka uretse abanyabwenge.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلِلَّهِ الْأَسْمَاءُ الْحُسْنَىٰ فَادْعُوهُ بِهَا وَذَرُوا الَّذِينَ يُلْحِدُونَ فِي أَسْمَائِهِ سَيُجْزَوْنَ مَا كَانُوا يَعْمَلُونَ ﴿١٨٠﴾﴾ الأعراف: ١٨٠

“Kandi **Allah** afite amazina meza, bityo mujye muyifashisha mumusaba, munitandukanye na babandi bagoreka amazina ye². Bazahemberwa ibyo bakoraga.”³

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Kubera ko gusobanura ibyerekeye no kuzabona Imana, no gusobanura icyo ari cyo cyose cyerekeye ubumana bw’Imana Nyagasani bitandukanye n’ukuri kwabyo (ntibyemewe).”** Kuvuga ko abemeramana bazareba **Allah** ku munsu w’imperuka ni impamo nk’uko twabibonye mu masomo yabanje. Ubwo rero ubisobanura ukundi

¹ Qur’an 3:7

² Abahakanyi bajyaga bagereranya amazina ya **Allah** n’ay’ibigirwamana byabo; izina ry’ikigirwamana Lata barigereranyaga n’izina ry’Imana **Allah**; Uza bakarigereranya n’izina rya **Allah** Al Aziz; Manata bakarigereranya n’izina rya **Allah** Al Mananu.

³ Qur’an 7:180

ntanemere ko ari ukuzareba **Allah** imbonankubone uwo ntaba abyemera ndetse nta n'ubwo azahabwa igihembo cyo kumureba. N'ubwo bwose uburyo bwimbitse tuzamurebamo tutabubwiwe.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Bityo rero umuntu ntakwiye kubisobanura uko abyumva, ahubwo asabwa kwakira ibyo Imana yamubwiye, ari na ryo dini Abayisilamu bagenderaho.”** Iyi niyo nzira ihamye abayisilamu bagenderaho ari yo, yo kwakira gihamya za Qur'an n'iz'imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), bakanazemera bitari mo kuzisobanura binyuranye n'igisobanuro Intumwa y'Imana yigishije abasangirangendo bayo. Urugero mu byo Intumwa y'Imana yahanuye yavuze ko abemeramana bazareba **Allah** ku muni w'imperuka, icyo gihe tubyemera gutyo twirinda kwishora mu gushaka gucukumbura uburyo bizakorwa kuko tutabibwiwe, cyangwa ngo tubisobanure ukundi. **Allah** niwe Mumenyi uhebuje.

مذهب أهل السنة والجماعة في إثبات الصفات وسط بين المعطلة والمشبهة.

Umurongo ngenderwaho w'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) ku byerekeye ibigwi n'ibisingizo bya Allah, uri hagati no hagati y'ababihakana ndetse n'ababisanisha n'iby'ibiremwa.

وَمَنْ لَمْ يَتَوَقَّ التَّنْزِيهَ وَالتَّشْبِيهَ زَلَّ وَلَمْ يُصِبِ التَّنْزِيهَ؛ فَإِنَّ رَبَّنَا جَلَّ وَعَلَا مَوْصُوفٌ بِصِفَاتِ
الْوَحْدَانِيَّةِ، مَنْعُوتٌ بِمَنْعُوتِ الْفَرْدَانِيَّةِ، لَيْسَ فِي مَعْنَاهُ أَحَدٌ مِنَ الْبَرِيَّةِ .

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at), twemera ko na wawundi utazirinda kuba mu bahakana ibisingizo n'ibigwi bya Allah, no kuba mu

babigereranya n’iby’ibindi bitari we, azaba atannye umurongo ugororotse ndetse azaba atamutagatifuje (mu buryo bukwiye); kubera ko Nyagasani wacu asingizwa ibisingizo by’uko ari umwe wenyine (udafite uwo babangikanye), akavugwa ibigwi by’uko ari umwe rukumbi ntawe abihuje nawe mu biremwa, kandi ntacyo asa nacyo mu byo yaremye.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Twemera ko na wawundi utazirinda kuba mu bahakana ibisingizo n’ibigwi bya Allah, no kuba mu babigereranya n’iby’ibindi bitari we, azaba atannye umurongo ugororotse ndetse azaba atamutagatifuje (mu buryo bukwiye);** aha umwanditsi yagaragazaga ko abantu ku byerekeye ibisingizo, ibigwi n’ibiranga Allah, barimo amoko atatu.

Ubwoko bwa mbere: Abarengereye bagahakana amazina ya Allah, ibisingizo, ibigwi ndetse n’ibiranga Allah, ari bo *Al Mu-atwilat* na *Al Mu-utazilat* ndetse n’abandi bemera nkabo.

Ubwoko bwa kabiri: Abasanisha amazina ya Allah, ibisingizo, ibigwi ndetse n’ibiranga Allah, babisanisha n’iby’ibiremwa bye. Ari bo *Al Mushabihat*.

Ubu bwoko bubiri bwombi bunyuranyije imyemerere kandi y’ubuyobe, kubera ko abitwa *Al Mu-atwilat* bahakana ibisingizo, ibigwi ndetse n’ibiranga Allah, bibwira ko kubihamya baba babisanishije n’iby’ibiremwa, bizera ko ari ko kumutagatifuza by’icyubahiro bakamwambura ibyo yivuzeho.

Naho *Al Mushabihat* bararengereye bemeza ko Allah afite ibisingizo, ibigwi ndetse n’ibimuranga, ariko babisanisha n’iby’ibiremwa, bavuga ko Allah afite amaso nk’ayacu, akagira amatwi nk’ayacu, barengera muri ubwo buryo bima Allah ubuhambare bwe butandukanye n’ubw’ibiremwa, kugeza ubwo baguye mu buyobe n’ubuhakanyi.

Ubwoko bwa gatatu: Ni abari ku murongo ugororotse, ari bo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bemeye buri kimwe cyose **Allah** yivuzeho haba mu mazina ye matagatifu, ibisingizo, ibigwi ndetse n'ibimuranga, ndetse bakanemera buri kimwe Intumwa y'Imana yavuze ko kiri mu biranga **Allah**.

Byose babyemera nta kubishakira ibindi bisobanuro bihabanye n'ukuri kwabyo, batabihakanye, cyangwa se ngo berekane imiterere yabyo, cyangwa se ngo babisanishe n'iby'ibiremwa.

Niyo mpamvu Nu-ayimu Ibun Hamad (**Allah** amugirire impuhwe) yavuze ati: Uzasanisha **Allah** n'ibiremwa bye azaba ahakanye, n'uzahakana ibyo **Allah** yivuzeho azaba ahakanye, kandi nta gisa n'ik'ibiremwa mu byo **Allah** yivuzeho n'Intumwa ye ikamuvugaho.

Ubwo rero umuyisilamu nyawe aba agomba kwirinda kuba muri aba bantu bo muri ubu buryo bubiri: Abahakana ibisingizo, ibigwi ndetse n'ibiranga **Allah** yivuzeho, n'ababisanisha n'iby'ibiremwa. Uzabyirinda azaba ari ku nzira igororotse nk'uko abamenyi bavuze bati: Uwahakanye ibisingizo n'ibigwi bya **Allah** asenga ikitariho. Naho uwabisanishije n'iby'ibiremwa asenga ikigirwamana.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Kubera ko Nyagasani wacu asingizwa ibisingizo by'uko ari umwe wenyine (udafite uwo babangikanye), akavugwa ibigwi by'uko ari umwe rukumbi ntawe abihuje nawe mu biremwa, kandi ntacyo asa nacyo mu byo yaremye.”** Aha umwanditsi yagaragazaga ko **Allah** yihariye haba mu mazina ye, ibisingizo ndetse n'ibigwi bimuranga. Kandi ko ntawe babihuje mu byo yaremye.

Ikindi nuko yashakaga gushimangira igisubizo yahaye udutsiko twavuzwe haruguru ko **Allah** yihagije kandi ko ntawe bahwanye mu biremwa bye. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ هُوَ اللَّهُ أَحَدٌ ﴿١﴾ اللَّهُ الصَّمَدُ ﴿٢﴾ لَمْ يَلِدْ وَلَمْ يُولَدْ ﴿٣﴾ وَلَمْ يَكُنْ لَهُ كُفُوًا أَحَدٌ ﴿٤﴾﴾
الإخلاص: ١ - ٤

“Vuga (yewe Muhamadi) uti: “We ni **Allah**, umwe Rukumbi. **Allah**, Uwishingikirizwa. Ntiyabyaye kandi ntiyanabyawe. Ndetse nta na kimwe wamugereranya na cyo.”¹

الواجب في الألفاظ المحدثه في صفاته تعالى.

Ikiri ngombwa ku muyisilamu ku byerekeye amagambo y’ibyaduka avugwa ku bisingizo, ibigwi ndetse n’ibiranga Allah.

وَتَعَالَى عَنِ الْحُدُودِ وَالْغَايَاتِ، وَالْأَرْكَانِ وَالْأَعْضَاءِ وَالْأَدْوَاتِ، لَا تَحْوِيهِ الْجِهَاتُ السُّتُّ
كَسَائِرِ الْمُتَبَدَّعَاتِ.

Kandi twemera ko Allah ari kure no kuba yasobanurwa cyangwa ngo asesengurwe ahaturwe (ahabwe imbago n’imipaka), ndetse ari kure n’ibyo bamwitirira byo kuba yaba afite ibice, ingingo cyangwa ibihimba, ndetse no kuba yaba akeneye ibimufasha gukora icyo ashatse, kandi ari kure no kuba yaba azengurutswe n’amerekezo atandatu nk’ibiremwa.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Kandi twemerea ko Allah ari kure no kuba yasobanurwa cyangwa ngo asesengurwe ahaturwe (ahabwe imbago n’imipaka)...**”

¹ Qur’an 112.

Bisobanuye ko **Allah** atagatifutse ko ntaho ahuriye n'inenge izo ari zo zose. **Allah** yagiye akoresha imvugo nk'iyi muri Qur'an nk'aho agira ati:

﴿... سُبْحٰنَهُۥ وَتَعَالٰى عَمَّا يَصِفُوْنَ ﴿۱۰۰﴾﴾ **الأنعام: ۱۰۰**

“...Ubutagatifu ni ubwe, kandi ari kure y'ibyo bamwitirira.”¹

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Ndetse ari kure n'ibyo bamwitirira byo kuba yaba afite ibice, ingingo cyangwa ibihimba...”**

Ku bijyanye n'ibi abantu barimo ibice bitatu:

Igice cya mbere: Abashimangira ko Imana ifite ingingo.

Igice cya kabiri: Abahakana ko Imana ifite ingingo.

Igice cya gatatu: Ni ababifiteho ibisobanuro bindi aribo; abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bo bashimangira ibyo **Allah** yivuzeho uko yabivuze mu bimugize, nk'amaboko abiri, uburanga, amaso abiri, n'ibindi mu byo yivuzeho, ariko ntibemera ko afite ibice n'ingingo kuko ntaho **Allah** yigeze abyivugaho cyangwa se ngo Intumwa ye ibimuvugaho.

Bitandukanye n'abamuha ingingo cyangwa se ibihimba kuko ibiremwa ari byo bigizwe n'ingingo n'ibihimba. Kubera ko **Allah** we aruzuye, akaba ari umwe atagizwe n'ibice cyangwa ingingo, ariho hava mu bisingizo bye ko ari *A-SWAMAD*: Umwe utagizwe n'ingingo. Niba yarivuzeho amaboko, uburanga, Intumwa y'Imana ikamuvugaho ikirenge tubyemera gutyo ko ari umwe tutamuhaye ingingo cyangwa se ibihimba. Gusa umwemeramana akwiye kwirinda kwibaza ku mitererere y'ibyo **Allah** yatubwiye ko

¹ Qur'an 6:100

afite, ariko agashimangira ibyo yivuzeho ko afite, nk'uko Allah yagaragaje ko afite amaboko abiri nk'aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَقَالَتِ الْيَهُودُ يَدُ اللَّهِ مَعْلُومَةٌ عَلَّتْ أَيْدِيهِمْ وَلَعْنُوا بِمَا قَالُوا بَلْ يَدَاهُ مَبْسُوطَتَانِ يُنفِقُ كَيْفَ يَشَاءُ

... ﴿٦٤﴾ المائدة: ٦٤

"Kandi Abayahudi baravuze bati: Ukuboko kwa Allah kurahinnye (kuragundira)". Nyamara amaboko yabo ni yo ahinnye, kandi baravumwe kubera ibyo bavuze. Ahubwo amaboko ye (Allah) abiri ararambuye, atanga uko ashaka...¹"

Allah nanone yagaragaje ko afite amaso abiri aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَأَصْبِرْ لِحُكْمِ رَبِّكَ فَإِنَّكَ بِأَعْيُنِنَا وَسَبِّحْ بِحَمْدِ رَبِّكَ حِينَ تَقُومُ ﴿٤٨﴾ الطور: ٤٨

"...Bityo (yewe Muhamadi), ihanganire itegeko rya Nyagasani wawe, kuko mu by'ukuri tuguhozaho amaso yacu."²

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "Ndetse no kuba yaba akeneye ibimufasha gukora icyo ashatse." Nkuko Allah ashimangira ibyo agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَقُلِ الْحَمْدُ لِلَّهِ الَّذِي لَمْ يَتَّخِذْ وَلَدًا وَلَمْ يَكُنْ لَهُ شَرِيكٌ فِي الْمُلْكِ وَلَمْ يَكُنْ لَهُ وِليٌّ مِّنَ الدُّنْيَا

وَكَبِيرُهُ تَكْبِيرًا ﴿١١١﴾ الإسراء: ١١١

"Unavuge (yewe Muhamadi) uti: "Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya Allah, we utagira umwana, ntagire uwo babangikanye mu bwami bwe, kandi utanagira uwamufasha kubera ko (atajya agira) intege nke". Unamukuze ikuzo rihambaye cyane."³

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "Kandi ari kure no kuba yaba azengurutswe n'amerekezo atandatu nk'ibiremwa." Amerekezo atandatu; ni imbere, inyuma, iburyo, ibumoso, hasi

¹ Qur'an 5:64

² Qur'an 52:48

³ Qur'an 17:111

no hejuru. Aya merekezo Allah yaremye ntiyahetura Allah, kuko nta na kimwe mu byaremwe na Allah cyamuhetura, ariko Allah kuba yaba ari hejuru y'ayo merekezo yaremye akaba ntaho ahuriye nayo, icyo ni ukuri ndetse ni nacyo umwanditsi yari agamije. Kuba Allah nta cyamuhetura bishimangirwa n'imirongo ya Qur'an nk'aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَعْلَمُ مَا بَيْنَ أَيْدِيهِمْ وَمَا خَلْفَهُمْ وَلَا يُحِيطُونَ بِهِ﴾ ۞ ﴿عَلَمًا﴾ طه: ١١٠

“(Allah) azi ibyababayeho (ku isi) n'ibizababaho (ku munsu w'imperuka), kandi bo nta bumenyi bamufiteho.”¹

Naho kuba Allah ari hejuru y'ibiremwa bishimangirwa n'imirongo itandukanye nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَهُوَ أَفْهَرُ فَوْقَ عِبَادِهِ﴾ ۞ ﴿هُوَ الْحَكِيمُ الْخَبِيرُ﴾ ﴿١٨﴾ الأنعام: ١٨

“Ni we munyembaraga z'ikirenga uri hejuru y'abagaragu be, kandi ni we Ushishoza, Uzi byose.”²

Umwanditsi yifashishije izi nyito atari uko yemera ko zitirirwa Allah, ahubwo yari agamije kugaragaza ababyemera batyo ndetse anasubiza babandi bashaka gusingiza Imana no kuvuga ibigwi byayo bakoresheje intekerezo zabo, amarangamutima yabo, ndetse n'inyurabwenge zabo bihabanye n'ibisobanuro by'ukuri Imana yivuzeho.

¹ Qur'an 20: 110.

² Qur'an 6:18

مذهب أهل السنة والجماعة في الإسراء والمعراج

Umurongo ngenderwaho w'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) ku byerekeye Al Is'ra-i na Al Mi-iradj.

وَالْمِعْرَاجُ حَقٌّ وَقَدْ أُسْرِيَ بِالنَّبِيِّ، وَعُرِجَ بِشَخْصِهِ فِي الْيَقِظَةِ إِلَى السَّمَاءِ، ثُمَّ إِلَى حَيْثُ شَاءَ اللَّهُ مِنَ الْعُلَا وَأَكْرَمَهُ اللَّهُ بِمَا شَاءَ، وَأَوْحَى إِلَيْهِ مَا أَوْحَى (مَا كَذَبَ الْفُؤَادُ مَا رَأَى) النجم: ١١، فصلی الله عليه وسلم في الآخِرَةِ وَالْأُولَى.

Twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) Twemera kandi ko urugendo Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yakoze ijya mu ijuru (Mi'iraj) ari ukuri, ubwo Intumwa yatwawe mu ijoro ivanywe Makat ijyanywe ku musigiti mutagatifu wa Al Aq'swa (Is'ra-i), maze izamurwa mu ijuru (Mi'iraji) yo ubwayo iri maso, kugeza aho Allah yashatse ko igarukira. Nuko Allah ayigabira ibyo yayihitiyemo, maze ayihishurira ibyo yagombaga kuyihishurira byose. (Allah aragira ati): "Umutima we (Muhamadi) ntiwigeze ubeshya ibyo wabonye" Qur'an 53:10-11. Bityo Allah amuhundagazeho amahoro n'imigisha ku isi no ku muni w'imperuka.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umwanditsi w'iki gitabo Imam A-Twahawiy (Allah amugirire impuhwe), muri iki gitabo yagerageje kuvuga mu buryo buvunaguye ku bijyanye n'imyemerere ikwiye kuranga umuyisilamu, ariko ntiyagiye akurikiranya ibintu nk'uko byakagombye, ahubwo yafataga amasomo avuga ku kintu runaka

akayashyira ahantu hamwe, ndetse hari n'ubwo yahinduraga umujyo akayatondeka ukundi.

Urugero; hari ubwo avuga ibijyanye no kugandukira Imana imwe (*Tawuhid*) akavuga n'ibyerekeye amazina ya **Allah** n'ibisingizo bye, yarangiza akavuga ibijyanye n'umwihariko w'Intumwa y'Imana, yarangiza akavuga ibijyanye n'igeno, yarangiza akavuga ibijyanye n'abamalayika n'ibindi. Ariko ukabona ahise yimuka akagarura isomo rimwe atigeze avuga ryakagombye kuba riri kumwe n'iryo yavuze mbere. Urugero ni nk'aha ku bijyanye na *Is'ra-i* na *Al Mi-iradj*, ubundi byakabaye byiza iyo aza kuba yarabivuze ku bijyanye n'umwihariko w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ariko ntiyigeze abihavuga. Biba byiza rero iyo umuntu asomye igitabo azi umurongo nyiracyo yacyanditsemo.

Ikindi umwanditsi yazanye iki cyigwa agaragaza ko mu myemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) harimo kwemera ibitagaragara, nko kwemera uru rugendo ndetse n'ibyaruvuzwemo byo kuba yararukoze we ubwe ari maso, ndetse akabonana n'Intumwa n'abahanuzi.

Is'ra-i: Ni urugendo Intumwa yakoze mu ijoro iva ku musigiti mutagatifu wa Maka ijya ku musigiti wa Yeruzalemu (Aqswa). Ni narwo rugendo rwavuzwe muri uyu murongo mutagatifu wa Qur'an aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿سُبْحَانَ الَّذِي أَسْرَى بِعَبْدِهِ لَيْلًا مِّنَ الْمَسْجِدِ الْحَرَامِ إِلَى الْمَسْجِدِ الْأَقْصَا الَّذِي بَرَكْنَا حَوْلَهُ لِنُرِيَهُ مِنْ آيَاتِنَا إِنَّهُ هُوَ السَّمِيعُ الْبَصِيرُ ﴿١﴾ ﴿الإسراء: ١﴾

“Ubutagatifu ni ubwa wawundi (**Allah**) wajyanye umugaragu we (Muhamadi) nijoro, amuvanye ku Musigiti Mutagatifu (wa Maka) akamujyana ku Musigiti wa Al Aq'swa (Umusigiti Mutagatifu w'i Yeruzalemu), twahundagaje imigisha impande zawo zose; (ibyoye)

twabikoze) kugira ngo tumwereke bimwe mu bitangaza byacu. Mu by'ukuri, (Allah) ni Uwumva buri kintu, Ubona bihebuje.¹

Uru rugendo ni kimwe mu bitangaza bigaragaza ko Muhamadi yari Intumwa y'Imana, kuko uru rugendo ubusanzwe rwakorwa mu gihe kingana n'ukwezi kurenga, ariko Intumwa yo yahagenze mu ijoro rimwe.

Naho Mi-iradj: Ni urugendo Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yakoze iva ku musigiti wa Baytul Maq'dis izamuka mu ijuru.

Naho ijamba ry'umwanditsi rigira riti: **“Maze izamurwa mu ijuru (Mi'iraji) yo ubwayo iri maso.”** Iki ni igisubizo ku bavuga ko Intumwa yaroteshejwe uru rugendo rwo kujyanwa mu ijuru ivanywe ku musigiti wa *Al Aq'swa* itarukoze iri maso. Hari n'abavuga ko ari roho ye yarukoze; ariko ibi byose ntabwo ari ukuri kubera ko umurongo wa Q'ur'an tumaze kubona hejuru wakoresheje umugaragu, kandi inyito umugaragu ntiyakoreshejwe ku ndoto cyangwa kuri roho gusa itari mu mubiri, ibi bikaba bihabanye n'ibyo Intumwa y'Imana yavuze.

Hari gihamya zitandukanye zigaragaza ko Intumwa y'Imana yajyanywe mu ijuru iri maso harimo niyo umwanditsi yifashishije aha, Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مَا كَذَبَ الْفُؤَادُ مَا رَأَى ﴾ ۝ ١١ أَفْتَمْرُونَهُ عَلَىٰ مَا يَرَى ۝ ١٢ وَلَقَدْ رَآهُ نَزْلَةً أُخْرَىٰ ۝ ١٣ عِنْدَ
سِدْرَةِ الْمُنْتَهَىٰ ۝ ﴿ النجم: ١١ - ١٤

“Umutima we (Muhamadi) ntiwigeze ubeshya ibyo wabonye. Nonese muramugisha impaka ku byo yabonye (ubwo yazamukaga mu ijuru rya karindwi)? Kandi rwose (Muhamadi) yongeye

¹ Qur'an 17:1

kumubona (Malayika Jibrilu) ubwo yamanukaga ku yindi nshuro. Ubwo yari kuri Sidrat-il-Muntaha (Igiti cya nyuma)¹... ²

Ku bijyanye n'urugendo rwa *Is'ra-i* na *Mi-iradj* abamenyi bagiye baruvugaho imvugo zitandukanye; hari abavuze ko rushobora kuba rwarabaye inshuro zirenze imwe, ariko ukuri nuko rwabaye inshuro imwe Intumwa y'Imana Muhammad ikiri Makat. Muri urwo rugendo niho yaherewe itegeko ry'amasengesho (A-Swalat) atanu ku munsu.

Hari inyungu nyinshi dukura muri uru rugendo:

1. Ubuhambare bw'amasengesho. Kuko rijya kuba itegeko ntabwo byabaye ngombwa ko Malayika Djibrilu arizanira Intumwa y'Imana nkuko byagendaga ku yandi mategeko, ahubwo Intumwa y'Imana yarazamuwe igezwa mu rwego rw'ikirenga. **Allah** Nyirubutagatifu ariyahera mu ijuru hagati yabo nta muhuza urimo.
2. Kuba Intumwa y'Imana yarazamuwe igiye guhabwa amasengesho n'ibindi, ni gihamya ikomeye ko **Allah** ari hejuru.
3. Harimo kuba Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ifite urwego rurenze urw'izindi ntumwa n'abahanuzi, kuko yazinyuzeho ikazamurwa urwego zo zitigeze zigeraho.

Ikindi twavuga nuko hari abantu bamwe bajya bahakana ibijyanye n'uru rugendo bavuga ko batumva ukuntu yava ku isi akagera aho ikirere kirangiriye mu gice cy'ijoro, akanazamuka ibindi birere kandi hagati y'ikirere n'ikindi hari intera ndende cyane!? Igisubizo nuko, ibyo mu gihe tugezemo cyabitangiye igisubizo cyoroshye, kuko umuntu asigaye avugana na mugenzi we uri kure ye bishoboka bakavugana rimwe na rimwe banarebana, kandi ibyo byaragizwemo uruhare n'umuntu.

¹ Sidratil- Mun'tahaa: Ni igiti kiri hafi ya Ar'shi ya **Allah**, cyiswe igiti cya nyuma kuko nta kiremwa na kimwe kikirenga.

² Qur'an 53:10-14

Urundi rugero twatanga ni ukuba abantu bagenda mu cyogajuru bakagera ku yindi mibumbe iba iri kure cyane y’umubumbe baba baturutseho kandi bakahakoresha igihe gito gishoboka, bakanashobora kuvugana n’abantu bari ku isi.

Ibi niba biri mu byo umuntu yakora, ubwo byaba bimeze bite ku byakorwa na **Allah** Nyirubuhambare? Bityo rero kuba **Allah** yashoboza umugaragu we gukora urugendo rwa *Is’ra-i* na *Mi-iradj* mu gice cy’ijoro cyangwa ibirenze ibyo, ni ibintu byoroshye kuri wawundi uzi ubuhambare bwa **Allah**. **Allah** aragira ati :

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَمَا كَانَ اللَّهُ لِيُعْجِزَهُ مِنْ شَيْءٍ فِي السَّمَوَاتِ وَلَا فِي الْأَرْضِ إِنَّهُ كَانَ عَلِيمًا قَدِيرًا﴾ (٤٤) **فاطر: ٤٤**

“...Nta cyananira **Allah** mu birere no ku isi. Mu by’ukuri, we ni Umumenyi uhebuje, Ushobora byose.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿سَرُّهُمْ ءَايَاتِنَا فِي الْأَفَاقِ وَفِي أَنْفُسِهِمْ حَتَّىٰ يَتَّبِعَنَ لَهُمْ أَنَّهُ الْحَقُّ ...﴾ (٥٣) **فصلت: ٥٣**

“(Vuba aha) tuzabereka ibimenyetso byacu mu kirere, ndetse no muri bo ubwabo, kugeza ubwo bagaragariwe ko yo (Qur’an) ari ukuri...”²

Naho imvugo y’umwanditsi igira iti: **Bityo Allah amuhundagazeho amahoro n’imigisha ku isi no ku muni w’imperuka.**” Aha umwanditsi yasabiye Intumwa y’Imana amahoro n’imigisha kubera ko ari kimwe mu burenganzira idufiteho, nk’uko **Allah** abishimangira agira ati:

¹ Qur’an 35:44

² Qur’an 41:53

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ اللَّهَ وَمَلَائِكَتَهُ يُصَلُّونَ عَلَى النَّبِيِّ يَا أَيُّهَا الَّذِينَ آمَنُوا صَلُّوا عَلَيْهِ وَسَلِّمُوا تَسْلِيمًا﴾
الأحزاب: ٥٦

“Mu by’ukuri, **Allah** ahundagaza impuhwe ze ku Muhanuzi (Muhamadi) ndetse n’Abamalayika bakazimusabira. Yemwe abemeye! Nimumusabire impuhwe munamwifurize amahoro.”¹

إثبات حوض نبينا محمد ﷺ.

Gushimangira ko ikidendezi (Haw’dwu) cy’Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) kiriho.

وَالْحَوْضُ الَّذِي أَكْرَمَهُ اللَّهُ تَعَالَى بِهِ غِيَاثًا لِأُمَّتِهِ حَقًّا.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana Muhamad (*Ahlu Sunat wal Djama’at*) tunemera ko ikidendezi cy’amazi (Haw’dwu) **Allah** yahayemo impano Intumwa y’Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) kugira ngo azamare inyota abayoboke be (bazaba batewe n’izuba ku muni w’imperuka) ari ukuri.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Impamvu umwanditsi yazanye iyi nkuru y’ibijyanye n’iki kidendezi cy’amazi, yari agamije kugaragaza ko mu myemerere y’abantu bagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana Muhamad (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bemera kandi by’ukuri inkuru z’ibitagaragarira amaso bakomora ku Ntumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha), nk’ikidendezi cy’amazi (*Haw’dwu*) Intumwa yahawemo impano na **Allah**. Abemeramana bagendeye

¹ Qur’an 33:56

ku migenzo y'Intumwa y'Imana bazanywaho ku munsu w'imperuka ubwo abantu bazaba bishwe n'inyota.

Nkuko byashimangiwe na Hadith yaturutse kwa Sahli Ibun Sadi (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عَنْ سَهْلِ بْنِ سَعْدٍ قَالَ: قَالَ النَّبِيُّ ﷺ: «إِنِّي فَرَطُكُمْ عَلَى الْحَوْضِ مِنْ مَرَّ عَيَّ شَرِبَ، وَمَنْ شَرِبَ لَمْ يَظْمَأْ أَبَدًا لَيَرِدَنَّ عَلَيَّ أَقْوَامٌ أَعْرَفُهُمْ وَيَعْرِفُونِي، ثُمَّ يُحَالُ بَيْنِي وَبَيْنَهُمْ فَأَقُولُ: إِنَّهُمْ مِنِّي فَيَقَالُ: إِنَّكَ لَا تَدْرِي مَا أَحَدْتُوا بَعْدَكَ فَأَقُولُ: سُحَقًا، سُحَقًا، لِمَنْ عَيَّرَ بَعْدِي» رواه البخاري، ومسلم.

“Mu by'ukuri nzabatanga kugera ku kidendezi cy'amazi (Haw'dwu) uzanyuraho azayanywaho, kandi uzayanywaho ntazigera agira inyota ukundi, kandi hari abantu mu bayoboke banjye nzazanirwa nzi nabo banzi, ariko birukanwe kuri Haw'dwi, nuko mvuge nti: Mwibirukana kubera ko bari mu bankurikiye. Maze mbwirwe nti: Mu by'ukuri ntabwo uzi ibihimbano bakoze (mu idini) nyuma yawe. Nuko mbabwire nti: Nimwegereyo! Nimwegereyo! Kuko mwahinduye imigenzo yanjye nyuma yo gutabaruka kwanjye.”¹

Uburyo Intumwa y'Imana yavuze ikidendezi cye (Haw'dwu):

أن ماءه أشد بياضاً من اللبن، وأحلى من العسل، وأن طوله وعرضه سواء، وأن سعته كما بين أيلة وصنعاء، وأن عدد كؤوسه كعدد نجوم السماء، وأن من شرب منه لا يظمأ أبداً، وهذه الأوصاف ذكرها النبي ﷺ في أحاديث.

Intumwa y'Imana yavuze ko icyo kidendezi amazi yacyo azaba ari umweru de kurusha amata, aryohereye kurusha ubuki,

¹ Yakiriwe na Bukharin a Muslim.

uburebure bwacyo n’ubugari bwacyo burangana, naho ubunini bwacyo bungana n’intera iri hagati y’ahitwa *Ay’lat* na *Swan-aa*¹. Ibikombe by’icyo kidendezi abantu bazajya banyweshya bizaba bingana n’umubare w’inyenyeri mu cyirere, kandi umuntu uzanywaho intama imwe ntazongera kugira inyota. Ibi byose Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yagiye ibivuga mu mvugo zayo zitandukanye.²

Naho itandukaniro ry’iki kidendezi (*Haw’dwu*) n’umugezi wa *Kawuthar*, ni uko *Kawuthar* ari umugezi wo mu ijuru, naho *Hawudwu* yo ikaba ikidendezi kizaba kiri ku rubuga rw’ibarura, amazi yacyo azaba aturuka mu mugezi wa *Kawuthar*. Nk’aho **Allah** yavuze aya mazi ya *Kawuthar* agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّا أَنْعَمْنَا عَلَىٰكَ الْكَوْثَرَ ۝﴾ الْكَوْثَرُ: ١

“Mu by’ukuri, (yewe Muhamadi) twaguhaye ibyiza byinshi (birimo umugezi wo mu Ijuru witwa *Kawthar*).”

إثبات شفاعته ﷺ لأُمَّته وذكر الشفاعة الخاصة به.

Gushimangira gutakamba kw’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) izakorera abayoboke bayo (Umat) ko ari ukuri, ndetse no kugaragaza ugutakamba kw’umwihariko wayo.

وَالشَّفَاعَةُ الَّتِي ادَّخَرَهَا لَهُمْ حَقٌّ كَمَا رُوِيَ فِي الْأَخْبَارِ.

¹ Ay’lat ni umwe mu mijyi yo mu gihugu cya Jordan, naho Swan-aa ni umwe mu mijyi yo mu gihugu cya Yemen

² Yakiriwe na Bukhari (6580) na Muslim (2303).

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana Ahlu Sunat wal Djama-at] tunemera ko gutakambira abemeramana kuzabaho ku muni w’imperuka Intumwa y’Imana Muhamadi yazigamiye abayoboke bayo (A-Shafaa), ari ukuri nk’uko byakiriwe mu mvugo z’impamo.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Impamvu umwanditsi yazanye iyi nkuru y’ibijyanye no gutakambira abantu Intumwa y’Imana yazigamiye abayoboke bayo ku muni w’imperuka, yari agamiye kugaragaza ko mu myemerere y’abantu bagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana Muhamad (Ahlu Sunat wal Djama’at) bemera uku gutakamba. Kandi ko na buri wese w’umwemeramana Allah azamuha amahirwe yo gutakambira abandi, kugira ngo basabire bamwe muri bagenzi babo bari bakwiye ibihano kugira ngo badahanwa, cyangwa se batakambire abazaba bari guhanwa kubera ibyaha bakoze kugira ngo bakurirweho ibihano.

Ariko uku gutakamba kuzabaho habanje kubaho ibintu bibiri:

Icyamba mbere: Guhabwa uburenganzira na Allah k’utakamba. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... مَنْ ذَا الَّذِي يَشْفَعُ عِنْدَهُ إِلَّا بِإِذْنِهِ...﴾ البقرة: ٢٥٥

“Ni nde wagira uwo atakambira iwe uretse ku burenganzira bwe (Allah)?¹”

Icyamba kabiri: Kuba utakambirwa yishimiwe na Allah. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَلَا يَشْفَعُونَ إِلَّا لِمَنِ ارْتَضَى...﴾ الأنبياء: ٢٨

¹ Qur’an 2: 255.

“...kandi ntibashobora kugira uwo bavuganira (Allah) atamwishimiye.¹”

Naho abahakanyi n’iyo hagira ubatakambira bizaba imfabusa.

Allah aragira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿فَمَا تَتَعَوَّهُمْ شَفَعَةُ الشَّافِعِينَ ﴿٤٨﴾﴾ المدثر: ٤٨﴾

“Bityo, nta buvugizi bw’abavugizi buzagira icyo bubamarira.²”

Allah nanone aragira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿... مَا لِلظَّالِمِينَ مِنْ حَمِيمٍ وَلَا شَفِيعٍ يُطَاعُ ﴿١٨﴾﴾ غافر: ١٨﴾

“Inkozi z’ibibi nta nshuti zizagira ndetse nta n’umuvugizi (zizagira) uzumvwa.”³

Muri iki cyigwa umwanditsi (**Allah** amugirire impuhwe) yavuze ibijyanye no gutakamba mu ncamake, ariko mu buryo burambuye ni ibice umunani, harimo iby’umwihariko w’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ndetse n’ibyo ahuriyeho n’izindi ntumwa n’abandi bantu beza.

1. Ugutakamba guhambaye; uku kukaba ari nako kwitwa *Maqamu Al Mahmud*, kukazaba igihe Intumwa y’Imana izatakambira **Allah** kugira ngo acire urubanza abagaragu be, nyuma y’uko bazaba bahagaze ku rubuga rw’ibarura igihe kirekire, na nyuma y’uko bazaba bamaze kuzenguruka Intumwa zose bazisaba ko zabatakambira. Nuko Intumwa y’Imana Muhammad ibe ari yo ibatakambira nyuma y’uko **Allah** abiyihereye uburenganzira.

¹ Qur’an 21:28

² Qur’an 74:48

³ Qur’an 40:18.

2. Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira Allah imusaba ko abantu bo mu ijuru baryinjiramo nyuma y'uko bazaba bamaze kubarurirwa.
3. Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira Allah imusaba ko yakorohereza ibihano se wabo Abi Twalib, bikaba ari umwihariko w'Intumwa y'Imana Muhammad, kuko Allah yavuze ko abahakanyi nta gutakamba k'utakambira uwo ari we wese kuzagira icyo kubamarira. Ndetse n'Intumwa y'Imana yavuze ko ugutakamba kwayo kuzaba ari umwihariko ku bantu bemeye Imana imwe, batayibangikanyije n'icyo ari cyo cyose (*Ahlu Tawuhid*).

Bityo rero ugutakamba Intumwa y'Imana izakorera se wabo Abi Twalib ni umwihariko ku Ntumwa y'Imana kukaba n'umwihariko kuri Abi Twalib.

N'ikizatuma atakambirwa nuko yafashije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu gusakaza ubutumwa bwa Islam, ikindi nuko uku kumutakambira bitazatuma ava mu muriro ahubwo azawugumamo kuko yapfuye ari umuhakanyi. Umuriro uzaba umugera mu tubombankore utogotera mu bwonko bwe. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze Hadithi yaturutse kwa Abas Ibun Abdul Mutwalib yakiriwe na Bukhari na Musilim igira iti:

“...وَلَوْلَا أَنَا لَكَانَ فِي الدَّرَكِ الْأَسْفَلِ مِنَ النَّارِ.”

“Iyo bitaza kuba njye (Abu Twalib) yari kuba ari mu ndiba y'umuriro.”

Ibi bice bitatu tumaze kubona ni umwihariko w'Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha.)

4. Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira Allah imusaba ko Abayisilamu bari bakwiye kwinjira mu muriro

(kubera ibyaha bakoze bitarimo ibangikanyamana) batawinjiramo.

5. Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira **Allah** imusaba ko abamaze kwinjira mu muriro mu bayisilamu bakoze ibyaha (bitarimo ibangikanyamana) bawusohorwamo.
6. Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira **Allah** imusaba ko yazamura inzego bamwe mu bantu bo mu ijuru.
7. Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira **Allah** imusaba ko Abayisilamu ibyiza byabo byanganye n'ibibi byabo ko bakwinjira mu ijuru, aba ku gisobanuro cya bamwe mu bamenyi ni abitwa *Ahlul Araf*.
8. Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira **Allah** imusaba ko bamwe mu bemeramana bakwinjira mu ijuru nta barura bakorewe cyangwa ngo bahanwe. Nko gutakamba izakorera Ukashat Ibun Mih'swan (Imana imwishimire) kuko Intumwa y'Imana yamusabiye ko yazaba mu bantu ibihumbi mirongo irindwi bazinjira mu ijuru nta barura bakorewe cyangwa ngo bahanwe.

Ibi bice bitanu bya nyuma tumaze kuvuga Intumwa y'Imana Muhamad ikaba ibihuriyeho n'izindi ntumwa z'Imana, abamalayika, abemeye by'ukuri, ndetse n'abapfiriye ku rugamba baharanira inzira ya **Allah**.

Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djam-at*) bemera uku gutakamba kose, bashingiye kuri gihamya zibishimangira. Banemera kandi ko uku gutakamba kudashobora kubaho keretse kujuje amabwiriza abiri twagaragaje hejuru.

إثبات الميثاق الذي أخذه الله على بني آدم.

Gushimangira isezerano Allah yagiranye na bene Adamu (ko ari ukuri).

وَالْمِيثَاقُ الَّذِي أَخَذَهُ اللَّهُ تَعَالَى مِنْ آدَمَ وَذُرِّيَّتِهِ حَقًّا.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at] tunemera isezerano Allah yagiranye na bene Adamu (ry’uko kuba ari we basenga wenyine batamubangikanyije n’ikindi icyo ari cyo cyose) ko ari ukuri.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Isezerano ry’ubuhamyanya Allah yagiranye na bene Adamu, ryo kuba ari we bagomba gusenga wenyine batamubangikanyije n’ikindi icyo ari cyo cyose ni ukuri. Allah yashimangiye iryo sezerano ry’ubuhamyanya muri Qur’an aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِذْ أَخَذَ رَبُّكَ مِنْ بَنِي آدَمَ مِنْ ظُهُورِهِمْ ذُرِّيَّتَهُمْ وَأَشْهَدَهُمْ عَلَىٰ أَنفُسِهِمْ أَلَسْتُ بِرَبِّكُمْ قَالُوا بَلَىٰ شَهِدْنَا أَن تَقُولُوا يَوْمَ الْقِيَامَةِ إِنَّا كُنَّا عَنْ هَذَا غَافِلِينَ ﴿١٧٢﴾ ﴿الاعراف: ١٧٢﴾

“Unibuke ubwo Nyagasani wawe yazanaga (roho zose za) bene Adamu n’iz’urubyaro ruzaturuka mu migongo yabo, maze akazishyira imbere ye kugira ngo abahe kwitangira ubuhamyanya, (arababaza ati): “Ese si njye Nyagasani wanyu? Barasubiza bati: “Yego nibyo, turahamyanya ko uri Nyagasani wacu”. (Allah aravuga ati, ibi mbikoze) kugira ngo ku munsu w’imperuka mutazavuga muti: “Mu by’ukuri, ibi ntitwabimenye¹.”

¹ Qur’an 7:172.

Abamenyi mu gusobanura iryo sezerano ry'ubuhamya abantu bitangiye imbere ya **Allah** barisobanuye mu buryo bubiri:

1. Bamwe bavuga ko ibi ari uko byagenze, ko **Allah** yafashe Adamu n'urubyaro ruzamukomokaho akabashyira imbere ye akababaza kiriya kibazo bakagisubiza bitangira ubu buhamya (**bw'uko ari we bazasenga wenyine batamubangikanyije n'icyo ari cyo cyose**). Ubwo nta rwitwazo bazagira ko batamenye Imana.
2. Abandi bavuze ko icyari kigamijwe ari kamere ndemano yo kwemera Imana imwe buri wese avukana (*Fit'rat*), bigashimangirwa n'uyu murongo mutagatifu ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَأَفِرُّ وَجْهَكَ لِلدِّينِ حَنِيفًا فِطْرَتَ اللَّهِ الَّتِي فَطَرَ النَّاسَ عَلَيْهَا لَا تَبْدِيلَ لِخَلْقِ اللَّهِ ذَٰلِكَ الدِّينُ الْقَيِّمُ وَلَٰكِنَّ أَكْثَرَ النَّاسِ لَا يَعْلَمُونَ ﴿٣٠﴾ **الروم: ٣٠**

“Bityo (yewe Muhamadi), shikama ku idini (ya Isilamu) ugaragira Allah wenyine; (kuko ari yo) kamere Allah yaremanye abantu. Ntaguhinduka kuri kamere Allah yaremye. Iryo ni ryo dini ritunganye, nyamara abenshi mu bantu ntibabizi.¹”

Iyi mvugo niyo mvugo bamwe mu bamenyi nka Ibun Al Qayyim bavuga ko ifite ireme bashingirye ku bintu bikurikira:

- Kuba bigoye kwemeza ko Imana yagiranye amasezerano n'umuntu kandi umuntu atibuka ko kiriya gikorwa cyabayeho.
- Kuba Intumwa y'Imana ivuga ko buri mwana avukana kamere ndemano yo kwemera Imana imwe.
- Kuba Imana yarohereje Intumwa kugira ngo zize zishimangire ko uwavutse agomba kumenya no kwemera Imana imwe ndetse no kuyumvira. Imana iragira iti:

¹ Qur'an 30:30

قَالَ تَعَالَى: ﴿رُسُلًا مُّبَشِّرِينَ وَمُنذِرِينَ لِئَلَّا يَكُونَ لِلنَّاسِ عَلَى اللَّهِ حُجَّةٌ بَعْدَ الرُّسُلِ ۚ وَكَانَ اللَّهُ عَزِيزًا حَكِيمًا﴾ ﴿النساء: ١٦٥﴾

“(Twanohereje) Intumwa zitanga inkuru nziza zinaburira, kugira ngo abantu batazagira urwitwazo kwa Allah nyuma yo kohereza Intumwa. Kandi Allah ni Umunyembaraga zihebuje, Ushishoza.”¹

وجوب الإيمان بالقدر بمراتبه الأربع.

Kwemera igeno n'inzege zaryo enye ni itegeko.

وَقَدْ عَلِمَ اللَّهُ تَعَالَى - فِيمَا لَمْ يَزَلْ - عَدَدَ مَنْ يَدْخُلُ الْجَنَّةَ، وَعَدَدَ مَنْ يَدْخُلُ النَّارَ جُمْلَةً وَاحِدَةً؛ فَلَا يُزَادُ فِي ذَلِكَ الْعَدَدِ، وَلَا يُنْقُصُ مِنْهُ، وَكَذَلِكَ أَفْعَالُهُمْ فِيمَا عَلِمَ مِنْهُمْ أَنْ يَفْعَلُوهُ. وَكُلُّ مُيسَّرٍ لِمَا خُلِقَ لَهُ. وَالْأَعْمَالُ بِالْخَوَاتِيمِ. وَالسَّعِيدُ: مَنْ سَعِدَ بِقَضَاءِ اللَّهِ تَعَالَى. وَالشَّقِيُّ: مَنْ شَقِيَ بِقَضَاءِ اللَّهِ تَعَالَى.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) tunemera ko Allah yari azi kuva na mbere umubare w'abazajya mu ijuru, n'umubare w'abazajya mu muriro ingunga imwe, nta baziyongera kuri uwo mubare, nta n'abazawugabanyukaho. Yari azi neza kandi ibikorwa byabo bakora ndetse n'ibyho bazakora. Tunemera ko buri wese yoroherezwa (uburyo bwo) kugera ku cyo yaremewe (kuzakora ibyiza cyangwa ibibi, bijyanye n'amahitamo ye), kandi ibikorwa bihabwa agaciro ni bya bindi umuntu asorejeho ubuzima bwe. Kandi umuntu uzaba mwiza ni wawundi

¹ Qur'an 4:165.

uzashobora gukora ibikorwa byiza bizamwinjiza mu ijuru bijyanye n’igeno Allah yamugeneye. Naho umubi ni wawundi uzakora ibikorwa bibi bizamwinjiza mu muriro bijyanye n’igeno Allah yamugeneye.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ibi umwanditsi yavuze biri mu muryango wo kwemera igeno nk’uko ari bimwe mu nkingi zo kwemera esheshatu. Nta kintu na kimwe kiba muri iyi si ku bw’impanuka kitari giteganyijwe ndetse cyanditse, nta n’ikibaho uretse ko ari ku bw’igeno rya Allah. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّا كُلَّ شَيْءٍ حَلَقْنَاهُ بِقَدَرٍ ﴿٤٩﴾﴾ القمر: ٤٩

“Mu by’ukuri, buri kintu twakiremeye igeno ryacyo.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَخَلَقَ كُلَّ شَيْءٍ فَقَدَرَهُ تَقْدِيرًا ﴿٢﴾﴾ الفرقان: ٢

“Yanaremye buri kintu cyose kandi agiha ikigero kigikwiriye.”²

Uku kwemera igeno gufite ibyiciro bine:

1. **Al I’lmu:** Kwemera ubumenyi bwa Allah bw’ibyabaye n’ibizaba, bityo nta kimwisoba. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... إِنَّ اللَّهَ بِكُلِّ شَيْءٍ عَلِيمٌ ﴿٧٥﴾﴾ الأنفال: ٧٥

“...Allah ni Umumenyi wa byose.”³

¹ Qur’an 54:49

² Qur’an 25:2

³ Qur’an 8:75.

2. **Al Kitabat fi Lawuhil Mahfudh:** Kwemera ko Allah yategetse ikaramu kwandika buri kimwe cyose ku rubaho rurinzwe mu ijuru (A-Lawuhul Mahfudh). Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَمْ تَعْلَمِ أَنَّ اللَّهَ يَعْلَمُ مَا فِي السَّمَاءِ وَالْأَرْضِ إِنَّ ذَلِكَ فِي كِتَابٍ إِنَّ ذَلِكَ عَلَى اللَّهِ يَسِيرٌ ﴿٧٠﴾﴾ **الحج: ٧٠**

“Ese ntuzi ko Allah azi ibiri mu kirere no ku isi? Mu by’ukuri, ibyo biri mu gitabo (kirinzwe). Mu by’ukuri, ibyo kuri Allah biroroshye.¹”

3. **Al Mashii-at:** Kwemera ko Allah ibyo ashatse ari byo biba, ndetse nta na kimwe kiba uretse ko kiba ku bushake bwe. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... قَالَ كَذَلِكَ اللَّهُ يَفْعَلُ مَا يَشَاءُ ﴿٤٠﴾﴾ **آل عمران: ٤٠**

“Ni ko bimeze. Allah akora ibyo ashaka.”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا تَشَاءُونَ إِلَّا أَنْ يَشَاءَ اللَّهُ رَبُّ الْعَالَمِينَ ﴿٢٩﴾﴾ **التكوير: ٢٩**

“Kandi nta cyo mwashaka (ngo kibe) keretse Allah, Nyagasani w’ibiremwa (byose) aramutse agishatse.³”

4. **Al Khalqu wal Iijad:** Kwemera ko Allah ari we waremye buri icyo ari cyo cyose akaba ari nawe ugishoboza kubaho. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿اللَّهُ خَلَقَ كُلَّ شَيْءٍ وَهُوَ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ وَكِيلٌ ﴿٦٤﴾﴾ **الزمر: ٦٤**

“Allah ni Umuremyi wa buri kintu, kandi ni nawe muhagararizi wa buri kintu.⁴”

¹ Qur’an 22:70

² Qur’an 3:40

³ Qur’an 81:29

⁴ Qur’an 39:62

Ku bw'ibyo **Allah** azi neza kuva na mbere abazajya mu ijuru n'abazajya mu muriro kandi biranditse, ndetse bizabaho ku bushake bwe.

Ni ngombwa ko umuntu akora ibituma yumvira **Allah**, akirinda ibituma amugomera, atiriwe ata igihe mu gutekereza cyane cyangwa kujya impaka ku bijyanye n'igeno kuko **Allah** atigeze amuhishurira uko bizagenda.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **tunemera ko Allah yari azi kuva na mbere umubare w'abazajya mu ijuru, n'umubare w'abazajya mu muriro ingunga imwe...**" Ibi bishimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

“مَا مِنْكُمْ مِنْ أَحَدٍ إِلَّا وَقَدْ كُتِبَ مَقْعَدُهُ مِنَ الْجَنَّةِ، وَمَقْعَدُهُ مِنَ النَّارِ”

“Nta roho n'imwe ihumeka usibye ko **Allah** yamazye kuyandikira umwanya wayo mu ijuru no mu muriro...”¹ Ibi bisobanuro umwanditsi yatanze bifatanye isano n'izindi mvugo za Qur'an zigaragaza ko **Allah** azi buri kimwe nk'aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَكَانَ اللَّهُ بِكُلِّ شَيْءٍ عَلِيمًا ﴿٤٠﴾﴾ الأَحْزَاب: ٤٠

“...Kandi **Allah** ni Umumenyi wa byose.”²

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “...**nta baziyongera kuri uwo mubare, nta n'abazawugabanyukaho...**” Bisobanuye ko umubare w'abazinjira mu ijuru cyangwa mu muriro wagenwe, kandi ko ntabazawiyongeraho cyangwa ngo bawugabanyukeho, kuko umubare wabo **Allah** arawuzi kandi wanditswe ku rubaho rurinzwe (*Law'hu Al Mah'fudh*), uhereye ku muntu wa mbere

¹ Yakiriwe na Bukhari na Muslim

² Qur'an 33:40

Allah yaremye Adam ukageza ku wa nyuma Allah azarema. Nkuko bishimangirwa n’umurongo wa Qur’an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَحْصَى كُلَّ شَيْءٍ عَدَدًا﴾ ﴿٢٨﴾ الجن: ٢٨

“...ndetse azi byimazeyo umubare wa buri kintu.”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “(Allah) **yari azi neza kandi ibikorwa byabo bakora ndetse n’ibyho bazakora.**” Uko Allah yari azi buri kimwe ni nk’uko yari azi ibikorwa abagaragu be bakora n’ibyho bazakora, baba bazarangwa n’ibikorwa byiza cyangwa ibikorwa bibi, byose Allah yari abizi, kubera ko nta kimwisoba, kandi n’ibikorwa by’abagaragu bikaba byararemwe nawe. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَاللَّهُ خَلَقَكُمْ وَمَا تَعْمَلُونَ﴾ ﴿٩٦﴾ الصافات: ٩٦

“Kandi Allah yarabaremye mwe ubwanyu, ndetse n’ibyho mukora?”²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **Tunemera kandi ko buri wese yoroherezwa (uburyo bwo) kugera ku cyo yaremewe (kuzakora ibyiza cyangwa ibibi bijyanye n’amahitamo ye).**” Aya magambo y’umwanditsi avuga ko umuntu azoroherezwa kugera ku cyo yagenewe, ashimangirwa na Hadith y’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaturutse kwa Ally (Imana imwishimire) yaravuze ati:

عن عليٍّ رضي الله عنه قال: كُنَّا فِي جَنَازَةٍ فِي بَقِيعِ الْعُرْقَدِ فَأَتَانَا رَسُولُ اللَّهِ ﷺ، فَقَعَدَ، وَقَعَدْنَا حَوْلَهُ وَمَعَهُ مِخْصَرَةٌ فَنَكَّسَ وَجَعَلَ يَنْكُتُ بِمِخْصَرَتِهِ، ثُمَّ قَالَ: مَا مِنْكُمْ مِنْ أَحَدٍ إِلَّا وَقَدْ كُتِبَ

¹ Qur’an 72:28

² Qur’an 37:96

مَفْعَدُهُ مِنَ النَّارِ وَمَفْعَدُهُ مِنَ الْجَنَّةِ « فقالوا : يَا رَسُولَ اللَّهِ أَفَلَا تَتَكَلَّمُ عَلَيَّ كِتَابَنَا ؟ فقال : « أَعْمَلُوا ، فَكُلُّ مَيْسَرٍ لِمَا خُلِقَ لَهُ » وذكر تمام الحديث ، متفقٌ عليه .

Twari twagiye gushyingura ku marimbi y’ahitwa Baqii Al Gharqad, maze Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) irahadusanga iricara natwe tuyicara iruhande. Yari ifashe inkoni nuko yubika umutwe itangira guhonda inkoni yayo hasi maze iravuga iti: “Nta n’umwe muri mwe uretse ko yagenewe icyicaro cye mu muriro no mu ijuru.” Maze barayibaza bati: “Yewe Ntumwa y’Imana! Ese ubu ntibyatumama twirara tugategereza ibyo twagenewe byanditse ku rubaho rurinzwe (*Law’hu Al Mah’fudh*)? Nuko Intumwa y’Imana irabasubiza iti: “Muje mukora (Ibyo mwategetswe) kuko buri wese azoroherezwa gukora icyo yaremewe.” Nuko avuga Hadith yose.¹

Allah yerekanye ko umuntu azoroherezwa gukora ibikorwa bimurimo bizatuma aba umuntu mwiza uzamugandukira cyangwa umuntu mubi uzamwigomekaho, aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنْ سَعَيْتُمْ لَشِقَىٰ ﴿٤﴾ فَأَمَّا مَنْ أَعْطَىٰ وَاتَّقَىٰ ﴿٥﴾ وَصَدَّقَ بِالْحُسْنَىٰ ﴿٦﴾ فَسَنِيَرُهُ لِلْعُسْرَىٰ ﴿٧﴾ وَأَمَّا مَنْ بَخِلَ وَاسْتَغْنَىٰ ﴿٨﴾ وَكَذَّبَ بِالْحُسْنَىٰ ﴿٩﴾ فَسَنِيَرُهُ لِلْعُسْرَىٰ ﴿١٠﴾﴾ **الليل: ٤ - ١٠**

“Mu by’ukuri, ibikorwa byanyu biratandukanye. Wawundi utanga (amaturo) akanatinya (**Allah**). Kandi akizera icyiza (Ijuru). Tuzamworohera inzira y’ibyiza. Ariko uzaba umunyabugugu, akirata yumva ko (yishoboye). Akanahinyura icyiza. Tuzamworohera inzira y’ibibi.”²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Kandi ibikorwa bihabwa agaciro ni bya bindi umuntu asorejeho ubuzima bwe.**” Bisobanuye ko hari ubwo umuntu ashobora kubaho mu buyobe n’ubwangizi butandukanye, maze igeno rye rigasohozza akaba

¹ Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.

² Qur’an 92: 4-10.

umwemera ndetse agakora n'ibikorwa byiza, agasoreza ubuzima bwe mu kwemera n'ibikorwa bitunganye akinjira mu ijuru, cyangwa se ikinyuranyo cy'ibyo. Bishimangirwa na Hadith y'Intumwa y'Imana aho igira iti:

قال رسول الله ﷺ : (...إن الرجل ليعمل بعمل أهل الجنة حتى ما يكون بينه وبينها إلا ذراع فيسبق عليه الكتاب فيعمل بعمل أهل النار فيدخلها، وإن الرجل ليعمل بعمل أهل النار حتى ما يكون بينه وبينها إلا ذراع فيسبق عليه الكتاب فيعمل بعمل أهل الجنة فيدخلها.) البخاري ومسلم

“...Umwe muri mwe ashobora gukora igikorwa cy'abantu bo mu ijuru kugeza ubwo hagati ye no kuryinjiramo hasigara intera ingana n'urutambwe, igeno yandikiwe rigasohora, maze agakora igikorwa cy'abantu bo mu muriro, ubwo akaba awinjiyemo. Nk'uko kandi umwe muri mwe ashobora gukora igikorwa cy'abantu bo mu muriro kugeza ubwo hagati ye no kuwinjiramo hasigara intera ingana n'urutambwe, igeno yandikiwe rigasohora, maze agakora igikorwa cy'abantu bo mu ijuru, ubwo akaba aryinjiyemo.¹”

Bityo umuntu ntakwiye gushukwa n'ibikorwa akora, n'ubwo yaba ari umwe mu bakora ibyiza, ahubwo aba akwiye kugira impungenge z'iherezo ry'ubuzima bwe agahora akora ibikorwa byiza kuko atazi igihe iryo herezo rizagerera. Kandi aba akwiye kutagira uwo aciraho iteka ko ari uwo mu muriro ashingiye ku bikorwa bye akora, kuko atazi iherezo ry'ubuzima bwe n'ibikorwa azasozerezaho cyangwa se ikinyuranyo cyabyo.

¹ Yakiriwe na Bukhari (Hadithi 8033) na Muslim (Hadithi 3462).

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**Kandi umuntu uzaba mwiza ni wawundi uzashobora gukora ibikorwa byiza bizamwinjiza mu ijuru bijyanye n’igeno Allah yamugeneye. Naho umubi ni wawundi uzakora ibikorwa bibi bizamwinjiza mu muriro bijyanye n’igeno Allah yamugeneye.**” Bisobanuye ko ufite umunezero ari uwishimira igeno rya Allah haba ibyiza muri ryo cyangwa ibigeragezo muri ryo, kandi kwishimira igeno ni rwo rwego rwo hejuru ruranga abazatabarukana intsinzi hano ku isi ndetse bakazanagororerwa ijuru. Naho umubi ni uwinubira ntanishimire ibyo Allah yamugeneye, uwo rero ari mu kaga gakomeye ndetse azagira n’iherezo ribi, azanahanishwa ibihano bibabaza ku muni w’imperuka

Ikindi nuko umuntu ategetswe kurangwa n’ibikorwa byiza Imana yamutegetse kuko ari byo bizamuhesha ubutoni imbere ya Allah, akirinda kurangwa n’ibikorwa bibi kuko bituma aba igicibwa imbere ya Allah.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَوْمَ يَأْتِ لَا تَكْفُرُ نَفْسٌ إِلَّا بِإِذْنِهِ فَمِنْهُمْ شَقِيٌّ وَسَعِيدٌ ﴿١١٥﴾ فَأَمَّا الَّذِينَ شَقُوا فَمِنَ النَّارِ لَهُمْ فِيهَا زَفِيرٌ وَشَهِيقٌ ﴿١١٦﴾ خَالِدِينَ فِيهَا مَا دَامَتِ السَّمَوَاتُ وَالْأَرْضُ إِلَّا مَا شَاءَ رَبُّكَ إِنَّ رَبَّكَ فَعَّالٌ لِّمَا يُرِيدُ ﴿١١٧﴾ وَأَمَّا الَّذِينَ سَعَدُوا فَمِنَ الْجَنَّةِ خَالِدِينَ فِيهَا مَا دَامَتِ السَّمَوَاتُ وَالْأَرْضُ إِلَّا مَا شَاءَ رَبُّكَ عَطَاءٌ غَيْرَ مَجْدُوزٍ ﴿١١٨﴾ ﴿ هُود: ١٠٥ - ١٠٨ ﴾

“Ubwo uwo muni uzaza, nta we uzagira icyo avuga uretse ku burenganzira bwe (Allah). Muri bo hazaba hari umubi (ukwiye ibihano) n’umwiza (ukwiye ibihembo). Babandi babi bazajya mu muriro, bawubemo baboroga banitsa. Bazawubamo mu gihe kingana n’icyo ibirere n’isi bizamara, uretse abo Nyagasani wawe azashaka. Mu by’ ukuri, Nyagasani wawe ni ukora icyo ashaka. Naho babandi beza, bazajya mu Ijuru, baribemo mu gihe kingana

n'icyo ibirere n'isi bizamara, uretse abo Nyagasani wawe azashaka (ko batarijyamo). (Iyo) ni impano itagira iherezo.¹”

عجز الخلق عن معرفة حِكْمِ وأسرار القدر

Kuba ibiremwa bidashobora kumenya amabanga n'ubushishozi biri mu kugena kwa Allah.

وَأَصْلُ الْقَدْرِ سِرُّ اللَّهِ تَعَالَى فِي خَلْقِهِ؛ لَمْ يَطَّلِعْ عَلَى ذَلِكَ مَلَكٌ مُقَرَّبٌ، وَلَا نَبِيٌّ مُرْسَلٌ،

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) tunemera ko ubusanzwe igeno ry'Imana ari ibanga ryayo yihariye ifite ku biremwa byayo, nta we yigeze iribwira yaba umumalayika uyegeye, cyangwa intumwa yoherejwe.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Kugena kwa Allah biri rusange kandi ni nabyo byubahirizwa, kandi bifite amabanga n'ubushishozi ikiremwa kidashobora kumenya. Kubera ko ibiremwa bidashobora guhetura Allah n'ubumenyi bwe ntibyabuhetura. Bityo kuba Allah hari ubumenyi atagaragarije ibiremwa nko kumenya imiterere y'ibisingizo ibigwi n'ibimuranga, n'ibiremwa ntibikwiye kubitindaho bishaka kubicukumbura.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “nta we yigeze iribwira yaba umumalayika uyegeye, cyangwa intumwa yoherejwe..”

¹ Qur'an 11 :105-108.

Igeno rero rya Allah ni kimwe mu byo Allah yihariye ubumenyi bwabyo atigeze ahishurira n’umwe yaba umumalayika cyangwa se Intumwa, nk’uko Allah abishimangira avuga ku bamalayika agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قَالُوا سُبْحَانَكَ لَا عِلْمَ لَنَا إِلَّا مَا عَلَّمْتَنَا إِنَّكَ أَنْتَ الْعَلِيمُ الْحَكِيمُ﴾ البقرة: ٣٢

“Baravuze bati “Ubutagatifu ni ubwawe (Mana yacu), nta bumenyi dufite uretse ubwo watwigishije. Mu by’ukuri ni wowe mumenyi uhebuje, Ushishoza”.¹

Naho ku bigendanye n’abantu muri rusange Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا أَوْتِيْتُمْ مِنَ الْعِلْمِ إِلَّا قَلِيلًا﴾ الإسراء: ٨٥

"Kandi mwahawe ubumenyi buke".²

Ikindi twakongeraho nuko ibyo Allah atagaragarije ibiremwa bye, birimo amoko abiri:

Ubwoko bwa mbere: Hari ibyo atabagararije mu buryo bwa burundu, bisobanuye ko Allah ari we wenyine ubifitiye ubumenyi (Ghaybi Al Mutw’laq). Nkuko Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ اللَّهَ عِنْدَهُ عِلْمُ السَّاعَةِ وَيُنزِلُ الْغَيْثَ وَيَعْلَمُ مَا فِي الْأَرْحَامِ وَمَا تَدْرِي نَفْسٌ مَّاذَا تَكْسِبُ غَدًا وَمَا تَدْرِي نَفْسٌ بِأَيِّ أَرْضٍ تَمُوتُ إِنَّ اللَّهَ عَلِيمٌ خَبِيرٌ﴾ لقمان: ٣٤

“Mu by’ukuri, Allah niwe ufite ubumenyi bw’igihe imperuka izabera; amanura imvura kandi azi n’ibiri muri nyababyeyi. Nta muntu umenya icyo azakora ejo ndetse nta n’umenya aho azagwa. Mu by’ukuri, Allah ni Umumenyi uhebuje, Uzi byose.”³

¹ Qur’an 2:32

² Qur’an 17:85

³ Qur’an 31:34

Ubwoko bwa kabiri: Ni ibyo Allah yahaye kumenya bimwe mu biremwa bye, ibindi ntibyabimenya (Ghaybu Nis'biy).

Ubu bwoko bwombi bushimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igaragaza ubusabe yakundaga gusaba igira iti:

”أَسْأَلُكَ بِكُلِّ اسْمٍ هُوَ لَكَ ، سَمِيَتْ بِهِ نَفْسِكَ ، أَوْ عَلَّمْتَهُ أَحَدًا مِنْ خَلْقِكَ ، أَوْ أَنْزَلْتَهُ فِي

كِتَابِكَ ، أَوْ اسْتَأْثَرْتَ بِهِ فِي عِلْمِ الْغَيْبِ عِنْدَكَ“

“AS'ALUKA BIKULI IS'MI HUWA LAKA, SAMAY'TA BIHI NAF'SAKA, AWU AN'ZAL'TAHU FII KITABIKA, AWU A'ALAM'TAHU AHADAN MIN KHAL'QIKA, AWU IS'TA-ATHAR'TA BIHI FII IL'MI AL GHAY'BI IN'DAKA: (Mana Nyagasani) ndagusabye nifashishije buri zina ryawe, wiyise, cyangwa se wamanuye mu gitabo cyawe, cyangwa se wigishije umwe mu bagaragu bawe, cyangwa wagumanye mu bumenyi bwawe bwihishe (akaba ari wowe wihariye ubumenyi bwa ryo).”¹

Na gihamya muri Qur'an zishimangira ko Allah ari we wihariye ubumenyi bw'ibitagaragara, ni nyinshi hari nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ لَا أَمْلِكُ لِنَفْسِي نَفْعًا وَلَا ضَرًّا إِلَّا مَا شَاءَ اللَّهُ وَلَوْ كُنْتُ أَعْلَمُ الْغَيْبِ لَأَسْتَكْبَرْتُ مِنْ

الْخَيْرِ وَمَا مَسَّنِيَ السُّوءُ إِنْ أَنَا إِلَّا نَذِيرٌ وَبَشِيرٌ لِقَوْمٍ يُؤْمِنُونَ ﴿١٨٨﴾ الأعراف: ١٨٨

“Vuga (yewe Muhamadi) uti “Ku bwanjye, nta bushobozi mfite bwo kugira icyiza nakwimarira cyangwa ikibi nakwikiza usibye icyo Allah ashaka. Kandi iyo nza kumenya ibyihishe, nari kwigwizaho ibyiza byinshi ndetse nta n'ikibi cyari kungeraho. Nta cyo ndi cyo uretse kuba umuburizi n'ugeza inkuru nziza ku bantu bemera².”

¹ Hadith yakiriwe na Ahmad na Ibusn Hiban na Al Hakim, muri Hadith yaturutse kwa Ibusn Mas'uud (Imana imwishimire).

² Qur'an 7:188

البحث في أسرار القدر سبب للضلال

Gucukumbura amabanga y'ibyerekeranye n'igeno rya Allah ni impamvu y'ubuyobe.

والتعمق والتظرف في ذلك ذريعة الخذلان، وسلم الحرمان، ودرجة الطغيان؛ فالخذر كل الخذر من ذلك نظراً وفكراً ووسوسة؛ فإن الله تعالى طوى علم القدر عن أنامه، ونهاهم عن مرامه؛ كما قال تعالى في كتابه: (لَا يُسْأَلُ عَمَّا يَفْعَلُ وَهُمْ يُسْأَلُونَ) الأنبياء: 23، فمن سأل: لِمَ فَعَلَ؟ فَقَدْ رَدَّ حُكْمَ الْكِتَابِ؛ وَمَنْ رَدَّ حُكْمَ الْكِتَابِ كَانَ مِنَ الْكَافِرِينَ.

Kandi twe abagenda ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) twemera ko gucukumbura (amabanga y'igeno) ari ubuhemu n'ubuyobe, bikaba ari n'inzira yo kwimwa ingabire z'Imana ndetse no kugera ku rwego rwo kwigomeka. Bityo umuntu agomba kubyirinda, byaba mu buryo bwo kubitekerezaho, cyangwa se mu buryo bw'amoshya (*Was'wasat*). Kubera ko Allah ubumenyi bw'ibyerekeye igeno ntiyabugaragarije ibiremwa bye, ndetse yanabibujije kubucukumbura nk'uko yabivuze mu gitabo cye gitagatifu agira ati: "(Allah) ntabazwa ibyo akora, nyamara bo (ibiremwa) bazabazwa (ibyo bakora)." Qur'an 21: 23. Bityo uwabaza ngo: Kuki Allah yakoze ibi? Azaba ahakanye ibiri mu gitabo (cya Qur'an), kandi uzanga itegeko riri muri icyo gitabo azaba abaye umwe mu bahakanyi.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umwanditsi aha yashatse gushimangira ko ubwenge bw'abantu bufite aho bugarukiye, kandi gucukumbura ibirenze ubwenge bwabo byabaviramo guhakana, kuko hari aho ubwenge bugera bukananirwa bitewe n'imiterere yabwo. Umuyisilamu mwiza rero

ntakwiye kujora no kwibaza ku bijyanye n’igeno ry’Imana, ndetse no gushaka gucukumbura no kumenya amabanga ariyihishe inyuma. Ariko kuba yakwiga ibijyanye naryo ndetse n’inkingi zirigize bitarimo guhinyura nk’uko turi kubigaragaza ntacyo bitwaye.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**Umuntu agomba kubyirinda, byaba mu buryo bwo kubitekerezaho, cyangwa se mu buryo bw’amoshya (Was’wasat)..**” Umwanditsi agamije gushimangira ibi tumaze kuvuga byo kubuza gucukumbura no gushaka kumenya amabanga yihishe mu igeno rya Allah. Ikindi twakongeraho nuko amoshya ya shitani ari yo ntangiriro y’ibibi byose, ariko umwemeramana ushoboye kuyarwanya yikinga ku Mana, nta ngaruka yamugiraho. Niyo mpamvu Allah adutegeka kwikinga kuri we amoshya ya shitani aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ أَعُوذُ بِرَبِّ النَّاسِ ﴿١﴾ مَلِكِ النَّاسِ ﴿٢﴾ إِلَهِ النَّاسِ ﴿٣﴾ مِنْ شَرِّ الْوَسْوَاسِ

الْخَنَّاسِ ﴿٤﴾ الَّذِي يُوَسْوِسُ فِي صُدُورِ النَّاسِ ﴿٥﴾ مِنَ الْجِنَّةِ وَالنَّاسِ ﴿٦﴾ ﴿الناس: ١-٦﴾

“Vuga (yewe Muhamadi) uti “Nikinze kuri (Allah) Nyagasani w’abantu. Umwami w’abantu. Imana y’abantu. Ngo andinde ububi bwa (shitani) yoshya abantu gukora ibibi, nyuma ikabireka (igihe umuntu yibutse Allah). Yoshya imitima y’abantu gukora ibibi ; “Yaba (shitani) yo mu majini cyangwa mu bantu.”¹

Bikanashimangirwa n’imvugo y’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) aho yavuze iti:

قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: يَا أَيُّهَا الشَّيْطَانُ أَحَدَكُمُ يَقُولُ: مَنْ خَلَقَ كَذَا وَكَذَا؟ حَتَّى يَقُولَ لَهُ: مَنْ

خَلَقَ رَبِّكَ؟ فَإِذَا بَلَغَ ذَلِكَ، فَلَيْسَتْ تُعَدُّ بِاللَّهِ وَلَيْتَهُ. رواه مسلم

“Umwe muri mwe agerwaho na shitani ikamubaza iti: “Ni nde waremye iki? Ni nde waremye iki? Kugeza ubwo imubwiye iti ni

¹ Qur’an 114

nde waremye Nyagasani wawe? Bityo uwo bizabaho kugeza ubwo bigeze aho, azikinge ku Mana (ngo imurinde shitani) anarekeraho (kubitekereza).”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Kubera ko Allah ubumenyi bw’ibyerekeye igeno ntiyabugaragarije ibiremwa bye, ndetse yanabibujije kubucukumbura...”** Umwanditsi yari agamije gushimangira ibyo yahereyeho agaragaza ko igeno ari ibanga rya Allah yihariye.

Ikindi twakongeraho ni uko kwiga ibyerekeye igeno bitabujijwe ahubwo icyo twabujijwe ni ugucukumbura amabanga y’ibigendanye naryo. Niyo mpamvu umwanditsi yavuze ati: **“...Bityo uwabaza ngo: Kuki Allah yakoze ibi? Azaba ahakanye ibiri mu gitabo (cya Qur’an), kandi uzanga itegeko riri muri icyo gitabo azaba abaye umwe mu bahakanyi.”**

وجوب التمسك بالكتاب والسنة وترك الخوض فيما طوي عنا علمه.

Gushikama kuri Qur’an no ku mvugo z’Intumwa y’Imana no kureka kwishora mu bumenyi bw’ibyo tutagaragarijwe ni itegeko.

فَهَذَا جُمْلَةٌ مَا يَحْتَاجُ إِلَيْهِ مَنْ هُوَ مُتَوَرِّقٌ قَلْبُهُ مِنْ أَوْلِيَاءِ اللَّهِ تَعَالَى، وَهِيَ دَرَجَةُ الرَّاسِخِينَ فِي الْعِلْمِ؛ لِأَنَّ الْعِلْمَ عِلْمَانِ: عِلْمٌ فِي الْخَلْقِ مَوْجُودٌ وَعِلْمٌ فِي الْخَلْقِ مَفْقُودٌ؛ فَإِنْكَارُ الْعِلْمِ الْمَوْجُودِ كُفْرٌ، وَإِدْعَاءُ الْعِلْمِ الْمَفْقُودِ كُفْرٌ؛ وَلَا يَثْبُتُ الْإِيمَانُ إِلَّا بِقَبُولِ الْعِلْمِ الْمَوْجُودِ، وَتَرْكِ طَلَبِ الْعِلْمِ الْمَفْقُودِ.

¹ Yakiriwe na Muslim

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) twemera ko ibi ari bimwe mu byo ufite urumuri mu mutima we mu bakunzi b’Imana (umuyisilamu mwiza) acyeneye. Uru rukaba ari urwego rwa babandi bacengeye mu bumenyi; kubera ko ubumenyi burimo ibice bibiri: Hari ubumenyi ibiremwa bizi, hari n’ubwo ibiremwa bitazi. Bityo rero guhakana ubumenyi buzwi ni ubuhakanyi, no kwibwira ko uzi ubumenyi butazwi n’ibiremwa (Al Ghaybu) ni ubuhakanyi. Kandi ukwemera ntikwaba nyako keretse umuntu abanje kwemera ubumenyi buzwi, no kureka gucukumbura ubumenyi butazwi.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **twemera ko ibi ari bimwe mu byo ufite urumuri mu mutima we mu bakunzi b’Imana (umuyisilamu mwiza) acyeneye.** Aya magambo umwanditsi yayavuze ashaka kwerekana ibyo yavuze ruguru mu myemerere igomba kuranga umwemeramana nyawe, ndetse n’ibikorwa bimuranga mu byo amategeko y’idini ya Islam yigisha mu byerekeye igeno.

- Ubumenyi buzwi buvugwa hano ni ubumenyi **Allah** yashoboje ibiremwa kumenya abinyujije mu bitabo bye yahishuye, n’intumwa ze zaje kubyigisha. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿رَبَّنَا وَأَبْعَثْ فِيهِمْ رَسُولًا مِّنْهُمْ يَتْلُوا عَلَيْهِمْ آيَاتِكَ وَيُعَلِّمُهُمُ الْكِتَابَ وَالْحِكْمَةَ...﴾^{١٢٩}

﴿البقرة: ١٢٩﴾

“Nyagasani wacu! Uzanaboherezemo intumwa ibakomokamo, ibasomera amagambo yawe, inabigisha igitabo (Qur’an) n’ubushishozi (imigenzo y’Intumwa n’amategeko y’idini)...¹”

Allah nanone aragira ati:

¹ Qur’an 2:129

قَالَ تَعَالَى: ﴿ كَمَا أَرْسَلْنَا فِيكُمْ رَسُولًا مِّنكُمْ يَتْلُوا عَلَيْكُمْ آيَاتِنَا وَيُزَكِّيكُمْ وَيُعَلِّمُكُمُ الْكِتَابَ وَالْحِكْمَةَ وَيُعَلِّمُكُم مَّا لَمْ تَكُونُوا تَعْلَمُونَ ﴿١٥١﴾ ﴾ البقرة: ١٥١

“Ni nako twaboherereje Intumwa ibakomokamo, ibasomera imirongo yacu (Qur’an), inabeza (imitima) inabigisha igitabo (Qur’an) n’ubushishozi (Imigenzo y’Intumwa n’amategeko y’idini), inabigisha ibyo mutari muzi.¹”

- Naho ubumenyi butazwi, ni ubumenyi bwihariye Allah atashatse ko ibiremwa bye bimenya, ari bwo tumenyereye kwita ubumenyi bw’ibitagaragara (Al Ghaybu).

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ قُلْ لَا يَعْلَمُ مَنْ فِي السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ الْغَيْبَ إِلَّا اللَّهُ وَمَا يَشْعُرُونَ أَيَّانَ يُبْعَثُونَ ﴿٦٥﴾ ﴾ النمل:

٦٥

“Vuga (yewe Muhamadi) uti “Nta n’umwe mu bari mu birere no ku isi uzi ibyihishe uretse Allah, kandi ntibazi igihe bazazurirwa?”.

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ اللَّهَ عِنْدَهُ عِلْمُ السَّاعَةِ وَيُنزِلُ الْغَيْثَ وَيَعْلَمُ مَا فِي الْأَرْحَامِ وَمَا تَدْرِي نَفْسٌ مَّاذَا تَكْسِبُ غَدًا وَمَا تَدْرِي نَفْسٌ بِأَيِّ أَرْضٍ تَمُوتُ إِنَّ اللَّهَ عَلِيمٌ خَبِيرٌ ﴿٣٤﴾ ﴾ لقمان: ٣٤

“Mu by’ukuri, Allah niwe ufite ubumenyi bw’igihe imperuka izabera; amanura imvura kandi azi n’ibiri muri nyababyeyi. Nta muntu umenya icyo azakora ejo ndetse nta n’umunya aho azagwa. Mu by’ukuri, Allah ni Umumenyi uhebuje, Uzi byose.³”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...Kandi ukwemera ntikwaba nyako keretse umuntu abanje kwemera ubumenyi buzwi, no kureka gucukumbura ubumenyi butazwi.” Ibi umwanditsi yavuze by’uko umwemeramana nyawe agomba

¹ Qur’an 2:151

² Qur’an 27:65

³ Qur’an 31:34

kureka gucukumbura ubumenyi butazwi bishimangira n'imwe mu mirongo ya Qur'an nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ لَا أَقُولُ لَكُمْ عِنْدِي خَزَائِنُ اللَّهِ وَلَا أَعْلَمُ الْغَيْبَ وَلَا أَقُولُ لَكُمْ إِنِّي مَلَكٌ إِنْ أَتَيْتُ إِلَّا مَا يُوحَىٰ إِلَيَّ قُلْ هَلْ يَسْتَوِي الْأَعْمَىٰ وَالْبَصِيرُ أَفَلَا تَتَفَكَّرُونَ ﴿٥٠﴾ الأَنْعَام: ٥٠

"Vuga (yewe Muhamadi) uti " Simbabwe ko mfite ibigega bya Allah, nta n'ubwo nzi ibitagaragara, nta n'ubwo mbabwira ko ndi Malayika. Nta kindi nkurikira uretse ibyo mpishurirwa." Vuga uti " Ese impumyi ihwanye n' ubona? Ese ntimutekereza ?"¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَوْ كُنْتَ أَعْلَمُ الْغَيْبَ لَاسْتَكْثَرْتَ مِنَ الْخَيْرِ وَمَا مَسَّنِيَ السُّوءُ إِنْ أَنَا إِلَّا نَذِيرٌ وَبَشِيرٌ لِّقَوْمٍ يُؤْمِنُونَ ﴿١٨٨﴾ الأَعْرَاف: ١٨٨

"...Kandi iyo nza kumenya ibyihishe, nari kwigwizaho ibyiza byinshi ndetse nta n'ikibi cyari kungeraho. Nta cyo ndi cyo uretse kuba umuburizi n'ugeza inkuru nziza ku bantu bemera."²

¹ Qur'an 6:50
² Qur'an 7:188

الإيمان باللوح المحفوظ والقلم:

Kwemera urubaho rurinzwe (A-Lawuhul Mah'fudhw) n'ikaramu ko ari ukuri.

وَتُؤْمِنُ بِاللَّوْحِ وَالْقَلَمِ وَبِجَمِيعِ مَا فِيهِ قَدْ رُقِمَ؛ فَلَوْ اجْتَمَعَ الْخَلْقُ كُلُّهُمْ عَلَى شَيْءٍ كَتَبَهُ اللَّهُ تَعَالَى فِيهِ أَنَّهُ كَاتِبٌ لِيَجْعَلُوهُ غَيْرَ كَاتِبٍ لَمْ يَقْدِرُوا عَلَيْهِ، وَلَوْ اجْتَمَعُوا كُلُّهُمْ عَلَى شَيْءٍ لَمْ يَكْتُبَهُ اللَّهُ تَعَالَى فِيهِ لِيَجْعَلُوهُ كَاتِبًا لَمْ يَقْدِرُوا عَلَيْهِ؛ جَفَّ الْقَلَمُ بِمَا هُوَ كَاتِبٌ إِلَى يَوْمِ الْقِيَامَةِ. وَمَا أَخْطَأَ الْعَبْدَ لَمْ يَكُنْ لِيُصِيبَهُ، وَمَا أَصَابَهُ لَمْ يَكُنْ لِيُخْطِئَهُ.

وَعَلَى الْعَبْدِ أَنْ يَعْلَمَ أَنَّ اللَّهَ تَعَالَى قَدْ سَبَقَ عِلْمُهُ فِي كُلِّ كَاتِبٍ مِنْ خَلْقِهِ، فَقَدَّرَ ذَلِكَ تَقْدِيرًا مُحْكَمًا مُبْرَمًا؛ لَيْسَ فِيهِ نَاقِصٌ، وَلَا مُعَقَّبٌ، وَلَا مُزِيلٌ، وَلَا مُعَيَّرٌ، وَلَا مُحَوَّلٌ، وَلَا نَاقِصٌ، وَلَا زَائِدٌ مِنْ خَلْقِهِ فِي سَمَاوَاتِهِ وَأَرْضِهِ؛ وَذَلِكَ مِنْ عَقْدِ الْإِيمَانِ، وَأُصُولِ الْمَعْرِفَةِ، وَالْإِعْتِرَافِ بِتَوْحِيدِ اللَّهِ تَعَالَى وَرُبُوبِيَّتِهِ، كَمَا قَالَ تَعَالَى فِي كِتَابِهِ: (وَخَلَقَ كُلَّ شَيْءٍ فَقَدَرَهُ قَدِيرًا) (الفرقان: ٢)، وَقَالَ تَعَالَى: (وَكَانَ أَمْرُ اللَّهِ قَدَرًا مَقْدُورًا) (الأحزاب: ٣٨).

فَوَيْلٌ لِمَنْ صَارَ لِلَّهِ تَعَالَى فِي الْقَدْرِ خَصِيمًا، وَأَحْضَرَ لِلنَّظَرِ فِيهِ قَلْبًا سَقِيمًا، لَقَدِ التَّمَسَسَ بِوَهْمِهِ فِي فَحْصِ الْغَيْبِ سِرًّا كَتِيمًا، وَعَادَ بِمَا قَالَ فِيهِ أَفَاكًا أَثِيمًا

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera urubaho rurinzwe (Lawuhul Mah'fudhw) rwanditsweho buri kimwe, n'ikaramu yabyanditse ndetse n'ibirwanditseho. Kandi ibiremwa byose biramutse byiteranyije kugira ngo bibuze kugira ikiba Allah yanditse kuri urwo rubaho ko kizaba ntibyabishobora, ni nk'uko ibyo biremwa byose biramutse byiteranyije ngo bigire icyo bikora Allah atanditse kuri urwo rubaho bishaka ko

kibaho ntibyabishobora, wino y'ikaramu yanditse ibizaba yamaze kuma kuzageza ku munsu w'imperuka.

Tukemera kandi ko igihushije umugaragu kiba n'ubusanzwe kitari kumubaho, n'ikimubayeho ko kiba kitari kumuhusha. N'umugaragu agomba kumenya ko ubumenyi bwa Allah ari bwo bwabanjirije iremwa rya buri kiremwa, kandi ko Allah yabigennye atyo mu buryo butunganye kandi bwiza buzira amakemwa, butavuguruzanya, butajorwa, cyangwa ngo bugire uwabukuraho, cyangwa ngo hagire ubuhindura, cyangwa ngo bugabanywe cyangwa bwongerwe n'ibiremwa bye byo mu birere cyangwa mu isi.

Tukemera ko kwemera ibi ari bimwe mu bigaragaza ukwemera guhamye n'imisingi yo kumenya Imana, no kwemera ko Imana ari imwe kandi ari yo yonyine yihariye kuba ari yo Muremyi, nk'uko Allah abishimangira mu gitabo cye (Qur'an) agira ati: *"...Yanaremye buri kintu cyose kandi akigenera igeno rigikwiye."* Qur'an 25:2. Allah nanone aragira ati: *"...Kandi itegeko rya Allah ni ihame ridakuka."* Qur'an 33:38.

Bityo, tunemera kandi ko ibihano bikomeye bizaba kuri wawundi wihaye kugisha impaka Allah mu byo yagennye, kandi akajya izo mpaka afite umutima urwaye, ndetse akishingikiriza urujijo rwe acukumbura ibyo Allah atamugaragarije kuko ari ibanga rye yahishe ibiremwa, maze umuntu nk'uwo ucukumbura akisanga ari uhimba ibinyoma, umunyabyaha.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ibyo byose umwanditsi agaragaje ni ibijyanye no kwemera igeno no kwemera inzego zaryo twabonye, no muri zo harimo urwego rwa kabiri rwo kwemera ibyanditse ku rubaho rurinzwe (A-Lawuhul Mahfudh). Twanabonye kandi ko Allah azi ibya buri

kintu, yanategetse ikaramu ko yandika buri kimwe kizabaho kuzageza ku munsu w'imperuka kiri kuri urwo rubaho.

Ariko ntawe uzi imiterere yarwo cyangwa se imiterere y'iyi karamu uretse Allah, gusa byombi ni bimwe mu biremwa bya Allah, ibyo tubyemera gutyo. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَمْحُوا اللَّهُ مَا يَشَاءُ وَيُثَبِّتُ وَعِنْدَهُ أُمُّ الْكِتَابِ ﴿٣٩﴾﴾ الرَّعْدُ: ٣٩

“Allah ahanagura (mu gitabo) ibyo ashatse (mu mategeko ye) akanemeza ibyo ashatse. Ni we ufite igitabo gihatse ibindi (urubaho rurinzwe, A-Lawuhul Mahfudh).¹”

Bigashimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abdullah Ibun Amri Ibun Al Aswi (Imana imwishimire) yaravuze ati:

عَنْ عَبْدِ اللَّهِ بْنِ عَمْرٍو بْنِ الْعَاصِ قَالَ سَمِعْتُ رَسُولَ اللَّهِ ﷺ يَقُولُ " كَتَبَ اللَّهُ مَقَادِيرَ الْخَلَائِقِ قَبْلَ أَنْ يَخْلُقَ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضَ بِخَمْسِينَ أَلْفَ سَنَةٍ - قَالَ - وَعَرَّشَهُ عَلَى الْمَاءِ " .

“Imana yanditse igeno ry'ibiremwa mbere y'uko ihanga isi n'ibirere imyaka ibihumbi mirongo itanu, kandi Arshi ye yari hejuru y'amazi.²”

Bikanashimangirwa na Hadith yakiriwe na Abu Daud mu gitabo cye (A-Sunan) yaturutse kwa Ubadat Ibun Swamit (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti:

”أَوَّلُ مَا خَلَقَ اللَّهُ الْقَلَمَ قَالَ لَهُ: اكْتُبْ. قَالَ: مَا أَكْتُبُ؟ قَالَ: اكْتُبْ مَقَادِيرَ الْخَلْقِ إِلَى قِيَامِ السَّاعَةِ.“

¹ Qur'an 13:39

² Yakiriwe na Muslim.

“Icyamba mbere Allah yaremwe ni ikaramu nuko arayibwira ati: Andika, iramubaza iti: Nandike iki? Arayibwira ati: Andika igeno ry’ibiremwa kuzageza ku munsu w’imperuka.”

Iyi Hadith iragaragaza urwego rwo kwandika, kandi ko igeno rya buri kimwe ryanditse. Ikindi nuko ikaramu iri mu biremwa bya mbere Allah yaremwe ku isi.

Ikindi kandi ugendeye kuri iyi Hadith iragaragaraza ko ikaramu ari cyo kiremwa cya mbere Allah yaremwe, ariko hari ibindi biremwa byayibanjirije nk’uko bigaragara mu zindi mvugo z’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha).

Ku bijyanye nibyo tuvuze abamenyi babivuzeho imvugo ebyiri:

1) Hari abavuze ko *Arshi* yaremwe mbere y’ikaramu, bashingiye kuri iyi Hadithi yakiriwe na Imam Muslim yabanje yaturutse kwa Abdullah Ibun Amri Ibun Al A’swi (Imana imwishimire), akaba ari nayo mvugo y’abamenyi benshi.

2) Abandi bavuga ko Ikaramu ari yo yaremwe mbere ya *Arshi* bashingiye kuri Hadithi yaturutse kwa Ubadat Ibun Swamit (Imana imwishimire) yakiriwe na Abu Daud, ariko imvugo ifite ireme ni iya mbere.

Abamenyi basobanuye izi Hadithi bavuze ko hagati yazo hatarimo kuvuguruzanya, bazihuza bavuga ko icyari kigambiriwe cya mbere atari iremwa ry’ikaramu, ahubwo ko ikaramu ikimara kuremwa ikintu cya mbere yategetswe cyari ukwandika igeno rya buri kintu.

No mu bindi bavuze bazihuza, harimo ko ikaramu ari ikiremwa cya mbere cyaremwe mu bigaragarira amaso.

Bisobanuye ko kuba byaranditswe byamaze kuba iteka rya Allah, nta cyabihindura nta n’ufite ubushobozi bwo kubihindura. Ibi nibyo bisobanuro nyabyo by’igeno ry’Imana.

Abamenyi berekanye ko igeno ikaramu yanditse, riri mu buryo butandukanye bukurikira:

1. Igeno rusange rireba ibiremwa byose.
2. Igeno Allah yandikiye Adamu ndetse n'urubyaro rwe rwose.
3. Igeno Allah yandikiye buri muntu ku giti cye.
4. Igeno Allah yandikira buri kimwe kizaba mu mwaka. Kandi uku kugena kwa Allah kwose ntabwo kunyuranya cyangwa ngo kuvuguruzanye.

Umwemeramana nyawe yemera iby'uru rubaho n'ikaramu ariko ntiyishore mu kuvuga imiterere yabyo n'uburyo rwandikwaho, kuko biri mu bumenyi Allah yihariye bw'ibitagaragara.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“...Kandi ibiremwa byose biramutse byiteranyije kugira ngo bibuze kugira ikiba Allah yanditse kuri urwo rubaho ko kizaba ntibyabishobora...”** Ibi bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) igira iti:

عن ابن عباس ، رضي الله عنه ، قال : « كُنْتُ خَلْفَ النَّبِيِّ ﷺ يَوْمًا فَقَالَ : « ... وَاَعْلَمَ : أَنَّ الْأُمَّةَ لَوْ اجْتَمَعَتْ عَلَى أَنْ يَنْفَعُوكَ بِشَيْءٍ ، لَمْ يَنْفَعُوكَ إِلَّا بِشَيْءٍ قَدْ كَتَبَهُ اللَّهُ لَكَ ، وَإِنْ اجْتَمَعُوا عَلَى أَنْ يَضُرُّوكَ بِشَيْءٍ ، لَمْ يَضُرُّوكَ إِلَّا بِشَيْءٍ قَدْ كَتَبَهُ اللَّهُ عَلَيْكَ ، رُفِعَتِ الْأَقْلَامُ ، وَجَفَّتِ الصُّحُفُ . » رَوَاهُ التِّرْمِذِيُّ .

"Yewe mwana...umenye ko n'ubwo abantu (b'isi yose) baterana kugira ngo bagire icyo bakumarira, ntacyo bakumarira usibye icyo Imana yakwandikiye gusa. Kandi n'iyi abantu (b'isi yose) baterana kugira ngo bagire icyo bagutwara, ntacyo bagutwara usibye gusa icyo Imana yakwandikiye. Amakaramu (yamaze

kwandika ibizaba) yarahagaze, ndetse n'ibitabo (byanditswemo ibyo), wino yarumutse byararangiyeye." ¹

No mu yindi mvugo itari iya Tir'midhi, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaramubwiye iti :

وفي رواية غير الترمذي : « ... واعلم أنّ ما أخطأك لم يكن ليصيبك ، وما أصابك لم يكن ليخطئك... »

"... Umenye ko ikitakubayeho n'ubundi kitari kukubaho, ndetse ko n'icyakubayeho kitashoboraga kuguhusha..."

Bikanashimangirwa n'umurongo wa Qur'an nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ لَنْ يُصِيبَنَا إِلَّا مَا كَتَبَ اللَّهُ لَنَا هُوَ مَوْلَانَا وَعَلَى اللَّهِ فَتَوَكَّلِ الْمُؤْمِنُونَ﴾
التوبة: ٥١

"Vuga (yewe Muhamadi) uti "Nta gishobora kutubaho kitari icyo Allah yatugeneye. Ni we Murinzi wacu". Kandi abemera bajye biringira Allah wenyine."²

Uru rero ni rwo rwego rwa mbere mu nzego zo kwemera igeno ry'Imana, ari rwo rwego rwo kwemera ko na mbere y'iremwa Allah yari azi ibyabaye, ibiba, ibizaba mbere y'uko biba, n'ibitarabaye iyo biza kuba uburyo byari kuba bimeze.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَلَا يَعْلَمُ مَنْ خَلَقَ وَهُوَ اللَّطِيفُ الْخَبِيرُ﴾ الملك: ١٤

"Ese Uwaremye yayoberwa (ibyo yaremye)?"

¹ Yakiriwe na Tir'midhi

² Qur'an 9: 51.

Ikindi twavuga kuri ibi, nuko iyo umuntu agezweho n'ibyago byatewe n'abantu bagenzi be nabyo biba biri mu igeno rye **Allah** yamugeneye. Ntakwiye kwirengagiza iryo geno ngo umutima we wibande ku bantu babaye impamvu y'ibyo byago byamushyikiye, nkaho abo bantu ari bo bamufiteho ububasha, bikanatuma rimwe na rimwe yigomeka kuri **Allah**.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمِنَ النَّاسِ مَن يَقُولُ ءَامَنَّا بِاللَّهِ فَإِذَا أُوذِيَ فِي اللَّهِ جَعَلَ فِتْنَةَ النَّاسِ كَعَذَابِ اللَّهِ ... ﴿١٠﴾
العنكبوت: ١٠

*“No mu bantu hari abavuga bati: Twemeye **Allah**! Ariko batotezwa bazira **Allah**, bagafata ibigeragezo by'abantu nk'ibihano bya **Allah** (bagata ukwemera); ..!?”¹*

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “...**Kandi umugaragu agomba kumenya ko ubumenyi bwa Allah ari bwo bwabanjirije iremwa rya buri kiremwa, kandi ko Allah yabigennye atyo mu buryo butunganye kandi bwiza buzira amakemwa, butavuguruzanya, butajorwa, cyangwa ngo bugire uwabukuraho...**” Aya magambo umwanditsi yayazanye ashaka gushimangira icyigwa cyabanje kivuga ku bumenyi bwa **Allah** buhatse buri kimwe, kandi ko budaheturwa. Ikindi kandi yagiraga ngo asubize tumwe mu dutsiko twayobye n'utw'abanyabihimbano duhakana ubumenyi bwa **Allah**, ari two tuvuga ubumenyi bwa **Allah** muri ubu buryo:

Bamwe mu bantu bo mu gatsiko k'abitwa *Al Mu-utazila* ntibemera ko **Allah** yari azi buri kimwe kuva kera na kare, baravuze bati: **Allah** ntabwo azi ibikorwa by'abagaragu be, cyeretse iyo babikoze nibwo abimenya. **Allah** Nyirikirenga ari kure n'ibi bamuvugaho.

¹ Qur'an 29:10

Imam Shaffy yaravuze ati: “Muzagishe impaka abo mu gatsiko k’aba *Qadariyat* ku byerekeye ubumenyi bwa **Allah**, nibaramuka bemeye ko **Allah** azi buri kimwe bazaba batekanye bari no ku kuri. Ariko nibahakana ubumenyi bwa **Allah** bazaba bahakanye, kuko **Allah** aba azi neza ko runaka mu bagaragu be ashoboye ibyo yamutegetse, kandi ko azanabikora maze akabimuhembera. Ikindi akaba anazi ko runaka mu bagaragu be ashoboye ibyo yamutegetse kandi ko atazanabikora nubwo abishoboye maze akazabimuhanira. **Allah** rero azamuhanira kuba atarakoze ibyo yamutegetse kandi yari abishoboye. Bityo rero imyemerere mizima y’ukuri nuko **Allah** azi byimazeyo buri kimwe kiba ku isi ndetse n’ikizayibaho.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Ibi bikaba ari bimwe mu bigaragaza ukwemera guhamye n’imisingi yo kumenya Imana...**” Bisobanuye ko kumenya no kwemera ubumenyi bwa **Allah** ko buhetura buri kimwe, ndetse ko yanabigeneye itegeko ntakuka biri mu misingi y’ukwemera. Nkuko **Allah** abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَوَحَّوْا كُلَّ شَيْءٍ فَقَدَرَهُ تَقْدِيرًا ۝۲﴾ الفرقان: ۲

“Yanaremye buri kintu cyose kandi akigenera igeno rigikwiye¹.”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَاللَّهُ يَحْكُمُ لَا مُعَقَّبَ لِحُكْمِهِ ۝۴۱﴾ الرعد: ۴۱

“**Allah** ni we utegeka kandi nta wavuguruza itegeko rye...²”

Ikindi twibutsa nuko kwemera igeno bidasobanuye kwirara no kutagira icyo umuntu akora, ahubwo umuntu ategetswe gukora

¹ Qur’an 25:2.
² Qur’an 13:41

ibishoboka byose bimufitiye akamaro aziruriwe, noneho akamenya ko ibyo ari bubone biri mu igeno ry’Imana, ibyo abonye akumva ko Imana ari yo yabimushoboje kandi byari mu igeno rye, n’ibyo atabonye akumva ko ari uko Imana yabimugenyeye.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**Ibihano bikomeye bizaba kuri wawundi wihaye kugisha impaka Allah mu byo yagennye.** Umwanditsi aragaragaza ko gushaka gucukumbura amabanga n’ubushishozi buri mu bumenyi bwa Allah no mu kugena kwe, ko biba ari uburwayi umuntu afite mu mutima we. Ikindi nuko ibihano bikomeye umwanditsi avuga ni ibizaba kuri tumwe mu dutsiko duhakana igeno rya Allah, nk’abitwa *Al Djabriyat, Al Mushrikiya, Al Madjusiyat* na *Al Ibisiyat*, utu dutsiko duhuriye ku kuba duhakana igeno rya Allah. Kubera ko utwo dutsiko twitwaje igeno duhakana amategeko ya Allah, nk’uko ababangikanyamana Allah yabavuzeho muri Qur’an agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿سَيَقُولُ الَّذِينَ أَشْرَكُوا لَوْ شَاءَ اللَّهُ مَا أَشْرَكْنَا وَلَا آبَاؤُنَا وَلَا حَرَمْنَا مِنْ شَيْءٍ...﴾
 ﴿الأنعام: ١٤٨﴾

“Babandi babangikanyije Allah bazavuga bati: “Iyo Allah aza kubishaka, twe n’abakurambere bacu ntitwari kumubangikanya, kandi nta n’icyo twari kuziririza...”

Nanone Allah yagaragaje uburyo Shitani yigometse ku itegeko rye yitwaje uburyo Allah yamuremye biyiviramo kuba ikivume, akaba ari nayo yatangiye iyi myitwarire. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قَالَ مَا مَنَعَكَ آلَا تَسْجُدَ إِذْ أَمَرْتُكَ قَالَ أَنَا خَيْرٌ مِمَّنْ خَلَقْتَنِي مِنْ نَارٍ وَخَلَقْتَهُ مِنْ طِينٍ﴾
 ﴿الأنعام: ١٣ - ١٤﴾

“(Allah) aravuga ati “Ni iki cyakubujije kubama ubwo nabigutegekaga?” (Ibilisi) aravuga ati “Jye ndi mwiza kumuruta wandemye mu muriro, naho we umurema mu cyondo. (Allah) aravuga ati “Manuka urivemo (Ijuru)! Ntibikwiye ko wakwikuza

muri ryo. Ngaho sohoka! Mu by'ukuri, wowe uri mu basuzuguritse".¹

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "...**Kandi akajya izo mpaka afite umutima urwaye...**" Gihamya zigaragara muri Qur'an no muri Hadith z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) zagaragaje ko abantu bafite imitima y'ubwoko butatu:

1. Imitima itunganye kandi itekanye, ariyo mitima y'abemeramana, mu myemerere yabo ntibarangwa n'urujijo (*Shubuhahat*) nta n'ubwo barangwa n'irari (*Shahawa*).
2. Imitima yapfuye, ari yo mitima y'abahakanye Imana.
3. Imitima ifite uburwayi, rimwe na rimwe irangwa n'ubuzima, ubundi ikarangwa no gupfa, ubwo ikiganza ikindi nicyo kigarurira umutima nk'uwo.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "...**Ndetse akishingikiriza urujijo rwe acukumbura ibyo Allah atamugaragarije kuko ari ibanga rye yahishe ibiremwa...**" Bityo umuntu aba akwiye kwemera intege nke z'imitekerereze ye, maze akemera ko hari ibintu birenze ubwenge bwe, agaca bugufi, akemera igeno ry'Imana.

إثبات العرش والكُرسيِّ وِغْنَاهُ تَعَالَى عَنْ كُلِّ شَيْءٍ.

Gushimangira ko Ar'shi na Kur'siyu ari impamo, kandi ko Allah yihagije ntacyo akeneye.

وَالْعَرْشُ وَالْكُرْسِيُّ حَقٌّ، وَهُوَ مُسْتَعْنٍ عَنِ الْعَرْشِ وَمَا دُونَهُ.

¹ Qur'an 7:12-13

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) twemera ko Ar’shi ndetse na Kur’siyu (bya Allah) ko ari ukuri, kandi ko Allah adakeneye Ar’shi n’ibindi bitari yo.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Arshi ubusanzwe mu rulimi rw’icyarabu ni intebe y’umwami cyangwa umutware. Ariko nk’uko izindi mvugo na gihamya zaba muri Qur’an cyangwa se Sunat zibigaragaza, nuko Arshi ari intebe ifite amaguru iteruwe n’abamalayika, ikaba imeze nk’umutemeru hejuru y’ibirere n’isi. ikaba ari nayo gisenge kiri hejuru y’ibiremwa byose akaba aricyo kiremwa gihambaye kurusha ibindi ntawe uzi ubuhambare bwacyo uretse Allah wenyine.¹ Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿الَّذِينَ يَحْمِلُونَ الْعَرْشَ وَمَنْ حَوْلَهُ يُسَبِّحُونَ بِحَمْدِ رَبِّهِمْ ...﴾ ﴿٧﴾ غافر: ٧

“Ba bandi (Abamalayika) bateruye Arshi, n’abayikikije basingiza ikuzo rya Nyagasani wabo...”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَالْمَلَائِكَةُ عَلَىٰ أَرْجَائِهَا وَيَحْمِلُ عَرْشَ رَبِّكَ فَوْقَهُمْ يَوْمَئِذٍ ثَمَنِيَّةٌ﴾ ﴿١٧﴾ الحاقة: ١٧

“N’abamalayika bazaba bakizengurutse (ikirere) impande zacyo. Kandi kuri uwo munsu Abamalayika umunani biyongera kuri abo bazaba bahetse Ar’shi ya Nyagasani wawe.”

Naho ijambo **Kur’siyu:** Abamenyi ntibavuze rumwe ku gisobanuro cyayo, bamwe bavuga ko ari ubumenyi bwa Allah, ariko iki gisobanuro nta shingiro gifite ndetse nta na gihamya gifite.

¹ (Sharhul Aqidat Al Wasitwiyat cya Sheykhul Fawuzani, paji ya 103).

Abandi bakavuga ko *Kur'siyu* ariyo *Ar'shi*, bityo atari ibintu bibiri bitandukanye. Ariko niyi mvugo nayo nta reme ifite.

Abandi bakavuga ko *Kur'siyu* ari ikiremwa gihambaye, kikaba ari ahajya ibirenge bya **Allah**. Iyi ikaba ari nayo mvugo ya Abdullah Ibun Abas (Imana imwishimire) akaba ari nayo benshi mu bamenyi babona ko ifite ireme, kuko *Ar'shi* iruta *Kur'siyu*, hakaba nta n'uzi ubuhambare bwayo uretse **Allah** w'ikirenga.

Allah yaremye ibirere, arema isi, arema *Ar'shi* ye y'icyubahiro; ibi byose ni ibiremwa bya **Allah** bihambaye. Ibirere biri hejuru y'isi, no hejuru y'ibirere hari inyanja, no hejuru y'inyanja hari *Kursiyu*, no hejuru ya *Kursiyu* hari *Arshi* ye y'icyubahiro. Bityo *Ar'shi* ye ni cyo kiremwa kiruta ibindi byose, kiri no hejuru y'ibindi byose. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿رَفِيعُ الدَّرَجَاتِ ذُو الْعَرْشِ ... ﴿١٥﴾﴾ غافر: ١٥

“(Ni we) ufite urwego rusumba izindi, nyiri *Ar'shi* y'icyubahiro...¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَسِعَ كُرْسِيُّهُ السَّمَاوَاتِ وَالْأَرْضَ ... ﴿٢٥٥﴾﴾ البقرة: ٢٥٥

“...*Kursiyu* ye (ahajya ibirenge bye) ikwiriye ibirere n'isi...²”

Hari bamwe mu bantu basobanura nabi bavuga ko **Allah** yicaye hejuru ya *Ar'shi*, ariko ibyo ntabwo ari byo, kuko aramutse ayicayeho yaba ayikeneye, ahubwo **Allah** ari hejuru ya *Ar'shi*, ariko kuba ari hejuru ya *Arshi* ye ntibisobanuye ko ayicyeneye, uretse nayo nta n'ikindi acyeneye mu biremwa bye, ariko ibiremwa bye byose biramukeneye.

Allah aragira ati:

¹ Qur'an 40:15

² Qur'an 2: 255

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَقَالَ مُوسَىٰ إِنَّ تَكْفُرُوا أَنْتُمْ وَمَن فِي الْأَرْضِ جَمِيعًا فَأِنَّ اللَّهَ لَغَنِيٌّ حَمِيدٌ ﴿٨﴾

إبراهيم: ٨

“Nuko Musa aravuga ati: “Muramutse muhakanye, mwe n’abari ku isi bose, mu by’ukuri, (mumenye ko) Allah ari Uwihagije, Ushimwa bihebuje¹”.

Bityo Ar’shi na Kur’siyu n’ibindi biremwa nibyo bimucyenyeye ari ko we Nyir’ubutagatifu ntabyo acyenyeye.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ اللَّهَ يُمَسِّكُ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضَ أَنْ تَزُولَا وَلَئِن زَالَتَا إِنْ أَمْسَكَهُمَا مِنْ أَحَدٍ مِّن بَعْدِهِ...

فاطر: ٤١ ﴿٥١﴾

“Mu by’ukuri, Allah ni we ufashe ibirere n’isi kugira ngo bitava mu myanya yabyo. Kandi biramutse biyivuyemo nta w’undi wabifata utari we...²”

إثبات صفة الإحاطة وفوقية لله تعالى

Gushimangira ko ubumenyi bwa Allah buhetuye buri kimwe, kandi ko Allah ari hejuru ya buri kimwe.

مُحِيطٌ بِكُلِّ شَيْءٍ وَفَوْقَهُ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) twemera ko Allah ahetuye buri kintu, ndetse ko ari no hejuru yabyo.

¹ Qur’an 14:8

² Qur’an 35: 41

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Aha umwanditsi yagaragazaga ubuhambare bwa **Allah** haba mu bumenyi bwe no mu bushobozi bwe, kandi ko ubumenyi bwe ari bwo buhetuye icyo ari cyo cyose. Na gihamya muri Qur'an zishimangira ibyo ni nyinshi. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَتَعْلَمُوا أَنَّ اللَّهَ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ وَأَنَّ اللَّهَ قَدْ أَحَاطَ بِكُلِّ شَيْءٍ عِلْمًا﴾ ﴿الطلاق: ١٢﴾

“... (Ibyo ni) ukugira ngo mumenye ko **Allah** ari Ushobora byose, kandi mu by'ukuri ko ubumenyi bwa **Allah** buhetuye buri kintu.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَاللَّهُ مِنْ وَرَائِهِمْ مُخِيطٌ﴾ ﴿البروج: ٢٠﴾

“Kandi **Allah** azi neza ibikorwa byabo byose (kandi azabibahanira).”²

Kuba rero **Allah** azi neza buri kintu byumvikane ko nta n'icyamwihisha.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ اللَّهَ لَا يَخْفَىٰ عَلَيْهِ شَيْءٌ فِي الْأَرْضِ وَلَا فِي السَّمَاءِ﴾ ﴿آل عمران: ٥﴾

“Mu by'ukuri, **Allah** nta kimwihisha ku isi no mu kirere.”³

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “...**Ndetse ko (Allah) ari no hejuru yabyo.**” Mu gushimangira ko **Allah** ari hejuru ya buri kimwe yaravuze ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلِلَّهِ يَسْجُدُ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الْأَرْضِ مِن دَابَّةٍ وَالْمَلَائِكَةِ وَهُمْ لَا يُسْتَكْبِرُونَ﴾

﴿يَخَافُونَ رَبَّهُمْ مِنْ فَوْقِهِمْ وَيَفْعَلُونَ مَا يُؤْمَرُونَ﴾ ﴿النحل: ٤٩ - ٥٠﴾

¹ Qur'an 65:12.

² Qur'an 85:20

³ Qur'an 3:5

“Kandi ibiremwa byose biri mu birere n’ibiri mu isi ndetse n’abamalayika byubamira **Allah**, kandi ntibyishyira hejuru. Bitinya Nyagasani wabyo uri hejuru yabyo, kandi bikora ibyo byategetswe.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَهُوَ الْقَاهِرُ فَوْقَ عِبَادِهِ وَهُوَ الْحَكِيمُ الْخَبِيرُ ﴿١٨﴾﴾ الأَنْعَامُ: ١٨

“Ni we munyembaraga z’ikirenga uri hejuru y’abagaragu be, kandi ni we Ushishoza, Uzi byose.”²

Allah kuba ari hejuru y’ibiremwa, biri mu buryo butatu:

- 1) Kuba we ubwe ari hejuru yabyo.
- 2) Kuba ubushobozi bwe bw’ikirenga buri hejuru y’ubw’ibiremwa.
- 3) Kuba imbaraga ze ziri hejuru y’iz’ibiremwa ari nazo zituma ibiremwa byubahiriza ibyo ashatse.

Hari bamwe mu bantu bafite imyemerere itari yo ndetse idahwitse, yo kuvuga ko Imana yo ubwayo iri ahantu hose, kandi ko iri kumwe n’ibiremwa byayo ndetse ibyegereye aho biri hose. Turabasubiza duti: Kuba Imana iri kumwe n’ibiremwa byayo kandi ibyegereye ndetse ko iri n’ahantu hose, ntibisobanuye ko iba ari yo ubwayo, ahubwo iba iri kumwe nabyo ku bw’ubumenyi bwayo n’ubugenzuzi bwayo buhebuje butagereranywa. Ibi ni nabyo umwanditsi w’igitabo yashatse gusobanura mu magambo yavuze, kandi binashimangirwa na gihamya ya Qur’an igira iti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَلَمْ تَرَ أَنَّ اللَّهَ يَعْلَمُ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الْأَرْضِ مَا يَكُونُ مِنْ جَوَى ثَلَاثَةٍ إِلَّا هُوَ رَائِعُهُمْ وَلَا حَمْسَةٍ إِلَّا هُوَ سَادِسُهُمْ وَلَا آدْنَى مِنْ ذَلِكَ وَلَا أَكْثَرَ إِلَّا هُوَ مَعَهُمْ أَيْنَ مَا كَانُوا ثُمَّ يُنَبِّئُهُمْ بِمَا عَمِلُوا يَوْمَ الْقِيَامَةِ إِنَّ اللَّهَ بِكُلِّ شَيْءٍ عَلِيمٌ ﴿٧﴾﴾ الْمَجَادِلَةُ: ٧

¹ Qur’an 16:49-50

² Qur’an 6:18

“Ese ntubona ko **Allah** azi ibiri mu birere n’ibiri ku isi? Nta biganiro byo mu ibanga bya batatu bibaho ngo abure kuba uwa kane, cyangwa ibya batanu ngo abure kuba ari uwa gatandatu, ndetse no munsu yabo cyangwa abarenzeho, ngo abure kuba ari kumwe na bo aho bari hose. Hanyuma ku munsu w’izuka akazababwira ibyo bakoraga. Mu by’ukuri, **Allah** ni Umumenyi uhebuje wa buri kintu.¹”

Uyu murongo uragaragaza ko **Allah** ari kumwe n’ibiremwa bye hashingiwe ku bumenyi bwe, nk’uko uyu murongo watangiye ubivuga ukanasoza ubivuga.

Ubwo rero **Allah** ubwe ari hejuru y’ibiremwa, kandi akaba ari kumwe n’ibiremwa bye hashingiwe ku bumenyi bwe n’ububasha bwe. Naho kuvuga ko we ubwe ari ahantu hose kandi akaba ari kumwe n’ibiremwa bye, ni ukumwambura icyubahiro cye n’ububasha bwe, kuko n’ibiremwa ubwabyo hari aho bitemera kuba byaba biri.

عجز الخلق عن الإحاطة بالله

Kuba abagaragu badashobora guhetura Allah.

وَقَدْ أَعْجَزَ عَنِ الْإِحَاطَةِ خَلْقُهُ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) tukemera ko (Allah) yatumye ibiremwa bye bidashobora kumuhetura.

¹ Qur’an 58:7

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Allah Nyiricyubahiro ntiyahaye ibiremwa ubushobozi n’ubumenyi byo kuba byamumenya ngo bimuheture. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَلَا يُحِيطُونَ بِشَيْءٍ مِّنْ عِلْمِهِ إِلَّا بِمَا شَاءَ...﴾ البقرة: ٢٥٥

“...Kandi nta n’icyo bamenya mu bumenyi bwe uretse icyo ashatse¹”.

Ariko **Allah**, aha ibiremwa bye ubumenyi n’ubushobozi bwo kumumenya abinyujije muri kamere yabiremanye, n’ubutumwa yahaye intumwa, ariko hamwe n’ibyho ntibyashobora kumuhetura.

Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yo kiremwa gihambaye kinazi Imana kurusha ibindi, yajyaga avuga mu busabe bwe agira ati:

“...لَا أَحْصِي تَنَاءً عَلَيْكَ أَنْتَ كَمَا أَثْنَيْتَ عَلَى نَفْسِكَ”

“LA UH’SWI THANA-A ALAYKA, AN’TA KAMA ATH’NAYTA NAF’SAKA...: Ntabwo narondora ibigwi byawe ukwiye, ahubwo wowe uri nk’uko wivuze ibigwi.”² Bisobanuye ko **Allah** nta kiremwa cyamumenya ngo kimuheture, ahubwo kigarukira ku byo yagishoboje kumumenyaho.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَا تُدْرِكُهُ الْأَبْصَارُ وَهُوَ يُدْرِكُ الْأَبْصَارَ وَهُوَ اللَّطِيفُ الْخَبِيرُ﴾ الأنعام: ١٠٣

¹ Qur’an 2: 255

² Yakiriwe na Muslim, Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire)

“Amaso ntashobora kumubona (ku isi), ariko we arayabona (n’ibyayo byose). Ni na we Ugenzabuhoro (ibiremwa bye), Uzi byimazeyo (ibyoy mukora).”¹

إثبات صفة الخلة وتكليم الله تعالى.

Gushimangira ko hari intumwa zari inshuti magara za Allah, ndetse n’izindi yavugishije.

وَنَقُولُ: إِنَّ اللَّهَ اتَّخَذَ إِبْرَاهِيمَ خَلِيلًا، وَكَلَّمَ اللَّهُ مُوسَى تَكْلِيمًا، إِيْمَانًا، وَتَصَدِيقًا، وَتَسْلِيمًا.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) turavuga duti: Mu by’ukuri Allah yagize Ibrahim umukunzi we magara, ndetse anavugisha Musa mu buryo butomoye. Ibyo turabyemera, tukanabihamya, tukanabyakira tutabigiyeho impaka.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umwanditsi yavuze aya magambo ashaka kugaragaza imyemerere y’abayisilamu bagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at), ko harimo kwemera ko Allah avuga kandi avuga amagambo yumvikana mu ijwi akaba yakandikwa mu nyuguti, kandi hari n’igihe ahamagara bijyanye n’ubuhambare bwe.

Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) bemera ko Intumwa z’Imana ziruta abandi bantu, ariko no mu ntumwa hagati yazo ubwazo zikarutanwa.

¹ Qur’an 6:103

Allah aragira ati:

﴿ قَالَ تَعَالَى: ﴿ تِلْكَ الرُّسُلُ فَضَّلْنَا بَعْضَهُمْ عَلَى بَعْضٍ مِّنْهُمْ مَّنْ كَلَّمَ اللَّهُ وَرَفَعَ بَعْضَهُمْ دَرَجَاتٍ ... ﴿ ﴿ البقرة: ٢٥٣ ﴾

“Izo ntumwa, zimwe muri zo twazirutishije izindi. Muri zo, hari izo **Allah** yavugishije, anazamura izindi mu nzego (icyubahiro)...¹”

Ikindi yagiraga ngo agaragaze ko abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) bemera ko Intumwa y’Imana Ibrahimu na Muhamad (Imana ibahe amahoro n’imigisha) bari inshuti magara za **Allah** (Al Khulat). Bishimangirwa na gihamya zitandukanye nk’aho **Allah** agira ati:

﴿ قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... وَأَتَّخَذَ اللَّهُ إِبْرَاهِيمَ خَلِيلًا ﴿ ﴿ النساء: ١٢٥ ﴾

“Kandi **Allah** yagize Aburahamu inshuti magara.²”

Uyu murongo wa Qur’an uragaragaza agaciro n’urwego Ibrahimu yari afite ku Muremyi we (**Allah**).

Naho gihamya zigaragaza ko uyu mwihariko yari awufatanyije n’Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha), ni aho yivugiye muri Hadith yaturutse kwa Djun’dub (Imana imwishimire) igira iti:

قال رسول الله ﷺ: “وإن الله قد اتخذني خليلاً، كما اتخذ إبراهيم خليلاً...”

Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti: “Mu by’ukuri Imana yangize inshuti magara nkuko yagize Ibrahim inshuti yayo magara³.”

Intumwa y’Imana yanavuze mu yindi Hadithi yakiriwe na Muslim aho Intumwa y’Imana yavuze iti:

¹ Qur’an 2:253.

² Qur’an 4:125

³ Yakiriwe na Muslim

قال رسول الله ﷺ: "لو كنت متخذاً من أمتي خليلاً، لاتخذت أبا بكر خليلاً. إن صاحبكم خليل الله

“...Iyo nza kugira uwo ngira inshuti magara mu bo ku isi, nari kuyigira Abubakar, ariko mu by’ukuri mugenzi wanyu (ari we njye) ni inshuti magara ya Allah.¹”

Ubu bushuti magara ni umwihariko w’izi ntumwa ebyiri, ariko ubundi bushuti busanzwe Allah abugirana n’abantu bamugandukira bakanamutinya muri rusange. Akanakunda na bimwe mu bikorwa byo kumugandukira bigendanye n’ubushishozi bwe buhebuje, kandi nawe agakundwa n’abagaragu be beza.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَلَا إِنَّ أَوْلِيَاءَ اللَّهِ لَا خَوْفٌ عَلَيْهِمْ وَلَا هُمْ يَحْزَنُونَ ﴿٦٢﴾ الَّذِينَ ءَامَنُوا وَكَانُوا يَتَّقُونَ ﴿٦٣﴾﴾ يونس: ٦٢ - ٦٣

“Nta gushidikanya ko mu by’ukuri abakunzi ba Allah batazigera bagira ubwoba ndetse n’agahinda. (Abo ni) babandi bemeye kandi bakaba baratinyaga Allah..²”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... إِنَّ اللَّهَ يُحِبُّ التَّوَّابِينَ وَيُحِبُّ الْمُتَطَهِّرِينَ ﴿٢٢٢﴾﴾ البقرة: ٢٢٢

“Allah akunda abicuza akanakunda abisukura.”³

No kuba abagaragu beza bakunda Allah, Allah yabishimangiye agira ati:

¹ Yakiriwe na Muslimu muri Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Mas’uud (Imana imwishimire).

² Qur’an 10:62-63.

³ Qur’an 2:222

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَا أَيُّهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا مَنْ يَرْتَدَّ مِنْكُمْ عَنْ دِينِهِ فَسَوْفَ يَأْتِي اللَّهُ بِقَوْمٍ يُحِبُّهُمْ وَيُؤْمِنُونَهُ ۗ أَذِلَّةٌ عَلَى الْمُؤْمِنِينَ أَعِزَّةٌ عَلَى الْكَافِرِينَ ... ﴿٥٤﴾ المائدة: ٥٤

“Yemwe abemeye! Muri mwe uzava mu idini rye (Isilamu), (amenye ko) **Allah** azazana abandi bantu akunda kandi nabo bakamukunda, biyoroshya ku bemera, bakaba inkazi ku bahakanyi...”¹

Ikindi twakwibutsa nuko bamwe mu gatsiko k’abitwa A-Swufiyat bari mu matsinda yayobye berekana ko ijambo (*Habib*) umukunzi ari ryo rikomeye kurusha ijambo (*Khalil*) inshuti magara. Ariko ibyo bavuga ntabwo ari ukuri. Ndetse na Hadithi bashingiraho ivuga ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti: “Mu by’ukuri Ibrahim yari *Khalil* wa **Allah** na nje ndi *Habibu* wa **Allah** kandi mbivuze nta bwibone.”²

Iyi Hadithi ifite inenge ntabwo byemewe kuyitangaho gihamya kuko inyuranya n’izindi Hadithi z’impamo. Ikindi twavugaga n’uko ubusanzwe mu rulimi rw’icyarabu aya magambo *Khalil* na *Habibu* atandukanye, ijambo *Khalil* nk’uko twabibonye ruguru ni inshuti magara, rukaba ari narwo rwego rwo hejuru mu byerekeye gukunda. Naho ijambo *Habibu* uyu aba ari inshuti ariko itaragera mu rwego rwo kuba inshuti magara. **Allah** niwe mumenyi uhebuje.

Ikindi umwanditsi yagarutseho ni ukwerekana ko mu biranga **Allah** harimo kuvuga, kandi ko yanavugishije zimwe mu ntumwa ze nka **Mussa**. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَكَلَّمَ اللَّهُ مُوسَى تَكْلِيمًا ﴿١٦٤﴾ النساء: ١٦٤

“Kandi **Allah** yavugishije Musa mu buryo butaziguye.”³

¹ Qur’an 5:54

² Yakiriwe na A-Darimiy na Tir’midhiy

³ Qur’an 4:164.

Uyu murongo wa Qur'an uragaragaza agaciro k'Intumwa y'Imana Musa n'urwego rukomeye yari afite imbere ya Allah.

Ariko kuba intumwa runaka yagira umwihariko izindi zidafite nko kuba Musa yarafite umwihariko wo kuba yaravugishijwe n'Imana, ntibiba bisobanuye ko ari we mwiza kuruta izindi zisigaye zose. Ikindi twakibutsa nkuko twabigaragaje hejuru n'uko Intumwa z'Imana zose zitari ku rwego rumwe, muri zo hari iziruta izindi.

Ikindi nuko umwanditsi yazanye iki cyigwa kugira ngo asubize tumwe mu dutsiko twayobye n'utw'abanyabihimbano nka *Al Mu-atwilat*, na *Al Mu-utazilat*, barengereye bagahakana ko Allah akunda. Bamwe muri bo basobanura ko gihamya zivuga ko Allah akunda, ikiba kigamijwe ari uguha abagaragu be ingororano, ndetse banavuga ko Allah adakunda cyangwa ngo akundwe, kubera ko urukundo bo barusobanura ko ari ugutwarwa ukabogamira ku kintu, kandi ibyo kwa Allah ntibyabaho. Ikibazo bagize nuko basobanuye urukundo bashingiye ku muntu, kandi ibiranga Allah binyuranye cyane n'ibiranga umuntu.

Ikindi nuko umwanditsi yashatse gusubiza abantu bahakana ko Allah avuga, nk'uko twabibonye.

وجوب الإيمان بِالْمَلَائِكَةِ وَالْأَنْبِيَاءِ وَالْكِتَابِ.

**Kwemera Abamalayika, intumwa n’abahanuzi b’Imana,
ndetse n’ibitabo byahishuwe ni itegeko.**

وَنُؤْمِنُ بِالْمَلَائِكَةِ، وَالتَّيَّبِينَ، وَالْكِتَابِ الْمُنزَّلَةِ عَلَى الْمُرْسَلِينَ، وَنَشْهَدُ أَنَّهُمْ كَانُوا عَلَى الْحَقِّ
الْمُبِينِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera Abamalayika, abahanuzi b’Imana, tukanemera Ibitabo byahishuriwe Intumwa z’Imana, tukanahamya ko inzira bagenderagaho yari ukuri kugaragara.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Aha amwanditsi aragaragaza imwe mu misingi itandatu igize ukwemera harimo kwemera Abamalayika.

Abamalayika: Ni bimwe mu biremwa bya Allah bitagaragarira abantu, Allah yabiremye mu rumuri abiha inshingano zo kumwumvira no kumugaragira, no gukora ibyo abitegetse.

Umuyisilamu yemera Abamalayika mu buryo bwa rusange no mu buryo bw’umwihariko, nko kwemera amazina ya bamwe muri bo yagaragaye muri Qur’an no mu mvugo z’Intumwa y’Imana ndetse n’imirimo yabo n’imiterere yabo.

Mu bamalayika hari abashinzwe kuzanira ubutumwa Intumwa z’Imana, hari abashinzwe kugusha invura, hari abashinzwe gutwara roho z’ibiremwa igihe bipfuye, hari ushinzwe kuzavuzza impanda, hari abashinzwe imisozi, hari abashinzwe nyababyeyi, n’abandi benshi tutarondora ndetse n’imirimo bashinzwe.

Ibyo byose bashinzwe babyubahiriza nk'uko Allah abishaka mu biremwa bye.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَتَّيِبُهَا لِلَّذِينَ ءَامَنُوا ءَامِنُوا بِاللَّهِ وَرَسُولِهِ ءَالَّذِي نَزَّلَ عَلَىٰ رَسُولِهِ ءَوَالَّذِي نَزَّلَ مِن قَبْلُ ءَمَنَ يَكْفُرُ بِاللَّهِ وَمَلَائِكَتِهِ وَكُتُبِهِ وَرُسُلِهِ ءَوَالْيَوْمِ الْآخِرِ فَقَدْ ضَلَّ ضَلَالًا بَعِيدًا ﴿١٣٦﴾
النساء: ١٣٦

“Yemwe abemeye! Nimwemere Allah, Intumwa ye (Muhamadi), Igitabo (Qur'an) yahishuriye Intumwa ye n'ibitabo yahishuye mbere. Kandi uzahakana Allah, Abamalayika be, ibitabo bye, intumwa ze n'umunsi w'imperuka, rwoze azaba ayobye ukuyoba gukabije.¹”

Allah yagaragaje ko Abamalayika batajya bamwigomeka nk'aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَمَنْ عِنْدَهُ لَا يَسْتَكْبِرُونَ عَنْ عِبَادَتِهِ وَلَا يَسْتَحْسِرُونَ ﴿١٩﴾ يُسْحُونَ آيَاتِ اللَّهِ وَالنَّهَارَ لَا يَفْتُرُونَ ﴿٢٠﴾﴾
الأنبياء: ١٩ - ٢٠

“Kandi abari iwe (abamalayika) ntibagira ubwibone bwo kumusenga ndetse ntibananirwa. Basingiza (Allah) ijoro n'amanya, (kandi) ntibarambirwa.²”

Allah yanenze abantu bita Abamalayika ko ari abana b'Imana, nk'aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَقَالُوا اتَّخَذَ الرَّحْمَنُ وَلَدًا سُبْحَانَهُ بَلْ عِبَادٌ مُّكْرَمُونَ ﴿٢١﴾ لَا يَسْبِقُونَهُ بِالْقَوْلِ وَهُمْ بِأَمْرِهِ يَعْمَلُونَ ﴿٢٢﴾ يَعْلَمُ مَا بَيْنَ أَيْدِيهِمْ وَمَا خَلْفَهُمْ وَلَا يَشْفَعُونَ إِلَّا لِمَنِ أَرَضَىٰ وَهُمْ مِنْ خَشْيَتِهِ مُشْفَعُونَ ﴿٢٣﴾﴾
الأنبياء: ٢١ - ٢٣

¹ Qur'an 4:136.

² Qur'an 21:19-20.

“Kandi (Ababangikanyamana) baravuze bati: “(Allah) Nyirimpuhwe afite abana (Abamalayika). Ubutagatifu ni ubwe (ntibibaho ko yagira umwana)! Ahubwo (abo bamalayika) ni abagaragu bubashywe. Ntacyo baja bavuga batagitegetswe (na Allah), kandi bubahiriza itegeko rye. (Abo bamalayika) Allah azi ibibabaho n’ibizababaho. Kandi ntibashobora kugira uwo bavuganira Allah atamwishimiye. Ndetse bahora bicisha bugufi kubera kumutinya.”¹”

Icyo twakwibutsa nuko Allah yerekana ko uzahakana abamalayika nta kwemera azaba afite, nk’uko yabishimangiye agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ إِنْ كَانَتْ لَكُمْ الدَّارُ الْآخِرَةُ عِنْدَ اللَّهِ خَالِصَةً مِّنْ دُونِ النَّاسِ فَتَمَنَّوْا الْمَوْتَ إِنْ كُنْتُمْ صَادِقِينَ ﴿٩٤﴾﴾ البقرة: ٩٤

“Babwire uti “Niba ubuturo bw’imperuka (ijuru) buri kwa Allah, ari umwihariko wanyu nta bandi bantu (babugenewe), ngaho nimwifuze urupfu niba koko muri abanyakuri.”²”

No mu nkingi zigize ukwemera harimo kwemera Intumwa n’abahanuzi b’Imana uko bakabayeye ntawe turobanuye muri bo. Izi ntumwa zose tugomba kuzemera muri rusange, ndetse tukanazemera mu buryo bw’umwihariko, izo twabwiwe muri Qur’an ndetse n’izo tutabwiwe. Kandi tugomba kwemera ko ubutumwa zahawe zabusohoje nk’uko zabitegetswe, ndetse zikaba zarabusobanuriye abo zoherejweho mu buryo bwimbitse, ku buryo ntawe uzagira urwitwazo rwo kuvuga ko atamenye Imana, bikaba bizira gukora ibinyuranye n’ibyo izo ntumwa zahamagariye. Allah aragira ati:

¹ Qur’an 21: 25-28

² Qur’an 2:94

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَقَدْ أَرْسَلْنَا رُسُلًا مِّن قَبْلِكَ مِنْهُمْ مَّن قَصَصْنَا عَلَيْكَ وَمِنْهُمْ مَّن لَّمْ نَقْضُصْ عَلَيْكَ ...

غافر: ٧٨ ﴿٧٨﴾

“Kandi rwose twohereje intumwa (nyinshi) mbere yawe; muri zo hari izo twakubariye inkuru zazo, ndetse hari n’izo tutakubwiye ibyazo...¹”

Intumwa twabwiwe muri Qur’an ni makumyabiri n’eshanu, harimo Nuhu, Ibrahim, Musa, Issa, Muhamad n’izindi. Hari n’izindi tutabwiwe muri Qur’an **Allah** niwe uzi umubare wazo. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ءَأَمَّنَ الرَّسُولُ بِمَا أُنزِلَ إِلَيْهِ مِن رَّبِّهِ ۚ وَالْمُؤْمِنُونَ كُلٌّ ءَأَمَنَ بِاللَّهِ وَمَلَائِكَتِهِ وَكُتُبِهِ ۚ وَرُسُلِهِ ۚ لَا نُفَرِّقُ بَيْنَ أَحَدٍ مِّن رُّسُلِهِ ۚ ...﴾ البقرة: ٢٨٥ ﴿٢٨٥﴾

“Intumwa (Muhamadi) yemeye ibyo yahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wayo, ndetse n’abemera (barabyemeye). Buri wese yemeye **Allah**, abamalayika be, ibitabo bye n’intumwa ze; (bavuga bati) “Nta n’imwe turobanura mu ntumwa ze.².”

Mu nkingi z’ukwemera harimo no kwemera ibitabo byahishuriwe intumwa z’Imana; muri byo harimo ibyo **Allah** yatubwiye muri Qur’an dutegetswe kwemera nk’imizingo y’inyandiko (**Swuhufi**) zahishuriwe Intumwa Ibrahim na Musa, **Zaburi** yahishuriwe Intumwa Dawudi, **Tawurati** yahishuriwe Intumwa Musa, **Injili** yahishuriwe Intumwa Issa, **Qur’an** yahishuriwe Intumwa Muhamadi. Ibyo byose tubyemera nk’ibitabo by’ukuri bikubiyemo ubutumwa Imana yohereje ku bantu ngo bubayobore. Bityo uzemera bimwe muri byo akagira ibindi ahakana azaba ari umuhakanyi w’ubutumwa bw’Imana. **Allah** aragira ati:

¹ Qur’an 40:78

² Qur’an 2:285

قَالَ تَعَالَى: ﴿...أَفَتُؤْمِنُونَ بِبَعْضِ الْكِتَابِ وَتَكْفُرُونَ بِبَعْضٍ فَمَا جَزَاءُ مَنْ يَفْعَلُ ذَلِكَ مِنْكُمْ إِلَّا خِزْيٌ فِي الْحَيَاةِ الدُّنْيَا وَيَوْمَ الْقِيَامَةِ يُرَدُّونَ إِلَىٰ أَشَدِّ الْعَذَابِ ۗ وَمَا اللَّهُ بِغَافِلٍ عَمَّا تَعْمَلُونَ ﴿٨٥﴾

﴿البقرة: ٨٥﴾

“...Ese mwemera bimwe mu gitabo (Tawurati) mugahakana ibindi? Nta kindi gihembo cy’ukora ibyo muri mwe uretse igisebo mu buzima bwo ku isi, ndetse no ku munsu w’imperuka bazashyirwa mu bihano bikomeye cyane. Kandi **Allah** ntabwo ayobewe ibyo mukora.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُولُوا ءَامَنَّا بِاللَّهِ وَمَا أُنزِلَ إِلَيْنَا وَمَا أُنزِلَ إِلَىٰ إِبْرَاهِيمَ وَإِسْمَاعِيلَ وَإِسْحَاقَ وَيَعْقُوبَ وَالْأَسْبَاطِ وَمَا أُوتِيَ مُوسَىٰ وَعِيسَىٰ وَمَا أُوتِيَ النَّبِيُّونَ مِنْ رَبِّهِمْ لَا نُفَرِّقُ بَيْنَ أَحَدٍ مِّنْهُمْ وَنَحْنُ لَهُ

مُسْلِمُونَ ﴿١٣٦﴾ ﴿البقرة: ١٣٦﴾

“Muvuge (yemwe bayisilamu) muti: “Twemeye **Allah** n’ibyo twahishuriwe, ibyahishuriwe Ibrahimu (Aburhamu), Ismail (Isimayili), Is’haqa (Isaka), Yaqub (Yakobo) n’urubyaro rwe, ibyahishuriwe Musa, ibyahishuriwe Issa (Yesu) n’ibyahishuriwe abahanuzi biturutse kwa Nyagasani wabo. Nta n’umwe tuvangura muri bo, ni na we (**Allah**) twicishaho bugufi².”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَتَأْمِنُوا بِاللَّهِ وَرَسُولِهِ وَالنُّورَ الَّذِي أَنْزَلْنَا وَاللَّهُ بِمَا تَعْمَلُونَ خَبِيرٌ ﴿٨﴾ ﴿التغابن: ٨﴾

“Bityo, nimwemere **Allah** n’Intumwa ye (Muhamadi) ndetse n’urumuri (Quran) twahishuye. Kandi **Allah** ni Umumenyi uhebuje w’ibyo mukora.³”

¹ Qur’an 2:85.

² Qur’an 2:136

³ Qur’an 64:8

Mu guhamya ibijyanye n'intumwa z'Imana n'abahanuzi, duhamya y'uko zoherejwe n'Imana by'ukuri, kandi ko ibyo zahamagariraga abantu ari ukuri nta gushidikanya tubigizeho, tukanirinda kujya impaka ku byo zatuzaniye.

تسمية أهل القبلة بالمسلمين

Kwita abasali berekeye Qiblat (Makat) ko ari abayisilamu.

وَدُسِّمِي أَهْلَ قِبْلَتِنَا مُسْلِمِينَ مُؤْمِنِينَ، مَا دَامُوا بِمَا جَاءَ بِهِ النَّبِيُّ ﷺ مُعْتَرِفِينَ، وَلَهُ بِكُلِّ مَا قَالَ وَأَخْبَرَ مُصَدِّقِينَ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djamaat*)] twita abo dusenga (swalat) twerekeye mu cyerekezo kimwe (*Ahlul Qiblat*) abayisilamu b'abemeramana, igihe cyose bacyemera ubutumwa bwazanywe n'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), bakanahamya ko ibyo yavuze akanahanura ari ukuri.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “**Twita abo dusenga (swalat) twerekeye mu cyerekezo kimwe (*Ahlul Qiblat*) abayisilamu b'abemeramana.**” Mu myemerere ya Kisilamu, nuko uwo ari we wese wahamije ko Imana ari imwe rukumbi, akanahamya ko na Muhamadi ari Intumwa yayo, tumubara nk'umuyisilamu w'umwemeramana, kandi ntibibujije ko hari bimwe mu byaha yaba akora n'iyoy byaha ibyaha bikuru bitarimo ibangikanyamana, ariko aba ari umuyisilamu utujuje ibyo asabwa cyangwa w'inkozi y'ibibi.

Gusa ntabwo tumwita umuhakanyi igihe ibyaha akora bitarimo ibangikanyamana. Iyi niyo myemerere y'itsinda ry'abagenda ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama'at*). Intumwa y'Imana (Imana iyihe amhoro n'imigisha) yaravuze iti:

قال رسول الله ﷺ : (من صلى صلاتنا ، واستقبل قبلتنا ، وأكل ذبيحتنا ، فهو المسلم ، له ما لنا وعليه ما علينا).

“Uzasali nkuko dusali, akanerekera mu cyerekezo twerekeramo turi gusali (*Qiblat*), akarya n'iby twabaze, uwo ni umuyisilamu. Ibyiza tubona nawe agomba ku bibonaho, n'ibyago bitugeraho nawe aba ari ibye.¹”

Tugendeye kuri ibi, umwanditsi yamaganye amwe mu matsinda atandukana n'uyu musingi, twavugamo nk'abitwa *Al Khawaridji, na Shi-at* n'abandi. Ayo matsinda yita bamwe mu bayisilamu bakora ibyaha ko ari abahakanyi, uko ni ukurengera, kubera ko icyaha kitari ubuhakanyi cyangwa ibangikanyamana ntigikura umuntu mu buyisilamu igihe nyiracyo atakiziruye.

Naho ijamba ry'umwanditsi rigira riti: “...**Igihe cyose bacyemera ubutumwa bwazanywe n'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), bakanahamya ko ibyo yavuze akanahanura ari ukuri.**” Aha umwanditsi yashakaga kugaragaza umuyisilamu w'ukuri ko ari wawundi wemeza ibyazanywe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Kandi n'Intumwa y'Imana yazanye ibintu bibiri:

1 Yaje ije kuyobora abantu kumenya Imana imwe rukumbi no kuyumvira (*Al Huda*).

2 No kwerekera abantu ibikorwa byiza bagomba gukora (*Dinu Al Haq*).

¹ Yakiriwe na Bukhari.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿هُوَ الَّذِي أَرْسَلَ رَسُولَهُ بِالْهُدَىٰ وَدِينِ الْحَقِّ لِيُظْهِرَهُ عَلَى الدِّينِ كُلِّهِ وَكَفَىٰ بِاللَّهِ

شَهِيدًا ﴿٢٨﴾ الفتح: ٢٨

“Ni we woherenje Intumwa ye (Muhamadi) izanye umuyoboro (Qur’an) n’idini by’ukuri, kugira ngo arisumbishe andi madini yose. Kandi Allah arahagije kuba umuhamya.¹”

Umuyisilamu aba agomba kwemera buri icyo ari cyo cyose cyazanywe n’Intumwa y’Imana haba ku bijyanye n’imyemerere (Aqidat) cyangwa amategeko (Al Ah’kam).

Bityo haramutse hari uhakanye bimwe mu byo Intumwa y’Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yazanye uwo aba abaye umuhakanyi kabone n’ubwo yaba asali yerekeye mu cyerekezo dusali twerekeyemo.

أهل السنة والجماعة لا يتكلمون في الله ودينه وكتابه بغير علم

Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) ntibajya bavuga ku bigendanye n’Imana, n’idini ryayo, n’igitabo cyayo badashingiye ku bumenyi.

وَلَا تَخُوضُ فِي اللَّهِ، وَلَا تُمَارِي فِي دِينِ اللَّهِ، وَلَا تُجَادِلُ فِي الْقُرْآنِ، وَنَشْهَدُ أَنَّهُ كَلَامُ رَبِّ الْعَالَمِينَ، نَزَلَ بِهِ الرُّوحُ الْأَمِينُ، فَعَلَّمَهُ سَيِّدَ الْمُرْسَلِينَ مُحَمَّدًا ﷺ، وَهُوَ كَلَامُ اللَّهِ تَعَالَى لَا يُسَاوِيهِ شَيْءٌ مِنْ كَلَامِ الْمَخْلُوقِينَ، وَلَا نَقُولُ بِخَلْقِهِ، وَلَا نُخَالِفُ جَمَاعَةَ الْمُسْلِمِينَ.

¹ Qur’an 48:28

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djamaat*)] nta n'ubwo dushishikazwa no kumenya ndetse no gucukumbura imiterere ya **Allah** ndetse n'iy'ibimuranga, kandi ntitujya impaka ku by'idini rya **Allah**, ndetse ntitunajya impaka ku byerekeye Qur'an ntagatifu, ahubwo duhamya ko ari amagambo ya **Allah** Nyagasani w'ibiremwa byose, yazanywe (ku isi) na Roho w'umwizerwa [Malayika Jibrilu (Gaburiyeli)], nuko ayigisha umutware w'intumwa ari we Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), kandi ni amagambo matagatifu ya **Allah** w'Ikirenga, adashobora kugira andi ameze nkayo mu magambo y'ibiremwa. Kandi ntituvuga ko Qur'an yaremwe, ndetse ntitunanyuranya (kuri byo) n'imbaga nyamwinshi y'abayisilamu.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **nta n'ubwo dushishikazwa no kumenya ndetse no gucukumbura imiterere ya Allah ndetse n'iy'ibimuranga...**" abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djamaat*) ntibavuga kubyerekeye **Allah** bashingiye ku bujiji cyangwa se ku bitekerezo byabo, ahubwo babivugaho bashingiye ku bumenyi bakura muri Qur'an ndetse no mu mvugo z'Intumwa y'Imana Muhamad (**Allah** amuhe amahoro n'imigisha).

Icyo umuyisilamu asabwa igihe ashaka kuvuga kubyerekeye ibisingizo, ibigwi n'ibiranga **Allah** nuko abivuga nkuko **Allah** We ubwe yabyivuzeho, ndetse tukanabyita amazina **Allah** ubwe yabihaye. Kubivuga muri ubwo buryo ntibiri mu kumenya ibigwi, ibisingizo n'ibiranga **Allah** binengwa, ahubwo ibi ni ukugaragaza ukuri no kumusingiza bimukwiriye ndetse no kugaragaza ubuhambare bwe Nyirubutagatifu.

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "...**kandi ntitujya impaka ku by'idini rya Allah...**" Impaka zibuzwa aha mu idini ni impaka z'abantu bayobye cyangwa bagendera ku irari ry'imitima yabo, bashora ku bayisilamu bari mu kuri, kubera ko izi mpaka ziba zimeze nk'aho bari guhamagarira ibibi no kuzimangatanya ukuri. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مَا يُجِدِلُ فِي آيَاتِ اللَّهِ إِلَّا الَّذِينَ كَفَرُوا فَلَا يَغْرُرَكَ تَقَلُّبُهُمْ فِي الْبِلَادِ ﴿٤١﴾ كَذَبَتْ قَبْلَهُمْ قَوْمُ نُوحٍ وَالْأَحْرَابُ مِنْ بَعْدِهِمْ وَهَمَّتْ كُلُّ أُمَّةٍ بِرَسُولِهِمْ لِيَأْخُذُوهُ وَجَدَلُوا بِالْبَاطِلِ لِيُدْحِضُوا بِهِ الْحَقَّ فَأَخَذْتُهُمْ فَكَيْفَ كَانَ عِقَابِ ﴿٥٠﴾ ﴿ غافر: ٤ - ٥

"Nta baja impaka ku bimenyetso (ayat) bya Allah, usibye babandi bahakanye. Bityo, ntugashukwe no kwidegembya kwabo ku isi. Mbere yabo (abakurayishi), abantu ba Nuhu ndetse n'udutsiko twaje nyuma yabo barahakanye. Kandi buri muryango w'abantu washatse kwica intumwa yawutumweho, ndetse baja impaka zishingiye ku kinyoma bagamije kuburizamo ukuri, maze ndabafata (ndabahana). Mbega uko ibihano byanjye (bikomeye) byari bimeze!?"¹

Naho impaka zishingiye ku kuri n'ubumenyi ziba zigamije kugira ngo abantu basobanukirwe ukuri, izo ntacyo zitwaye. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ادْعُ إِلَى سَبِيلِ رَبِّكَ بِالْحُكْمِ وَالْمَوْعِظَةِ الْحَسَنَةِ وَجَدِلْهُمْ بِالَّتِي هِيَ أَحْسَنُ إِنَّ رَبَّكَ هُوَ أَعْلَمُ بِمَنْ ضَلَّ عَنْ سَبِيلِهِ وَهُوَ أَعْلَمُ بِالْمُهْتَدِينَ ﴿١٢٥﴾ ﴿ النحل: ١٢٥

"Hamagarira (abantu) kugana inzira ya Nyagasani wawe ukoresheje ubushishozi n'inyigisho nziza, unabagishe impaka mu buryo bwiza. Mu by'ukuri, Nyagasani wawe ni we uzi neza uwayobye inzira ye, ni na we uzi neza abayobotse."²

¹ Qur'an 40:4-5

² Qur'an 16:125

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**ndetse ntitunajya impaka ku byerekeye Qur’an ntatifu.**” Ibi bishimangirwa n’imironko ya Qur’an harimo aho **Allah** agira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ الَّذِينَ يُجَادِلُونَ فِي آيَاتِ اللَّهِ بِغَيْرِ سُلْطَانٍ أَتَاهُمْ إِنْ فِي صُدُورِهِمْ إِلَّا كِبْرٌ مَّا هُمْ بِبَالِغِيهِ فَاسْتَعِذْ بِاللَّهِ إِنَّهُ هُوَ السَّمِيعُ الْبَصِيرُ ﴿٥٦﴾ ﴿غافر: ٥٦﴾

“Mu by’ukuri, babandi bajya impaka ku magambo ya **Allah** nta gihamya yabagezeho, rwose nta kindi kiri mu mitima yabo usibye ubwibone (bwo gushaka gusumba intumwa), kandi ntibazabigeraho. Bityo, jya wikinga kuri **Allah** (akurinde ibibi byabo). Mu by’ukuri, ni we Uwumva cyane, Ubona bihebuje.”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**Ahubwo duhamya ko (Qur’an) ari amagambo ya Allah Nyagasani w’ibiremwa byose...**” Qur’an ni amagambo ya **Allah** nta gushidikanya, **Allah** yivugiyeye we ubwe by’ukuri, yaba inyuguti zayo n’ibisobanuro byayo, yandikwa mu muzingo (*Mas’hafu*) arindirwa mu bituza by’abantu, agafatwa mu mutwe, agasomwa n’indimi, akumvwa n’amatwi. Ubwo rero uyasoma tuvuga ko ijwi ari irye, ariko ibyo asoma ko ari amagambo ya **Allah** atari ikiremwa, cyangwa se ngo abe amagambo ya Muhamadi, nk’uko bamwe babivugaga. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِنْ أَحَدٌ مِنَ الْمُشْرِكِينَ اسْتَجَارَكَ فَأَجِرْهُ حَتَّى يَسْمَعَ كَلِمَةَ اللَّهِ... ﴿٦﴾﴾ ﴿التوبة: ٦﴾

“Nihagira mu babangikanyamana ugusaba ubuhungiro (umutekano), ujye ubumuha kugira ngo yumve amagambo ya **Allah** (Qur’an)...²”

Uwo **Allah** yakoresheje kugirango Qur’an igere ku Ntumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ni Malayika Jibril

¹ Qur’an 40:56

² Qur’an 9:6.

ushinzwe kugeza ubutumwa bwa Allah ku ntumwa ze, Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِنَّهُ لَنَزِيلٌ رَبِّ الْعَالَمِينَ ﴿١٩٢﴾ نَزَلَ بِهِ الرُّوحُ الْأَمِينُ ﴿١٩٣﴾ عَلَى قَلْبِكَ لِتَكُونَ مِنَ الْمُنذِرِينَ ﴿١٩٤﴾
بِلِسَانٍ عَرَبِيٍّ مُبِينٍ ﴿١٩٥﴾ ﴿الشعراء: ١٩٢ - ١٩٥﴾

“Kandi mu by’ukuri, iyi (Qur’an) yahishuwe na Nyagasani w’ibiremwa (byose), Yamanuwe na Roho w’umwizerwa [Malayika Jibrilu (Gaburiheli)]. Ku mutima wawe (yewe Muhamadi) kugira ngo ube umwe mu baburira, (Ayimanura iri) mu rurimi rw’Icyarabu gisobanutse1.”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ مَنْ كَانَ عَدُوًّا لِجِبْرِيلَ فَإِنَّهُ نَزَّلَهُ عَلَى قَلْبِكَ بِإِذْنِ اللَّهِ مُصَدِّقًا لِمَا بَيْنَ يَدَيْهِ وَهُدًى وَبُشْرَى لِلْمُؤْمِنِينَ ﴿٩٧﴾﴾ ﴿البقرة: ٩٧﴾

“Vuga (yewe Muhamadi) uti: “Uwaba ari umwanzi wa Malayika Jibril (kubera ko ari we wakuzaniye ubutumwa), mu by’ukuri (amenye ko Jibril) yayimanuye (Qur’an) akayishyira mu mutima wawe ku burenganzira bwa Allah, kugira ngo ishimangire Ibitabo byayibanjirije, ibe umuyoboro n’inkuru nziza ku bemera.” 2

Mu byo iyi mirongo iri gushimangira harimo ko Malayika Jibril ari umwizerwa ku murimo yashinzwe, bitandukanye n’abayahudi bavuga ko ari umwanzi wabo bamushinja ko ari umuhemu, bikanatandukana n’abashiya bamushinja ko yayobeje ubutumwa, aho kubuha Ally (Imana imwishimire) abuha Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha), ibi ni uguhinyuza Imana kuko ari yo yamwiyitiye umwizerwa.

1 Qur’an 26:192-195

2 Qur’an 2:97

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**kandi ni amagambo matagatifu ya Allah w’Ikirenga, adashobora kugira andi ameze nkayo mu magambo y’ibiremwa...**” Niyo mpamvu Allah yategeye ibiremwa bye byose harimo abantu n’amajini, ko bitashobora kuzana amagambo ameze nk’ari muri Qur’an.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ لَّيِّنَ اجْتَمَعَتِ الْإِنْسُ وَالْجِنُّ عَلَيَّ أَنْ يَأْتُوا بِمِثْلِ هَذَا الْقُرْآنِ لَا يَأْتُونَ بِمِثْلِهِ وَلَوْ كَانَ بَعْضُهُمْ لِبَعْضٍ ظَهِيرًا﴾ (الإسراء: ٨٨)

“Vuga (yewe Muhamadi) uti: "N’iyo abantu n’amajini baza kwishyira hamwe ngo bazane igisa nk’iyi Qur’an, ntibari kuzana igisa nayo, kabone n’iyo baza kwifatanya”¹.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**Kandi ntituvuga ko Qur’an yaremwe...**” Hari tumwe mu dutsiko tw’abanyabihimbano twayobye, abadukurikiye bavuga ko Qur’an ari ikiremwa, aha twavuga nk’abitwa *Djah’miyat, Al Mu-utazilat* n’abandi bemera nkabo, igisubizo cyabo twakibonye mu mirongo ya Qur’an yabanje, aho Allah yagaragaje y’uko Qur’an ari amagambo yivugiye ubwe, kandi ko we Allah afite igisingizo cyo kuvuga amagambo kandi afite ibisobanuro, Impamvu aba batinya kuvuga ko Qur’an ari amagambo ya Allah, bavuga ko baba batinya kumusanisha n’ibiremwa, ariko ntabwo ari byo kuko Allah hari byinshi afite, inyito zabyo zihuye n’iz’ibiremwa, ariko imiterere yabyo ikaba itandukanye.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**ndetse ntitunanyuranya (kuri byo) n’imbaga nyamwinshi y’abayisilamu.**” Imbaga nyamwinshi y’abayisilamu ivugwa aha ni babandi bagendera kuri Qur’an n’imigenzo y’Intumwa

¹ Qur’an 17:88

Muhamd (Imana imuhe amahoro n'imigisha) nk'uko yayigishije abasangirangendo bayo.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَنْ يُشَاقِقِ الرَّسُولَ مِنْ بَعْدِ مَا تَبَيَّنَ لَهُ الْهُدَىٰ وَيَتَّبِعْ غَيْرَ سَبِيلِ الْمُؤْمِنِينَ نُوَلِّهِ مَا تَوَلَّىٰ وَنُصَلِّهِ ۖ إِنَّهُمْ وَسَاءَتْ مَصِيرًا ﴿١١٥﴾ النساء: ١١٥

“N’uzanyuranya n’Intumwa (Muhamadi) nyuma y’uko agaragarirwa n’umuyoboro w’ukuri, agakurikira inzira itari iy’abemera; tuzamurekera mu byo yahisemo, ndetse tumwinjize mu muriro wa Jahanamu, kandi ni ryo herezo ribi.¹”

أهل السنة لا يكفرون بكل ذنب ويرون تأثير الذنوب على الإيمان

Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat) ntibavuga ko umuntu abaye umuhakanyi kubera ko yakoze icyaha icyo ari cyo cyose, ariko babona ko ibyaha hari ingaruka bigira ku kwemera.

وَلَا نُكْفِّرُ أَحَدًا مِنْ أَهْلِ الْقِبْلَةِ بِذَنْبٍ مَا لَمْ يَسْتَحِلَّهُ، وَلَا نَقُولُ لَا يَضُرُّ مَعَ الْإِيمَانِ ذَنْبٌ لِمَنْ عَمِلَهُ

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat)] nta n’umwe tuvuga ko ari umuhakanyi mu bo dusenga twerekeye mu cyerekezo kimwe (Ahlul Qiblat) kubera icyaha yakoze igihe atakiziruye, nta n’ubwo tuvuga ko

¹ Qur’an 4:115.

Umunyacyaha wakoze icyaha igihe afite ukwemera ko ntacyo biba bitwaye.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...nta n’umwe tuvuga ko ari umuhakanyi mu bo dusenga twerekeye mu cyerekezo kimwe (Ahlul Qiblat) kubera icyaha yakoze igihe atakiziruye...” Aha umwanditsi yashatse kwihanangiriza agatsiko k’abitwa *Al Khawaridji* kavuga ko umuyisilamu aba umuhakanyi kubera gukora icyaha kitari ibangikanyamana cyangwa ubuhakanyi. Umuyisilamu aba agomba kwirinda kwemeza ko umuyisilamu mugenzi we yahakanye kuko kubyemeza bifite amategeko n’amabwiriza abigenga.

Amategeko yabyo ni:

1. Kuba imvugo cyangwa igikorwa bishobora kuba ubuhakanyi, ariko uwo byagaragayeho ntawe umuhakanyi, kubera ko hashobora kuba hari imbogamizi yagize zishobora gutuma ataba umuhakanyi. Bityo rero ni ngombwa kwitwararika kugira ngo umuntu yemeze ubwo buhakanyi. Urugero: Umuntu ashobora kuba yavugaga cyangwa agakora igikorwa cy’ubuhakanyi yahatirijwe cyangwa yataye ubwenge, icyo gihe ntabwo aba ari umuhakanyi kuko umutima we uba ugifite ukwemera.
2. Kwemeza ko imvugo cyangwa igikorwa ari ubuhakanyi muri rusange, ntibiba bivuze ko umuntu runaka wakora kimwe muri byo abaye umuhakanyi.

Naho amabwiriza agomba kubahirizwa kugira ngo byemezwe ko umuntu yahakanye ni aya akurikira:

1. Kuba umuntu yagaragarwaho n’imvugo cyangwa igikorwa cy’ubuhakanyi.

2. Kuba yaragezweho n'ubumenyi bumubwira ko icyo yakoze ari ubuhakanyi kandi akaba atabikoze mu rujijo.
3. Kuba ubwo bumenyi bwaramugezeho akanabusobanukirwa.
4. Kuba afite ubwenge kandi yaragimbutse.
5. Kuba adafite urwitwazo nko kuba ari umuyisilamu mushya mu idini.
6. Kuba atashyizweho agahato.
7. Kuba atari afite ubujiji mu byo yakoze.

Ibibuza umuyisilamu kwita mugenzi we umuhakanyi:

1. Kuba umuyisilamu yavuga cyangwa agakora igikorwa cy'ubuhakanyi atabifitiye ubumenyi, nko kuba yabikorana urujijo.
2. Kuba ubumenyi bwamugeraho, ariko urwego rw'ubijiji ariho bigatuma ubumenyi ntacyo bumumarira.
3. Kuba umuntu yabigwamo ari umwana, umusazi, cyangwa yatewe ubwoba.
4. Kuba yabigwamo bitewe n'uko ari kure y'abayisilamu cyangwa atigeze abona ubutumwa bwa Isilamu.

Agatsiko k'abitwa *Murdji-at* babona ko umuyisilamu igihe cyose agifite ukwemera mu mutima we n'ubwo yakora ibyaha, aba ari umwemera ufite ukwemera kuzuye. Kuko bo batita ku bikorwa ahubwo bita ku kwemera kw'umuntu, bivuze ko iyi myemerere yabo ishyira umuntu ufite ukwemera ko mu rwego rwo hejuru, akanarangwa no gukora ibikorwa byiza nka Abubakri (Imana

imwishimire) ku rwego rumwe n'ufite ukwemera ko hasi akanarangwa n'ibikorwa by'inkozi z'ibibi mu bayisilamu, kandi ibi ntabwo ari byo. Urugero nk'umuyisilamu wemeye ariko akaba adakora amasengesho, adasiba, adatanga amaturo, adafite igikorwa akora mu bikorwa bimwegereza Nyagasani we, bo bavuga ko ari umwemeramana wuzuye kuko abifite ku mutima we! Ariko ubu ni ubuyobe buhambaye.

Ariko twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) twemeza ko gukora ibyaha hari icyo bigabanya mu kwemera k'umuntu, ariko ntibigukureho kose nk'uko mu byaha harimo ibigukuraho burundu nk'ubuhakanyi n'ibangikanyamana.

الرجاء على المحسنين والخوف على المسيئين

Umuyisilamu yizera ko abakora ibyiza (mu bayisilamu) bazajya mu ijuru, akanatinya ko abakora ibibi muri bo bazahanwa

وَتَرْجُو لِلْمُحْسِنِينَ مِنَ الْمُؤْمِنِينَ أَنْ يَعْفُوَ عَنْهُمْ وَيُدْخِلَهُمُ الْجَنَّةَ بِرَحْمَتِهِ، وَلَا نَأْمَنُ عَلَيْهِمْ،
وَلَا نَشْهَدُ لَهُمْ بِالْجَنَّةِ، وَتَسْتَغْفِرُ لِمُسِيئِهِمْ، وَتَخَافُ عَلَيْهِمْ، وَلَا تُقَنَّطُهُمْ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djamaat*)] twizera ko abakora ibyiza mu bemeramana, Imana ku bw'impuhwe zayo izabababarira (ibyaha bazaba barakoze bitari ibangikanyamana cyangwa ubuhakanyi) ibinjize mu ijuru ryayo, ariko ntitubizeza duhamya ko batazahanwa. Kandi ntawe duhamiriza muri bo

ko azajya mu ijuru, kandi dusabira imbabazi umunyamakosa muri bo, tukanatinya ko (abanyamakosa) bazahanwa n’Imana, ariko ntitubatere kwiheba (ko batazababarirwa n’Imana).

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Twizera ko abakora ibyiza mu bemeramana, Imana ku bw’impuhwe zayo izabababarira (ibyaha bazaba barakoze bitari ibangikanyamana cyangwa ubuhakanyi) ibinjize mu ijuru ryayo...”** Aha umwanditsi yagaragazaga ko abayisilamu hari ubwo bashobora kugwa mu byaha runaka, ariko Allah ku bw’impuhwe ze ashobora kubababarira igihe bakoze ibyaha bitari uguhakana ndetse n’ibangikanyamana. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ اللَّهَ لَا يَغْفِرُ أَنْ يُشْرَكَ بِهِ وَيَغْفِرُ مَا دُونَ ذَلِكَ لِمَنْ يَشَاءُ وَمَنْ يُشْرِكْ بِاللَّهِ فَقَدِ افْتَرَىٰ
إِثْمًا عَظِيمًا ﴿٤٨﴾ النساء: ٤٨

"Mu by’ukuri, Allah ntababarira kumubangikanya, ahubwo ababarira ibitari icyo, k’uwo ashaka. N’ubangikanya Allah, rwose aba ahimbye icyaha gihambaye.¹"

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“...ariko ntitubizeza duhamya ko batazahanwa...”** Aha umwanditsi yari agamije kwibutsa abemeramana ko batagomba kwirara n’ubwo baba bitwara neza, kuko ibijyanye no guhembwa cyangwa se guhanwa ku munsu w’imperuka biri mu mabanga n’ubushake bw’Imana.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَيَغْفِرُ لِمَنْ يَشَاءُ وَيُعَذِّبُ مَنْ يَشَاءُ وَاللَّهُ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ ﴿٢٨٤﴾ البقرة: ٢٨٤

¹ Qur’an 4:48

“...hanyuma akababarira uwo ashaka, akanahana uwo ashaka. Kandi *Allah* ni Ushobora byose.”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**Kandi ntawe duhamiriza muri bo ko azajya mu ijuru...**” Umuntu ku giti cye ntitwahamya ko azajya mu ijuru cyangwa mu muriro cyeretse tubifitiye gihamya, nk’abo Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yahamije ko ari abo mu ijuru cyangwa mu muriro, nk’abasangirangendo icumi Intumwa y’Imana yahamirije ko bazajya mu ijuru. Naho abantu muri rusange tubahamiriza ko ari abantu bo mu ijuru tugendeye ku itsinda babarizwamo, nko kuba baba ari abemeramana, kuko Imana n’Intumwa yayo batubwiye ko abemeramana bazajya mu ijuru. Nk’uko duhamya ko uri mu itsinda ry’abahakanyi ari uwo mu muriro, dushingiye ku byo Imana n’Intumwa yayo batubwiye ko abari mu itsinda nk’iryo ari abo mu muriro.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**kandi dusabira imbabazi umunyamakosa muri bo, tukanatinya ko (abanyamakosa) bazahanwa n’Imana...**” Uyu ni umuco mwiza wategetswe Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) bikaba byiza natwe tuwukirikije. *Allah* aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَأَسْتَغْفِرُ لَذَنبِكَ وَالْمُؤْمِنِينَ وَالْمُؤْمِنَاتِ...﴾ **محمد: ١٩**

“...unasabe imbabazi z’ibyaha byawe, ndetse (n’ibyaha) by’abemeramana n’abemeramanakazi...”²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**ariko ntitubatere kwiheba (ko batazababarirwa n’Imana).**” Ntabwo dutuma umunyabyaha yiheba tumubwira ko atazababarirwa, nk’uko bikorwa na bamwe bitwa (*Al Khawarij na Al Mu’utazilat*) babona ko umunyabyaha atazababarirwa, ariko *Ahlu Sunat* bo babona ko

¹ Qur’an 2:284

² Qur’an 47:19

akwiye ibihano ari ko nabyo bigendana n’ubushake bw’Imana kuko ishatse yanamubabarira. **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ * قُلْ يَاعِبَادِيَ الَّذِينَ أَسْرَفُوا عَلَىٰ أَنفُسِهِمْ لَا تَقْنَطُوا مِن رَّحْمَةِ اللَّهِ إِنَّ اللَّهَ يَغْفِرُ
الذُّنُوبَ جَمِيعًا إِنَّهُ هُوَ الْغَفُورُ الرَّحِيمُ ﴿٥٣﴾ الزمر: ٥٣

“Vuga (yewe Muhamadi) uti: “Yemwe bagaragu banjye bihemukiye! Ntimwihebe kuko impuhwe za **Allah** zikiriho. Mu by’ukuri, **Allah** ababarira ibyaha byose. Kandi ni Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.¹”.

Mu ncamake umwanditsi yashatse kugaragaza umurongo ngenderwaho w’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ah’lu Sunat Wal Djama-at*) kur’ibi byavuzwe muri iki cyigwa, kuko bo bari hagati no hagati bakaba batandukanye n’abitwa *Al Murdji-at* bavuga ko “Gukora icyaha ntacyo bitwaye igihe umuntu afite ukwemera”, bakanatandukana n’abitwa *Al Khawaridj* bavuga ko “Abakora ibyaha batazigera babarirwa ko nta n’impuhwe bazagirirwa kandi ko batazinjira mu ijuru.”

مذهب أهل السنة وسط بين الوعيدية والمرجئة

Inzira y’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) iri hagati no hagati ugereranyije n’iy’abitwa *Al Wa-idiyat* na *Al Mur’dji-at*.

وَالْأَمْنُ وَالْإِيَّاسُ يَنْقُلَانِ عَنِ مِلَّةِ الْإِسْلَامِ، وَسَبِيلُ الْحَقِّ بَيْنَهُمَا لِأَهْلِ الْقِبْلَةِ.

¹ Qur’an 39:53

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera ko kwirara (kuranga abitwa Al Mur’dji-at) no kwiheba (birenze biranga abitwa Al Wa-idiyat) bikura umuntu mu idini y’ubuyisilamu. Naho inzira y’ukuri y’abantu basenga berekeye mu cyerekezo kimwe (Ahlul Qiblat, ari bo bayisilamu bagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana) ni ukuba hagati yabyo byombi.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“twemera ko kwirara (kuranga abitwa Al Mur’dji-at)”** Aha umwanditsi yari agamije kwerekana tumwe mu dutsiko twanyuranyije n’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) ku bijyanye no gukora ibyaha. Aka gatsiko k’abitwa **Al Murji-at:** Ni kamwe mu dutsiko twayobye kabona ko umuntu igihe cyose agifite ukwemera mu mutima we, n’ubwo yakora ibyaha, aba ari umwemera ufite ukwemera kuzuye. Kuko bo batita ku bikorwa ahubwo bita ku kwemera kw’umuntu, bivuze ko iyi myemerere yabo ishira ku rwego rumwe umuntu ufite ukwemera ko mu rwego rwo hejuru akanarangwa no gukora ibikorwa byiza nka Abubakri (Imana imwishimire) n’ufite ukwemera ko hasi akanarangwa n’ibikorwa by’inkozi z’ibibi mu bayisilamu, kandi ibi ntabwo ari byo.

Uku kwirara kuvugwa aha ni umuntu kubona ko icyaha yakora cyose ibihano by’Imana bitamugeraho, ibi bikaba ari ukunyuranya n’icyo umuntu asabwa, kuko aba ategetswe gukora ibyiza azahemberwa no kureka ibibi azahanirwa. **Allah** yanenze abantu birara agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَفَأَمِنَ أَهْلُ الْقُرَىٰ أَنْ يَأْتِيَهُمْ بَأْسُنَا بَيِّنًا وَهُمْ نَائِمُونَ ﴿٩٧﴾ أَوَأَمِنَ أَهْلُ الْقُرَىٰ أَنْ يَأْتِيَهُمْ بَأْسُنَا ضُحًى وَهُمْ يَلْعَبُونَ ﴿٩٨﴾ أَفَأَمِنُوا مَكْرَ اللَّهِ فَلَا يَأْمَنُ مَكْرَ اللَّهِ إِلَّا الْقَوْمُ الْخَاسِرُونَ ﴿٩٩﴾﴾ الأعراف: ٩٧ - ٩٩

“Ese abatuye imidugudu bibwira ko batekanye, ko nta gihano cyacu cyabageraho nijoro baryamye?. Cyangwa, abatuye imidugudu bibwira ko batekanye, ko nta gihano cyacu cyabageraho ku gasusuruko bahugiye mu by’isi. Ese bibwira ko batekanye, badashobora kugerwaho n’ibihano bya Allah? Ntabibwira ko badashobora kugerwaho n’ibihano bya Allah uretse abanyagihombo.¹”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...no kwiheba (birenze, biranga abitwa Al Wa-idiyat) bikura umuntu mu idini y’ubuyisilamu.” Aba bo bakaba ari ikinyuranyo cy’abo twabonye hejuru. Aka gatsiko k’abitwa Al Wa-idiyat: Ni kamwe mu dutsiko twayobye, tubona ko umuntu ukoze icyaha gikuru uko cyaba kimeze kose agapfa atakicujije, aba azaba mu muriro ubuziraherezo. Abafite iyi myemerere bakubiye mu dutsiko tw’abitwa Al Khawaridj ndetse n’abitwa Al Mu-utazilat. Allah yanenze abantu biheba ku mpuhwe ze babona ko batababarirwa agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَبْنَئِ أَدْهَبُوا فَتَحَسَّسُوا مِنْ يُوسُفَ وَأَخِيهِ وَلَا تَأْتِسُوا مِنْ رَوْحِ اللَّهِ إِنَّهُ لَا يَأْتِسُ مِنْ رَوْحِ اللَّهِ إِلَّا الْقَوْمُ الْكَافِرُونَ ﴿٨٧﴾﴾ يوسف: ٨٧

“Bana banjye! Nimugende mushakisha (amakuru ya) Yusufu na mwene nyina, kandi ntimutakaze icyizere ku mpuhwe za Allah. Mu by’ukuri, nta batakaza icyizere ku mpuhwe za Allah, usibye abantu b’abahakanyji.²”

Allah nanone aragira ati:

¹ Qur’an 7:97-99

² Qur’an 12:87

قَالَ تَعَالَى: ﴿قَالَ وَمَنْ يَقْنَطُ مِنْ رَحْمَةِ رَبِّهِ إِلَّا الضَّالُّونَ ﴿٥٦﴾﴾ الْحَجْر: ٥٦

“(Aburahamu) aravuga ati "Nonese ni nde wakiheba mu mpuhwe za Nyagasani we, usibye abayobye?”¹

Abari ku murongo nyawo kuri ibi ni abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*), babona ko umuntu utarapfanye icyaha cy’ubuhakanyi cyangwa ibangikanyamana, ibindi byaha yakora bitatuma aba mu muriro ubuziraherezo. Bakaba babona ko Imana nibishaka izabimuhanira ninabishaka izabimubabarira.

Icyo umuyisilamu mwiza asabwa ni ukuba hagati no hagati ntiyirare ndetse ntanihebe, ahubwo agakurikira umurongo w’abahanuzi. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...إِنَّهُمْ كَانُوا يُسْرِعُونَ فِي الْخَيْرَاتِ وَيَدْعُونَنَا رِعَبًا وَرَهَبًا وَكَانُوا لَنَا خَاشِعِينَ ﴿٩٠﴾﴾ الْأَنْبِيَاء: ٩٠

“Mu by’ukuri, (abahanuzi bacu) bajyaga bihutira gukora ibikorwa byiza, bakadusaba biringiye (impuhwe zacu), banatinya (ibihano byacu) ndetse banatwibombarikagaho.”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أُولَئِكَ الَّذِينَ يَدْعُونَ يَبْتَغُونَ إِلَىٰ رَبِّهِمُ الْوَسِيلَةَ أَيُّهُمْ أَقْرَبُ وَيَرْجُونَ رَحْمَتَهُ وَيَخَافُونَ عَذَابَهُ إِنَّ عَذَابَ رَبِّكَ كَانَ مَحْدُورًا ﴿٥٧﴾﴾ الْإِسْرَاء: ٥٧

*“Ibyo basaba (babibangikanya na **Allah**), ubwabyo (ni ibiremwa bisenga **Allah**) bikanashaka uburyo bwo kumwiyegereza, byizera impuhwe ze bikanatinya ibihano bye. Mu by’ukuri, ibihano bya Nyagasani wawe ni ibyo kwirindwa.”³*

¹ Qur’an 15:56

² Qur’an 21:90

³ Qur’an 17: 57

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَمَّنْ هُوَ قَائِمٌ عَلَى السُّجُودِ ۚ إِنَّكَ أَلَمَّا سَاجِدًا وَقَائِمًا يَحْذَرُ الْآخِرَةَ وَيَرْجُو رَحْمَةَ رَبِّهِ قُلْ هَلْ يَسْتَوِي
الَّذِينَ يَعْلَمُونَ وَالَّذِينَ لَا يَعْلَمُونَ ۗ إِنَّمَا يَتَذَكَّرُ أُولُو الْأَلْبَابِ ﴿٩﴾ الزمر: ٩

“Ese wawundi usenga (**Allah**) mu bihe by’ijoro, yubama anahagarara (kubera) gutinya imperuka, aniringira impuhwe za Nyagasani we (ni kimwe na wa wundi uhakana **Allah**?). Vuga (yewe Muhamadi) uti “Ese abafite ubumenyi bahwanye n’abatabufite? Mu by’ukuri, abanyabwenge ni bo babizirikana¹.” Biragaragara rero ko abagendera ku migenzo y’Intumwa (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) baba hagati yo kwiringira impuhwe z’Imana no gutinya ibihano by’Imana, ari nako umwemeramana nyawe akwiye kumera, bitandukanye n’abanyabihimbano bayobye kuko muri bo hari abasenga Imana mu buryo bwo kuyikunda gusa nk’injiji z’abo mu gatsiko k’abitwa aba *Suffi* n’abakabya muri bo ntibite ku kwiringira impuhwe z’Imana no gutinya ibihano byayo. No muri uko kuyoba harimo abasenga Imana bagendeye mu kwiringira impuhwe zayo gusa aribo agatsiko k’abitwa *Al Murdji-at*. Hari n’abayisenga mu buryo bwo gukabya batinya ibihano byayo ari bo *Al Khawaridj*.

Umwemeramana nyawe byose arabihuza agasenga Imana ayikunze yiringiye impuhwe zayo, anatinya ibihano byayo kandi atabikoranye gukabya no kurengera.

¹ Qur’an 39:9

مَا يَخْرُجُ بِهِ الْمُسْلِمُ مِنَ الْإِيمَانِ.

Ibikura umuyisilamu mu kwemera.

وَلَا يَخْرُجُ الْعَبْدُ مِنَ الْإِيمَانِ إِلَّا بِجُحُودٍ مَا أَدْخَلَهُ فِيهِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera ko umuntu atava mu kwemera (Ubuyisilamu ngo abe umuhakanyi), keretse ahakanye ibyatumye aba umwemera.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ibituma umuntu aba umuyisilamu ni ubuhamya bubiri ari bwo (Guhamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by’ukuri usibye Imana imwe rukumbi (Allah), no guhamya ko Muhamad ari Intumwa y’Imana). Bityo iyo umuntu ahakanye kimwe muri ubu buhamya aba abaye umuhakanyi, nubwo bwose iki gikorwa atari cyo cyonyine gituma umuntu ava mu buyisilamu, kuko hari n’ibindi byatuma abuvamo.

Hari bamwe mu bamenyi bagaragaje mu bitabo byabo ibituma umuntu aba umuhakanyi nko kubangikanya Imana, gucyerensa ibintu bizwi na buri wese mu idini y’ubuyisilamu, kuzirura icyo Imana yaziririje, cyangwa ukaziririza icyo Imana yaziruye, n’ibindi byinshi.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “..**Keretse ahakanye ibyatumye aba umwemera.**” Guhakana ibyatumye yemera bisobanuye guhakana ko Imana imwe ari yo igomba kugaragirwa by’ukuri yonyine ntawe ibangikanyijwe nayo. Ibyo bimugira umubangikanyamana, cyangwa se akaba yahakana ubutumwa bw’Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ko ari ubw’abantu bose muri rusange. Ibi bituma aba

uhinyuje Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha), iki kikaba ari nacyo gisobanuro cy’iyi nteruro.

Bityo rero niba umuntu ava mu buyisilamu kubera ko yahakanye ko Imana ikwiye kugaragirwa yonyine (*Tawuhid*), cyangwa guhakana ubutumwa bw’Intumwa y’Imana, kuba yava mu buyisilamu kubera ko yabihinyuye cyangwa se yabigizeho gushidikanya, biba byumvikana binafite ireme kuruta ibyabanje. Ubwo rero umuntu ntabwo yava mu buyisilamu cyeretse ahinyuye cyangwa ashidikanyije cyangwa se ahakanye amategeko y’ubusilamu.

Hari uwakeka ko iyi mvugo y’umwanditsi isobanuye ko ntawakitwa ko yavuye mu buyisilamu igihe atahakanye, ariko ibi ntabwo ari ukuri, kubera ko n’uwo ari we wese wavuga amagambo y’ubuhakanyi yitwa umuhakanyi. N’ukerensa ubutumwa bw’Intumwa y’Imana nawe aba ahakanye kabone n’ubwo yaba ahanya ko ari ukuri. Nk’uko nanone ubaga abagiye ikindi kitari Imana nawe aba ahakanye, kabone n’ubwo yaba avuga ubuhamya bw’uko nta yindi mana ikwiriye kugaragirwa uretse **Allah** wenyine, kuko guhakana biba mu mvugo, mu bikorwa no mu myemerere.

Sheikh Al Islam Muhamad Ibum Abdul Wahab mu gitabo cyeye: [Ibikura umuntu muri Islam] yavuzemo ibintu bigera ku icumi kuko ari byo by’ingenzi, naho ubundi birenze uwo mubare.

Ikindi umwanditsi w’igitabo aha yari agambiriye gusubiza agatsiko k’abitwa *Al Khawaridj* n’ak’abitwa *Al Mu-utazilat* bakura umuntu mu kwemera kubera ko yakoze icyaha gikuru.

مذهب الفرق في مسمى الإيمان

Uburyo amatsinda atandukanye asobanura mo inyito y'ukwemera (Imani).

وَالْإِيمَانُ هُوَ الْإِقْرَارُ بِاللِّسَانِ، وَالتَّصَدِيقُ بِالْجَنَانِ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*)] twemera ko igisobanuro cyo kwemera ari ukubihamya ku rulimi, ukanabishimangira mu mutima.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“twemera ko igisobanuro cyo kwemera ari ukubihamya ku rulimi, ukanabishimangira mu mutima.”** Iki gisobanuro cy'ukwemera umwanditsi yagaragaje aha, avuga ko kwemera ari uguhamya ku rulimi, no kubishimangira mu mutima, gihuye n'icyo bamwe mu bantu bo mu gatsiko k'abanyabihimbano *Al Murdji-at* batanze, kikaba kidahagije kuba igisobanuro cyo kwemera igihe hatabayeho ko ibyo wahamije ukanashimangira bishyirwa mu bikorwa.

Kubera ko igisobanuro cy'ukwemera cy'ukuri nk'uko abamenyi bakurikiye imigenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) babigaragaje babikomoye muri Qur'an no mu nyigisho z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bavuga ko ukwemera ari: Uguhamya ku mutima no kubiyatura ku rulimi no kubishyira mu bikorwa. Gusobanura rero ko kwemera ari ku mutima no ku rulimi gusa ntibihagije kuko ibikorwa nabyo ni kimwe mu bigaragaza kwa kwemera, ntabwo ari ibiza ari inyongera. Bityo uzagarukira ku kuvuga ku rulimi gusa, no kuba abihamya ku mutima byonyine, nta bigaragaze mu migirire, ntabwo azaba afite ukwemera kwa nyako. Kuko abamenyi

basobanura ukwemera ko ari uguhamya ku mutima, ukatura ku rulimi bigashimangirwa n'imigirire ndetse n'imigenzereze y'umuntu (aribyho kubishyira mu bikorwa).

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَبَشِّرِ الَّذِينَ ءَامَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ ...﴾ البقرة: ٢٥

“Geza inkuru nziza kuri babandi bemeye bakanakora ibitunganye...”¹

Nanone **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّمَا الْمُؤْمِنُونَ الَّذِينَ ءَامَنُوا بِاللَّهِ وَرَسُولِهِ ثُمَّ لَمْ يَرْتَابُوا وَجَاهَدُوا بِأَمْوَالِهِمْ وَأَنْفُسِهِمْ فِي سَبِيلِ اللَّهِ أُولَئِكَ هُمُ الصَّادِقُونَ﴾ الحجرات: ١٥

“Mu by'ukuri, abemera nyabo ni abemeye **Allah** n'Intumwa ye, hanyuma ntibashidikanye (ku byo bemeye), bakanaharanira inzira ya **Allah** bakoresheje imitungo yabo n'ubuzima bwabo. Abo ni bo banyakuri.”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا كَانَ اللَّهُ لِيُضِيعَ إِيمَانَكُمْ﴾ البقرة: ١٤٣

“Kandi **Allah** ntiyari kugira ukwemera kwanyu (amasengesho mwakoze mbere mwerekeye i Yeruzalemu) impfabusa.”³

Uyu murongo wa Qur'an uragaragaza ko **Allah** yise igikorwa cy'amasengesho ukwemera. Bikanashimangirwa na Hadith yaturutse kwa Abi Huray'rat ivuga ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

¹ Qur'an 2:25.

² Qur'an 49:15

³ Qur'an 2:143

عن أبي هريرة رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «الإيمان بضْعٌ وسَبْعُونَ، أو بِضْعٌ وَسِتُّونَ شَعْبَةً: فَأَفْضَلُهَا قَوْلُ لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ، وَأَدْنَاهَا إِمَاطَةُ الْأَذَى عَنِ الطَّرِيقِ، وَالْحَيَاءُ شُعْبَةٌ مِنَ الْإِيمَانِ» متفقٌ عليه.

“Ukwemera kurimo ibice birenga mirongo irindwi cyangwa birenga mirongo itandatu. icyiza kurusha ibindi muri byo ni invugo igira iti ‘LA ILAHA ILA LLAHU: Nta yindi mana ikwiye gusenga by’ukuri uretse Allah. Naho igito muri byo ni ugukura icyabangamira umuntu mu nzira. Kandi kugira isoni ni kimwe mu bice bigize ukwemera.”¹

Naho ku bigendanye n’inyito nyayo y’ukwemera (Iman) iri ni isomo rikomeye, amatsinda atandukanye atavuzeho rumwe, anyuranya n’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*).

Uburyo amatsinda atandukanye asobanura ukwemera:

1. Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*), bavuga ko ukwemera: Ari ukwemera ku mutima, ukabivugisha urulimi ukanabishyira mu ngiro ukoresheje ingingo.
2. Agatsiko k’abitwa *Al Murdji-at* kavuga ko ukwemera: Ari ukwemeza ku mutima no kubishimangira ku rulimi gusa.
3. Agatsiko k’abitwa *Al Karamiyat* kavuga ko ukwemera: Ari ukuvuga ukoresheje urulimi gusa
4. Agatsiko k’abitwa *Al Djab’riyat* kavuga ko ukwemera: Ari ukwemera ku mutima cyangwa se kubimenya ku mutima gusa.
5. Agatsiko k’abitwa *Al Mu-utazilat* kavuga ko ari ukwemera ku mutima, ukabivugisha urulimi ukanabishyira mu ngiro ukoresheje ingingo.

¹ Yakiriwe na Bukhari na Muslim.

Naho itandukaniro riri hagati y’agatsiko k’abitwa *Al Mu-utazilat* n’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) ku bigendanye n’igisobanuro cyo kwemera, nuko uwakoze icyaha gikuru agatsiko k’abitwa *Al Mu-utazilat* kamwambura ukwemera kose (ariko ntikavuga ko ari umuhakanyi cyangwa ngo abe umwemera, ahubwo kavuga ko aba ari hagati no hagati) kakanemera kandi ko ku munsu w’imperuka azaba mu muriro ubuziraherezo.

Naho abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bo ntibamwambura ukwemera kwe kose, ahubwo bavuga ko ari umwemeramana ariko ufite ukwemera kutuzuye, kandi ntibanemera ko ku munsu w’imperuka naramuka yinjije mu muriro atazawubamo ubuziraherezo, ahubwo azaba ari munsu y’ubushake bwa **Allah** nashaka azamubabarira, nanabishaka azamuhana.

Ibi tumaze kubona nicyo gisobanuro cy’ukwemera nyakuri. Naho igisobanuro cya *Al Djahmu Iibun Swafuwan na Abu Al Hassan A-Swalihy* bamwe mu bayobozi b’agatsiko kitwa *Al Qadariyat* basobanura ko ukwemera ari ukubimenya ukanabyemeza ku mutima gusa. Iki gisobanuro cyo kirafutamyeye kurusha ibindi, kuko kigaragaza ko Farawo n’abantu be bari abemeramana buzuye, kuko bamenye ibyo Mussa na Haruna babahamagariraga ko ari ukuri n’ubwo bwose batabyemeye. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَجَحَدُوا بِهَا وَاسْتَيْقَنَتْهَا أَنفُسُهُمْ ظُلْمًا وَعُلُوًّا فَانظُرْ كَيْفَ كَانَ عَاقِبَةُ الْمُفْسِدِينَ ﴿١٤﴾ النمل: ١٤

“Nuko barabihinyura, bihuguza ndetse banibona, nyamara imitima yabo ibihamya (ko ari ukuri). Ngaho reba uko iherezo ry’abangizi ryagenze¹!” **Allah** niwe Mumenyi uhebuje.

¹ Qur’an 27:14

وجوب الإيمان والعمل بكل ما صح عن النبي ﷺ

**Kwemera no gushyira mu bikorwa ibyo twigishijwe
n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)
by'impamo ni itegeko.**

وَجَمِيعُ مَا صَحَّ عَنْ رَسُولِ اللَّهِ ﷺ مِنَ الشَّرْعِ وَالْبَيَانِ كُلُّهُ حَقٌّ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at)] twemera ko no mu kwemera nyako harimo guhamya ibyo twabwiwe byose byaturutse ku Ntumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) mu mvugo z'impamo, haba mu mategeko ndetse n'ibyo yigishije ko byose ari ukuri.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umuyisilamu nyakuri yemera buri icyo ari cyo cyose abamenyi bagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bemeza ko ari impamo cyaturutse ku Ntumwa y'Imana. Imvugo dukomora ku Ntumwa y'Imana zirimo amoko abiri:

1 *Al Mutawatir*: Izi ni imvugo ziba zarakiriwe n'umubare mwinshi w'abasangirangendo ndetse n'abazibakomoyeho bakaba benshi, bakaba bizewe ku buryo badashobora guhuriza ku kinyoma.

2 *Al Ahad*: Izi ni imvugo ziba zarakiriwe n'umuntu umwe cyangwa bake mu basangirangendo ndetse bakazikomorwaho n'umuntu umwe cyangwa bake.

Aya moko uko ari abiri iyo bigaragaye ko Hadith ari impamo umuyisilamu aba ategetswe kuyakira no kuyigenderaho ashya mu bikorwa ibyo yigisha atitaye ku bwoko ibarizwamo.

Hakaba hari ikibazo cya bamwe mu ba nyabihimbano mu idini ya Isilamu, bashyira imbere ubwenge aho gukoresha gihamya z'idini (Qur'an na Hadith) ntibanagendere kuri Hadith za *Al Ahad* ibyo bakaba babikora bavuga ko batakwakira inkuru y'umuntu umwe kuko hashobora kubaho ukwibeshya. Ariko ibi ntibyaba urwitwazo kubera ko Islam idutegeka kwakira inkuru y'umuntu umwe igihe azwiho ubunyangamugayo byaba ari mu bijyanye n'imyemerere (*Aqidat*), cyangwa se amategeko y'idini asanzwe (*Ahkam*).

Na gihamya zigaragaza ko byemewe kwakira inkuru y'umuntu umwe ni nyinshi twavugamo inkuru y'ihindurwa ry'icyerekezo cyo gusariramo (*Qiblat*) ubwo yahindurwaga umwe mu basangirangendo yaje avuye mu musigiti w'Intumwa y'Imana ageze mu musigiti wa *Qubaa*, asanga bari gusali maze ababwira ko icyerekezo cyahinduwe, nuko bahita bahindukira bari mu isengesho¹.”

Kwanga Hadith za *Al Ahad* rero no kwitwaza ko ikibibatera ari ukuvugira idini ntabwo ari ukuri, ahubwo impamvu zabyo ni ukurwanya abagenda ku migenzo yose y'impamo y'Intumwa y'Imana, nkuko nanone baba bagamije gushyigikira umurongo bafashe wo kugendera ku bigendanye n'ubwenge bwabo, nanone baba bashaka kurwanya idini ry'Imana kuko Hadith nyinshi ziri muri ubu bwoko bwa *Al Ahad*, bakabona rero ko nibarwanya izi mvugo bazaba basenye idini.

Ikindi twavuga mu gusubiza abantu banga kwakira hadithi za *Ahad* kandi bakakira iza *Mutawatir* uyu murongo bagenderaho uba utandukanye n'umurongo w'abakiriye amahadithi mu bitabo

¹ Yakiriwe na Bukhari.

byabo bagenderaho kuko bo bakira hadith za *Mutawatir* n'iza *Ahad* kandi bakazigenderaho, urugero: Hadith ya mbere mu gitabo cya Swahih Al Bukhari ni *Ahad*

Naho iyo bageze kuri gihamya badashobora kwanga nka gihamya za Qur'an ntabwo zo bavuga ko bazanze, ahubwo bahita bateza urujijo mu bantu bazifashishije bakazisobanura uko zitari nkuko twabibonye.

Ikindi kandi nuko **Allah** muri Qur'an yadutegetse kwakira no kugendera ku byo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatuzaniye twavuga nk'aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَمَا آتَاكُمْ الرَّسُولُ فَخُذُوهُ وَمَا نَهَاكُمْ عَنْهُ فَانْتَهُوا...﴾ ﴿٧﴾ الحشر: ٧

“Kandi ibyo Intumwa ibahaye (mu mitungo n'ibyo yabategetse), mujye mubyakira, ndetse n'ibyo ibabujije, mujye mubireka.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا كَانَ لِمُؤْمِنٍ وَلَا لِمُؤْمِنَةٍ إِذَا قَضَى اللَّهُ وَرَسُولُهُ أَمْرًا أَنْ يَكُونَ لَهُمُ الْخِيَرَةُ مِنْ أَمْرِهِمْ وَمَنْ يَعْصِ اللَّهَ وَرَسُولَهُ فَقَدْ ضَلَّ ضَلَالًا مُّبِينًا﴾ ﴿٣٦﴾ الأحزاب: ٣٦

“Ntabwo bikwiye ku mwemera cyangwa umwemerakazi, ko igihe **Allah** n'Intumwa ye baciye iteka, bagira amahitamo mu byo bakora. Kandi uzigomeka kuri **Allah** n'Intumwa ye, rwose azaba ayobye ubuyobe bugaragara.”²

¹ Qur'an 59:7
² Qur'an 33:36

زيادة الإيمان ونقصانه

Kwemera ko ukwemera kwiyongera ndetse kukanagabanyuka.

وَالْإِيمَانُ وَاحِدٌ وَأَهْلُهُ فِي أَصْلِهِ سَوَاءٌ وَالتَّفَاضُلُ بَيْنَهُمْ بِالْحَشِيَّةِ وَالتَّقَى وَمُخَالَفَةَ الْهَوَى
وَمُلَازِمَةَ الْأَوْلَى.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*)] twemera ko ukwemera ari kumwe, ndetse ko n’abemeramana bareshya hashingiwe ku mwimerere wo kwemera, bakarutanira mu kwibombarika no gutinya Imana (buri umwe muri bo aba arusha mugenzi we), no kwitandukanya n’irari ry’umutima rimuganisha mu bibi, ndetse no kwitwararika mu gukora ibikwiye.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**twemera ko ukwemera ari kumwe...**” Ukwemera ni kumwe ari byo bisobanuye gushimangira uko kwemera bikorwa n’umutima. Naho kuba kwiyongera kukanagabanyuka, ibi abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) ntibabivugaho rumwe n’agatsiko k’abitwa *Al Murdji-at*. Abo muri aka gatsiko babona ko ukwemera kutagabanyuka cyangwa ngo kwiyongere, mu gihe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bo babona ko kwiyongera kukanagabanyuka.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**bakarutanira mu kwibombarika no gutinya Imana (buri umwe muri bo aba arusha mugenzi we)**” Aha umwanditsi yagaragazaga ko

ukwemera kwiyongera umuntu yongereye ibikorwa byo kumvira Imana, kukagabanywa no gukora ibyaha ndetse no kugomera Imana. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّمَا الْمُؤْمِنُونَ الَّذِينَ إِذَا ذُكِرَ اللَّهُ وَجِلَّتْ قُلُوبُهُمْ وَإِذَا تُلِيَتْ عَلَيْهِمْ آيَاتُهُ زَادَتْهُمْ إِيمَانًا ... ﴿٢﴾ الأَنْفَال: ٢

“Mu by’ukuri, abemera nyabo ni babandi iyo **Allah** avuzwe, imitima yabo ikangarana, banasomerwa amagambo ye akabongerera ukwemera...”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَإِذَا مَا أَنْزَلَتْ سُورَةٌ فَمِنْهُمْ مَن يَقُولُ أَيُّكُمْ زَادَتْهُ هَذِهِ إِيمَانًا فَأَمَّا الَّذِينَ ءَامَنُوا فَزَادَتْهُمْ إِيمَانًا وَهُمْ يَسْتَبْشِرُونَ ﴿١٢٤﴾ التَّوْبَةِ: ١٢٤

“N’iyo hari isura (igice cya Qur`an) ihishuwe, bamwe muri bo (indyarya) baravuga bati: “Ni nde muri mwe iyi (sura) yongereye ukwemera!? “Nyamara babandi bemeye, ibongerera ukwemera na bo bakabyishimira.”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَا جَعَلْنَا أَصْحَابَ النَّارِ إِلَّا مَلَائِكَةً وَمَا جَعَلْنَا عِدَّتَهُمْ إِلَّا فِتْنَةً لِلَّذِينَ كَفَرُوا لِيَسْتَيَقِنَ الَّذِينَ أُوتُوا الْكِتَابَ وَيَزِدَّ الَّذِينَ ءَامَنُوا إِيمَانًا ... ﴿٣١﴾ المَدَّثَر: ٣١

“Ntitwagize abarinzi b’umuriro uretse Abamayika. Ntitwanagize umubare wabo uretse ikigeregezo ku bahakanye, kugira ngo abahawe ibitabo bemere badashidikanya n’abemeye biyongere ukwemera...”³

Bityo rero ukwemera ntabwo ari kumwe, ndetse n’abemera ntibareshya kuko nk’uko twabibonye ukwemera kuriyongera

¹ Qur’an 8:2

² Qur’an 9:124

³ Qur’an 74:31

kukanagabanyuka, ubwo rero uwo nyiri uko kwemera kwiyongereye ntiyareshya n’uwo kwagabanyutse. Uretse n’ibyo no kubihama ku mutima abantu ntibangana, kuko nk’ukwemera k’umwe mu basangirangendo b’Intumwa y’Imana nka Abubakar ntikwangana n’ukw’umwe mu bayisilamu b’iki gihe bakora ibikorwa bibi. Kuko ukwemera kwa Abubakar wenyine kungana nk’ukwemera kw’abayisilamu bose nk’uko byashimangiwe mu zindi Hadithi zaje zivuga ku bigwi by’abasangirangendo.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“No kwitandukanya n’irari ry’umutima rimuganisha mu bibi”** Aha umwanditsi yagaragazaga umusingi ukomeye wo kugera ku rwego rwiza rwo kubaka ukwemera, ari wo wo kwitandukanya n’irari umuntu agakurikiza amategeko y’Imana.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَمَّا مَنْ خَافَ مَقَامَ رَبِّهِ وَنَهَى النَّفْسَ عَنِ الْهَوَىٰ ۖ فَإِنَّ الْجَنَّةَ هِيَ الْمَأْوَىٰ﴾ **النازعات:**

٤٠ - ٤١

“Ariko wa wundi watinye kuzahagarara imbere ya Nyagasani we, akanabuza umutima we kurarikira ibibi. Mu by’ukuri, ijuru niryo rizaba ubuturo (bwe).”¹

¹ Qur’an 79:40-41

ولآية الله وبم تكون؟

Ugukundwa n’Imana n’uburyo umuntu abigeraho.

وَالْمُؤْمِنُونَ كُلُّهُمْ أَوْلِيَاءُ الرَّحْمَنِ، وَأَكْرَمُهُمْ عِنْدَ اللَّهِ أَطْوَعُهُمْ وَأَتَّبَعُهُمْ لِلْقُرْآنِ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*)] twemera ko abemeramana bose ari abakunzi ba **Allah** Nyirimpuhwe, kandi abatoni ku Mana kurusha abandi muri bo ni abumvira bakanakurikiza ibikubiye muri Qur’an kurusha abandi.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**twemera ko abemeramana bose ari abakunzi ba Allah Nyirimpuhwe...**” Ibi bishimangirwa n’imirongo ya Qur’an nk’aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَلَا إِنَّ أَوْلِيَاءَ اللَّهِ لَأَخَوْفٌ عَلَيْهِمْ وَلَا هُمْ يَحْزَنُونَ ﴿٦٢﴾ الَّذِينَ ءَامَنُوا وَكَانُوا يَتَّقُونَ ﴿٦٣﴾﴾ يونس: ٦٢ - ٦٣

“Nta gushidikanya ko mu by’ukuri abakunzi ba **Allah** ntibazigera bagira ubwoba ndetse n’agahinda. (Abo ni) babandi bemeye kandi bakaba baratinyaga **Allah..**”¹

Uyu murongo wa Qur’an ugaragaza ko kugira ngo umuntu abe umukunzi w’Imana agomba kuba afite ibintu bibiri ari byo; kwemera Imana no kuyitinya wubahiriza ibyo yategetse wirinda ibyo yabujije.

¹ Qur’an 10:62-63

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿اللَّهُ وَلِيُّ الَّذِينَ ءَامَنُوا يُخْرِجُهُم مِّنَ الظُّلُمَاتِ إِلَى النُّورِ وَالَّذِينَ كَفَرُوا أَوْلِيَآؤُهُمُ
الظُّلُمَاتُ يُخْرِجُونَهُم مِّنَ النُّورِ إِلَى الظُّلُمَاتِ أُولَئِكَ أَصْحَابُ النَّارِ هُمْ فِيهَا خَالِدُونَ ﴿٢٥٧﴾

﴿البقرة: ٢٥٧﴾

“**Allah** ni umukunzi wa babandi bemeye; abakura mu mwijima abaganisha mu rumuri. Naho kuri babandi bahakanye, abakunzi babo ni ibigirwamana; bibakura mu rumuri bibaganisha mu mwijima. Abo ni abantu bo mu muriro, bazawubamo ubuziraherezo.”¹ Ubwo bisobanuye ko abahakanyi n’indyarya ari abanzi b’Imana n’Imana ikaba umwanzi wabo, **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...فَإِنَّ اللَّهَ عَدُوٌّ لِّلْكَافِرِينَ ﴿٩٨﴾﴾ ﴿البقرة: ٩٨﴾

“...mu by’ukuri **Allah** ni umwanzi w’abahakanyi.”²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**kandi abatoni ku Mana kurusha abandi muri bo ni abumvira...**” Bisobanuye ngo abarusha abandi ubutoni muri bo ni abumvira **Allah** n’Intumwa ye kurusha abandi,

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... إِنَّ أَكْرَمَكُمْ عِنْدَ اللَّهِ أَتْقَاكُمْ إِنَّ اللَّهَ عَلِيمٌ خَبِيرٌ ﴿١٣﴾﴾ ﴿الحجرات: ١٣﴾

“...Mu by’ukuri, ubarusha icyubahiro imbere ya **Allah**, ni ubarusha gutinya (**Allah**). Rwose **Allah** ni Umumenyi uhebuje, Uzi byose.”³

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**bakanakurikiza ibikubiye muri Qur’an kurusha abandi.**” Naho gukurikira ibikubiye muri Qur’an ni ugushyira mu bikorwa amategeko ya **Allah** ayikubiyemo, no kwirinda gukora ibyo yabujije, no kwemera

¹ Qur’an 2:257

² Qur’an 2:98

³ Qur’an 49:13

ibiyikubiyemo byose n’ubwo byaba atari amategeko, nk’inkuru z’ibyabaye ndetse n’ibizaba, Allah ashimangira ibyo gukurikira ibikubiye muri Qur’an ahantu henshi mu gitabo cye nk’aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَمَنْ أَتَّبَعَ هُدَايَ فَلَا يَضِلُّ وَلَا يَشْقَى﴾ ﴿١٢٣﴾ طه: ١٢٣

“uzakurikira umuyoboro wanjye, ntazayoba, ntazanagorwa”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَتَّبِعُوا مَا أَنْزَلَ إِلَيْكُم مِّن رَّبِّكُمْ وَلَا تَتَّبِعُوا مِن دُونِهِ أَوْلِيَاءَ قَلِيلًا مَّا تَذَكَّرُونَ﴾ ﴿٣﴾ الأعراف: ٣

“Nimukurikire ibyo mwahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wanyu. Kandi ntimuzakurikire ibitari we mubigira abarinzi. Ni gake mwibuka!”²

الإيمان بالأصول الخمسة وتفصيل الإيمان باليوم الآخر

Kwemera imisingi itanu, no gusobanura mu buryo burambuye ukwemera umunsi w’imperuka.

وَالْإِيمَانُ هُوَ الْإِيمَانُ بِاللَّهِ، وَمَلَائِكَتِهِ، وَكُتُبِهِ، وَرُسُلِهِ، وَالْيَوْمِ الْآخِرِ

[Kandi twe abagenda ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at)] twemera ko ukwemera ari ukwemera Imana imwe, abamalayika bayo, ibitabo byayo, intumwa zayo, ndetse n’umunsi w’imperuka.

¹ Qur’an 20:123

² Qur’an 7:3

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Aha umwanditsi akaba yarasobanuye ukwemera agendeye ku buryo Intumwa y’Imana yagusobanuye igihe yabazwaga na Malayika Djibril ku bigendanye n’ukwemera muri hadith ndende izwi, ukwemera rero kugizwe n’imisingi itandatu ari yo iyi itanu umwanditsi yagaragaje, n’undi uri bukurikire ari wo wo kwemera igeno ry’Imana.

Ukwemera gusobanurwa mu buryo bubiri:

Ubwa mbere: Uburyo bwa rusange buba bukubiyemo amategeko y’idini yose yaba ajyanye n’imyemerere cyangwa n’ibikorwa ari bwo twabonye bugaragarira ku rurimi, ku mutima, ndetse no mu bikorwa.

Uburyo bwa kabiri: Ni uburyo bw’umwihariko, ari bwo buba bugambiriwe mu gusobanura izi nkingi esheshatu turi kuvugaho. **Allah** yagiye agaragaza zimwe muri izi nkingi esheshatu z’ukwemera mu mirongo ya Qur’an itandundukanye nk’aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَالَّذِينَ آمَنُوا بِاللَّهِ وَالْيَوْمِ الْآخِرِ وَآلَمَاتِهِمْ وَلِأَنَّهُمْ قَالُوا...﴾
البقرة: ١٧٧

“...Ahubwo ibikorwa byiza ni iby’uwemera **Allah**, umunsi w’imperuka, abamalayika, ibitabo n’abahanuzi...¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَمَنْ يَكْفُرْ بِاللَّهِ وَمَلَائِكَتِهِ وَكُتُبِهِ وَرُسُلِهِ وَالْيَوْمِ الْآخِرِ فَقَدْ ضَلَّ ضَلَالًا بَعِيدًا﴾
النساء: ١٣٦

¹ Qur’an 2:177

“Kandi uzahakana **Allah**, Abamayika be, ibitabo bye, intumwa ze n’umunsi w’imperuka, rwose azaba ayobye ukuyoba gukabije.¹”

Ikindi twakibutsa nuko umwanditsi yagaragaje mu masomo yatambutse ibigendanye n’imisingi ine yo kwemera mu buryo burambuye ari yo: Kwemera Imana, abamayika bayo, ibitabo byayo, ndetse n’intumwa zayo.

Naho kwemera umunsi w’imperuka, ni umusingi wa gatanu mu misingi igize ukwemera, **Allah** yawuvuze mu gitabo cye gitagatifu cya Qur’an mu buryo burambuye atigeze awuvugamo mu bindi bitabo bitagatifu byabanje, **Allah** yawuvuze mu buryo bw’incamake mu mirongo twagaragaje.

Naho mu buryo burambuye **Allah** yawuvuze ahantu henshi hatandukanye muri Qur’an, twavuga nko muri Surat *Al Waqi-at* (Ibiza), *Al Haqat* (ukuri kudakumirwa), *A-Tak’wiir* (Kuzingazinga), *Al Inf’twar* (Gusatagurika), *Al In’shiqaq* (ugusandara), *Zalzalal* (Umutingito), *Al Qariat* (Igihonda).

Uyu munsi kandi ufite amazina menshi atandukanye, muri yo twavugamo umunsi w’igihagararo (*Yawumul Qiyamat*), umunsi w’ukuri kudakumirwa (*Al Haqat*), umunsi w’urusaku ruziba amatwi (*A-Swakhat*), umunsi w’igitwikira (*Al Ghashiyat*), umunsi w’icyago gihambaye (*A-Twaamatul Kubra*), ndetse n’ayandi.

No mu kwemera ibijyanye n’umunsi w’imperuka hinjiramo ibyo ari byo byose Imana yatubwiye n’Intumwa yayo, biba ku muntu nyuma y’uko apfuye, nk’ibihano byo mu mva, ibigeragezo byaho, no kwemera umunsi w’igihagararo mukuru (*Al Qiyamatul Kubra*) n’ibindi.

¹ Qur’an 4:136

Icyo umuntu agomba kwemera kuri uyu muni nanone, ni ukwemera izurwa ry’abantu bava mu mva zabo. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّا نَحْنُ نُحْيِيهِمْ وَنُمِيتُهُمْ وَإِلَيْنَا الْمَصِيرُ ﴿٤٣﴾ يَوْمَ تَشَقَّقُ الْأَرْضُ عَنْهُمْ سِرَاعًا ذَلِكَ حَشْرٌ عَلَيْنَا يَسِيرٌ ﴿٤٤﴾ ﴿ق: ٤٣ - ٤٤﴾

“Mu by’ukuri, ni twe dutanga ubuzima tukanabwisubiza, kandi iwacu ni ho garukiro. Umunsi isi izabasadukiraho, bakavamo bihuta. Uko kuzaba ari ukubakoranya koroshye kuri twe.”¹

Mu by’ingenzi umuntu ategetswe kwemera kuri uyu muni harimo kwemera izurwa ry’abantu, ijuru ndetse n’umuriro, kubera ko izurwa niryo abahakanyi bahakanye guhera ku gihe cy’Intumwa y’Imana Nuhu kugeza ku gihe cy’Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha).

Allah agaragaza ko abahakanyi bahakanye iby’izuka aho aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿زَعَمَ الَّذِينَ كَفَرُوا أَنْ لَنْ يُبْعَثُوا قُلْ بَلَىٰ وَرَبِّي لَتُبْعَثُنَّ... ﴿٧﴾ ﴿التغابن: ٧﴾

“Abahakanyi bakeka ko batazazurwa (ngo babazwe). Vuga (yewe Muhamadi) uti “Yego! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wanjye, rwose muzazurwa...”²

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَنْ آتَيْتَهُهُ أَنْ تَرَى الْأَرْضَ خَاشِعَةً فَإِذَا أَنْزَلْنَا عَلَيْهَا الْمَاءَ اهْتَزَّتْ وَرَبَتْ إِنَّ الْأَرْضَ لَأَحْيَاهَا لَمُحْيِي الْمَوْتِ إِنَّهُ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ ﴿٣٩﴾ ﴿فصلت: ٣٩﴾

“No mu bimenyetso bye (Allah), ni uko ubona isi yumaganye, maze twayimanuraho amazi, ikeguka ikarumbuka ikameraho ibimera. Mu by’ ukuri, uyaha ubuzima ni nawe uzazura abapfuye. Rwose ni we ufite ubushobozi kuri buri kintu.”³

¹ Qur’an 50:43-44

² Qur’an 64:7

³ Qur’an 40:39

الإيمان بالقدر خيره وشره

Kwemera igeno, ibyiza byaryo ndetse n'ibibi byaryo.

وَالْقَدْرَ خَيْرِهِ وَشَرِّهِ وَحُلُوهُ وَمُرِّهِ مِنَ اللَّهِ تَعَالَى.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*)] twemera ko igeno ry'ibyiza n'ibibi, n'iry'ibiryoshye ndetse n'ibirura byose bituruka kwa **Allah** Nyirubutagatifu.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Uyu ni umusingi wa gatandatu mu misingi igize ukwemera, ari wo wo kwemera igeno ry'Imana, bigashimangirwa na Hadith ndende ya Malayika Djibril izwi ubwo yabazaga Intumwa y'Imana ku bijyanye n'ukwemera, mu kumusubiza yamubwiye ko mu bigize ukwemera harimo no kwemera igeno ry'Imana.

وفي الحديث الذي رواه مسلم عن عبد الله بن عمرو بن العاص رضي الله عنه قال: سمعت رسول الله ﷺ يقول:

Bikanashimangirwa na Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Amri Ibun Al Aswi (Imana ibishimire) avuga ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti:

(كتب الله مقادير الخلائق قبل أن يخلق السماوات والأرض بخمسين ألف سنة.)

“Allah yagennye igeno ry’ibiremwa mbere y’uko arema ibirere n’isi ho imyaka ibihumbi mirongo itanu.¹”

Ikindi nuko ibigendanye n’igeno twari twabivuzeho mu buryo burambuye mu masomo yabanje.

Hano umwanditsi yagaragaje ko igeno rigizwe n’ibintu bitandukanye harimo ibyiza n’ibibi, ibiryohereye (ibishimishije) n’ibirura (ibibabaje) kandi ko byose bituruka kwa Allah.

Allah agaragaza ko ibyiza n’ibibi bigera ku biremwa ko ari we uba wabibigeneye nk’aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَإِنْ تُصِبْهُمْ حَسَنَةٌ يَقُولُوا هَذِهِ مِنْ عِنْدِ اللَّهِ وَإِنْ تُصِبْهُمْ سَيِّئَةٌ يَقُولُوا هَذِهِ مِنْ عِنْدِكَ قُلْ كُلُّ مِّنْ عِنْدِ اللَّهِ فَمَالِ هَؤُلَاءِ الْقَوْمِ لَا يَكَادُونَ يَفْقَهُونَ حَدِيثًا ﴿٧٨﴾﴾ النساء: ٧٨

“...Kandi n’iyo bagezweho n’icyiza, baravuga bati: "Iki giturutse kwa Allah", naho bagerwaho n’ikibi bakavuga bati "Iki kiguturutseho (wowe Muhamadi)". Vuga uti: "Byose bituruka kwa Allah", Ese ni kuki aba bantu batabasha gusobanukirwa ibyo ubabwira?²”

Umuntu ashobora kwibaza niba hari ukuvuguruzanya kwaba kuri hagati y’uyu murongo wa Qur’an n’undi murongo wa Qur’an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿مَّا أَصَابَكَ مِنْ حَسَنَةٍ فَمِنَ اللَّهِ وَمَا أَصَابَكَ مِنْ سَيِّئَةٍ فَمِنَ نَفْسِكَ ... ﴿٧٩﴾﴾ النساء: ٧٩

“Icyiza kikubayeho, kiba giturutse kwa Allah, naho ikibi kikubayeho kiba kiguturutseho ubwawe...”³ Ndetse n’imvugo igaragara mu busabe bw’Intumwa y’Imana aho igira iti:

(...والخيرُ كُلُّهُ فِي يَدَيْكَ وَالشَّرُّ لَيْسَ إِلَيْكَ...)

¹ Yakiriwe na Muslim.

² Qur’an 4:78

³ Qur’an 4:79

“WAL KHAY’RU KULUHU BIYADAY’KA WA SHARU LAY’SA ILAY’KA” Bisobanuye ngo: Ibyiza byose bituruka iwawe Nyagasani, n’ibibi ntibikwitirirwa kandi ntibituruka iwawe?¹

Abamenyi mu kubisobanura bavuze ko nta kibi gituruka kwa Allah mu byo agena, kuko aba akigennye mu bugenge bwe n’ubushishozi bwe, n’ubwo bwose umuntu we bishobora kumubera bibi nk’ibyago n’ibindi. Bityo ibituruka kwa Allah byose biba ari byiza, naho ibigaragarira abantu mu maso yabo ko ari bibi, siko byose biba ari bibi hari ubwo biba biherekejwe n’ibyiza n’ubwo bo bishobora kubababaza.

Ikindi nuko ibyo Imana yaremye ikanabishyiraho, yabiremye ku mpamvu runaka n’inyungu yo ubwayo izi. Nanone ibikorwa by’ibiremwa ni byo bibamo ibibi n’ibyiza, naho ibikorwa bya Allah byose ni byiza.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Bituruka kwa Allah Nyir’ubutagatifu”** Bisobanuye ko ibiba biba byararemwe na Allah, kandi bikaba ku igeno rye n’ubushake bwe, nta cyaba kidakurikije gahunda ye.

وَنَحْنُ مُؤْمِنُونَ بِذَلِكَ كُلِّهِ، وَلَا نُفَرِّقُ بَيْنَ أَحَدٍ مِنْ رُسُلِهِ، وَنُصَدِّقُهُمْ كُلَّهُمْ عَلَىٰ مَا جَاءُوا بِهِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera ibyo byose, ndetse ntiturobanura mu ntumwa ze, duhamya ko zose ibyo zigishije byari ukuri.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

¹ Yakiriwe na Muslim.

Aha umwanditsi yashatse gushimangira ibyo yavuze mu masomo yabanje, ubwo yavugaga ku bijyanye n’intumwa z’Imana kandi ko umwemeramana agomba kuzemera atazivanguye, nkuko bishimangirwa n’imirongo itandukanye ya Qur’an nkaho Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ءَأَمِنَ الرَّسُولُ بِمَا أُنزِلَ إِلَيْهِ مِنْ رَبِّهِ وَالْمُؤْمِنُونَ كُلٌّ ءَأَمَنَ بِاللَّهِ وَمَلَائِكَتِهِ وَكُتُبِهِ وَرُسُلِهِ لَا نُفَرِّقُ بَيْنَ أَحَدٍ مِّنْ رُّسُلِهِ ...﴾ ﴿٢٨٥﴾ البقرة: ٢٨٥

“Intumwa (Muhamadi) yemeye ibyo yahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wayo ndetse n’abemera (barabyemeye). Buri wese yemeye Allah, abamalayika be, ibitabo bye n’intumwa ze; (bavuga bati) “Nta n’imwe turobanura mu ntumwa ze...”¹”

Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ الَّذِينَ يَكْفُرُونَ بِاللَّهِ وَرُسُلِهِ وَيُرِيدُونَ أَنْ يُفَرِّقُوا بَيْنَ اللَّهِ وَرُسُلِهِ وَيَقُولُونَ نُؤْمِنُ بِبَعْضٍ وَنَكْفُرُ بِبَعْضٍ وَيُرِيدُونَ أَنْ يَتَّخِذُوا بَيْنَ ذَلِكَ سَبِيلًا﴾ ﴿١٥٠﴾ أُولَئِكَ هُمُ الْكٰفِرُونَ حَقًّا وَأَعْتَدْنَا لِلْكَٰفِرِينَ عَذَابًا مُّهِينًا﴾ ﴿١٥١﴾ النساء: ١٥٠ - ١٥١

“Mu by’ukuri, babandi bahakana Allah n’intumwa ze, bakanashaka gutandukanya Allah n’intumwa ze, bavuga bati: “Twemera zimwe tugahakana izindi, bagashaka kugira inzira yo hagati no hagati (itari iy’ukwemera cyangwa iya gihakanyi). Abo ni bo bahakanyi nyabo, kandi twateguriye abahakanyi ibihano bisuzuguzi.”²”

Nkuko twemera Intumwa zose ntayo turobanuye, ni nkuko tunemera ibyo zaje zigisha zibikuye ku Mana. Bityo rero uwemera ibya zimwe agahakana iby’izindi, uwo aba ahakanye ntacyo ukwemera kwe kwamumarira. Nanone uhinyuje Intumwa imwe mu ntumwa z’Imana ni nkaho aba ahinyuje zose, nko kuba

¹ Qur’an 2:285

² Qur’an 4: 150-151

yavuga ati: Nemera Muhamad ariko sinemera Issa icyo gihe aba ahakanye.

Nanone uwemeye Intumwa runaka ariko akagira ibyo ahakana mu byo yigishije aba ahakanye, uko kwemera kwe ntacyo kuba kumumariye, urugero: Umuntu aramutse avuze ati: Nemera Intumwa y’Imana Muhamad ariko hari imwe mu mirongo ya Qur’an ntemera icyo gihe aba ahakanye kuko ategetswe kwemera Muhamad ndetse n’ibyo yigishije byose.

حكم مرتكب الكبيرة في الآخرة

Umuyisilamu wakoze ibyaha bikuru ku isi, itegeko rizamureba ku munsu w’imperuka.

وَأَهْلُ الْكِبَائِرِ مِنْ أُمَّةِ مُحَمَّدٍ ﷺ فِي النَّارِ لَا يُخَلَّدُونَ؛ إِذَا مَاتُوا وَهُمْ مُوَحَّدُونَ، وَإِنْ لَمْ يَكُونُوا تَائِبِينَ، بَعْدَ أَنْ لَقُوا اللَّهَ عَارِفِينَ مُؤْمِنِينَ، وَهُمْ فِي مَشِيئَتِهِ وَحُكْمِهِ، إِنْ شَاءَ عَفَرَ لَهُمْ وَعَفَا عَنْهُمْ بِقَضَائِهِ؛ كَمَا قَالَ تَعَالَى فِي كِتَابِهِ: (وَيَعْفِرُ مَا دُونَ ذَلِكَ لِمَنْ يَشَاءُ) النساء: ٤٨، وَإِنْ شَاءَ عَذَّبَهُمْ فِي النَّارِ بِقَدْرِ جِنَايَتِهِمْ بَعْدَ ذَلِكَ، ثُمَّ يُخْرِجُهُمْ مِنْهَا بِرَحْمَتِهِ، وَشَفَاعَةِ الشَّافِعِينَ مِنْ أَهْلِ طَاعَتِهِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera ko abakoze ibyaha bikuru mu bayoboke b’Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha), ko ku munsu w’imperuka (Allah naramuka abahanishije kujya mu muriro) batazawubamo ubuziraherezo, nibaramuka bapfuye baremeje ko ukwiye gusengwa mu kuri ari umwe Allah (ari abemera cyangwa abayisilamu), kabone

n'iyu baba bataricujije, nyuma yuko bahuye n'Imana bayizi kandi barayemeye. Kandi bazaba bari hagati y'ubushake bwayo n'itegeko ryayo, nibishaka izabababarira ku bw'ubugiraneza bwayo (ntibahane) nk'uko **Allah** abishimangira mu gitabo cye gitagatifu aho agira ati: “...*Ahubwo ababarira ibindi bitari icyo (cyo kuyibangikanya) k'uwo ashaka.*” Qur'an 4:48. Ndetse ninabishaka ku bw'ubutabera bwayo izabahanisha umuriro bingana n'ibyaha byabo bakoze, hanyuma ku bw'impuhwe zayo no ku bwo gutakamba kw'abazatakamba mu bantu bumviraga Imana bazatakamba ku muni w'imperuka izawubakuremo.

Ibisobanuro mu buryo burambuye

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “**Twemera ko abakoze ibyaha bikuru mu bayoboke b'Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).**” Ibyaha bikuru ni ibyaha bitari ibangikanyamana (*Shiriki*) n'ubuhakanyi (*Kufru*), ariko nanone ntibibe ibyaha bito. Ikikumenyeshya icyaha gikuru ni buri cyaha cyagenewe igihano mu mategeko ya Kisilamu, cyangwa cyavuzwe muri Qur'an ko uzagikora azagerwaho n'uburakari bw'Imana cyangwa umuvumo we, cyangwa guhanishwa umuriro, cyangwa se Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu nyigisho zayo ikaba yaravuze ko yitandukanyije n'umuntu ukora igikorwa nk'icyo. Icyo cyaha nicyo twita mu mategeko y'idini *Gikuru (Kabirat)*. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنْ تَجْتَنِبُوا كَبَائِرَ مَا تُنْهَوْنَ عَنْهُ نُكَفِّرْ عَنْكُمْ سَيِّئَاتِكُمْ وَنُدْخِلْكُمْ مُدْخَلًا كَرِيمًا﴾ النساء: ٣١

“Nimwirinda ibyaha bikomeye (bikuru) mubujijwe gukora, tuzabababarira ibyaha byanyu byoroheje (bito), tunabinjize mu irembo ryubahitse (*Ijuru*)”¹

¹ Qur'an 4:31

Nyir'ugukora icyaha nk'iki rero ntabwo kugikora kwe bimwambura ukwemera, ariko birakugabanya cyangwa se akitwa inkozi y'ibibi.

Kuri ibi tuvuze amatsinda ya Kisilamu yabitandukanyeho mu buryo butatu:

1) *Al Khawaridj* ndetse na *Al Mu'utazilat* bavuga ko umuyisilamu ukoze icyaha gikuru aba avuye mu buyisilamu, bakaba babona ko aba abaye umuhakanyi. Naho *Al Mu'utazilat* bo babona ko ataba abaye umuhakanyi ahubwo aba ari hagati no hagati [hagati yo kwemera no guhakana], ariko kuri bo ntabwo aba akiri umuyisilamu!

2) *Al Mur'dji-at* bo bavuga ko umuyisilamu ukoze icyaha gikuru aba akiri umwemeramana wuzuye, igihe cyose agifite ukwemera mu mutima we nk'uko abenshi muri bo babivuga, abacye muri bo bakongeraho ko agomba kubyatura ku rulimi rwe, bakabona ko icyaha yakora ntaho gihuriye n'ukwemera afite!

3) Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama'at*) nibo bavuga imvugo yo hagati y'ukuri, bakavuga ko umuyisilamu ukoze icyaha gikuru kitarimo ibangikanyamana (*Shiriki*) aba ari umwemera ukwemera kutuzuye ariko atari umuhakanyi.

Ibi umuyisilamu by'umwihariko ushaka ubumenyi biba ari ngombwa ko abimenya, kuko hari benshi mu bayisilamu batekereza cyangwa se banemera nk'aba twavuze hejuru mu rwego rwo guhishira ibyaha byabo, ndetse no kwiyoberanya!

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Nyuma yuko bahuye n’Imana bayizi kandi barayemeye.”** Aha umwanditsi yagaragaje ko umuntu uzagera imbere y'Imana afite ibi bintu bibiri ari byo kumenya Imana no kuyemera, azakiranuka n'umuriro.

Ariko ikintu gikomeye muri ibi ni ukwemera Imana, naho kuba umuntu yamenya Imana ariko ntayemere ndetse ntanakore ibyo yamusabye ibyo ntacyo bizamumarira.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“No ku bwo gutakamba kw'abazatakamba mu bantu bumviraga Imana bazatakamba ku munsu w'imperuka izawubakuremo...”** Ibijyanye no gutakamba (*Shafa-a*) twarabibonye mu masomo yabanje avuga ibizabaho ku munsu w'imperuka.

نُمَّ يَبْعَثُهُمْ إِلَىٰ جَنَّتِهِ؛ وَذَلِكَ بِأَنَّ اللَّهَ تَعَالَىٰ تَوَلَّىٰ أَهْلَ مَعْرِفَتِهِ، وَلَمْ يَجْعَلْهُمْ فِي الدَّارَيْنِ كَأَهْلِ
نُكْرَتِهِ الَّذِينَ خَابُوا مِنْ هِدَايَتِهِ وَلَمْ يَنَالُوا مِنْ وِلَايَتِهِ. اللَّهُمَّ يَا وَلِيَّ الْإِسْلَامِ وَأَهْلِيهِ ثَبِّتْنَا عَلَى
الْإِسْلَامِ حَتَّىٰ نَلْقَاكَ بِهِ

Hanyuma Imana izabazura ibinjize mu ijuru ryayo, kubera ko Allah yakunze abamumenye bakanamwemera, kandi akaba atarigeze abafata kimwe nk'abamuhakanye, haba mu buzima bw'isi n'ubwo ku munsu w'imperuka, kuko bo bahombye ntibayoboka inzira imugana, nta n'ubwo bigeze babona ku rukundo rwe. Mana Nyagasani, Mukunzi w'idini y'ubuyisilamu n'abayisilamu, duhe kurishikamaho kugeza ubwo tuzahura nawe tukiriraho (Amina).

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Hanyuma Imana izabazura ibinjize mu ijuru ryayo.”** Aha umwanditsi nyuma y'uko agaragaje ko hari bamwe mu bemera bashobora guhanwa bakinjizwa mu muriro kubera ibyaha bazaba barakoze bitari ibangikanyamana cyangwa se ubuhakanyi, nyuma bazawukurwamo nk'uko byashimangiwe muri Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ko ubwo bazasohorwa

mu muriro bazaba banuka uruhira babaye amakara, hanyuma bazajugunywa mu mugezi witwa Umugezi w’ubuzima (*Nahrul Hayat*), bongere bagarure umubiri, nibamara gusukuka nibwo bazemererwa kwinjira mu ijuru.¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Kubera ko Allah yakunze abamumenye bakanamwemera, kandi akaba atarigeze abafata kimwe nk’abamuhakanye haba mu buzima bw’isi n’ubwo ku munsu w’imperuka.”** Twamaze kubona ko Allah adafata kimwe abamwemeye n’abamuhakanye, abamwumviye n’abamwigometseho, haba mu buzima bwa hano ku isi no mu buzima bwo ku munsu w’imperuka, ahubwo buri wese azamuhemba cyangwa amuhane akurikije ibikorwa bye.

Allah aragira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿أَمْ نَجْعَلُ الَّذِينَ ءَامَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ كَالْمُفْسِدِينَ فِي الْأَرْضِ أَمْ نَجْعَلُ الْمُتَّقِينَ كَالْفُجَّارِ﴾﴾

ص: ٢٨

“Ese abemeye bakanakora ibikorwa byiza twabafata kimwe n’abangizi ku isi? Cyangwa se ngo dufate kimwe abatinya Imana n’inkozi z’ibibi?”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Mana Nyagasani, Mukunzi w’idini y’ubuyisilamu n’abayisilamu, duhe kurishikamaho kugeza ubwo tuzahura nawe tukiririho (Amina).”**

Ubwo umwanditsi yari akimara kugaragaza ibyerekeye imyemerere, yasabye Allah kumuha gushikama kugira ngo nawe atazirara akisanga ari hamwe n’abayobye. Ibi ni kimwe mu bugenge bw’uyu mwanditsi no kwicisha bugufi kwe, kuko umuntu n’ubwo yaba ari umumenyi aba akwiye kugira

¹ Bukhari (5060), Muslim (184, na 185).

² Qur’an 38: 28

impungenge z’iherezo rye ntiyirare. Kuko hari ubwo iherezo rye ryagera ari mu bayobye, cyangwa se abahakanye Imana. Kuko ntiyaba mwiza kuruta Intumwa y’Imana Ibrahim (Imana imuhundagazeho amahoro n’imigisha) yo yasabye Imana igira iti:

﴿ قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَإِذْ قَالَ إِبْرَاهِيمُ رَبِّ اجْعَلْ هَذَا الْبَلَدَ آمِنًا وَاجْنُبْنِي وَبَنِيَّ أَنْ نَعْبُدَ الْأَصْنَامَ ﴿٣٥﴾ ﴾

إبراهيم: ٣٥

“...Nyagasani wanjye! Ha uyu mujyi (wa Maka) amahoro n’umutekano, unandinde njye n’abana banjye kuba twagaragira ibigirwamana¹.”

Bityo rero ni ngombwa kuri buri muyisilamu gusaba Allah ko azamuha iherezo ryiza, no gushikama ku idini ry’ubuyisilamu, nk’uko Allah abidushishikariza anabishimangira nk’aho agira ati:

﴿ قَالَ تَعَالَى: ﴿ يَا أَيُّهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا اتَّقُوا اللَّهَ حَقَّ تَقَاتِهِ وَلَا تَموتُنَّ إِلَّا وَأَنْتُمْ مُسْلِمُونَ ﴿١٠٢﴾ ﴾ آل عمران: ١٠٢

“Yemwe abemeye! Nimutinye Allah uko akwiye gutinywa, kandi ntumuzapfe mutari abayisilamu (nyakuri).”²

الصَّلَاةَ خَلْفَ كُلِّ بَرٍّ وَفَاجِرٍ مِنَ الْمُسْلِمِينَ.

(Biremewe) gukorera isengesho inyuma y’ukora ibikorwa byiza cyangwa ibibi mu bayisilamu.

وَرَرَى الصَّلَاةَ خَلْفَ كُلِّ بَرٍّ وَفَاجِرٍ مِنْ أَهْلِ الْقِبْلَةِ، وَعَلَى مَنْ مَاتَ مِنْهُمْ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at)] twemera ko gusengera (Swalat) inyuma

¹ Qur’an 14: 35

² Qur’an 3:102

y’ukora ibikorwa byiza cyangwa ibibi igihe ari umwe mu bo dusenga twerekeye mu cyerekezo kimwe (Umuyisilamu) byemewe. Kandi tukanemera ko byemewe gukorera isengesho ry’uwapfuye, uwapfa muri bo.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umuyisilamu ategetswe gukorera isengesho inyuma y’uwo ari we wese w’umuyisilamu kabone n’ubwo yaba arangwa na bimwe mu bikorwa bibi, iyo ataranyuranya n’imyemerere ya Isilamu, nk’uko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yabishimangiye ubwo yabazwaga ku bantu bashobora kuyobora abandi mu isengesho, kandi barangwa n’ibikorwa bibi irasubiza iti:

وفي صحيح البخاري عن أبي هريرة أن رسول الله ﷺ قال: يصلون لكم، فإن أصابوا
فلكم، وإن أخطأوا فلكم وعليهم.

“Muje mubareka babasengeshe, nibatunganya ibigendanye n’rya sengesho bazajya babihemberwa namwe mubihemberwe, ariko nibagira ibyo badatunganya muri ryo, mwe muzajya murihemberwa maze babe aribo bahanwa.¹”

Nanone abasangirangendo b’Intumwa y’Imana nka Abdullah Ibum Umar na Anas Ibum Malik (Allah abishimire) bajyaga basengera inyuma ya Hadjadj Ibum Yusuf A-Thaqafiy kandi yari inkozi y’ibibi ndetse n’umunyamahugu.

Naho ku bigendanye no gusengera uwapfuye muri bo, bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Ibum Umar (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti:

¹ Yakiriwe na Bukhari

وَعَنِ ابْنِ عُمَرَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمَا قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ «صَلُّوا عَلَيَّ مَنْ قَالَ لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ، وَصَلُّوا خَلْفَ مَنْ قَالَ لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ» رَوَاهُ الدَّارِقُطْنِيُّ بِإِسْنَادٍ ضَعِيفٍ.

“Muzasengere isengesho ry’uwapfuye uwavuze LA ILAHA ILA LLAH (Nta yindi Mana ikwiye gusengwa by’ukuri uretse Imana imwe rukumbi), kandi muzasengere inyuma y’uwavuze LA ILAHA ILA LLAH.¹”

N’ubwo bwose iyi hadithi ifite inenge nkuko bigaragara, ariko igisobanuro cyayo ni ukuri ndetse n’icyo ishaka kugaragaza nacyo ni ukuri, nk’uko byagaragaye mu zindi gihamya z’impamo.

Ikindi nuko ikigamijwe mu gusabira uwapfuye ari ukumusabira imbabazi ku Mana. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَاعْلَمْ أَنَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ وَاسْتَغْفِرْ لِذَنْبِكَ وَلِلْمُؤْمِنِينَ وَالْمُؤْمِنَاتِ ...﴾ ١٩ محمد: ١٩

“Bityo, (yewe Muhamadi) menya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by’ukuri uretse Allah, unasabe imbabazi z’ibyaha byawe, ndetse (n’ibyaha) by’abemera n’abemerakazi...”²

Ubwo rero kwanga gusengera inyuma y’umuyisilamu witwaje ko hari ibikorwa bibi bimuranga, igihe atari ibangikanyamana cyangwa ubuhakanyi butomoye. Iyo ni imyitwarire y’abantu b’abanyibihimbano no gushaka gucamo abayisilamu ibice.

Ibi byirindwa mu rwego rwo kwirinda kuvuga ko umuntu yahakanye, kubera gukora icyaha no kwirinda gucamo abayisilamu ibice, ariko hari igihe umuntu ashobora kwanga gusarira inyuma y’umuntu w’inkozi y’ibibi bitari uko yamukuye mu idini ya Isilamu, atanagamije gucamo abayisilamu ibice no kubagumura igihe bifite inyungu kandi nta n’ingaruka byateza, ahubwo ari ukugira ngo bitume uriya ukora ibibi yisubiraho.

¹ Yakiriwe na A-Daraqatw’ni mu ruhererekane rurimo inenge

² Qur’an 47:19

Urugero umuntu ashobora kuba aturanye n’imisigiti ibiri, umusigiti umwe usengeshwamo n’umuntu urangwa n’ibikorwa bibi, undi usengeshwamo n’umuntu urangwa n’ibikorwa byiza, biremewe kujya gusarira ku musigiti usengeshwamo n’umuntu ukora ibikorwa byiza uriya ukawureka, hari igihe abimenya akisubiraho akareka ibyo bikorwa bibi. Allah niwe mumenyi uhebuje.

وَلَا يُشْهَدُ لِمَعِينٍ مِنْ أَهْلِ الْقِبْلَةِ بَجَنَّةٍ وَلَا نَارٍ إِلَّا بِحُجَّةٍ

Ntawe duhamiriza ku giti cye ko ari uwo mu ijuru cyangwa mu muriro mu bantu dusenga twerekeye mu cyerekezo kimwe (umuyisilamu), keretse tubifitiye gihamya.

وَلَا تُنَزَّلُ أَحَدًا مِنْهُمْ جَنَّةً وَلَا نَارًا، وَلَا تُشْهَدُ عَلَيْهِمْ بِكُفْرٍ، وَلَا بِشِرْكٍ، وَلَا بِنِفَاقٍ، مَا لَمْ يَظْهَرُ مِنْهُمْ شَيْءٌ مِنْ ذَلِكَ، وَنَدَّرُ سَرَائِرَهُمْ إِلَى اللَّهِ تَعَالَى.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at)] ntawe ducira iteka (mu bayisilamu) ko ari uwo mu ijuru cyangwa uwo mu muriro, nta n’abo duhamya ko ari abahakanyi cyangwa ababangikanyamana, cyangwa indyarya igihe bitabagaragayeho. Kandi ibyabo by’amabanga tubiharira Imana.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Icyo umwanditsi yashatse kugaragaza hano nuko bitemewe kugira uwo umuntu acira iteka mu bayisilamu ko ari uwo mu ijuru, kubera uburyo ari umukiranutsi, cyangwa hagire uwo acira

iteka ko ari uwo mu muriro, kubera gukora ibyaha runaka. Kubera ko ubumenyi bwaho bazerekezwa buzwi n’Imana yonyine.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَا تَقْفُ مَا لَيْسَ لَكَ بِهِ عِلْمٌ إِنَّ السَّمْعَ وَالْبَصَرَ وَالْفُؤَادَ كُلُّ أُولَئِكَ كَانَ عَنْهُ مَسْئُولًا﴾
الإسراء: ٣٦

“Ntukanakurikire ibyo udafitiye ubumenyi, kuko mu by’ukuri, amatwi, amaso n’umutima, ibyo byose bizabazwa.”¹

Bisobanuye ko hagize uvuga aho umuyisilamu runaka azerekezwa haba mu ijuru cyangwa mu muriro nyuma yo kuzurwa, yaba avuze ibyo adafitiye ubumenyi.

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَأَيُّهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا اجْتَنِبُوا كَثِيرًا مِّنَ الظَّنِّ إِنَّ بَعْضَ الظَّنِّ إِثْمٌ...﴾
الحجرات: ١٢

“Yemwe abemeye! Mujye mwirinda kenshi gukeka (bagenzi banyu); kuko rimwe na rimwe gukeka ari icyaha...”²

Ubwo nabyo bisobanuye ko hagize uvuga aho umuyisilamu runaka azerekezwa haba mu ijuru cyangwa mu muriro nyuma yo kuzurwa, yaba avuze ibyo akeka, kandi gukeka mu byo udafitiye ubumenyi ni icyaha.

Naho ku bijyanye no kugira uhamirizwa mu bayisilamu ko ari uwo mu ijuru, abamenyi babivuzeho imvugo eshatu:

Iya mbere: Hari abavuga ko bitemewe kugira uwo ari we wese wahamirizwa ko ari uwo mu ijuru, keretse intumwa n’abahanuzi.

Iya kabiri: Bo bavuga ko byemewe guhamiriza umuyisilamu ko ari uwo mu ijuru iyo ari umwemeramana, kandi hakaba hari

¹ Qur’an 17:36

² Qur’an 49:12

gihamya ibishimangira ko ari uwo mu ijuru koko! Nk’abasangirangendo icumi bahawe inkuru nziza ko ari abo mu ijuru bakiri ku isi, na Hassan na Hussein na Thabit Ibun Qay’si Ibun Shamas n’abasangirangendo barwanye urugamba rwa *Badri*, n’abitabiriye *Bay’atu A-Ridw’wan* n’abandi. Kuko bo iyo umuntu abivuze ntabwo aba akekeranya, kuko byavuzwe n’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) kandi ibyo ivuga aba ari impamo.

Iya gatatu: Bo bavuga ko abavuzwe mu mvugo ebyiri zabanje bahamirizwa ijuru, bakanongeraho abo abemeramana batangira ubuhamya bw’uko ari abo mu ijuru, kubera ko baranzwe no kwemera Imana imwe, ndetse no gukora ibikorwa byiza. Nkuko bigaragara muri Hadith igira iti:

عن أنس رضي الله عنه قال : مرُّوا بِمَجَنَّاوَةَ ، فَأَثَنُوا عَلَيْهَا خَيْرًا فَقَالَ النَّبِيُّ ﷺ : « وَجَبَتْ » ، ثم مرُّوا بِأُخْرَى ، فَأَثَنُوا عَلَيْهَا شَرًّا ، فَقَالَ النَّبِيُّ ﷺ : « وَجَبَتْ » فَقَالَ عُمَرُ ابْنُ الْخَطَّابِ رضي الله عنه : ما وَجَبَتْ ؟ قَالَ : « هَذَا أَثْنَيْتُمْ عَلَيْهِ خَيْرًا ، فَوَجَبَتْ لَهُ الْجَنَّةُ ، وَهَذَا أَثْنَيْتُمْ عَلَيْهِ شَرًّا ، فَوَجَبَتْ لَهُ النَّارُ ، أَنْتُمْ شُهَدَاءُ اللَّهِ فِي الْأَرْضِ ». متفقٌ عليه.

Hadithi yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati: Hanyuze umurambo abantu bawuvuga ibyiza, Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) iravuga iti: “Biramukwiye.” Hanyuma hanyura undi murambo bawuvugaho ibibi, Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) iravuga iti: “Biramukwiye”. Umar Ibun Al Khatwabi (Imana imwishimire) aravuga ati: “Ni ibicyi bimukwiye?” Intumwa iramubwira iti: “Uyu mwamuvuzeho ibyiza, rero birakwiye ko ajya mu ijuru, naho uriya mumuvugaho ibibi, rero birakwiye ko ajya mu muriro, kandi mwebwe muri abahamya b’Imana ku isi.”¹

¹ Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.

Ikindi twavuga nuko ikibujijwe ari ugucira iteka umuntu ku giti cye. Naho iyo ari itsinda ry’abantu runaka bafite ibyo bahuriyeho nk’abahakanyi, abadasari, abanyabihimbano ndetse n’abandi batemeye Imana nkuko bikwiye, biremewe kubacira iteka ko ari abo mu muriro. Nkuko Allah yagiye abigaragaza muri Qur’an nk’aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَالَّذِينَ كَفَرُوا وَكَذَّبُوا بِآيَاتِنَا أُولَٰئِكَ أَصْحَابُ النَّارِ هُمْ فِيهَا خَالِدُونَ ﴿٣٩﴾ البقرة: ٣٩

“Naho babandi bahakanye bakanahinyura ibimenyetso byacu (amagambo, inyigisho n’ubuhanuzi), abo ni abo mu muriro. Bazawubamo ubuziraherezo.”¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مَا كَانَ لِلْمُشْرِكِينَ أَنْ يَعْمُرُوا مَسْجِدَ اللَّهِ شَاهِدِينَ عَلَىٰ أَنْفُسِهِمْ بِالْكُفْرِ أُولَٰئِكَ حَبِطَتْ أَعْمَالُهُمْ فِي النَّارِ هُمْ خَالِدُونَ ﴿١٧﴾ التوبة: ١٧

“Ntibyari kuba bikwiye ko Ababangikanyamana bita ku misigiti ya Allah, kandi ubwabo bihamya ubuhakanyi. Abo ibikorwa byabo byabaye impfabusa, kandi mu muriro ni ho bazaba ubuziraherezo.”²

Nkuko byemewe kuvuga ko abantu runaka bahuriye mu tsinda ry’abakora ibyiza ari abo mu ijuru, nk’abemeramana, abarangwa n’ukuri muri bo, abaharaniye inzira y’Imana muri bo, n’abandi utavuze umuntu ku giti cye.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَالَّذِينَ ءَامَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ أُولَٰئِكَ أَصْحَابُ الْجَنَّةِ هُمْ فِيهَا خَالِدُونَ ﴿٨٢﴾ البقرة: ٨٢

¹ Qur’an 2:39

² Qur’an 9:17

“Na babandi bemeye bakanakora ibikorwa bitunganye; abo ni abantu bo mu ijuru, bazaribamo ubuziraherezo.”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**Nta n’abo duhamya ko ari abahakanyi cyangwa ababangikanyamana, cyangwa indyarya igihe bitabagaragayeho.**” Aha umwanditsi yashatse kwibutsa uwo dusenga twerekeye mu cyerekezo kimwe (Umuyisilamu) ko udahamya ko ari umuhakanyi cyangwa se indyarya cyangwa se umubangikanyamana igihe nta gihamya ibigaragaza, nkuko umwanditsi yabigaragaje mu byigwa byabanje, akagaragaza amategeko n’amabwiriza akurikizwa kugira ngo umuyisilamu yitwe umuhakanyi cyangwa izindi nyito mbi isilamu yarwanyije.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Kandi ibyabo by’amabanga tubiharira Imana.**” Umwanditsi yabuzaga abantu kwivanga mu mabanga y’abandi babakeka, maze bakabita inyito mbi Isilamu yarwanyije. Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze muri Hadithi yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) igira iti:

وعن ابن عمر رضي الله عنهما قال: قال رسول الله ﷺ: «أُمِرْتُ أَنْ أَقَاتِلَ النَّاسَ حَتَّى يَشْهَدُوا أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ وَأَنَّ مُحَمَّدًا رَسُولُ اللَّهِ ﷺ، وَيُقِيمُوا الصَّلَاةَ، وَيُؤْتُوا الزَّكَاةَ، فَإِذَا فَعَلُوا ذَلِكَ عَصَمُوا مِنِّي دِمَاءَهُمْ وَأَمْوَالَهُمْ إِلَّا بَحْقَ الْإِسْلَامِ، وَحَسَابُهُمْ عَلَى اللَّهِ « متفقٌ عليه .

“Nategetswe kurwanya abantu kugeza bahamije ko nta yindi Mana ikwiye gusengwa by’ukuri usibye Imana imwe rukumbi (Allah), ndetse bakanahamya ko Muhamad ari intumwa y’Imana, bagahozaho amasengesho, bakanatanga amaturo. Nibaramuka bakoze ibyo, amaraso yabo n’imitungo yabo bizaba biziririjwe kuri

¹ Qur’an 2:83

njye kubikoraho uretse igihe hari ukuri kwa Isilamu barengereye, hanyuma ibarura ryabo rikazaba ku Mana.”¹

Iyi Hadithi iragaragaza ko iyo umuntu yavuze ubuhamya bubiri bumwinjiza mu buyisilamu (*Shahadatayni*), akanubahiriza amategeko ya Isilamu, biba ari ikizira kumukura mu idini, cyangwa kumwita inyito zimukura mu idini, Isilamu yagiye iziririza kwitana nta gihamya.

عصمة دماء المسلمين

Kumena amaraso y’abayisilamu ni ikizira.

وَلَا تَرَى السَّيْفَ عَلَى أَحَدٍ مِنْ أُمَّةٍ مُحَمَّدٍ ﷺ إِلَّا مَنْ وَجَبَ عَلَيْهِ السَّيْفُ

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) nta n’umwe turwanya mu bayoboke b’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) keretse uwo byabaye itegeko ko arwanywa.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) ntitwemera ko hari umuyisilamu wicwa cyangwa ngo arwanywe, keretse igihe yagaragaweho n’imwe mu mpamvu zatuma arwanywa cyangwa yicwa. Bishimangirwa na Hadith y’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaturutse kwa Ibun Mas'uud (Imana imwishimire) yaravuze iti:

¹ Yakiriwe na Bukhari na Muslim.

عَنِ ابْنِ مَسْعُودٍ رَضِيَ اللَّهُ تَعَالَى عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: «لَا يَجِلُّ دَمُ امْرِئٍ مُسْلِمٍ يَشْهَدُ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ وَأَنَّ رَسُولَ اللَّهِ ﷺ إِلَّا يَأْخُذَ ثَلَاثًا: الثَّيْبَ الرَّانِي، وَالتَّفْسَ بِالتَّفْسِ، وَالتَّارِكَ لِدِينِهِ الْمُفَارِقِ لِلْجَمَاعَةِ» مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

“Ntibyemewe kwica umuyisilamu uhamya ko nta yindi Mana ikwiye gusengwa by’ukuri uretse Allah, akanahamya ko nanjye ndi Intumwa y’Imana cyeretse abaye umwe muri aba batatu: Umuntu usambana kandi yararongoye cyangwa yararongowe, uwishe umuntu (w’inzirakarengane), n’uwavuye mu idini akitandukanya n’imbaga y’abayisilamu.¹”

Iyi hadithi itanze zimwe mu ngero z’abayisilamu bicwa cyangwa barwanywa ariko si zose, kuko hari n’abandi batavuzwemo nk’abambuzi b’abantu mu mayira ndetse n’abandi.

Ikindi twakibutsa nuko ibihano birebana n’aba bantu bicwa bikorwa n’ubuyobozi bubishinzwe, ntabwo ari buri muntu ubishyira mu bikorwa.

Ikindi kandi nuko iyi mvugo y’Intumwa y’Imana isubiza agatsiko k’abitwa *Al Khawaridj*, kica abayisilamu bavuze ijamba *LA ILAHA ILA LLAH*, kubera ko kavuga ko umuyisilamu waguye mu byaha bikuru aba atakiri umuyisilamu agomba kucwa. Allah niwe mumenyi uhebuje.

¹ Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim

وجوب طاعة ولاة الأمر وعدم الخروج عليهم

Kumvira abayobozi b'abayisilamu no kutabigomekaho ni itegeko.

وَلَا تَرَى الْخُرُوجَ عَلَىٰ أَيْمَتِنَا وَوُلَاةِ أُمُورِنَا وَإِنْ جَارُوا، وَلَا تَدْعُو عَلَيْهِمْ، وَلَا تَنْزِعُ يَدًا مِنْ طَاعَتِهِمْ،
وَتَرَى طَاعَتَهُمْ مِنْ طَاعَةِ اللَّهِ عَزَّ وَجَلَّ فَرِيضَةً؛ مَا لَمْ يَأْمُرُوا بِمَعْصِيَةٍ، وَتَدْعُو لَهُمْ بِالصَّلَاحِ وَالْمُعَافَاةِ

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at)] ntitwemera kwigomeka ku bayobozi b'abayisilamu kabone n'ubwo baba ari abanyamahugu, nta n'ubwo tubasabira ibibi, ndetse nta n'ubwo tureka kubumvira. Kandi twemera ko kubumvira ari itegeko bikaba biri no mu kumvira Imana, igihe cyose badategetse kugomera **Allah, kandi tunabasabira gutungana no gukiranuka.**

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Mu misingi y'ukwemera kw'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at), nuko babona ko kubaha umuyobozi no kutamwigomekaho ari itegeko, nkuko **Allah** abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَا أَيُّهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا أَطِيعُوا اللَّهَ وَأَطِيعُوا الرَّسُولَ وَأُولِي الْأَمْرِ مِنْكُمْ...﴾ النساء: ٥٩

“Yemwe abemeye! Nimwumvire **Allah**, munumvire intumwa n'abayobozi muri mwe...¹”

¹ Qur'an 4:59

Bikanashimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

عن أبي هريرة رضي الله عنه أن رسول الله ﷺ قال: (من أطاعني فقد أطاع الله، ومن يعصني فقد عصى الله، ومن يطع الأمير فقد أطاعني، ومن يعص الأمير فقد عصاني)؛ رواه مسلم.

“Uzanyumvira azaba yumviye **Allah**, kandi uzanyigomekaho azaba yigometse kuri **Allah**. N’uzumvira umuyobozi azaba anyumviye, kandi n’uzigomeka ku muyobozi azaba anyigometseho.¹”

Sheikh Al Isilamu Iibun Taymiyat (**Allah** amugirire impuhwe) yaravuze ati: Ntabwo abantu bazigera bigomeka ku muyobozi wabo usibye ko bazabaho nabi kuruta uko bariho mbere yo kumwigomekaho.

Na Sheikh Swaleh Al Fawzan (**Allah** amurinde) yaravuze ati: Kwigomeka ku buyobozi no ku burwanya bifite ingaruka nyinshi harimo: Gutatana kw’abayisilamu, guhungabana kw’umutekano wabo, no kuba ingaruzwamuheto z’abanzi babo, ndetse n’ibindi bibi byinshi bijyana na byo.

Umuyisilamu mwiza ategetswe kumvira umuyobozi no kutamwigomekaho kabone n’iyo uwo muyobozi yaba ari umunyamahugu, cyane cyane iyo adafite imbaraga zo kuba yahindura ayo mahugu, cyangwa se ngo amuvaneho, nk’uko bishimangirwa na zimwe mu mvugo z’Intumwa y’Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha); nka Hadithi dukomora kwa Ubadat Iibun Swamit (Imana imwishimire) aho agira ati:

¹ Yakiriwe na Bukhari na Muslim

فعن أبي الوليد عبادة بن الصامت ، قال: "بايعنا رسول الله ﷺ على السمع والطاعة في العسر واليسر، والمنشط والمكره، وعلى أثرة علينا، وعلى أن لا ننزع الأمر أهله إلا أن تروا كفراً بواحاً عندكم من الله تعالى فيه برهان..."

“Twahaye igihango Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ko tugomba kumva no kumvira umuyobozi, twaba twishimiye (iby’ akora) cyangwa se tutabyishimiye, byaba bitworoheye cyangwa se bitatworoheye, cyangwa se n’iyo yaba yaturenganyije. Kandi ko tutagomba kumwigomekaho keretse igihe twamubonyeho ubuhakanyi butomoye dufitiye gihamya.¹”

Bikanashimangirwa n’indi mvugo y’Intumwa y’Imana yaturutse kwa Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) igira iti:

وعن ابن عباس رضي الله عنه عن النبي ﷺ قال: "من كره من أميره شيئاً فليصبر، فإنه من خرج من السلطان شراً مات ميتة جاهلية" رواه البخاري.

“Uzabona ku muyobozi we icyo atishimiye azihangane, kuko uzitandukanya n’umuyobozi (w’abayisilamu) kabone n’iyo yaba ari intera y’ikiganza maze agapfa yaramwigometseho, uwo azaba apfuye urupfu rwa kijiji.²”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Nta n’ubwo tubasabira ibibi”** Aha yashakaga kugaragaza ko umuco wo gusabira umuyobozi ibibi n’imivumo udakwiye kuranga umuyisilamu, ahubwo icyo idini imusaba ni ukumugira inama aramutse amubonyeho igikorwa kitari cyiza, nkuko bishimangirwa n’imvugo y’Intumwa y’Imana yaturutse kwa Tamiim A-Dariyu (Imana imwishimire) igira iti: Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti:

¹ Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim

² Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim

وَعَنْ تَمِيمِ الدَّارِيِّ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: «الدِّينُ النَّصِيحَةُ» ثَلَاثًا، قُلْنَا: لِمَنْ هِيَ يَا رَسُولَ اللَّهِ قَالَ: «لِلَّهِ وَلِكِتَابِهِ وَلِرَسُولِهِ وَلِأُمَّةِ الْمُسْلِمِينَ وَعَامَّتِهِمْ» أَخْرَجَهُ مُسْلِمٌ.

“Idini ishingiyе ku kugirana inama.” Yabisubiyemo inshuro eshatu. Turayibaza duti: “Kuri nde yewe Ntumwa y’Imana?” Intumwa irasubiza iti: “Ku Mana, ku gitabo cyayo, ku Ntumwa yayo, ku bayobozi b’abayisilamu ndetse no ku bantu basanzwe.¹” Guha inama abayobozi ni ukubafasha mu kwimakaza ibyiza no kubumvira igihe babitegetse, no kubibutsa inshingano bafite ku bayoborwa harimo kubagirira impuhwe, no kugira ubutabera hagati yabo, bigakorana ubushishozi. Igihe hari icyo bateshutseho bagirwa inama mu bwitonzi kandi mu ibanga, umuntu yirinda kubandagaza, kandi agasarira inyuma yabo, akirinda gutandukana nabo igihe batarahakana mu buryo bweruye.

Ikindi nuko iyo abayoborwa bavuma abayobozi babo nabo baba babavuma nkuko bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Awufi Ibun Malik Al Ash’dja-iyi (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

وعن عوف بن مالك الأشجعي قال: سمعت رسول الله صلى الله عليه وسلم يقول: " خيار أئمتكم الذين تحبونهم و يحبونكم، و تصلون عليهم و يصلون عليكم، و شرار أئمتكم الذين تبغضونهم و يبغضونكم، و تلعنونهم و يلعنونكم... " رواه مسلم

“Abayobozi banyu beza ni babandi mukunda nabo bakabakunda, mukabasabira ibyiza nabo bakabibasabira. Naho abayobozi banyu babi ni babandi mwanga nabo bakabanga mukabasabira imivumo nabo bakayibasabira...²”

¹ Yakiriwe na Muslim

² Yakiriwe na Muslim

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Kandi twemera ko kubumvira ari itegeko bikaba biri no mu kumvira Imana, igihe cyose badategetse kugomera Allah.”** Kumvira abayobozi igihe bategetse ibyiza ni itegeko, kuko nabo baba bumviye Allah, niyo mpamvu dutegetswe kumvira Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) kuri buri kimwe yategetse, kuko yo itegeze itegeka ibibi, ariko abandi bategeka umuyisilamu aba ategetswe ku bumvira mu byiza kuko hari n’igihe bategeka ibibi, nkuko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yabivuze igira iti:

قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ "... إِنَّمَا الطَّاعَةُ فِي الْمَعْرُوفِ"

“Mu by’ukuri ukumvira kuba iyo hategetswe ibyiza.”¹

Naho ijambo rw’umwanditsi rigira riti: **“Kandi tunabasabira gutungana no gukiranuka.”** Gusabira umuyobozi gutungana no gukiranuka ni byiza kandi birahambaye kurusha uko umuntu yakisabira ubwe, kubera ko gutungana k’umuyobozi niko gutungana kw’abantu muri rusange.

Ni nayo mpamvu hari imvugo yitirirwa Imam Ahmad, ariko ikiri ukuri nk’uko byagaragajwe n’abamenyi benshi nuko yavuzwe na **Al Fudwayli Ibun Iyadwi** igira iti: Iyo nza kubwirwa ko hari ubusabe bwiza nasaba bukakirwa, nari kubusabira umuyobozi. Baramubaza bati: Kubera iki? Arabasubiza ati: Kubera ko iyo mbwisabiye ni nje bugarukaho gusa, ariko iyo mbusabiye umuyobozi agatungana, icyo gihe igihugu ndetse n’abo ayoboye baratungana.

¹ Hadithi yaturutse kwa Ally Ibun Abi Twalib yakirwa na Bukhari na Musilim

وجوب اتباع الكتاب والسنة وتجنب الشذوذ والفرقة.

Gukurikira Qur'an n'imigenzo y'Intumwa y'Imana (Sunat), no kwirinda kwitandukanya n'imbaga (y'abayisilamu) no gutatana, ni itegeko.

وَتَتَّبِعِ السُّنَّةَ وَالْجَمَاعَةَ، وَتَجْتَنِبِ الشُّذُوزَ، وَالْخِلَافَ، وَالْفُرْقَةَ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*)] dukurikira imigenzo y'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), ndetse tukaba hamwe n'imbaga y'abayisilamu, tukanirinda kwitandukanya n'ibyo imbaga y'abayisilamu yemeje, ndetse (tukanirinda) kutavuga rumwe no gutatana.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Dukurikira imigenzo y'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)”** Gukurikira imigenzo y'Intumwa y'Imana bishimangirwa na gihamya nyinshi za Qur'an, n'imbago z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri izo gihamya za Qur'an harimo aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَقَدْ كَانَ لَكُمْ فِي رَسُولِ اللَّهِ أُسْوَةٌ حَسَنَةٌ لِّمَن كَانَ يَرْجُوا اللَّهَ وَالْيَوْمَ الْآخِرَ وَذَكَرَ اللَّهَ
كَثِيرًا ﴿٢١﴾ الأَحْزَاب: ٢١

“Rwose mufite urugero rwiza mukomora ku ntumwa ya **Allah** (Muhamadi), ibyo ni kuri wawundi wizera **Allah** (akemera) n'umunsi w'imperuka, kandi agasingiza **Allah** kenshi.¹”

¹ Qur'an 33:21

Allah nanone aragira ati:

﴿... وَأَتَّبِعُوهُ لَعَلَّكُمْ تَهْتَدُونَ ﴿١٥٨﴾ الأعراف: ١٥٨﴾

“...munamukurikire (Muhamad) kugira ngo mubashe kuyoboka.”¹

Allah nanone aragira ati:

﴿قُلْ إِنْ كُنْتُمْ تُحِبُّونَ اللَّهَ فَاتَّبِعُونِي يُحْبِبْكُمُ اللَّهُ وَيَغْفِرْ لَكُمْ ذُنُوبَكُمْ وَاللَّهُ غَفُورٌ رَحِيمٌ﴾

﴿آل عمران: ٣١﴾

“Vuga (yewe Muhamadi) uti: "Niba koko mukunda Allah, nimunkurikire, Allah azabakunda, anabababarire ibyaha byanyu". Allah ni Ubararira ibyaha, Nyirimbabazi.”²

Naho gihamya zibishimangira mu mvugo z’Intumwa y’Imana harimo Hadithi yaturutse kwa Ir’badwu Ibun Sariyat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

وقد نص النبي ﷺ في حديث العرباض بن سارية حيث قال : عليكم بسنتي و سنة الخلفاء الراشدين المهديين من بعدي عضوا عليها بالنواجذ وإياكم و محدثات الأمور . الحديث

“Muzashikame ku migenzo yanjye, ndetse n’imigenzo y’abasigire banjye bayobotse bakanayobora abandi nyuma yanjye. Ibyo muzabifatishe amenyo y’ibijigo! Kandi muzirinde ibyaduka n’ibihimbano mu idini.”³

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Ndetse tukaba hamwe n’imbaga y’abayisilamu.”** Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama’at) bashishikarizwa kuba hamwe n’imbaga y’abayisilamu nkuko Allah agira ati:

¹ Qur’an 7:158

² Qur’an 3:31

³ Yakiriwe na Ahmad

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَنْ يُشَاقِقِ الرَّسُولَ مِنْ بَعْدِ مَا تَبَيَّنَ لَهُ الْهُدَىٰ وَيَتَّبِعْ غَيْرَ سَبِيلِ الْمُؤْمِنِينَ نُوَلِّهِ مَا تَوَلَّىٰ وَنُصَلِّهِ ۚ إِنَّهُمْ وَسَاءَتْ مَصِيرًا ﴿١١٥﴾ النساء: ١١٥

“N’uzanyuranya n’Intumwa (Muhamadi) nyuma y’uko agaragarirwa n’umuyoboro w’ukuri, agakurikira inzira itari iy’abemera; tuzamurekera mu byo yahisemo, ndetse tumwinjize mu muriro wa Jahanamu, kandi ni ryohereze ribi¹.”

Ikindi iyo havuzwe imbaga y’abayisilamu, haba hagamijwe Abasangirangendo b’Intumwa y’Imana n’ababakurikiye mu gukora ibyiza bigishijwe n’Intumwa y’Imana kuzageza ku munsu w’imperuka. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَالسَّابِقُونَ السَّابِقُونَ الْأُولُونَ مِنَ الْمُهَاجِرِينَ وَالْأَنْصَارِ وَالَّذِينَ اتَّبَعُوهُمْ بِإِحْسَانٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمْ وَرَضُوا عَنْهُ وَأَعَدَّ لَهُمْ جَنَّاتٍ تَجْرِي تَحْتِهَا الْأَنْهَارُ خَالِدِينَ فِيهَا أَبَدًا ذَلِكَ الْفَوْزُ الْعَظِيمُ ﴿١٠٠﴾ التوبة: ١٠٠

“Ababaye aba mbere (mu kuyoboka Isilamu) mu bimukira (bavuye i Maka bajya i Madina) n’abaturage b’i Madina (babakiriye), ndetse na babandi babakurikiye mu gukora ibyiza; Allah yarabishimiye, na bo baramwishimira. Yanabateguriye Ijuru ritembamo imigezi, bakazaribamo ubuzirahereze. Uko ni ugutsinda guhambaye.²”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“tukanirinda kwitandukanya n’ibyo imbaga y’abayisilamu yemeje, ndetse (tukanirinda) kutavuga rumwe no gutatana.”** Abagendera ku migendo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama’at) kandi birinda amacakubiri ndetse no gutatana bagatahiriza ku mugenzi umwe, ari wo Qur’an bakanahuriza ku migendo y’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha), nkuko Allah abishimangira agira ati:

¹ Qur’an 4:115

² Qur’an 9:100

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَأَنَّ هَذَا صِرَاطٌ مُسْتَقِيمًا فَاتَّبِعُوهُ وَلَا تَتَّبِعُوا السُّبُلَ فَتَفَرَّقَ بِكُمْ عَن سَبِيلِهِ ذَلِكُمْ وَصَّكُمْ بِهِ لَعَلَّكُمْ تَتَّقُونَ ﴿١٥٣﴾ الأنعام: ١٥٣

“Kandi mu by’ukuri, iyi ni yo nzira yanjye igororotse nimuyukurikire, muramenye ntimuzakurikire utundi tuyira tukazabatandukanya n’inzira ye. Ibyo yabibategetse kugira ngo mujye mutinya.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَأَعْتَصِمُوا بِحَبْلِ اللَّهِ جَمِيعًا وَلَا تَفَرَّقُوا ... ﴿١٠٣﴾ ... وَلَا تَكُونُوا كَالَّذِينَ تَفَرَّقُوا وَاخْتَلَفُوا مِنْ بَعْدِ مَا جَاءَهُمُ الْبَيِّنَاتُ وَأُولَئِكَ لَهُمْ عَذَابٌ عَظِيمٌ ﴿١٠٥﴾ آل عمران: ١٠٣ - ١٠٥

“Mufatane urunana mwese ku mugozi wa **Allah** (Qur’an) kandi ntimugatatane...” Akongera akagira ati: “...Ntimuzanabe nka babandi batatanye, ntibanavuge rumwe nyuma y’uko ibimenyetso bigaragara bibagezeho. Abo bazahanishwa ibihano bihambaye.²”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ الَّذِينَ فَرَّقُوا دِينَهُمْ وَكَانُوا شِيَعًا لَسْتَ مِنْهُمْ فِي شَيْءٍ إِنَّمَا أَمْرُهُمْ إِلَى اللَّهِ ثُمَّ يُدَبِّئُهُمْ بِمَا كَانُوا يَفْعَلُونَ ﴿١٥٩﴾ الأنعام: ١٥٩

“Mu by’ukuri, babandi bacyemo ibice idini ryabo bakaba udutsiko, nturi kumwe na bo. Nta gushidikanya, ibyabo biri kwa **Allah**, nyuma azababwira ibyo bakoraga.³”

Ibi ni igihe abayisilamu bari ku muyoboro w’ukuri ndetse banahuriye ku migenzo y’Intumwa y’Imana uko bikwiye, ariko iyo batari ku muyoboro nyawo batanawuhuriyeho, buri wese

¹ Qur’an 6:153

² Qur’an 3:103-105

³ Qur’an 6:159

yarahisemo gukurikira ibihimbano n'ubuyobe, icyiza muri bo cyaragizwe ikibi, n'ikibi muri bo cyaragizwe icyiza, icyo gihe biremewe kwitandukanya nabo, no kureka ubwo buyobe barimo, ugakurikira ukuri niyo waba uri wenyine.

Zimwe mu mpamvu zituma abayisilamu batatana bagacikamo ibice:

1. Ibihimbano mu idini,
2. Ubujiji.
3. Gukurikira amarangamutima adashingiye kuri gihamya z'idini (Qur'an cyangwa se Hadith).
4. Kurutisha ubwenge no kububanza imbere ya gihamya za Qur'an cyangwa se Hadith.
5. Gukurikira buhumyi, ndetse no gutsimbarara ku mico ihabanye n'idini.
6. Guhimbira no gusebya abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) n'imyemerere yabo.

حب أهل العدل وبغض أهل الجور

Gukunda abantu b'inyangamugayo no kwanga abarangwa n'amahugu ni ngombwa.

وَنُحِبُّ أَهْلَ الْعَدْلِ وَالْأَمَانَةِ، وَنَبْغُضُ أَهْلَ الْجُورِ وَالْخِيَانَةِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) dukunda abantu b'inyangamugayo barangwa n'ubutabera banarinda indagizo. Kandi tukananga abarangwa n'amahugu n'ubuhemu.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umwanditsi yavuze aya magambo ashaka kugaragaza ko umuyisilamu mwiza akunda abantu barangwa n'ibikorwa byiza kandi akabakunda kubera Imana, akanga abantu barangwa n'ibikorwa bibi kandi akabanga kubera Imana.

Iyo havuzwe gukunda kubera Imana, haba hagamijwe ko umuntu agomba gukunda mugenzi we kubera ko akunda Imana ndetse akanarangwa n'ibikorwa Imana yishimira. Naho kumwanga kubera Imana ni umuntu kwanga mugenzi we kubera ko yanga Imana, cyangwa se arangwa n'ibikorwa birakaza Imana. **Allah** ashimangira ibyo agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّمَا وَلِيُّكُمُ اللَّهُ وَرَسُولُهُ، وَالَّذِينَ ءَامَنُوا الَّذِينَ يُقِيمُونَ الصَّلَاةَ وَيُؤْتُونَ الزَّكَاةَ وَهُمْ رَاكِعُونَ ﴿٥٥﴾ وَمَنْ يَتَوَلَّ اللَّهَ وَرَسُولَهُ وَالَّذِينَ ءَامَنُوا فَإِنَّ حِزْبَ اللَّهِ هُمُ الْغَالِبُونَ ﴿٥٦﴾ المائدة: ٥٥ - ٥٦

“Mu by’ukuri, umukunzi wanyu ni **Allah**, Intumwa ye n’abemeye; babandi bahozaho amasengesho (Swalat) bakanatanga amaturo (Zakat) bicishije bugufi (kuri **Allah**). Kandi uzagira **Allah** inshuti magara n’Intumwa ye ndetse n’abemera; mu by’ukuri, itsinda rya **Allah** ni ryo rizatsinda.¹”

Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ishimangira ko umuyisilamu nyawe akunda mugenzi we kubera Imana, cyangwa akamwanga kubera Imana. Nkuko bishimangirwa n’imvugo yayo yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) igira iti:

وعن أنس رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم قال: «ثلاث من كن فيه وجد بهن حلاوة الإيمان: أن يكون لله ورسوله أحب إليه مما سواهما، وأن يحب المرء لا يُحبه إلا لله، وأن يكره أن يعود في الكفر بعد أن أنقذه الله منه، كما يكره أن يُقدف في النار» متفق عليه.

¹ Qur’an 5:55-56

“Ibintu bitatu uzarangwa nabyo, azumva uburyohe bw’ukwemera: Kuba akunda Allah n’Intumwa ye kurusha ibindi byose, kuba akunda umuntu nta kindi amukundira usibye ko amukundira kuko akunda Imana (akanamukunda kubera yo), no kuba yanga gusubira mu buhakanyi nyuma y’uko Allah amurokoye, nk’uko yanga kuba yajugunywa mu muriro.”¹

Bikanashimangirwa n’indi Hadithi yaturutse kwa Al Bara-a Ibun A-azib (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

عَنِ الْبَرَاءِ بْنِ عَازِبٍ، عَنِ النَّبِيِّ ﷺ، قَالَ: (إِنَّ أَوْثَقَ عُرَى الْإِيمَانِ: أَنْ تُحِبَّ فِي اللَّهِ، وَتُبْغِضَ فِي اللَّهِ). رواه أحمد

“Mu by’ukuri ipfundo rikomeye rigize ukwemera ni ugukunda kubera Imana, ukananga kubera yo.”²

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Dukunda abantu b’inyangamugayo barangwa n’ubutabera banarinda indagizo.”** Allah agaragaza ko akunda abagaragu be barangwa n’ibikorwa byiza harimo n’ubutabera mu mirongo ya Qur’an itandukanye nk’aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...فَإِنَّ فَآءَ تَ فَأَصْلِحُوا بَيْنَهُمَا بِالْعَدْلِ وَأَقْسِطُوا إِنَّ اللَّهَ يُحِبُّ الْمُقْسِطِينَ ﴿٩١﴾﴾ الْحَجَرَات: ٩

“...(Abashyamiranye) mujye mubunga mu butabera mutabogamye. Mu by’ukuri, Allah akunda abatabera.”³

Allah nanone aragira ati:

¹ Yakiriwe na Bukhari na Muslim.

² Yakiriwe na Ahmad

³ Qur’an 49:9

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ اللَّهَ يَأْمُرُكُمْ أَنْ تُؤَدُّوا الْأَمَانَاتِ إِلَىٰ أَهْلِهَا وَإِذَا حَكَمْتُمْ بَيْنَ النَّاسِ أَنْ تَحْكُمُوا بِالْعَدْلِ إِنَّ اللَّهَ نِعِمَّا يَعِظُكُمْ بِهِ إِنَّ اللَّهَ كَانَ سَمِيعًا بَصِيرًا ﴿٥٨﴾ النساء: ٥٨

“Mu by’ukuri, **Allah** abategeka gusubiza indagizo benezo. Kandi mu gihe mukiranuye abantu, mujye mubakiranura mu butabera. Mu by’ukuri, inyigisho **Allah** abaha ni nziza. Mu by’ukuri **Allah** ni Uwumva bihebuje, Ubona cyane.¹”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Kandi tukananga abarangwa n’amahugu n’ubuhemu.**” Nanone abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*), bashishikariza abayisilamu kwirinda imico idakwiye yose nk’ubugizi bwa nabi ubuhemu n’indi... **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... وَلَكِنَّ اللَّهَ حَبَّبَ إِلَيْكُمُ الْإِيمَانَ وَزَيَّنَهُ فِي قُلُوبِكُمْ وَكَرَّهَ إِلَيْكُمُ الْكُفْرَ وَالْفُسُوقَ وَالْعِصْيَانَ أُولَٰئِكَ هُمُ الرَّاشِدُونَ ﴿٧﴾ الحجرات: ٧

“...Ariko **Allah** yabakundishije ukwemera anagutaka mu mitima yanyu, abangisha ubuhakanyi, ubukozi bw’ibibi no kwigomeka. Abo ni bo bayobotse by’ukuri.²”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... فَإِنَّ اللَّهَ لَا يَرْضَىٰ عَنِ الْقَوْمِ الْفَاسِقِينَ ﴿٦١﴾ التوبة: ٩٦

“...Mu by’ukuri **Allah** ntiyishimira abantu b’inkozi z’ibibi.³”

¹ Qur’an 4:58

² Qur’an 49:7

³ Qur’an 9:96

تفويض العبد ما خفي عليه من العلم إلى الله

Umuntu agomba guharira Allah ubumenyi bw'ibyo atazi.

وَنَقُولُ: اللَّهُ أَعْلَمُ؛ فِيمَا اشْتَبَهَ عَلَيْنَا عِلْمُهُ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama'at)] turavuga duti: Imana niyo Mumenyi uhebuje, ku byo tudafitiye ubumenyi tudasobanukiwe.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umurongo w'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama'at), nuko ibyo badafitiye ubumenyi babisubiza kuri Allah, bakavuga ko ari we ubifitiye ubumenyi. Gusa bakaba batandukanye n'abitwa Al Mu-atwilat bahakana ibisingizo n'ibigwi bya Allah, kandi hari gihamya zizwi zibivuga, bakavuga ko ibisobanuro by'ibyo bisingizo bizwi n'Imana yonyine, bo ko nta bumenyi babifiteho.

Iyo umuntu abajijwe ku byo adafitiye ubumenyi asubiza ko Allah ari we ubifitiye ubumenyi, twafata urugero rw'ibyo, nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿سَيَقُولُونَ ثَلَاثَةٌ رَّابِعُهُمْ كَلْبُهُمْ وَيَقُولُونَ خَمْسَةٌ سَادِسُهُمْ كَلْبُهُمْ رَجْمًا بِالْغَيْبِ وَيَقُولُونَ سَبْعَةٌ وَثَامُهُمْ كَلْبُهُمْ قُل رَّبِّي أَعْلَمُ بِعَدَّتِهِمْ مَّا يَعْلَمُهُمْ إِلَّا قَلِيلٌ فَلَا تُمَارِ فِيهِمْ إِلَّا مِرَاءً ظَاهِرًا وَلَا تَسْتَفْتِ فِيهِمْ مِنْهُمْ أَحَدًا ﴿٢٢﴾ الكهف: ٢٢

“(Bamwe mu bahawe igitabo) bazavuga bati: "Bari batatu n'imbwa yabo ikaba iya kane. Naho (abandi) bavuge bati: "Bari batanu n'imbwa yabo ikaba iya gatandatu, (ibyo) ari ugukekeranya ku byo batazi". (Abandi nabo) bavuge bati: "Bari barindwi n'imbwa

yabo ikaba iya munani". Vuga (yewe Muhamadi) uti "Nyagasani wanjye ni we uzi byimazeyo umubare wabo". Ntawe uzi umubare wabo (nyakuri) uretse bake. Bityo ntukajye impaka (n'abahawe igitabo) kuri bo (k'umubare wabo) usibye gusa impaka zoroheje. Kandi ntuzagire n'umwe ubaza inkuru yabo (kuko ntayo bazi)."¹

Nanone **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَيْسُوا فِي كَهْفِهِمْ ثَلَاثَ مِائَةٍ سِنِينَ وَازْدَادُوا تِسْعًا﴾ ٢٥ قُلِ اللَّهُ أَعْلَمُ بِمَا لَيْسُوا لَهُ وَعَبْتٌ
السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ أَبْصَرَ بِهِ وَأَسْمَعُ مَا لَهُمْ مِنْ دُونِهِ مِنْ وَلِيٍّ وَلَا يُشْرِكُ فِي حُكْمِهِ أَحَدًا ﴿٢٦﴾
﴿الكهف: ٢٥ - ٢٦﴾

"Kandi bamaze mu buvumo bwabo imyaka magana atatu yiyongeraho icyenda. Vuga (yewe Muhamadi) uti "**Allah** ni we uzi neza igihe bamaze (mu buvumo). Niwe ufite ubumenyi bw'ibitagaragara byo mu birere n'ibyo mu isi. Mbega ukuntu ukubona no kumva kwe bitangaje! Nta mugenga bafite utari we. Kandi ntawe bafatanyije mu guca iteka."

Ni nayo mpamvu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ubwo yabazwaga ku byerekeye iherezo ry'abana b'ababangikanyamana bamaze gupfa yarasubije iti:

عن رسول الله ﷺ أنه لما سئل عن أولاد المشركين قال: الله أعلم بما كانوا عاملين.

"**Allah** azi ibyo bari kuza kora iyo baza kubaho."²

Allah anenga abantu bishora mu kuvuga ku byo badafitiye ubumenyi mu mirongo itandukanye nkaho agira ati:

¹ Qur'an 18:22

² Hadithi yakiriwe na Bukhari na Musilimu iturutse kwa Ibun Abas

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَمَنْ أَضَلُّ مِمَّنِ اتَّبَعَ هَوَاهُ بِغَيْرِ هُدًى مِّنَ اللَّهِ إِنَّ اللَّهَ لَا يَهْدِي الْقَوْمَ الظَّالِمِينَ

﴿٥٠﴾ القصص: ٥٠

“...Ese ni nde wayobye kurusha wawundi wakurikiye irari rye adafite umuyoboro uturutse kwa Allah? Mu by’ukuri, Allah ntayobora abantu b’abanyamahugu.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَا تَقُولُوا لِمَا تَصِفُ أَلْسِنَتُكُمُ الْكَذِبَ هَذَا حَلَلٌ وَهَذَا حَرَامٌ لِّتَفْتَرُوا عَلَى اللَّهِ

الْكَذِبَ إِنَّ الَّذِينَ يَفْتَرُونَ عَلَى اللَّهِ الْكَذِبَ لَا يُفْلِحُونَ ﴿١١٦﴾ النحل: ١١٦

“Ntimukavuge ibinyoma mukoresheje indimi zanyu (ntacyo mushingiyeho), mugamije guhimbira Allah muti: "Iki kiraziruye n’iki kiraziririjwe". Mu by’ukuri, abahimbira Allah ibinyoma ntibazakiranuka.²”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَا تَقْفُ مَا لَيْسَ لَكَ بِهِ عِلْمٌ إِنَّ السَّمْعَ وَالْبَصَرَ وَالْفُؤَادَ كُلُّ أُولَئِكَ كَانَ عَنْهُ مَسْئُولًا ﴿٣٦﴾

﴿الإسراء: ٣٦﴾

“Ntukanakurikire ibyo udafitiye ubumenyi, kuko mu by’ukuri, amatwi, amaso n’umutima, ibyo byose bizabazwa.³”

Ikindi umwanditsi yashatse kunenga abantu bigora mu gucukumbura no kugaragaza ibyo Allah atabahereye uburenganzira n’ubushobozi kubimenya, ugasanga babyubakiyeho imyemerere yabo nta bumenyi babifitiye bakayoba. Twatanga urugero nk’imwe mu myitwarire y’abahezanguni b’abafilozofe usanga barengera mu gukoresha

¹ Qur’an 28:50

² Qur’an 16:116

³ Qur’an 17:36

ubwenge no guha umurongo ibyo Imana yavuze bakoresheje ubwenge bwabo bakayoba.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... فَأَمَّا الَّذِينَ فِي قُلُوبِهِمْ زَيْغٌ فَيَتَّبِعُونَ مَا تَشَبَهَ مِنْهُ ابْتِغَاءَ الْفِتْنَةِ وَابْتِغَاءَ تَأْوِيلِهِ وَمَا يَعْلَمُ تَأْوِيلَهُ إِلَّا اللَّهُ وَالرَّاسِخُونَ فِي الْعِلْمِ يَقُولُونَ ءَأَمَّنَّا بِهِ كُلٌّ مِنْ عِنْدِ رَبِّنَا وَمَا يَذَّكَّرُ إِلَّا أُولُو الْأَلْبَابِ ﴿٧﴾ آ ل

عمران: ٧

“...Ariko babandi bafite imitima ibogamiye ku buyobe, bakurikira izimije muri yo, bagamije gutera urujijo mu bantu, no kuyisobanura uko itari. Nyamara ntawe uzi ibisobanuro byayo (nyakuri) uretse **Allah**. Naho abacengeye mu bumenyi baravuga bati: “Turayemera, yose (isobanutse n’izimije) ituruka kwa Nyagasani wacu. Kandi ntabibuka uretse abanyabwenge.”¹”

Allah nanone yagaragaje ko umuntu kuba yabeshyera **Allah** akamuvigira ibyo atavuze, biri mu byaha ndengakamere. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ إِنَّمَا حَرَّمَ رَبِّيَ الْفَوَاحِشَ مَا ظَهَرَ مِنْهَا وَمَا بَطَّنَ وَالْإِنْتِهَاءَ وَالْبَغْيَ بِغَيْرِ الْحَقِّ وَأَنْ تُشْرِكُوا بِاللَّهِ مَا لَمْ يُنَزَّلْ بِهِ سُلْطَانًا وَأَنْ تَقُولُوا عَلَى اللَّهِ مَا لَا تَعْلَمُونَ ﴿٣٣﴾﴾ الأعراف: ٣٣

“Vuga uti: “Mu by’ukuri, Nyagasani wanjye yaziririje ibicumuro, byaba ibikozwe ku mugaragaro cyangwa mu ibanga, n’ibyaha (ibyo ari byo byose), n’ibikorwa by’ubugome, no kubangikanya **Allah** n’ibyo atabahereye gihamya (ko bigomba gusengwa), no guhimbira **Allah** ibyo mutazi.”²”

¹ Qur’an 3:7
² Qur’an 7:33

مذهب أهل السنة والجماعة في المَسْحِ عَلَى الخُفَّيْنِ

Umurongo ngenderwaho w'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana ku byerekeye guhanagura kuri Khofi ebyiri (n'amasogisi)

وَتَرَى الْمَسْحَ عَلَى الْخُفَّيْنِ فِي السَّفَرِ وَالْحَضَرِ كَمَا جَاءَ فِي الْأَثَرِ

[Kandi twe abakurikiye imigenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*)], twemera guhanagura kuri khofi ebyiri (n'amasogisi), twaba turi ku rugendo cyangwa tutaruriho, nk'uko byagaragaye mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Hadithi) z'impamo.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Khofi: Ni bumwe mu bwoko bw'inkweto cyangwa amasogosi, buba bukozwe mu ruhu cyangwa ikindi kimeze nka rwo (nka Simirikwire n'ibindi).

Umuntu ashobora kwibaza impamvu umwanditsi (Imana imugirire impuhwe) yazanye iki cyigwa kivuga ku bijyanye n'amategeko (*Fiq'hi*) muri iki gitabo kivuga ku bijyanye n'imyerere n'imyizerere (*Aqidat*). Igisubizo nuko yagiraga ngo asubize tumwe mu dutsiko twayobye; twavugaga nk'aba *Shiat* n'abandi bemera nkabo na bamwe mu ba *Khawaridji*, bashyize mu myemerere yabo ikinyuranyo cy'ibi, bakavugaga ko guhanagura kuri Khofi n'amasogisi bitari mu idini. Ikindi nuko mu myemerere ya *Shiat* harimo kunyuranya na buri mugenzo ukorwa n'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djamaat*).

Imana itegeka kwisukura (*Udhu*) yategetse abantu ko igihe bagiye kwisukura amazi bagomba gukaraba ibirenge, ariko muri kwa kunyuranya kw'aba *Shiat* n'abandi bemera nkabo bahisemo

guhanagura ibirenge igihe bari gukoresha amazi bibaviramo kuyoba. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَا أَيُّهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا إِذَا قُمْتُمْ إِلَى الصَّلَاةِ فَاغْسِلُوا وُجُوهَكُمْ وَأَيْدِيَكُمْ إِلَى الْمَرَافِقِ
وَأَمْسَحُوا بِرُءُوسِكُمْ وَأَرْجُلَكُمْ إِلَى الْكَعْبَيْنِ ... ﴿٦﴾ المائدة: ٦

“Yemwe abemeye! Igihe mugiyeye gukora isengesho (Swalat), mujye mukaraba mu buranga bwanyu n’amaboko yanyu kugeza mu nkokora, muhanagure ku mitwe yanyu munakarabe ibirenge byanyu kugeza ku tubumbankore...¹”

Uyu murongo ugaragaza ko iyo umuntu ari kwisukuza amazi akaraba ibirenge nk’uko aba yakarabye mu buranga, kuko mu rulimi rw’icyarabu izi ngingo zikororwaho igikorwa cyo gukaraba zihuriye ku nyanjwi (*Fatihah*).

Ku bijyanye no guhanagura ibirenge, abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana babona ko byemewe, ariko igihe umuntu yambariye ku birenge bye *Khofi* cyangwa amasogisi, kandi akaba yari yabanje kwisukura akanakarabya ibirenge (*Udhu*). Ariho hasanishwa icyo gikorwa n’igikorwa cyo guhanagura mu mutwe hagakoresha inyajwi (*Kasirat*).

Ariko *abashiat* n’abandi bemera nkabo, batandukanye n’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djamaat*) kuri ibi bintu byombi. Babona ko igihe bari kwisukuza amazi bagakenera gusukura ibirenge ntacyo babyambariyeho nka *Khofi* cyangwa amasogosi bagomba kubihanagura ubwabyo, banabona ko igihe umuntu hari icyo abyambariyeho kubihanagura ari ibihimbano.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Nkuko byagaragaye mu mvugo z’Intumwa y’Imana (Hadithi) z’impamo”** Aha umwanditsi yashakaga kugaragaza ko abanyuranya n’ibyo yari

¹ Qur’an 5:6

amaze kuvuga banyuranya na Hadithi z'impamo, dukomora ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kuko yo yakarabaga ibirenge byayo igihe ntacyo ibyambariyeho, ikahanagura kuri *Khofi* n'amasogisi igihe yabaga yabyambariye ku birenge. Muri izo Hadithi twavuga nka hadithi yaturutse kwa Mughirat Ibun Shu-ubat (Imana imwishimire) yaravuze ati:

عَنِ الْمُغِيرَةَ بْنِ شُعْبَةَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: كُنْتُ مَعَ النَّبِيِّ ﷺ فَتَوَضَّأَ فَأَهْوَيْتُ لِإِنْرِعِ حُفَيْهِ فَقَالَ: «ادْعُهُمَا فَإِنِّي أَدْخَلْتُهُمَا ظَاهِرَتَيْنِ فَمَسَحَ عَلَيْهِمَا» مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

“Nari kumwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irisukura (Udhu) ndunama kugira ngo nyikuriremo khofu zayo yari yambaye nuko irambwira iti: “Zirekeremo kuko nazambaye ibirenge bisukuye (Udhu), maze izihanagura hejuru.”¹

الْحُجُّ وَالْجِهَادُ فَرَضَانِ مَاضِيَانِ مَعَ أُولِي الْأَمْرِ مِنَ الْمُسْلِمِينَ بَرَّهُمْ وَفَاجِرِهِمْ إِلَى قِيَامِ السَّاعَةِ

Gukora umutambagiro mutagatifu (*hidjat*), no guharanira inzira y'Imana (*djihad*) bihagarariwe n'umuyobozi urangwa n'ibyiza cyangwa se urangwa n'ibibi, ni amategeko abiri azakomeza kubaho kuzageza ku muni w'imperuka.

وَالْحُجُّ وَالْجِهَادُ فَرَضَانِ مَاضِيَانِ مَعَ أُولِي الْأَمْرِ مِنَ الْمُسْلِمِينَ بَرَّهُمْ وَفَاجِرِهِمْ إِلَى قِيَامِ السَّاعَةِ، لَا يُبْطَلُهُمَا شَيْءٌ وَلَا يَنْقُضُهُمَا

¹ Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.

[Kandi twe abagenda ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama'at*)], twemera ko gukora umutambagiro (*Hidjat*) no guharanira inzira y'Imana (*Djihadi*) ari amategeko abiri azakomeza kubaho ahagarariwe n'umuyobozi w'abayisilamu, yaba arangwa no gukora ibikorwa byiza cyangwa bibi, kuzageza ku munsu w'imperuka. Nta cyayangiza cyangwa se ngo kiyakureho.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Impamvu umwanditsi yazanye iri somo rijyanye n'amategeko ya Isilam (*Fiq'hi*), umutambagiro mutagatifu (*Hidjat*) no guharanira inzira y'Imana (*Djihad*) muri iki gitabo kivuga ku bijyanye n'imyemerere n'imyizerere (*Aqidat*), byari ukugira ngo agaragaze umuyoboro w'abagenda ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*), anasubize bamwe mu banyabihimbano nk'abitwa *Abashi-at* n'abitwa *Al Khawaridj*, ndetse n'abitwa *Al Mu-utazilat*. Kuko aba *Shi-at* bo bavuga ko nta *Djihadi* yemewe cyeretse iyobowe n'umwe mu ba Imam cumi na babiri b'intungane, bavuga ko bakomoka mu muryango w'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), bakaba barabayeho hakaba hasigaye umwe ariwe Muhamad Ibun Al Hasan Al Askariy umenyereye ku izina rya Al Mah'diy, bavuga ko ategerejwe umunsi yagarutse aribwo *Djihadi* yakongera kuba kuko ntawayobora urugamba atari intungane y'umuziranenge hatazagira uhohoterwa.

Naho aba *Al Khawaridj* n'aba *Al Mu-utazilat* bakabona ko *Djihadi* yahagararirwa n'uwo ari we wese ubifitiye ubushobozi, n'iyi yaba atari umuyobozi. Ibi bikaba bituma habaho akaduruvayo mu bayisilamu, bikaba ari no kunyuranya na gihamya dukomora ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Ikindi twakwibutsa nuko umwanditsi yagaragaje ibikorwa bibiri by'itegeko muri Isilamu ari byo *Djihad* na *Hidjat* ibindi ntiyabivuga, kuko ari ibikorwa bikorwa akenshi habayeho

urugendo, kandi urugendo mu migenzo y'Intumwa y'Imana rugomba kugira umuyobozi uruyoboye, kabone n'ubwo umuyobozi yaba arangwa n'ibikorwa byiza cyangwa bibi.

Icyo umuyisilamu yirinda nuko atamwumvira aramutse amutegetse ibibi nkuko twabibonye.

الإيمان بالكرام الكاتيين

Kwemera Abamalayika bashinzwe kwandika ibikorwa by'ibiremwa.

وَنُؤْمِنُ بِالْكَرَامِ الْكَاتِيَيْنِ؛ فَإِنَّ اللَّهَ قَدْ جَعَلَهُمْ عَلَيْنَا حَافِظِينَ.

[Nanone twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama'at*)] twemera Abamalayika bandika ibikorwa (by'abagaragu), kubera ko **Allah** yabagize abagenzuzi kuri twe.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) twemera abamalayika b'Imana tukanemera ko imirimo Imana yabashinze bayubahiriza ntacyo bahinduye. Mu bamalayika twemera harimo abo yashinze kwandika ibikorwa by'ibiremwa. **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِنَّ عَلَيْكُمْ لِحَافِظِينَ ۝ كَرَامًا كَاتِيَيْنَ ۝ يَعْلَمُونَ مَا تَفْعَلُونَ ۝﴾ الانفتار: ١٠ - ١٢

“Ariko mu by’ukuri, mufite (abamalayika babashinzwe) babagenzura, Bubashywe kandi bandika (ibikorwa byanyu byiza n’ibibi), Bazi ibyo mukora byose..¹”

Allah yabahaye ubushobozi bwo kumenya ibikorwa byose by’ibiremwa, byaba ibikorwa ibiremwa byagaragaje nk’ibyavuzwe n’indimi n’ibyakozwe n’amaboko n’ibindi, ndetse n’ibyo bitagaragaje nk’ibikorwa bikorwa n’imitima nko kwiringira Imana no kuyikunda n’ibindi.

Bikongera gushimangirwa na Hadithi ntagatifu (*Al Qudsi*) dukomora ku musangirangendo w’Intumwa y’Imana Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti: Imana ibwira abamalayika bandika ibikorwa iti:

يقول الله: إذا أراد عبدي أن يعمل سيئة، فلا تكتبوها عليه حتى يعملها، فإن عملها فكتبوها
بمثلها، وإن تركها من أجلي فكتبوها له حسنة، وإذا أراد أن يعمل حسنة فلم يعملها فكتبوها
له حسنة، فإن عملها فكتبوها له بعشر أمثالها إلى سبع مئة ضعف.

“Umugaragu wanjye nagambirira gukora igikorwa kibi ntimukacyandike keretse igihe agikoze, ariko nagikora mujye mucyandika uko kiri, naramuka akiretse kubera njye mujye mumwandikira icyiza, ariko nakireka kubera njye mujye mumwandikira icyiza kimwe. Naho nagambirira gukora icyiza ntagikore mujye mukimwandikira, ariko naramuka agikoze mujye mukimwandikira mugikubye inshuro icumi kugera kuri magana arindwi.²”

Nanone **Allah** yagaragaje ko Abamalayika bandika ibyo ibiremwa bikora byaba ibyiza cyangwa ibibi agira ati:

¹ Qur’an 82:10-12

² Yakiriwe na Bukhari

قَالَ تَعَالَى: ﴿... إِنَّ رُسُلَنَا يَكْتُبُونَ مَا تَمْكُرُونَ ﴿٢١﴾﴾ **يونس: ٢١**

“(...Mu by’ukuri, intumwa zacu (Abamalayika) zandika imigambi mibisha yanyu.¹”

Allah nanone agaragaza ko Abamalayika barinda ibiremwa bye nk’aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَهُ مِعْقَبَاتٌ مِّنْ بَيْنِ يَدَيْهِ وَمِنْ خَلْفِهِ يَحْفَظُونَهُ مِنْ أَمْرِ اللَّهِ ... ﴿١١﴾﴾ **الرعد: ١١**

“(Buri muntu) afite Abamalayika basimburana imbere ye n’inyuma, bamurinda ku bw’itegeko rya **Allah**...²”

Abamalayika b’abagenzuzi abamenyi bavuga ko bahora bagenzura umuntu kubyo avuga n’ibyo akora kandi ntibajya batandukana nawe keretse igihe yinjiye mu bw’ihereho n’igihe ari gukorana imibonano mpuzabitsina n’uwo bashakanye.

Gusa ntibivuze ko haramutse hari icyo yakora ari aho hantu habiri havuzwe batacyandika, nacyo baracyandika.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِذْ يَتَلَفَّى الْمُتَلَقِيَانِ عَنِ الْيَمِينِ وَعَنِ الشِّمَالِ قَعِيدٌ ﴿١٧﴾ مَا يَلْفِظُ مِنْ قَوْلٍ إِلَّا لَدَيْهِ رَقِيبٌ عَتِيدٌ ﴿١٨﴾﴾

﴿ق: ١٧ - ١٨﴾

(Zirikana) ko abakira babiri (abamalayika bashinzwe gukurikirana umuntu), bakira (ibyo avuga n’ibyo akora); umwe yicaye iburyo undi ibumoso. (Umuntu) nta jambo na rimwe yavuga ngo habure umugenzuzi umuri hafi (uryandika).³”

¹ Qur’an 10:21

² Qur’an 13:11

³ Qur’an 50:17-18

Nanone Allah aragira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿أَمْ يَحْسَبُونَ أَنَّا لَا نَسْمَعُ سِرَّهُمْ وَنَجْوَاهُمْ بَلَىٰ وَرُسُلْنَا لَدَيْهِمْ يَكْتُبُونَ ﴿٨٠﴾﴾ الزخرف: ٨٠

“Cyangwa bakeka ko tutumwa amabanga yabo n’ibyo bongorerana!? Yego (turabyumwa rwose)! Kandi n’intumwa zacu (Abamalayika) ziba ziri hafi yabo zandika.”¹

Allah nanone aragira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿يَمْحُوا اللَّهُ مَا يَشَاءُ وَيُثَبِّتُ ۖ وَعِنْدَهُ أُمُّ الْكِتَابِ ﴿٣٩﴾﴾ الرعد: ٣٩

“Allah ahanagura (mu gitabo) ibyo ashatse (mu mategeko ye) akanemeza ibyo ashatse. Ni we ufite igitabo gihatse ibindi (urubaho rurinzwe)”²

Hari bamwe mu bamenyi basobanuye ko uyu murongo wa Qur’an uvuga ku bitabo by’abamalayika bandikamo ibikorwa by’abagaragu, ko Allah hari igihe ahanaguramo ibyo ashatse cyangwa se agahamishamo ibyo ashatse, nko guhanagura ibihano by’uwicujije akandikamo ibihembo, cyangwa agahanagura ibihembo by’ukoze icyaha akandika ibihano.

الإيمان بِمَلِكِ الْمَوْتِ وَأَعْوَانِهِ

Kwemera Umumalayika ushinzwe gukuramo roho n’abandi bamufasha.

وَتُؤْمِنُ بِمَلِكِ الْمَوْتِ الْمُوَكَّلِ بِقَبْضِ أَرْوَاحِ الْعَالَمِينَ.

¹ Qur’an 43:80

² Qur’an 13:39

[Twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama’at)] nanone twemera Malayika ushinzwe gukuramo roho z’ibiremwa byose (Malakul Mawuti).

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Mu kwemera abamalayika harimo kwemera umumalayika ushinzwe gukuramo roho z’ibiremwa. Imana ishimangira ibigendanye n’uyu mumalayika n’umurimo akora mu mirongo itandukanye ya Qur’an, nkaho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ يَتُوبَافَكُمْ مَلَائِكَةُ الْمَوْتِ الَّتِي وَكَّلَ بِكُمْ لَمَّا كُنْتُمْ إِلَىٰ رَبِّكُمْ أَنْ تَرْجِعُونَ ﴿١١﴾﴾ السجدة: ١١

“Vuga (yewe Muhamadi) uti: “Malayika ushinzwe urupfu ubashinzwe azabatwara ubuzima; hanyuma kwa Nyagasani wanyu ni ho muzasubizwa.”¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَيُرْسِلُ عَلَيْكُمْ حَفَظَةً حَتَّىٰ إِذَا جَاءَ أَحَدَكُمْ الْمَوْتُ تَوَفَّتْهُ رُسُلُنَا وَهُمْ لَا يُفْرِطُونَ ﴿٦١﴾﴾ الأنعام: ٦١

“...Anabohereza abagenzuzi (abamalayika babarura ibikorwa byanyu), kugeza ubwo umwe muri mwe urupfu rumugezeho; intumwa zacu (Abamalayika) zikamukuramo roho zitajenjeka.”²”

Ikindi nuko kwemera uyu mumalayika bigendana no kwemera abandi bamalayika bamufasha muri uwo murimo, bamwe bakaba barangwa n’impuhwe, aba bakaba ari abakuramo roho z’abemeramana baranzwe n’ibikorwa byiza.

Allah aragira ati:

¹ Qur’an 32:11

² Qur’an 6:61

قَالَ تَعَالَى: ﴿الَّذِينَ تَتَوَفَّوهُمْ الْمَلَائِكَةُ طَيِّبَاتٍ يَقُولُونَ سَلَامٌ عَلَيْكُمْ ادْخُلُوا الْجَنَّةَ بِمَا كُنْتُمْ تَعْمَلُونَ

﴿النحل: ٣٢﴾

“Ba bandi abamalayika bakuramo roho zabo bararanzwe no gukora ibikorwa byiza, barababwira bati: "Salamun alayikum! (amahoro abe kuri mwe), ngaho nimwinjire mu ijuru kubera ibyo mwakoraga (ku isi)¹”.

Hakaba hari n'ikindi gice cy'aba bamalayika ariko bo barangwa n'ubukana n'ibihano, kuko baba bakuramo roho z'abantu babi.

Allah aragira ati :

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَوْ تَرَى إِذْ يَتَوَفَّى الَّذِينَ كَفَرُوا الْمَلَائِكَةُ يَضْرِبُونَ وُجُوهَهُمْ وَأَدْبُرَهُمْ وَذُفُوفًا

عَذَابِ الْحَرِيقِ ﴿الأنفال: ٥٠﴾

“N'iyo uza kubona (yewe Muhamadi) uko Abamalayika bakuramo roho za babandi bahakanye; babakubita mu buranga bwabo no mu migongo yabo, (banababwira bati): “Ngaho nimwumve ububabare bw'ibihano by'umuriro.²”

Allah nanone avuga abo bamalayika aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَالنَّارِ عَاتٍ عَرَفَا ﴿النارعات: ١﴾

“Ndahiriye ku (bamalayika) bashikanuza (roho z'abahakanyi) n'ubukana buhambaye.³”

Ikindi twakwibutsa nuko gukuramo roho byagaragaye muri Qur'an byitirirwa **Allah**, ahandi byitirirwa umumalayika ubishinzwe, ahandi byitirirwa abamalayika bamufasha.

¹ Qur'an 16:32

² Qur'an 8:50

³ Qur'an 79:1

Aho byitiriwe **Allah** ni aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿اللَّهُ يَتَوَفَّى الْأَنْفُسَ حِينَ مَوْتِهَا وَالَّتِي لَمْ تَمُتْ فِي مَنَامِهَا فَيُمْسِكُ الَّتِي قَضَىٰ عَلَيْهَا الْمَوْتَ وَيُرْسِلُ الْأُخْرَىٰ إِلَىٰ أَجَلٍ مُّسَمًّى ۚ إِنَّ فِي ذَٰلِكَ لَآيَاتٍ لِّقَوْمٍ يَتَفَكَّرُونَ ﴿٤٢﴾ الزمر: ٤٢

*“Allah ni we utwara roho z’abantu iyo igihe cyazo cyo gupfa kigeze, ndetse n’izabasinziriye igihe cyazo cyo gupfa kitaragera. Nuko akagumana roho z’abo yageneye (gupfa), maze izindi akazohereza (mu mibiri yazo, zikabaho) kugeza igihe cyagenwe. Mu by’ukuri, muri ibyo harimo ibimenyetso ku bantu batekereza.”*¹

Naho aho byitirirwa umumalayika ubishinzwe, ni aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿* قُلْ يَتَوَفَّاكُم مَّلَكُ الْمَوْتِ الَّذِي وُكِّلَ بِكُمْ ثُمَّ إِلَىٰ رَبِّكُمْ تُرْجَعُونَ ﴿١١﴾ السجدة: ١١

*“Vuga (yewe Muhamadi) uti: "Malayika ushinzwe urupfu ubashinzwe azabatwara ubuzima; hanyuma kwa Nyagasani wanyu ni ho muzasubizwa.”*²

Naho aho byitirirwa abamalayika bashinzwe kumufasha naho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿الَّذِينَ تَتَوَفَّيْهِمُ الْمَلَائِكَةُ... ﴿٢٨﴾ النحل: ٢٨

*“Ba bandi abamalayika bakuramo roho zabo...”*³

Kubytirirwa muri ubu buryo butatu nta kuvuguruzanya kurimo, kubera ko **Allah** niwe ukuramo roho by’ukuri kuko ari we utanga itegeko ry’uko ikurwamo. Naho kuba byitirirwa umumalayika ubishinzwe n’uko ari we uba uhagarariye icyo gikorwa cyo gukuramo roho, ni nawe uyifata bwa mbere igisohoka mu kiremwa.

¹ Qur’an 39:42

² Qur’an 32:11

³ Qur’an 16:28

Naho kuba byitirirwa bariya bamufasha, nuko ari bo ishyikirizwa nyuma ya malayika ubishinzwe, bose kuba babyitirirwa rero ni ukuri.

Ikindi nuko umuntu atagomba kugorwa no kwibaza ukuntu umumalayika umwe yakuramo roho z’abantu benshi icyarimwe!? Igisubizo cy’icyo kibazo, nuko ibigendanye no gukuramo roho biri mu bintu bitagaragara umuyisilamu aba agomba kwemera nkuko yabibwiwe, ntabijyeho impaka kuko Allah ari we uba wihariye ubumenyi bwabyo.

Gusa uwashaka urugero rwabyo yareba uburyo umuntu umwe ashobora gukanda ahantu hamwe agahita yatsa amatara menshi ari ahantu hatandukanye, nkuko yongera gukanda ahantu hamwe agahita azimya amatara menshi kandi ari ahantu hatandukanye, bitamusabye kugera kuri buri tara. Hari n’izindi ngero nyinshi cyane cyane ku bantu bakoresha ikoranabuhanga zabaha gusobanukirwa iki turi kuvuga mu buryo bworoshye.

Ibya Allah rero birahambaye kandi binafite urugero ruhambaye. Kandi niwe Mumenyi Uhebuje.

Naho ijamba ry’umwanditsi rigira riti: **“Roho z’ibiremwa byose”** Hari ibibazo bitandukanye abantu bagenda bibaza ku bijyanye na Roho n’iherezo ryayo, kwibaza kuri roho no kuyitangaho ibisobanuro ntacyo bitwaye igihe umuntu abikorana ubumenyi anagaragaza gihamya z’impamo. Ikibujijwe ni ukuyibazaho no kuyisobanura bitajyanye n’ubumenyi ndetse na gihamya z’impamo. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَيَسْأَلُونَكَ عَنِ الرُّوحِ قُلِ الرُّوحُ مِنْ أَمْرِ رَبِّي وَمَا أُوتِيتُمْ مِنَ الْعِلْمِ إِلَّا قَلِيلًا﴾ الإسراء: ٨٥

“Baranakubaza (yewe Muhamadi) ku bijyanye na roho. Vuga uti: “Roho ni kimwe mu bintu ubumenyi bwabyo bwihariye na Nyagasani wanjye. Kandi mwahawe ubumenyi buke.”¹

¹ Qur’an 17:85

Muri ibyo bibazo abantu bibaza hari abibaza ku bigendanye n'urupfu hari abibaza bagira bati: Ese Roho irapfa cyangwa ntabwo ipfa? Abamenyi bagiye bagisubiza mu buryo butandukanye, ariko ikiri ukuri cyanavuzwe na Ibun Al Qayyimu mu gitabo cye *A-RUHU* kuri paji ya 70 yavuze ko gupfa kwa Roho ni ugutandukana kwazo n'imibiri ziba zirimo, iyo umuntu abisobanuye atyo nibyo byitwa urupfu.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿كُلُّ نَفْسٍ ذَائِقَةُ الْمَوْتِ ... ﴿١٨٥﴾﴾ **آل عمران: ١٨٥**

“Buri muntu azasogongera ku rupfu...”¹

Naho kuvuga ngo Roho ubwayo irapfa ikavaho nyuma yo gutandukana n'umubiri ibyo ntabwo ari byo, kuko yo igumaho hagashenguka ikibiribiri, roho ikaguma kubona ibyiza iyo nyirayo yabikoze, cyangwa ikagerwaho n'ibihano iyo nyirayo ari byo akwiye, nkuko tugiye kubibona mu cyigwa kigiye gukurikira.

وجوب الإيمان بفتنة القبر وَعَذَابِهِ وَنَعِيمِهِ

Kwemera ibibazo bibazwa mu mva, ibihano byaho, ndetse n'ingororano zaho ni itegeko.

وَبِعَذَابِ الْقَبْرِ وَنَعِيمِهِ لِمَنْ كَانَ لَهُ أَهْلًا. وَسُؤَالِ مُنْكَرٍ وَنَكِيرٍ لِلْمَيِّتِ فِي قَبْرِهِ عَنْ: رَبِّهِ، وَدِينِهِ، وَنَبِيِّهِ، عَلَى مَا جَاءَتْ بِهِ الْأَخْبَارُ عَنْ رَسُولِ اللَّهِ ﷺ، وَعَنِ الصَّحَابَةِ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمْ أَجْمَعِينَ.
وَالْقَبْرِ رَوْضَةً مِنْ رِيَاضِ الْجَنَّةِ، أَوْ حُفْرَةً مِنْ حُفْرِ النَّيِّرَانِ.

¹ Qur'an 3:185

[Nanone twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama’at)] twemera ko mu mva hari ibihano ndetse n’ingororano kuri babandi bazaba babikwiye. Nanone tukanemera ibibazo abamalayika babiri aribo *Mun’kari* na *Nakiri* babaza uwapfuye igihe ari mu mva ye; bamubaza ku Mana yasenze, Idini rye, Intumwa ye, nkuko byaje bishimangirwa n’imvugo z’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha), bikanashimangirwa na zimwe mu mvugo z’abasangirangendo b’Intumwa y’Imana Imana ibishimire bose. Ikindi nuko twemera ko imva ari ubusitani mu busitani bwo mu ijuru, cyangwa ikaba umwobo mu myobo yo mu muriro.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Allah yagaragaje ko nyuma yo gupfa hari ubundi buzima buri hagati y’urupfu no kuzuka ku munsu w’imperuka aribwo bwiswe (*Bar’zakh*) muri Qur’an. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَمَنْ وَرَائِهِم بَرْزَخٌ إِلَى يَوْمِ يُبْعَثُونَ ﴿١٠٠﴾﴾ الْمُؤْمِنُونَ: ١٠٠

“...Kandi inyuma yabo hari urukuta (*rubabuza kugaruka ku isi*) kuzageza ku munsu bazazurwaho.¹”

Uru rukuta ruri hagati y’ubuzima bw’isi n’ubw’imperuka, ni ubuzima umuntu abamo butari ubw’isi cyangwa ubw’imperuka, ari bwo buzima bwo mu mva, umuntu ashobora kuboneramo ingororano kubera ibyiza yakoze cyangwa ibihano kubera ibyaha yakoze. Ku bijyanye n’ingororano abantu bakoze ibikorwa byiza babona mu buzima bwo mu mva, bishimangirwa n’umurongo wa Qur’an ugira ati:

¹ Qur’an 23:100

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَا تَحْسَبَنَّ الَّذِينَ قُتِلُوا فِي سَبِيلِ اللَّهِ أَمْوَاتًا بَلْ أَحْيَاءٌ عِنْدَ رَبِّهِمْ يُرْزَقُونَ ﴿١٦٩﴾ فَرِحِينَ بِمَاءِ
 اتِّلَهُمُ اللَّهُ مِنْ فَضْلِهِ ۗ وَيَسْتَبْشِرُونَ بِالَّذِينَ لَمْ يَلْحَقُوا بِهِمْ مِنْ خَلْفِهِمْ أَلَّا خَوْفٌ عَلَيْهِمْ وَلَا هُمْ
 يَحْزَنُونَ ﴿١٧٠﴾ ﴿ آل عمران: ١٦٩ - ١٧٠

“Ntuzanakeke na gato ko abishwe mu nzira ya Allah bapfuye; ahubwo ni bazima kwa Nyagasani wabo, ndetse banahabwa amafunguro. Bishimiye ibyo Allah yabahaye mu ngabire ze. Kandi banaha inkuru nziza abatarabakurikira (abatarapfa), bakiri inyuma yabo ko batagomba kugira ubwoba (bwo gupfa) Kandi ko badakwiye kugira agahinda.”¹

Ibyo kandi bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Al Bara-u (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) igira iti:

وعن البراء رضي الله عنه عن النبي قال: "إن المؤمن يفتح له باب إلى الجنة، فيأتيه من روحها وطيبها ويفسح له في قبره مد بصره..." رواه أحمد

“Mu by’ukuri umwemeramana (mu mva) afungurirwa umuryango w’ijuru, maze akazirwa n’impumuro yaryo n’ibyiza byaryo. Hanyuma akanagurirwa imva ye kugeza aho amaso ye agarukira...”²

Naho ku bijyanye n’ibihano Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَنُذِيقَنَّهُمْ مِنَ الْعَذَابِ الْأَلَدِّ دُونَ الْعَذَابِ الْأَكْبَرِ لَعَلَّهُمْ يَرْجِعُونَ ﴿١١﴾﴾ السجدة: ٢١

“Kandi rwose tuzabasogongeza ku bihano byoroheje (bya hano ku isi no mu mva) mbere y’ibihano bikomeye (byo ku munsu w’imperuka), kugira ngo bisubireho.”³

¹ Qur’an 3:169-170

² Yakiriwe na Ahmad

³ Qur’an 32:21

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَكَاَفٍ يٰكٰلٍ فِرْعَوٰنَ سُوٓءَ الْعٰذَابِ ﴿٤٥﴾ التَّارُ يُعْرَضُونَ عَلَيْهَا غُدُوًّا وَعَشِيًّا وَيَوْمَ تَقُومُ السَّاعَةُ اَدْخِلُوْا آلَ فِرْعَوٰنَ اَشَدَّ الْعٰذَابِ ﴿٤٦﴾﴾ غافر: ٤٥ - ٤٦

“Umuriro bawushyirwamo mu gitondo na nimunsi (aho bari mu mva zabo), n’igihe umunsi w’imperuka wageze (abamarayika bazabwirwa bati): "Nimwinjize abantu ba Farawo mu bihano (umuriro) bibabaza cyane.”¹

Uyu murongo uragaragaza ko abantu ba Farawo hari umuriro bashyirwa mu mva zabo buri munsi uko bukeye nuko bwije, kandi no ku munsi w’imperuka bazahanishwa umuriro ubabaza cyane kurusha uwo babayemo mu mva zabo, gusa ibi ntabwo ari umwihariko wabo ahubwo niko bigenda kuri buri wese upfa ari umunyabyaha.

Bityo ntibyemewe guhakana ibihano byo mu mva kuko kubihakana bituma umuntu yiyambura ukwemera akaba umuhakanyi, kuko aba atemera ibijyanye n’inkingi yo kwemera umunsi w’imperuka, ikindi kandi n’uko ibyawo bitangira umuntu apfuye.

Naho gihanya zijyanye n’ibihano byo mu mva dukomora ku Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) naho igihe kimwe yigeze kunyura ku mva z’abantu babiri irangije iravuga iti:

وفي الحديث أن رسول الله ﷺ مر بقبرين قال: إنهما ليعذبان وما يعذبان في كبير أما أحدهما فكان لا يستبرئ من بوله وأما الآخر فكان يمشي بالنميمة.

Mu by’ukuri bene zo barimo guhanwa kandi ntabwo bari guhanwa kubera ko bakoze ibyaha bihambaye, ahubwo nuko

¹ Qur’an 40:45-46

umwe muri bo atajyaga yirinda ko inkari zimutarukiraho igihe ari kwihagarika, undi nawe azira ko yagendaga abunza amagambo.¹” Nanone Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) muri Hadithi yaturutse kwa Bara-u Ibun Azib yaravuze iti:

“... وإن الكافر يفتح له باب إلى النار، فيأتيه من حرها وسمومها ويضيق عليه قبره حتى تختلف فيه أضلاعه.” رواه أحمد

“...Naho umuhakanyi afungurirwa umuryango w’umuriro maze akazirwa n’ubushyuhu bwawo n’ibibi byawo. Hanyuma imva ye ikamukanda kugeza ubwo imbavu ze zinyuranyemo...”

Ikindi umwanditsi yashatse kwamagana tumwe mu dutsiko duhakana iyi myemerere ndetse tukanayijyaho impaka, nk’utwibaza igihe umuntu apfuye agahinduka itaka uburyo ahura n’ibihano kandi yarabaye itaka? Ariko aha Sheikh Swaleh Al Fawuzan atanga igisubizo kigira kiti: **Allah** ashoboye buri kintu, ashobora kumuhana ari igitaka, nkuko ashoboye kumuhanisha iryo taka ubwaryo.

Ikindi kibazo tumwe mu dutsiko twibaza ni icyerekeye abantu bapfa ntibashyingurwe mu mva, nk’abagwa mu mazi, abaribwa n’inyamaswa n’abandi, abo ibihano byo mu mva bibageraho bite? Sheikh Al Fawuzan abasuzura ashimangira ko byanze bikunze ibihano byo mu mva bibageraho aho baba bari hose, ndetse n’Abamalayika babiri Mun’kari na Nakiri babaza ibibazo babageraho mu buryo **Allah** wenyine aba azi, ubwenge bwa muntu budashobora gusobanukirwa kuko bugira aho bugarukira.

No mu bindi bibazo tumwe mu dutsiko duhakana ibibera mu mva twibaza, hari abibaza bati: Niba ibihano bibaho mu mva ese ko tutabyumva cyangwa ngo tubibone? Igisubizo cyabyo nuko

¹ Yakiriwe na Bukhari na Muslim

ibitagaragara byose atari uko biba bitabaho, nkuko abantu tugira ubwenge ariko tukaba tudashobora kubwerekana.

Ikindi kibazo abahakana ibibera mu mva bahura nacyo, ni ugushaka gushyira imbere ubwenge bwabo bakirengagiza gihamya z'impamo kandi ubwenge bw'umuntu hari imbago bugarukiraho. Niyo mpamvu bategetswe gukurikira Qur'an na Sunat aho gukurikira ubwenge bwabo.

Ikindi kibazo bafite ni uko batemera ibitagaragara, nk'uko Allah yagaragaje ibiranga abemeramana nyabo avuga ko ari abemera ibitagaragara. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ذَلِكَ الْكِتَابُ لَا رَيْبَ فِيهِ هُدًى لِّلْمُتَّقِينَ ﴿٢﴾ الَّذِينَ يُؤْمِنُونَ بِالْغَيْبِ وَيُقِيمُونَ الصَّلَاةَ وَمِمَّا رَزَقْنَاهُمْ يُنفِقُونَ ﴿٣﴾ البقرة: ٢ - ٣

“Icyo ni igitabo cya (Qur'an) kidashidikanywaho, kikaba umuyoboro ku batinya Imana. Babandi bemera ibitagaragara byahanuwe, bagahozaho amasengesho (Swalat) kandi bagatanga mu byo twabahaye.¹”

Ubwo rero umwemeramana nyakuri agomba kwemera ibibera mu mva kuko nabyo biri mu byo agomba kwemera bitagaragara twahishuriwe.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Nanone tukanemera ibibazo abamalayika babiri aribo Mun'kari na Nakiri babaza uwapfuye igihe ari mu mva ye; bamubaza ku Mana yasenze, Idini rye, Intumwa ye, nkuko byaje bishimangirwa n'imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), bikanashimangirwa na zimwe mu mvugo z'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana ibishimire bose)”** Kwemera ibibazo Abamalayika babiri babaza uwapfuye igihe ari mu mva ni itegeko. Allah aragira ati:

¹ Qur'an 2:2-3

قَالَ تَعَالَى: ﴿يُشِيتُ اللَّهُ الَّذِينَ ءَامَنُوا بِالْقَوْلِ الثَّابِتِ فِي الْحَيَاةِ الدُّنْيَا وَفِي الْآخِرَةِ وَيُضِلُّ اللَّهُ الظَّالِمِينَ وَيَفْعَلُ اللَّهُ مَا يَشَاءُ﴾ ﴿٢٧﴾ إبراهيم: ٢٧

“*Allah* ashoboza babandi bemeye kuvuga ijambo rihamye (guhomya ko nta yindi Mana ikwiye gusengwa by’ukuri uretse *Allah*, no guhomya ko Muhamadi ari intumwa yayo) mu buzima bwo ku isi, ndetse no mu buzima bwa nyuma (bakabasha gusubiza neza ibibazo by’abamalayika mu mva). Kandi *Allah* ntazashoboza (gusubiza ibyo bibazo byo mu mva) abanyamahugu, kandi *Allah* akora icyo ashaka.¹”

Ibyo kuba uyu murongo wa Qur’an waravugaga ibihano byo mu mva bishimangirwa na hadith iboneka mu bitabo bya Bukhari na Muslim (A-Swahihay’ni) aho Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti: Uyu murongo wa Qur’an (tubonye ruguru) ibyo wavugaga n’ibigendanye n’ibihano byo mu mva. Muslim mu gitabo cye (A-Swahih) yongeyeho ko Intumwa y’Imana yavuze iti: “Nuko umuntu akabazwa ngo Nyagasani wawe ni uwuhe? Agasubiza ati: Nyagasani wanjye ni *Allah*, n’Intumwa yanyoherejweho ni Muhamad, iki kikaba ari nacyo gisobanuro cy’uyu murongo wa Qur’an.

Bisobanuye ko abantu bari mu mva barimo amoko abiri, hari abari kugororerwa bitewe n’ibyiza bakoze, abo imva ibabera nk’ubusitani mu busitani bw’ijuru. Hari n’abari guhanwa bitewe n’ibyaha bakoze, abo imva ibabera nk’urwobo mu myobo y’umuriro wa Djahanamu. Abantu bapfuye bazaguma kuba muri ubwo buzima kugeza igihe Imana izashakira ko imperuka iba, nibwo bazasohorwa mu mva zabo. *Allah* aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَسْتَمِعْ يَوْمَ يُنَادِ الْمُنَادِ مِنْ مَّكَانٍ قَرِيبٍ ﴿٤١﴾ يَوْمَ يَسْمَعُونَ الصَّيْحَةَ بِالْحَقِّ ذَلِكَ يَوْمُ الْخُرُوجِ﴾ ﴿٤٢﴾ ق: ٤١ - ٤٢

¹ Qur’an 14:27

“Kandi uzatege amatwi umunsi uhamagara (Malayika uzavuzza impanda), azahamagarira hafi. Umunsi bazumva urusaku rw’impanda y’ukuri, uwo uzaba ari umunsi w’izuka (abantu bava mu mva zabo).¹”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Ikindi nuko twemera ko imva ari ubusitani mu busitani bwo mu ijuru, cyangwa ikaba umwobo mu myobo yo mu muriro”** Aha yuzurizaga ibyo yari amaze kuvuga agaragaza ko mu mva harimo ingororano ku bemeye Imana imwe rukumbi bakayigaragira bagakora n’ibikorwa byiza, nkuko harimo ibihano kuri babandi bahakanye Imana imwe rukumbi bakanarangwa n’ibikorwa bibi.

الإيمان بالبعث والجزاء والعرض وغير ذلك

Kwemera umunsi w’izuka, no guhabwa ibihembo ndetse no kumurikirwa ibikorwa n’ibindi.

وَتُؤْمِنُ بِالْبَعْثِ، وَجَزَاءِ الْأَعْمَالِ يَوْمَ الْقِيَامَةِ، وَالْعَرْضِ، وَالْحِسَابِ، وَقِرَاءَةِ الْكِتَابِ،
وَالثَّوَابِ وَالْعِقَابِ، وَالصِّرَاطِ وَالْمِيزَانَ.

[Nanone twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama’at)] twemera ko ku munsi w’imperuka hazabaho izuka, hakazanabaho guhemberwa ibikorwa, kubimurikirwa no kubibarurirwa, gusoma ibitabo (byanditsemo ibikorwa abagaragu bakoze), hakazanabaho ibihembo ndetse n’ibihano (bigendanye n’ibyo umuntu yakoze), tukanemera na Siratwa ndetse n’iminzani.

¹ Qur’an 50:41-42

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“twemera ko ku muni w’imperuka hazabaho izuka”** Kwemera izuka byinjira mu kwemera umunsi w’imperuka, kuko kuwemera biri mu nkingi esheshatu zigize ukwemera.

Ikindi nuko kwemera iby’izuka ari ikintu amadini atatu yemera ari bo; Abayisilamu, Abayahudi ndetse n’Abanaswara. Kandi kwemera iby’izuka ni kimwe mu bintu intumwa zose zahurijeho uherye ku ya mbere ukageza ku ya nyuma muri zo. Ntabwo bizwi ko hari abatabivugaho rumwe, kandi abantu bose bemeranywa ko n’imibiri izazurwa usibye bamwe mu bafilozofe b’abapagani, harimo n’abaje kwinjira mu buyisilamu nka Ibun Siina avuga ko izuka n’ibihembo ari ibintu bizarebana na roho, ko imibiri yo itazongera kubaho, ahakana kongera kubaho kw’imibiri avuga ko gihamya zivuga iby’izuka zizarebana na roho, ariko ibi ntabwo ari ukuri, ahubwo ni no guteza urujijo mu bantu.

Twe abagenda ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama’at*) rero twemera ko Imana izazura abantu ku muni w’imperuka hanyuma ikabahemba ibyo bakoze nk’uko **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...قُلْ يَا وَرَثَةَ لَتَبَعَنَّكُمْ لَتَبَعَنَّكُمْ بِمَا عَمِلْتُمْ وَذَلِكَ عَلَى اللَّهِ يَسِيرٌ ﴿٧﴾﴾ **التغابن: ٧**

“...Vuga (yewe Muhamadi) uti “Yego! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wanjye, rwose muzazurwa maze mubwirwe ibyo mwakoze, kandi kuri **Allah** ibyo biroroshye.”¹”

Nanone **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَقَالُوا آءِذَا كُنَّا عِظْمًا وَّرُفَاتًا آءِذَا نَا لَمَبْعُوثُونَ خَلْقًا جَدِيدًا ﴿١٩﴾ * قُلْ كُونُوا حِجَارَةً أَوْ حَدِيدًا ﴿٢٠﴾ أَوْ خَلْقًا مِّمَّا يَكْبُرُ فِي صُدُورِكُمْ فَسَيَقُولُونَ مَنْ يُعِيدُنَا قُلِ الَّذِي فَطَرَكُمْ أَوَّلَ مَرَّةٍ فَسَيُنْغِضُونَ إِلَيْكُمْ

¹ Qur’an 64:7

رُءُوسَهُمْ وَيَقُولُونَ مَتَى هُوَ قُلْ عَسَى أَنْ يَكُونَ قَرِيبًا ﴿٥٩﴾ يَوْمَ يَدْعُوكُمْ فَتَسْتَجِيبُونَ بِحَمْدِهِ وَتَظُنُّونَ إِن لَّبِئْتُمْ
إِلَّا قَلِيلًا ﴿٥٨﴾ ﴿الإسراء: ٤٩ - ٥٢﴾

“Baranavuze bati: "Ese (nitumara gupfa) tugahinduka amagufa n'ubuvungukira, tuzazurwa turi ibiremwa bishya!?" Vuga (yewe Muhamadi) uti: "Nimube amabuye cyangwa ibyuma!. "Cyangwa ikiremwa mu byo mubona mu mitima yanyu ko bikomeye (n'ubwo mwaba mumeze mutyo muzazurwa). Bazavuga bati: "Ni nde uzatugarura?" Vuga uti: "Muzagarurwa n'uwabahanze bwa mbere". Bazazunguza imitwe yabo imbere yawe bahakana, banavuga bati: "Ibyo bizaba ryari?" Vuga uti: "Wenda biri bugufi". Umunsi (Allah) azabahamagara (kugira ngo muve mu mva zanyu) maze mukitaba mumusingiza. icyo gihe muzakeka ko mwabaye (ku isi) igihe gito.¹"

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“hakazanabaho guhemberwa ibikorwa”** Hari gihamya zitandukanye zigaragaza ko ku munsi w'imperuka abantu bazahemberwa ibyo bakoze bakiri ku isi. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَوْمَ تَجِدُ كُلُّ نَفْسٍ مَّا عَمِلَتْ مِنْ خَيْرٍ مُّحَضَّرًا وَمَا عَمِلَتْ مِنْ سُوءٍ تَوَدُّ لَوْ أَنَّ بَيْنَهَا وَبَيْنَهُ أَمَدًا بَعِيدًا وَيَحَدِّثُكَ اللَّهُ نَفْسَهُ، وَاللَّهُ رَءُوفٌ بِالْعِبَادِ ﴿٣٠﴾﴾ آل عمران: ٣٠

“Umunsi buri muntu azasanga ibyiza yakoze ndetse n'ibibi yakoze bihari, azifuzza ko hagati ye n'ibibi bye haba intera ndende. Allah arababurira kumutinya. Kandi Allah ni Nyiribambe ku bagaragu.²”

Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿مَنْ جَاءَ بِالْحَسَنَةِ فَلَهُ خَيْرٌ مِنْهَا وَمَنْ جَاءَ بِالسَّيِّئَةِ فَلَا يُجْزَى الَّذِينَ عَمِلُوا السَّيِّئَاتِ إِلَّا مَا كَانُوا يَعْمَلُونَ ﴿٨٤﴾﴾ القصص: ٨٤

¹ Qur'an 17:49-52

² Qur'an 3:30

“(Kuri uwo munsu), uzaba yarakoze icyiza (ku isi) azabona icyiza kikiruse, n’uzaba yarakoze ikibi (amenye ko) abakoze ibibi nta kindi bazahembwa kitari ibyo bakoraga.”¹

Nkuko nanone tubisanga muri Hadithi yaturutse kwa Abi Dhari (Imana imwishimire) ayikuye ku Ntumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) nayo iyikuye ku Mana (Hadithi Al Qudsi) iragira iti:

عن أبي ذر رضي الله عنه عن النبي صلى الله عليه وسلم، فيما روى عن الله تبارك وتعالى أنه قال: يَا عِبَادِي إِنَّمَا هِيَ أَعْمَالُكُمْ أَحْصِيهَا لَكُمْ، ثُمَّ أَوْفِيكُمْ بِهَا، فَمَنْ وَجَدَ خَيْرًا، فَلْيَحْمَدِ اللَّهَ وَمَنْ وَجَدَ غَيْرَ ذَلِكَ، فَلَا يُلُومَنَّ إِلَّا نَفْسَهُ. رواه مسلم

“Bagaragu banjye! Mu by’ukuri ibi ni ibikorwa byanyu mwikoreye (mu kiri ku isi) ngiye kubibabarurira hanyuma mbibahembere byuzuye. Bityo usanga ari ibyiza ashimire Imana, n’usanga bitandukanye n’ibyo ntagire uwo aveba usibye we ubwe.”²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**kubimurikirwa**...” No mu bizaba ku munsu w’imperuka harimo imurikwa.

Iryo murikwa rikaba rifite amoko ane:

Irya mbere: Imurikwa ry’ibiremwa imbere y’Imana Umuremyi wabyo. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَوْمَئِذٍ تُعْرَضُونَ لَا تَخْفَى مِنْكُمْ خَافِيَةٌ ۝۱۸﴾ الحاقة: ۱۸

“Uwo munsu muzagezwa (imbere ya **Allah**). Nta kintu na kimwe cyanyu kizayoberana.”³

¹ Qur’an 28:84

² Yakiriwe na Muslim

³ Qur’an 69:18

Irya kabiri: Imurikwa ry'ibitabo byanditsemo ibikorwa by'ibiremwa. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَوُضِعَ الْكِتَابُ فَتَرَى الْمَجْرِمِينَ مُشْفِقِينَ مِمَّا فِيهِ وَيَقُولُونَ يَا وَيْلَتَنَا مَا لَ هَذَا الْكِتَابِ لَا يُغَادِرُ صَغِيرَةً وَلَا كَبِيرَةً إِلَّا أَحْصَاهَا وَوَجَدُوا مَا عَمِلُوا حَاضِرًا وَلَا يَظُنُّ رَبُّكَ أَحَدًا ﴿٤٩﴾﴾ **الكهف: ٤٩**

“Kandi buri wese azahabwa igitabo (cy’ibikorwa bye), maze ubone inkozi z’ibibi zitewe ubwoba (n’ibibi) birimo, zivuge ziti "Mbega ukorama kwacu! Iki gitabo ni bwoko ki kidasiga (icyaha) gito n’ikinini kitakibaruye!?” Bazasanga ibyo bakoze birimo, kandi Nyagasani wawe nta we ahuguza.¹”

Irya gatatu: Imurikwa ry’ibikorwa by’ibiremwa. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَوْمَ تَجِدُ كُلُّ نَفْسٍ مَّا عَمِلَتْ مِنْ خَيْرٍ مُّحْضَرًا وَمَا عَمِلَتْ مِنْ سُوءٍ تَوَدُّ لَوْ أَنَّ بَيْنَهَا وَبَيْنَهُ أَمَدًا بَعِيدًا... ﴿٣٠﴾﴾ **آل عمران: ٣٠**

“Umunsi buri muntu azasanga ibyiza yakoze ndetse n’ibibi yakoze bihari azifuza ko hagati ye n’ibibi bye haba intera ndende...²”

Irya kane: Abantu bazamurikirwa umuriro ndetse nawo umurikirwe abantu. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَيَوْمَ يُعْرَضُ الَّذِينَ كَفَرُوا عَلَى النَّارِ أَلْهَبٌ أَطْبَقَتْكُمْ فِي حَيَاتِكُمْ فِي الدُّنْيَا وَأَسْتَمْتَعْتُمْ بِهَا... ﴿٢٠﴾﴾ **الأحقاف: ٢٠**

“Uzirikane n’umunsi babandi bahakanye bazagezwa imbere y’umuriro, maze (babwirwe) bati "Mwapfushije ubusa ibyiza byanyu mu buzima bw’isi mubyinezemo...³”

Ikindi twakwibutsa nuko ku mwemeramana hari itandukaniro riri hagati yo kumurikirwa ibikorwa no gukorerwa ibarura; aho bitandukaniye nuko uwo **Allah** azamurikirwa ibikorwa akagira ibyo

¹ Qur’an 18:49

² Qur’an 3:30

³ Qur’an 46:20

amubaza muri byo akemera ko yabikoze, **Allah** azamubwira ko yamuhishiriye ku isi, kandi akaba anabimubabariye kuri uwo munsu w'imperuka. Iri ni naryo ryiswe ibarura ryoroheje nkuko byagaragaye muri Hadith yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) iboneka mu bitabo bya Bukhari na Muslim (A-Swahihayni), ndetse na **Allah** akabishimingira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَأَمَّا مَنْ أُوْتِيَ كِتَابَهُ بِرِجْمَانِهِ ۖ فَسَوْفَ يُحَاسَبُ حِسَابًا يَسِيرًا ﴿٧﴾﴾ **الانشقاق: ٧ - ٨**

“Bityo, uzahabwa igitabo cye (cy’ibikorwa bye) mu kuboko kw’iburyo. Azabarurirwa mu buryo bworoshye.”¹

Naho uwo **Allah** azakorera ibarura nyirizina kuri buri gato na kanini azaba ahuye n’akaga.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“...no kubibarurirwa, gusoma ibitabo (byanditsemu ibikorwa abagaragu bakoze), hakazanabaho ibihembo ndetse n’ibihano (bigendanye n’ibyo umuntu yakoze)...”** Mu bintu bitandukanye bizabaho ku munsu w'imperuka harimo ibarura rikomeye ry’ibikorwa by’ibiremwa **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَمَّا مَنْ أُوْتِيَ كِتَابَهُ بِرِجْمَانِهِ ۖ فَيَقُولُ يَلِّتُنِي لِمَ أُوتِيَ كِتَابِيَةَ ۗ وَلَمْ يَآذِرْ مَا حَسَابِيَةَ ﴿٢١﴾ يَلِّتَهَا كَانَتْ الْقَاضِيَةَ ﴿٢٢﴾ مَا أَغْنَىٰ عَنِّي مَالِيَةَ ﴿٢٣﴾ هَلَكَ عَنِّي سُلْطَانِيَةَ ﴿٢٤﴾﴾ **الحاقة: ٢٥ - ٢٩**

“Na ho uzahabwa igitabo cye mu kuboko kw’ibumoso, azavuga (yicuza n’agahinda kenshi) ati “iyaba ntari mpawe iki gitabo cyanjye!” Sinamenye n’ibarura ryanjye!. Iyaba urupfu (rwanjye napfuye mva ku isi) rwari rwo rwa burundu. Umutungo wanjye nta cyo wamariye!”²

Nanone **Allah** aragira ati:

¹ Qur’an 84:7-8

² Qur’an 69-25-28

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَكُلَّ إِنْسَانٍ أَلْمَنَّا طَبْرَهُ فِي عُنُقِهِ ۖ وَنُخْرِجُ لَهُ يَوْمَ الْقِيَامَةِ كِتَابًا يَلْقَاهُ مَنشُورًا ﴿١٣﴾ أَقْرَأَ كِتَابَكَ كَفَىٰ بِنَفْسِكَ الْيَوْمَ عَلَيْكَ حَسِيبًا ﴿١٤﴾﴾ الإِسْرَاءُ: ١٣ - ١٤

“Na buri muntu twamuziritseho ibikorwa bye (nk’urunigi) mu ijosi, kandi ku munsu w’imperuka tuzamuzanira igitabo azasanga gifunguye. (Maze abwirwe ati) "Soma igitabo cyawe! Uyu munsu wowe ubwawe urihagije kwibera umubaruzi.¹”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**...tukanemera na Siratwa...**” Siratwa ni ikiraro kiri hejuru y’umuriro wa Djahanama abantu bazanyuraho mu buryo butandukanye bigendanye n’ibikorwa byabo bakoze bajya mu ijuru, gifite umubyimba muto kurusha uw’umusatsi, gityaye cyane kurusha ubugi bw’inkota, gifite ingobe ku mpande zacyo zizajya zifata uwo **Allah** ashaka ko agwa mu muriro wa Djahanama. **Allah** Aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِنْ مِّنكُمْ إِلَّا وَارِدُهَا كَانَ عَلَىٰ رَبِّكَ حَتْمًا مَّقْضِيًّا ﴿٧١﴾﴾ مَرْيَمَ: ٧١

“Nta n’umwe muri mwe utazayinyuraho (Siratwa). Iryo ni ihame ntakuka kuri Nyagasani wawe.²”

Ikindi nuko iyi Siratwa ari inzira ifatika izaba ijya mu ijuru abantu bazanyuraho, hakaba hari n’indi Siratwa yo ku isi ariyo dini ya **Allah** (Isilamu) ari nayo ivugwa muri uyu murongo wa Qur’an Aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَهْدِنَا الصِّرَاطَ الْمُسْتَقِيمَ ﴿٦﴾ صِرَاطَ الَّذِينَ أَنْعَمْتَ عَلَيْهِمْ غَيْرِ الْمَغْضُوبِ عَلَيْهِمْ وَلَا الضَّالِّينَ ﴿٧﴾﴾ الْفَاتِحَةُ: ٦ - ٧

“Tuyobore inzira igororotse Inzira y’abo wahundagajeho inema, itari iy’abarakariwe cyangwa abayobye.³”

Nanone **Allah** aragira ati:

¹ Qur’an 17:13-14

² Qur’an 19:71

³ Qur’an 1:6-7

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَمَّنْ يَمْشِي مُكِبًّا عَلَى وَجْهِهِ أَهْدَىٰ أَمَّنْ يَمْشِي سَوِيًّا عَلَىٰ صِرَاطٍ مُّسْتَقِيمٍ﴾ **المك: ٢٢**

“Ese wa wundi ugenda yubitse umutwe (ahuzagurika mu dini ya Isilamu) ni we wayobotse kurusha wa wundi ugenda yemye mu nzira igororotse!?”¹

Ubwo rero uburyo umuntu anyura muri iyo nzira (*Siratwa*) yo ku isi nibyo bimushoboza kuzanyura ku nzira (*Siratwa*) yo ku muni w'imperuka. Bityo rero iyo umuntu agenda muri iyi nzira yo ku isi mu buryo buboneye, bizatuma anyura kuri ya nzira yo ku muni w'imperuka yemye, naho iyo agenda mu nzira yo ku isi biguru ntege no ku muni w'imperuka bizaba ari uko.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“...ndetse n'iminzani...”** Umunzani ni igikoresho gisanzwe kizwi gipima uburemere bw'ibintu, ariko uvugwa aha ni uwo **Allah** ku muni w'imperuka azashyiraho kugira ngo upime ibikorwa by'ibiremwa. Ntawe uzi ubuhambare bwawo uretse **Allah**. Uzaba ufite ahapimirwa habiri ibyiza bishyirwe hamwe n'ibibi bishyirwe ahandi, ndetse uzaba ufite n'urulimi rwawo. **Allah** yawushyizeho ashingiye ku butabera bwe kugira ngo ntihazagire umugaragu ugira urwitwazo ko atahawe ubutabera.

Gihamya ziragaragaza ko ku muni w'imperuka hazapimwa ibintu bitatu:

1. Umuntu ubwe. Ibi bishimangirwa na hadith ivuga ko Ibun Mas'ud

عن ابن مسعود ” أنه كان رقيق الساقين، فجعلت الريح تلقيه، فضحك القوم منه، فقال رسول الله ﷺ: مم تضحكون؟ قالوا: يا نبي الله من رقة ساقيه. قال: والذي نفسي بيده لهما أثقل في الميزان من أحد.“ رواه أحمد وأبو داود

¹ Qur'an 67:22

yari afite amaguru mato nuko umuyaga uhuha imyenda yari yambaye maze abantu baramuseka, Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) irababaza iti: Muri guseka iki? Barayisubiza bati: Yewe Ntumwa turaseka uburyo amaguru ye ari mato. Intumwa y’Imana iravuga iti: Ndahiye ufite roho yanjye mu kuboko kwe ko aya maguru ye aremereye ku munzani wa Allah kurusha umusozi wa Uhudi.”¹

Nanone Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

وعن أبي هريرة رضي الله عنه عن رسول الله ﷺ قال: « إِنَّهُ لَيَأْتِي الرَّجُلُ السَّمِينُ الْعَظِيمُ يَوْمَ الْقِيَامَةِ لَا يَزُنُّ عِنْدَ اللَّهِ جَنَاحَ بُعُوضَةٍ « متفقٌ عَلَيْهِ .

“Mu by’ukuri ku munsu w’imperuka hazaza umugabo ubyibushye cyane ariko imbere ya Allah adafite uburemere bungana n’ubw’ibaba ry’umubu.”²

2. Ibikorwa yakoze. Bigashimangirwa n’umurongo wa Qur’an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَالْوَزْنُ يَوْمَئِذٍ الْحَقُّ فَمَنْ ثَقُلَتْ مَوَازِينُهُ فَأُولَئِكَ هُمُ الْمُفْلِحُونَ ﴿٨﴾ وَمَنْ خَفَّتْ مَوَازِينُهُ فَأُولَئِكَ الَّذِينَ خَسِرُوا أَنفُسَهُمْ بِمَا كَانُوا بِآيَاتِنَا يَظْمُونَ ﴿٩﴾ الأعراف: ٨ - ٩

“N’iminzani, kuri uwo munsu izaba ari iy’ukuri. Abo iminzani (y’ibikorwa byabo byiza) izaremera, abo ni bo bakiranutsi. Naho abo iminzani (y’ibikorwa byabo byiza) izaba yoroshye; abo ni babandi bihombeje kubera ko birengagizaga amagambo yacu.”³

Nanone Allah aragira ati:

¹ Yakiriwe na Abu Daud na Ahmad

² Yakiriwe na Bukhari

³ Qur’an 7:8-9

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَنَضَعُ الْمَوَازِينَ الْقِسْطَ لِيَوْمِ الْقِيَامَةِ فَلَا تُظْلَمُ نَفْسٌ شَيْئًا وَإِنْ كَانَ مِثْقَالَ حَبَّةٍ مِنْ خَرْدَلٍ أَتَيْنَا بِهَا وَكَفَى بِنَا حَاسِبِينَ﴾ ﴿٤٧﴾ **الأنبياء: ٤٧**

“Ndetse tuzashyira (ahagaragara) iminzani y’ubutabera ku munsu w’imperuka, ku buryo nta muntu n’umwe uzahuguzwa, n’iyo (ibikorwa bye) bizaba bifite uburemere bungana nku bw’impeke ya Haridali (ubwoko bw’ikimera cy’ikinyampeke kigira akabuto kangana nk’ururo,) tuzabizana. Kandi birahagije kuba turi abahanga mu kubarura.”¹

Nanone bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) avuga ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

وَأَخْرَجَ الشَّيْخَانِ عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: «كَلِمَتَانِ حَبِيبَتَانِ إِلَى الرَّحْمَنِ خَفِيفَتَانِ عَلَى اللِّسَانِ ثَقِيلَتَانِ فِي الْمِيزَانِ: سُبْحَانَ اللَّهِ وَبِحَمْدِهِ سُبْحَانَ اللَّهِ الْعَظِيمِ».

“Amagambo abiri akunzwe kwa Nyagasani Nyir’impuhwe, yoroshye kuyavuga ku rulimi, ariko aremereye ku munzani: **SUB’HANALLAHI WA BIHAMDIHI, SUB’HANALLAHIL ADHWIM:** Ubutagatifu n’ugusingizwa ni ibya **Allah**, ubutagatifu ni ubwa **Allah** uhambaye!”²

3. Ibitabo (imizingo) byanditswemo ibyo bikorwa: Bishimangirwa na hadith yaturutse kwa Abdilahi Ibun Amiri Ibun Al Aswi (Imana imwishimire) ivugwamo umugabo uzaza ku munsu w’imperuka afite ikarita yanditseho (*LA Ilaha Ila Llah Muhamada Rasulu llah*) maze hazanwe ibitabo mironko icyenda n’icyenda (birimo ibikorwa bye), buri gitabo kingana naho amaso y’umuntu agarukira areba kandi ibyo bitabo byose bizaba birimo ibyaha, nuko uwo mugabo amware maze bamusohorere ikarita iriho ubuhamya bubiri (*La Ilaha Ila Llah Muhamada Rasulu llah*).

¹ Qur’an 21:47

² Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.

Intumwa y’Imana iragira iti: “Ibitabo bijye hasi maze iyo karita ariyo ijya hejuru (iremere kurusha bya bitabo).”¹

الْجَنَّةُ وَالنَّارُ مَخْلُوقَتَانِ مَوْجُودَتَانِ لَا تَفْنَيَانِ أَبَدًا

**Ijuru n’umuriro ni ibiremwa biriho kandi bizahoraho
ntibizigera birangira.**

وَالْجَنَّةُ وَالنَّارُ مَخْلُوقَتَانِ لَا تَفْنَيَانِ أَبَدًا، وَلَا تَبِيدَانِ

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djamaat)] twemera ijuru n’umuriro ko ari ibiremwa bya Allah bitazarangira cyangwa ngo biveho.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijuru: Mu rurimi ry’icyarabu ni (*Al Djanat*) bisobanuye ubusitani bugizwe n’ibiti byinshi. Ariko ubuvugwa aha ni ubuturo bw’ingororano buzahoraho Allah yateganyirije abamwemeye abamutinya, abamweguriye ibikorwa byabo, ndetse n’abakurikiye Intumwa ze bakazabwinjizwamo ku munsu w’imperuka.

Ikindi nuko mu myemerere y’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djamaat*) bemera ko ijuru ryaremwe kandi ririho ndetse ritazigera rirangira nkuko umwanditsi yabigaragaje.

Allah aragira ati:

¹ Yakiriwe na Ahmad.

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَإِنَّ لِلْمُتَّقِينَ لَحُسْنَ مَكَابٍ ﴿٤٩﴾ جَنَّاتٍ عَدْنٍ مَّفْتَحَةٌ لَهُمْ الْأَبْوَابُ ﴿٥٠﴾ مُتَّكِئِينَ فِيهَا يَدْعُونَ فِيهَا بِفَلَكَهَاتٍ كَثِيرَةٍ وَشَرَابٍ ﴿٥١﴾ * وَعِنْدَهُمْ قَصْرَاتٌ أَلْوْفٌ أَثْرَابٍ ﴿٥٢﴾ هَذَا مَا تُوعَدُونَ لِيَوْمِ الْحِسَابِ ﴿٥٣﴾ إِنَّ هَذَا لَرِزْقُنَا مَا لَهُ مِنْ نَفَادٍ ﴿٥٤﴾﴾ **ص: ٤٩ - ٥٤**

“...Kandi mu by’ukuri, abatinya (*Allah*) bazagira igarukiro ryiza; Ijuru rihoraho, bazafungurirwa imiryango yaryo; Aho bazaba begamye, batumiza imbuto nyinshi n’ibinyobwa. Bazaba bari kumwe n’abagore barangamiye abagabo babo (gusa) kandi b’urungano. Ibyo ni byo (bihembo) by’umunsi w’ibarura mwasezeranyijwe. Mu by’ukuri, ibyo ni amafunguro yacu adateze kuzashira.¹”

Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti:

قال رسول الله ﷺ: (من يدخل الجنة ينعم ولا يبأس، ويخلد ولا يموت.)

“Uzinjira mu ijuru azabona ingororano ntabwo azigera agira agahinda, ndetse azaribamo ubuziraherezo nta n’ubwo azigera apfa.²”

Umuriro: Ubusanzwe umuriro mu ndimi zitandukanye urazwi, ariko umuriro uvugwa aha ni ubuturo bw’ibihano, ku munsi w’imperuka *Allah* yateganyirije abahakanyi bamuhakanye ndetse banarwanyanya Intumwa ze banazigomekaho.

Ikindi nuko mu myemerere y’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bemera ko umuriro uriho waremwe kandi ko utazigera urangira nkuko umwanditsi yabigaragaje. *Allah* aragira ati:

¹ Qur’an 38:49-54

² Yakiriwe na Muslim

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ الْمَجْرِمِينَ فِي عَذَابٍ جَهَنَّمَ خَالِدُونَ ﴿٧٤﴾ لَا يُفْتَرُ عَنْهُمْ وَهُمْ فِيهِ مُبْلِسُونَ ﴿٧٥﴾﴾ الزخرف:

٧٥ - ٧٤

“Mu by’ukuri, inkosi z’ibibi zizaba mu muriro wa Jahanama ubuziraherezo. Ntibazigera boroherezwa (ibihano by’umuriro), kandi bazawubamo bihebye.¹”

Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يُرِيدُونَ أَنْ يُخْرِجُوا مِنَ النَّارِ وَمَا هُمْ بِخَارِجِينَ مِنْهَا وَالَهُمْ عَذَابٌ مُّقِيمٌ ﴿٣٧﴾﴾

المائدة: ٣٧

“Bashaka kuva mu muriro, kandi si abo kuwuvamo. Bazanahanishwa ibihano bihoraho.²”

Hadithi yaturutse kwa Abi Said (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

عَنْ أَبِي سَعِيدٍ ، قَالَ : قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ : يُجَاءُ بِالْمَوْتِ يَوْمَ الْقِيَامَةِ ، كَأَنَّهُ كَبْشٌ أَمْلَحٌ - زَادَ أَبُو كُرَيْبٍ : فَيُوقَفُ بَيْنَ الْجَنَّةِ وَالنَّارِ ، وَاتَّفَقَا فِي بَاقِي الْحَدِيثِ - فَيُقَالُ : يَا أَهْلَ الْجَنَّةِ هَلْ تَعْرِفُونَ هَذَا؟ فَيَشْرَبُونَ وَيَنْظُرُونَ وَيَقُولُونَ : نَعَمْ ، هَذَا الْمَوْتُ ، قَالَ : وَيُقَالُ : يَا أَهْلَ النَّارِ هَلْ تَعْرِفُونَ هَذَا؟ قَالَ فَيَشْرَبُونَ وَيَنْظُرُونَ وَيَقُولُونَ : نَعَمْ ، هَذَا الْمَوْتُ ، قَالَ فَيُؤْمَرُ بِهِ فَيُدْبَحُ ، قَالَ : ثُمَّ يُقَالُ : يَا أَهْلَ الْجَنَّةِ خُلُودٌ فَلَا مَوْتَ ، وَيَا أَهْلَ النَّارِ خُلُودٌ فَلَا مَوْتَ. رواه مسلم

“Ubwo abantu bo mu ijuru bazaba bamaze kuryinjiramo, n’abo mu muriro bamaze kuwinjiramo, hazazanwa urupfu ruri mu ishusho y’intama rushyirwe hagati y’ijuru n’umuriro, hanyuma umuhamagazi ahamagare ati: Yemwe bantu bo mu ijuru! Ese iki muzi icyo ari cyo? Bahindukirane amatsiko bareba aherekeye ubahamagaye, bavuge bati: Yego! turakizi ni urupfu. Yongere guhamagara ati: Yemwe bantu bo mu muriro! Ese iki muzi icyo

¹ Qur’an 43:74-75

² Qur’an 5:37

ari cyo? Bahindukirane amatsiko bareba aherekeye ubahamagaye, bavuge bati: Yego! turakizi ni urupfu, nuko Allah ategeke ko rubagirwa hagati y'ijuru n'umuriro! Wa muhamagazi yongere avuge ati: Yemwe bantu bo mu ijuru! Mugiye kuribamo ubuziraherezo ntimuzongera gupfa ukundi, namwe bantu bo mu muriro! Mugiye kuwubamo ubuziraherezo ntimuzongera gupfa ukundi.¹

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “...bitazarangira cyangwa ngo biveho.” icyo abamenyi bavuze ku bigendanye no kubaho ubuziraherezo kw'ijuru n'umuriro, nuko ijuru ryo rizahoraho nkuko abamenyi babyemeranyijweho, naho umuriro wo ntiwavuzweho rumwe mu mvugo zigera ku munani, ariko ifite ireme muri zo nk'uko umwanditsi w'igitabo abigaragaza ndetse na gihamyaga twatanze zabigaragaje, ni ivuga ko Allah azakura mu muriro abo azashakaga mu bamwemeye bakoze ibyaha agumishemo abahakanyi bawugumemo ubuziraherezo. Allah niwe mumenyi uhebuje.

Ikindi twavugaga nuko ijuru n'umuriro ubu biriho kandi byamaze kuremwa, ibyo bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عن أنس رضي الله عنه أن النبي ﷺ قال: (والذي نفسي بيده لو رأيتم ما رأيتم لضحكتم قليلا ولبكيتم كثيرا) قالوا وما رأيتم يا رسول الله؟ قال: رأيتم الجنة والنار... رواه أحمد والنسائي

“Ndahiye ufite roho yanjye mu kuboko kwe, iyo muza kuba mubona ibyo nabonye mwari guseka gake mukarira cyane! Abasangirangendo baramubaza bati: Ni ibiki wabonye yewe Ntumwa y'Imana? Irabasubiza iti: Nabonye ijuru n'umuriro.²”

¹ Yakiriwe na Muslim

² Yakiriwe na Amhad na A-Nasa-i

Aha umwanditsi yazanye iki kigwa kugira ngo asubize agatsiko k'abitwa *Al Djah'miyat* n'ak'abitwa *Al Mu-utazilat*. Kuko bo bavuga ko ijuru n'umuriro bitararemwa, kandi ko ku muni w'imperuka bitazahoraho ubuziraherezo.

Ikindi nuko ijuru n'umuriro byaremwe mbere y'ikiremhamuntu (Adamu) nkuko bishimangirwa n'imirongo ya Qur'an ntagatifu itandukanye nk'aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ * وَسَارِعُوا إِلَىٰ مَغْفِرَةٍ مِّن رَّبِّكُمْ وَجَنَّةٍ عَرْضُهَا السَّمَاوَاتُ وَالْأَرْضُ أُعِدَّتْ
لِلْمُتَّقِينَ ﴾ آل عمران: ١٣٣

“Kandi mwihutire gushaka imbabazi ziva kwa Nyagasani wanyu, n'Ijuru rifite ubugari bungana n'ibirere n'isi, ryateguriwe abatinya Allah.”¹

Nanone **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ...فَاتَّقُوا النَّارَ الَّتِي وَقُودُهَا النَّاسُ وَالْحِجَارَةُ أُعِدَّتْ لِلْكَافِرِينَ ﴾ البقرة: ٢٤

“...Nimwirinde umuriro, wo ibicanwa byawo ari abantu n'amabuye; wateguriwe abahakanyi.”² Bisobanuye ko **Allah** yabanje kubirema mbere yuko arema abazaryinjiramo.

¹ Qur'an 3:133

² Qur'an 2:24

سبق القدر فيمن يصير إلى الجنة ومن يصير إلى النار

Kuba Allah yari yaragennye abazinjira mu ijuru n'abazinjira mu muriro mbere y'uko babyinjiramo.

وَأَنَّ اللَّهَ تَعَالَى خَلَقَ الْجَنَّةَ وَالنَّارَ قَبْلَ خَلْقِ الْخَلْقِ، وَخَلَقَ لَهُمَا أَهْلًا، فَمَنْ شَاءَ مِنْهُمْ إِلَى الْجَنَّةِ فَضْلًا مِنْهُ، وَمَنْ شَاءَ مِنْهُمْ إِلَى النَّارِ عَذَابًا مِنْهُ. وَكُلُّ يَعْْمَلُ لِمَا قَدْ فُرِعَ لَهُ، وَصَائِرٌ إِلَى مَا خُلِقَ لَهُ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*)] twemera ko **Allah** yaremeye ijuru n'umuriro mbere y'uko arema ibindi biremwa, ndetse anabigenere abazabyinjiramo. Bityo uwo **Allah** azashaka muri bo azamwinjiza mu ijuru ku bw'ingabire ze, n'uwo azashaka muri bo azamwinjiza mu muriro ku bw'ubutabera bwe. Kandi na buri wese akora ibikorwa bijyanye n'ibyo yaremewe kuzagororerwa (ijuru cyangwa umuriro), ndetse n'iherezo rye arisoreza ku cyo yaremewe (ijuru cyangwa umuriro).

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Iki cyigwa umwanditsi akomojeho, ubusanzwe cyinjira mu bijyanye n'igeno **Allah** yaremeye ibiremwa bye n'iherezo yabishyiriyeho. Ibi bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

(...يا عائشة! إن الله خلق للجنة أهلاً خلقهم لها وهم في أصلاب آبائهم، وخلق للنار أهلاً خلقهم لها وهم في أصلاب آبائهم...)

“...Mu by’ukuri Yewe Aishat Imana yaremeye ijuru abazaryinjiramo bakiri mu migongo ya ba se, ndetse inaremera umuriro abazawinjiramo bakiri mu migongo ya ba se...¹”

Nkuko bigaragaye muri izi gihamya ijuru n’umuriro byateguriwe abazabijyamo mbere y’uko baremwa.

Naho ijamba ry’umwanditsi rigira riti: “...**Kandi na buri wese akora ibikorwa bijyanye n’ibyo yaremewe kuzagororerwa (ijuru cyangwa umuriro)**” Aha umwanditsi w’igitabo agamije kuvuga ko iyo umuntu ari mu bandikiwe kuzinjira mu ijuru akora ibikorwa by’abazaryinjiramo, n’iyo ari umwe mu bazajya mu muriro akora ibikorwa by’abazawinjiramo. **Allah** ashimangira ibyo agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ سَعْيَكُمْ لَشَتَّىٰ ﴿٤﴾ فَأَمَّا مَنْ أَعْطَىٰ وَاتَّقَىٰ ﴿٥﴾ وَصَدَّقَ بِالْحُسْنَىٰ ﴿٦﴾ فَسَنُيَسِّرُهُ لِلْيُسْرَىٰ ﴿٧﴾ وَأَمَّا مَنْ
بَخِلَ وَاسْتَغْنَىٰ ﴿٨﴾ وَكَذَّبَ بِالْحُسْنَىٰ ﴿٩﴾ فَسَنُيَسِّرُهُ لِلْعُسْرَىٰ ﴿١٠﴾﴾ **الليل: ٤ - ١٠**

“Mu by’ukuri, ibikorwa byanyu biratandukanye. Wawundi utanga (amaturu) akanatinya (**Allah**). Kandi akizera icyiza (Ijuru). Tuzamworohereza inzira y’ibyiza. Ariko uzaba umunyabugugu, akirata yumva ko (yishoboye). Akanahinyura icyiza. Tuzamworohereza inzira y’ibibi.”²”

N’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti:

قال رسول الله ﷺ: (اعْمَلُوا فِكُلِّ مَيْسَرٍ لِمَا خُلِقَ لَهُ...)

“Nimukore kuko buri wese azoroheretzwa icyo yaremewe.”³”

Bisobanuye ko umuntu atagomba kugira urwitwazo avuga ko niba **Allah** azi aho azajya mu ijuru, cyangwa mu muriro, nta mpamvu yo kwigora ngo akore ibikorwa byiza! Uwabisobanukirwa

¹ Yakiriwe na Muslim

² Qur’an 92:4-10

³ Yakiriwe na Bukhari

gutyo, yaba abisobanukiwe nabi kuko ibyo kuba Allah abizi ni byo, kandi biri mu mabanga ye, ntawe yigeze abyereka.

Ikindi umuntu asabwa nk'umugaragu ni ugukora ibikorwa byiza bitunganye, naho niyishora mu bibi bizaba ari amahitamo ye kandi niwe uzabiryoza.

Kandi kuba Allah yararemye icyiza n'ikibi yabiremye ku bw'impamvu, ari yo kugira ngo atandukanye hagati y'umwemera by'ukuri uzamwumvira n'umuhakanyi uzamwigomekaho. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَنَبَلُّوكُمْ بِالْأَشْرِّ وَالْأَخْيَرِ فِتْنَةً وَإِلَيْنَا تُرْجَعُونَ ﴿٣٥﴾﴾ الأَنْبِيَاءُ: ٣٥

“...Kandi tuzabagerageresha ibibi n'ibyiza. Ndetse iwacu ni ho muzasubizwa.¹”

Hari ubwo umuntu yakibaza ikibazo kigira kiti: Niba Imana yanga ikibi ndetse n'ubuhakanyi, none ni ukubera iki yakiremye ikanakigena? Igisubizo cyacyo gikubiye muri uyu murongo wa Qur'an mutagatifu ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...مَا كَانَ اللَّهُ لِيَذَرَ الْمُؤْمِنِينَ عَلَىٰ مَا أَنْتُمْ عَلَيْهِ حَتَّىٰ يَمِيزَ الْخَبِيثَ مِنَ الطَّيِّبِ وَمَا كَانَ اللَّهُ لِيُطْلِعَكُمْ عَلَى الْغَيْبِ وَلَكِنَّ اللَّهَ يَجْتَبِي مِن رُّسُلِهِ مَن يَشَاءُ فَتَأْمَنُوا بِاللَّهِ وَرُسُلِهِ وَإِن تُؤْمِنُوا فَتَتَّقُوا فَلَكُمْ أَجْرٌ عَظِيمٌ ﴿١٧٩﴾﴾ آلِ عِمْرَانَ: ١٧٩

“Allah ntiyari kurekera abemera mu buryo muri mo, kugeza agaragaje ababi mu beza. Kandi Allah ntiyari kubahishurira ibitagaragara. Cyakora Allah ahitamo uwo ashaka mu ntumwa ze (akaba ari we abihishurira). Ku bw'ibyo, nimwemere Allah n'intumwa ze. Kandi nimwemera mukanatinya Allah, muzagororerwa ibihembo bihambaye.²”

¹ Qur'an 21:35

² Qur'an 3:179

Bityo ntitwari kumenya uwumvira Imana n'uyigomekaho bitanyujijwe mu bikorwa akora, kandi umenya agaciro k'ikintu ari uko uhuye n'ikinyuranyo cyacyo. Urugero: Umenya agaciro k'urumuri ari uko uhuye n'umwijima, ikiryohereye ari uko uhuye n'ikibishye n'ibindi.

كل شيء بقدر

Buri kintu cyose kibaho ku bw'igeno.

وَالْخَيْرُ وَالشَّرُّ مَقْدَرَانِ عَلَى الْعِبَادِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djam-at) twemera ko ibyiza n'ibibi byamaze kugenerwa ibiremwa.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Nkuko twabibonye mu masomo yabanje, nuko umwanditsi yavuze ku bijyanye n'igeno mu buryo burambuye anagaragaza imiterere yaryo. Gusa icyo twakwibutsa nuko ibigendanye n'igeno hari amatsinda yanyuranyije n'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djam-at), agashyira imbere ubwenge bwabo akirengagiza gihamya za Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana, bikabaviramo kuyoba.

Ubusanzwe ku bijyanye n'igeno hari amatsinda atatu yabivuzeho mu buryo butandukanye.

Irya mbere: Al Djab'riyat. Aba bavuga ko umuntu nta ruhare agira mu byo akora n'ibimubaho byose, ahubwo bigomba kuba nkuko Imana yabyanditse nta ruhare abigizemo. Al Djab'riyat iri

zina ryabo rikomoka ku guhatira (*Al Djab'ru*) kuko bo bavuga ko umuntu ahatirizwa gukora ibikorwa akora, ariko bo bararengereye mu gushimangira ibikorwa by'Imana kugeza ubwo bavuze ko nta ruhare umuntu agira mu byo akora ndetse n'ibimubaho.

Kandi ko umuntu nta bikorwa agira, bakavuga ko ibiba ku muntu ari **Allah** ubikora, bakabigereranya nko gutitira k'umuntu, bakavuga ko umuntu ashobora kwitirirwa ibikorwa mu rwego rwo gutira inyito ariko uba yabikoze ari **Allah**.

Irya kabiri: *Al Qadariyat*. Aba bakabije mu gushimangira uruhare rw'umuntu mu bikorwa bye, bavuga ko umuntu ari we ubyirempera, **Allah** nta ruhare aba yabigizemo n'abandi nkabo. Iri zina *Al Qadariyat* rikomoka ku ijambo igeno (*Al Qadar*, bakavuga kandi ko ibikorwa abantu bakora bitinjira mu gushaka kw'Imana, bakavuga ko **Allah** atigeze abigena cyangwa ngo abishake, ahubwo ko ari abantu babyikorera ubwabo.

Irya gatatu: Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*), bo bagiye hagati no hagati ni nabo bahuje n'ukuri kugaragazwa na gihamyza za Qur'an n'invugo z'Intumwa y'Imana baravugaga bati: Umugaragu afite ubushake n'amahitamo mu bikorwa akora bikanamwitirirwa, ariko akaba nta kintu yakora ubwe bitari ku bushake bwa **Allah** n'igeno rye. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَاللَّهُ خَلَقَكُمْ وَمَا تَعْمَلُونَ﴾ الصافات: ٩٦

“Kandi **Allah** yarabaremye, mwe n'ibyho mukora ubwanyu”¹

Uyu murongo wa Qur'an urashimangira ko ibiremwa bigira ibikorwa ariko ibyo bikorwa bikaba ari **Allah** wabiremye ndetse akanabigena.

¹ Qur'an 37:96

Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَا تَشَاءُونَ إِلَّا أَنْ يَشَاءَ اللَّهُ رَبُّ الْعَالَمِينَ ﴾ ﴿٢٩﴾ التكويد: ٢٩

“Kandi nta cyo mwashaka (ngo kibe) keretse Allah, Nyagasani w’ibiremwa (byose) aramutse agishatse.¹”

Aha Allah yashimangiye ko ibiremwa bye bigira amahitamo mu bikorwa bikora, ariko aya mahitamo aza nyuma y’amahitamo ya Allah.

Ikindi umwanditsi yagarutseho, nuko nta kintu kiba ku bagaragu cyaba icyiza cyangwa ikibi usibye ko kiba giturutse kwa Allah. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... وَإِنْ تُصِبُّهُمْ حَسَنَةٌ يَقُولُوا هَذِهِ مِنْ عِنْدِ اللَّهِ وَإِنْ تُصِبُّهُمْ سَيِّئَةٌ يَقُولُوا هَذِهِ مِنْ عِنْدِكَ قُلْ كُلٌّ مِنْ عِنْدِ اللَّهِ ... ﴾ ﴿٧٨﴾ النساء: ٧٨

“...Kandi n’iyo bagezweho n’icyiza, baravuga bati "Iki giturutse kwa Allah", naho bagerwaho n’ikibi bakavuga bati: "Iki kiguturutseho (wowe Muhamadi)". Vuga uti: "Byose bituruka kwa Allah...²”

Gusa kuba umuntu yemera ko ibyiza n’ibibi bituruka kwa Allah, ntibikuraho gukora impamvu zose zishoboka kugira ngo agere ku cyiza, ndetse no gukora impamvu zose zishoboka kugira ngo yirinde ikibi.

Gusa ibisobanuro mu buryo burambuye kuri ibi tuzabibona mu cyigwa cy’ibigendanye n’igeno.

¹ Qur’an 81:29

² Qur’an 4:78

أنواع الاستِطاعةُ

Amoko y'ubushobozi

وَالِاسْتِطَاعَةُ الَّتِي يَجِبُ بِهَا الْفِعْلُ مِنْ نَحْوِ التَّوْفِيقِ الَّذِي لَا يَجُوزُ أَنْ يُوصَفَ الْمَخْلُوقُ بِهِ،
تَكُونُ مَعَ الْفِعْلِ. وَأَمَّا الْإِسْتِطَاعَةُ مِنْ جِهَةِ الصَّحَّةِ، وَالْوُسْعِ، وَالتَّمَكُّنِ، وَسَلَامَةِ الْأَلَاتِ،
فَهِيَ قَبْلَ الْفِعْلِ، وَبِهَا يَتَعَلَّقُ الْخُطَابُ، وَهُوَ كَمَا قَالَ تَعَالَى: (لَا يُكَلِّفُ اللَّهُ نَفْسًا إِلَّا
وُسْعَهَا) البقرة: ٢٨٦.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*)], twemera ko ubushobozi butuma igikorwa kiba itegeko ku mugaragu abushobozwa na **Allah**, ntabwo biri mu bushobozi bw'umugaragu (ikiremwa); ubu bushobozi nibwo bujyana n'igikorwa. Naho ubushobozi bugendanye n'uburyo igikorwa kiba gitunganye nta nenge, ndetse n'ibyo yifashisha kugira ngo agikore abifite binatunganye, biri mu bubasha n'ubushobozi bw'umuntu bwo kugikora. Ubu bushobozi buba mbere y'igikorwa umugaragu ategetswe gukora, ni nabwo bushingirwaho umugaragu ategekwa amategeko atandukanye nkuko **Allah** agira ati: "...**Allah** nta we ategeka icyo adashoboye..." Qur'an 2: 286.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Aha umwanditsi yagaragaje ko ubushobozi burimo amoko abiri:

Ubwa mbere: Ni ubushobozi bugendana n'igikorwa nyirizina. Ikindi kandi ntabwo ari bwo bushingirwaho umuntu ategekwa cyangwa abuzwa, ahubwo **Allah** abuha uwo ashatse. Kandi uko

gushobozwa na **Allah** (A-Taw'fiq), nikwo abahakanyi batahawe nkuko bigaragara mu murongo wa Qur'an aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أُولَئِكَ لَمْ يَكُونُوا مُعْجِزِينَ فِي الْأَرْضِ وَمَا كَانَ لَهُمْ مِنْ دُونِ اللَّهِ مِنْ أَوْلِيَاءَ يُضَعِفُ لَهُمْ
الْعَذَابَ مَا كَانُوا يَسْتَطِيعُونَ السَّمْعَ وَمَا كَانُوا يُبْصِرُونَ ﴿٢٠﴾ هود: ٢٠

“Abo nta bwo bari bananiranye (guhanirwa) ku isi, kandi nta n’ubwo bari bafite abarinzi (babarinda ibihano) uretse **Allah**. Bazatuburirwa ibihano, ntibashoboraga kumva nta n’ubwo banabonaga.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَعَرَضْنَا جَهَنَّمَ يَوْمَئِذٍ لِلْكَافِرِينَ عَرَضًا ﴿١٠٠﴾ الَّذِينَ كَانَتْ أَعْيُنُهُمْ فِي غِطَاءٍ عَنْ ذِكْرِي وَكَانُوا لَا
يَسْتَطِيعُونَ سَمْعًا ﴿١٠١﴾ الكهف: ١٠٠ - ١٠١

“Kuri uwo munsu tuzashyirira abahakanyi umuriro wa Jahanamu ahagaragara. Ba bandi amaso ya bo yari akingirijwe ntabone ibimenyetso byanjye, kandi ntibashoboraga kumva.²”

Igisobanuro cy’aya magambo matagatifu ntabwo ari uko bari ibipfamatwi, kuko igipfamatwi ntigihorwa ibyo kitumvise, kuko ntikiba cyumva, nkuko impumyi idahorwa ibyo itabonye kuko iba itareba, kandi ntiba ibifitiye n’ubushobozi.

Bityo rero ubushobozi batahawe (Abahakanyi), ni ubushobozi bugendana n’igikorwa aribwo bwo gushobozwa na **Allah** (A-Taw'fiq). **Allah** yabubimye kubera ubugenge bwe azi nyuma yo kubaha ubushobozi bwo gukora no kwemera. Kandi ntabwo ari bwo amategeko ya Isilamu ashingiraho, kuko abo bahakanyi bari bafite ubushobozi bwo kumvira **Allah** ariko icyabibabujije nuko batagize ubwo bushake, kubera irari ndetse n’amarangamutima

¹ Qur'an 11:20

² Qur'an 18:100-101

bitandukanye n'umwemeramana wagize ubushake bigatuma **Allah** amushoboza.

Urugero rw'ibi ni nko kubwira umuntu ngo ujye uhozaho isengesho ryo mu rukerera (*Al Faj'ri*) mu mbaga akavuga ati: Ntabyo nshoboye! Ese koko aba atabishoboye? Oya, ukuri nuko aba abishoboye! Kuko aramutse afite indi gahunda imufitiye inyungu z'isi muri ayo masaha y'iryo sengesho rikorerwamo yabyuka icyo gihe, ubwo bushobozi bwe bukagaragara.

Ubwa kabiri: Ni ubushobozi bwa mbere y'igikorwa ni nabwo bushingirwaho umuntu ategukwa cyangwa se abuzwa. Iyo ubwo bushobozi budahari nta n'amategeko abaho, kuko nta tegeko ku cyo umuntu adafitiye ubushobozi. Ubu bushobozi n'ububasha buboneka mbere y'igikorwa, **urugero** twavugaga nko kuba afite ubuzima buzira umuze, kuba ibikoresho yifashisha bihari bidafite inenge kugira ngo akore ibyo ategetswe, kuba n'impamvu zituma igikorwa gikorwa ziba zihari. Ibi iyo umuntu abyujuje aba ategetswe gukora igikorwa. **Allah** aragira ati:

﴿...وَلِلَّهِ عَلَى النَّاسِ حِجُّ الْبَيْتِ مَنِ اسْتَطَاعَ إِلَيْهِ سَبِيلًا وَمَنْ كَفَرَ فَإِنَّ اللَّهَ غَفُورٌ عَلِيمٌ﴾

آل عمران: ٩٧

“Allah yategetse abantu gukora umutambagiro mutagatifu (Hidjat) kuri icyo goro k'ubifitiye ubushobozi...”¹

Ubushobozi buvugwa muri uyu murongo ni impamba ndetse n'icyo umuntu agenderaho, nanone hagakenyerwa ubushobozi bw'umubiri. Bityo rero ntabwo ari itegeko gukora umutambagiro mutagatifu keretse ufite ubwo bushobozi bw'umubiri ndetse n'ubw'umutungo. Ubu bushobozi rero nibwo bushingirwaho umuntu ategukwa igikorwa mu mategeko y'idini ya Isilamu, ndetse n'abantu bose babivugaho rumwe.

¹ Qur'an 3:97

Ikindi nuko abantu bose bareshya kuri ubwo bushobozi baba abumvira Imana cyangwa se abayigomera, bose ubwo bushobozi barabufite. Bityo rero nk'uwategetswe isengesho (*A-Swalat*), afite ubwenge buzima, nta mpamvu n'imwe afite ibimubuza, iyo aramutse akoze iryo sengesho cyangwa se akarireka, icyo gihe ntibiba bikuyeho ko atabifitiye ubushobozi.

Hari udutsiko dutatu twayobye mu bigendanye n'ubu bushobozi:

Aka mbere n'aka kabiri: *Al Qadariyat* ndetse na *Al Mu'utazilat* babona ko ubushobozi byanze bikunze bugomba kubaho mbere y'igikorwa, kubera ko bahakana ubushobozi bwa mbere bwo gushobozwa na **Allah** (*A-Taw'fiq*), bivuze ko kuri bo **Allah** nta bushobozi afite bwo kuyobora uwo ari we wese cyangwa se kumuyobya, ahubwo umuntu ku giti cye niwe ufite ubushobozi bwo gukora icyo ashatse.

Aka gatatu: Aba bo imvugo yabo yavuzwe na Ibun Abil Izi mu gitabo cye gisobanura (*Aqidat A-Twahawiyat*) agira ati: “Kamwe mu dutsiko mu bagendera ku migenzo y'Intumwa (*Ahlu Sunat*, ntiyerura ako ariko) karavuze kati: Ubushobozi ntibuba keretse iyo bugendanye n'igikorwa gusa.” Iri rikaba ari ikosa kubera ko iyi mvugo yabo isobanuye ko igisobanuro cy'uyu murongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَاتَّقُوا اللَّهَ مَا اسْتَطَعْتُمْ...﴾ **التغابن: ١٦**

“Bityo, nimutinye **Allah** uko mubishoboye...¹”

Isobanuye ngo nimutinye **Allah** igihe muri kumugandukira, bityo akaba atari itegeko kumutinya uretse kuri babandi bamaze kumutinya, bikaba atari n'itegeko gukora umutambagiro mutagatifu keretse kuri babandi bamaze kuwukora. Iyi mvugo ikaba ifutamyeye nk'uko bigaragara.

¹ Qur'an 64:16

Naho abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) babona ko ubushobozi burimo amoko abiri:

Ubwa mbere: Ubushobozi bugendana n'igikorwa ari bwo bushingiye ku gushobozwa n'Imana (A-Taw'fiiq), Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَمَا أُرِيدُ أَنْ أَمْلِكَكُمْ إِلَىٰ مَا أَنهَكُم عَنْهُ إِنِ أُرِيدُ إِلَّا الْإِصْلَاحَ مَا اسْتَطَعْتُ وَمَا تَوْفِيقِي إِلَّا بِاللَّهِ عَلَيْهِ تَوَكَّلْتُ وَإِلَيْهِ أُنِيبُ ﴿٨٨﴾ هود: ٨٨

“...Nta cyo mparanira uretse kugira ngo ntunganye uko mbishoboye. Kandi nta wundi wabinshoboza uretse Allah. Ni we niringiye kandi ni na we nicuzaho.”¹

Ubwo uwo Allah yashoboje kuyoboka umuyoboro wo kumwemera hari amategeko yamutegetse, natayubahiza azabiryoza.

Ubwa kabiri: Ni ububa mbere y'igikorwa abantu bose babureshyaho (abemeramana n'abahakanyi), ari bwo bushingirwaho umuntu ategukwa cyangwa se abuzwa, nk'uko Allah abishimangira mu murongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَأَيُّهَا النَّاسُ اعْبُدُوا رَبَّكُمُ الَّذِي خَلَقَكُمْ وَالَّذِينَ مِنْ قَبْلِكُمْ لَعَلَّكُمْ تَتَّقُونَ ﴿٢١﴾ البقرة: ٢١

“Yemwe bantu! Nimugaragire Nyagasani wanyu wabaremye mwe n'abababanjirije, kugira ngo mugandukire Allah.”²

Nyuma yuko Allah amaze guha abantu bose ubushobozi bwo ku mugaragira yahise abibategeka, ubwo ntawe uzagira urwitwazo ko atigeze agira ubushobozi bwo kumugaragira. Nk'uko ku munsu w'imperuka Allah azahana abahakanyi banze kumusenga (Gusali), ibyo bigashimangirwa n'iyi mirongo ya Qur'an igira iti:

¹ Qur'an 11:88

² Qur'an 2:21

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مَا سَلَكَكُمْ فِي سَقَرٍ ﴿٤٤﴾ قَالُوا لَمْ نَكُ مِنَ الْمَصْلِينَ ﴿٤٣﴾ وَلَمْ نَكُ نُظْعَمُ الْمَسْكِينَ ﴿٤٥﴾ وَكُنَّا نَحْوُ مَعَ الْخَاطِئِينَ ﴿٤٦﴾ ... ﴿ المدثر: ٤٢ - ٤٥ ﴾

“Ni iki cyabateye kuba muri mu muriro?” (Izo nkozi z’ibibi) zizavuga ziti “Ntitwari mu bakora amasengesho (Swalat) ” Nta n’ubwo twajyaga tugaburira abakene. Kandi twajyaga tugirana ibiganiro bidafite umumaro n’ababivuga...¹”

أَفْعَالُ الْعِبَادِ خَلَقَ اللَّهُ وَكَسَبَ مِنَ الْعِبَادِ

Ibikorwa by’ibiremwa byaremwe na Allah, ariko bikorwa n’ibiremwa.

وَأَفْعَالُ الْعِبَادِ هِيَ خَلْقُ اللَّهِ تَعَالَى، وَكَسْبُ مِنَ الْعِبَادِ. وَلَمْ يُكَلِّفْهُمْ اللَّهُ تَعَالَى إِلَّا مَا يُطِيقُونَ، وَلَا يُطِيقُونَ إِلَّا مَا كَلَّفَهُمْ؛ وَهُوَ تَفْسِيرُ: (لَا حَوْلَ وَلَا قُوَّةَ إِلَّا بِاللَّهِ)؛ نَقُولُ: لَا حِيلَةَ لِأَحَدٍ، وَلَا حَرَكَةَ لِأَحَدٍ، وَلَا تَحْوَلَ لِأَحَدٍ عَنِ مَعْصِيَةِ اللَّهِ إِلَّا بِمَعُونَةِ اللَّهِ، وَلَا قُوَّةَ لِأَحَدٍ عَلَى إِقَامَةِ طَاعَةِ اللَّهِ وَالثَّبَاتِ عَلَيْهَا إِلَّا بِتَوْفِيقِ اللَّهِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) twemera ko ibikorwa by’ibiremwa byaremwe na **Allah** ariko bigakorwa n’ibiremwa. Kandi tukanemera ko **Allah** adategeka abantu usibye ibyo bashoboye, kandi ntibashoboye gukora usibye ibyo **Allah** yabategetse. Iki kikaba ari nacyo gisobanuro cy’imvugo igira iti: **LA HAWULA WALA QUWATA ILA BILLAH**: Nta bushobozi nta n’imbaraga (zo gukora icyiza cyangwa kureka ikibi) usibye ko ari ku bwa **Allah**. Turavuga tuti: Nta mayeri y’uwo ari we

¹ Qur’an 74:42-45

wese, cyangwa ububasha bw'uwo ari we wese, cyangwa ubushobozi bw'uwo ari we wese, afite bwo kureka gukora icyaha, cyangwa ububasha bwo kugandukira **Allah** ndetse no kugira igihagararo ku idini rya **Allah**, usibye ko umuntu abishobozwa na **Allah**.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“Twemera ko ibikorwa by'ibiremwa byaremwe na Allah ariko bigakorwa n'ibiremwa”** Aya magambo umwanditsi avuze aha yose aragaruka ku bisobanuro birebana n'igeno. Abantu ntibavuze rumwe ku bigendanye n'ibikorwa abagaragu bakora ku mahitamo yabo, kandi uko gutandukana kukanashingira ku buryo bemeramo igeno.

Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bavuga ko ibikorwa abagaragu bakora biba ari ibyabo mu buryo bwa nyabwo, ni nabo babyitirirwa. Umugaragu ni we usari, ni nawe usiba, ni we uhagarara akanicara, ni we uvuga ukuri akanabeshya, ni nawe uba umwemera cyangwa umuhakanyi, ni nawe wumvira cyangwa akigomeka, ibyo byose ni ibikorwa bye.

Allah rero yaremye abagaragu anabaremera ibikorwa byabo, abaremera ubushobozi n'ubushake bwo kubikora, kuko niwe urema impamvu n'ibizitera. Ibyo bigashimangirwa n'umurongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿اللَّهُ خَلَقَ كُلَّ شَيْءٍ وَهُوَ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ وَكِيلٌ﴾ الزمر: ٦٢

“Allah ni Umuremyi wa buri kintu, kandi ni nawe muhagararizi wa buri kintu.”¹

¹ Qur'an 39:62

Ubwo **Allah** niba ari we waremye buri kintu n'ibikorwa by'ibiremwa byinjiramo. **Allah** ashimangira ibyo abinyujije ku rulimi rw'Intumwa ye Ibrahimu agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قَالَ أَتَعْبُدُونَ مَا تَنْحِتُونَ ﴿٩٥﴾ وَاللَّهُ خَلَقَكُمْ وَمَا تَعْمَلُونَ ﴿٩٦﴾﴾ الصافات: ٩٥ - ٩٦

*“Arababwira ati: "Ese musenga ibyo mwihangiye. Kandi **Allah** yarabaremye, mwe n'ibyo mukora ubwanyu?"*¹

Bikanashimangirwa nanone na Hadithi yaturutse kwa Hudhayfat iboneka mu gitabo cya Al Hakim na Al Bayhaqiy ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عن حذيفة رضي الله عنه؛ قال: قال رسول الله ﷺ: (إن الله عزَّ وجلَّ صنع كلَّ صانعٍ وصنعتَه) رواه الحاكم والبيهقي.

“Imana yaremye buri kiremwa inakiremwa ibyo kizakora.”

Ariko tukamagana abitwaza izi gihamya bavuga ko ibyo bakora byose batazabiryoza, kuko biba byakozwe n'Imana kandi ari nayo yabiremye, aha twavugaga nk'abitwa *Al Djabriyat*, babona ko umuntu nta bushobozi cyangwa se amahitamo agira mu gukora ibikorwa bye. Izi gihamya nanone zirasubiza agatsiko k'abitwa *Al Qadariyat* kavuga ko ikiremwa aricyo kiremwa ibikorwa gikora bitaba ku bushobozi bw'Imana cyangwa ububasha bwayo, cyangwa kuba yarabiremye.

Kubera ko Imana imaze kuvugaga ko ari yo yaremye ibikorwa by'ibiremwa harimo n'umuntu, yanagaragaje ko yamuhaye ubushobozi bwo kubikora inamutegeka gukora ibyiza akareka ibibi, ndetse inamuha ubwenge n'amahitamo. **Allah** aragira ati:

¹ Qur'an 37:95-96

قَالَ تَعَالَى: ﴿... ثُمَّ إِلَىٰ رَبِّهِمْ مَرْجِعُهُمْ فَيُنَبِّئُهُم بِمَا كَانُوا يَعْمَلُونَ ﴿١٧٨﴾﴾ الأنعام: ١٠٨

“...Hanyuma kwa Nyagasani wabo ni ho bazagaruka maze akabamenyasha ibyo bakoraga.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا أَصْبَرُكُمْ مِنْ مُصِيبَةٍ فِيمَا كَسَبَتْ أَيْدِيكُمْ وَيَعْفُوا عَنْ كَثِيرٍ ﴿٣٠﴾﴾ الشورى: ٣٠

“Ingorane zabageraho, ni ingaruka z’ibyo mukora ubwanyu. Kandi (Allah) ababarira byinshi.²”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿كُلُوا وَاشْرَبُوا هَنِيئًا بِمَا كُنْتُمْ تَعْمَلُونَ ﴿٤٣﴾﴾ إِنَّا كَذَلِكَ نَجْزِي الْمُحْسِنِينَ ﴿٤٤﴾﴾ المرسلات: ٤٣-٤٤

“(Bazabwirwa bati) “Nimurye, munywe kandi mugubwe neza kubera ibyo mwakoze. Mu by’ukuri, uko ni ko tugororera abakoze neza.³”

Ubwo rero iyo umuntu akoze igikorwa cyaba cyiza cyangwa kibi, niwe cyitirirwa n’ubwo bwose ari Imana yakiremye.

Nk’uko Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَمْ حَسِبَ الَّذِينَ اجْتَرَحُوا السَّيِّئَاتِ أَنْ نَجْعَلَهُمْ كَالَّذِينَ ءَامَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ سَوَاءً مَحْيَاهُمْ وَمَمَاتُهُمْ سَاءَ مَا يَحْكُمُونَ ﴿١١﴾﴾ الجنائية: ٢١

“Ese abakora ibibi bakeka ko twabafata kimwe n’abemeye bakanakora ibikorwa byiza; haba mu mibereho yabo yo ku isi ndetse na nyuma yo gupfa!? Rwose ibyo bibwira si ukuri.⁴”

¹ Qur’an 6:108

² Qur’an 42:30

³ Qur’an 77:43-44

⁴ Qur’an 45:21

Naho imvugo y’umwanditsi igira iti: **“Kandi tukanemera ko Allah adategeka abantu usibye ibyo bashoboye, kandi ntibashoboye gukora usibye ibyo Allah yabategetse. Iki kikaba ari nacyo gisobanuro cy’imvugo igira iti: LA HAWULA WALA QUWATA ILA BILLAH: Nta bushobozi nta n’imbaraga (zo gukora icyiza cyangwa kureka ikibi) usibye ko ari ku bwa Allah.”** Iyi mvugo y’umwanditsi irimo urujijo kubera ko ibiremwa bya Allah bishobora gukora n’ibirenze ibyo yabitegetse. Iyi mvugo rero yaba isobanuye ko ibiremwa bidashoboye kuba byakora ibirenze ibyo byategetswe, ariko ukuri nuko ibyo byategetswe ari bike kurusha ibyo bishoboye. Allah rero kubigenza gutyo byari mu rwego rwo kubyorohereza gusa.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... يُرِيدُ اللَّهُ بِكُمْ الْيُسْرَ وَلَا يُرِيدُ بِكُمْ الْعُسْرَ...﴾ البقرة: ١٨٥

“...Allah abashakira ibyoroshye ntabwo abashakira ibigoye...¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يُرِيدُ اللَّهُ أَنْ يُخَفِّفَ عَنْكُمْ وِخْلَ الْإِنْسَانِ ضَعِيفًا﴾ النساء: ٢٨

“Allah arashaka kuborohereza, kuko umuntu yaremwe ari umunyanteye nke.²”

Urugero: Twategetswe gusiba ukwezi kumwe mu mwaka kandi mu by’ukuri dushoboye kuba twasiba amezi abiri cyangwa atatu. Gusa icyo twavuga aha nuko umwanditsi ashobora kuba yari agambiriye kuvuga ko ntacyo umuntu yakora uretse icyo yashobojwe na Allah, ariko ijamba yakoresheje ubusanzwe rikoreshe mu gutegeka cyangwa kubuza, bityo rero ukuri ni uko twagaragaje hejuru, Allah niwe Mumenyi uhebuje.

¹ Qur’an 2:185.

² Qur’an 4:28

Naho imvugo y’umwanditsi igira iti: **“...Iki kikaba ari nacyo gisobanuro cy’imvugo igira iti: LA HAWULA WALA QUWATA ILA BILLAH: Nta bushobozi nta n’imbaraga (zo gukora icyiza cyangwa kureka ikibi) usibye ko ari ku bwa Allah.”** Ibisobanuro by’iri jambo LA HAWULA WALA QUWATA ILA BILLAH: Nuko nta mbaraga n’ububasha umuntu afite usibye ko abishobozwa na Allah. Mu kuvuga iri jambo turasangamo kwicisha bugufi no kutiyitirira ububasha n’ubushobozi. Bityo umuntu ntakwiye gutangarira imbaraga ze n’ububasha afite, ahubwo aba akwiye kugaruka kwa Allah akaba ari we asaba inkunga.

Bikaba impamvu yuko Allah amushoboza kugera ku cyo ashaka, kubera buri kintu cyose kibaho ku bubasha bwa Allah n’ubushobozi bwe. Urugero rwabyo twatanga ni umuntu uvunika ashaka imibereho, mu by’ukuri iyo mvune n’uwo munaniro ni ibye, ariko umushoboza kugera kuri iyo mibereho ashaka ndetse akanamushyiriramo imigisha ni Allah. Allah yavuze muri Qur’an anenga uwari wiyitiriye ubushobozi n’ibyiza yahawe, ubwo yajyaga impaka na mugenzi we yari ashatse gusuzugura. Nuko Allah avuga abinyujije ku rulimi rw’uwo wari usuzuguwe agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَوْلَا إِذْ دَخَلْتَ جَنَّتَكَ قُلْتَ مَا شَاءَ اللَّهُ لَا قُوَّةَ إِلَّا بِاللَّهِ إِنَّ تَرِينَ أَنَا أَقَلَّ مِنْكَ مَالًا وَوَلَدًا ﴿٣٩﴾
الكهف: ٣٩

“Iyo uza kwinjira mu murima wawe (ugashimira Allah) uvuga uti: “Ibi ni ibyo Allah yanshoboje. Ntacyo nakwishoborera ku bwanjye uretse ku bushobozi bwa Allah, n’ubwo umbona ndi munsu yawe mu mutungo n’abana.”¹

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Turavuga tuti: Nta mayeri y’uwo ari we wese....usibye ko umuntu abishobozwa na Allah.”** Aya ni amagambo umwanditsi yavuze ashaka gusobanura mu buryo bwimbitse ijambo LA HAWULA WALA QUWATA ILA BILLAH.

¹ Qur’an 18:39

كُلُّ مَا يَجْرِي فِي الْكَوْنِ بِمَشِيئَةِ اللَّهِ

Buri kintu cyose kibaho kigendera ku bushake bwa Allah.

وَكُلُّ شَيْءٍ يَجْرِي بِمَشِيئَةِ اللَّهِ تَعَالَى، وَعِلْمِهِ، وَقَضَائِهِ، وَقَدَرِهِ؛ غَلَبَتْ مَشِيئَتُهُ الْمَشِيئَاتِ
كُلَّهَا، وَغَلَبَ قَضَاؤُهُ الْحَيْلَ كُلَّهَا، يَفْعَلُ مَا يَشَاءُ وَهُوَ غَيْرُ ظَالِمٍ أَبَدًا، تَقَدَّسَ عَنْ كُلِّ
سَوْءٍ وَحَيْنٍ، وَتَنَزَّهَ عَنْ كُلِّ عَيْبٍ وَشَيْنٍ، (لَا يُسْأَلُ عَمَّا يَفْعَلُ وَهُمْ يُسْأَلُونَ) الْأَنْبِيَاءُ: ٢٣.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera ko buri kintu cyose (mu byaremwe) kigendera ku bushake bwa Allah, ubumenyi bwe, iteka rye, ndetse no ku igeno rye. Tukanemera kandi ko ugushaka kwe ari ko kwubahirizwa kurusha ukw’undi uwo ari we wese, ndetse n’iteka rye niryo ryubahirizwa kurusha amayeri y’uwo ari we wese. Kandi Allah akora icyo ashatse nta huguza na gato, aratagatifutse ntaho ahuriye n’ikibi icyo ari cyo cyose, ndetse nta naho ahuriye n’inenge ndetse n’ikigayitse uko cyaba kimeze kose. Allah aragira ati: “(Allah) ntabazwa ibyo akora, ariko bo (ibiremwa) babazwa (ibyo bakora).” Qur’an 21:23.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Aha umwanditsi yagarutse ku rwego rwa gatatu mu nzego zo kwemera igeno, ari rwo ruvuga kwemera ko ibintu byose biba bigendeye ku bushake bw’Imana (Al Mashi-at). Umwanditsi nkuko twabibonye muri iki gitabo cy’imyemerere yagarutse ku bijyanye n’igeno abivugaho mu buryo buhagije anabitangira gihamyana zihagije zerekana ko Imana izi buri kimwe kandi ko yacyanditse ndetse kandi ko yagishatse.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“...ubumenyi bwe, iteka rye, ndetse no ku igeno rye...”** Aha umwanditsi yagaragazaga ko buri kintu cyose **Allah** yagennye ko yakigennye ashingiye ku bumenyi bwe n’itegeko rye, bishimangirwa na gihamya zitandukanye, harimo Hadithi yakiriwe na Abu Daud mu gitabo cye (*A-Sunan*) yaturutse kwa Ubadat Ibun Swamit (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ivuga iti:

”أَوَّلُ مَا خَلَقَ اللَّهُ الْقَلَمَ قَالَ لَهُ: اكْتُبْ. قَالَ: مَا أَكْتُبُ؟ قَالَ: اكْتُبْ مَقَادِيرَ الْخَلْقِ إِلَى قِيَامِ السَّاعَةِ.“

“Ikintu cya mbere **Allah** yaremeye ni ikaramu nuko arayibwira ati: Andika, iramubaza iti: Nandike iki? Arayibwira ati: Andika igeno ry’ibiremwa kuzageza ku muni w’imperuka.”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“...Tukanemera kandi ko ugushaka kwe ari ko kwubahirizwa kurusha ukw’undi uwo ari we wese, ndetse n’iteka rye niryo ryubahirizwa kurusha amayeri y’uwo ari we wese...”**

Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا تَشَاءُونَ إِلَّا أَنْ يَشَاءَ اللَّهُ رَبُّ الْعَالَمِينَ﴾ ﴿٢٩﴾ التَّكْوِينِ: ٢٩

“Kandi nta cyo mwashaka (ngo kibe) keretse **Allah**, Nyagasani w’ibiremwa (byose) aramutse agishatse.¹”

Ibi kandi bishimangirwa n’imvugo y’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) igira iti :

¹ Qur’an 81:29

عن ابن عباس ، رضي الله عنه ، قال: « كُنْتُ خَلْفَ النَّبِيِّ ﷺ يَوْمًا فَقَالَ : « ... وَاَعْلَمَ : أَنَّ الْأُمَّةَ لَوْ اجْتَمَعَتْ عَلَى أَنْ يَنْفَعُوكَ بِشَيْءٍ ، لَمْ يَنْفَعُوكَ إِلَّا بِشَيْءٍ قَدْ كَتَبَهُ اللَّهُ لَكَ ، وَإِنْ اجْتَمَعُوا عَلَى أَنْ يَضُرُّوكَ بِشَيْءٍ ، لَمْ يَضُرُّوكَ إِلَّا بِشَيْءٍ قَدْ كَتَبَهُ اللَّهُ عَلَيْكَ ، رُفِعَتِ الْأَقْلَامُ ، وَجَفَّتِ الصُّحُفُ » . رواه الترمذي .

“Ubwo nari inyuma y’Intumwa y’Imana ku ngamiya yarambwiye iti: (Yewe mwana)...umenye ko n’ubwo abantu (b’isi yose) baterana kugira ngo bagire icyo bakumarira, ntacyo bakumarira usibye icyo Imana yakwandikiye gusa. Kandi n’iyo abantu (b’isi yose) baterana kugira ngo bagire icyo bagutwara, ntacyo bagutwara usibye gusa icyo Imana yakwandikiye. Amakaramu (yamaze kwandika ibizaba) yarahagaze, ndetse n’ibitabo (byanditswemo ibyo), wino yarumutse (byararangiyeye).” ¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**Kandi Allah akora icyo ashatse nta huguza na gato...**” Aha umwanditsi yerekanaga ko icyo Imana ishatase kiba kandi kikaba ntawe ihuguje. Iyo igize uwo ishakira ikintu runaka kikamubera kibi ntiba imuhuguje, nuwo ishakiye ikintu kikamubera cyiza iba ibikoranye ubutabera. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَا ظَلَمْنَاهُمْ وَلَكِنْ كَانُوا هُمُ الظَّالِمِينَ ﴿٧٦﴾ الزخرف: ٧٦ ﴾

“Nta n’ubwo twabahuguje, ahubwo ni bo ubwabo babaye abanyamahugu.”² Nanone **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... وَوَجَدُوا مَا عَمِلُوا حَاضِرًا وَلَا يَظُنُّ رَبُّكَ أَحَدًا ﴿٤٩﴾ الكهف: ٤٩ ﴾

“...Bazasanga ibyo bakoze birimo (mu bitabo), kandi Nyagasani wawe nta we ahuguza.”³

¹ Yakiriwe na Tir’midhi

² Qur’an 43:76

³ Qur’an 18:49

Ibyo kandi bishimangirwa na Hadithi Al Quds, aho Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ivuga iti: Imana Nyirubutagatifu yaravuze iti:

عَنْ النَّبِيِّ ﷺ فِيَمَا رَوَى عَنْ اللَّهِ تَبَارَكَ وَتَعَالَى أَنَّهُ قَالَ: (يَا عِبَادِي إِنِّي حَرَمْتُ الظُّلْمَ عَلَى نَفْسِي وَجَعَلْتُهُ بَيْنَكُمْ مُحَرَّمًا فَلَا تَظَالَمُوا ...)

“Bagaragu banjye mu by’ukuri niziririje amahugu, hanyuma ndanayaziririza hagati yanyu muramenye ntimugahuguzanye.¹” Imana rero ntawe ihuguza.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...aratagatifutse ntaho ahuriye n’ikibi icyo ari cyo cyose, ndetse nta naho ahuriye n’inenge ndetse n’ikigayitse uko cyaba kimeze kose...” Allah yashimangiye ibyo muri gihamya zitandukanye, harimo naho abishimangira abinyujije ku rulimi rw’abamalayika agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَنَحْنُ نُسَبِّحُ بِحَمْدِكَ وَنُقَدِّسُ لَكَ...﴾ البقرة: ٣٠

“...kandi twe tugusingiza tugushimira ndetse tunagutagatifuzal?...”² Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يُسَبِّحُ لِلَّهِ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الْأَرْضِ الْمَلَائِكَةُ الْمُسَبِّحُونَ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ﴾ الجمعة: ١

“Ibiri mu birere n’ibiri ku isi bisingiza Allah, Umwami, Umutagatifu, Umunyembaraga uhebuje, Ushishoza.”³ Izina Umutagatifu bisobanuye ko nta nenge cyangwa ikigayitse wamusangaho.

¹ Yakiriwe na Muslim

² Qur’an 2:30

³ Qur’an 62:1

انتفاع الأموات بعمل الأحياء

Ibikorwa byiza by'abazima bigirira akamaro abapfuye.

وَفِي دُعَاءِ الْأَحْيَاءِ وَصَدَقَاتِهِمْ مَنَفَعَةٌ لِّلْأَمْوَاتِ.

[Twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at)] twemera ko ubusabe bw'abantu bazima n'amaturu yabo bigirira akamaro abapfuye.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ubusanzwe iki cyigwa kigaragara mu bitabo bivuga ku bigendanye n'amategeko y'idini (*Fiqhi*), umwanditsi akaba yarakizanye muri iki gitabo kivuga ku bijyanye n'imyemerere n'imyizerere (*Aqidat*) kubera impamvu ebyiri:

1. Yagiraga ngo asubize tumwe mu dutsiko tw'abanyabihimbano tubona ko iyo umuntu yamaze gupfa nta kintu ashobora gukorerwa n'ukiri muzima ngo akibonere ibihembo, twitwaje gihamya zivuga muri rusange ko umuntu azahemberwa ibyo yikoreye gusa, ariko utu dutsiko tuzisobanukirwa uko zitari.

2. Ni uko ubwo umwanditsi yari amaze kugaragaza ko **Allah** ari we waremye ibikorwa abagaragu bakora, ariko bikaba byitirirwa ba nyir'ukubikora (ibiremwa), byaba ari ibyiza bakazabihemberwa, byaba ari na bibi bakazabihanirwa, byari ngombwa ko agaragaza bimwe mu bikorwa umuntu wapfuye akorerwa n'umuntu muzima.

Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bemeranyijwe ko abapfuye bagirirwa umumaro n'ibintu bibiri:

1. Ibyo uwapfuye yagizemo uruhare igihe yari akiri muzima, nkuko bigaragara muri Hadithi yaturutse kwa Abi Huray'rat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللَّهُ تَعَالَى عَنْهُ: أَنَّ رَسُولَ اللَّهِ ﷺ قَالَ: إِذَا مَاتَ ابْنُ آدَمَ انْقَطَعَ عَنْهُ عَمَلُهُ إِلَّا مِنْ ثَلَاثٍ: صَدَقَةٍ جَارِيَةٍ، أَوْ عِلْمٍ يُنْتَفَعُ بِهِ، أَوْ وَلَدٍ صَالِحٍ يَدْعُو لَهُ. رَوَاهُ مُسْلِمٌ.

“Iyo mwene Adamu apfuye ibikorwa bye byose birahagarara usibye ibintu bitatu: Ituro rihoraho yatanze, cyangwa ubumenyi yigishije bukaba bwakomeza kugirira akamaro abo yabwigishije (nyuma yo gupfa kwe), cyangwa umwana mwiza yasize umusabira¹”

2. Ibyo uwapfuye atagizemo uruhare nk'ubusabe bw'ibyiza abayisilamu bamusabira, no kumusabira imbabazi ku Mana, no kumutangira amaturo no kumukorera umutambagiro mutagatifu (*Hidjat*).

Allah yagaragaje ko abemeramana beza basabira imbabazi bagenzi babo bamaze gupfa agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَالَّذِينَ جَاءُوا مِنْ بَعْدِهِمْ يَقُولُونَ رَبَّنَا اغْفِرْ لَنَا وَلِإِخْوَانِنَا الَّذِينَ سَبَقُونَا بِالْإِيمَانِ وَلَا تَجْعَلْ فِي قُلُوبِنَا غِلًّا لِلَّذِينَ ءَامَنُوا رَبَّنَا إِنَّكَ رَءُوفٌ رَحِيمٌ ﴿١٠﴾﴾ الحشر: ١٠

“Na babandi baje nyuma yabo, baravuga bati: “Nyagasani wacu! Tubabarire, twe n'abavandimwe bacu badutanze kwemera, kandi ntuzatume mu mitima yacu harangwamo urwango ku bemeye. Nyagasani wacu! Mu by'ukuri, ni wowe Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.²”

Gusabira imbabazi abapfuye nanone bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana yaturutse kwa Uthman Ibun Afan (Imana

¹ Yakiriwe na Muslim

² Qur'an 59:10

imwishimire) nawe ayikuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko iyo Intumwa y'Imana yarangizaga gushyingura yahagararaga ku mva maze ikabwira abo iri kumwe nabo iti:

عن أبي عمرو وقيل: أبو عبدالله، وقيل: أبو ليلى - عثمان بن عفان قال: كان النبي ﷺ إذا فرغ من دفن الميت وقف عليه وقال: استغفروا لأخيكم، وسألو له التثيبت، فإنه الآن يُسأل رواه أبو داود.

“Nimusabire imbabazi ku Mana umuvandimwe wanyu, munamusabire gushikama (ku bibazo agiye kubazwa mu mva) kuko ubu ari kubazwa.¹”

Naho ku bijyanye no kumukorera umutambagiro mutagatifu (*Hidjat*), gihamya yabyo ni Hadithi yaturutse kwa Ibun Abas (Imana imwishimire we na se), yavuze ko umugore ukomoka mu bwoko bwa *Juhaynat* yaje ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) arayibaza ati:

وَعَنْ ابْنِ عَبَّاسٍ ﷺ أَنَّ امْرَأَةً مِنْ جُهَيْنَةَ جَاءَتْ إِلَى النَّبِيِّ ﷺ فَقَالَتْ: إِنَّ أُمَّي نَدَرْتُ أَنْ تَحْجَّ وَلَمْ تَحْجَّ حَتَّى مَاتَتْ أَفَأَحْجُّ عَنْهَا قَالَ: «نَعَمْ حُبِّي عَنْهَا، أَرَأَيْتِ لَوْ كَانَ عَلَى أُمِّكَ دَيْنٌ أَكُنْتُ قَاضِيَتَهُ أَقْضُوا لِلَّهِ، فَاللَّهُ أَحَقُّ بِالْوَفَاءِ» رَوَاهُ الْبُخَارِيُّ.

Mu by'ukuri, Mama yahigiye gukora umutambagiro, ariko ntiyawesa kugeza apfuye, ese nawumukorera? Intumwa y'Imana iramusubiza iti: "Yego, wumukorere! Urabibona ute Nyoko aramutse afite umwenda, ese wawumwishyurira? Mujye mwishyura umwenda mufitiye Allah, kuko Allah niwe wibanze mu kwishyurwa.²”

¹ Yakiriwe na Abi Daud

² Yakiriwe na Bukhari

Naho ku bigendanye no kumutangira amaturo gihamya yabyo ni Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) aho agira ati:

وَعَنْ عَائِشَةَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهَا أَنَّ رَجُلًا أَتَى النَّبِيَّ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ فَقَالَ: يَا رَسُولَ اللَّهِ إِنَّ أُمَّيْ افْتُلِتَتْ نَفْسُهَا وَلَمْ تُوصِ، وَأَظْنُّهَا لَوْ تَكَلَّمْتَ تَصَدَّقْتُ، أَفَلَهَا أَجْرٌ إِنْ تَصَدَّقْتُ عَنْهَا قَالَ: «نَعَمْ» مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ، وَاللَّفْظُ لِمُسْلِمٍ.

“Hari umugabo waje ku Ntumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) arayibaza ati: Yewe Ntumwa y’Imana! Mama yapfuye mu buryo butunguranye apfa ataraze, kandi ndakeka ko iyo aza kugira icyo avuga yari kuraga kumutangira ituro, ese mutangiye ituro ibihembo byaryo byamugeraho? Intumwa y’Imana iramusubiza iti: “Yego!”¹”.

Hari ikibazo gikunda kugaruka kibaza ku bigendanye no gusomera Qur’an uwapfuye!?

Abamenyi basubije kuri iki bavuga ko ibyo biri mu buryo butatu:

1. Hari kuba umuntu yafata abasomyi bagasoma yarangiza akishyura abasomye, noneho agashyiraho umugambi y’uko ibyiza by’icyo gisomo byajya ku wapfuye. Ibi ni ibihimbano ntabwo byigeze bikorwa n’Intumwa y’Imana cyangwa n’umwe mu basangirangendo bayo.
2. Kuba umuntu yajya gusomera Qur’an uwapfuye ku mva ye, cyangwa mu rugo atarashyingurwa, agambiriye ko ayumva kugira ngo abone ibihembo byayo, ibi nabyo ni ibihimbano ntibyemewe.
3. Kuba umuntu yasoma Qur’an ku giti cye, hanyuma agashyiraho umugambi w’uko ibihembo byabyo bihabwa umuntu runaka wapfuye, ibi abamenyi ntibabivuzeho rumwe bamwe

¹ Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim n’iyi mvugo n’iya Musilim

babona ko bitemewe abandi bakabona ko ntacyo bitwaye, ariko **Sheikh Muhamad Ibun Swaleh Al Uthaymin** we yaravuze ati: Ikigaragara nuko ibi atari umugenzo mwiza Intumwa y’Imana yashishikarije abantu gukora, ariko hagize ubikora ntacyo byaba bitwaye, ahubwo icyo yashishikarije abantu ni ugusabira uwapfuye no kumusabira imbabazi ku Mana n’ibindi bikorwa byiza nkabyo. **Allah** akabishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَقَالَ رَبُّكُمْ ادْعُونِي أَسْتَجِبْ لَكُمْ إِنَّ الَّذِينَ يَسْتَكْبِرُونَ عَنْ عِبَادَتِي سَيَدْخُلُونَ جَهَنَّمَ دَاخِرِينَ ﴿٦٠﴾ غافر: ٦٠

“Kandi Nyagasani wanyu yaravuze ati: "Nimunsabe, ndabasubiza. Mu by’ukuri, babandi bibona bakanga kudusenga (kudusaba), bazinjira mu muriro basuzuguritse¹”.

إجابة الله لدعاء عباده

Allah asubiza ubusabe bw’abagaragu be.

وَاللَّهُ تَعَالَى يَسْتَجِيبُ الدَّعَوَاتِ، وَيَقْضِي الْحَاجَاتِ. وَيَمْلِكُ كُلَّ شَيْءٍ، وَلَا يَمْلِكُهُ شَيْءٌ. وَلَا غِنَى عَنِ اللَّهِ تَعَالَى ظَرْفَةَ عَيْنٍ، وَمَنْ اسْتَعْنَى عَنِ اللَّهِ ظَرْفَةَ عَيْنٍ، فَقَدْ كَفَرَ وَصَارَ مِنْ أَهْلِ الْحَيْنِ.

[Twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at)] twemera ko **Allah** asubiza ubusabe, akanakemura ibibazo, ni nawe utunze buri kimwe, nta na kimwe kimutunze. Kandi tukanemera ko nta wakumva ko

¹ Qur’an 40:60

yihagije adakeneye Imana kabone niyo byaba akanya gato, kangana no guhumbya no guhumbura kw'ijisho. Bityo rero uzumva ko yihagije adakeneye Imana na gato, azaba ahakanye kandi azisanga ari mu boramye.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Kuba **Allah** akemura ibibazo by'abagaragu be bikubiye mu kuba ari we unasubiza ubusabe bwabo. Abantu rero bagomba kumenya ko mu byo Imana yabaremeye bikomeye, harimo no kuyisaba. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِذَا سَأَلَكَ عِبَادِي عَنِّي فَإِنِّي قَرِيبٌ أُجِيبُ دَعْوَةَ الدَّاعِ إِذَا دَعَانِ فَلْيَسْتَجِيبُوا لِي وَيُؤْمِنُوا بِمَا لَعَنَهُمْ يَرْشُدُونَ ﴿١٨٦﴾ البقرة: ١٨٦

“Kandi abagaragu banjye nibagira icyo bakubaza (yewe Muhamadi) kuri njye, (babwire uti) mu by'ukuri, njye ndi hafi nsubiza ubusabe bw'usaba igihe ansabye..” ¹

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَقَالَ رَبُّكُمْ ادْعُونِي أَسْتَجِبْ لَكُمْ إِنَّ الَّذِينَ يَسْتَكْبِرُونَ عَنْ عِبَادَتِي سَيَدْخُلُونَ جَهَنَّمَ دَاخِرِينَ ﴿٦٠﴾ غافر: ٦٠

“Kandi Nyagasani wanyu yaravuze ati "Nimunsabe, ndabasubiza. Mu by'ukuri, babandi bibona bakanga kudusenga (kudusaba), bazinjira mu muriro basuzuguritse.”²

Ikindi nuko iyo umuntu asaba **Allah** bijyana no kumwiringira akamusaba buri kintu akeneye uko cyaba kimeze uko ari ko kose. Ibyo bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Anasi (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

¹ Qur'an 2:186
² Qur'an 40:60

(ليسأل أحدكم ربه حاجته كلها حتى شسع نعله إذا انقطع):

“Buri umwe muri mwe aje asaba umuremyi we icyo akeneye cyose, kugeza ubwo yajya anamusaba imishumi y’inkweto ze igihe yacitse.¹”

Nanone bigashimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

عن أبي هريرة رضي الله عنه قال: قال رسول الله ﷺ: (إِنَّهُ مَنْ لَمْ يَسْأَلِ اللَّهَ يَغْضَبْ عَلَيْهِ). رواه أحمد

“Mu by’ukuri umuntu utajya usaba Imana iramurakarira.²” Bitandukanye n’abantu kuko bo iyo ubasabye kenshi birabababaza.

Umumenyi Ibun Abi Al Izi wabaye mu ba mbere basobanuye iki gitabo, yavuze amagambo yakomoye kuri Ibun Aqiil (Imana ibagirire impuhwe bose) ko yavuze ati: Kuba Imana yarashishikarije ibiremwa kuyisaba nuko mu kuyisaba harimo ibisobanuro bikurikira:

1. Kuba Imana iriho kuko utariho ntasabwa.
2. Kuba Imana ari umukungu kuko umukene ntasabwa.
3. Kuba Imana yumva kuko igipfamatwi ntigisabwa.
4. Kuba Imana igira ubuntu n’ubugiraneza kuko umunyabugugu ntasabwa.
5. Kuba Imana igira impuhwe kuko utagira impuhwe ntasabwa.
6. Kuba Imana ifite ubushobozi kuko udashoboye adasabwa.³

¹ Yakiriwe na Tir’midh

² Yakiriwe na Imam Ahmad

³ Reba ibisobanuro bya Ibun Abi Al Izi kuri Twahawiy pg 678

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...ni nawe utunze buri kimwe, nta na kimwe kimutunze. Kandi tukanemera ko ntawakumva ko yihagije adakeneye Imana kabone niyo byaba akanya gato, kangana no guhumbya no guhumbura kw’ijisho...”

Allah ashimangira ibi agaragaza ko ubwami n’ubushobozi bw’icyo ari cyo cyose buri mu maboko ye, kandi ko ibiremwa byose bimukeneye.

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَسُبْحَانَ الَّذِي يَبْدُوهُ مَلَكَوْتُ كُلِّ شَيْءٍ وَإِلَيْهِ تُرْجَعُونَ ﴿٨٣﴾﴾ يس: ٨٣

Allah aragira ati: “Bityo, ubutagatifu ni ubw’ufite ubwami bwa buri kintu mu kuboko kwe, kandi iwe ni ho muzasubizwa.¹” Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَا أَيُّهَا النَّاسُ أَنْتُمُ الْفُقَرَاءُ إِلَى اللَّهِ وَاللَّهُ هُوَ الْغَنِيُّ الْحَمِيدُ ﴿١٥﴾﴾ فاطر: ١٥

"Yemwe bantu! Muri abakene imbere ya Allah. Kandi Allah ni we Mukungu, Ushimwa cyane."²

Nta kiremwa na kimwe gishobora kwihaza ntigikenere Umuremyi wacyo wagihanze, kuko ibiremwa byose aho biva bikagera birakennye kandi bikenera Allah igihe cyose. Allah ashimangira ibyo nanone agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنْ يَنْصُرْكُمُ اللَّهُ فَلَا غَالِبَ لَكُمْ وَإِنْ يَخْذَلْكُمْ فَمَنْ ذَا الَّذِي يَنْصُرُكُمْ مِنْ بَعْدِهِ وَعَلَى اللَّهِ فَلْيَتَوَكَّلِ الْمُؤْمِنُونَ ﴿١٦٠﴾﴾ آل عمران: ١٦٠

“Allah aramutse abatabaye, ntawabatsinda. Kandi anabatereranye, ni nde wundi wabatabara nyuma ye? Bityo, abemera bajye biringira Allah (wenyine).³”

¹ Qur’an 36:83

² Qur’an 35:15

³ Qur’an 3:160

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**Bityo rero uzumva ko yihagije adakeneye Imana na gato, azaba ahakanye kandi azisanga ari mu boramye.**” Ubusanzwe nta kiremwa icyo ari cyo cyose gishobora kuvuga ko cyihagije kidakeneye Imana, kabone n’ubwo byaba agahe gato. Naho kwihaza kwa bimwe mu biremwa no kuvuga ko bidakeneye Imana, ibi nibyo biba byibwira nkuko biba ku bahakanyi n’abantu bazindaye. Ibi bikaba ari ukurengera ndetse n’ubujiji bwabo. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿كَلَّا إِنَّ الْإِنْسَانَ لِرَبِّهِ لَكَنَّاظٍ ﴿٦﴾ إِنَّ رِءَاةَ أَسْتَعْتَجَ ﴿٧﴾﴾ العلق: ٦ - ٧

“Oya! Mu by’ukuri, umuntu ararengera (arahakana kandi agakora ibibi). Iyo amaze kubona ko yihagije (kubera ibyo atunze).¹” Aha umuntu nk’uwo aba yirengagije ko uwamuhaye akanima abandi, ko ari Umwe ari we **Allah**, kandi ko hari benshi nkawe yari yarahaye yamaze kwambura. **Allah** ashimangira ibyo agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿مَا يَفْتَحِ اللَّهُ لِلنَّاسِ مِنْ رَحْمَةٍ فَلَا مُمْسِكَ لَهَا ﴿٢﴾ وَمَا يُمْسِكُ فَلَا مُرْسِلَ لَهُ مِنْ بَعْدِهِ وَهُوَ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ ﴿٣﴾﴾ فاطر: ٢

“Impuhwe **Allah** afungurira abantu ntawazikumira. N’izo yahagaritse ntawazirekura usibye We. Kandi ni We Munyembaraga zihebuje, Ushishoza.”²

¹ Qur’an 96:6-7

² Qur’an 35:2

إثبات صفتا الغضب ورضا لله تعالى

Gushimangira ibisingizo bibiri bya Allah ari byo; kurakara no kwishima ko ari ukuri.

وَاللَّهُ تَعَالَى يَعْضِبُ وَيَرْضَى لَا كَأَحَدٍ مِنَ الْوَرَى.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat), twemera ko Allah arakara akanishima, ariko bitandukanye nk’iby’ibiremwa bye.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) bashimangira ibyo Imana yivuzeho ubwayo n’ibyo Intumwa yayo yayivuzeho, no mu byo yivuzeho harimo ko irakara ikananga inkozi z’ibibi n’abayihakana. Igakunda ikanishimira abayemeye bakanarangwa n’ibikorwa byiza, ibi bishimangirwa na gihamyza zitandukanye muri zo harimo nk’aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَنْ يَقْتُلْ مُؤْمِنًا مُتَعَمِّدًا فَجَزَاؤُهُ جَهَنَّمُ خَالِدًا فِيهَا وَعَضِبَ اللَّهُ عَلَيْهِ وَلَعْنَهُ وَأَعَدَّ لَهُ عَذَابًا عَظِيمًا﴾ النساء: ٩٣

“Naho uwica umwemera abigambiriye, igihano cye ni umuriro wa Jahanamu azabamo ubuziraherezo, kandi Allah aramurakarira, akamuvuma ndetse yamuteguriye ibihano bihambaye.”¹

Allah nanone avuga ko yarakariye abayahudi bamwigometseho aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...فَبَاءُ وَبِعَضِبٍ عَلَى عَضِبٍ ۖ وَالْكَافِرِينَ عَذَابٌ مُهِينٌ﴾ البقرة: ٩٠

¹ Qur’an 4:93

“... Ku bw’ibyo bagezweho n’uburakari (bwa Allah) bwi Yongera ku burakari kandi abahakanyi bazahanishwa ibihano bisuzuguzi¹.”

Nanone muri Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti:

عن أبي هريرة عن رسول الله ﷺ قال: اشتد غضب الله على قوم فعلوا هذا برسول الله ﷺ وهو حينئذ يشير إلى رابعيته وقال رسول الله ﷺ اشتد غضب الله على رجل يقتله رسول الله في سبيل الله عز وجل. متفق عليه

“Uburakari bw’Imana bwi Yongereye ku bantu bakoze Intumwa y’Imana ibi, maze Intumwa y’Imana yerekana amenyo yayo ane y’imbere (yari igambiriye abayikuye amenyo mu ntambara ya Uhudi). Nanone uburakari bwa Allah bwi Yongera ku muntu Intumwa y’Imana yishe iharanira inzira y’Imana (Djihad).²”

Nanone Allah ashimangira ko yishima agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَقَدْ رَضِيَ اللَّهُ عَنِ الْمُؤْمِنِينَ إِذْ يُبَايِعُونَكَ تَحْتَ الشَّجَرَةِ فَعَلِمَ مَا فِي قُلُوبِهِمْ فَأَنْزَلَ السَّكِينَةَ عَلَيْهِمْ وَأَثَبَهُمْ فَتْحًا قَرِيبًا ﴿١٨﴾﴾ الفتح: ١٨

“Mu by’ukuri, Allah yishimiye abemera ubwo bagushyigikiraga (yewe Muhamadi) munsu y’igiti. (Allah) yari azi ibiri mu mitima yabo, nuko abamanurira ituze, anabahemba intsinzi ya bugufi.³”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قَالَ اللَّهُ هَذَا يَوْمٌ يَنْفَعُ الصَّالِحِينَ صِدْقُهُمْ لَهُمْ جَنَّاتٌ تَجْرِي مِنْ تَحْتِهَا الْأَنْهَارُ خَالِدِينَ فِيهَا أَبَدًا رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمْ وَرَضُوا عَنْهُ ذَلِكَ الْفَوْزُ الْعَظِيمُ ﴿١١٩﴾﴾ المائدة: ١١٩

¹ Qur’an 2:90

² Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim

³ Qur’an 48: 18

“Allah azavuga ati: Uyu ni umunsi abanyakuri bazagirirwa akamaro n’ukuri kwabo». Bazagororerwa ijuru ritembamo imigezi, bazabamo ubuziraherezo. Allah yarabishimiye na bo baramwishimira. Uko ni ko gutsinda guhambaye.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...وَمَنْ يَفْعَلْ ذَلِكَ أَتَيْتَهُ مَرْضَاتٍ أَللَّهُ فَسَوْفَ نُؤْتِيهِ أَجْرًا عَظِيمًا ﴿١١٤﴾﴾ النساء: ١١٤

“...N’uzakora ibyo, agamije kwishimirwa na Allah, tuzamugororera ibihembo bihambaye.²”

Kwishima kwa Allah ndetse no kurakara kwe binashimangirwa na Hadith yaturutse kwa Abi Said Al Khudriy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

عن أبي سعيد قال: قال رسول الله ﷺ : إن الله تعالى يقول لأهل الجنة: يا أهل الجنة: أحل عليكم رضواني فلا أسخط عليكم بعده أبداً. متفق عليه

“Mu by’ukuri (ku munsi w’imperuka) Imana izabwira abantu bo mu ijuru iti: Kuva ubu ndabishimiye kandi sinzongera kubarakarira na rimwe.³”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...ariko bitandukanye nk’iby’ibiremwa bye...” Aha umwanditsi yibutsaga abantu ko bagomba kwemera ibisingizo n’ibigwi Imana yivuzeho cyangwa ikabivugwaho n’Intumwa yayo, ariko bakirinda kubisananisha n’iby’ibiremwa. Aha twatanga urugero rw’ibyo yari amaze kuvuga nko kuba Imana yishima ikanarakara, ariko ntibiba bisobanuye ko bimeze nk’iby’ibiremwa. Allah agira ati:

¹ Qur’an 5:119

² Qur’an 5:114

³ Yemeranyijweho na Bukhari na Muslimu

قَالَ تَعَالَى: ﴿... لَيْسَ كَمِثْلِهِ شَيْءٌ وَهُوَ السَّمِيعُ الْبَصِيرُ ﴿١١﴾ الشورى: ١١

“Ntagira icyo asa na cyo, kandi we ni Uwumva cyane, Ubona bihebuje...”¹

منهج أهل السنة في الصحابة

Uburyo abagenda ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu sunat Wal Djama-at) bafatamo abasangirangendo b’Intumwa y’Imana.

وَمُحِبُّ أَصْحَابِ رَسُولِ اللَّهِ ﷺ، وَلَا نَفَرٌ فِي حُبِّ أَحَدٍ مِنْهُمْ، وَلَا نَتَبَرُّ مِنْ أَحَدٍ مِنْهُمْ،
وَنَبْغُضُ مَنْ يَبْغُضُهُمْ، وَبَعِيرِ الْخَيْرِ يَدُكُرُهُمْ، وَلَا نَذُكُرُهُمْ إِلَّا بِخَيْرٍ، وَنَرَى حُبَّهُمْ دِينًا،
وَإِيمَانًا، وَإِحْسَانًا، وَبُغْضَهُمْ كُفْرًا، وَنِفَاقًا، وَطُغْيَانًا.

[Kandi twe abagenda ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djamaat)] dukunda abasangirangendo b’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha), kandi nta n’umwe muri bo dukunda ngo tumukabirize (turengere ngo tube twamugeza ku rwego rutari urwe), kandi nta n’uwo twamagana muri bo ngo twitandukanye nawe. Kandi twanga ababanga bakanabavuga nabi. Kandi twe tubavuga ibyiza, tukanemera ko kubakunda biri mu idini, no mu kwemera, ndetse no mu gukora ibyiza (Ih’sani). Tukanemera ko kubanga ari ubuhakanyi, uburyarya, ndetse no kwigomeka.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

¹ Qur’an 42:11

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**...dukunda abasangirangendo b’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha)**” Ubusanzwe umusangirangendo w’Intumwa y’Imana (*A-Swahabat*): Ni uwo ari we wese wahuye n’Intumwa y’Imana niyo byaba igihe gito akayemera, kandi agapfa akiri ku nzira y’Intumwa y’Imana.

Naho impamvu umwanditsi yazanye iki cyigwa cy’amateka (*Tarekh*) mu muryango w’ibijyanye n’imyemerere (*Aqidat*). Nuko amaze kugaragaza ko mu bisingizo by’Imana harimo kwishimira abakoze neza byabaye ngombwa ko agaragaza ku ikubitiro abantu Imana yishimiye, harimo abasangirangendo b’Intumwa y’Imana.

Ikindi nuko yagiraga ngo asubize udutsiko tw’abanyabihimbano twanga ndetse tukanagirira urwango abasangirangendo b’Intumwa y’Imana, kandi Imana yaravuze ko bayikunze nayo ikabakunda, ndetse ikanabishimira inabasezeranya ibyiza. N’Intumwa y’Imana irabishimira ndetse inabavuga ibigwi.

Ikindi nuko yagiraga ngo yamagane abarengera kuri bo bakanabakabiriza bakabageza ku rwego badafite. **Allah** yavuze muri uyu murongo agaragaza urwego rwiza abasangirangendo bariho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَالسَّابِقُونَ السَّابِقُونَ مِنَ الْمُهَجِرِينَ وَالْأَنْصَارِ وَالَّذِينَ اتَّبَعُوهُمْ بِإِحْسَانٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمْ وَرَضُوا عَنْهُ وَأَعَدَّ لَهُمْ جَنَّاتٍ تَجْرِي تَحْتِهَا الْأَنْهَارُ خَالِدِينَ فِيهَا أَبَدًا ذَلِكَ الْفَوْزُ الْعَظِيمُ ﴿١٠٠﴾

التوبة: ١٠٠

“Ababaye abambere (mu kuyoboka Isilamu) mu bimukira (bavuye i Maka bajya i Madina) n’abaturage b’i Madina (babakiriye), ndetse na babandi babakurikiye mu gukora ibyiza; **Allah** yarabishimiye,

na bo baramwishimira. Yanabateguriye Ijuru ritembamo imigezi, bakazaribamo ubuziraherezo. Uko ni ugutsinda guhambaye.¹”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿مُحَمَّدٌ رَسُولُ اللَّهِ وَالَّذِينَ مَعَهُ أَشِدَّاءُ عَلَى الْكُفَّارِ رُحَمَاءُ بَيْنَهُمْ تَرَاهُمْ رُكَّعًا سُجَّدًا يَبْتَغُونَ فَضْلًا مِنَ اللَّهِ وَرِضْوَانًا سِيمَاهُمْ فِي وُجُوهِهِمْ مِنْ أَثَرِ السُّجُودِ ذَلِكَ مَثَلُهُمْ فِي التَّوْرَةِ وَمَثَلُهُمْ فِي الْإِنْجِيلِ كَرَجٍ أَخْرَجَ شَطْرَهُ فَفَارَرُوا فَاسْتَعْلَظَ فَاسْتَوَى عَلَى سُوقِهِ يُعْجِبُ الزُّرَّاعَ لِيغِظَ بِهِمُ الْكُفَّارَ وَعَدَّ اللَّهُ الَّذِينَ آمَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ مِنْهُمْ مَغْفِرَةً وَأَجْرًا عَظِيمًا ﴿٢٩﴾ الفتح: ٢٩

“Muhamadi ni Intumwa ya **Allah**. Kandi babandi bari kumwe na we, bari inkazi ku bahakanyi (igihe babasagariye), bakaba abanyempuhwe hagati yabo. Ubabona bunamyeye banubamyeye (basenga), bashaka ingabire za **Allah** no kwishimirwa (nawe). Barangwa n’ikimenyetso kiri mu buranga bwabo (baterwa no kubama basenga). Ibi ni byo bibaranga muri Tawurati. Ariko mu Ivanjili, bagaragazwa nk’ikimera cyasohoye umugondoro wacyo, hanyuma ugakomera maze (amashami yacyo) akagikomeza, kigakura kugeza gihagaze cyemye ku gihimba cyacyo, mu buryo bushimisha abahinzi. (Urwo rugero rw’abemera) rugamije kurakaza abahakanyi. **Allah** yasezeranyije abemeye bakanakora ibikorwa byiza, kuzababarirwa no kuzagororerwa ibihembo bihambaye.²”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لِلْفُقَرَاءِ الْمُهَاجِرِينَ الَّذِينَ أُخْرِجُوا مِنْ دِيَارِهِمْ وَأَمْوَالِهِمْ يَبْتَغُونَ فَضْلًا مِنَ اللَّهِ وَرِضْوَانًا وَيَنْصُرُونَ اللَّهَ وَرَسُولَهُ أُولَئِكَ هُمُ الصَّادِقُونَ ﴿٨﴾ وَالَّذِينَ تَبَوَّءُوا الدَّارَ وَالْإِيمَانَ مِنْ قَبْلِهِمْ يُحِبُّونَ مَنْ هَاجَرَ إِلَيْهِمْ وَلَا يَجِدُونَ فِي صُدُورِهِمْ حَاجَةً مِمَّا أُوتُوا وَيُؤْثِرُونَ عَلَىٰ أَنفُسِهِمْ وَلَوْ كَانَ بِهِمْ خَصَاصَةٌ وَمَنْ يُوقِ شُحَّ نَفْسِهِ فَأُولَئِكَ هُمُ الْمُفْلِحُونَ ﴿٩﴾ وَالَّذِينَ جَاءُوا مِنْ بَعْدِهِمْ يَقُولُونَ رَبَّنَا اغْفِرْ لَنَا وَلِإِخْوَانِنَا

¹ Qur’an 9:100

² Qur’an 48:29

الذَّيْبَ سَبَقُونَا بِالْإِيمَانِ وَلَا تَجْعَلْ فِي قُلُوبِنَا غِلًّا لِلَّذِينَ ءَامَنُوا رَبَّنَا إِنَّكَ رَءُوفٌ رَحِيمٌ ﴿٨٠﴾ الحشر:

١٠ - ٨

“(Muri iyo minyago kandi, harimo igice cyagenewe) abakene bimutse bameneshejwe mu ngo zabo n’imitungo yabo, (babikoze) bashaka ingabire ziturutse kwa Allah no kwishimirwa na we, ndetse no gutera inkunga Allah n’Intumwa ye. Abo ni bo banyakuri. Naho babandi batuye mbere yabo iki gihugu (cya Madina), bahisemo ukwemera, banakunda abimutse babagana, kandi mu mitima ntibararikire ibyo (abo bimukira) bahawe, ahubwo bagaharira abandi bo biretse, kabone n’ubwo nabo ubwabo bari babikeneye. Kandi abarinzwe kugira ubugugu ni bo bazatsinda. Na babandi baje nyuma yabo, baravuga bati “Nyagasani wacu! Tubabarire, twe n’abavandimwe bacu badutanze kwemera, kandi ntuzatume mu mitima yacu harangwamo urwango ku bemeye. Nyagasani wacu! Mu by’ukuri, ni wowe Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.”¹

Hari na gihamya mu mvugo z’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) zigaragaza agaciro k’abasangirangendo bayo nk’aho igira iti:

وقال ﷺ: لا تسبوا أصحابي فوالذي نفسي بيده لو أنفق أحدكم مثل أحد ذهباً ما بلغ مد أحدهم ولا نصيفه . مخرج في الصحيحين .

“Ntimuzatuke abasangirangendo banjye; Ndahiye ufite roho yanjye mu kuboko kwe ko umwe muri umwe n’ubwo yatanga Zahabu ingana n’umusozi wa Uhudi, ntiyagera ku rwego rw’uwitanze muri bo ibyuzuye amashyi abiri, habe na kimwe cya kabiri cyayo (urushyi rumwe)²”.

¹ Qur’an 59:8-10

² Yakiriwe na Bukhari na Muslim

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**...kandi nta n’umwe muri bo dukunda ngo tumukabirize (turengere ngo tube twamugeza ku rwego rutari urwe...)** Aha umwanditsi yashatse kunenga tumwe mu dutsiko dukabya mu gukunda bamwe mu basangirangendo tukarengera, kuko mu badukurikiye hari ababona ko abo basangirangendo bari ku rwego rwo kuba intumwa cyangwa abaziranenge, kandi ibi ni uguha umuntu urwego adafite.

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَا أَهْلَ الْكِتَابِ لَا تَغْلُوا فِي دِينِكُمْ...﴾ النساء: ١٧١

Allah aragira ati: “*Yemwe abahawe igitabo (Abanaswara)! Ntimugakabye mu idini ryanyu...¹*”

Aha **Allah** yabuzaga abantu kurengera ku ntumwa ze, nk’abantu bashyize Yesu ku rwego atari ari ho, ubwo byaba bimeze bite noneho kurengera ku bari mu rwego ruri muni y’urw’intumwa ze? Aha twavuga nk’abitwa *Abashiya* n’abandi bemera nkabo barengera bagashyira umusangirangendo w’Intumwa y’Imana Ally n’abamukomokaho ku rwego batari ho.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**...kandi nta n’uwo twamagana muri bo ngo twitandukanye nawe...**” Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) nkuko badakunda abasangirangendo ngo barengere banakabye (babashyira ku rwego batariho), ni nako batamagana ngo banagirire urwango abasangirangendo b’Intumwa y’Imana, ahubwo ibi usanga biri mu biranga agatsiko k’abitwa *Abashiya*, kuko bo bamaganye abasangirangendo b’Intumwa y’Imana banavuga yuko bahakanye nyuma y’Intumwa y’Imana usibye bacye muri bo, bakaba bananga urunuka abayobozi batatu bayoboye nyuma y’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) aribo: Abubakar, Umar, na Uthman.

¹ Qur’an 4:171

Ibi bikaba ari uguhakana gihamya twagaragaje hejuru.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**...Kandi twanga ababanga bakanabavuga nabi...**” Hari tumwe mu dutsiko tugirira urwango bamwe mu basangirangendo b’Intumwa y’Imana, aha twavuga nk’abitwa *Al Khawaridj* ndetse n’aba *A-Nawaswib* (Aba ni babandi babibye urwango ku bantu bo mu muryango w’Intumwa y’Imana, bakanavuga ko babaye abahakanyi, ndetse bakanabasebya). Bamaganye Ally (Imana imwishimire) ndetse n’ubuyobozi bwe, nkuko abitwa (*Abashiya*) banga abasangirangendo b’Intumwa y’Imana bakanabatuka cyane cyane Abubakari na Umar na Uth’man (Imana ibishimire).

Ni ngombwa ko twe abagendera ku migenzo y’Intumwa (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) twanga abanga abasangirangendo b’Intumwa y’Imana ari bo; *A-Rawafidh* (*abashiya*) na *Al Khawaridj*, kubera ubwo buyobe bwabo ndetse nibyo bihimbano byabo no kwanga kwabo abasangirangendo b’Intumwa y’Imana.

Bityo rero abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bakunda abasangirangendo b’Intumwa y’Imana bose nta n’umwe bavanguye. Nkuko babikomora ku Intumwa y’Imana muri Hadithi yaturutse kwa Anas avuga ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

عن أنس رضي الله عنه عن النبي ﷺ، قال: "آية الإيمان حب الأنصار، وآية النفاق بغض الأنصار"

“Mu bimenyetso biranga ukwemera nyako k’umuntu, harimo no gukunda abasangirangendo ba kavukire b’i Madina, ndetse no mu bimenyetso biranga indyarya harimo kubanga.¹”

¹ Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “...**Kandi twe tubavuga ibyiza...**” Imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) ku basangirangendo b'Intumwa y'Imana babavuga ibyiza bakanabahamiriza urwego rwo kuba bari abasangirangendo b'Intumwa y'Imana, n'ibigwi byabo nko kuba barimutse bava i Maka bajya i Madinat (*Hijrat*), no kuba bararengeye Intumwa y'Imana bayitabara. Twirinda kandi kwinjira mu makosa yabo ndetse n'ibyagiye biba hagati yabo nk'ibisanzwe biba hagati y'abantu, byaba ari ukutavuga rumwe kwabo muri rusange nk'ibyabaye ku gihe cya Ally (Imana imwishimire) cyangwa kutavuga rumwe kwa bamwe muri bo nk'ibyabaye hagati ya Khalid Ibun Al Walid na Abdurahman Ibun Awuf (Imana ibishimire bose), kuko bigeze kutavuga rumwe nuko Khalid atuka Abdurahman, Intumwa y'Imana ibwira Khalid iti: “Muramenye ntimugatuke abasangirangendo banjye...” Intumwa y'Imana yari igambiriye kuvuga Abdurahman Ibun Awuf ndetse na bagenzi be mu babaye abayisilamu ku ikubitiro.

Bityo rero abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*), ntibijandika mu byabaye hagati y'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana ngo babigire ibiganiro mu byicaro byabo, banenga bamwe muri bo kubera ko ibi bibiba urwango mu mitima, bigatuma habaho gukekera nabi abasangirangendo b'Intumwa y'Imana.

Ikindi nuko haramutse hari umwe muri bo wakoze icyaha birashoboka cyane ko ashobora kuba yaracyicujije, cyangwa se yarakoze ibyiza bindi byinshi bikaba byagikuraho, cyangwa Nyagasani yarakimubabariye kubera kuba yarabaye mu bemeye Intumwa y'Imana ku ikubitiro, cyangwa se akaba azagerwaho n'ubuvugizi bw'Intumwa y'Imana ku munsu w'imperuka, cyangwa yarahawe ikigeragezo ku isi kikaba impamvu yuko Imana imubabarira icyo cyaha.

Ibi byose niba bishoboka ku cyaha yakoze yakigambiriye, byaba bimeze bite noneho kubyo yakoshejemo atagambiriye gukora icyaha, ahubwo agambiriye gutunganya? Kuko iyo umuntu ashyizeho umuhate agambiriye gukora icyiza akagikora abona ibihembo bibiri, naho iyo ashyizeho umuhate agakosa ntagere kucy cyo yari agambiriye abona igihembo kimwe. Allah niwe Mumenyi uhebuje.

الأحق بالخِلافة بعد رسول الله ﷺ

Uwari ukwiye ubuyobozi nyuma y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

وَنُثِبَتُ الْخِلاَفَةَ بَعْدَ رَسُولِ اللَّهِ ﷺ، أَوْلًا: لِأَبِي بَكْرٍ الصِّدِّيقِ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ؛ تَفْضِيلًا لَهُ وَتَقْدِيمًا عَلَى جَمِيعِ الْأُمَّةِ، ثُمَّ لِعُمَرَ بْنِ الْخَطَّابِ، ثُمَّ لِعُثْمَانَ بْنِ عَفَّانَ، ثُمَّ لِعَلِيِّ بْنِ أَبِي طَالِبٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ أَجْمَعِينَ، وَهُمْ الْخُلَفَاءُ الرَّاشِدُونَ، وَالْأَيُّمَةُ الْمَهْدِيُّونَ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*)] dushimangira ko ubuyobozi nyuma y'ubw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) [bukurikiranye muri ubu buryo]: Uwa mbere: Ni Abubakar A-Swidiq (Imana imwishimire) kuko ari we (Intumwa y'Imana) yarutishaga abandi ndetse ikanamubanza imbere yabo. Hagakurikiraho ubwa Umar Ibun Al Khatwabi, hanyuma hagakurikiraho ubwa Uth'man Ibun Afan, hanyuma hagakurikirako ubwa Ally Ibun Abi Twalib (Imana ibishimire bose), bakaba bari abayobozi b'abasigire b'Intumwa y'Imana b'intangarugero, n'abayobozi bayobotse ukuri bakuyoboraho n'abandi .

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ubuyobozi buvugwa aha ni **Khilafat**: Bisobanura gahunda y'ubuyobozi bushingiye ku mategeko y'ubuyisilamu. Bubaho hashyizweho umuyobozi w'umuyisilamu mu gihugu cya kisilamu, kugira ngo ayoboze amategeko ya kisilamu (Qur'an na Hadith). Ubwo umuyobozi aba yitwa *Khalifat* bisobanuye umusigire.

Niyo mpamvu n'aba bavugwa muri iki cyigwa biswe *Al Khulafa-u*, kuko ari bo bahawe ubuyobozi nyuma y'Intumwa y'Imana kugira ngo bayobore abayisilamu. Ikindi nuko impamvu umwanditsi yazanye iki cyigwa kijyanye n'amateka (*A-Tarekh*) mu muryango ujyanye n'imyemerere (*Aqidat*) nuko udutsiko tw'abanyabihimbano dufata iki cyigwa nk'inkingi ikomeye dushingiraho duteza imyiryanе hagati y'abayisilamu, tukanagishingiraho twitandukanya n'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djamaat*).

Umwanditsi rero yakizanye kugira ngo agaragaze umuyoboro nyawo ushingiyе kuri gihamya z'impamo.

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “**...dushimangira ko ubuyobozi nyuma y'ubw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) [bukurikiranye muri ubu buryo]: Uwa mbere: Ni Abubakar A-Swidiq (Imana imwishimire)...**” Gihamya zaje zigaragaza ko Abubakri A-Swidiq ari we wari ukwiye ubuyobozi nyuma y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni nyinshi, turagerageza tuvuge zimwe muri zo, uwashaka kuzisoma mu buryo burambuye yasubira mu bitabo by'amateka.

لَمَّا اشْتَدَّ بَرَسُوْلِ اللّٰهِ ﷺ وَجَعَهُ قَيْلَ لَهٗ فِي الصَّلَاةِ، فَقَالَ: مُرُّوْا اَبَا بَكْرٍ فَيُصَلِّ بِالنَّاسِ قَالَتْ عَائِشَةُ: اِنَّ اَبَا بَكْرٍ رَجُلٌ رَقِيْقٌ، اِذَا قَرَأَ غَلَبَهُ الْبُكَاءُ، قَالَ: مُرُّوْهُ فَيُصَلِّيْ فَعَاوَدَتْهُ، قَالَ: مُرُّوْهُ فَيُصَلِّي، اِنَّكَ نَّ صَوَاحِبُ يُوْسُفَ.

Zimwe muri izo gihamya twavuga, harimo aho Intumwa y’Imana yavuze ubwo yari irembye irwaye uburwayi bwayiviriyemo impamvu yo gupfa igira iti: “Nimubwire Abubakari abe ari we usengesha abantu...” **Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim** iturutse kwa Aishat umugore w’Intumwa y’Imana.

Ibi byari mu rwego rwo kumutegura kuba umuyobozi mu buryo bw’amarenga, kuko gusarisha abantu ku gihe cy’Intumwa y’Imana byari umwihariko w’Intumwa y’Imana, keretse igihe habaga hari impamvu zikomeye nk’izi z’uburwayi.

Kubivuga kuriya rero hari icyo Intumwa y’Imana yagiraga ngo ibwire abantu ko ukwiye kubikora nyuma ye ari Abubakar.

No mu yindi mvugo yakiriwe na **Bukhari na Muslim** yaturutse kwa Djubayri Ibun Mutw’imu yavuze ko hari umugore waje ku Ntumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) aje kuyigezaho ikibazo yari afite, Intumwa y’Imana iramubwira iti: “Genda uzagaruke!” Wa mugore arayibaza ati:

عن جبير بن مطعم قال: (أتت امرأة النبي ﷺ فأمرها أن ترجع إليه قالت: رأيت إن جئت ولم أجدك - كأنها تقول الموت - قال: إن لم تجدني فأني أبا بكر) متفق عليه.

Ndamutse nje ngasanga udahari (ameze nkaho yacyetse ko ashobora kuzasanga Intumwa yarapfuye kuko yari irwaye)? Intumwa y’Imana iramusubiza iti: “Nuza ugasanga ntahari, uzajye kureba Abubakar.”¹

Ibi byose ku muntu utekereza yabona ko Intumwa y’Imana yateguraga Abubakari kuzaba umuyobozi nyuma ye. Naho kuba Abubakari yari umuntu wahabwaga agaciro gakomeye mu bandi akanashyirwa imbere mu bandi byaragaragaye cyane, twavuga nk’invugo ya bamwe mu basangirangendo iboneka mu gitabo cya

¹ Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim

Bukhari yaturutse kwa Ibun Umar aho yagize ati: Twajyaga tuvuga n’Intumwa y’Imana ikiriho tugira duti:

عن ابن عمر ”كنا نقول ورسول الله - ﷺ - حي : أفضل أمة النبي - ﷺ - بعده أبو بكر
ثم عمر ...“ رواه أبو داود

“Umuntu w’agaciro nyuma y’Intumwa y’Imana ni Abubakari, hanyuma hagakurikiraho Umar Ibun Al Khatwabi...”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Hagakurikiraho ubwa Umar Ibun Al Khatwabi...**” Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) ntibigeze batandukana ku kwemeza ko uwari ukwiye kuyobora nyuma ya Abubakar wayoboye imyaka ibiri n’amezi atatu, ari Umar Ibun Al Khatwab wayoboye imyaka icumi n’amezi atandatu, kandi byari bikwiye koko, hashingiwe kuri gihamya nyinshi twavugamo nkeya muri zo: Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti:

قال رسول الله ﷺ: (اقتدوا باللذين من بعدي) رواه الترمذي

“Nyuma yanjye muzagere ikirenge mu cy’aba bantu babiri ari bo; Abubakari na Umari.” **Yakiriwe na Tir’midh** iturutse kwa Hudhayfat Ibun Al Yaman.

Naho Hadithi zigaragaza agaciro ka Umar hari Hadithi yemeranyijweho na **Bukhari na Muslim** aho Intumwa y’Imana yavuze iti:

عن عائشة رضي الله عنها عن النبي ﷺ أنه كان يقول: (قد كان في الأمم قبلكم محدثون، فإن
يكن في أمتي منهم أحد فإن عمر بن الخطاب منهم) رواه مسلم

¹ Yakiriwe na Abu Daud

“Mu bababanjirije kubaho habayeho abantu babonaga ibintu mu mitekerereze yabo bagahuza n’ukuri, haramutse habayeho mu bayoboke banjye abameze nk’abo yaba ari Umar Ibun Al Khatwab.”¹

Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) kandi, nta mpaka bajya kuri iki. Abatabyemera gutyo bakanabijyaho impaka ni abitwa *Abashiya* n’abandi bemera nkabo, babona ko abayobozi batatu babanza bayoboze nyuma y’Intumwa y’Imana, ko kuyobora kwabo kwari gushingiye ku mahugu, ariko barabeshya ndetse n’ibyo bavuga nta gihamya babifitiye, usibye imyemerere yabo idahwitse ishingiyeye ku gusebya Intumwa y’Imana ko nta kintu gifatika yigishije, kuko abo yigishije baranzwe n’amahugu.

Ubwo rero gusebya bariya bayobozi batatu ikiba cyibiyihishe inyuma ni ugusebya Ubuyisilamu, no gushaka gucamo ibice abayisilamu. *Abashiya* rero bo bavuga ko uwari ukwiye kuyobora nyuma y’Intumwa y’Imana ari Ally Ibun Abi Twalib, ariko ntabwo aribyo nkuko twagiye tubigaragaza muri gihamya zitandukanye kandi bakaba batandukana n’icyemezo cya Ally ubwe kuko yemeje akanashimangira ubuyobozi bw’abamubanjirije kandi ntiyigeze abigumuraho.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**hanyuma hagakurikiraho ubwa Uth’man Ibun Afan...**” Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) ntibigeze batandukana ko uwari ukwiye ubuyobozi nyuma ya Abubakar na Umari, ari Uth’man Ibun Afan (Imana ibishimire bose) wayoboze imyaka cumi n’ibiri. Ibi bishimangirwa na gihamya zitandukanye harimo invugo iboneka mu gitabo cya **Bukhari** yaturutse kwa Abdullah Ibun Umar aho yavuze ati:

¹ Yakiriwe na Muslim

عن ابن عمر رضي الله عنهما أنه قال: "كنا نخير بين الناس في زمن النبي صلى الله عليه وسلم فنخير أبا بكر ثم عمر بن الخطاب ثم عثمان بن عفان رضي الله عنهم" رواه البخاري

“Ku gihe cy’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) twajyaga tubona ko umwiza kuruta abandi bantu ari Abubakar, hanyuma Umar Ibun Al Khatwab hanyuma Uth’man Ibun Afan.”¹

No mu bindi bigaragaza agaciro Uth’man yari afite mu bandi basangirangendo, nuko ari we musangirangendo washyingingiwe abakobwa babiri b’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha), nyuma y’uko uwo yari yamushyingingiye bwa mbere witwa Ruqayat yari amaze gupfa, Intumwa y’Imana yamushumbushije uwitwa Umu Kuluthum, ndetse na Umu Kuluthum nawe amaze gupfa Intumwa y’Imana yabwiye Uth’man iti: “Niyo nza kugira uwa gatatu nari kumugushyingingira.”²

Bikanashimangirwa na Hadithi y’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) iboneka mu gitabo cya **Bukhari** ivuga ko igihe habagaho amasezerano ya *A-Ridw’wan* (yiswe gutya, kubera ko **Allah** yishimiye abari bayarimo bose nkuko **Allah** yabivuze muri Qur’an agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَقَدْ رَضِيَ اللَّهُ عَنِ الْمُؤْمِنِينَ إِذْ يُبَايِعُونَكَ تَحْتَ الشَّجَرَةِ فَعَلِمَ مَا فِي قُلُوبِهِمْ فَأَنْزَلَ السَّكِينَةَ عَلَيْهِمْ وَأَثَبَهُمْ فَتْحًا قَرِيبًا﴾ ﴿١٨﴾ **الفتح: ١٨**

“Mu by’ukuri, **Allah** yishimiye abemera ubwo bagushyigikiraga (yewe Muhamadi) munsu y’igiti. (**Allah**) yari azi ibiri mu mitima yabo, nuko abamanurira ituze, anabahemba intsinsi ya bugufi.”³

Intumwa y’Imana yari yohereje Uth’man i Makat, ayo masezerano aba Uth’man adahari, nuko Intumwa y’Imana mu kwemeza ibyo abandi basangirangendo bari bemeje, yafashe ikiganza cyayo

¹ Yakiriwe na Bukhari

² Yakiriwe Bukhari

³ Qur’an 48:18

cy'iburyo igihuza n'icy'ibumoso, nuko iravuga iti: “Iki kiganza kigiye mu cyimbo cy'ikiganza cya Uth'man.”

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “**hanyuma hagakurikirako ubwa Ally Ibun Abi Twalib.**” Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) nta kutavuga rumwe bafite ku kuba uwari ukwiriye ubuyobozi nyuma y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ari Abubakari, hagakurikirira Umar, hagakurikirira Uthman, hanyuma Ally (Imana ibishimire bose).

Kuko Umar ubwo yari agiye gutanga yashyizeho akanama k'abasangirangendo batandatu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatabarutse yishimiye, kugirango bazatore umuyobozi uzamusimbura, ubwo bari bamaze kujya inama, na Abdul Rahman Ibun Awuf amaze kugisha inama abandi basangirangendo, Abdul Rahman yaravuze ati: “Nitegereje abantu nsanga nta we babanza imbere ya Uth'man (nyuma ya Abubakar na Umar). Maze ndamushyigikira nuko n'abandi baramushyigikira: Abimukira ndetse n'abasangwa b'i Madina, ndetse n'abayobozi b'imitwe y'ingabo n'abayisilamu muri rusange.”¹

Nyuma y'iyicwa rya Uthman rero ntawari uhari wagereranywa na Ally Ibun Abi Twalib mu bigwi, ndetse nta n'uwari uhari wavugaga ko ariwe waba akwiriye ubuyobozi kumurusha.

Ikindi twavugaga nuko nkuko abayobozi bayoboye nyuma y'Intumwa y'Imana (Imana ibishimire bose) bakurikirana mu buyobozi, abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) ni nako babakurikiranya mu byiza byabo ndetse no mu bigwi byabo, bakavugaga ko uwari mwiza kurusha abandi ndetse akanabarusha ibigwi yari Abubakari, hagakurikiraho

¹ Yakiriwe na Bukhari

Umar, hagakurikiraho Uthman, hanyuma Ally Ibun Abi Twalib (Imana ibishimire bose).

Naho ku byerekeranye n’uwari mwiza mu bigwi hagati ya Uth’man na Ally, abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) ntibavuze rumwe k’urusha undi ibigwi. Sheykhul Islam Ibun Taymiyat aragira ati: “Bamwe mu bagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*), nyuma yo kwemeranywa ko Abubakari na Umar nyuma y’Intumwa y’Imana ari bo beza mu bigwi kurusha abandi, ku byerekeranye na Uthman na Ally, bamwe babanje Uth’man barekeraho, cyangwa se Ally bamugira uwa kane, abandi babanza Ally mbere ya Uth’man, abandi barifata. Ariko abenshi mu bagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) harimo n’abasangirangendo bari bakiriho icyo gihe, babona ko Uth’man ari we wabanzaga mu bigwi mbere ya Ally Ibun Abi Twalib (Imana ibishimire bose).

N’ubwo ibi by’ubanza hagati ya Uth’man na Ally mu bigwi, bidashyira unyuranyije nabyo mu buyobe, ahubwo ashwirwa mu buyobe no kuba yabanza Ally kuri Uth’man mu byerekeranye n’ubuyobozi. Kubera ko ibyerekeranye n’uburyo bakurikirana mu buyobozi ni ibijyanye no kwemera, ndetse nibyo abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) harimo n’abasangirangendo b’Intumwa y’Imana bemeranyijweho. Bityo unyuranya nabo aba ayobye kurusha indogobe yabuze ba nyirayo.¹”

¹ Uwashaka ibisobanuro birenze ibi, yareba igitabo *Aqidat Wasitwiyat* cyasobanuwe na Maktabat Al Qalam.

العشرة المبشرون بالجنة

Abasangirangendo icumi bahawe inkuru nziza yuko bazinjira mu ijuru.

وَأَنَّ الْعَشْرَةَ الَّذِينَ سَمَّاهُمْ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ وَبَشَّرَهُمْ بِالْجَنَّةِ نَشَّهَدُ لَهُمْ بِالْجَنَّةِ عَلَى مَا شَهِدَ لَهُمْ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ، وَقَوْلُهُ الْحَقُّ؛ وَهُمْ: أَبُو بَكْرٍ، وَعُمَرُ، وَعُثْمَانُ، وَعَلِيٌّ، وَطَلْحَةُ، وَالزُّبَيْرُ، وَسَعْدٌ، وَسَعِيدٌ، وَعَبْدُ الرَّحْمَنِ بْنُ عَوْفٍ، وَأَبُو عُبَيْدَةَ عَامِرُ بْنُ الْجَرَّاحِ، وَهُوَ أَمِينٌ هَذِهِ الْأُمَّةِ، رِضْوَانُ اللَّهِ عَلَيْهِمْ أَجْمَعِينَ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at)] twemera ko abasangirangendo icumi Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahaye inkuru nziza yo kuzinjira mu ijuru ndetse ikanavuga amazina yabo, duhamya ko bazajya mu ijuru nkuko Intumwa y'Imana yabibahamirije, kandi tukemera ko imvugo y'Intumwa y'Imana yabavuzeho ari ukuri, abo ni: Abubakar, Umar, Uth'man, Ally, Twal'hat, Zubayri, Sa'ad (Ibun Abi Waqasw), Said (Ibun Zaid), Abdul Rahman Ibun Aw'fu, na Abu Ubaydat Amir Ibun Al Djarah akaba ari umwizerwa w'abayoboke b'Intumwa y'Imana (Umat) Imana ibishimire bose.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umwanditsi nyuma yo kuvuga abasangirangendo bane bayoboye nyuma y'Intumwa y'Imana, byabaye ngombwa ko agaragaza abandi basangirangendo bavuzweho ibyiza birimo kuba barahawe inkuru nziza yo kuzinjira mu ijuru bakiri ku isi. Iyo nkuru nziza ntabwo ari umwihariko wa bariya bayobozi bane gusa, nkuko atari n'umwihariko w'abo icumi gusa, ahubwo hari

n'abandi babonye iyi nkuru nziza bakiri ku isi, twavuga nka Thabit Ibun Qaysi, Al Hassan na Al Hussayni, Ukashat Ibun Mih'swan.

Tukanashimangira n'abandi muri rusange byashimangiwe ko bemerewe ijuru bakiri ku isi, twavuga nk'abasangirangendo bitabiriye amasezerano ya *Ridw'wani*, abitabiriye urugamba rwa *Badri*.

Nanone impamvu ibi biba bivuzwe mu bitabo by'imyemerere, haba harimo gusubiza abafite imyemerere yo kugirira urwango abo Imana yishimiye, nk'*Abashiyat* bagirira urwago aba basangirangendo uko ari icumi usibye Ally. Iyi myemerere yabo ihabanye na gihamya za Qur'an na Hadithi zavuze ibigwi n'ibyiza byabo.

Ikindi twavuga nuko abasangirangendo b'Intumwa y'Imana barutanwa muri ubu buryo bukurikira; ku isonga ryabo habanza abayobozi bane bayoboze nyuma yo gupfa kw'Intumwa y'Imana, hagakurikiraho abasangirangendo batandatu muri bariya icumi bahawe inkuru nziza yo kuzajya mu ijuru bakiri ku isi, hagakurikiraho abitabiriye urugamba rwa *Badri*, hagakurikiraho abitabiriye amasezerano ya *Ridw'wani*, hagakurikiraho abaharaniye inzira y'Imana (*Djihad*) mbere yo kubohora Makat, nkuko byagaragaye mu murongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... لَا يَسْتَوِي مِنْكُمْ مَنْ أَنْفَقَ مِنْ قَبْلِ الْفَتْحِ وَقَتَلَ أَوْلِيَّتَكَ أَعْظَمُ دَرَجَةً مِنَ الَّذِينَ أَنْفَقُوا مِنْ بَعْدِ وَقَاتَلُوا وَكُلًّا وَعَدَ اللَّهُ الْحُسْنَىٰ وَاللَّهُ بِمَا تَعْمَلُونَ خَبِيرٌ ﴿١٠﴾ الحديد: ١٠

Allah aragira ati: "...Abatanze bakanarwana mbere y'urugamba (rwo kubohora Makat) muri mwe, ntibahwanyeye (na babandi babikoze nyuma yaho); abo (babikoze mbere) bafite urwego rwisumbuye uru'abatanze bakanarwana nyuma. Ariko bose **Allah** yabasezeranyije ibyiza. Kandi **Allah** azi bihebuje ibyo mukora.¹"

¹ Qur'an 57:10

Hagakurikiraho abimukira muri rusange bavuye i Makat baja ya i Madinat (Al Muhajiruna), nk’uko Allah avuga ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لِلْفُقَرَاءِ الْمُهَاجِرِينَ الَّذِينَ أُخْرِجُوا مِنْ دِيَارِهِمْ وَأَمْوَالِهِمْ يَبْتَغُونَ فَضْلًا مِنَ اللَّهِ وَرِضْوَانًا وَيَنْصُرُونَ اللَّهَ وَرَسُولَهُ أُولَئِكَ هُمُ الصَّادِقُونَ ﴿٨﴾﴾ الحشر: ٨

“(Muri icyo minyago kandi, harimo igice cyagenewe) abakene bimutse bameneshejwe mu ngo zabo n’imitungo yabo, (babikoze) bashaka ingabire ziturutse kwa Allah no kwishimirwa na we, ndetse no gutera inkunga Allah n’Intumwa ye. Abo ni bo banyakuri.”¹.

Hagakurikiraho abakiriye Intumwa y’Imana n’abasangirangendo bayo ba kavukire b’i Madinat, nkuko Allah yabivuze agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَالَّذِينَ تَبَوَّءُوا الدَّارَ وَالْإِيمَانَ مِنْ قَبْلِهِمْ يُحِبُّونَ مَنْ هَاجَرَ إِلَيْهِمْ وَلَا يَجِدُونَ فِي صُدُورِهِمْ حَاجَةً مِمَّا أُوتُوا وَيُؤْتُونَ عَلَى أَنْفُسِهِمْ وَلَوْ كَانَ بِهِمْ خَصَاصَةٌ وَمَنْ يُوقِ شَحْنَفْسِهِ فَاُولَئِكَ هُمُ الْمُفْلِحُونَ ﴿٩﴾﴾ الحشر: ٩

“Naho babandi batuye mbere yabo iki gihugu (cya Madina), bahisemo ukwemera, banakunda abimutse babagana, kandi mu mitima ntibararikire ibyo (abo bimukira) bahawe, ahubwo bagaharira abandi bo biretse, kabone n’ubwo nabo ubwabo bari babikeneye. Kandi abarinzwe kugira ubugugu ni bo bazatsinda.”²

¹ Qur’an 59:8

² Qur’an 59:9.

منهج أهل السنة في أزواج النبي ﷺ وأهل بيته.

Umurongo ngenderwaho w'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku byerekeye abagore bayo ndetse n'abo mu muryango wayo.

وَمَنْ أَحْسَنَ الْقَوْلِ فِي أَصْحَابِ رَسُولِ اللَّهِ ﷺ، وَأَزْوَاجِهِ الطَّاهِرَاتِ مِنْ كُلِّ دَنَسٍ، وَذُرِّيَّاتِهِ الْمُقَدَّسِينَ مِنْ كُلِّ رَجْسٍ، فَقَدْ بَرِيَ مِنَ التَّفَاقِ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*)], twemera ko uzavuga neza abasangirangendo b'Intumwa y'Imana, akanavuga neza abagore bayo yemeza ko bari kure ya buri gisebo, ndetse akanavuga neza urubyaro rwayo yemeza ko ruri kure ya buri cyasha, icyo gihe azaba yirinze anitandukanyije n'uburyarya.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “...twemera ko uzavuga neza abasangirangendo b'Intumwa y'Imana...” Nyuma y'uko umwanditsi amaze kugaragaza imyitwarire ikwiye kuranga umuyisilamu nyawe ku bigendanye n'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana, byabaye ngombwa ko agaragaza agaciro k'abantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana ku buryo bw'umwihariko.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “...akanavuga neza abagore bayo yemeza ko bari kure ya buri gisebo...” Umuryango w'Intumwa y'Imana ugamijwe kuvugwa aha, abaza ku isonga ni abagore bayo, hakiyongeraho abafitanye isano

n’Intumwa y’Imana ari bo muryango wayo, baziririjwe kwakira amaturu abo ni:

- ✓ Abakomoka kuri Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire).
- ✓ Abakomoka kuri Dja-afari (Imana imwishimire).
- ✓ Abakomoka kuri Aqiil (Imana imshimire).
- ✓ Abakomoka kuri Al Abass (Imana imwishimire).
- ✓ Abakomoka kuri Al Harith Ibun Abdul Mutwalib (Imana imwishimire).

Ku bigendanye no kuba nta gushidikanya ko abagore b’Intumwa y’Imana nabo bari mu bagize umuryango wayo, Imam Ibun Kathir yaravuze ati: Nta gushidikanya kuri wawundi usoma Qur’an mu bushishozi ko abagore b’Intumwa y’Imana binjira muri uyu murongo wa Qur’an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَنْسَاءَ النَّبِيِّ لَسْتُنَّ كَأَحَدٍ مِّنَ النِّسَاءِ إِنِ اتَّقَيْتُنَّ فَلَا تَخْضَعْنَ بِالْقَوْلِ فَيَطْمَعَ الَّذِي فِي قَلْبِهِ مَرَضٌ وَقُلْنَ قَوْلًا مَّعْرُوفًا ﴿٣٢﴾ وَقَرْنَ فِي بُيُوتِكُنَّ وَلَا تَبَرَّجْنَ تَبَرُّجَ الْجَاهِلِيَّةِ الْأُولَىٰ وَأَقِمْنَ الصَّلَاةَ وَآتِينَ الزَّكَاةَ وَأَطِعْنَ اللَّهَ وَرَسُولَهُ إِنَّمَا يُرِيدُ اللَّهُ لِيُذْهِبَ عَنْكُمُ الرِّجْسَ أَهْلَ الْبَيْتِ وَيُطَهِّرَكُمْ تَطْهِيرًا ﴿٣٣﴾﴾ الأَحْزَاب: ٣٢ - ٣٣

“Yemwe bagore b’Umuhanuzi (Muhamadi)! Ntabwo mumeze nk’abandi bagore basanzwe. Niba mwumvira (Allah), muramenye ntimukoroshye amajwi (yanyu, igihe muvugana n’abagabo), kugira ngo ufite uburwayi mu mutima atazabifuza; ahubwo mujye muvuga mukoresheje imvugo ziboneye. Mujye munaguma mu ngo zanyu kandi ntimukagaragaze imitako yanyu nk’uko (abagore bo mu bihe) by’ubujiji babikoraga. Mujye muhozaho amasengesho (Swalat), mutange amaturu (Zakat) kandi mwumvire Allah n’Intumwa ye. Mu by’ukuri, yemwe bantu bo mu rugo

(rw'Intumwa)! **Allah** arashaka kubezaho (ibibi n'ibyaha) kandi (arashaka) kubasukura byimazeyo.¹”

Niyo mpamvu umurongo wakurikiyeho hari andi mategeko aba bagore bahise bategekwa ajyanye n'ibyo bari bamaze kubwirwa.

No mu zindi gihamya zigaragaza agaciro k'abagore b'Intumwa y'Imana zinashimangira ko bari mu bagize umuryango wayo ni nk'aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿الَّذِينَ أُولَىٰ بِالْمُؤْمِنِينَ مِنْ أَنْفُسِهِمْ وَأَزْوَاجُهُمْ أُمَّهَاتُهُمْ ...﴾ **الأحزاب: ٦**

“Umuhanuzi (Muhamadi) ni we ufite agaciro ku bemeramana kurusha ako bifiteho ubwabo, ndetse n'abagore be ni ababyeyi babo...²”

Kuba abagore b'Intumwa y'Imana ari ababyeyi b'abemeramana ni mu rwengo rw'icyubahiro n'agaciro bafite, kuko barongowe n'Intumwa y'Imana ntabwo ari ababyeyi babo bababyara, kubera ako gaciro ntibinemewe kubarongora nyuma y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). **Allah** aragira ati :

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا كَانَ لَكُمْ أَنْ تُؤَدُّوا رَسُولَ اللَّهِ وَلَا أَنْ تَنْكِحُوا أَزْوَاجَهُمْ مِنْ بَعْدِهِ أَبَدًا إِنَّ ذَلِكَ كُرِّهًا كَانَ عِنْدَ اللَّهِ عَظِيمًا﴾ **الأحزاب: ٥٣**

“...Kandi ntibikwiye ko mubangamira Intumwa ya **Allah** ndetse ntibinakwiye na rimwe kurongora abagore bayo nyuma y'uko itabarutse. Mu by'ukuri, ibyo ni icyaha gihambaye imbere ya **Allah**.³”

¹ Qur'an 33:32-33

² Qur'an 33:6

³ Qur'an 33:53

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: “...**icyo gihe azaba yirinze anitandukanyije n’uburyarya.**” Abayisilamu nyabo ni babandi baha abagore b’Intumwa y’Imana icyubahiro cyabo bakwiye, bakanashimangira ko bari mu muryango wayo, nkuko Qur’an ibigaragaje, bakirinda kuba mu dutsiko tubapfobya tukanabandagaza. Aha twavuga nk’agatsiko k’*abashiya* batesha agaciro bamwe mu bagore b’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha), nk’uwitwa Aisha (Imana imwishimire) bakamushinja ubusambanyi kandi **Allah** yarabumugizeho umwere. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ الَّذِينَ جَاءُوا بِالْإِفْكِ عُصْبَةٌ مِّنْكَ لَا تَحْسَبُوهُ شَرًّا لَّكُم بَلْ هُوَ خَبْرٌ لَّكُم لِكُلِّ أَمْرٍ مِّنْهُمْ مَا أَكْتَسَبَ مِنَ الْإِثْمِ وَالَّذِي تَوَلَّى كِبْرَهُ مِنْهُمْ لَهُ عَذَابٌ عَظِيمٌ ﴿١١﴾ لَوْلَا إِذْ سَمِعْتُمُوهُ ظَنَّ الْمُؤْمِنُونَ وَالْمُؤْمِنَاتُ بِأَنفُسِهِمْ خَبْرًا وَقَالُوا هَذَا إِفْكٌ مُّبِينٌ ﴿١٢﴾ لَوْلَا جَاءُوا عَلَيْهِ بِأَرْبَعَةِ شُهَدَاءَ فَإِذْ لَمْ يَأْتُوا بِالشُّهَدَاءِ فَأُولَئِكَ عِندَ اللَّهِ هُمُ الْكَاذِبُونَ ﴿١٣﴾ وَلَوْلَا فَضْلُ اللَّهِ عَلَيْكُمْ وَرَحْمَتُهُ فِي الدُّنْيَا وَالْآخِرَةِ لَمَسَّكُمْ فِي مَا أَفَضْتُمْ فِيهِ عَذَابٌ عَظِيمٌ ﴿١٤﴾ إِذْ تَلَقَّوْنَهُ بِالْأَيْدِيكُمْ وَتَقُولُونَ بِأَفْوَاهِكُمْ مَا لَيْسَ لَكُم بِهِ عِلْمٌ وَتَحْسَبُونَهُ هَيِّئًا وَهُوَ عِنْدَ اللَّهِ عَظِيمٌ ﴿١٥﴾ وَلَوْلَا إِذْ سَمِعْتُمُوهُ قُلْتُمْ مَا يَكُونُ لَنَا أَنْ نَتَكَلَّمَ بِهَذَا سُبْحَانَكَ هَذَا بُهْتَانٌ عَظِيمٌ ﴿١٦﴾ يَعِظُكُمُ اللَّهُ أَنْ تَعُودُوا لِمِثْلِهِ أَبَدًا إِنْ كُنْتُمْ مُؤْمِنِينَ ﴿١٧﴾ وَيُبَيِّنُ اللَّهُ لَكُمُ الْآيَاتِ وَاللَّهُ عَلِيمٌ حَكِيمٌ ﴿١٨﴾ إِنَّ الَّذِينَ يُحِبُّونَ أَنْ تَشِيعَ الْفَاحِشَةُ فِي الَّذِينَ ءَامَنُوا لَهُمْ عَذَابٌ أَلِيمٌ فِي الدُّنْيَا وَالْآخِرَةِ وَاللَّهُ يَعْلَمُ وَأَنْتُمْ لَا تَعْلَمُونَ ﴿١٩﴾ وَلَوْلَا فَضْلُ اللَّهِ عَلَيْكُمْ وَرَحْمَتُهُ وَأَنَّ اللَّهَ رءُوفٌ رَّحِيمٌ ﴿٢٠﴾

“Mu by’ukuri, ba bandi bahimbye ikinyoma (babeshyera Aisha umugore w’Intumwa Muhamadi ko yasambanye), ni itsinda muri mwe. Ntimwibwire ko ari bibi kuri mwe, ahubwo ni byiza kuri mwe (kuko bigira umwere umugore w’Intumwa, bikanatuma hamenyekana abemera nyakuri). Buri wese muri bo (abakwiye icyo kinyoma) azahanirwa icyaha yakoze. Naho uwabigizemo uruhare runini muri bo (Abdullah mwene Ubayi mwene Salulu), azahanishwa ibihano bihambaye. Kubera iki igihe mwacyumvaga (icyo kinyoma), abemeramana n’abemeramana-kazi ubwabo batigeze bakeka ibyiza ngo bavuge bati "Tki ni ikinyoma

kigaragara!". Kubera iki (abo banyakinyoma) batigeze bagitangira abahamya bane? Nibaramuka batazanye abo bahamya, ubwo abo ni abanyabinyoma imbere ya Allah. N'iyi bitaza kuba ingabire za Allah n'impuhwe ze ku isi no ku mperuka, mwari kugerwaho n'ibihano bihambaye kubera ibyo mwijanditsemo. Ubwo mwabikwirakwizaga mukoresheje indimi zanyu, ndetse mukavugisha iminwa yanyu ibyo mudafitiye ubumenyi mukeka ko byoroshye, nyamara kwa Allah bihambaye. Kubera iki igihe mwabyumvaga mutavuze muti "Ntidukwiriye kuvuga kuri ibi. Ubutagatifu ni ubwawe (Nyagasani wacu)! Iki ni ikinyoma gihambaye". Allah arababurira kugira ngo ntimuzongere na rimwe gukora ibimeze nka byo, niba koko muri abemeramana. Kandi Allah abasobanurira amagambo (ye). Ndetse Allah ni Umumenyi uhebuje, Ushishoza. Mu by'ukuri, babandi bishimira ko ubusambanyi busakara mu bemera, bazahanishwa ibihano bibabaza hano ku isi no ku munsu w'imperuka. Kandi Allah azi (ibyo mukora) ariko mwe ntimuzi (ingaruka zabyo).¹

Ubwo rero abavuga ko umugore w'Intumwa y'Imana Aishat umukobwa wa Abubakar yasambanye baba bahinyuye ibyo Allah yahanuye, ndetse bikaba ari no guhinyuza Allah ko yahitiyemo Intumwa ye umugore utayikwiye, kandi bikaba ari n'ubuhakanyi ndetse n'uburyarya. Allah yakomeje kwerekana ko umugore w'Intumwa y'Imana Aishat ari umwere kandi ko atigeze akora igikorwa cy'ubusambanyi kuko iyo aza kuba yaragikoze ntiyari gukomeza kuba umugore w'Intumwa y'Imana Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿الْحَيِّثُكَ لِلْحَيِّثِينَ وَالْحَيِّثُونَ لِلْحَيِّثَاتِ وَالطَّيِّبَاتُ لِلطَّيِّبِينَ وَالطَّيِّبُونَ لِلطَّيِّبَاتِ أُولَئِكَ مُبَرَّءُونَ مِمَّا يَقُولُونَ لَهُمْ مَغْفِرَةٌ وَرِزْقٌ كَرِيمٌ ﴿٢٦﴾﴾ النور: ٢٦

"Abagore b'inkozi z'ibibi (cyangwa se imvugo mbi) bakwiranye n'abagabo babi, ndetse n'abagabo babi (cyangwa se imvugo mbi) bakwiranye n'abagore babi. Naho abagore bakora ibikorwa byiza

¹ Qur'an 24:11-20

(batunganye) bakwiranye n’abagabo beza, ndetse n’abagabo beza bakwiranye n’abagore bakora ibikorwa byiza. Abo (batunganye) ni abere kubyo babavugaho. Bazababarirwa ibyaha banahabwe amafunguro meza (mu ijuru).¹”

Undi mugore w’Intumwa y’Imana ukunda kwibasirwa n’agatsiko k’abitwa *Abashiya* ni Haf’swat umukobwa wa Umar Ibun Al Khatwab, gusa birahagije kuba ari umunyacyubahiro niba bemera ko yari umugore w’Intumwa y’Imana.

Rero abagenda ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*), ntibakabiriza abo mu muryango w’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ngo babe bavuga ko ari abaziranenge, kandi ntibanabambura agaciro kabo nk’uko tumwe mu dutsiko twayobye tubigenza ngo babe babannyega cyangwa ngo babatuke.

Nkuko nanone birinda kubakunda cyane ngo bakabye babashyire mu rwego batarimo, nkuko bikorwa na tumwe mu dutsiko tw’abanyabihimbano tubifashisha kugira ngo batuvuganire kwa **Allah** mu busabe igihe bari gusaba, kugeza ubwo utwo dutsiko tunarengera tukabagira ibigirwamana. Bityo rero nk’uko bisanzwe, abagenda ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bari hagati no hagati, ntibabakabiriza mu kubakunda cyangwa se ngo babateshe agaciro kabo.

¹ Qur’an 24:26

مذهب أهل السنة والجماعة في علماء السلف

Umurongo ngenderwaho w'abakurikiye imigenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) ku bamenyi batubanjirije mu kwemera.

وَعُلَمَاءُ السَّلَفِ مِنَ السَّابِقِينَ وَمَنْ بَعَدَهُمْ مِنَ التَّابِعِينَ أَهْلِ الْخَيْرِ وَالْأَثَرِ، وَأَهْلِ الْفِقْهِ
وَالنَّظَرِ، لَا يُذَكَّرُونَ إِلَّا بِالْجَمِيلِ، وَمَنْ ذَكَرَهُمْ بِسُوءٍ فَهُوَ عَلَى غَيْرِ السَّبِيلِ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djamaat)], twemera ko abamenyi batubanjirije haba mu basangirangendo b'Intumwa y'Imana n'ababakurikiye mu gukora ibyiza, ndetse n'abaje nyuma yabo mu baranzwe no gukora ibikorwa byiza no gukurikira imigenzo y'Intumwa y'Imana, ndetse n'abamenyi b'ibigendanye n'amategeko ya Isilamu (Fiq'hi) n'abasesenguzi mu by'amategeko y'idini, ntibavugwa usibye ibyiza, n'ubavuga ibibi aba ari mu nzira y'ubuyobe.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umwanditsi amaze kuvuga ukuri abayisilamu bagomba guha abasangirangendo, ndetse akanavuga ukuri abayisilamu bagomba guha umuryango w'Intumwa y'Imana, yakurikijeho kuvuga ukuri kw'abari munsu yabo mu byiza ari bo abamenyi, bakaba abazungura b'Intumwa z'Imana mu bumenyi. Niyo mpamvu kubavugaga neza no kububaha ari itegeko, kandi uzabavugaga nabi azaba aguye mu buyobe.

Inyito ikoresheya kuri aba bamenyi babanje ni: A-Salafu isobanuye mu rulimi rw'icyarabu icyabanje, naho iyo ikoreshejwe ku bantu baba bashatse kuvugaga ababanje. Igisobanuro cy'iryo

jambo hashingiwe ku bumenyi bwa Isilamu, ni abasangirangendo n’abababakurikiye mu kwemera no mu gukora ibikorwa byiza.

Ikindi nuko iyo tuvuga aba bamenyi ntihinjiramo abagaragaweho n’ibihimbano. Ubwo rero abamenyi batubanjirije (*A-Salaf*), ni abamenyi batubanjirije mu kwemera bagashyira mu bikorwa ubumenyi bwabo bakomora mu migenzo y’Intumwa y’Imana n’umuyoboro wayo. Bityo rero abamenyi mu basangirangendo b’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) no mu babakurikiye (*A-Tabiina*), ndetse no mu bakurikiye aba tumaze kuvuga (*At’ba-u A-Tabiina*) bari ku nzira y’ukuri, ni itegeko kububaha, no kubashyira mu rwego rubakwiriye rwo kuba bari abamenyi no gukurikiza inzira bariho. **Allah** yavuze ibyiza by’abamenyi nk’aba n’agaciro kabo muri imwe mu mirongo ya Qur’an nk’aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿شَهِدَ اللَّهُ أَنَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا هُوَ وَالْمَلَائِكَةُ وَأُولُو الْعِلْمِ قَائِمًا بِالْقِسْطِ لَا إِلَهَ إِلَّا هُوَ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ ﴿١٨﴾ آل عمران: ١٨

“**Allah** yahamije ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by’ukuri uretse we. Abamalayika n’abafite ubumenyi na bo barabihamya; we ugenga ubutabera. Nta yindi mana ikwiriye gusengwa by’ukuri uretse we, Nyirimbaraga zihebuje, Ushishoza.¹”

Abafite ubumenyi Imana ivuga aha ni abafite ubumenyi bw’ibigendanye n’idini ya Isilam, nabo bakaba barimo inzego zitandukanye, hinjiramo abahanuzi b’Imana ku ikubitiro ndetse hakaninjiramo abamenyi mu bakurikiye abo bahanuzi. **Allah** nanone yavuze ko by’umwihariko abamenyi yabazamuye mu rwego aho agira ati:

¹ Qur’an 3:18

قَالَ تَعَالَى: ﴿...يَرَفَعُ اللَّهُ الَّذِينَ ءَامَنُوا مِنْكُمْ وَالَّذِينَ أُوتُوا الْعِلْمَ دَرَجَاتٍ وَاللَّهُ بِمَا تَعْمَلُونَ خَبِيرٌ ﴿١١﴾﴾

المجادلة: ١١

“Allah azamura mu ntera abemeye n’abahawe ubumenyi muri mwe. Kandi Allah ni umumenyi uhebuje w’ibyo mukora.¹”

Bisobanuye ko kuba bari mu bemeramana, bakaba ari n’abamenyi ari urwego rwisumbuye bafite.

Nanone Allah avuga ibigwi by’abamenyi agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّمَا يَخْشَى اللَّهَ مِنْ عِبَادِهِ الْعُلَمَاءُ إِنَّ اللَّهَ عَزِيزٌ غَفُورٌ ﴿٢٨﴾﴾ فاطر: ٢٨

“Mu by’ukuri, abatinya Allah (nyabyo) mu bagaragu be ni abamenyi. Rwose Allah ni Umunyembaraga, Ubabarira ibyaha.²”

Na buri gihamya yose muri Qur’an no mu mvugo z’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ivuga agaciro k’ubumenyi ni nayo gihamya igaragaza agaciro k’abamenyi.

Abamenyi bagize aka gaciro kubera ko ari abazungura b’Intumwa z’Imana, nkuko bigaragara mu mvugo z’Intumwa y’Imana, ndetse ni nabo Allah akoresha mu kurinda no kubungabunga idini rye.

Ikindi nuko ku bigendanye n’abamenyi, abantu barimo ibice bitatu:

1. Abarengereye kuri bamwe mu bamenyi kugeza ubwo babashyira mu rwego badakwiye, bakabafata nk’abaziranenge cyangwa ibigirwamana bakabona ko n’ubusabe basaba butakakirwa batabanje kubitabaza ngo babavuganire baba ari bazima cyangwa barapfuye bari mu mva zabo. Ibi ni ugukabya

¹ Qur’an 58:11

² Qur’an 35:28

mu idini ndetse n'ubuyobe ni n'ibangikanyamana, Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَلَا لِلَّهِ الدِّينُ الْخَالِصُ وَالَّذِينَ اتَّخَذُوا مِنْ دُونِهِ أَوْلِيَاءَ مَا نَعْبُدُهُمْ إِلَّا لِيُقَرِّبُونَا إِلَى اللَّهِ زُلْفَىٰ إِنَّ اللَّهَ يَحْكُمُ بَيْنَهُمْ فِي مَا هُمْ فِيهِ يَخْتَلِفُونَ ۗ إِنَّ اللَّهَ لَا يَهْدِي مَنْ هُوَ كَاذِبٌ كَفَّارٌ ﴿٣﴾ الزمر: ٣

“Mumenye ko Allah ari we nyir'idini ritunganye. Naho babandi bishyiriyeho ibigirwa mana mu cyimbo cye, (baravuga bati) "Nta yindi mpamvu ituma tubisenga itari ukugira ngo bitwegereze Allah". Mu by'ukuri, Allah azabakiranura ku byo batavugagaho rumwe. Rwose Allah ntayobora umunyabinyoma, umuhakanyi wa cyane.¹”

Ikindi twanenga muri uku kurengera ni uburyo bakurikira abamenyi buhumyi, bagafata imvugo zabo bakazigereranya n'imirongo ya Qur'an zahuza nayo bakayemera, zanyuranya nayo bakazishakira ibisobanuro bihuye n'imvugo z'abo bamenyi babo. Abo bameze nk'abo Allah yabavuze muri uyu murongo agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿اتَّخَذُوا أَحْبَابَهُمْ وَرُهْبَانَهُمْ أَرْبَابًا مِنْ دُونِ اللَّهِ وَالْمَسِيحَ ابْنَ مَرْيَمَ وَمَا أُمِرُوا إِلَّا لِيَعْبُدُوا إِلَهًا وَاحِدًا ۗ لَّا إِلَهَ إِلَّا هُوَ سُبْحٰنَهُ عَمَّا يُشْرِكُونَ ﴿٣١﴾ التوبة: ٣١

“Bagize abamenyi babo n'abihayimana muri bo ndetse na Masihi (Mesiya) mwene Mariyamu ibigirwamana, babasimbuza Allah. Nyamara nta kindi bategetswe uretse kugaragira Imana imwe. Nta wundi ukwiye kugaragirwa by'ukuri uretse yo. Ubutagatifu ni ubwayo, kandi iri kure y'ibyo bayibangikanya.²”

2. Ni abadaha agaciro abamenyi, ntibite ku mvugo zabo n'ubumenyi bwabo, ahubwo bagahitamo kuzihakana bagendeye ku myumvire yabo n'amarangamutima yabo. Allah aragira ati:

¹ Qur'an 39:3

² Qur'an 9:31

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَنْ يُشَاقِقِ الرَّسُولَ مِنْ بَعْدِ مَا تَبَيَّنَ لَهُ الْهُدَىٰ وَيَتَّبِعْ غَيْرَ سَبِيلِ الْمُؤْمِنِينَ نُوَلِّهِ مَا تَوَلَّىٰ وَنُصَلِّهِ ۚ إِنَّهُمْ سَاءَ مَا كَانُوا مَصِيرًا ﴿١١٥﴾﴾ النساء: ١١٥

“N’uzanyuranya n’Intumwa (Muhamadi) nyuma y’uko agaragarirwa n’umuyoboro w’ukuri, agakurikira inzira itari iy’abemera; tuzamurekera mu byo yahisemo, ndetse tumwinjize mu muriro wa Jahanamu, kandi ni ryo herezo ribi¹.”

Abanengwa kudakurikira inzira y’abemera ku ikubitiro hazamo abadakurikira inzira y’abamenyi batubanjirije mu kwemera, kuko ari bo basobanukiwe gihamya n’amategeko y’idini bitewe n’uburyo babayeho mu gihe cyegereye icy’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha), nkuko ibishimangira muri hadithi yaturutse kwa Imran Ibun Huswayni igira iti:

وَعَنْ عِمْرَانَ بْنِ حُصَيْنٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: «إِنَّ خَيْرَكُمْ قَرْنِي، ثُمَّ الَّذِينَ يَلُونَهُمْ، ثُمَّ الَّذِينَ يَلُونَهُمْ...»

“Mu by’ukuri abantu beza kurusha abandi ni abo mu kinyejana ndimo, hanyuma hagakurikiraho abazabaho mu kinyejana gikurikira, hanyuma hagakurikiraho abazabaho mu kinyejana gikurikira...²” Umuntu rero uvuga abamenyi nabi niwe umwanditsi w’igitabo yari agamije kuvuga ubwo yavugaga ati: **“... n’ubavuga ibibi aba ari mu nzira y’ubuyobe.”**

Gusa ikindi twavugaga nuko imvugo abamenyi bavugaga zirimo ibice bitatu:

1. Hari izo bavugaga usanga zishingiye kuri gihamya za Qur’an na Hadithi, izo mvugo zabo ziba ari itegeko kuzemera no kuzikurikiza kuko ziba zishingiye ku misingi ikomeye.

¹ Qur’an 4:115

² Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.

2. Naho iyo bavuze imvugo zidashingiye kuri Qur'an na Hadithi zikaba zinanyuranya n'iyi misingi, icyo gihe itegeko n'ukureka izo mvugo zabo, kandi ni nako abamenyi bizewe bajyaga bagira inama abanyeshuri babo.

3. Naho imvugo zabo zitagaragaramo guhuza na gihamya za Qur'an na Hadithi cyangwa kunyuranya nabyo. Izo abamenyi bavuze ko byemewe kuzikurikiza ariko mu buryo butari itegeko uwashaka yazikurikiza, n'uwashaka yazireka. Kuko ziba zaravuzwe hashingiwe ku busesenguzi bushobora guhuza n'ukuri cyangwa ntibuhuze n'ukuri.

Ikindi nuko umuyisilamu agomba kumenya ko n'ubwo bwose Isilamu itegeka kubaha abamenyi, ariko abamenyi atari abaziranenge ko hari igihe bahuza n'ukuri ubundi ntibahuze nakwo. N'ubwo bwose umuyisilamu aba akwiye kumenya abamenyi bashikamye ku kuri akabakurikiza cyane cyane abamaze gupfa, kuko baba batazazuka ngo bahinduke.

مرتبة الولاية دون النبوة.

**Urwego rwo kuba umukunzi w'Imana ruri muni y'urwego
rwo kuba Intumwa y'Imana.**

وَلَا نُفَضِّلُ أَحَدًا مِنَ الْأَوْلِيَاءِ عَلَى أَحَدٍ مِنَ الْأَنْبِيَاءِ عَلَيْهِمُ الصَّلَاةُ وَالسَّلَامُ، وَنَقُولُ: نَبِيُّ
وَاحِدٌ أَفْضَلُ مِنْ جَمِيعِ الْأَوْلِيَاءِ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at)] ntiturutisha uwo ari we wese mu bakunzi b'Imana umwe mu Ntumwa z'Imana (amahoro

y’Imana azisakareho). Turanavuga duti: Umuhanuzi umwe ni mwiza kuruta abakunzi b’Imana bese.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umwanditsi amaze kuvuga ibirebana n’abasangirangendo n’abantu bo mu rugo rw’Intumwa y’Imana, nyuma akavuga ibyerekeye ababakurikiye ari bo bamenyi bakaba n’abasigire b’Intumwa z’Imana, byari ngombwa ko akurikizaho kuvuga ibyo abemeramana bakwiriye kumenya ku bakunzi b’Imana, ikindi twavuga n’impamvu umwanditsi yanditse iki cyigwa:

1. Yashakaga kugaragaza imyemerere y’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) yuko abahanuzi b’Imana ari beza kuruta abakunzi b’Imana, ko kandi Intumwa z’Imana ari nziza kuruta abahanuzi.

2. Gusubiza bamwe mu bantu bo mu gatsiko k’abitwa A-Swufiyat bemera ko abakunzi b’Imana (*Al Auliya-u*) ari beza kurusha Intumwa z’Imana. Bityo rero buri ntumwa iba ari umuhanuzi, na buri muhanuzi w’Imana aba ari umukunzi wayo, ariko ntabwo bisobanuye ko buri mukunzi w’Imana aba ari umuhanuzi wayo cyangwa Intumwa yayo.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَلَا إِنَّ أَوْلِيَاءَ اللَّهِ لَا خَوْفٌ عَلَيْهِمْ وَلَا هُمْ يَحْزَنُونَ ﴿٦٢﴾ الَّذِينَ ءَامَنُوا وَكَانُوا يَتَّقُونَ ﴿٦٣﴾﴾ يونس: ٦٢ - ٦٣

“Mumenye ko abakunzi ba **Allah** batazagira ubwoba habe n’agahinda. (Abo ni) babandi bemeye kandi bakaba baratinyaga **Allah**.¹”

¹ Qur’an 10:62-63

Iki kikaba ari cyo gisobanuro cyo kuba umukunzi w’Imana, ari byo kwemera Imana no kuyigandukira. Ibi rero bikaba bigaragara kuri buri ntumwa na buri muhanuzi, nkuko nanone bigaragara ku bantu barangwa no gukora ibikorwa byiza ndetse n’abapfuye baharanira inzira y’Imana. Bityo rero uyu murongo wa Qur’an ntuvuga ku bakunzi b’Imana batari abahanuzi, ahubwo uravuga ku bakunzi b’Imana muri rusange. Kandi abakwiye kuba abakunzi b’Imana kurusha abandi ni Intumwa z’Imana n’abahanuzi bayo. **Allah** niwe Mumenyi Uhebuje.

منهج أهل السنة في كرامات الأولياء.

Umurongo ngenderwaho w’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) ku bigendanye n’ibitangaza (karamati) by’abakunzi b’Imana.

وَنُؤْمِنُ بِمَا جَاءَ مِنْ كَرَامَاتِهِمْ وَصَحَّ عَنِ الثَّقَاتِ مِنْ رِوَايَاتِهِمْ.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at)] twemera ibitangaza byakozwe n’abakunzi b’Imana, ndetse n’ibyavuzwe n’abantu bizewe kuri ibyo bitangaza.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ubusanzwe igitangaza (*Muudjizat*) ni buri kintu cyose gitandukanye na kamere, **Allah** yajyaga aha bamwe mu ntumwa ze agamije gushyigikira ukuri kw’ibyo zaje kwigisha. Ariko birashoboka ko igitangaza gishobora gukorwa n’abandi batari intumwa z’Imana bikitwa (*Al Karamat*) igihe ari abakunzi bayo, iki

kikaba ari cyo umwanditsi yari agamije muri iki cyigwa. Ariko ibi bitangaza iyo bibaye ntibiba bisobanuye ko ubikoze aba azi ubumenyi bw'ibyihishe nk'uko **Allah** abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ لَا أَقُولُ لَكُمْ عِنْدِي خَزَائِنُ اللَّهِ وَلَا أَعْلَمُ الْغَيْبَ وَلَا أَقُولُ لَكُمْ إِنِّي مَلَكٌ إِن تَتَّبِعُوا إِلَّا مَا يُوْحَىٰ إِلَيَّ ...﴾ **الأنعام: ٥٠**

"Vuga (yewe Muhamadi) uti: "Simbabwira ko mfite ibigega bya **Allah**, nta n'ubwo nzi ibitagaragara, nta n'ubwo mbabwira ko ndi Malayika. Nta kindi nkurikira uretse ibyo mpishurirwa...¹"

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَسْأَلُونَكَ عَنِ السَّاعَةِ أَيَّانَ مُرْسَاهَا قُلْ إِنَّمَا عِلْمُهَا عِنْدَ رَبِّي لَا يُجَلِّيهَا لِوَفْتِهَا إِلَّا هُوَ ثَقُلَتْ فِي السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ لَا تَأْتِيكُمُ إِلَّا بَغْتَةً يَسْتَلُونَكَ كَأَنَّكَ حَفِيٌّ عَنْهَا قُلْ إِنَّمَا عِلْمُهَا عِنْدَ اللَّهِ وَلَكِنَّ أَكْثَرَ النَّاسِ لَا يَعْلَمُونَ﴾ **الأعراف: ١٨٧**

"Barakubaza (yewe Muhamadi) kubyerekeye igihe imperuka izabera. Vuga uti "Mu by'ukuri, ubumenyi bwayo bwihariwe na Nyagasani wanjye. Nta wagaragaza igihe cyayo uretse we. Ibyayo biraremereye mu birere no ku isi. Ntizabageraho itabatunguye. Barakubaza nk'aho uyifiteho ubumenyi. Vuga uti "Mu by'ukuri, ubumenyi bwayo bwihariwe na **Allah**, nyamara abenshi mu bantu ntibabizi."²

Ibitangaza bikorwa n'abakunzi b'Imana (Al Karamati) birimo amoko atanu:

1. Hari ukuba umukunzi w'Imana yahabwa ubumenyi budafitwe n'undi uwo ari we wese, bugatuma akora igitangaza runaka, nk'ubumenyi bwa Khidw'ri yari afite bugaragara muri Surat Al Kah'fi.

¹Qur'an 76:50

² Qur'an7:187

2. Ni ukuba **Allah** yaha umwe mu bakunzi be ubumenyi no kwerekwa ibintu bidasanze abandi byagora kumenya, nko kuba **Allah** ashobora kumvisha umuntu ibintu abandi bantu bari kumwe batari kumva, cyangwa akamwereka ibyo abandi batari kubona, byaba mu nzozi cyangwa bitari mu nzozi. Ibyo byose bikaba biba ari ugushobozwa na **Allah**. (*Al Mukashafati*) urugero: Ni igihe kimwe umugore wa Abubakri yari atwite nuko Abubakri aza kubwira abantu ko umugore we atwite umwana w'umukobwa, nyuma aza kubyara koko umukobwa.
3. Ubushobozi n'imbaraga bihabwa umuntu runaka: Ibi ni igihe umuntu runaka aba afite ubushobozi n'imbaraga abandi badafite, nk'inkuru y'abantu bo mu buvumo.
4. Gukabya inzosi.
5. Kurindwa kugwa mu moshya ya shitani.

Ibimenyetso bigaragaza ibitangaza by'inshuti z'Imana nkuko abagenda ku migenzo y'Intumwa (*Ahlu Sunat wal Djamaat*) babyemera:

1. Kuba uwo bigaragayeho ari umwemeramana uyigandukira, uyegurira ibikorwa bye kandi akurikira imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).
2. Kuba ibyo bitangaza bitanyuranye n'amategeko y'idini y'ubuyisilamu.
3. Kuba ibyo bitangaza bitaba impamvu yo kureka ibiri itegeko mu idini cyangwa gukora ibibujijwe.
4. Kuba uwagaragaweho n'ibyo bitangaza atagomba kwigira mwiza kubera byo, no kutishyira mu bigeragezo abivuga bikaba byamushyira mu kaga.

Gihamya zigaragaza ibitangaza (*Al Karamat*) byagiye biba ku bantu batari intumwa z'Imana. Aha twavugaga nka Mariyamu nyina wa Issa (Imana imuhe amahoro n'imigisha)

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... كُلَّمَا دَخَلَ عَلَيْهَا زَكَرِيَّا الْمِحْرَابَ وَجَدَ عِنْدَهَا رِزْقًا قَالَ يَمْرُؤُا أَنَّى لَكَ هَذَا قَالَتْ هُوَ مِنْ عِنْدِ اللَّهِ إِنَّ اللَّهَ يَرْزُقُ مَنْ يَشَاءُ بِغَيْرِ حِسَابٍ ﴿٣٧﴾ آل عمران: ٣٧

“...Buri uko Zakariya yinjiraga aho (Mariyamu) yasengeraga, yamusanganaga amafunguro, akavuga ati "Yewe Mariyamu! Ibi ubikura he? Akavuga ati "Ibi bituruka kwa **Allah**; mu by'ukuri, **Allah** aha amafunguro uwo ashaka nta kugera.¹”

Nanone **Allah** avuga inkuru y'abasore b'abemeramana bahunze umwami wari umunyamahugu, maze Imana ibasinziriza imyaka magana atatu n'icyenda, nuko nyuma yaho iza kubakangura.

قَالَ تَعَالَى: ﴿تَحْنُ نَفْصُ عَلَيَّكَ نَبَاهُمْ بِالْحَقِّ إِنَّهُمْ فِتْيَةٌ ءَامَنُوا بِرَبِّهِمْ وَزِدْنَاهُمْ هُدًى ﴿١٣﴾ الكهف: ١٣

“Twe turagutekerereza inkuru yabo mu kuri. Rwose, bari abasore bemeye Nyagasani wabo, nuko tubongerera ukuyoboka.²”

Allah yakomeje avuga inkuru yabo agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَيْتُوا فِي كَهْفِهِمْ ثَلَاثَ مِائَةٍ سِنِينَ وَازْدَادُوا تِسْعًا ﴿٢٥﴾ الكهف: ٢٥

“Kandi bamaze mu buvumo bwabo imyaka magana atatu yiyongeraho icyenda.³”

Sheikh Al Islam Ibun A-Taymiyat (Imana imugirire impuhwe) yaravuze ati: Buri gitangaza cyose gikozwe n'umukunzi w'Imana cyibaho ku bw'imigisha yo gukurikira imigenzo y'Intumwa y'Imana. Ku bw'ibyo ibyo bitangaza nabyo byinjira mu bitangaza by'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Kuko umunyabyaha n'umunyabihimbano ibyo akora bidasanzwe ntibiba ari ibitangaza yahawe na **Allah**.

¹ Qur'an 3:37
² Qur'an 18:13
³ Qur'an 18:25

Ubugenge buri mu kuba Allah yashoboza bamwe mu bagaragu be batari Intumwa ze kugaragarwaho n'ibitangaza:

1. Guha ingabire umuntu mu rwego rwo kumukemurira ikibazo yahuye nacyo, nk'uko byagenze kuri Umu Ayman; yavuze ko ubwo yimukaga ava i Maka yerekeza i Madinat yasibye, yagize inyota maze atakambira Imana yerekeza uburanga bwe mu kirere, nuko abona indobo y'amazi inagana mu kirere aranywa kugeza ashize inyota.
2. Kuba umuntu akeneye ikimwongerera ukwemera kwe, kubera ko hari ubwo umuntu igitangaza cyamubaho kikaba impamvu yuko ukwemera kwe kwiyongera ndetse no kugandukira Imana bikiyongera, maze akajya kure y'ibyaha.
3. Kuba Allah yatabara abemeramana agateza ubwoba mu mitima y'abanzi babo, nk'uko byabaye kuri Khalid Ibun Al Walid (Imana imwishimire), ubwo yanywaga uburozi nyuma yuko yari amaze gusaba ubusabe bugira buti: *BISMILLAH LADHI LA YADWURU MA-A ISMIHI SHAY-UN FIL AR'DWI WALA FI SAMAI*: Mbanje izina ry'Imana, ryo iyo waritangije nta kintu gishobora kugira icyo cyagutwara, haba mu isi cyangwa mu kirere. Nuko ubwo burozi ntibwagira icyo bumutwara, maze abanzi bagira ubwoba baramwara, nuko habaho ubwiyunge hagati yabo.
4. Kurokora abayisilamu ikibi cyabagwiririye cyangwa ibyaha bageragereshejwe (gukora Imana ikabibakuramo), Urugero rw'uburyo Allah ashobora kwereka umuntu ibintu abandi bantu batari kubona: Igihe kimwe umusangirangendo w'Intumwa y'Imana Umar yari ari kwigisha mu musigiti w'i Madinat, nuko abo yari ari kwigisha bumva aravuze ati: Yewe Sariyat erekeza ku musozi. Nuko amaze kwigisha bagenzi be baramubaza bati: Kuki igihe wigishaga twumvise uvuga uti: Yewe Sariyat erekeza ku musozi? Arabasubiza ati: Nabwiraga Sariyat uri muri Iraq ko hari agaco k'abanzi yaragiye kugwamo

mubwira ko yerekeza mu nzira ijya ku musozi abarokoka gutyo. Aha Umar yari i Madinat Allah amwereka ibintu biri kubera muri Iraq.

Ibyo kandi binashimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati:

عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: إِنَّ اللَّهَ قَالَ: مَنْ عَادَى لِي وَلِيًّا فَقَدْ آذَنْتُهُ بِالْحَرْبِ، وَمَا تَقَرَّبَ إِلَيَّ عَبْدِي بِشَيْءٍ أَحَبَّ إِلَيَّ مِمَّا افْتَرَضْتُ عَلَيْهِ، وَمَا يَزَالُ عَبْدِي يَتَقَرَّبُ إِلَيَّ بِالتَّوَافِلِ حَتَّىٰ أَحِبَّهُ، فَإِذَا أَحَبَبْتُهُ كُنْتُ سَمْعَهُ الَّذِي يَسْمَعُ بِهِ، وَبَصَرَهُ الَّذِي يُبْصِرُ بِهِ، وَيَدَهُ الَّتِي يَبْطِشُ بِهَا، وَرِجْلَهُ الَّتِي يَمْشِي بِهَا، وَإِنْ سَأَلَنِي لِأَعْطِيَنَّهُ وَلَئِنِ اسْتَعَاذَنِي لِأَعِيذَنَّهُ...

Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti: Mu by’ukuri Allah aragira ati: “Uzagirira urwango umukunzi wanjye, amenye ko mutangarije urugamba. Kandi nta kintu umugaragu wanjye yanyiyegerezaho ku cyo ari cyo cyose nkunda kiruta ibyo namutegetse, ndetse umugaragu azaguma kunyiyegereza ku bikorwa by’imigereka (Sunat) kugeza ubwo mukunze, nimukunda nzamubera amatwi ye yumvisha, n’amaso ye arebesha, n’amaboko ye afatisha, n’amaguru ye agendesha. Kandi nansaba nzamuha, nananyitabaza nzamutabara...¹”

Icyo Imana yashakaga kwerekana aha, nuko igihe umugaragu atunganye Allah amuha indoro yo kubona ibikwiye bitabonwa na buri wese, akanamuha kumva ibikwiye bitumvwa na buri wese, bikaba impamvu yuko akora ibishimishije Allah.

5. Kugeragezwa nk’ibyabaye kuri Bal-ami Ibun Bawura-u, yari umwe muri bene Isiraheli wakoraga ibikorwa byiza ndetse akakirirwa n’ubusabe. Nuko abantu bamusaba ko asabira umuvumo Intumwa y’Imana Mussa hamwe n’abamwemeye, nuko mu ntangiriro ntiyabyemera, hanyuma aza kubyemera. Buri uko yasabiraga imivumo Musa n’abantu be niko iyo

¹ Yakiriwe na Bukhari

mivumo yagarukaga ku bantu ba Bal-amu, nuko urulimi rwe rurasohoka kugeza ubwo rwakoraga ku gituzo cye, ndetse hanahishurwa n’umurongo wa Qur’an umuvugaho ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَنزَلَ عَلَيْهِمْ نَبَأَ الَّذِي ءَاتَيْنَاهُ ءَايَاتِنَا فَانْسَلَخَ مِنْهَا فَاتَّبَعَهُ الشَّيْطَانُ فَكَانَ مِنَ الْعَاوِينَ ﴿١٧٥﴾
 وَلَوْ شِئْنَا لَرَفَعْنَاهُ بِهَا وَلَكِنَّهُ أَخْلَدَ إِلَى الْأَرْضِ وَاتَّبَعَ هَوَاهُ فَمَثَلُهُ كَمَثَلِ الْكَلْبِ إِنْ تَحْمَلَ عَلَيْهِ
 يَلْهَثَ أَوْ تَتْرُكُهُ يَلْهَثُ ذَلِكَ مَثَلُ الْقَوْمِ الَّذِينَ كَذَبُوا بِآيَاتِنَا فَاقْصِصْ الْقِصَصَ لَعَلَّهُمْ يَتَفَكَّرُونَ

الأعراف: ١٧٥ - ١٧٦ ﴿١٧٦﴾

“Unabagezeho (yewe Muhamadi) inkuru y’uwo twahaye ibimenyetso byacu (mu Bayisiraheli), nuko akabihakana, maze Shitani iramukurikira (iramuyobya), bityo aba abaye mu bayobye. Iyo dushaka twari kumuzamura mu nzego kubera ibimenyetso twamuhaye. Ariko we yatwawe n’iby’isi maze akurikira irari rye. Urugero rwe, ni nk’urugero rw’imbwa; iyo uyirukanye irahagira, wayireka ikahagira. Urwo ni rwo rugero rw’abantu bahinyuye ibimenyetso byacu. Ngaho babwire inkuru (z’ababayeho mbere), kugira ngo babe batekereza.¹”

Iyo umuntu **Allah** yamuhaye kugaragarwaho n’ibitangaza akabikoresha mu nyungu ze no mu gutandukira gahunda z’Imana, Imana iramutamaza, icyo gihe ntaba akiri mu bakunzi b’Imana, ahubwo aba ari mu banzi b’Imana.

Hari ubundi bwoko bw’ibitangaza (*Karamat*) **Allah** yihera uwo ahatse atari ukubera ko ari umukunzi we cyangwa intumwa ye, agashishoza akabasha guhuza n’ukuri ndetse akanahuza n’ibyiza akirinda ibifite ingaruka. Ubu bwoko buhuriweho n’abantu bose baba ari abameramana cyangwa se abatari abemeramana. Ubu bwoko nibwo bwitwaga ubushishozi buhuza n’ukuri (*Al Firasat*). **Allah** aragira ati:

¹ Qur’an7:175-176

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ فِي ذَلِكَ لَآيَاتٍ لِّأُمَّتٍ وَسِيمِينَ﴾ ﴿٧٥﴾ الْحَجْر: ٧٥

“Mu by’ukuri, muri ibyo harimo ibimenyetso ku bashishoza.¹”

Bikanashimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti:

عن أنس قال: قال رسول الله ﷺ: "إِنَّ لِلَّهِ عِبَادًا يَعْرِفُونَ النَّاسَ بِالتَّوَسُّمِ"

“Mu by’ukuri mu bagaragu b’Imana harimo abamenya gahunda z’abantu, bagahuza n’ukuri bakoresheje ubushishozi (bahabwa n’Imana.)²”

Itandukaniro hagati y’ibitangaza bigaragara ku bakunzi b’Imana, n’ibitangaza bigaragara ku bapfumu n’abarozi.

1. Abakunzi b’Imana ibitangaza bibagaragaraho biterwa no gutinya Imana no gukora ibikorwa byiza baba bakora. Naho ibitangaza biba ku bapfumu n’abarozi biterwa no guhakana Imana n’ubwangizi ndetse n’ibyaha kuko baba bakoreshwa n’imbaraga z’imyuka mibi.
2. Ibitangaza bigaragara ku bakunzi b’Imana bifasha umuntu kugandukira Imana no gukora ibintu byiza. Naho ibigaragara ku bapfumu n’abarozi bibafasha kugomera Imana no kuyibangikanya ndetse no kwica n’ibindi.
3. Ibitangaza bigaragara ku bakunzi b’Imana bikomezwa bikanongerwa no gusingiza Imana no kuyiharira ubumana bwayo (*Tawuhid*). Naho ibigaragara ku bapfumu n’abarozi bicibwa intege bikanakurwaho no gusingiza Imana no gusoma Qur’an, ndetse no guharira Imana ubumana bwayo (*Tawuhid*).

¹ Qur’an 15:75

² Yakiriwe na A-Twaburaniy

4. Ibitangaza bigaragara ku bakunzi b’Imana ntabwo ari ibikorwa bo ubwabo bikorera ahubwo n’ibiba byararemwe na Allah. Naho ibigaragara ku bapfumu n’abarozi ni ibiba byakozwe nabo.
5. Ibitangaza bigaragara ku bakunzi b’Imana bituma barushaho kwicisha bugufi, bakanarushaho gukunda Imana no kuyigandukira. Naho ibigaragara ku bapfumu n’abarozi babigeraho kuko baba bafitanye umubano n’amasezerano na Shitani. Ikindi kandi baba bagambiriye ko abantu babegera bakanababonamo ibitangaza.

الإيمان بأَشْرَاطِ السَّاعَةِ الْكُبْرَى

Kwemera ibimenyetso bikuru bizaranga umunsi w’imperuka.

وَنُؤْمِنُ بِأَشْرَاطِ السَّاعَةِ مِنْ خُرُوجِ الدَّجَالِ، وَنُزُولِ عِيسَى ابْنِ مَرْيَمَ عَلَيْهِ السَّلَامُ مِنَ السَّمَاءِ، وَنُؤْمِنُ بِطُلُوعِ الشَّمْسِ مِنْ مَغْرِبِهَا، وَخُرُوجِ دَابَّةِ الْأَرْضِ مِنْ مَوْضِعِهَا.

[Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at)] twemera ibimenyetso by’umunsi w’imperuka harimo ukuza kwa Dadjal, ukuza kwa Issa Ibun Mar’yamu (Yesu mwene Mariya) aturutse mu ijuru, kandi tunemera ko izuba rizarasira iburengerazuba, no gusohoka kw’inyamaswa iva mu butaka aho izaba iri.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“twemera ibimenyetso by’umunsi w’imperuka...”** Allah mu gitabo cye gitagatifu cya

Qur'an ashimangira ko umunsi w'imperuka uzagira ibimenyetso bizawuranga nk'aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَهَلْ يَنْظُرُونَ إِلَّا السَّاعَةَ أَنْ تَأْتِيَهُمْ بَغْتَةً فَقَدْ جَاءَ أَشْرَاطُهَا﴾ ﴿١٨﴾ محمد: ١٨

"Ese (abahakanyi) hari ikindi bategereje kitari ukugerwaho n'imperuka ibaguye gitumo? Nyamara ibimenyetso byayo byamaze gusohora..."¹

Ikindi twavuga nuko kuvuga kwa Allah ko ibimenyetso bizaranga umunsi w'imperuka byamaze kuza, ni ibigaragaza ko igihe cyawo cyegereje, nk'uko Allah yagiye abivuga mu mironko itandukanye nk'aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أَفَرَأَيْتِ السَّاعَةَ أَنْشَقَّ الْقَمَرَ﴾ ﴿١﴾ القمر: ١

*"Igihe cy'imperuka kiregereje ndetse n'ukwezi kwarasadutse"².*³

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَسْأَلُكَ النَّاسُ عَنِ السَّاعَةِ قُلْ إِنَّمَا عِلْمُهَا عِنْدَ اللَّهِ وَمَا يُدْرِيكَ لَعَلَّ السَّاعَةَ تَكُونُ قَرِيبًا﴾ ﴿١٣﴾

الأحزاب: ٦٣

"(Yewe Muhamadi) abantu bakubaza (igihe) imperuka izabera. Vuga uti "Mu by'ukuri, ubumenyi bw'icyo gihe bwihariwe na Allah (wenyine). Ese n'iki cyakubwira ko yaba itari hafi?"⁴

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **"...harimo ukuza kwa Dadjal..."** Iki kimenyetso cyo kuza kwa Masihi A-Dadjal ku bijyanye no kuba cyaravuzwe muri Qur'an abamenyi ntibakivuzeho rumwe; hari abavuga ko atavuzwe muri Qur'an,

¹ Qur'an 47:18

² Gusaduka k'ukwezi kuvugwa muri uyu murongo, ni kimwe mu bitangaza intumwa y'Imana Muhamadi yeretse abahakanyi ba Makka, ubwo bayihinyuraga bayisaba ko yabereka igitangaza; maze isaba Allah kuyiha icyo gitangaza, nuko ibereka ukwezi kwasadutse. Kikaba ari na kimwe mu bimenyetso bizabanziriza umunsi w'imperuka.

³ Qur'an 54:1

⁴ Qur'an 33:63

abandi bavuga ko yavuzwe muri Qur'an mu buryo bw'amarenga, aha twavuga nka Al Qur'twubi, na Al Baghawiy, basobanura umurongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَخَلْقِ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ أَكْبَرُ مِنْ خَلْقِ النَّاسِ وَلَٰكِنَّ أَكْثَرَ النَّاسِ لَا يَعْلَمُونَ﴾ **غافر: ٥٧**

“Rwose iremwa ry'ibirere n'isi ni ryo rikomeye kuruta iremwa ry'abantu (no kubazura). Nyamara abenshi mu bantu ntibabizi.”¹

Basobanura ko uwari ugambiriwe kuvugwa aha ari Masihi A-Dadjal, ubwo Abayahudi babonaga ko yaremwe mu buryo buhambaye, Allah abasubiza ko iremwa ry'isi n'ibirere ari ryo rihambaye kumurusha.

Ariko ababona ko atavuzwe muri Qur'an bavuga ko yavuzwe mu mvugo zitandukanye z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), twavugamo nka Hadithi yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaburiye abantu bayo ku byerekeye Masihi A-Dadjal agira ati:

وَعَنْ أَنَسٍ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: مَا مِنْ نَبِيٍّ إِلَّا وَقَدَ أُنْذِرَ أُمَّتَهُ الْأَعْوَرَ الْكُذَّابَ، إِلَّا إِنَّهُ أَعْوَرٌ، وَإِنَّ رَبَّكُمْ عَزَّ وَجَلَّ لَيْسَ بِأَعْوَرَ، مَكْتُوبٌ بَيْنَ عَيْنَيْهِ كَ ف ر مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

*“Nta muhanuzi n'umwe Imana yohereje uretse ko yaburiraga abantu be upfuye ijisho rimwe w'umunyabinyoma (ariwe Masihi A-Dadjal). Intumwa y'Imana iravuga iti: Mu by'ukuri (Masihi A-Dadjal) yapfuye ijisho rimwe, ni n'umunyabinyoma. Mu by'ukuri Nyagasani wanyu ntabwo apfuye ijisho, kandi (Masihi A-Dadjal) hagati y'amaso ye handitsemo ijambo *Kafir* (umuhakanyi).”²*

¹ Qur'an 40:57

² Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim

Nanone Intumwa y’Imana yamuvuzeho mu busabe yadushishikarije gusaba muri Hadithi yaturutse kwa Abi Huray’rat (Imana imwishimire) aho igira iti:

عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ قَالَ : قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ : (إِذَا تَشَهَّدَ أَحَدُكُمْ فَلْيَسْتَعِذْ بِاللَّهِ مِنْ أَرْبَعٍ ، يَقُولُ : اللَّهُمَّ إِنِّي أَعُوذُ بِكَ مِنْ عَذَابِ جَهَنَّمَ ، وَمِنْ عَذَابِ الْقَبْرِ ، وَمِنْ فِتْنَةِ الْمَحْيَا وَالْمَمَاتِ ، وَمِنْ شَرِّ فِتْنَةِ الْمَسِيحِ الدَّجَالِ .)

“Umwe muri mwe najya arangiza kuvuga ubuhamya (A-Tashahudu, mbere y’uko avuga A-Salam isoza isengesho), ajye yikinga ku Mana ngo imurinde ibintu bine ari byo: Ibihano by’umuriro, ibihano byo mu mva, ibigeragezo by’ubuzima n’iby’urupfu, ndetse n’ibibi bya Masihi A-Dadjal.¹”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“...ukuza kwa Issa Ibun Mar’yamu (Yesu mwene Mariya) aturutse mu ijuru...”** Iki kimenyetso cyo kuza kwa Issa Ibun Mar’yamu (Yesu mwene Mariya) Allah yakivuze mu murongo wa Qur’an abinyujije mu mvugo y’Intumwa y’Imana Muhamad agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِنَّهُ لَعَلَّمٌ لِلسَّاعَةِ فَلَا تَمْتَرَنَّ بِهَا وَأَتَّبِعُونَ هَذَا صِرَاطٌ مُسْتَقِيمٌ ﴿٦١﴾ الزخرف: ٦١

“Mu by’ukuri, (kugaruka kwa Issa) ni ikimenyetso cy’imperuka. Bityo ntimukagishidikanyeho ahubwo nimunkurikire, iyi niyo nzira itunganye.²”

Bikanashimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti: “Ndahiye ufite roho yanjye mu kuboko kwe ko Issa Ibun Mar’yam yegereje kuza, maze agategekesha ubutabera, agasenya imisaraba, akica ingurube,

¹ Yemeranyijweho na Buhari na Muslim

² Qur’an:43:61

maze agakuraho *Djiz'yat*¹. icyo gihe imitungo izaba myinshi kugeza ubwo ntawe uzawuhabwa ngo awemere, no kugeza ubwo ukubama inshuro imwe bizaba ari byiza kurusha isi n'ibiyirimo.” Hanyuma Abu Hurayrat aravuga ati: Nimushaka musome umurongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِنَّ مِنْ أَهْلِ الْكِتَابِ إِلَّا لِيُؤْمِنَنَّ بِهِ قَبْلَ مَوْتِهِ وَيَوْمَ الْقِيَامَةِ يَكُونُ عَلَيْهِمْ شَهِيدًا ۝۱۵۹﴾
النساء: ۱۵۹

“Kandi nta n’umwe mu bahawe igitabo utazamwemera mbere yo gupfa kwe. Kandi no ku munsu w’imperuka azaba umuhamya kuri bo.”²

Bishatse kuvuga ko mu bimenyetso by’imperuka harimo ukugaruka kwa Issa Ibun Mariyam (Yesu mwene Mariya) noneho akabona gupfa.

Naho ijamba ry’umwanditsi rigira riti: **“kandi tunemera ko izuba rizarasira iburengerazuba”** Iki kimenyetso cyo kurasa kw’izuba rirasira iburengerazuba, Allah yakivuze mu murongo wa Qur'an aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿هَلْ يَنْظُرُونَ إِلَّا أَنْ تَأْتِيَهُمُ الْمَلَائِكَةُ أَوْ يَأْتِيَ رَبُّكَ أَوْ يَأْتِيَ بَعْضُ آيَاتِ رَبِّكَ لَا يَنْفَعُ نَفْسًا إِيمَانُهَا لَمْ تَكُنْ ءَامَنَتْ مِنْ قَبْلُ أَوْ كَسَبَتْ فِي إِيمَانِهَا خَيْرًا قُلِ انْتظِرُوا إِنَّا مُنْتَظِرُونَ ۝۱۵۸﴾
الأنعام: ۱۵۸

“Ese hari ikindi bategereje kitari ukugerwaho n’abamalayika (babakuramo roho), cyangwa ukuza kwa Nyagasani wawe, cyangwa ukuza kwa bimwe mu bimenyetso bya Nyagasani wawe (nk’izuba kurasira i Burengerazuba)? Umunsu bimwe mu bimenyetso bya Nyagasani wawe byaje, ukwemera k’umuntu atagize mbere nta cyo kuzamumarira, cyangwa (uwemera)

¹ Djiz'yat ni umusoro wari warashyiriweho abatari abayisilamu, abategeke ko bagomba kuwureka ahubwo bakaba abayisilamu.

² Qur'an 4:159

utaragize icyiza akora mu kwemera kwe. Babwire (yewe Muhamadi) uti: “Nimutegereze, natwe turategereje!”.

Bikanashimangirwa na Hadith yaturutse kwa Abi Hurayirat avuga ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ أَنَّ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ قَالَ: لَا تَقُومُ السَّاعَةُ حَتَّى تَطْلُعَ الشَّمْسُ مِنْ مَغْرِبِهَا. فَإِذَا طَلَعَتْ مِنْ مَغْرِبِهَا آمَنَ النَّاسُ كُلُّهُمْ أَجْمَعُونَ، ﴿ فَيَوْمَئِذٍ لَا يَنْفَعُ نَفْسًا إِيْمَانُهَا لَمْ تَكُنْ آمَنَتْ مِنْ قَبْلُ أَوْ كَسَبَتْ فِي إِيمَانِهَا خَيْرًا ﴾.

“Umunsi w’imperuka ntuzigera uba cyeretse izuba rirasiye iburengerazuba, niriramuka rirasiye iburengerazuba abantu bose bazemera “Umunsi bimwe mu bimenyetso bya Nyagasani wawe byaje, ukwemera k’umuntu atagize mbere nta cyo kuzamumarira, cyangwa (uwemera) utaragize icyiza akora mu kwemera kwe.”²

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...no **gusohoka kw’inyamaswa iva mu butaka aho izaba iri.**” Iki kimenyetso cy’inyamaswa izaza ivuye mu butaka gishimangirwa n’umurongo wa Qur’an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ * وَإِذَا وَقَعَ الْقَوْلُ عَلَيْهِمْ أَخْرَجْنَا لَهُمْ دَابَّةً مِّنَ الْأَرْضِ تُكَلِّمُهُمْ أَنَّ النَّاسَ كَانُوا بِآيَاتِنَا لَا يُوقِنُونَ ﴾ ﴿ النمل: ٨٢ ﴾

“N’igihe ijambo (ry’ibihano) rizabasohoreraho (abahakanyi), tuzabasohorera inyamaswa mu butaka ibabwira ko abantu batajyaga bizera amagambo yacu.”³

Bikanashimangirwa na hadith yaturutse kwa Abdullahi Ibun Am’ri avuga ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro

¹ Qur’an 6:158

² Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim

³ Qur’an 27:82

n'imigisha) yavuze iti: "Ikimenyetso cya mbere kizaza (mu bimenyetso bizaranga umunsi w'imperuka bikuru) ni ukurasa kw'izuba rirasira iburengerazuba, no gusohoka kw'inyamaswa izaza mu bantu ari ku gasusuruko..."¹

Umwanditsi yagaragaje ko mu misingi y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djamaat*) ari ugukurikira imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). No muri iyo migenzo harimo kwemera ibyo Intumwa y'Imana yahanuye, no mu byo yahanuye harimo ibimenyetso by'umunsi w'imperuka ibito ndetse n'ibikuru. Bityo rero ni itegeko kubyemera no kubyemeza nkuko byaje bishimangirwa na gihamyza za Qur'an na Hadithi z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Ikindi twakongeraho nuko ibimenyetso by'umunsi w'imperuka birimo amoko abiri; ibimenyetso bito n'ibimenyetso bikuru. Mu bimenyetso bito twavugamo nko koherezwa kw'Intumwa y'Imana Muhammad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), kuba umugore azabyara uzamubera sebuja, kubona abantu bari abatindi ari bo basigaye barushanwa kubaka imiturirwa n'ibindi tutarondora aha byamaze kugaragara. Ariko umwanditsi aha yibanze ku bimenyetso by'umunsi w'Imperuka bikuru bine mu icumi byavuzwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aribyo:

1. Ukuza kwa *Masihi Dadjal*.
2. Ukuza kwa Yesu mwene Mar'yam aturutse mu ijuru.
3. Izuba kuzarasira iburengerazuba.
4. Gusohoka kw'inyamaswa iva mu butaka.

Naho ibindi bitandatu bisigaye ni:

5. Ukuza k'umwotsi.

¹ Yakiriwe na Muslim.

6. Ukuza kwa Ya'djudju na Ma'djudju.
7. Ubwirakabiri buzabera iburasirazuba.
8. Ubwirakabiri buzabera iburengerazuba.
9. Ubwirakabiri buzabera mu kigobe cy'abarabu.
10. Ukuza kw'umuriro uzaturuka mu gihugu cya Yemen werekeza abantu ahitwa Shami.

وجوب الحذر من تصديق الكهان والعرافين ونحوهم من المخالفين

Kuburira abantu ko bagomba kureka kwemera abapfumu n'abaragura, ndetse n'abandi nkabo mu banyuranya n'imigenzo y'Intumwa y'Imana ni itegeko.

وَلَا نُصَدِّقُ كَاهِنًا وَلَا عَرَّافًا، وَلَا مَنْ يَدَّعِي شَيْئًا يُخَالِفُ الْكِتَابَ، وَالسُّنَّةَ، وَإِجْمَاعَ الْأُمَّةِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) ntitwemera ibivugwa n'umupfumu cyangwa uragura, cyangwa uwo ari we wese uvuga ibinyuranye n'ibyaje muri Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana (Sunat), ndetse akanyuranya n'ibyo abamenyi bizewe bemeranyijweho (Idj'maa).

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) ntitwemera ibivugwa n'umupfumu cyangwa uragura cyangwa uroga, cyangwa utera inzuzi, cyangwa uwo ari we wese wiyitirira kumenya ibyihishe. Tukanahakana imikorere yabo aho iva ikagera, kandi tukanamenya ko abo bantu bateye gutyo baba

bakorana n'amashitani, nk'uko Allah yabigaragaje muri imwe mu mironko ya Qur'an agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿هَلْ أُنَبِّئُكُمْ عَلَىٰ مَن تَنَزَّلُ الشَّيَاطِينُ ﴿٢٢١﴾ تَنَزَّلُ عَلَىٰ كُلِّ أَفَّاكٍ أَثِيمٍ ﴿٢٢٢﴾ يُلْقُونَ السَّمْعَ وَأَكْثُرُهُمْ كَاذِبُونَ ﴿٢٢٣﴾﴾ الشعراء: ٢٢١ - ٢٢٣

“Ese mbabwire abo amashitani amanukiraho? Amanukira kuri buri munyabinyoma, umunyabyaha (abapfumu n'abandi nk'abo). Yumviriza (amagambo avugwa n'abamalayika), ariko amenshi muri yo (amashitani) ni amanyabinyoma.¹”

Imvugo zitandukanye z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) zaje zihanangiriza abantu kugira imikoranire n'abapfumu n'abaragura n'abarozi n'abandi nkabo bavuga yuko baba bafite ubumenyi bw'ibitagaragara. Hadithi **yakiriwe na Imam Ahmad** iturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عن أبي هريرة: من أتى عرفا أو كاهنا فصدقه بما يقول فقد كفر بما أنزل على محمد ﷺ.

“Uzajya ku mupfumu cyangwa uragura akemera ibyo amubwiye azaba ahakanye ibyamanuriwe Muhamad.”

Hakaba hari n'indi Hadithi **yakiriwe na Muslim** yaturutse kwa Swafiyat Bn'ti Abi Ubaydi, umwe mu bagore b'Intumwa y'Imana, yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

وعن صفية بنت أبي عبيد، عن بعض أزواج النبي ﷺ وروى عن النبي ﷺ قال: «من أتى عرفا فسأله عن شيء، فصدقه، لم تُقبل له صلاة أربعين يوماً» رواه مسلم.

¹ Qur'an 26:221-223

“Uzajya ku mupfumu akamubaza icyo ari cyo cyose, maze akecyemeza, ntabwo azakirirwa amasengesho (*A-Swalat*) mu gihe cy’iminsi mirongo ine.” **Yakiriwe na Muslim.**

Abapfumu rero n’abandi nk’abo twavuze hejuru bavuga y’uko baba bazi ibyihishe, ariko ntabwo ari byo kuko uwo ni umwihariko w’Imana yonyine. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ لَا يَعْلَمُ مَنْ فِي السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ الْغَيْبَ إِلَّا اللَّهُ وَمَا يَشْعُرُونَ أَيَّانَ يُبْعَثُونَ﴾ **النمل: ٦٥**

“Vuga (*yewe Muhamadi*) uti: "Nta n’umwe mu bari mu birere no ku isi uzi ibyihishe uretse **Allah**, kandi ntibazi igihe bazazurirwa¹".

Ikindi nuko abizera abapfumu n’abaragura b’abarozi n’abacuragura, hari igihe bajijisha bakavuga ko bakorana n’abamalayika beza, ariko ibyo nabyo ntabwo aribyo, nta n’umumalayika mwiza wakorana n’abantu nkabo, nta n’ubwo byemewe kugaragira umumalayika no kumusaba kuko nawe ari ikiremwa nk’ibindi. Ibi bigashimangirwa n’umurongo wa Qur’an aho **Allah** yavuze agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَيَوْمَ يَحْشُرُهُمْ جَمِيعًا ثُمَّ يَقُولُ لِلْمَلَائِكَةِ أَهْلُوا لَاءَ إِيَّاكُمْ كَانُوا يَعْبُدُونَ﴾ **سبأ: ٤٠ - ٤٢**

“Unazirikane (*yewe Muhamadi*) umunsi (**Allah**) azabakoranya bose maze akabaza Abamalayika ati: "Ese bariya ni mwe bajyaga basenga?" Basubize bati: "Ubutagatifu ni ubwawe! Ni wowe Nyagasani wacu, twitandukanyije nabo, ahubwo basengaga amajini, abenshi muri bo banayemera". Bityo, kuri uyu munsi bamwe muri mwe ntacyo bamarira abandi, nta n’icyo babatwara. Maze tubwire abanyamahugu tuti: "Nimwumve ibihano by’umuriro mwajyaga muhakana²".

¹ Qur’an 27:65

² Qur’an 34:40-42

الحث على الاجتماع والنهي عن التفرق والاختلاف

Gushishikariza abayisilamu kuba hamwe, bakirinda gutatana no gutandukana.

وَتَرَى الْجَمَاعَةَ حَقًّا وَصَوَابًا، وَالْفُرْقَةَ زِينًا وَعَدَابًا.

Kandi twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) tubona ko kuba hamwe ariyo nzira y’ukuri kandi iboneye, naho gutandukana no gutatana bikaba ari ubuyobe n’ibihano.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Umurongo ngenderwaho w’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) babona ko ari ngombwa ko Abayisilamu bagomba kuba hamwe, nkuko babitegetswe mu mirongo igiye itandukanye ya Qur’an. Iyo mirongo iyo uyisomye usanga iba inababuza gutandukana no gutatana, twavuga nk’aho **Allah** yavuze ati :

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَعْتَصِمُوا بِحَبْلِ اللَّهِ جَمِيعًا وَلَا تَفَرَّقُوا وَاذْكُرُوا نِعْمَتَ اللَّهِ عَلَيْكُمْ إِذْ كُنْتُمْ أَعْدَاءً فَأَلَّفَ بَيْنَ قُلُوبِكُمْ فَأَصْبَحْتُمْ بِنِعْمَتِهِ إِخْوَانًا وَكُنْتُمْ عَلَىٰ شَفَا حُفْرَةٍ مِّنَ النَّارِ فَأَنْقَذَكُم مِّنْهَا كَذَلِكَ يُبَيِّنُ اللَّهُ لَكُمْ آيَاتِهِ لَعَلَّكُمْ تَهْتَدُونَ ﴿١٣﴾ ﴿ آل عمران: ١٠٣

“Mufatane urunana mwese ku mugozi wa **Allah** (Qur’an) kandi ntimugatatane. Munibuke ingabire za **Allah** yabahundagajeho ubwo bamwe bari abanzi b’abandi, maze agahuza imitima yanyu, ku bw’ingabire ze muba abavandimwe. Mwari no ku nkengero

z'urwobo rw'umuriro arawubakiza. Uko ni ko Allah abagaragariza ibimenyetso bye, kugira ngo muyobohe.¹

Aha Allah yagiriye inama abayisilamu ko bagomba gufatana urunana bagahuriza ku byo basanga muri Qur'an bigishijwe na Isilamu, banasobanuriwe n'Intumwa y'Imana. Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَأَنَّ هَذَا صِرَاطِي مُسْتَقِيمًا فَاتَّبِعُوهُ وَلَا تَتَّبِعُوا السُّبُلَ فَتَفَرَّقَ بِكُمْ عَنْ سَبِيلِهِ ذَلِكُمْ وَصَّيْتُكُمْ بِهِ لَعَلَّكُمْ تَتَّقُونَ ﴿١٥٣﴾ الأنعام: ١٥٣

“Kandi mu by'ukuri, iyi ni yo nzira yanjye igororotse. Bityo nimuyikurikire ntimuzakurikire utundi tuyira tukazabatandukanya n'inzira ye. Ibyo yabibategetse kugira ngo mujye mutinya.²”

Aha Allah yerekanye yuko inzira igomba gukurikirwa ari imwe, ari yo yo gukurikiza amahame agaragara mu gitabo cya Qur'an no mu migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), umuntu akirinda buri kintu cyose kinyuranyije nabyo kuko cyamugusha mu buyobe.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **“...naho gutandukana no gutatana bikaba ari ubuyobe n'ibihano.”** Aha umwanditsi yashakaga kugaragaza ko kuba abantu batandukana bagatatana ari kimwe mu bihano Allah aba abahaye.

Allah aragira ati:

﴿وَلَا تَكُونُوا كَالَّذِينَ تَفَرَّقُوا وَاخْتَلَفُوا مِنْ بَعْدِ مَا جَاءَهُمُ الْبَيِّنَاتُ وَأُولَئِكَ لَهُمْ عَذَابٌ عَظِيمٌ﴾ آل عمران: ١٠٥

¹ Qur'an 3:103

² Qur'an 6:153

“Ntimuzanabe nka babandi batatanye, ntibanavuge rumwe nyuma y’uko ibimenyetso bigaragara bibagezeho. Abo bazahanishwa ibihano bihambaye.¹”

Aha **Allah** yaburiye abayisilamu kudatandukana nk’uko ababanjirije batandukanye bibaviramo impamvu yo kuzahabwa ibihano bihambaye. Nanone mu yindi mirongo ya Qur’an igaragaza ko **Allah** yadushishikarije kudatandukana no kudatatana twavugamo nk’aho **Allah** agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ الَّذِينَ فَرَّقُوا دِينَهُمْ وَكَانُوا شِيَعًا لَأَسْتَمِنْهُمْ فِي شَيْءٍ إِنَّمَا أَمْرُهُمْ إِلَى اللَّهِ تُرِيبْتُهُمْ بِمَا كَانُوا يَفْعَلُونَ ﴿١٥٩﴾﴾ **الأنعام: ١٥٩**

“Mu by’ukuri, babandi bacyemo ibice idini ryabo bakaba udutsiko, nturi kumwe na bo. Nta gushidikanya, ibyabo biri kwa **Allah**, nyuma azababwira ibyo bakoraga.²” Nanone **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أُولَئِكَ الَّذِينَ اشْتَرُوا الضَّلَالََةَ بِالْهُدَىٰ وَالْعَذَابَ بِالْمَغْفِرَةِ ۚ فَمَا أَصْبَرَهُمْ عَلَى النَّارِ ﴿١٧٥﴾﴾ **ذَلِكَ بِأَنَّ اللَّهَ نَزَلَ الْكِتَابَ بِالْحَقِّ وَإِنَّ الَّذِينَ اخْتَلَفُوا فِي الْكِتَابِ لَفِي شِقَاقٍ بَعِيدٍ ﴿١٧٦﴾﴾ **البقرة:****

١٧٥ - ١٧٦

“Abo ni bo baguranye ubuyoboke babusimbuza ubuyobe, n’ibihano babigurana kubabarirwa ibyaha. Ni iki kizabashoboza kwihanganira umuriro!? Ibyo (bihano), ni ukubera ko **Allah** yamanuye ibitabo bikubiyemo ukuri (barabihakana). Rwose abataravuze rumwe ku gitabo, bari mu mpaka n’ubushyamirane biri kure (y’ukuri)³.”

¹ Qur’an 3:105.

² Qur’an 6:159

³ Qur’an 2:176

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ هُوَ الْقَادِرُ عَلَىٰ أَنْ يَبْعَثَ عَلَيْكُمْ عَذَابًا مِّنْ فَوْقِكُمْ أَوْ مِنْ تَحْتِ أَرْجُلِكُمْ أَوْ يَلْبَسَكُمْ شِيعًا وَيُذِيقَ بَعْضَكُمْ بَأْسَ بَعْضٍ أَنظُرْ كَيْفَ نُصَرِّفُ الْآيَاتِ لَعَلَّهُمْ يَفْقَهُونَ ﴿٦٥﴾﴾ الأنعام: ٦٥

“Vuga uti "Ni we wenyine ushobora kubohereza ibihano biturutse hejuru yanyu, cyangwa mu nsi y'ibirenge byanyu, cyangwa akabagira udutsiko tutavuga rumwe, maze agasogongeza bamwe muri mwe ubugome bw'abandi". Dore uburyo tubasobanurira ibimenyetso (byacu) kugira ngo basobanukirwe.”¹

Naho imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) zibuza abantu gutandukana no gutatana, twavuga nk'aho Intumwa y'Imana yavuze iti:

فقد ثبت في الحديث الصحيح أن النبي ﷺ قال: افتترقت اليهود على إحدى وسبعين فرقة، وافتترقت النصارى على اثنتين وسبعين فرقة، وستفترق هذه الأمة على ثلاث وسبعين فرقة كلها في النار إلا واحدة، قيل: من هي يا رسول الله؟ قال: من كان على مثل ما أنا عليه وأصحابي. وفي بعض الروايات: هي الجماعة. رواه أبو داود والترمذي وابن ماجه والحاكم.

“Abayahudi bacitsemu ibice mirongo irindwi na kimwe, naho abanaswara bacikamo ibice mirongo irindwi na bibiri, ariko abayoboke banjye (abayisilamu) bazacikamo ibice mirongo irindwi na bitatu. Ibyo bice byose bizajya mu muriro usibye igice kimwe. Nuko barayibaza bati: icyo gice kizarokoka ni icy'abantu ki yewe Ntumwa y'Imana? Irabasubiza iti: “Ni abazakurikiza ibyo ndiho n'abasangirangendo banjye.” No mu zindi mvugo Intumwa y'Imana yarabasubije iti: “Ni abazaba bashikamyeye ku migenzo yanjye (Al Djama-at).”²

¹ Qur'an 6:65

² Yakiriwe na Abu Daud na Tir'midh na Ibun Maadjah na Al Hakim

Nk'uko bizwi abayisilamu bacitsemo ibice byinshi n'udutsiko dutandukanye nk'uko byahanuwe n'Intumwa y'Imana, kandi buri gatsiko kakibona yuko ari ko kayobotse kurusha akandi nubwo kaba kubakiye ku kinyoma. Ibi kuba Intumwa y'Imana yarabivuze ntabwo yari ishyigikiye ko abantu bacikamo ibice, ahubwo yabahanuriraga ibizaba inabihanangiriza ngo ntibazacikemo ibice.

No mu yindi Hadith yakiriwe na Imam Ahmad yaturutse kwa Muadhi Ibun Djabal (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: “Mu by'ukuri Shitani ni ikirura, yigarurira umuntu (witandukanije n'abandi), nk'uko ihene nayo ikirura kiyigarurira igihe yagiye kure y'izindi cyangwa ikitandukanya nazo. Bityo rero nimwirinde udutsiko, ahubwo mufatane urunana mutahirize umugozi umwe (mu idini)...”

الدِّينَ عِنْدَ اللَّهِ الْإِسْلَامُ وَبَيَانُ وَسْطِيَّتِهِ

Kugaragaza ko idini yemewe imbere y'Imana ari ubuyisilamu, n'uburyo ari idini ryo hagati rishyira mu gaciro.

وَدِينُ اللَّهِ فِي السَّمَاءِ وَالْأَرْضِ وَاحِدٌ؛ وَهُوَ دِينُ الْإِسْلَامِ؛ كَمَا قَالَ تَعَالَى: (إِنَّ الدِّينَ عِنْدَ اللَّهِ الْإِسْلَامُ) آل عمران: ١٩، وَقَالَ تَعَالَى: (وَمَنْ يَبْتَغِ غَيْرَ الْإِسْلَامِ دِينًا فَلَنْ يُقْبَلَ مِنْهُ) آل عمران: ٨٥، وَقَالَ تَعَالَى: (وَرَضِيتُ لَكُمْ الْإِسْلَامَ دِينًا) المائدة: ٣، وَهُوَ بَيْنَ الْعُلُوِّ وَالتَّقْصِيرِ، وَبَيْنَ التَّشْبِيهِ وَالتَّعْطِيلِ، وَبَيْنَ الْجَبْرِ وَالْقَدْرِ، وَبَيْنَ الْأَمْنِ وَالْإِيَّاسِ.

Kandi twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at) twemera ko idini ryemewe imbere y'Imana haba mu ijuru no ku isi ari rimwe, ariryo Isilamu, nkuko Allah yabivuze muri Qur'an agira ati: "Mu by'ukuri idini (ry'ukuri) imbere ya Allah ni Isilamu." Qur'an 3:19 Allah nanone aragira ati: "Uzahitamo idini ritari Isilamu, ntabwo azaryakirirwa..." Qur'an 3:85. Nanone Allah aragira ati: "...nanabahitiyemo ko Isilamu ariyo iba idini ryanyu..." Qur'an 5:3.

Kandi iri dini (mu mategeko yaryo) riri hagati ntirikabya cyangwa se ngo riyateshe agaciro, rikaba nanone riri hagati, ntirisanisha amazina y'Imana n'ibisingizo byayo n'ay'ibiremwa, cyangwa ngo rihakane ayo mazina y'Imana n'ibisingizo byayo. Nanone rikaba ari idini riri hagati ntiryemera nk'uko agatsiko k'abitwa Al Djabriyat kemera cyangwa agatsiko k'abitwa Al Qadariyat. Nanone ni idini riri hagati no hagati ntiryemerera umuntu kwirara mu mpuhwe z'Imana (Al Am'nu) cyangwa se ngo yihebe mu mpuhwe zayo (Al Ya-asi).

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "...twemera ko idini ryemewe imbere y'Imana haba mu ijuru no ku isi ari rimwe, ariryo Isilamu..." Idini ry'ubuyisilamu mu gisobanuro cyaryo cy'ukuri ni ukugaragira Allah wenyine ntacyo umubangikanyije. Allah akaba agaragirwa n'abatuye mu ijuru nk'abamalayika ndetse n'abatuye isi nk'abantu, amadjini n'ibindi biremwa byose.

Ikindi kandi ubuyisilamu ni naryo dini Imana yahaye Intumwa zayo zose. Imyemerere y'iryo dini ikaba ari imwe kuri izo ntumwa n'ubwo bwose amategeko zahawe agiye atandukana. Allah ashimangira ko amategeko y'Intumwa ze yari atandukanye aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...لِكُلِّ جَعَلْنَا مِنْكُمْ شُرَعَةً وَمِنْهَا جَاءَ...﴾ المائدة: ٤٨

“...Buri (muryango woherejweho intumwa) muri mwe twawuhaye amategeko n’inzira igaragara (ugomba gukurikira)...¹”

Bikanashimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana inwishimire) yavuze ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ - صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ -: ”أَنَا أَوْلَى النَّاسِ بِعَيْسَى ابْنِ مَرْيَمَ فِي الدُّنْيَا وَالْآخِرَةِ، وَالْأَنْبِيَاءُ إِخْوَةٌ لِعَلَّاتٍ أُمَّهَاتُهُمْ شَتَّى وَدِينُهُمْ وَاحِدٌ.“

“Ni njye w’ibanze kuri Isa Ibun Mar’yamu, haba hano ku isi ndetse no ku muni w’imperuka, kandi abahanuzi bose ni abavandimwe amategeko yabo aratandukanye ariko imyemerere yabo ni imwe.²”

Buri uko intumwa yasoze ubutumwa bwayo yasimburwaga n’indi. Bityo umuyisilamu yemera Intumwa zabanje ndetse akanemera n’iyo yohererejwe ku gihe cyeye. Gihamya zikaba zerekana yuko Intumwa yasozeje izindi ari Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha), bikaba bitashoboka ko umuntu aba umuyisilamu atamwemeye, nk’uko bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat iboneka mu gitabo cya **Muslim** (A-Swahili), aho Intumwa y’Imana yavuze iti:

وَعَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ عَنْ رَسُولِ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ أَنَّهُ قَالَ: ”وَالَّذِي نَفْسُ مُحَمَّدٍ بِيَدِهِ لَا يَسْمَعُ بِي أَحَدٌ مِنْ هَذِهِ الْأُمَّةِ يَهُودِيٍّ وَلَا نَصْرَانِيٍّ، ثُمَّ يَمُوتُ وَلَمْ يُؤْمِنْ بِالَّذِي أُرْسِلْتُ بِهِ، إِلَّا كَانَ مِنْ أَصْحَابِ النَّارِ.“
رواه مسلم.

¹ Qur’an 5:48.

² Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim

“Ndahiye ufite roho ya Muhamad mu kuboko kwe, ko nta n’umwe mu batuye isi yaba umuyahudi cyangwa umunaswara uzamenya, hanyuma agapfa atemeye ubutumwa nahawe, usibye ko azaba mu bantu bo mu muriro.”¹

Naho imvugo y’umwanditsi igira iti: **“...Kandi iri dini (mu mategeko yaryo) riri hagati ntirikabya cyangwa se ngo riyateshe agaciro, rikaba nanone riri hagati ntirisanisha amazina y’Imana n’ibisingizo byayo n’ay’ibiremwa, cyangwa ngo rihakane ayo mazina y’Imana n’ibisingizo byayo...”** Aha umwanditsi yavuze ko abakurikira imigenzo y’Intumwa (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bari hagati no hagati ku bigendanye n’amazina y’Imana n’ibisingizo byayo, ntibameze nk’abitwa (*Al Mushabihat*) basanisha amazina y’Imana n’ibisingizo byayo n’ay’ibiremwa.

Ibi bikaba ari byo yise gukabya no kurengera, kuko usanisha aravuga ati: Imana yumva nkuko numva, ikanareba nkuko ndeba, ndetse ikaba ifite ukuboko nk’ukwanjye. Uko gusanisha ikinyuranyo cyabyo ni uguhakana no gutesha agaciro amazina y’Imana n’ibisingizo byayo, nk’uko bikorwa n’agatsiko k’abitwa (*Al Mu-atwilat*), kubera ko baba bibwira ko batinya kubisanisha n’iby’ibiremwa bikabaviramo kubihakana burundu.

Aba rero nibo umwanditsi yise ababitesha agaciro bakanabihakana.

Nanone icyo twavugaga nuko gusanisha no guhakana amazina y’Imana n’ibisingizo byayo byombi birimo gukabya ndetse no gutesha agaciro, kuko gusanisha amazina y’Imana n’ibisingizo byayo n’ay’ibiremwa uba wemeye ko Imana ibifite ariko urengereye kubera ko uba uyivugiye ibyo itivugiye ubwayo, cyangwa se Intumwa y’Imana itayivuzeho, ukaba nanone utesheje agaciro ubuziranenge n’ubutagatifu bya Allah. Nk’uko

¹ Yakiriwe na Muslim

bigaragara mu ba naswara basanishije **Allah** n'ikiremwa cye Issa mwene mar'yamu (Imana imwishimire).

Naho guhakana amazina y'Imana n'ibisingizo byayo, uba urengereye unakabije mu buziranenge n'ubutagatifu bya **Allah**, kuko uba wemeje ko usenga ukanagaragira Imana itavuga cyangwa se ngo yumve. Nanone uku guhakana amazina y'Imana n'ibisingizo byayo ni ukurengera kuko uba udashimangiye ibyo Imana yashimangiye ubwayo, cyangwa se Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashimangiye ko ifite.

Bityo abakurikira imigenzo y'Intumwa (*Ahlu sunat wal Djamaat*) imyemerere yabo iri hagati y'iyi tuvuze, bemera amazina y'Imana ndetse n'ibisingizo byayo nk'uko Imana n'Intumwa yayo babishimangiye.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "...Nanone rikaba ari idini riri hagati ntiryemera nk'uko agatsiko k'abitwa Al Djabriyat kemera cyangwa agatsiko k'abitwa Al Qadariyat..." *Al Djab'r*: Ni imyemerere y'abitwa *Al Jah'miyat* n'abandi bemera nkabo (bakitwa Al Djabriyat), bavuga ko umuntu nta mahitamo agira ku bikorwa akora, ahubwo ko ibikorwa bye abikora nkuko Imana yabigennye nta bushake abigizemo cyangwa se amahitamo.

Naho *Al Qad'ri*: Ni imyemerere y'abitwa *Al Mu-utazilat Al Qadariyat*, aba bo bahakana ubushake bwa **Allah** muri rusange, no kuba Imana yararemye ibikorwa by'ibiremwa bakavuga ko ibikorwa by'ibiremwa Imana itabiremye, ahubwo ko biba ku bushake bw'umuntu n'amahitamo ye. Bityo rero *Al Djabriyat* bambura umuntu amahitamo, ubushake n'ubushobozi bwo gukora ibikorwa bye. Naho *Al Qadariyat* bo bakavuga ko umuntu ari we wiremera ibikorwa akora mu bushake bwe n'ubushobozi, nta bushake bw'Imana cyangwa uruhare rwayo mu bikorwa by'umuntu.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “...**Nanone ni idini riri hagati no hagati ntiryemerera umuntu kwirara mu mpuhwe z’Imana (Al Am’nu) cyangwa se ngo yihebe mu mpuhwe zayo (Al Ya-asi)...**” Idini rya Islam riri hagati no hagati ku bigendanye n’ingororano n’ibihano **Allah** azaha ibiremwa bye. Abakurikiye iyi dini ntibiheba mu mpuhwe za **Allah** ngo bumve ko Imana itazabababarira, nta n’ubwo birara iyo hari icyaha bakoze ahubwo biyumvisha ko Imana izabababarira. **Allah** nawe yavuze ibigwi abagaragu be n’abakunzi be uburyo bitwara ku bigendanye no kwizera impuhwe z’Imana no kugira ubwoba bw’ibihano bye agira iti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَأَسْتَجِبْنَا لَهُ، وَوَهَبْنَا لَهُ، وَيَحْيَىٰ وَأَصْلَحْنَا لَهُ، زَوْجَهُ، إِنَّهُمْ كَانُوا يُسْرِعُونَ فِي الْخَيْرَاتِ وَيَدْعُونَنَا رَعَبًا وَرَهَبًا وَكَانُوا لَنَا خَشِيعِينَ ﴿٩٠﴾﴾ **الأنبياء: ٩٠**

“Nuko twakira ugutakamba kwe (Zakariya), tumuha impano (yo kubyara) Yahaya (Yohani) tunaha umugore we urubyaro. Mu by’ukuri, bo bajyaga bihutira gukora ibikorwa byiza, bakadusaba biringiye (impuhwe zacu) ndetse banatinye (ibihano byacu). Kandi batwibombarikagaho.¹”

Nanone **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿أُولَئِكَ الَّذِينَ يَدْعُونَ يَبْتَغُونَ إِلَىٰ رَبِّهِمُ الْوَسِيلَةَ أَيُّهُمْ أَقْرَبُ وَيَرْجُونَ رَحْمَتَهُ وَيَخَافُونَ عَذَابَهُ إِنَّ عَذَابَ رَبِّكَ كَانَ مَحْدُورًا ﴿٥٧﴾﴾ **الإسراء: ٥٧**

*“Ibyo basaba (babibangikanya na **Allah**), ubwabyo (bisenga **Allah**) bikanashaka uburyo bwo kumwiyegereza, byizera impuhwe ze bikanatinye ibihano bye. Mu by’ukuri, ibihano bya Nyagasani wawe ni ibyo kwirindwa.²”*

Gushyira mu gaciro no kuba hagati no hagati nibyo iyi mirongo ya Qur’an yashimangiraga, bityo rero ntibikwiriye ko umuntu yakwirara mu mpuhwe z’Imana cyangwa se ngo yihebe muri zo.

¹ Qur’an 21:90.

² Qur’an 17:57.

Ikindi kandi nuko kwirara no kwiheba ari bimwe mu byaha bikuru.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قَالَ وَمَنْ يَقْنَطُ مِنْ رَحْمَةِ رَبِّهِ إِلَّا الضَّالُّونَ ﴿٥٦﴾﴾ **الحجر: ٥٦**

“(Aburahamu) aravuga ati “None se ni nde wakiheba mu mpuhwe za Nyagasani we, usibye abayobye¹?”

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّهُ لَا يَأْتِسُّ مِنْ رَوْحِ اللَّهِ إِلَّا الْقَوْمَ الْكَافِرُونَ ﴿٨٧﴾﴾ **يوسف: ٨٧**

“Mu by’ukuri, nta batakaza icyizere ku mpuhwe za **Allah**, usibye abantu b’abahakanyi.²”

Kwirara rero mu mpuhwe z’Imana ni imyemerere y’abitwa *Al Murdji-at*, naho kwiheba mu mpuhwe za **Allah** byo bikaba imyemerere y’abitwa *Al Wa-idiyat*, bavuga ko umuntu wakoze kimwe mu byaha bikuru adashobora kuzinjira mu ijuru.

¹ Qur’an 15:56

² Qur’an 12:87

براءة أهل السنة من المذاهب المبتدعة

Abagendera ku migenzo y'intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) bari kure y'umuyoboro n'imatekerereze y'abanyabihimbano.

فَهَذَا دِينُنَا وَاعْتِقَادُنَا ظَاهِرًا وَبَاطِنًا، وَنَحْنُ بُرَاءٌ إِلَى اللَّهِ تَعَالَى مِنْ كُلِّ مَنْ خَالَفَ الَّذِي ذَكَرْنَاهُ وَبَيَّنَّاهُ.

وَدَسَّأَلُ اللَّهَ تَعَالَى أَنْ يُثَبِّتَنَا عَلَى الْإِيمَانِ، وَيُخْتِمَ لَنَا بِهِ، وَيَعِصِمَنَا مِنَ الْأَهْوَاءِ الْمُخْتَلِفَةِ، وَالْأَرَائِ الْمُتَفَرِّقَةِ، وَالْمَذَاهِبِ الرَّدِيَّةِ، مِثْلَ الْمُشَبَّهَةِ، وَالْمُعْتَزَلَةِ، وَالْجُهْمِيَّةِ، وَالْجُبْرِيَّةِ، وَالْقَدْرِيَّةِ، وَغَيْرِهِمْ مِنَ الَّذِينَ خَالَفُوا السُّنَّةَ وَالْجَمَاعَةَ، وَخَالَفُوا الصَّلَاةَ، وَنَحْنُ مِنْهُمْ بُرَاءٌ، وَهُمْ عِنْدَنَا ضَلَالٌ وَأَرْدِيَاءٌ، وَبِاللَّهِ الْعِصْمَةَ وَالتَّوْفِيقُ.

Iri niryo dini ryacu n'imyemerere yacu [twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at)] haba mu bigaragara n'ibitagaragara. Kandi twitandukanyije kubera Imana n'uwo ari we wese unyuranya n'ibyo twavuze ndetse twanagaragaje.

Turasaba **Allah** w'ikirenga ko yaduha gushikama ku myemerere nyayo, kandi akazaduha kuzatabaruka ari uko tukimeze, akanaturinda irari ry'ubwoko butandukanye, ndese n'ibitekerezo bitatanye (binyuranyije n'ukuri), n'inzira mbi nk'iy'udutsiko tw'abitwa Al Mushabihat, n'abitwa Al Mu'utazilat, n'abitwa Al Djah'miyat, n'abitwa Al Djabriyat, n'abitwa Al Qadariyat ndetse n'abandi batari abo mu banyuranyije n'itsinda ry'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama-at), bagahitamo kwibera mu

buyobe. Twe rero twitandukanyije nabo, kandi bo kuri twe ni abayobye kandi ni abantu babi, kuri Allah niho duteze uburinzi no gushobozwa.

Ibisobanuro mu buryo burambuye:

Ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Iri niryo dini ryacu n’imyemerere yacu (twe abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana) haba mu bigaragara n’ibitagaragara...”** Ibi umwanditsi avuze aha bisobanuye ko tubyemera dukoresheje indimi zacu bigashimangirwa n’ibikorwa byacu, tukanabyizera mu mitima yacu. Ikindi kandi nuko idini ry’umuntu n’imyemerere ye bigira umumaro iyo ibyo yemera ku mutima bitagaragara bigendanye n’ibyo ashyira mu bikorwa bigaragara, kuko idini ry’ubuyisilamu rigendera ku bitagaragara byaba mu myemerere cyangwa se mu bikorwa. Imyemerere twavugamo guhamya no kwiringira, naho ibikorwa twavugamo kugira ubwoba bw’ibihano by’Imana no kwizera impuhwe zayo, ndetse no gukunda no kwanga kubera Imana.

Nanone idini ry’ubuyisilamu rikagendera ku bikorwa bikorwa n’ingingo z’umubiri, twavuga nko gushimangira bikorwa n’urulimi, no gushyira mu bikorwa amategeko ndetse no kureka ibibujijwe bikorwa n’izindi ngingo. Ibi bikagendana n’ibyo umuntu aba yarahamije ku rulimi rwe.

Ikindi umwanditsi mu kuvuga aya magambo yashakaga kunenga abubakira imyemerere yabo ku buriganya n’uburyarya, ugasanga umuntu ibyo yemera ku mutima we bitandukanye n’ibyo avuga ku rulimi rwe, ndetse bikanatandukana n’ibyo ashyira mu bikorwa aribyo Qur’an yise uburyarya (*Nifaq*), kandi Imana yagaragaje ko umuntu uteye utyo aba afite uburwayi mu mutima we.

Allah aragira ati:

قَالَ تَمَالَى: ﴿ وَمِنَ النَّاسِ مَن يَقُولُ ءَامَنَّا بِاللَّهِ وَيَأْتِيهِمُ الْآخِرُ وَمَا هُمْ بِمُؤْمِنِينَ ﴿٨﴾ يُخَادِعُونَ اللَّهَ وَالَّذِينَ ءَامَنُوا وَمَا يُخَادِعُونَ إِلَّا أَنفُسَهُمْ وَمَا يَشْعُرُونَ ﴿٩﴾ فِي قُلُوبِهِم مَّرَضٌ فَزَادَهُمُ اللَّهُ مَرَضًا وَلَهُمْ عَذَابٌ أَلِيمٌ بِمَا كَانُوا يَكْذِبُونَ ﴿١٠﴾ ﴾ البقرة: ٨ - ١٠

“No mu bantu, hari abavuga bati: “twemeye Allah n’umunsi w’imperuka”, nyamara mu by’ukuri bo atari abemera. (Bakeka ko) babeshya Allah n’abemera, nyamara bibeshya bo ubwabo ariko ntibabimenya. Mu mitima yabo harimo uburwayi (ugushidikanya n’uburyarya), bityo Allah abongerera uburwayi. Kandi bazahanishwa ibihano bibabaza kubera ibyo babeshyaga.”¹

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“Kandi twitandukanyije kubera Imana n’uwo ari we wese unyuranya n’ibyo twavuze ndetse twanagaragaje.”** Aha umwanditsi yagaragazaga ko abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) bitandukanya ndetse ntibanakunde uwo ari we wese unyuranya n’ibyavuzwe byose, kuko ibyavuzwe byose biva muri Qur’an ndetse no mu mvugo z’Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha). Bisobanuye ngo bitandukanya n’udutsiko tw’abanyabihimbano twanyuranyije na Qur’an n’imvugo z’Intumwa y’Imana. Umwanditsi hari n’utwo yeruye avuga ko abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) bitandukanya n’udutsiko tw’abitwa Al Mushabihat, Al Mu-utazilat, Al Djah’miyat, Al Djab’riyat, na Al Qadariyat.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **“...Turasaba Allah w’ikirenga ko yaduha gushikama ku myemerere nyayo, kandi akazaduha kuzatabaruka ari uko tukimeze...”** Kuba umwanditsi yarasoje igitabo cye n’ubu busabe bwo gushikama ku idini ya Isilamu, ni ibintu bya ngombwa cyane. Bityo rero

¹ Qur’an 2:8-10

turasaba Allah ko yaduha gushikama ku idini ya Isilamu, no kumwemera ndetse n’imyizerere y’ukuri. Ikindi kandi nuko umugaragu wa Allah akeneye cyane kuyoborwa na Nyagasani we, no kumurinda kugwa mu buhakanyi n’ubuyobe kugeza igihe azahurira na we nk’uko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَا أَيُّهَا الَّذِينَ آمَنُوا اتَّقُوا اللَّهَ حَقَّ تَقَاتِهِ وَلَا تَمُوتُنَّ إِلَّا وَأَنْتُمْ مُسْلِمُونَ﴾ آل عمران: ١٠٢

"Yemwe abemeye! Nimutinye Allah uko akwiye gutinywa, kandi ntimuzapfe mutari abayisilamu (nyakuri)."

Ndetse n’ubusabe bw’Intumwa z’Imana n’abantu barangwa no gukora ibikorwa byiza, bwabaga burimo gusaba Allah kubaha gushikama ku idini ya Isilamu no kuzatabaruka ari abayisilamu, twavuga nk’aho Allah yavuze abinyujije mu mvugo y’Intumwa ye Yussuf ubwo yamusabaga agira iti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿تَوَفَّنِي مُسْلِمًا﴾ يوسف: ١٠١

“(uzanshoboze) gupfa ndi umuyisilamu”.¹

No mu busabe Intumwa y’Imana yakundaga gusaba yajyaga igira iti: “Yewe uhindura imitima, ha umutima wanjye gushikama ku idini ryawe.”²

Naho ibigendanye n’ibisobanuro by’aya matsinda umwanditsi agaragaje muri iki gika n’andi atagaragaje, twabonye ibisobanuro byayo mu byigwa byabanje, ndetse no mu rutonde rwa tumwe mu dutsiko twabonetse muri iki gitabo.

¹ Qur’an 12:101

² Yakiriwe na Ahmad

AMWE MU MADINI N'UDUTSIKO BYAVUZWE MURI IKI GITABO.

1. Ubuyahudi: Abamenyi bagenda basobanura inkomoko y'izina ubuyahudi mu buryo butandukanye, hari abavuga ko iri jambo riva mu kwicuza. Nk'aho Allah aragira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿١٥٦﴾ وَأَكْتُبُ لَنَا فِي هَذِهِ الدُّنْيَا حَسَنَةً وَفِي الْآخِرَةِ إِنَّا هُدْنَا إِلَيْكَ...﴾ الأعراف:

١٥٦

"Unadushyire mubo wandikiye ibyiza muri iyi si ndetse no ku munsu w'imperuka, rwose tukwicuujijeho..."¹ Hakaba hari n'abandi bamenyi bavuga ko iryo zina ryakomotse kuri Yahudha umuvandimwe wa Yusufu, akaba ari umwe mu bahungu ba Ya-aqubu (Is'raa-il), iri zina rikaba rikunda kugarurwa kuri bene Is'raheri muri rusange, n'ubwo bwose abana ba Is'raa-il ariwe (Yaaqub) batigeze biyita Abayahudi.

Naho ibisobanura abamenyi b'idini ya Isilam bavuga ku buyahudi: Bavuga ko Abayahudi ari abavuga ko bakurikira Intumwa y'Imana Mussa (Imana imuhe amahoro n'imigisha) bakanakurikiza amahame y'igitabo cya Taurat cyahishuriwe Intumwa y'Imana Mussa, bakaba barigiraga intungane cyane kandi ari inkozi z'ibibi, Allah aragira ati:

﴿قَالَ تَعَالَى: ﴿٦٧﴾ قُلْ يَتَّيِبُهَا الَّذِينَ هَادُوا إِنْ رَعَمْتُمْ أَنْكُمْ أَوْلِيَاءُ لِلَّهِ مِنْ دُونِ النَّاسِ فَتَمَنَّوْا الْمَوْتَ إِنْ كُنْتُمْ صَادِقِينَ ﴿٦٨﴾ وَلَا يَتَمَنَّوْنَهُ أَبَدًا بِمَا قَدَّمْت أَيْدِيَهُمْ وَاللَّهُ عَلِيمٌ بِالظَّالِمِينَ ﴿٦٩﴾﴾ الجمعة: ٦ - ٧

"Vuga (yewe Muhamadi) uti: "Yemwe ababaye Abayahudi! Niba mwibwira ko muri inshuti za Allah kurusha abandi bantu bose, ngaho nimwifuze urupfu niba koko muri abanyakuri. Nyamara

¹ Qur'an 7: 156

rwose ntibarwifuza na gato kubera ibyo bakoze (bibi). Kandi Allah azi neza abanyamahugu¹."

Gusa iri zina ntiryari rizwi ku gihe cy'Intumwa y'Imana Mussa, niyo rivuzwe muri Qur'an na Hadithi akenshi usanga rivugwa mu buryo bwo kunenga abaryiyitiriye. Ahubwo izina abantu bakurikiye Mussa bari bazwiho ryari *Banu Israa-il* (bene Is'raheri) Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَذَرِي إِسْرَائِيلَ أَذْكُرُوا نِعْمَتِيَ الَّتِي أَنْعَمْتُ عَلَيْكُمْ وَأَنِّي فَضَّلْتُكُمْ عَلَى الْعَالَمِينَ ﴿٤٧﴾ البقرة: ٤٧

"Yemwe bene Isiraheli! Nimwibuke ingabire zanjye nabahundagajeho, kandi munibuke ko nabarutishije ibindi biremwa (byo ku gihe cyanyu).²" nkuko bitwaga Qaumu Mussa (Abantu ba Mussa) Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمِن قَوْمِ مُوسَى أُمَّةٌ يَهْدُونَ بِالْحَقِّ وَبِهِ يَعْدِلُونَ ﴿١٥٩﴾ الأعراف: ١٥٩

"No mu bantu ba Musa harimo itsinda riyoboresha ukuri, rikanagukoresha mu butabera.³" Ndetse banitwaga Ahlul Kitabu (abahawe igitabo) Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ يَا أَهْلَ الْكِتَابِ لَسْتُمْ عَلَى شَيْءٍ حَتَّى تُقِيمُوا التَّوْرَةَ وَالْإِنْجِيلَ وَمَا أُنزِلَ إِلَيْكُمْ مِن رَّبِّكُمْ وَلَيَزِيدَنَّ كَثِيرًا مِّنْهُمْ مَا أُنزِلَ إِلَيْكَ مِن رَّبِّكَ طُغْيَانًا وَكُفْرًا فَلَا تَأْسَ عَلَى الْقَوْمِ الْكَافِرِينَ ﴿٦٨﴾ المائدة: ٦٨

"Vuga uti: "Yemwe abahawe igitabo! Nta cyo muzaba mushingiyeho (mu idini ryanyu) kugeza ubwo muzashyira mu bikorwa Tawurati, Ivanjili n'ibyo mwahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wanyu (Qur'an)". Kandi rwose, ibyo wahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wawe byongerera abenshi muri bo ubwigomeke n'ubuhakanyi. Bityo ntuzababazwe n'abantu b'abahakanyi.⁴"

¹ Qur'an 62:6-7

² Qur'an 2:47

³ Qur'an 7:159

⁴ Qur'an 5:6

Ikindi twavuga nuko dusanga hari imirongo ya Qur'an na Hadithi z'Intumwa y'Imana zishima bamwe muri bo bemeraga Imana n'Intumwa zayo bakanakora ibikorwa byiza, kuko uwemeraga Mussa (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabaga anemeye Intumwa zizaza nyuma ye. Niyo mpamvu Imana yanenze bamwe mu Bayahudi banze kwemera Intumwa Issa (Yesu) (Imana imuhe amahoro n'imigisha) kandi yarahishuwe mu gitabo cy'abahishuriwe *Taurat*. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَقَالَتِ الْيَهُودُ لَيْسَتِ الْتَّصْرَى عَلَى شَيْءٍ وَقَالَتِ النَّصْرَى لَيْسَتِ الْيَهُودُ عَلَى شَيْءٍ وَهُمْ يَتْلُونَ الْكِتَابَ كَذَلِكَ قَالَ الَّذِينَ لَا يَعْلَمُونَ مِثْلَ قَوْلِهِمْ قَالَ اللَّهُ يَحْكُمُ بَيْنَهُمْ يَوْمَ الْقِيَامَةِ فِيمَا كَانُوا فِيهِ يَخْتَلِفُونَ ﴿١١٣﴾ البقرة: ١١٣

"Abayahudi kandi baravuze bati: "Abanaswara nta shingiro bafite (bivuze ko Issa ariwe Yesu n'ibyo yahishuriwe ntabwo ari ukuri)", n'Abanaswara baravuga bati: "Abayahudi nta shingiro bafite (bivuze ko Mussa n'ibyo yahishuriwe ntabwo ari ukuri)"; nyamara bose basoma igitabo (Tawurati n'Ivanjili). Iyo ni nayo mvugo abatabizi (ababangikanya **Allah** b'abarabu) bavuze (ko Muhamad n'ibyo yahishuriwe atari ukuri). **Allah** ni we uzabakiranura ku munsu w'izuka mu byo batumvikanagaho.¹"

Ikindi nuko bigoye kuvuga mu buryo nyabwo igihe iri zina ryatangiyeye gukoreshwa mu kwitirirwa aba bantu. Igitabo Mussa yahawe cyitwaga *Taurat*. Intumwa y'Imana Mussa imaze gupfa abayahudi bagiye bahindura bimwe muri *Taurat* bayitesha agaciro. **Allah** yabavuzeho muri Qur'an agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَوَيْلٌ لِلَّذِينَ يَكْتُوبُونَ الْكِتَابَ بِأَيْدِيهِمْ ثُمَّ يَقُولُونَ هَذَا مِنْ عِنْدِ اللَّهِ لَيْسَ تَرَوْا بِهِءًا ثَمًّا قَلِيلًا فَوَيْلٌ لَهُمْ مِمَّا كَتَبَتْ أَيْدِيهِمْ وَوَيْلٌ لَهُمْ مِمَّا يَكْسِبُونَ ﴿٧٩﴾ البقرة: ٧٩

¹ Qur'an 2:113

"Akaga gakomeye kari kuri babandi biyandikira igitabo n'amaboko yabo, nyuma bakavuga bati "Iki giturutse kwa **Allah**", kugira ngo bakigurane ikiguzi gito (indonke z'isi). Bazabona akaga gakomeye kubera ibyo amaboko yabo yanditse, kandi bazabona akaga gakomeye kubera ibyo bakora.¹" Qur'an rero yagiye igaragaza imwe mu myemerere n'imyitwarire y'Abayahudi inyuranye n'ibyo Intumwa z'Imana zigishaga, hari nkaho Qur'an igaragaza ko batutse Imana, ndetse n'aho bavuze ko Imana yabyaye bayitirira uwitwa Uzayiri ko ari umwana w'Imana n'ibindi bidakwiye ku Mana.

Ikindi nuko Abayahudi ari abantu Qur'an yakunze kugaragaza ko bazi ukuri ariko bagakunda kuguhisha. Muri bimwe bari bazi nk'ukuri ni ukoherewe kw'Intumwa y'Imana Muhammad nyuma ya Issa Ibun Mar'yam (Imana ibahe amahoro n'imigisha), ndetse bari banazi umujyi iyo Ntumwa izavukiramo n'uwo izimukiramo nyuma yo guhabwa ubutumwa, bamwe muri bo baje kuzimukira muri uwo mujyi witwaga *Yathirib (Madina)* bahimukira ari amoko atatu muri bo hari abitwaga *Bene Quraydwha*, hari abitwaga *Bene Nadhwir*, n'abitwabaga *Bene Qayinuqaa-u*.

Aba Bayahudi bimukiye hariya kugira ngo bazahabyarire noneho iyo Ntumwa izaturuke muri bo, nuko Imana yohereza iyo Ntumwa ikomoka mu bwoko bwa ba Qurayishi b'abarabu, abo bayahudi bahise bayihakana banayigirira urwango. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَمَّا جَاءَهُمْ كِتَابٌ مِّنْ عِندِ اللَّهِ مُصَدِّقٌ لِّمَا مَعَهُمْ وَكَانُوا مِن قَبْلُ يَسْتَفْتِحُونَ عَلَى الَّذِينَ كَفَرُوا فَلَمَّا جَاءَهُمْ مَا عَرَفُوا كَفَرُوا بِهِ فَلَعْنَةُ اللَّهِ عَلَى الْكَافِرِينَ ﴿٨٩﴾ البقرة: ٨٩

"N'igihe bagerwagaho n'igitabo (Qur'an) giturutse kwa **Allah**, gishimangira ibyo bafite (ihishurwa ry'ubutumwa bw'Intumwa Muhamadi muri Tawurati, barabihakanye), kandi mbere (yo kuza kw'Intumwa Muhamadi) barabyifashishaga nk'ingabo basaba

¹ Qur'an 2:79

Allah gutsinda abahakanyi. Ariko bamaze kugerwaho n'ibyo bari baramenye (ubutumwa bwa Muhamadi) barabihakanye. Ku bw'ibyo, umuvumo wa Allah ube ku bahakanyi.¹

2. Abanaswara: Ijambo Naswara ubundi rikomoka ku izina ry'agace kitwa *Nasw'raanat* (i Nazareti), kakaba ari agace mu duce tugize igihugu cya Palesitena aho Intumwa Issa Ibun Mar'yam (Yesu) yavukiye, hakaba hari n'abandi bavuga ko iri zina riva ku ijambo *Nus'rat*, bisobanuye gutabara no gutanga ubufasha, kuko abantu bakurikiye Issa baramutabaye baranamufasha mu bihe bitandukanye, aba bavugwa aha ni abigishwa be cumi na babiri bari barakurikiye Issa.

Naho ibisobanuro abamenyi b'idini ya Isilam bavuga ku bunaswara: Bavuga ko Abanaswara ari abavuga ko bakurikira Intumwa y'Imana Issa (Yesu) (Imana imuhe amahoro n'imigisha), bakanakurikiza amahame y'igitabo cya *In'jiil* (*Ivanjiri*) kikaba ari igitabo cyahishuriwe Intumwa y'Imana Issa waje nyuma y'Intumwa y'Imana Mussa (Imana ibahe amahoro n'imigisha). Hakaba hari n'irindi zina abakurikiye Issa biyita ritagaragaye muri Qur'an no muri Hadithi z'Intumwa y'Imana *Al Masihiyat* (Abakirisitu) biva ku izina (*Masihhi*) cyangwa (*Mesiya*) ryitirirwa Issa muri Qur'an. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِذْ قَالَتِ الْمَلَائِكَةُ يَا مَرْيَمُ إِنَّ اللَّهَ يُبَشِّرُكِ بِكَلِمَةٍ مِّنْهُ اسْمُهُ الْمَسِيحُ عِيسَى ابْنُ مَرْيَمَ وَجِيهًا فِي الدُّنْيَا وَالْآخِرَةِ وَمِنَ الْمُقَرَّبِينَ ﴿٤٥﴾ وَيُكَلِّمُ النَّاسَ فِي الْمَهْدِ وَكَهْلًا وَمِنَ الصَّالِحِينَ

﴿٤٦﴾ آل عمران: ٤٥ - ٤٦

"Ibuka ubwo Malayika yavugaga ati "Yewe Mariyamu (Mariya)! Mu by'ukuri, Allah aguhaye inkuru nziza y'ijambo rimuturutseho (ko ugiye kubyara umwana). Izina rye ni Masihhi Isa (Yesu), mwene Mariyamu. Azaba umunyacyubahiro ku isi no ku mperuka, kandi

¹ Qur'an 2:89

azaba mu bari hafi ya Allah. Kandi azavugisha abantu mu buhinja no mu bukwerere, kandi azaba mu ntungane.¹

Ubwo izina rye ni Issa, irishambagizo rye ni Masihi, naho uwo ari we nuko ari umwana wa Mariyamu.

Amazina yagaragaye muri Qur'an yitiriwe abakurikiye Intumwa Issa bakanakurikira amahame ya In'jiil ni: **Naswara, Ahlul Kitab** (abahawe igitabo), **Ahlul In'jiil** (abakurikiye ivanjiri). Allah agaragaza izina Naswara agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَتَجِدَنَّ أَشَدَّ النَّاسِ عَدَاوَةً لِلَّذِينَ ءَامَنُوا الْيَهُودَ وَالَّذِينَ أَشْرَكُوا وَلَتَجِدَنَّ أَقْرَبَهُم مَّوَدَّةً لِلَّذِينَ ءَامَنُوا الَّذِينَ قَالُوا إِنَّا نَصْرِي ذَلِكَ يَأْتِيهِمْ قَسِيسِينَ وَرُهْبَانًا وَأَنَّهُمْ لَا يَسْتَكْبِرُونَ ﴿٨٢﴾ وَإِذَا سَمِعُوا مَا أُنزِلَ إِلَى الرَّسُولِ تَرَى أَعْيُنَهُمْ تَفِيضُ مِنَ الدَّمْعِ مِمَّا عَرَفُوا مِنَ الْحَقِّ يَقُولُونَ رَبَّنَا ءَامَنَّا فَاكْتُبْنَا مَعَ الشَّاهِدِينَ ﴿٨٣﴾ المائدة: ٨٢ - ٨٣

"Rwose uzasanga abafitiye abemera urwango rukomeye kurusha abandi, ari Abayahudi n'ababangikanyamana. Uzasanga kandi abiteguye gukunda abemera (Abayisilamu) ari abavuze bati "Mu by'ukuri, twe turi Abanaswara". Ibyo ni uko muri bo harimo abasenyeri n'abasaseredoti, kandi bakaba batibona. Kandi iyo bumwise ibyahishuriwe Intumwa (Muhamadi), ubona amaso yabo atembamo amarira kubera ukuri bamenye; bakavuga bati "Nyagasani wacu! Twaremeye; bityo dushyire hamwe n'abahamya (ukuri).²" Naho Ahlul Kitab, Allah yagaragaje iri zina agira ati:

¹ Qur'an 3:45-46

² Qur'an 3:82-83

قَالَ تَعَالَى: ﴿قُلْ يَا أَهْلَ الْكِتَابِ لَسْتُ عَلَىٰ شَيْءٍ حَتَّىٰ تُتِيمُوا التَّوْرَةَ وَالْإِنْجِيلَ وَمَا أُنزِلَ إِلَيْكُمْ مِن رَّبِّكُمْ فَلْيُزِيدَنَّ كَثِيرًا مِّنْهُمْ مَا أُنزِلَ إِلَيْكَ مِن رَّبِّكَ طُغْيَانًا وَكُفْرًا فَلَا تَأْسَ عَلَى الْقَوْمِ الْكَافِرِينَ ﴿٦٨﴾

﴿المائدة: ٦٨﴾

"Vuga uti: "Yemwe abahawe igitabo! Nta cyo muzaba mushingiyeho (mu idini ryanyu) kugeza ubwo muzashyira mu bikorwa Tawurati, Ivanjili n'ibyo mwahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wanyu (Qur'an)". Kandi rwose, ibyo wahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wawe byongerera abenshi muri bo ubwigomeke n'ubuhakanyi. Bityo ntuzababazwe n'abantu b'abahakanyi.¹"

Naho Ahlul Inji'il, Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلِيَحْكُمُ أَهْلُ الْإِنْجِيلِ بِمَا أُنزِلَ اللَّهُ فِيهِ ۖ وَمَنْ لَّمْ يَحْكَمْ بِمَا أَنْزَلَ اللَّهُ فَأُولَٰئِكَ هُمُ الْفَاسِقُونَ ﴿٤٧﴾﴾ المائدة: ٤٧

"Ngaho abahawe Ivanjiri nibategekeshe ibyo Allah yayibahishuriyemo. Kandi abatazategekesha ibyo Allah yahishuye, abo ni bo nkozi z'ibibi.²"

Bimwe mu byaranze abavuga ko bakurikiye Issa. Qur'an yagiye igaragaza ko aba bantu bagiye bahindura imyemerere n'imyizerere Intumwa y'Imana Issa yigishaga, iyi Ntumwa yigishije ko yo ubwayo ari umuntu nk'abandi ko itabyawe n'Imana, ahubwo yabyawe na Mariyamu ku bw'igitangaza nta mugabo babonanye ikaba ari Intumwa y'Imana, kandi ko yoherejwe kugira ngo isenge Imana imwe ibyigishe n'abantu ko itagombwa gusengwa ubwayo (Intumwa Issa) Allah avuga abicishije mu mvugo y'iyi Ntumwa Issa agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ اللَّهَ رَبِّي وَرَبُّكُمْ فَأَعْبُدُوهُ هَدَانَا صِرَاطٌ مُسْتَقِيمٌ ﴿٥١﴾﴾ آل عمران: ٥١

¹ Qur'an 5:6
² Qur'an 5: 47

"Mu by'ukuri, **Allah** ni Nyagasani wanjye akaba na Nyagasani wanyu; ku bw'ibyo nimumugaragire. Iyo ni yo nzira igororotse.¹"

Ikindi cyagarustweho na Qur'an nuko Abayahudi n'Abaromani bashatse kwica Issa Ibun Mariyamu. Imana iramukiza imusananishije n'umwe mu bamurwanyaga aba ari we bica. **Allah** arokora Issa, **Allah** abishimangira muri Qur'an agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَبِكْفُرِهِمْ وَقَوْلِهِمْ عَلَىٰ مَرْيَمَ بُهْتَانًا عَظِيمًا ﴿١٥٦﴾ وَقَوْلِهِمْ إِنَّا قَتَلْنَا الْمَسِيحَ عِيسَى ابْنَ مَرْيَمَ رَسُولَ اللَّهِ وَمَا قَتَلُوهُ وَمَا صَلَبُوهُ وَلَٰكِن شُبِّهَ لَهُمْ وَإِنَّ الَّذِينَ اخْتَلَفُوا فِيهِ لَفِي شَكٍّ مِّنْهُ مَا لَهُمْ بِهِ مِنْ عِلْمٍ إِلَّا اتِّبَاعَ الظَّنِّ وَمَا قَتَلُوهُ يَقِينًا ﴿١٥٧﴾ بَل رَفَعَهُ اللَّهُ إِلَيْهِ وَكَانَ اللَّهُ عَزِيزًا حَكِيمًا ﴿١٥٨﴾ النساء: ١٥٦ - ١٥٨

"Kandi (twarabavumye) kubera ubuhakanyi bwabo n'imvugo yabo yuje ikinyoma gihambaye kuri Mariyamu (imushinja ubusambanyi). No k'ubw'imvugo yabo igira iti "Rwose twishe Mesiya Isa (Yesu) mwene Mariyamu (Mariya), intumwa ya **Allah**". Nyamara ntibamwishe, kandi ntibanamubambye, ahubwo (uwo bishe bakanabamba ni) uwahawe ishusho ye. Kandi mu by'ukuri, babandi batabivuzeho rumwe, baracyamushidikanyaho (bibaza niba uwishwe ari Yesu cyangwa usa nawe). Nta bumenyi nyakuri babifiteho usibye gukurikira ibyo bakeka. Kandi rwose ntibamwishe. Ahubwo **Allah** yamuzamuye iwe. Kandi **Allah** ni Umunyembaraga zihebuje, Ushishoza.²"

Nyuma yuko Issa azamuwe mu ijuru abamukurikiye bahuye n'ikibazo cyo kubura Injiil baza kwinjirirwa na bamwe mu bayahudi bahindura Injiil banahindura imyemerere yabigishije. **Allah** yabanenze kuri icyo gikorwa agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَيَقُولُونَ عَلَىٰ اللَّهِ الْكَذِبَ وَهُمْ يَعْلَمُونَ ﴿٧٥﴾﴾ آل عمران: ٧٥

"...Bakanabeshyera **Allah** kandi babizi.³"

¹ Qur'an 3:51

² Qur'an 4:156-158

³ Qur'an 3:75

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿مِنَ الَّذِينَ هَادُوا يُحَرِّفُونَ الْكَلِمَ عَنْ مَوَاضِعِهِ...﴾ النساء: ٤٦

"Muri babandi babaye Abayahudi, harimo abahindura amagambo ya **Allah**, bayakura mu myanya yayo...¹"

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَيَقُولُونَ هُوَ مِنْ عِنْدِ اللَّهِ وَمَا هُوَ مِنْ عِنْدِ اللَّهِ وَيَقُولُونَ عَلَى اللَّهِ الْكِبْرَ وَهُمْ يَعْمُونَ﴾ آل عمران: ٧٨

"...Bakavuga bati "Ibyo ni ibyaturutse kwa **Allah**" kandi bitaraturutse kwa **Allah**. Bakanahimbira **Allah** ikinyoma kandi babizi.²" Ikindi cyahinduwe mu byo Issa yigishije ni abantu kwinjiza mu byo yigishije ko we ubwe ari Imana.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَقَدْ كَفَرَ الَّذِينَ قَالُوا إِنَّ اللَّهَ هُوَ الْمَسِيحُ ابْنُ مَرْيَمَ وَقَالَ الْمَسِيحُ يَنْبِيَّ إِسْرَائِيلَ اعْبُدُوا اللَّهَ رَبِّي وَرَبَّكُمْ إِنَّهُ مَن يُشْرِكْ بِاللَّهِ فَقَدْ حَرَّمَ اللَّهُ عَلَيْهِ الْجَنَّةَ وَمَأْوَدَهُ النَّارُ وَمَا لِلظَّالِمِينَ مِنْ أَنْصَارٍ﴾ المائدة: ٧٢

"Rwose babandi bavuze bati "Mu by'ukuri, Mesiya (Yesu) mwene Mariyamu (Mariya) ni Imana", barahakanye. Mu gihe Mesiya (Yesu) yavuze ati "Yemwe bene Isiraheli! Nimugaragire **Allah**, Nyagasani wanjye akaba na Nyagasani wanyu". Mu by'ukuri, ubangikanya **Allah**, rwose **Allah** yamuziririje (kuzinjira mu) Ijuru, kandi icyicaro cye ni mu muriro. Kandi abanyamahugu nta batabazi bazagira.³"

¹ Qur'an 4:46

² Qur'an 3:78

³ Qur'an 5:72

Ikindi cyahinduwe mu byo Issa yigishije abantu bongeyemo ni imyemerere bise ubutatu butagatifu bashaka kwerekana ko Imana ziri mu buryo butatu ariko zuzuzanya arizo Imana ubwayo, Yesu, na Mariya. **Allah** yamaganye iyo myemerere agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَقَدْ كَفَرَ الَّذِينَ قَالُوا إِنَّ اللَّهَ ثَلَاثَةٌ وَمَا مِنْ إِلَهٍ إِلَّا إِلَهٌ وَاحِدٌ وَإِنْ لَمْ يَنْتَهُوا عَمَّا يَقُولُونَ لَيَمَسَّنَّ الَّذِينَ كَفَرُوا مِنْهُمْ عَذَابٌ أَلِيمٌ﴾ المائدة: ٧٣

"Rwose babandi bavuze bati "Mu by'ukuri, **Allah** ni uwa gatatu muri batatu (mu butatu) barahakanye." Kandi nta yindi mana (ikwiye gusengwa by'ukuri) uretse Imana imwe rukumbi. Nibatarekeraho ibyo bavuga, rwose ba bandi bahakanye muri bo bazagerwaho n'ibihano bibabaza!" Ikindi nuko **Allah** yagaragaje muri Qur'an ko ku munsu w'imperuka Issa azabazwa ibijyanye n'ubutatu butagatifu. **Allah** abishimangira mu murongo wa Qur'an agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِذْ قَالَ اللَّهُ يَعْيسَى ابْنُ مَرْيَمَ أَتَىٰ مَرْيَمَ فَطَلَّتْ لِلنَّاسِ التَّحَدُّثِي وَأَمَّا إِلَهُي مِنَ دُونِ اللَّهِ قَالَ سُبْحَانَكَ مَا يَكُونُ لِي أَنْ أَقُولَ مَا لَيْسَ لِي بِحَقِّ إِنْ كُنْتُ قُلْتُهُ فَقَدْ عَلِمْتَهُ تَعَلَّمَ مَا فِي نَفْسِي وَلَا أَعْلَمُ مَا فِي نَفْسِكَ إِنَّكَ أَنْتَ عَلَّمُ الْغُيُوبِ﴾ المائدة: ١١٦

"Unibuke ubwo **Allah** azavuga (ku munsu w'imperuka) ati: "Yewe Isa (Yesu) mwene Mariyamu (Mariya)! Ese ni wowe wabwiye abantu uti 'Nimungire, jye na mama, imana ebyiri mu cyimbo cya **Allah**?' (Yesu) azasubiza ati: "Ubutagatifu ni ubwawe. Ntibikwiye kuri njye ko nabwira (abantu) ibitari ukuri. Iyo nza kuba narabivuze, rwose wari kubimenya. Uzi ibiri mu mutima wanjye nyamara njye sinshobora kumenya amabanga yawe. Mu by'ukuri, ni wowe Mumenyi uhebuje w'ibiyahishe²."

Ubwo abakurikiye Issa by'ukuri ni babandi bamwemeye nk'intumwa bakanakurikira ibyo yahishuriwe bitahinduwe, barangiza bakanemera Intumwa Issa yahanuye ari yo Muhamadi,

¹ Qur'an 5:73

² Qur'an 5:116.

ndetse bakanemera ibyahanuwe niyo Ntumwa ari byo Qur'an. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِنَّ مِنْ أَهْلِ الْكِتَابِ لَمَنْ يُؤْمِنُ بِاللَّهِ وَمَا أُنزِلَ إِلَيْكُمْ وَمَا أُنزِلَ إِلَيْهِمْ خَشِعِينَ لِلَّهِ لَا يَشْتَرُونَ بِعِبَادَتِ اللَّهِ ثَمَنًا قَلِيلًا أُولَئِكَ لَهُمْ أَجْرُهُمْ عِنْدَ رَبِّهِمْ إِنَّ اللَّهَ سَرِيعُ الْحِسَابِ ﴿١٩٩﴾ آل عمران: ١٩٩

"Mu by'ukuri, mu bahawe ibitabo, harimo abemera **Allah**, ibyo mwahishuriwe (Qur'an) ndetse n'ibyo bahishuriwe (Tawurati n'Ivanjili); bibombarika imbere ya **Allah**. Ntibagurana amagambo ya **Allah** igicro gito. Abo bazahabwa ingororano zabo kwa Nyagasani wabo. Mu by'ukuri, **Allah** ni Ubanguka mu ibarura!"

Muri iki gihe turimo, abiyitirira ko bakurikiye Issa Ibun Mariyam barimo uditsiko twinshi ariko udutsiko dukomeye kuruta utundi ni dutatu: Abagatolika, Abarutodogisi, Abaporotesitanti.

3. Islam: Ni idini ry'ukuri **Allah** yahaye Intumwa ze zose ngo ziyigishe abantu, zikabigisha ko Imana ikwiye gusengwa by'ukuri ari imwe rukumbi (**Allah**), ko ari nayo igomba kugaragirwa n'ibiremwa byose, bikayicishaho bugufi yo yonyine, byirinda kugaragira ikindi icyo ari cyo cyose kitari yo. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَا أَرْسَلْنَا مِنْ قَبْلِكَ مِنْ رَسُولٍ إِلَّا نُوحِي إِلَيْهِ أَنَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا أَنَا فَاعْبُدُونِ﴾ الأنبياء: ٢٥

"Kandi nta ntumwa twigeze twohereza mbere yawe (yewe Muhamadi) uretse ko twayihishuriraga ko nta yindi mana ibaho ikwiriye gusengwa mu kuri itari nyje (**Allah**). Bityo nimungaragire."²

Ibi bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri twe intumwa z'Imana idini

¹ Qur'an 3:199

² Qur'an 21:25

ryacu ni rimwe.¹” Idini ryemewe imbere y’Imana ni rimwe. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ الدِّينَ عِنْدَ اللَّهِ الْإِسْلَامُ ۗ﴾ آل عمران: ١٩

“Mu by’ukuri, idini (ry’ukuri) kwa Allah ni Isilamu²” Nyuma yuko Allah agaragaje ko Intumwa ze zose zihuriye ku myemerere n’imyizerere imwe ndetse n’idini zazanye rikaba ari rimwe, yerekanye ko ku bijyanye n’amategeko yahaye izo ntumwa yari atandukanye Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿...لِكُلِّ جَعَلْنَا مِنْكُمْ شِرْعَةً وَمِنْهَاجًا...﴾ المائدة: ٤٨

“...Buri (muryango woherejweho intumwa) muri mwe twawuhaye amategeko n’inzira igaragara (ugomba gukurikira)...³”

Nkuko bizwi nuko buri uko intumwa yasozaga ubutumwa bwayo yasimburwaga n’indi. Bityo umuyisilamu ategetswe kwemera intumwa zabanje ndetse n’Intumwa yohererejwe ku gihe cye. Gihamya zikaba zerekana yuko Intumwa yasozereje izindi ari Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaje isimbura Intumwa y’Imana Issa Ibun Mar’yam (Yesu mwene Mariya).

قَالَ تَعَالَى: ﴿مَا كَانَ مُحَمَّدٌ أَبَا أَحَدٍ مِّن رِّجَالِكُمْ وَلَكِن رَّسُولَ اللَّهِ وَخَاتَمَ النَّبِيِّينَ ۗ وَكَانَ اللَّهُ بِكُلِّ شَيْءٍ عَلِيمًا ۝﴾ الأحزاب: ٤٠

Allah aragira ati: "Ntabwo Muhamadi ari se w’uwo ariwe wese muri mwe, ahubwo ni intumwa ya Allah akaba n’uwasozereje abahanuzi. Kandi Allah ni Umumenyi wa byose⁴." Igitabo cyahishuriwe Intumwa Muhamadi (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ni Qur’an. Bikaba bitashoboka ko umuntu aba umuyisilamu atamwemeye cyangwa ngo yemere igitabo

¹ Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim

² Qur’an 3:19

³ Qur’an 5:48

⁴ Qur’an 33:40

yahishuriwe, nk'uko bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat iboneka mu gitabo cya **Muslim** (A-Swahihi),

وَعَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ عَنْ رَسُولِ اللَّهِ ﷺ أَنَّهُ قَالَ: "وَالَّذِي نَفْسُ مُحَمَّدٍ بِيَدِهِ لَا يَسْمَعُ بِي أَحَدٌ مِنْ هَذِهِ الْأُمَّةِ يَهُودِيٍّ وَلَا نَصْرَانِيٍّ، ثُمَّ يَمُوتُ وَلَمْ يُؤْمِنْ بِالَّذِي أُرْسِلْتُ بِهِ، إِلَّا كَانَ مِنْ أَصْحَابِ النَّارِ".
رواه مسلم.

“Ndahiye ufite roho ya Muhamad mu kuboko kwe, ko nta muntu n’umwe mu batuye ku isi haba mu bayahudi cyangwa mu banaswara uzamenya, hanyuma agapfa atemeye ubutumwa nahawe, usibye ko azaba mu bantu bo mu muriro.”

UDUTSIKO DUSHINGIYE KURI ISLAM TWAVUZWE MURI IKI GITABO:

1. Ahlu Sunat wal Djama-at: Ni itsinda rigendera kuri gihamya za Qur'an na Hadithi, abamenyi basobanura ko iryo tsinda rishingiye ku gukurikira imigenzo y'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), no kwirinda ibihimbano mu myemerere ya Isilamu aho biva bikagera. Iri tsinda kandi rihuriza hamwe abantu bagahurira kuri iyo migenzo kandi bagahuriza mu kwemera abayobozi bane bayoboye nyuma y'Intumwa y'Imana aribo; Abubakar Swidiq, Umar Ibun Al Khatwab, Uthuman Ibun Afan, na Ally Ibun Abi Twalib (Imana ibishimire bose) ndetse n'abandi bamenyi bakurikiye imigenzo y'Intumwa y'Imana, haba mu basangirangendo (*Swahabat*) n'ababakurikiye mu gukora ibyiza (*A-Tabi-in*).

Iri tsinda kandi rifite andi mazina ryitwa, twavuga nka *Ahlul Hadithi wal Athari* (abagendera kuri Hadithi z'Intumwa y'Imana n'imigenzo yayo), *A-Twaifatu Al Man'swurati* (itsinda ryarokowe), cyangwa *Al Fir'qatu Nadjiyat* (Itsinda rifite intsinzi) ndetse n'andi mazina.

Ikindi twavuga nuko hari gihamya nyinshi zigaragaza ko abayisilamu bazagenda bacikamo ibice, kandi iyo tuvuga ibi ntabwo tuba tugamije kubwira abantu gucikamo ibice ahubwo tuba tugamije kwamagana uko gucikamo ibice, ariko tukanagaragaza ibyahanuwe kugira ngo umuyisilamu yirinde kuba yagwa mu bice bitandukanye, ahubwo amenye ukuri anakurikire abakuriho, ntiyumve ko kuba umuyisilamu byonyine bihagije, kuko muri Isilamu harimo ibice kandi igice kiri ku kuri ni kimwe ari cyo iki turi kuvugaho.

Muri gihamya twavuga zerekana ko iri tsinda ari ryo riri ku kuri, ni Hadithi yakiriwe n'umusangirangendo Abu Hurayrat (Imana

imwishimire) avuga ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti:

فقد ثبت في الحديث الصحيح أن النبي ﷺ قال: افتترقت اليهود على إحدى وسبعين فرقة، وافتترقت النصارى على اثنتين وسبعين فرقة، وستفترق هذه الأمة على ثلاث وسبعين فرقة كلها في النار إلا واحدة، قيل: من هي يا رسول الله؟ قال: من كان على مثل ما أنا عليه وأصحابي. وفي بعض الروايات: هي الجماعة. رواه أبو داود والترمذي وابن ماجه والحاكم.

“Abayahudi bacitsemo ibice mirongo irindwi na kimwe, naho Abanaswara bacikamo ibice mirongo irindwi na bibiri, ariko abayoboke banjye (abayisilamu) bazacikamo ibice mirongo irindwi na bitatu. Ibyo bice byose bizajya mu muriro usibye igice kimwe. Nuko barayibaza bati: icyo gice kizarokoka ni icy’abantu ki yewe Ntumwa y’Imana? Irabasubiza iti: “Ni abazakurikiza ibyo ndiho n’abasangirangendo banjye.” No mu zindi mvugo Intumwa y’Imana yarabasubije iti: “Ni abazaba barahuriye ku migenzo yanjye (*Al Djama-at*)¹.”

2. A-Shiat: Iri zina ryitirirwa uwo ari we wese urutisha Ally Ibun Abi Twalib abandi basangirangendo batatu bayoboze nyuma y’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) mbere ya Ally ndetse akabagirira urwango, kandi akabona ko abantu bo mu muryango w’Intumwa y’Imana ari bo bari bakwiye ubuyobozi. Ikindi nuko abashiya bacitsemo ibice byinshi muri byo twavuga:

1. Al Kaysaniyat
2. Al Imamiyat cyangwa A-Rawafidwu
3. A-Zaydiyat
4. Al Ghaliyat
5. Al Ismailiyat

¹ Yakiriwe na Abu Daud na Tir’midh na Ibun Madjah na Al Hakim

Iri tsinda abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ah'lu Sunat wal Djama-at*) bakaba barifata nk'itsinda ryayobye kuko imyemerere yaryo yubakiye ku marangamutima adafite gihamya za Qur'an na Hadithi z'Intumwa y'Imana.

3. A-Swufiyat: Ni itsinda rya bamwe mu bayisilamu ryamenyekanye mu kugira umuhate mu gukora amasengesho no kwiyegereza Imana, ndetse no kwibuka Imana biherereye, no kweza imitima yabo bayereza Imana, bakanirinda ibizira, bakanatera isi umugongo.

Ibi ntacyo byari bitwaye iyo baza kubikora bakurikiza amahame y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ariko ikibazo cyabayeho nuko baje kugira umurongo ngenderwaho mu myemerere yabo utandukanye n'umurongo wigishijwe n'Intumwa y'Imana, uba umurongo ushingiyeye ku bihimbano no guhindura imyemerere batangira gusenga iberemwa, bibaviramo gukora ibyaha ndetse no kunyuranya n'amahame ya Isilamu. Twavuga bimwe mu bikorwa bibaranga binyuranyije na Isilamu, nko kugaragira Imana badashingiye kuri gihamya za Qur'an na Hadithi, ikindi bagira ugukabya no kurengera mu gushyira hejuru abamenyi n'abihaye Imana muri bo kugeza ubwo babahaye urwego nk'urw'Intumwa z'Imana, cyangwa rurenze urwazo, bakanavuga yuko abo bihaye Imana bazi ibyihishe nkuko Imana ibizi. Bakanavuga ko Imana ishobora kugaragarira mu biremwa byayo ikanabikorera, ikindi kibi kibaranga nuko basenga abamaze gupfa bakajya kubasaba mu marimbi, kandi bazi neza ko ntacyo babamarira. Aba nabo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana babona ko bayobye, kandi ko bakeneye kwigishwa kugira ngo baguruke ku nzira igororotse. Ikindi twavuga nuko nabo bacitsemo amatsinda menshi tutarondora yose ariko twavugamo:

1. A-Saq'twiyat
2. A-Tidjaninyat
3. A-Naq'shabandiyat
4. Al Qadiryat
5. A-Shadhiliyat
6. Al Muridiyat
7. A-Rifa-iyat Al Ahmadiyat
8. A-Saharawardiyat ndetse n'abandi.

4. Al Mu'utazilat: Ni itsinda mu matsinda ya Isilamu, ishingiro ry'imyemerere yaryo ni ubwenge, bakaba bashyira ubwenge imbere ya gihamya za Qur'an na Hadith, birengagiza gihamya zigaragara mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bakazemera ari uko zijyanye n'ubwenge bwabo. Babona ko umuntu agomba kumenya Imana binyuze mu bwenge, gihamya zaba zitandukanye n'ubwenge bakabanza ubwenge imbere bakareka izo gihamya, zaba gihamya za Qur'an cyangwa Hadith, kuko bo babona ko ubwenge ari wo musingi wo kwemera.

Kubera izi mpamvu, batandukanye n'abagenda ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) kuko bo babona ko ubwenge ari impamvu yo gusobanukirwa gihamya z'Idini ya Isilamu, atari bwo buha umurongo gihamya z'Idini ya Isilamu.

Iri tsinda ryatangiyeye kugaragara mu ntangiriro z'ikinyejana cya kabiri Hidjiryat i Baswrat mu gihugu cya Iraq. Byari mu mpera z'ubuyobozi bw'aba Umawiyat, riza kugira imbaraga mu gihe cy'ubuyobozi bw'Aba Abasiyat, ubwo umwe mu banyeshuri ba Al Hassan Al Baswri witwa Waswil Ibun Atwa-u Al Ghazali yatandukanye n'umwarimu we ku itegeko rireba umuyisilamu wakoze icyaha gikuru, niba azajya mu muriro ubuziraherezo cyangwa azajya mu ijuru! Waswil Ibun Atwa-u yavuze ko atazajya mu muriro cyangwa mu ijuru. Nuko Al Hassan amwirukana mu cyicaro cye, maze yitandukanya nawe ari hamwe na Amru Ibun Ubaydi.

5. Al Mushabihat: Ni abantu bafite imyemerere yuko ibiranga Imana bisa nk'iy'ibiremwa byayo. Aba barayobye kuko ibiranga Imana bitandukanye n'iby'ibiremwa, n'ubwo bwose umuntu aba agomba gushimangira ibyo Imana yivuzeho ubwayo, nibyo Intumwa yayo yabivuzeho ariko atabigerarenyije n'iby'ibiremwa.

6. Al Mu'atwilat: Ni abantu bafite imyemerere yo guhakana no kutemera amazina y'Imana n'ibisingizo byayo. Aba bakaba bameze nk'abasenga udahari, kuko kuvuga ko bemera Imana ariko ntibemere ibiyiranga yivuzeho, cyangwa yavuzweho n'Intumwa yayo, bakabikora bibwira ko baramutse babyemeye batyo baba bayisanishije n'ibiremwa. Ibi byatumye babihakana maze bagwa mu kibi kiruta icyo bibwira ko batinye, binabaviramo gusenga ikidahari, kuko gusenga ikidafite amazina n'ibisingizo ubwo ni ukuvuga ko uba usenga ikidahari. Aha hinjiramo amatsinda atandukanye twavuga nk'abitwa *Al Djahmiyat*, *Al Mu-utazilat*, na *Al Asha-irat*, ndetse n'abandi.

7. Al Djahmiyat: Aka gatsiko ni kamwe mu dutsiko twitirirwa Isilamu, ariko kanyuranya n'imisingi y'imyemerere ya Isilamu mu buryo bwinshi, katangiriye muri Iraq, naho izina ryako riva ku wagashinze ari we witwaga *Al Djah'mu Ibun Swaf'wan* wapfuye mu mwaka wa 128 Hij'riyat. Imyemerere y'uuyu mugabo n'abamukurikiye mu nshamake ni iyi ikurikira:

Ntibemera amazina y'Imana yose ibisingizo n'ibigwi byayo dukomora muri Qur'an no mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Ibi babihakana bitwaje ko baramutse babyemeye baba basanishije Imana n'ibiremwa byayo. Nanone aka gatsiko gahakana ko ibiremwa bitagira amahitamo n'ubushobozi bwo gukora igikorwa runaka cyangwa kukireka, kanemera ko igisobanuro cy'ukwemera ari ukumenya Imana gusa, naho icy'ubuhakanyi bikaba kutayimenya.

Kandi kanahakana ko abemeramana batazabona Imana ku munsu w'imperuka, kandi byarashimangiwe na gihamya za Qur'an n'iz'invugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko bazayibona, kanemera nanone ko ijuru n'isi bizarangira (bitazabaho ubuziraherezo).

8. Al Djab'riyat: Aka gatsiko kemera ko umuntu ibikorwa akora nta mahitamo abigiramo, ahubwo niko yaremwe ibiba byose biba nta ruhare abigizemo. Kakaba karimo ibice bibiri;

Icyamba mbere (abo hagati no hagati), aribo bavuga ko ibikorwa by'ibiremwa byitirirwa Imana kuko yabiremye, bikitirirwa ibiremwa kuko aribyo bisohorezwaho.

Icyamba kabiri (abatsimbaraye ku myemerere yabo), aba bo bemera ko ibiremwa nta ruhare na ruto byagira mu bikorwa byabyo. Ibi bakabihuza n'abo mu gatsiko k'abitwa *Al Djab'miyat*

9. Al Qadariyat: Aka gatsiko gahakana igeno kavuga ko Imana itagenda kuko imenya ikintu ari uko kibaye. Ibi bikaba ari uguhakana ubumenyi bwa Allah bwa buri kintu na mbere y'uko kibaho. Ikindi nuko iyi myemerere ari ubuyobe bugaragara, ni n'ubuhakanyi no guhinyuza ibisanzwe bizwi n'uwo ari we wese mu idini ya Islam.

10. Al Wa-idiyat: Aka ni agatsiko gashyira imbere ibihano bya Allah kurusha impuhwe n'imbabazi bye, nkuko Muhammad Ibun Abdul Karim A-Shah'rastani yagasobanuye mu gitabo cye (*Al Milali wa A-Nihali*) agira ati: Ni babandi bavuga ko umuyisilamu waguye mu byaha bikuru ari umuhakanyi, kandi azaba mu muriro ubuziraherezo. Hakinjiramo n'utundi dutse tubyemera gutyo ari two (Al Mu-utazilat, ndetse na Al Khawaridj...)

11. Al Mur'dji-at: Aka gatsiko ko kemera ko ukwemera ari mu mvugo gusa atari mu bikorwa, kandi ko ukwemera kutiyongera cyangwa ngo kugabanyuke. Ni ukuvuga ngo umuntu wamaze kwemera Imana mu mvugo biramuhagije kuba yaba uwo mu ijuru kabone n'ubwo yaba ari umunyabyaha.

12. Al Asha-irat: Ni bamwe mu bayisilamu bari mu gatsiko kitirirwa uwitwa Abul Hassan Al Ash'ari, ariko kakaba gafitanye isano rya bugufi n'akandi gatsiko kitwa Al Mu'utazilat. Kakaba gafite byinshi gahuriyeho n'abakurikiye imigenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama'at*), ariko ko gatandukanye nabo ku bijyanye n'amazina y'Imana n'ibisingizo byayo; mu gihe *Ahlu Sunat wal Djama'at* bo bemera badashidikanya imirongo ya Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana zaje zigaragaza amazina ya **Allah** n'ibisingizo bye, hatabayeho kumusanisha n'ibiremwa cyangwa se kumugereranya nabyo.

Abitwa *Al Asha'irat* bo bemera amazina ya **Allah** ariko bahakana ibisingizo bye bagaragaza ko batinya kumusanisha n'ibiremwa, uretse ibisingizo birindwi nibyo barobanuyemo, aribyo: Ubushobozi bwa **Allah** (*Al Qudrat*), Ubushake bwa **Allah** (*Al Iradat*), Ubumenyi bwe (*Al Ilmu*), Kuba ari muzima (*Al Hayatu*), Kuba avuga (*Al Kalamu*), Kuba yumva (*A-Sam'u*) ndetse no kuba abona (*Al Baswari*).

Mu gihe *Ahlu Sunat wal Djama'at* bo bubaha imvugo za Qur'an ndetse n'iz'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) zivuga ku mazina n'ibisingizo by'Imana zose, bakaziha ibisobanuro Imana n'Intumwa yayo bari bagamije kugaragaza, *Al Asha'irat* bo basobanura ibyo Imana yivuzeho n'ibyo Intumwa yayo yayivuzeho banyuranyije n'ibyo Imana n'Intumwa yayo bari bagamije, ahubwo bakagendera ku marangamutima yabo (*A-Ta'awil*), bigatuma izo mvugo baziha ibisobanuro bitari ibyazo. **Allah** aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿هُوَ الَّذِي أَنْزَلَ عَلَيْكَ الْكِتَابَ مِنْهُ آيَاتٌ مُحْكَمَاتٌ هُنَّ أُمُّ الْكِتَابِ وَأُخَرُ مُتَشَابِهَاتٌ فَأَمَّا الَّذِينَ فِي قُلُوبِهِمْ زَيْغٌ فَيَتَّبِعُونَ مَا تَشَبَهَ مِنْهُ ابْتِغَاءَ الْفِتْنَةِ وَابْتِغَاءَ تَأْوِيلِهِ وَمَا يَعْلَمُ تَأْوِيلَهُ إِلَّا اللَّهُ وَالرَّاسِخُونَ فِي الْعِلْمِ يَقُولُونَ ءَأَمَّنَّا بِهِ كُلٌّ مِنْ عِنْدِ رَبِّنَا وَمَا يَذَّكَّرُ إِلَّا أُولُو الْأَلْبَابِ ﴿٧﴾ آل عمران: ٧

“Ni we waguhishuriye igitabo (Qur’an), kirimo imirongo isobanutse ari yo shingiro ry’igitabo, hakabamo n’indi izimije. Ariko babandi bafite imitima ibogamiye ku buyobe, bakurikira izimije muri yo bagamije gutera urujijo mu bantu no kuyisobanura uko itari. Nyamara ntawamenya ibisobanuro byayo (nyakuri) uretse Allah. Naho abacengeye mu bumenyi baravuga bati “Turayemera, yose (isobanutse n’izimije) ituruka kwa Nyagasani wacu. Kandi nta bandi barangwa no kwibuka uretse abanyabwenge¹”

Ikindi twavugaga nuko Ahlu Sunat wal Djama’at bo batishora mu gushaka kumenya imiterere n’uburyo ibisingizo bya Allah bimeze ngo babigereranye n’iby’ibiremwa, Al Asha’irat bo bashaka kumenya imiterere y’ibisingizo bya Allah, bagatinya ko babishimangiye baba babisanishije n’iby’ibiremwa bikabaviramo kubisobanura uko bitari cyangwa bakavugaga ko Imana ariyo izi ibisobanuro byabyo. (P.183, Atawdwihat)

13. Al Kalamiyuna/ Ulama-ul Kalam: Ni bamwe mu bayisilamu bashyira imbere ubwenge n’igereranya (Al Qiyas) bakabirutisha gihamya zaje muri Qur’an no mu mvugo z’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) mu gushimangira no kurengera imyemerere y’idini ndetse n’amategeko yayo. Ibi byatumye bagwa mu buyobe no mu bihimbano kubera ko icyo Imana yagize ishingiro ryo kuyoboka kw’umuntu ni gihamya ziboneka muri Qur’an na Hadith z’Intumwa yayo, naho ubwenge bukaza buzikurikira, ntabwo izi gihamya arizo zikurikira ubwenge bw’umuntu. Allah aragira ati:

¹ Qur’an 3:7

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَا أَيُّهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا لَا تَقْدِمُوا بَيْنَ يَدَيِ اللَّهِ وَرَسُولِهِ ۗ وَاتَّقُوا اللَّهَ إِنَّ اللَّهَ سَمِيعٌ عَلِيمٌ ﴿١﴾﴾

الحجرات: ١

“Yemwe abemeye! Ntimukajye mugira ibyo mufataho ibyememo mbere ya Allah n’Intumwa ye. Kandi mujye mutinya Allah; mu by’ukuri, Allah ni Uwumva bihebuje, Umumenyi uhebuje.”¹ Ku bw’ibyo ntibishoboka ko gihamya z’impamo zanyuranya n’ubwenge buzima.

Ikindi nuko twinshi mu dutsiko duhabanye n’abagenda ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djamaat*) nka *Al Mutazilat*, *Al Qadariyat*, *Al Jahmiyat*, n’utundi, dushyira imbere imyumvire yatwo n’imitekerereze yatwo mu gushimangira imyemerere n’amategeko by’idini tukabirutisha gihamya za Qur’an na Hadith, mu gihe *Ahlu Sunat wal Djama’at* bo bagendera bakanashingira kuri gihamya za Qur’an ndetse n’imvugo z’Intumwa y’Imana, n’uburyo aba mbere mu kwemera (*A-Salafu*) babisobanukiwe.

14. Al A’qlaniyuna/Abafilozofe: Aba bameze kimwe nk’aba bantu tumaze kuvuga hejuru, nabo bashyize ubwenge imbere baburutisha ibyavuzwe na Qur’an cyangwa se Sunat z’Intumwa y’Imana, bakemera ibyo babona, ibyo batabona cyangwa batabonesha amaso ntibabyemere.

Bisobanuye ngo n’ibyo Imana itaduhishuriye ubumenyi bw’imiterere yabyo, nk’Imana ubwayo, ijuru, umuriro, Abamalayika ntibabyemera, ndetse babona ko nta biriho. Bakaba babona ko ukuri igihe cyose ari uko ubwenge bwakiriye, naho ibyo ubwenge butakiriye kuri bo ntabwo ari ukuri ndetse ntibanabyemera. (*P.84: A-Tawdwiihat*). Iyi myumvire yabo yabaviriyemo guhakana byinshi by’itegeko bizwi na buri wese mu idini ko ari impamo. Nko guhakana ubumenyi bw’ibitagaragara

¹ Qur’an 49:1

(Ilmu Al Ghay'b) twabwiwe muri Qur'an no mu migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Ndetse iyi myumvire yabagejeje kandi kugusobanura ibintu uko bitari bagendeye ku marangamutima yabo (A-Ta-awiil)

Allah yihanangirije bikomeye imyemerere nk'iyi agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمِنَ الَّذِينَ مِن جَدُّدٍ فِي اللَّهِ يُغَيِّرُ عِلْمَهُ وَلَا هُدًى وَلَا كِتَابٍ مُّنبِئٍ﴾ الْحَج: ٨

Allah aragira ati: “No mu bantu, hari ujya impaka kubyerekeye **Allah** nta bumenyi, umuyoboro cyangwa igitabo kimumurikira.”¹

Impamvu **Allah** yabibabujije nuko gusobanura ibintu uko bitari bagendeye ku marangamutima yabo (A-Ta-awiil), ni imwe mu mpamvu zo kwishora mu byo atazi kandi adafitiye ubumenyi bimuviramo kugwa mu buyobe. Ikindi nuko ari imwe mu mpamvu zo gutera umugongo no kwirengagiza amagambo ya **Allah** ndetse n'ay'Intumwa ye, no kuvuga ibyo umuntu adafitiye gihamya, no gukurikira irari kubera urwitwazo rwabo rwo guhuza ibyo Qur'an yavuze n'ibyo ubwenge bwabo bushaka.

15. Al Khawaridji: Ni uwo ari we wese wigometse ku muyobozi w'ukuri washyizweho n'Abayisilamu bakamwemeranywaho. Uku kwigomeka kwaba ari mu gihe cy'abasangirangendo bane bayoboye nyuma y'Intumwa y'Imana, cyangwa se abayoboye nyuma yabo (A-Tabiina), n'abandi bazayobora mu bihe bitandukanye. Naho iyi nyito Al Khawaridj kwitirirwa agatsiko byatangiyeye mu gihe cya nyuma cy'ubuyobozi bwa Uth'man Ibun Afan. Ariko aka gatsiko kamenyekanye cyane ku buyobozi bwa Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire), ubwo kangaga kwakira ibyavuye mu biganiro by'abahuza ari bo; Abu Mussa Al Ash'ari na Amru Ibun Al Aswi, mu makimbirane yari yabaye hagati ya Muawiyat Ibun Abi Suf'yani hamwe na Ally Ibun Abi Twalib.

¹ Qur'an 22:8

Abamenyi bagaragaza imisingi itatu ishingiyeho ibiranga aka gatsiko;

1. Kurangwa no kwigumura ku muyobozi nk'uko twabibonye.
2. Kumena amaraso y'inzirakarengane haba mu bayisilamu no mu batari abayisilamu.
3. Kuvuga yuko umuyisilamu ukora icyaha gikuru aba baye umuhakanyi, kandi azaba mu muriro ubuziraherezo.

16. A-Nawaswibu: Ni agatsiko kagirira urwango abantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana by'umwihariko Ally Ibun Abi Twalib n'abantu bo mu muryango we, kakavuga ko babaye abahakanyi ndetse kakanabasebya.

17. Ahmadiyat cyangwa se Al Qadiyaniyat: Iyi nyito ikomoka ku ijamba *Qadiyani*, tumwe mu duce tw'ahitwa *Punjab* habarirwaga mu gihugu cy'Ubihinde, ariko kur'ubu ni mu gihugu cya Pakisitani. Kitwa kandi Ahmadiyat rikomoka ku izina ry'uwagashinze.

Katangiye kugaragarira mu Buhinde mu mwaka wa 1889, ubwo bwari bukoronijwe n'Ubwongereza. Ubwo uwagashinze usanzwe afite inkomoko yo muri Perise (Iran) witwa **Mirza Ghulam Ahmad** (wavutse mu mwaka wa 1839, apfa mu mwaka wa 1908), yiyise ko ari Intumwa y'Imana kandi ko ahishurirwa ubutumwa, asaba abantu kumvira abakoroni no kubakunda.

Mu bindi uyu mugabo wagashinze avuga, nuko avuga ngo Imana yamuhishuriye ubutumwa bw'uko agomba gushinga agatsiko kugira ngo kavugurure imyemerere ya Isilamu yibwiraga ko yari imaze igihe isinziriye! Mu myemerere y'aka gatsiko kavuga ko ubutumwa butasorejwe ku ntumwa y'Imana Muhamadi, ahubwo ko uriya mugabo Mirza ariwe ntumwa yoherejwe nyuma y'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Ikindi twavuga nuko uyu mugabo yiyise ko ari we Mesiya w'abitwa Abanaswara, na Imam Al Mahdi w'abitwa A-Shiat, aba bombi bazaza mu bihe bya nyuma. Ariko Imana yaramutamaje inamuha iherezo ribi nkuko bigaragara mu bitabo by'amateka.

N'ubwo aka gatsiko kiyita ko kari mu buyisilamu, abamenyi benshi babona ko atari ko biri, ahubwo ko ari tumwe mu dutsiko twahakanye kandi twayobye.

BIMWE MU BITABO BYIFASHISHIJE MU GUSOBANURA IKI GITABO.

- 1. IBISOBANURO BYA QUR'AN NTAGATIFU** yashyizwe mu rulimi rw'ikinyarwanda, umwaka wa 2019, yasobanuwe ku nkunga y'umuryango Africa Development and Education Foundation ku bufatanye n'umuryango w'Abayisilamu mu Rwanda.
- 2. A-TAW'DWIHATI AL DJALIYAT ALA SHAR'HI AQIDAT A-TWAHAWIYAT**, cyanditswe na Prof. Dr Muhamad Ibun Abdurahman Al Khumaysi, umwarimu muri kaminuza ya Kisilamu yitwa Al Imam Muhamd Ibun Sa-udi, ishami ry'imyemerere n'imisingi y'idini ya Isilamu. Gifite imizingo (vol) 3, paji 1422. Icapwa rya mbere umwaka wa 1429 H-2009, Cyacapwe na Daru Ibun Al Djawzi Damam-Arabiya Saudite.
- 3. SHAR'HU AL AQIDAT A-TWAHAWIYAT** cyanditswe na Sheikh Naswir Al Barak, gitunganywa na Abdurahman Ibun Swaleh A-Sudaysi, gifite paji 478, icapwa rya kabiri umwaka 1431 H- 2010, cyacapwe na Daru A-Tadmuriyat Riyadw - Arabiyat Saudite.
- 4. SHAR'HU AL AQIDAT A-TWAHAWIYAT** cyanditswe na Al Alam Ibun Abi Al Izz Al Hanafiy, cyakorewe ubwunganizi na Muhamad Ibun Naswri Dini Al Al Baniy, na Muhamad A-Swalah. Paji 365, icapwa rya mbere umwaka wa 2006, cyacapwe na Maktabat A-Rahab Cairo- Misiri.
- 5. SHAR'HU AL AQIDAT A-TWAHAWIYAT** cyanditswe na Ibun Abi Al Izz Al Hanafiy, cyakorewe ubwunganizi na Muhamad Ibun Naswri Dini Al Al Baniy, hamwe n'itsinda ry'abamenyi. Paji 614 gicapwa na Al Maktabat Al Isilami Beirut-Lebanon, icapwa rya gatanu umwaka 1399 H-1979.

- 6. A-TA'ALIQAATI AL MUKHTASWARAT ALA MAT'NI AL AQIIDAT A-TWAHAWIYAT**, cyanditswe na Sheikh Swaleh Iibun Fawzan Iibun AbdAllah Al Fawzan, umwe mu bagize urwego rukuru rw'abamenyi mu gihugu cya Arabiya Saudite. Paji 292 gicapwa na Daru Al Aswimat.
- 7. AI MILALI WA NIHAL** cyanditswe na Abi Al Fat'hi Muhamad Iibun Abdulkarim A-Shah'rastani, gikorera ubwunganizi na Abi Muhamad Muhamad Iibun Fariid, gifite vol (4), cyacapwe mu mwaka wa 2003, gicapwa na Al Maktabat A-Taw'fiqiyat, Cairo-Misiri.
- 8. AL FARQU BAYNA AL FIRAQ** cyanditswe na Abdul Qahir Iibun Twahir Iibun Muhamad Al Bagh'dadi, gikorera ubwunganizi na Madj'dii Fat'hii A-Saydi, gicapwa na Al Maktabat A-Taw'fiqiyat, Cairo-Misiri.
- 9. MADJ'MALU AQA-ID A-SHIAT FII MIZANI AHLI SUNAT WAL DJAMAAT**, cyanditswe na Mamduuh Al Har'biy, icapwa rya mbere, umwaka wa 2009, paji 608, cyacapwe na Daru Ibadurahman.
- 10. AI ADIYAN WAL FIRAQ WAL MADHAHIB AL MUASWIRAT**, cyanditswe na Abdul Qadir Shaybat Al Hamdu, icapwa rya kane, paji 262.
- 11. AL DJAMAATU AL ISLAMIYAT FII DWAW-U AL KITABU WA SUNAT BI FAHMI SALAFI AL UMAT**, cyanditswe na Abi Usamat Saliim Iibun Abdul Hilaliy A-Salafiyu Al Ath'riyu, paji 688, gicapwa mu mwaka wa 2004, mu icapiro rya Daru Al Imam Ahmad Cairo Misiri.
- 12.** Twakoresheje murandasi, twifashisha imbuga nkoranyambaga z'abamenyi batandukanye bagiye basobanura iki gitabo.

ISHAKIRO

Ijambo ry'ibanze ry'umusemuzi.....	1
Ijambo ry'ibanze ry'umwanditsi.....	5
Uburyo abagendera ku migenzo y'intumwa y'imana (ahlu sunat wal djama-at) basobanuramo ibigendanye no kugaragira imana imwe (tawuhid), ibigwi byayo ndetse n'ibikorwa byayo.	9
Gushimangira ko ubushobozi bwa allah bwuzuye, kandi ko allah yihagije ntacyo akeneye ku biremwa bye, ahubwo ko byo ari byo bimukeneye.	25
Gushimangira ibisingizo n'ibigwi bya allah, no guhakana ko agereranywa n'ibiremwa bye.	29
Gushimangira ubumenyi bwa allah nyirubutagatifu, no kugena kwe, ndetse no kuba ari we wagennye iherezo rya buri kimwe.	30
Kwemera ko allah yategetse abagaragu be kumwumvira, anababuza kumwigomekaho.	35
Gushimangira ko ugushaka kwa allah nyiricyubahiro ari rusange (kugera ko cyo ari cyo cyose).	37
Gushimangira ubushishozi bwa allah mu bikorwa bye.	41
Guhakana ko allah agira uwo abangikanywa nawe cyangwa uwo agereranywa nawe.....	42
Igeno n'itegeko bya allah nibyo byubahirizwa.	44
Kwemera ko muhamad ari umugaragu wa allah akaba n'intumwa ye ni itegeko, no kugaragaza ibishimangira ubutumwa bwe.	46

Mu mwihariko w'intumwa y'imana muhamad (imana imuhe amahoro n'imigisha) nuko ari we wasozereje abahanuzi akaba n'umutware mu ntumwa.	50
Gushimangira ko intumwa muhamad ari umukunzi magara wa allah nk'uko intumwa y'imana ibrahim yari umukunzi magara wa allah. ..	53
Itegeko rireba uwiyitirira ubutumwa nyuma y'intumwa y'imana (imana iyihe amahoro n'imigisha).	56
Gushimangira ko intumwa y'imana (imana iyihe amahoro n'imigisha) yoherejwe ku bantu n'amajini bose muri rusange.	57
Ibyiza by'ubutumwa bw'intumwa y'imana muhamad (imana imuhe amahoro n'imigisha), no kuzura kw'amategeko yahawe.	59
Imyemerere y'abagendera ku migenzo y'intumwa y'imana (<i>ahlu sunat wal djama-at</i>) kuri qur'an, no gusubiza abatamera nk'abo kuri yo. ...	61
Gushimangira ko abemeramana bazareba nyagasani wabo ku munsu w'imperuka.	70
Kwemera ko ibyo intumwa y'imana yatubwiye ari ukuri, no kubisobanura nk'uko yabivuze ni itegeko.	73
Kwicisha bugufi ku itegeko rya allah nyiricyubahiro n'iry'intumwa ye, no kubanza imbere allah n'intumwa ye ku bitekerezo (by'uwo ari we wese) ni itegeko.	75
Uhinyuza ibyo allah n'intumwa ye bavuze azagira iherezo ribi.	83
Umurongo ngenderwaho w'abagendera ku migenzo y'intumwa y'imana (<i>ahlu sunat wal djama-at</i>) ku byerekeye ibigwi n'ibisingizo bya allah, uri hagati no hagati y'ababihakana ndetse n'ababisanisha n'iby'ibiremwa.	90
Ikiri ngombwa ku muyisilamu ku byerekeye amagambo y'ibyaduka avugwa ku bisingizo, ibigwi ndetse n'ibiranga allah.	93

Umurongo ngenderwaho w'abagendera ku migenzo y'intumwa y'imana (<i>ahlu sunat wal djama-at</i>) ku byerekeye al is'ra-i na al mi-iradj.	97
Gushimangira ko ikidendezi (haw'dwu) cy'intumwa y'imana muhamad (imana imuhe amahoro n'imigisha) kiriho.	102
Gushimangira gutakamba kw'intumwa y'imana (imana iyihe amahoro n'imigisha) izakorera abayoboke bayo (umat) ko ari ukuri, ndetse no kugaragaza ugutakamba kw'umwihariko wayo.	104
Gushimangira isezerano allah yagiranye na bene adamu (ko ari ukuri).	109
Kwemera igeno n'inzezo zaryo enye ni itegeko.	111
Kuba ibiremwa bidashobora kumenya amabanga n'ubushishozi biri mu kugena kwa allah.	119
Gucukumbura amabanga y'ibyerekeranye n'igeno rya allah ni impamvu y'ubuyobe.	122
Gushikama kuri qur'an no ku mvugo z'intumwa y'imana no kureka kwishora mu bumenyi bw'ibyo tutagararijwe ni itegeko.	124
Kwemera urubaho rurinzwe (<i>a-lawuhul mah'fudhu</i>) n'ikaramu ko ari ukuri.	128
Gushimangira ko <i>ar'shi</i> na <i>kur'siyu</i> ari impamo, kandi ko allah yihagije ntacyo akeneye.	137
Gushimangira ko ubumenyi bwa allah buhetuye buri kimwe, kandi ko allah ari hejuru ya buri kimwe.	140
Kuba abagaragu badashobora guhetura allah.	143
Kwemera abamalayika, intumwa n'abahanuzi b'imana, ndetse n'ibitabo byahishuwe ni itegeko.	150
Kwita abasali berekeye qiblat (makat) ko ari abayisilamu.	155

Abagendera ku migenzo y'intumwa y'imana (<i>ahlu sunat wal djama-at</i>) ntibajya bavuga ku bigendanye n'imana, n'idini ryayo, n'igitabo cyayo badashingiye ku bumenyi.	157
Abagendera ku migenzo y'intumwa y'imana (<i>ahlu sunat</i>) ntibavuga ko umuntu abaye umuhakanyi kubera ko yakoze icyaha icyo ari cyo cyose, ariko babona ko ibyaha hari ingaruka bigira ku kwemera. ...	163
Umuyisilamu yizera ko abakora ibyiza (mu bayisilamu) bazajya mu ijuru, akanatinya ko abakora ibibi muri bo bazahanwa	166
Inzira y'abagendera ku migenzo y'intumwa y'imana (<i>ahlu sunat wal djama-at</i>) iri hagati no hagati ugereranyije n'iy'abitwa <i>al wa-idiyat na al mur'dji-at</i>	169
Ibikura umuyisilamu mu kwemera.	174
Uburyo amatsinda atandukanye asobanura mo inyito y'ukwemera (<i>imani</i>).....	176
Kwemera no gushyira mu bikorwa ibyo twigishijwe n'intumwa y'imana (imana iyihe amahoro n'imigisha) by'impamo ni itegeko.	180
Kwemera ko ukwemera kwiyongera ndetse kukanagabanyuka.	183
Ugukundwa n'imana n'uburyo umuntu abigeraho.	186
Kwemera imisingi itanu, no gusobanura mu buryo burambuye ukwemera umunsi w'imperuka.	188
Kwemera igeno, ibyiza byaryo ndetse n'ibibi byaryo.	192
Umuyisilamu wakoze ibyaha bikuru ku isi, itegeko rizamureba ku munsi w'imperuka.	196
(biremewe) gukorera isengesho inyuma y'ukora ibikorwa byiza cyangwa ibibi mu bayisilamu.	201
Kumena amaraso y'abayisilamu ni ikizira.	209

Kumvira abayobozi b'abayisilamu no kutabigomekaho ni itegeko....	211
Gukurikira qur'an n'imigenzo y'intumwa y'imana (sunat), no kwirinda kwitandukanya n'imbaga (y'abayisilamu) no gutatana, ni itegeko. ..	216
Gukunda abantu b'inyangamugayo no kwanga abarangwa n'amahugu ni ngombwa.	220
Umuntu agomba guharira allah ubumenyi bw'ibyo atazi.	224
Umurongo ngenderwaho w'abagendera ku migenzo y'intumwa y'imana ku byerekeye guhanagura kuri khofi ebyiri (n'amasogisi)	228
Gukora umutambagiro mutagatifu (<i>hidjat</i>), no guharanira inzira y'imana (<i>djihad</i>) bihagarariwe n'umuyobozi urangwa n'ibyiza cyangwa se urangwa n'ibibi, ni amategeko abiri azakomeza kubaho kuzageza ku munsi w'imperuka.	230
Kwemera abamalayika bashinzwe kwandika ibikorwa by'ibiremwa.	232
Kwemera umumalayika ushinzwe gukuramo roho n'abandi bamufasha.....	235
Kwemera ibibazo bibazwa mu mva, ibihano byaho, ndetse n'ingororano zaho ni itegeko.	240
Kwemera umunsi w'izuka, no guhabwa ibihembo ndetse no kumurikirwa ibikorwa n'ibindi.	247
Ijuru n'umuriro ni ibiremwa biriho kandi bizahoraho ntibizigera birangira.	257
Kuba allah yari yaragennye abazinjira mu ijuru n'abazinjira mu muriro mbere y'uko babyinjiramo.	262
Buri kintu cyose kibaho ku bw'igeno.....	265
Amoko y'ubushobozi	268

Ibikorwa by'ibiremwa byaremwe na allah, ariko bikorwa n'ibiremwa.	273
Buri kintu cyose kibaho kigendera ku bushake bwa allah.	279
Ibikorwa byiza by'abazima bigirira akamaro abapfuye.....	283
Allah asubiza ubusabe bw'abagaragu be.....	287
Gushimangira ibisingizo bibiri bya allah ari byo; kurakara no kwishima ko ari ukuri.	292
Uburyo abagendera ku migenzo y'intumwa y'imana (<i>ahlu sunat wal djama-at</i>) bafatamo abasangirangendo b'intumwa y'imana.	295
Uwari ukwiye ubuyobozi nyuma y'intumwa y'imana (imana iyihe amahoro n'imigisha).....	302
Abasangirangendo icumi bahawe inkuru nziza yuko bazinjira mu ijuru.....	310
Umurongo ngenderwaho w'abagendera ku migenzo y'intumwa y'imana (imana iyihe amahoro n'imigisha) ku byerekeye abagore bayo ndetse n'abo mu muryango wayo.	313
Umurongo ngenderwaho w'abakurikiye imigenzo y'intumwa y'imana (<i>ahlu sunat wal djama-at</i>) ku bamenyi batubanjirije mu kwemera. .	319
Urwego rwo kuba umukunzi w'imana ruri muni y'urwego rwo kuba intumwa y'imana.	324
Umurongo ngenderwaho w'abagendera ku migenzo y'intumwa y'imana (<i>ahlu sunat wal djama-at</i>) ku bigendanye n'ibitangaza (<i>karamati</i>) by'abakunzi b'imana.	326
Kwemera ibimenyetso bikuru bizaranga umunsi w'imperuka.	334
Kuburira abantu ko bagomba kureka kwemera abapfumu n'abaragura, ndetse n'abandi nkabo mu banyuranya n'imigenzo y'intumwa y'imana ni itegeko.	341

Gushishikariza abayisilamu kuba hamwe, bakirinda gutatana no gutandukana.	344
Kugaragaza ko idini yemewe imbere y’imana ari ubuyisilamu, n’uburyo ari idini ryo hagati rishyira mu gaciro.	348
Abagendera ku migenzo y’intumwa y’imana (ahlu sunat wal djama-at) bari kure y’umuyoboro n’imitekerereze y’abanyabihimbano.	355
Amwe mu madini n’udutsiko byavuzwe muri iki gitabo.....	359
Udutsiko dushingiye kuri islam twavuzwe muri iki gitabo:.....	372

